# IKINYARWANDA

## Amashuri yisumbuye 4

**Igitabo cy'umwarimu**

**Uburenganzira bw'umuhanzi**
© 2024 Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB)
Iki gitabo ni umutungo w' Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze.
Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki gitabo bufitwe n' Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB).

# Ibimenyetso n'impine byakoreshejwe

| | |
|---|---|
| **UR** | University of Rwanda |
| **REB** | Rwanda Basic Education |
| **nt** | Board Inteko |
| **GR** | Ingombajwi y'indagi |
| **D** | Indomo |
| **I** | Inyajwi |
| **C** | Igicumbi |
| **Co** | Igicumbi kirimo ∅ inyajwi O |
| **Ce** | Igicumbi kirimo inyajwi e |
| **RT** | Indanganteko |
| **RS** | Indangasano |
| **RKZN** | Indangakinyazina |
| **Z** | Umuzi |
| **Zo** | Umuzi urimo inyajwi O |
| **Ze** | Umuzi urimo inyajwi e |
| **+** | Ukwiyunga kw'inyajwi cyangwa ingombajwi |
| → | Ihinduka, bibyara |
| ɸ | Iburizwamo / izimira ry'ijwi / ibura ry'akaremajambo gateganyijwe muri uwo mwanya |
| **ONAPO** | Office National de la Population |
| **FAO** | Food and Agriculture Organization |
| **UNESCO** | |

# IJAMBO RY'IBANZE

Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB) runejejwe no kubagezaho igitabo k'Ikinyarwanda cy'umwarimu, umwaka wa kane, amashami y'indimi. Iki gitabo kizabafasha mu myigishirize ishingiye ku bushobozi bw'umunyeshuri mu kunoza imyigishirize y' ibiteganijwe.

Intego u Rwanda rufite mu burezi ni ugukora ku buryo umunyeshuri agera ku rwego rushimishije rujyanye n'ikiciro arimo. Ibyo bigamije gutegurira abanyeshuri gukoresha neza amahirwe y'akazi aboneka mu muryango nyarwanda.

Mu rwego rwo kuzamura ireme ry'uburezi, Guverinoma y'u Rwanda ishyira imbaraga mu gutegura imfashanyigisho zijyanye n' integanyanyigisho kugira ngo bifashe abanyeshuri mu myigire yabo. Hari impamvu nyinshi zituma abanyeshuri biga, ibyo bize bikabaha ubushobozi bwo gukora. Muri zo twavuga ibyigwa biteguye neza, abarimu beza, uburyo bw'imyigishirize, uburyo isuzuma rikorwa ndetse n'imfashanyigisho zateguwe.

Muri iki gitabo, twitaye cyane ku myitozo ifasha abanyeshuri mu myigire yabo. Iyo myitozo bayubakiraho batanga ibitekerezo ndetse banivumburira udushya, binyuze mu bikorwa bifatika bikorwa na buri wese ku giti ke cyangwa bari mu matsinda mato. Iyo myitozo ibafasha kandi kwimakaza indangagaciro zizatuma haboneka ubudasa kuri bo ubwabo ndetse no ku Gihugu muri rusange. Bafashijwe n'abarimu abanyeshuri bazunguka ubushobozi bushya bazifashisha mu buzima bwabo buri imbere.

Mu nteganyanyigisho ishingiye ku bushobozi, imyigire yubakiye ku munyeshuri, aho ategurirwa ibikorwa bimwinjiza mu isomo, bikamufasha kwiyungura ubumenyi, kongera ubushobozi ndetse no kwimakaza indangagaciro zikwiye. Ibi bitandukanye n'imyigire ya kera yari ishingiye ku bumwenyi gusa, aho umwarimu yafatwaga nk'uzi byose. Ikindi kandi, ubu buryo buzafasha abanyeshuri gukora ibikorwa bitandukanye, batekereza ku byo bakora kandi banakoresha ubumenyi basanganwe muri iyo myigire. Ni muri urwo rwego, mu mikoreshereze y'iki gitabo, mukwiye kwita kuri ibi bikurikira:

- Gutegura isomo n'imfashanyigisho ziboneye.
- Gushyira abanyeshuri mu matsinda mwita ku bushobozi bwa buri wese, ntimukore amatsinda y'abahanga gusa cyangwa ay' abadakurikira neza gusa.

- Guha abanyeshuri uruhare mu myigire yabo bajya impaka mu matsinda, bakorera imyitozo mu matsinda cyangwa buri wese ku giti ke kandi bakora ubushakashatsi.
- Gutegurira abanyeshuri uburyo buzamura ubushobozi bwabo mukoresheje imyitozo ituma batekereza byimbitse, bakemura ibibazo, bakora ubushakashatsi, bahanga udusha kandi babasha gusabana, gukorera hamwe no kubana n'abandi.
- Gufasha no koroshya uburyo bw' imyigire muha agaciro imyitozo abanyeshuri bakorera mu ishuri.
- Kuyobora abanyeshuri mu guhuza ibyo bakoze.
- Gushyigikira imyitozo yakorewe mu ishuri na buri munyeshuri ku giti ke, mu matsinda mato ndetse no mu matsinda magari no gukoresha isuzuma rishingiye ku bushobozi hakoreshejwe uburyo buboneye bwo gusuzuma.

Mu kuborohereza kwigisha amasomo yanyu, ibigize iki gitabo cy' umwarimu birasobanuye kugira ngo mugikoreshe ku buryo bworoshye. Iki gitabo kigizwe n'ibice bitatu:

Igice cya mbere: Gisobanura imiterere y'igitabo n'uburyo bukoreshwa mu kwigisha.

Igice cya kabiri: Kigizwe n'ingero z'imiteguro y'amasomo atandukanye.

Igice cya gatatu: Kerekana uko buri somo riri mu gitabo cy'umunyeshuri ryigishwa.

Nubwo iki gitabo cy'umwarimu gifite ibisubizo by'imyitozo yose iri mu gitabo cy'umunyeshuri, ni ngombwa kubanza gusubiza buri kibazo na buri mwitozo mbere yo kumva no kugira icyo muvuga ku bisubizo by' abanyeshuri.

Twizeye ko iki gitabo kizagufasha kwigisha neza Ikinyarwanda, gukundisha abanyeshuri ururimi rw'Ikinyarwanda, umuco kibumbatiye, umuco wo gusoma no guhanga bigana ubuvanganzo bize, kugira ngo bakurane inyota yo kugira ubushobozi bwo gusabana n'abandi mu Kinyarwanda.

**Dr. MBARUSHIMANA Nelson**

**Umuyobozi Mukuru wa REB**

# GUSHIMIRA

Ndashimira mbikuye ku mutima abantu bose bagize uruhare mu itegurwa ry'igitabo k'Ikinyarwanda cy'umwarimu, umwaka wa kane w' amashuri yisumbuye. Ntabwo iki gitabo cyashoboraga kwandikwa uko bikwiye, iyo hatabaho uruhare rw'abafatanyabikorwa banyuranye mu burezi.

Ndashimira abarimu bigisha mu mashuri yisumbuye, kaminuza n' abandi bitanze batizigamye kugira ngo iki gitabo gishobore kwandikwa.

Ndashimira kandi abashushanyije amashusho yakoreshejwe muri iki gitabo.

By'umwihariko, ndashimira Kaminuza y'u Rwanda, Ishami ry'Ubugeni no Gutunganya Amashusho yatanze abahanga bakoze umurimo ukomeye wo gutunganya iki gitabo.

Ndangije nshimira abakozi b'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze, cyanecyane abo mu Ishami ry'Integanyanyigisho n' Imfashanyigisho bagize uruhare rukomeye muri uyu mushinga wo kwandika ibitabo.

**MURUNGI Joan**

**Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho/CTLRD**

# Ishakiro


**Intangiriro ........ xvi**

**Imbonerahamwe y'ibikubiye mu gitabo ........ xxx**

**Umuteguro w'amasomo ntangarugero anyuranye ku mitwe inyuranye ........ xlii**

**Umutwe wa mbere: Umuco nyarwanda ........ 1**

Ubuvanganzo bwo muri rubanda: Umugani muremure ........ 1

Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko ........ 2

Igice cya kabiri: Gusesengura umugani muremure ........ 6

Igice cya gatatu: Inshoza n'uturango by'umugani muremure ........ 9

Igice cya kane: Inshoza n'ingeri z'ubuvanganzo bwo muri rubanda ... 12

Insigamigani: Baciye urwa mbehe ........ 14

Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko ........ 14

Igice cya kabiri: Gusesengura umwandiko ........ 19

Igice cya gatatu: Inshoza n'uturango by'insigamigani........ 20

Igitekerezo cya rubanda: Butati na Nzabuheraheza ........ 24

Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko ........ 24

Igice cya kabiri: Gusesengura igitekerezo cya rubanda ........ 27

Igice cya gatatu: Inshoza n'uturango by'ibitekerezo byo muri rubanda ... 29

Imigani y'imigenurano/imigani migufi n'ibisakuzo: Irya mukuru........ 32

Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko ........ 32

Igice cya kabiri: Gusesengura umwandiko ........ 35

Igice cya gatatu: Inshoza n'uturango tw'imigani migufi........ 37

Igice cya kane: Kumva no gusobanura ibisakuzo........ 42

Igice cya gatanu: Inshoza y'ibisakuzo n'akamaro kabyo ........ 45

Igisingizo: Imfizi ikwiye Kigeli........ 49

Igice cya mbere: Kumva no gusobanukirwa igisingizo ........ 49

Igice cya kabiri: Gusesengura igisingizo ........ 54

Igice cya gatatu: Umwitozo wo gufata mu mutwe igisingizo ........ 56

Igice cya kane: Inshoza y'igisingizo n'uturango twacyo........ 57

Ibyivugo by'amahomvu ............ 60
Igice cya mbere: Kumva no gusobanukirwa ibyivugo by'amahomvu. 60
Igice cya kabiri: Umwitozo wo gufata mu mutwe ibyivugo by'amahomvu .... 63
Igice cya gatatu: Inshoza n'uturango by'ibyivugo by'amahomvu ...... 65
Umuhango wo kwita izina mu muco nyarwanda: Kwita izina ............ 68
Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko ............ 68
Igice cya kabiri: Gusesengura umwandiko ............ 73
Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo ............ 75
Igice cya kane: Imbata y'umwandiko ntekerezo ............ 77
Igice cya gatanu: Izina mbonera gakondo ............ 79
Imyitozo y'isuzuma risoza umutwe wa mbere ............ 85
**Umutwe wa kabiri: Umuco w'amahoro ............ 93**
Umwandiko wa mbere: Umwana wahohotewe ............ 93
Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko ............ 93
Igice cya kabiri: Gusesengura umwandiko ............ 99
Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo ............ 101
Igice cya kane: Ikibonezamvugo ............ 103
Izina ntera ............ 109
Umuvugo: Rubundakumazi ............ 113
Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko ............ 113
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umuvugo ............ 117
Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo no guhanga umuvugo ...... 119
Igice cya kane: Igisantera ............ 122
Imyitozo y'isuzuma risoza umutwe wa kabiri ............ 126
**Umutwe wa gatatu: Uburinganire n'ubwuzuzanye ............ 130**
Umwandiko: Uburinganire n'ubwuzuzanye mu mirimo yo mu rugo ......... 130
Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko ............ 130
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko ............ 136
Igice cya gatatu: Ibiganiro mpaka ............ 138
Igice cya kane: Umwitozo wo kujya impaka ............ 143
Igice cya gatanu: Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda ............ 145
Imyitozo y'isuzuma risoza umutwe wa gatatu ............ 167

**Umutwe wa kane: Kubungabunga ubuzima ....................172**
Umwandiko: Amagara aramirwa ntamerwa............................................. 172
Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko ...................... 172
Igice cya kabiri: Gusesengura umwandiko ...................................... 177
Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo.......................................... 178
Umuvugo: Mpogazi na Magaramake...................................................... 180
Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umuvugo.......................... 180
Igice cya kabiri: Gusesengura umwandiko ...................................... 184
Igice cya gatatu: Gufata mu mutwe umuvugo................................. 185
Igice cya kane: Ubutinde n'imiterere y'amasaku mu nteruro .......... 187
Imyitozo y'isuzuma risoza umutwe wa kane............................................ 191
**Umutwe wa gatanu: Kubungabunga ibidukikije ...............195**
Umwandiko: Kubungabunga amashyamba............................................ 195
Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko ..................... 195
Igice cya kabiri: Gusesengura umwandiko .....................................202
Igice ya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro: gukina bigana .......... 203
Igice cya kane: Ikomorazina mvazina .............................................205
Kubungabunga amazi n'ibishanga ..........................................................213
Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko ......................213
Igice cya kabiri: Gusesengura umwandiko ......................................218
Igice cya gatatu: Amoko y'imyandiko ..............................................219
Umwandiko ntekerezo: Akamaro ko gusoma ibitabo...............................222
Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko ......................222
Igice cya kabiri: Gusesengura umwandiko .....................................226
Igice cya gatatu: Inshoza n'uturango by'umwandiko ntekerezo.......228
Umwandiko mbarankuru: Inkuru ngufi: Amatwi arimo urupfu ntiyumva....234
Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko .....................234
Igice cya kabiri: Gusesengura umwandiko ......................................238
Igice cya gatatu: Umwandiko mbarankuru.......................................240
Umwandiko mvugamiterere: Akagera, ubwiza bw'u Rwanda...................246
Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko ......................246
Igice cya kabiri: Gusesengura umwandiko ......................................251
Igice cya gatatu: Umwandiko mvugamiterere..................................254

Umwandiko mvugamateka: Igitekerezo k’ibigina ..................................... 256
Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko ...................... 256
Igice cya kabiri: Gusesengura umwandiko ..................................... 260
Igice cya gatatu: Umwandiko mvugamateka .................................. 262
Umwandiko: Isi, umububumbe utuwe n’ibinyabuzima.................................. 264
Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko ...................... 264
Igice cya kabiri: Gusesengura umwandiko ...................................... 266
Igice cya gatatu: Umwandiko nsesengurabumenyi.......................... 268
Imyitozo y’isuzuma risoza umutwe wa gatanu ........................................ 270

**Umutwe wa gatandatu: Iterambere ....................................275**

Indirimbo: Umurunga w’iminsi ............................................................... 275
Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko ...................... 275
Igice cya kabiri: Gusesengura umwandiko ...................................... 280
Igice cya gatatu: Gufata mu mutwe indirimbo.................................. 281
Igice cya kane: Ikeshamvugo mu ndirimbo...................................... 282
Umuvugo: Tunoze umurimo ................................................................... 286
Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umuvugo.......................... 286
Igice cya kabiri: Gusesengura umuvugo .......................................... 290
Igice cya gatatu: Gufata mu mutwe umuvugo.................................. 291
Igice cya kane: Ikeshamvugo mu muvugo........................................ 293
Umwandiko: Ubukorikori bwa Rwaramba................................................ 300
Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko ...................... 300
Igice cya kabiri: Gusesengura umwandiko ...................................... 304
Igice cya gatatu: Ikomorazina mvanshinga .................................... 306
Imyitozo y’isuzuma risoza umutwe wa gatandatu .................................. 312

**Umutwe wa karindwi: Imiturire ..........................................316**

Gukumira imiturire y’akajagari ............................................................... 316
Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko ...................... 316
Igice cya kabiri: Gusesengura umwandiko ...................................... 320
Igice cya gatatu: Umwitozo wo guhanga umwandiko mvugamiterere 321
Igice cya kane: Itondaguranshinga: ibihe bikuru by’inshinga........... 322
Umwandiko: Ingaruka z’ubwiyongere bw’abaturage ................................ 327

Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko ...................... 327
Igice cya kabiri: Gusesengura umwandiko ..................................... 331
Igice cya gatatu: Itondaguranshinga ............................................... 333
Imyitozo y'isuzuma risoza umutwe wa karindwi ....................................... 339

**Umutwe wa munani: Ikoranabuhanga ..............................343**

Umwandiko: Akamaro k'ikoranabuhanga mu mashuri ............................ 343
Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko ...................... 343
Igice cya kabiri: Gusesengura umwandiko ..................................... 348
Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo ......................................... 349
Igice cya kane: Ikibonezamvugo ...................................................... 351
Inkuru y'ikinyamakuru: Ibitangaza by'ikoranabuhanga ntibisiba kwiyongera ... 369
Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko ...................... 369
Igice cya kabiri: Gusesengura umwandiko ..................................... 372
Igice cya gatatu:Inshoza n'uturango by'inkuru y'ikinyamakuru ........ 374
Imyitozo y'isuzuma rusange risoza umutwe wa munani........................... 379

**Umutwe wa kenda: Ububi bw'ibiyobyabwenge ................382**

Inkuru ishushanyije: ihene mbi ntawuyizirikaho iye ................................. 382
Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko ...................... 382
Igice cya kabiri: Gusesengura inkuru ishushanyije ........................ 387
Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo......................................... 389
Igice cya kane: Inshoza n'uturango by'inkuru ishushanyije ............ 391
Igice cya gatanu: Iyiganteruro: Ibice by'ingenzi by'interuro ............. 394
Imyitozo y'isuzuma rusange risoza umutwe wa kenda............................. 402

**Umutwe wa 10: Uburezi n'uburere ....................................406**

Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko ...................... 406
Igice cya kabiri: Gusesengura umwandiko ..................................... 413
Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo ......................................... 416
Igice cya kane: Iyiganteruro: Isanisha............................................. 418
Imyitozo y'isuzuma risoza umutwe wa cumi............................................. 432

**Umugereka ..................................................................................................439**

**Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe ...............................................................448**

# Iriburiro

Iki gitabo kigenewe umwarimu wigisha mu mwaka wa kane w'amashuri yisumbuye ni imwe mu mfashanyigisho zigomba kumworohereza kwigisha inyigisho z'Ikinyarwanda. Gishingiye ku gitabo cy'umunyeshuri kuko gikubiyemo ibisobanuro by'imyandiko ndetse n'ibibazo biri mu gitabo cy'umunyeshuri. Si ibyo gusa kandi kinayobora umwarimu, kimwereka uko akwiriye kwigisha ibice binyuranye by'inyigisho y'Ikinyarwanda. Umwarimu rero ntabwo iki gitabo akigisha ukwacyo ahubwo cyuzuzanya n'icy'umunyeshuri na cyo cyanditswe gihereye ku nteganyanyigisho y'Ikinyarwanda yateguwe n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda mu mwaka wa 2015 kandi hakurikijwe imbonezamasomo igenewe umwaka wa kane w'amashuri yisumbuye.

Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu byanditswe bigendeye ku nteganyanyigisho ishingiye ku bushobozi n'intego ndetse n'ibyifuzo by'Igihugu cyanecyane mu byerekeranye no gushimangira ubushobozi. Iki gitabo gifasha umwarimu gukangurira abanyeshuri guhura n'ibyo Ikinyarwanda kibumbatiye, imikoreshereze yacyo, ubugeni gihetse, umuco n'imyumvire y'Abanyarwanda. Iki gitabo ni imfashanyigisho igamije gufasha umwarimu gucengeza mu banyeshuri ururimi n'umuco nyarwanda, bakarushaho kugira umuco wo gukunda gusoma, guhanga bagendeye ku byo abakurambere badusigiyeho umurage. Ni imfashanyigisho igenewe korohereza umwarimu gufasha abanyeshuri kwiga ingeri z'ubuvanganzo nyarwanda, bwaba ubuvanganzo nyandiko cyangwa nyemvugo kugira ngo bamenye icyo buhatse, imiterere yabwo, ubugeni bukubiyemo, umuco n'imyumvire y'Abanyarwanda binyujijwe mu iyigamwandiko.

Insanganyamatsiko zikubiye muri iki gitabo tuzisanga mu myandiko inyuranye y'ubuvanganzo nyarwanda ikangurira abana ubugeni n'ubuvanganzo mu gihe baba biga imyandiko. Izo nsanganyamatsiko ni izijyanye n'umuco nyarwanda, umuco w'amahoro, uburinganire n'ubwuzuzanye, kubungabunga ubuzima, ibidukukije, kwitabira umurimo nka moteri y'iterambere, ingaruka z'ubwiyongere bw'abaturage ku miturire, ikoranabuhanga, ububi bw'ibiyobyabwenge n'akamaro k'itorero mu burere bw'urubyiruko. Imyandiko ishingiye

kuri izo nsanganyamatsiko ifasha umunyeshuri kunguka ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukesha binyuranye binyuze mu isesengura ryayo, mu buhanzi no gusabana n'abandi ndetse inamufasha gusobanukirwa n'imiterere n'imikoreshereze y'ururimi rwe.

Muri iki gitabo harimo imyitozo inyuranye n'ibisubizo byayo bituma umwarimu adatakaza umwanya munini abishakisha. Icyakora imyitozo iri mu gitabo si kamara umwarimu yayiheraho agashaka indi akurikije ikigero abanyeshuri bagezeho n'aho ishuri rye riherereye. Amashusho ajyanye n'imyandiko ikubiye mu gitabo cy'umunyeshuri yagura ubumenyi bwabo kandi akabafasha kurushaho kumva iyo myandiko bayihuza n'ubuzima bwabo bwa buri munsi. Kugira ngo rero umwarimu yoroherwe mu murimo we wo gufasha abanyeshuri kwiyigisha, muri iki gitabo harimo inama zimufasha kwigisha imyandiko n'ikibonezamvugo ndetse no gukoresha imyitozo ijyanye na byo. Ingingo nyinshi zo mu nteganyanyigisho ishingiye ku bushobozi y'Ikinyarwanda igenewe ikiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye zisaba abarimu ubumenyi bwisumbuye mu Kinyarwanda no mu mbonezamasomo. Umwarimu agomba gufasha umunyeshuri kugira ngo ashobore kugira ubumenyi ngiro, ubumenyi n'imyifatire Igihugu kimushakaho. Iki gitabo cyorohereza umwarimu kwigisha ibikubiye mu nteganyanyigisho no mu gitabo cy'umunyeshuri. Mu kwigisha rero, umwarimu asabwa gusuzuma ko intego yihaye yagezweho nyuma ya buri somo ndetse ko n'ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe muri buri mutwe bwagezweho ashingira imyigishirize ye ku ihame ry'uko umunyeshuri ari we shingiro ry'inyigisho.

Iki gitabo kigabanyijemo imitwe icumi. Buri mutwe ufite insanganyamatsiko wubakiyeho, imyandiko, ikibonezamvugo n'indi myitozo bishingiraho. Inyigisho zose zihera ku mwandiko urambura ingingo ihuye n'insanganyamatsiko y'umutwe. Nyuma ya buri mutwe hari imyitozo y'ikusanya igizwe n'umwandiko ukurikiwe n'imyitozo inyuranye yo kumva no gusesengura umwandiko, imyitozo yimakaza ubumenyi ngiro n'ubukesha, ubuvanganzo n'ikibonezamvugo bifasha umunyeshuri kwiyibutsa no gushimangira ibyo yize mu mutwe wose. Umwarimu asabwa kujya ku mutwe ukurikira ari uko bigaragaye ko abanyeshuri bashoboye kugera ku bushobozi bw'ingenzi bugamijwe

mu mutwe ubanza. Iyo hari abagifite ingorane, umwarimu abagenera imyitozo nzamurabushobozi kugira ngo abafashe kujyana n'abandi.

Imyitozo yose ari iy'isuzuma risoza buri mutwe cyangwa ikorwa mu gihe cyo kwiga ikubiye muri iki gitabo si kamara. Aho umwarimu azasanga handitse urugero, ni ukuvuga ko agomba gushaka izindi ngero akurikije aho ishuri riherereye n'ubumenyi abanyeshuri bagezeho. Imyitozo isoza umutwe ishobora gukora ku byizwe mu mitwe ibanza cyanecyane ku byerekeye ikibonezamvugo n'ubuvanganzo. Ni nk'akanya umwarimu aba ahawe kugira ngo ashobore gufasha abanyeshuri gukora isubiramo no gushimangira ibyo bamaze kwiga byose muri uwo mwaka cyangwa mu myaka ibanza. Ibisobanuro by'amagambo abanyeshuri badasobanukiwe byashyizwe mu mpera z'igitabo cy'umunyeshuri. Ibi bifasha abanyeshuri kwitoza gushakisha ibisobanuro by'amagambo badasobanukiwe neza. Icyakora mu gitabo cy'umwarimu ayo magambo akurikiye buri mwandiko. Imyitozo yatanzwe mu gitabo cy'umunyeshuri ifite ibisubizo mu gitabo cya mwarimu ariko ibisubizo byatanzwe ntabwo ari kamara kuko ahenshi usanga ari nk'ingero zatanzwe umwarimu yaheraho. Umwarimu rero aziheraho abwira abanyeshuri gutanga izindi nyinshi zinyuranye.

Mu rwego rwo gufasha umwarimu, guteganya amasomo y 'Ikinyarwanda, hateganyijwe imbonerahamwe ikubiyemo ibigomba kwigishwa mu mwaka wa kane w'amashuri yisumbuye, ibikorwa binyuranye bifasha kugera ku bushobozi bugamijwe ndetse n'ubushobozi nsanganyamasomo bwimakazwa mu bikorwa byose bifasha abanyeshuri kwiga neza Ikinyarwanda. Umwarimu yagenewe kandi amasomo ntangarugero amufasha gutegura no gutanga amasomo ye uko bikwiye. Ayo masomo ari ku mugereka w'igitabo.

Twizeye ko iki gitabo kizafasha umwarimu kwigisha neza Ikinyarwanda, gukundisha abanyeshuri ururimi rw'Ikinyarwanda, umuco kibumbatiye, umuco wo gusoma no guhanga yigana ubuvanganzo yize kugira ngo bakurane inyota yo kumenya, gusabana n'abandi no guhanga udushya.

# Intangiriro

Iki gitabo kigenewe umwarimu wigisha umwaka wa kane w'amashuri yisumbuye mu mashami Ikinyarwanda gitegetswe kwigishwamo nk'isomo, kibanda ku bushobozi bwo kumva, kuvuga, gusoma, kwandika, kwigana, gutekereza, gusesengura, guhina, guhanga no gusobanura ingingo zigize ururimi n'izigize umuco mu magambo yumvikana. Inyigisho zose zigishwa zihereye ku mwandiko watoranyijwe hakurikijwe ibisabwa mu nteganyanyigisho, ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe muri buri mutwe n'intego zigamijwe. Inyigisho y'Ikinyarwanda izatangwa mu bice bine bikurikira:

1. Kumva no gusobanura umwandiko.
2. Gusesengura umwandiko
3. Umwitozo w'ubumenyi ngiro
4. Ikibonezamvugo cyangwa inshoza y'ubuvanganzo.

## Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko

**Kumva no gusobanura umwandiko bigizwe n'intambwe zikurikira:**

1. **Ivumburamatsiko**
   Imyandiko myinshi ishingirwaho mu gutanga isomo ry'Ikinyarwanda iherekejwe n'ibishushanyo mvumburamatsiko umwarimu yaheraho kugira ngo atume abanyeshuri bashobora kugira amatsiko no kuvumbura ikigwa. Umwarimu asaba abanyeshuri kurambura ibitabo byabo bakitegereza amashusho ajyanye n'umwandiko bagiye kwiga. Ababaza ibibazo bigamije kubafasha gusobanura icyo ayo mashusho avuga. Ibisubizo by'abanyeshuri bigenda binozwa ku bufatanye bwa mwarimu na bo. Ku myandiko idaherekejwe n'ibishushanyo, umwarimu yakwitabaza imfashanyigisho zifatika cyangwa ikiganiro kigufi gifitanye isano n'ibigiye kwigwa. Ikigamijwe ni uko abanyeshuri bagira uruhare mu kwivumburira ikigwa kugira ngo barusheho kwigirira ikizere no kugira uruhare mu byo biga no mu buryo bigishwamo.

## 2. Gusoma

### 2.1. Gusoma bucece

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye gusoma inkuru ijyanye n'ibishushanyo mvumburamatsiko cyangwa n'izindi mfashanyigisho amaze kwifashisha nk'akaganiro bagiranaga, akaririmbo yabaririmbisha cyangwa agakino yabakinisha, akabasaba kubumbura ibitabo byabo ku mpapuro iyo nkuru iherereyeho bagasoma bucece umwandiko uhari. Gusoma bucece bitegurira abanyeshuri gusoma uko bikwiye baranguruye ijwi no kuvumbura amagambo badasobanukiwe aza gusobanurwa mu nyunguramagambo. Bifasha kandi mu gutahura ingingo z'umwandiko, kumva ibyo basoma no gutegura ibyo bari busobanuze. Mu gihe basoma bucece, abanyeshuri birinda guhwihwisa ngo batarogoya bagenzi babo bakababuza kumva ibyo basoma, cyangwa ishuri rigahinduka urusaku n'akajagari. Birinda kandi gushyira urutoki mu byo basoma ngo abe ari rwo bakurikira. Ntibunamiriza mu byo basoma kuko bibangiza amaso kandi bikabananiza ku buryo badakurikira neza igice k'isomo gisigaye. Ntabwo igice cyo gusoma bucece gitindwaho cyane, abanyeshuri bahabwa umwanya wo gusoma umwandiko hagendewe ku burebure bwawo n'akamenyero bafite ko gusoma. Nyuma y'iminota yahaye abanyeshuri ngo basome umwandiko bucece, umwarimu abasaba kubumba ibitabo byabo, akababaza ibibazo byo gusuzuma niba basomye koko. Mu gihe umwarimu abona ko abanyeshuri be bafite akamenyero ko gusoma cyangwa igihe yaba yarabahaye uwo mwandiko ngo bawusome nk'umukoro, ashobora kubasaba gusoma baranguruye batabanje gusoma bucece.

### 2.2. Gusoma baranguruye

Hari igihe abanyeshuri baba bafite ibibazo bikomeye byo gusoma Ikinyarwanda. Icyo gihe, iyo barangije gusubiza ibibazo byo gusuzuma ko basomye umwandiko bucece, umwarimu abasaba gukurikira mu bitabo byabo bamuteze amatwi, akabasomera aranguruye ijwi by'intangarugero yubahiriza utwatuzo n'iyitsa kandi ashyiramo isesekaza cyanecyane nko ku myandiko iteye nk'ibisigo, ibyivugo, imivugo cyangwa ikinamico. Iyo arangije gusoma ahitamo umubare runaka w'abanyeshuri asomesha ku buryo buri wese agira umwanya we. Ntabwo agomba kwibanda kuri bamwe kuko byaca abandi intege. Abasaba gusoma uko bikwiye kandi na we akagenzura ko basoma uko bikwiye

batarya amagambo, batajijinganya cyangwa ngo baruhukire ahadakwiye. Igihe abona ko hari abagifite ingorane, akoresha uko ashoboye kugira ngo na bo bashobore gusoma neza uko bikwiye bumvikanisha neza ibitekerezo basoma. Iyo abanyeshuri bamaze kumenya gusoma neza Ikinyarwanda, ntibiba bikiri ngombwa ko mwarimu abanza kubasomera ahubwo bikorwa n'abanyeshuri ubwabo, noneho mwarimu akabahagarika aho bateshutswe kugira ngo abakosore.

Gusoma neza ni ukuba ushobora gusubiza ibibazo bikurikira nyuma yo gusoma umwandiko:

Ni nde inkuru ivugwa mu mwandiko ishingiyeho? Abavugwa mu mwandiko barakora iki? Ryari? Hehe? Bate?

Igihe umunyeshuri adashobora gusubiza ibi bibazo, ni ngombwa ko yongera gusoma. Mu gihe umunyeshuri asoma agomba kwibaza insanganyamatsiko ivugwaho, icyo umwandiko uvuga kuri buri nsanganyamatsiko ndetse n'icyo iyo nsanganyamatsiko imaze. Mu gihe adashobora gusubiza ibibazo nk'ibi ni uko aba atashoboye kumva neza umwandiko.

3. **Kumva no gusobanura umwandiko**

Igice cyo kumva no gusobanura umwandiko kigizwe n'inyunguramagambo, imyitozo y'inyunguramagambo ndetse n'ibibazo byo kumva umwandiko.

3.1 **Inyunguramagambo**

Iyo igice cyo gusoma umwandiko kirangiye, hakurikiraho gusobanura amagambo akomeye abanyeshuri batasobanukiwe mu gihe basomaga umwandiko. Iki gice kigamije kongerera abanyeshuri amagambo mashya no gutuma bumva neza umwandiko basomye. Abanyeshuri ni bo bagira uruhare runini mu gusobanura aya magambo.

Umwarimu abashyira mu matsinda mato akabasaba gusoma umwandiko wose bashakamo amagambo abakomereye kumva. Amagambo yatanzwe mu gitabo ni ingero ariko abanyeshuri bashobora kuba hari andi basanga mu mwandiko basasobanukiwe. Mu matsinda bagerageza kuyashakira ibisobanuro bifashishije inkoranyamagambo cyangwa urutonde rw'amagambo n'ibisobanuro byabo biri mu mpero z'igitabo cyabo. Bagafatanya kuyashakira ibisobanuro bahereye ku nyito ziri mu mwandiko n'izindi zishoboka hagamijwe kumenya aho akoreshwa mu nteruro. Buri tsinda ryitoramo umwanditsi uri

bugeze ku yandi matsinda ibyo bakoreye mu itsinda ryabo. Abo bari kumwe mu itsinda bamugezaho amagambo badasobanukiwe bagafatanya kuyashakira ibisobanuro akagenda abyandika.

Iyo barangije kuyabona yose no gushakira ibisobanuro ayo batumvaga, buri mwanditsi ageza ibyo bakoze ku yandi matsinda. Abagize ayo matsinda yandi bashobora kuzuza ibyo bagejejweho, bakanashakira hamwe ibisobanuro by'amagambo batashoboye kubibonera bifashishije amagambo biri kumwe mu mwandiko cyangwa urutonde rw'amagambo ruri mu mpera z'igitabo cy'umunyeshuri.

Umwarimu yunganira abanyeshuri anoza cyangwa yuzuza inyito batanze, kugira ngo barusheho kuzumva neza no gukoresha amagambo baba bungutse ku buryo bukwiye.

Ashobora kandi kubabaza ku magambo batavuze ariko we abona ko batayumvise neza.

Iyo asanze batazi icyo asobanura abafasha kubitahura yifashishije interuro, inkuru, amashusho, ibigereranyo, imbusane, imvugakimwe,....

**3.2 Imyitozo y'inyunguramagambo**

Amagambo akomeye abanyeshuri basobanuye mu matsinda kugira ngo berekane ko bayumvise ni uko baba bashobora kuyakoresha mu nteruro mbonezamvugo. Imyitozo y'inyunguramagambo rero igamije gutuma abanyeshuri bagira umwanya wo gukoresha amagambo bungutse mu nteruro, bayuzurisha mu nteruro, bayasimbuza andi bihuje inyito, bifite inyito zibusanye cyangwa bakoresha impuzashusho mu nteruro zinyuranye n'ibindi.

**3.3 Gusubiza ibibazo byo kumva neza umwandiko**

Ibibazo byateraga abanyeshuri kutumva umwandiko biba byakemuriwe mu gice k'inyunguramagambo. Mbere y'uko abanyeshuri batangira gusubiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko, umwarimu abanza kubibasomera, akanabibasobanurira kugira ngo babyumve neza bataza gutandukira mu bisubizo batanga; agenda abayobora kugira ngo batange ibisubizo byuzuye. Mu bibazo ku mwandiko, abanyeshuri bashobora kubazwa ibibazo bibasaba gutekereza bahereye ku bivugwa mu mwandiko maze bakabihuza n'ibyo bahura na byo mu buzima busanzwe hanyuma bakaba bagira isomo bakuramo ryatuma bashobora kugira imigambi y'ubuzima bwabo bafata. Ibi bibafasha gutora

umuco wo kunenga ibidahwitse, gushima ibizima ndetse no gukosora ibigayitse. Uyu mwitozo na wo ukorerwa mu matsinda hagamijwe kugira ngo abanyeshuri barusheho gufashanya kandi banagire uruhare rwimbitse mu byo biga.

## Igice cya kabiri: Gusesengura umwandiko bigizwe n'ibice bikurikira

1. **Isubiramo**
   Isubiramo ni intangiriro ifasha umwarimu gukomeza isomo yari yatangiye ariko ritari ryakarangiye. Rifasha umwarimu kurushaho gushimangira ibyizwe no gutangiza igice cyari gisigaye k'iryo somo. Rishobora na none gufata isura yo kumenyesha ikigamijwe n'akamaro k'isomo. Icyo gihe ifata isura nk'iy'ivumburamatsiko. Mbere y'uko abanyeshuri bakomeza gusesengura umwandiko ni ngombwa ko babanza kongera kuwusoma kugira ngo bashobore kuwiyibutsa keretse igihe ari amasaha akurikiranye. Iki gice gishobora gufatanywa n'igice gikurikira igihe umwarimu yahisemo ko bakorera mu matsinda. Ni ukuvuga ko bajya mu matsinda bagasomera hamwe umwandiko bakora n'umwitozo umwarimu yabahaye.

2. **Isesengura**
   Mu isesengura ry'umwandiko, umwarimu asaba abanyeshuri gushaka ingingo z'ingenzi zigize umwandiko/kuvuga inshamake y'umwandiko/uturango tw'ikeshamvugo/tw'umuco...

   Mu gushaka ingingo z'ingenzi zigize umwandiko ari na zo ziganisha ku nshamake y'umwandiko, umwarimu ashobora gusaba abanyeshuri gukorera mu matsinda. Kuba iki gice kije nyuma yo gusobanura umwandiko bifasha abanyeshuri gusesengura ku buryo bwimbitse umwandiko bize. Mu isesengura bashobora gushaka ingingo z'ingenzi zivugwaho mu mwandiko, bagatahura insanganyamatsiko z'ibanze n'iz'umugereka zivugwa mu mwandiko kugira ngo ibi bibafashe gukora inshamake y'umwandiko. Muri iki gice kandi bagerageza gushaka uturango tw'ikeshamvugo, utw'umuco n'amateka biri mu mwandiko bize. Umwarimu yifashisha ibibazo biganisha ku turango twiganje cyane mu mwandiko. Ni ngombwa ko abanyeshuri bamenya imizimizo inyuranye ikoreshwa, uburyo abahanzi bakoresha kugira ngo imyandiko yabo irusheho kugira uburyohe. Mbese muri make ni ukwiga inganzo ya buri muhanzi

ku buryo bishobora gufasha umunyeshuri kuyumva ndetse no kuyigana bibaye ngombwa. Icyakora si ngombwa ko iyi myitozo yose ikorerwa icyarimwe muri iki gice, umwarimu areba iyiganje mu mwandiko akaba ari yo yibandaho.

## Igice cya gatatu: Imyitozo y'ubumenyi ngiro

Muri iki gice hakorwa imyitozo inyuranye ituma abanyeshuri bitoza gushyira mu bikorwa ibyo bize. Ni muri iki gice dusanga imyitozo yo guhanga bigana, gukina bigana, kuvuga ibyo bafashe mu mutwe imbere y'abandi, kujya impaka, kungurana ibitekerezo n'ibindi. Ibi bifasha umunyeshuri kwimakaza ubushobozi bwo gukoresha ururimi mu mvugo no mu nyandiko. Bimufasha kandi gukora ubushakashatsi kuko imyinshi muri iyi myitozo imusaba gukora ubushakashatsi. Abanyeshuri bahabwa umwanya wo kuyitegura, bakajya mu nzu y'isomero bagasoma ibitabo, bakitabaza imbuga za interineti, ibinyamakuru, abantu banyuranye bafite ubumenyi runaka, ibitabo by'iyigandimi n'ikibonezamvugo n'ibindi. Uyu mwitozo ufasha kandi umwarimu bihagije kumenya aho abanyeshuri bafite intege nke cyangwa ubushobozi mu bijyanye n'ubushobozi bategerejweho kugaragaza. Imwe muri iyi myitozo ikorwa n'umunyeshuri ku giti ke atari mu matsinda bigatuma na we arushaho kwerekana icyo ashoboye no kwigirira ikizere. Ni byiza rero ko abashoboye gukora ibikorwa by'intangarugero umwarimu abashimira kandi agashishikariza na bagenzi babo gukurikiza urugero rwabo.

## Igice cya kane: Inshoza y'ikibonezamvugo/ ubuvanganzo

1. **Isubiramo**

   Isomo ry'ikibonezamvugo rihera ku mwandiko wizwe cyangwa ku nteruro umwarimu yatoranyije. Interuro umwarimu yatoranyije, ziba zikubiyemo interuro z'ifatizo zihishemo inshoza iyi n'iyi, itegeko iri n'iri. Umwarimu ashobora gukoresha imfashanyigisho zigaragaza ibintu bigusha kuri ya magambo cyangwa interuro fatizo. Ubwo ni uburyo butuma abanyeshuri bashakashaka, bakavumbura.

2. **Isesengura**

   Muri iki gice k'isesengura, umwarimu ahitamo interuro, zaba ziri mu mwandiko cyangwa ari izo yihimbiye, zimufasha kugera ku ntego y'isomo rye akazandika ku kibaho. Abanyeshuri bitegereza interuro cyangwa amagambo fatizo, bagahabwa ibisobanuro bya ngombwa ku byo basabwa gukora mu matsinda. Abanyeshuri bagereranya izo ngero mbonwa; bagatahura inshoza cyangwa se itegeko babonye bamaze gusesengura.

   Bahamya iyo nshoza cyangwa iryo tegeko batanga ingero nyinshi zishoboka. Ingero zikubiye mu gitabo cy'umwarimu cyangwa icy'umunyeshuri ntabwo ari kamara, ahubwo umwarimu yaziheraho agashaka izindi nyinshi kugira ngo abanyeshuri barusheho gusobanukirwa n'ibyo biga.

3. **Imyitozo**

   Imyitozo ku kibonezamvugo cyangwa ku nshoza zinyuranye ifasha abanyeshuri gucengera inshoza y'ikibonezamvugo n'andi mategeko mu mvugo no mu nyandiko. Imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri na yo ni nk'ingero umwarimu yaheraho agatanga n'izindi nyinshi kugira ngo abanyeshuri barusheho gusobanukirwa. Imyitozo ifasha umwarimu kubona ingorane abanyeshuri bafite ikanamufasha kunoza imyigishirize ye.

**Ibyo abanyeshuri bandika mu makaye yabo**

Buri munyeshuri agomba kugira ikaye y'imyitozo n'icyo yandikamo. Ni ngombwa rero ko buri mwarimu ategura isomo rye atitaye ku kuba ibyo yigisha abanyeshuri babifite mu bitabo byabo. Ibi bizamufasha koroherezaabanyeshuribekumvaibirimugitabocyabonokubategurira ibyo bari bwandike mu makaye yabo. Ntabwo abanyeshuri bandukura igitabo cy'umunyeshuri ahubwo bafatanya n'umwarimu gukora inshamake bandika mu makaye yabo. Iyo nshamake igaragara nk'imvugo yoroshya ibiri mu gitabo cy'umunyeshuri kuko iba yavuye mu bufatanye bwe n'umwarimu nk'abafatanyabikorwa ba magirirane b'uburezi. Si byiza ko umunyeshuri yandukura ibyo atumva kuko byaba ari ukurera za gasuku.

**Imbonezamasomo rusange**

Abanyeshuri biga neza bagira uruhare mu myigire yabo kandi badafata mu mutwe gusa ahubwo bagira ibikorwa bakorera hamwe mu matsinda. Nubwo gukorera mu matsinda bifite akamaro ni ngombwa

nanone kwita kuri buri munyeshuri kugira ngo umwarimu akosore imivugire ye, imisomere ye ndetse n'imyandikire ye. Imyigishirize y'Ikinyarwanda igomba guhera ku mfashanyigisho zifatika, zifite aho zihuriye n'umuco, amateka, ibidukikije n'imibereho y'Abanyarwanda kandi zijyanye n'ikigero cy'abanyeshuri. Iryo yigisha riha umunyeshuri umwanya rwo kwitoza kumva, kuvuga, gusoma, kwandika, gutekereza, gushyira mu gaciro no kwerekana imbamutima ze ashize amanga.

**Ibikorwa bikorwa mu matsinda**

By'umwihariko, imyitozo myinshi ikubiye muri iki gitabo cy'umwarimu isaba gukorerwa mu matsinda. Ikigaragara muri rusange ni uko mu ishuri ririmo abanyeshuri benshi usanga hakunze gukoreshwa cyane uburyo bwo kwigisha umwarimu ahagaze imbere y'abanyeshuri. Ibyo bituma abanyeshuri begereye mwarimu ari bo bakurikira gusa isomo naho abanyeshuri bari inyuma bakaba bameze nk'indeberezi. Bituma icyo gihe umwarimu asakuza cyane. Mu buryo bwo koroshya imitangire y'isomo no kurishishikariza abanyeshuri, umwarimu ashobora kwitabaza uburyo bwinshi burimo no gushyira abanyeshuri mu matsinda akabaha inshingano zisobanutse bagomba kuzuza. Bityo amatsinda azatuma:

- Umwarimu akosora cyangwa asuzuma imyigire ku buryo bwihuse kandi bukwiriye;
- Yoroherwa mu gukoresha imyitozo mu ishuri ririmo abanyeshuri benshi: abanyeshuri bakora neza bari mu matsinda mato kandi byagaragaye ko buhorobuhoro abashobora kuyobora abandi bagenda bigaragaza ku buryo bashobora no kunganira umwarimu;
- Buri munyeshuri agira uruhare rufatika mu myitozo. Ariko nanone gukorera mu matsinda bisaba ko:

- Umwarimu ategura imyitozo ikorerwa mu matsinda kandi akirwanaho mu micungire y'aho abana bigira no ku mikoreshereze y'igihe;
- Umwarimu aha abanyeshuri uburyo bwo kwigabanya mu matsinda. Abanyeshuri bashobora kwikorera amatsinda ubwabo cyangwa mwarimu abibafashijemo. Kugira ngo mu matsinda bagire gahunda kandi bashobore kugera ku musaruro utegerejwe, umwarimu ashobora gusaba cyangwa gufasha amatsinda kwihitiramo abayobozi bayo (umuyobozi

w'itsinda, umwanditsi, ucunga imikoreshereze y'igihe,...) bitewe n'ibikenerwa na buri somo.

- Umwarimu asobanurira abanyeshuri bose hamwe ibyo bagomba gukora akabaha amabwiriza asobanutse. Asobanura neza ibigomba gukorwa, igihe bikorwamo, aho bikorerwa n'uburyo umusaruro uva mu matsinda uza kubwirwa abandi mu ruhame. Asaba abanyeshuri gusobanuza ibyo batumvise maze akabasobanurira bakabona gutangira gukora ibyo basabwa bose babyumva kimwe.

Abanyeshuri mu itsinda ryabo batekereza ku kibazo bahawe, bakacyunguranaho ibitekerezo, bakakijyaho impaka, bagahuriza hamwe umwanzuro ari na ko umwanditsi w'itsinda yandika. Muri icyo gihe umwarimu agenda anyura mu matsinda kugira ngo arebe niba abanyeshuri nta ngorane bahuye na zo ngo azikemurane na bo no kubaha ibisobanuro byo kuzuza ibyo aba yatanze. Agenzura amatsinda kugira ngo amenye niba abanyeshuri bose barimo gukora, mbese ko bagira uruhare mu mwitozo ukorwa ndetse anareba ireme ry'uruhare bagira.

Umuyobozi w'itsinda ni we utanga amagambo kugira ngo bagenzi be bavuge kuri gahunda. Akora ku buryo buri munyeshuri atanga ibitekerezo bye. Umwanditsi agenda yandika ibitekerezo bagenzi be bumvikanyeho. Nyuma y'igihe cyagenwe, umwarimu ahuriza abanyeshuri hamwe bavuye mu matsinda, agatoranya itsinda rimwe rikageza ku bandi ibisubizo byaryo. Abagize andi matsinda bafatanyije n'umwarimu bagenda banoza ibyo abagize itsinda riri imbere y'abandi ritanze maze bikandikwa ku kibaho n'inyuguti zigaragara cyangwa bakabyerekanisha ibyuma bigaragaza inyandiko n' amashusho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

**Ikomatanya ry'ibyavuye mu matsinda**

Mu gihe cyo guhuriza hamwe ibitekerezo abanyeshuri batanze basubiza ibibazo babajijwe, umwanditsi wa buri tsinda ahabwa umwanya akavuga ibyo bagezeho; icyakora kugira ngo hirindwe ko hakora abanyeshuri bamwe b'intyoza, umwarimu ashobora kujya anyuzamo agatomboza umurika ibyagezweho na buri tsinda; ibi bituma abanyeshuri bose bakora, ntihagire abaharira abandi umurimo w'itsinda.

Iyo arangije kugeza ku yandi matsinda umusaruro w'itsinda rye, umwarimu asaba abamuteze amatwi kumuha amashyi bamushimira ibyo abagejejeho.

Hakurikiraho kumubaza ibibazo ku byo batumvise neza, abagize itsinda rye bakamwunganira mu kubisubiza kuko aba ari umusaruro wavuye mu gikorwa cya rusange. Abagize ayandi matsinda bashobora na bo kubuzuza.

Iyo itsinda rya mbere rirangije hakurikiraho irya kabiri cyangwa irya gatatu, biterwa n'umubare w'amatsinda umwarimu yagabanyije mu ishuri rye. Gusa hari igihe umwarimu ashobora no guhitishamo amatsinda iritangira, iririkurikira n'iriri buheruke.

Iyo bose bahetuye, bafatanya kuvanamo umwanzuro wa rusange ukandikwa ku kibaho ukunguranwaho ibitekerezo, umwarimu akawuzuza abanyeshuri bakaza kuwushyira mu makaye yabo igihe umwarimu yagennye kigeze.

Nyuma y'igihe yabageneye, umwarimu ahuriza abanyeshuri hamwe bavuye mu matsinda, umwe mu bagize buri tsinda akageza ku bandi ibisubizo byabo. Abanyeshuri bayobowe n'umwarimu banoza ibisubizo byabo bikandikwa ku kibaho n'inyuguti zigaragara cyangwa bakabyerekanisha ibyuma bigaragaza inyandiko n'amashusho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

Umwarimu ashobora gukoresha itsinda rimwe, andi matsinda akajya atanga ibitekerezo cyangwa yuzuza iby'iryo tsinda, bitewe n'ibyo yo yakoze.

**Ibijyanye n'isuzuma**

Mu gihe umwarimu ategura isomo rye agomba kugena intego z'ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukesha aheraho asuzuma nyuma yo gutanga isomo rye. Uburyo bw'imyigishirize ishingiye ku bushobozi bugomba kujyana n'isuzuma rishingiye ku kureba ubushobozi umunyeshuri agezeho. Mu gusuzuma ubukesha umwarimu azita ku myitwarire abanyeshuri bagenda bagaragaza nyuma y'inyigisho runaka maze bifashe mu kubakebura cyangwa mu kongera gutsindagire ahari intege nke. Hari amasuzuma n'imyitozo byateganyijwe mu gitabo, ariko umwarimu ashobora kongera imyitozo akurikije aho ishuri riherereye n'imiterere y'abanyeshuri be.

Isuzuma risoza umutwe ryagenewe igihe kugira ngo umwarimu na we azarihe agaciro. Igihe cya mwarimu cyo gukosora impapuro bakoreyeho ntikibariwemo kuko umwarimu azarikosora mu gihe atarimo kwigisha. Iyo umwarimu arangije kurikosora areba aho buri munyeshuri agifite ibibazo akamugira inama amubwira uko yabigenza. Iyo hari isomo bigaragara ko benshi mu banyeshuri batumvise umwarimu arisubiramo mbere yo gutangira undi mutwe. Uru ni urugero rugaragariza umwarimu imiterere y'ibibazo yabaza, ashobora no kubaza ibindi ariko bidatandukira ibyigishijwe mu mutwe cyangwa mu iwubanjirije. Ik'ingenzi ni uko yubahiriza ibigenderwaho mu isuzuma.

### Imyitozo nsindagirabushobozi

Nyuma y'isuzuma risoza umutwe, umwarimu atahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri ahereye ku manota bagize mu isuzuma risoza umutwe akabashyira mu matsinda akurikije ingorane bafite.

Umwarimu abaha indi myitozo yateguye ku giti ke ijyanye n'ibyiciro byabo bakayikorera hamwe mu matsinda. Ku badafite ibibazo, umwarimu abavanga muri ya matsinda y'abafite ibibazo kugira ngo bafashe abandi gusobanukirwa neza n'imyitozo bakora. Muri iki gitabo bene iyo myitozo nta yo twateguye kubera ko umwarimu ariwe wayitegura ashingiye ku bushobozi abanyeshuri bagaragaje. Iyo isuzuma ryagaragaje ko ibyizwe mu mutwe byumvikanye si ngombwa gutegura bene iyo myitozo.

### Imfashanyigisho

Kuri buri gice hagaragazwa imfashanyigisho zakoreshwa kugira ngo isomo ryumvikane neza. Usibye izigaragazwa, umwarimu na we ashingiye ku miterere y'ishuri n'abanyeshuri be ashobora kwifashisha izindi mfashanyigisho zifatika. Ni ngombwa kandi ko habaho isomero kuri buri kigo mu rwego rwo gufasha umwarimu n'umunyeshuri kwibonera imfashanyigisho cyane ko mu mbonezamasomo zijyanye n'igice cya kane abanyeshuri basabwa gukora ubushakahsatsi mu isomero. Hari n'aho umwarimu asabwa gukoresha uburyo bw'imfashanyigisho z'iyumvabona (gukoresha tereviziyo na sinema), imfashanyigisho zitegwa amatwi ndetse n'ibinyamakuru. Hakenewe

kandi imfashanyigisho z'abafite ibibazo byihariye nk'abatabona, abatumva,...

**Abafite ibibazo byihariye**

Mu mbonezamasomo y'iki gitabo, umwarimu asabwa kwita ku bafite ibibazo byihariye kugira ngo bashobore kujyana n'abandi. Mu myigishirize igaragara mu bice binyuranye, muri iki gitabo, umwarimu yerekwa bumwe mu uburyo yakwifashisha abitaho. Ni ngombwa ko akwiye no kugira amahugurwa ku mikoreshereze y'imfashanyigisho zibagenewe.

**Ubushobozi nsanganyamasomo**

Imyitozo iri muri iki gitabo iteguwe ku buryo ubushobozi nsanganyamasomo bugaragaramo hose. Ni ngombwa ko mu gukora iyo myitozo umwarimu akora uko ashoboye kugira ngo ubwo bushobozi abanyeshuri babugire koko. Ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo bugaragara cyane mu bibazo bimwe na bimwe byo kumva umwandiko biba bisaba umunyeshuri gutekereza byimbitse kugira ngo abe yakemura ikibazo ahuye na cyo yifashishije ibyo yize. Ahandi bugaragarizwa ni mu bibazo byo gusesengura umwandiko, kujya impaka no kungurana ibitekerezo kuko biba ari ibibazo bituma abanyeshuri batekereza uburyo bakemura ikibazo runaka bahura na cyo. Ubushobozi bwo guhanga udushya muri iki gitabo bugaragarira mu myitozo inyuranye yo guhanga nk'aho umunyeshuri asabwa nko guhanga inkuru, ibyivugo, n'imyandiko y'ubuvanganzo inyuranye. Ubushakashatsi bwo bugaragarira mu myitozo y'inyunguramagambo aho umunyeshuri asabwa gukoresha inkoranyamagambo ashaka ibisobanuro by'amagambo atasobanukiwe, buragaragarira kandi mu gice cya kane aho umunyeshuri asabwa kwitabira amasomero ahabwa ibibazo yakwifashisha kugira ngo asesengure ikibonezamvugo cyangwa ingeri y'ubuvanganzo bwigwa muri icyo gice. Gusabana mu Kinyarwanda bigaragarira mu myitozo inyuranye yo kujya impaka no kungurana ibitekerezo aho umunyeshuri asabwa kuvugira mu ruhame no kujora ibitekerezo bya bagenzi be. Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi bigaragarira cyane mu myitozo yo gukorera mu matsinda afatanya na bagenzi be. Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi umunyeshuri abishishikarizwa

mu mikoro agenda ahabwa agomba gukomeza gukorera mu rugo ari wenyine cyangwa abaza abo babana.

**Ingingo nsanganyamasomo**

Muri iki gitabo ingingo nsanganyamasomo ntizirengagijwe. Zibandwaho mu myitozo inyuranye yo kujya impaka no kungurana ibitekerezo cyane ko n'insanganyamatsiko za buri mutwe zubakiye ku ngingo nsanganyamasomo. Ingingo yo kubungabunga ibidukikije n'iterambere rirambye isesengurwa cyane mu mutwe wa gatanu aho umunyeshuri asabwa kurondora uburyo bunyuranye bwo kubungabunga ibidukikije no mu mutwe wa gatandatu mu nsanganyamatsiko ivugwa mu ndirimbo no mu muvugo bihari. Uburinganire n'ubwuzuzanye buvugwa cyane mu myandiko ku buringanire n'ubwuzuzanye mu mirimo yo mu rugo mu mutwe wa gatatu aho abanyeshuri basabwa kujya impaka ku kamaro k'uburinganire n'ubwuzuzanye mu Rwanda. Umuco wo kuzigama wibandwaho mu mutwe wa gatandatu uvuga ku ruhare rw'umurimo mu iterambere. Inyigisho kuri jenoside umwarimu agomba kuzikomozaho mu gusesengura imyandiko yo mu mutwe wa kabiri mu mwitozo wo kungurana ibitekerezo aho dusaba abanyeshuri kugaragaza ingaruka z'ihohoterwa muri rusange no kugeza ku bandi isomo yakuye muri iyo nsanganyamatsiko. Kwimakaza umuco w'amahoro byo bikubiye mu mutwe wa mbere mu ngeri z'ubuvanganzo nyarwanda aho dushishikariza umunyeshuri kugaragaza umuco ugaragara muri izo ngeri zinyuranye. Uburezi budaheza buvugwaho cyanecyane mu mutwe wa cumi ahari umwandiko uvuga ku kamaro k'itorero mu burere bw'urubyiruko. Umwarimu arasabwa kuzibandaho cyane mu gihe akoresha imyitozo ikubiyemo izo ngingo nsanganyamasomo.

# Imbonerahamwe y'ibikubiye mu gitabo k'Ikinyarwanda cy'umwaka wa kane w'amashuri yisumbuye

| Umutwe wa | Amasomo | Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe | Imyandiko ku ngingo ya: | Ubuvanganzo | |
|---|---|---|---|---|---|
| **1. Umuco nyarwanda (kuva ku rupapuro rwa 1 kugera ku rwa 48)** | 40 | - Gusesengura imyandiko y'ubuvanganzo bwo muri rubanda.<br>- Gusesengura umugani muremure, insigamugani, igitekerezo cya rubanda, imigani migufi, ibisakuzo, ibisingizo n'ibyivugo by'amahomvu.<br>- Gusesengura umwandiko uvuga ku ngingo y'uko umuhango wo kwita izina wakorwaga no kwerekana imbata y'umwandiko.<br>- Kugaragaza intego y'izina mbonera gakondo n'amategeko y'igenamajwi. | - Ingeri z'ubuvanganzo bwo muri rubanda<br>- Umugani muremure: Akamaro k'ineza<br>- Insigamugani: Baciye urwa mbehe<br>- Igitekerezo: Butati na Nzabuheraheza<br>- Imigani migufi +ibisakuzo: Irya mukuru...<br>- Ibisingizo: Imfizi ikwiye Kigeri<br>- Ibyivugo by'amahomvu<br>- Umuhango wo kwita izina mu muco nyarwanda:<br>- Kwita izina mu muco nyarwanda | Inshoza n'uturango by'ingeri z'ubuvanganzo bwo muri rubanda: Umugani muremure<br>- Insigamugani<br>- Ibitekerezo<br>- Imigani migufi<br>- Ibisakuzo`<br>- Ibisingizo<br>- Ibyivugo by'amahomvu<br>- Umwandiko ntekerezo | |

| | Ikibonezamvugo | Ibikorwa byo kwimakaza ubushobozi bwo gukoresha ururimi mu mvugo no mu nyandiko | Ubushobozi nsanganyamasomo |
|---|---|---|---|
| | **Izina mbonera gakondo:**<br>- Inshoza y'izina mbonera gakondo.<br>- Intego y'izina mbonera gakondo. | - Gusoma neza bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.<br>- Gusobanurira mu matsinda amagambo batasobanukiwe.<br>- Gukoresha amagambo yasobanuwe mu nteruro mbonezamvugo.<br>- Gusimbuza amagambo andi bihuje inyito.<br>- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu matsinda.<br>- Kuvumbura ingingo ndangamateka na ndangamuco mu mwandiko.<br>- Gukora inshamake y'umwandiko bandika.<br>- Gutandukanya ingeri zinyuranye z'ubuvanganzo bwo muri rubanda hashingiwe ku turango twazo.<br>- Kungurana ibitekerezo ku kamaro k'umuhango wo kwita izina muri iki gihe.<br>- Guhanga igisingizo kuri imwe mu nsanganyamatsiko zatanzwe. | **Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo:** Gusobanura umwandiko no kungurana ibitekerezo.<br><br>**Guhanga udushya:** Guhanga igisingizo, ikivugo<br><br>**Ubushakashatsi:** Gushakisha amagambo badasobanukiwe mu nkoranya.<br><br>**Gusabana mu Kinyarwanda:** Gukora inshamake, kungurana ibitekerezo,ikibonezamvugo n'ubuvanganzo.<br><br>**Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi:** Gukorera mu matsinda.<br><br>**Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi:.** Ubukesha bwo kwitabira isomero, gusoma ibitabo binyuranye by'ubuvanganzo no gukora imikoro. |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 2. **Umuco w'amahoro (kuva ku rup. rwa 49 kugera ku rwa 72)** | 14 | - Gusesengura umwandiko uvuga ku ngingo yo kurwanya ihohoterwa,<br>- Kwandika inkuru cyangwa umuvugo ku muco w'amahoro no kwerekana inshoza,<br>- Gusesengura intego n'amategeko y'igenamajwi bya ntera, izina ntera n'igisantera | - Umwandiko: Umwana wahohotewe<br>- Umuvugo: Rubundakumazi | - |
| 3.**Uburinganire n'ubwuzuzanye (kuva ku rup. rwa 73 kugera ku rwa 108)** | 30 | - Gusesengura umwandiko uvuga ku buringanire n'ubwuzuzanye.<br>- Kuyobora no gutegura ibiganiro mpaka ku nsanganyamatsiko ivuga ku buringanire n'ubwuzuzanye mu mirimo.<br>- Gusobanura amategeko y'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda. | - **Ingingo zerekeye** uburinganire n'ubwuzuzanye:<br>- Uburinganire n'ubwuzuzanye mu mirimo yo mu rugo | |

| | | |
|---|---|---|
| **Ntera**<br>- Inshoza ya ntera<br>- Uturango twa ntera<br>- Intego ya ntera<br>**Izina ntera**<br>- Inshoza y'izina ntera<br>- Uturango tw'izina ntera.<br>- Intego y'izina ntera<br>**Igisantera**<br>- Inshoza y'igisantera<br>- Uturango tw'igisantera<br>- Intego y'igisantera<br>- Amategeko y'igenamajwi muri ntera, izina ntera n'igisantera. | - Gusoma neza bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.<br>- Gusobanurira mu matsinda amagambo badasobanukiwe.<br>- Gukoresha amagambo yungutse mu nteruro mbonezamvugo.<br>- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu matsinda.<br>- Kuvumbura ingingo ndangamateka na ndangamuco mu mwandiko.<br>- Gukora inshamake y'umwandiko bandika.<br>- Kungurana ibitekerezo ku ngaruka z'ihohoterwa ku buzima bw'uwahohotewe no ku muryango muri rusange.<br>- Gusobanura ubwoko bunyuranye bw'ihihoterwa.<br>- Guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima bwa buri munsi.<br>- Guhanga umuvugo ku ihohoterwa n'uburyo bwo kurirwanya.<br>- Kugaragaza mu nteruro no gusesengura ntera, izina ntera n'igisantera bagaragaza amategeko y'igenamajwi.<br>- Kugereranya ntera, izina ntera n'igisantera. | **Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo:** Gusobanura umwandiko no kungurana ibitekerezo.<br><br>**Guhanga udushya:** Guhanga umuvugo.<br><br>**Ubushakashatsi:** gushakisha amagambo batasobanukiwe mu nkoranya.<br><br>**Gusabana mu ndimi zemewe gukoreshwa mu gihugu:** Gukora inshamake, kungurana ibitekerezo n'ikibonezamvugo.<br><br>**Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi:** Gukorera mu matsinda.<br><br>**Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi:.** Ubukesha bwo kwitabira isomero no gusoma ibitabo binyuranye. |
| **Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda**<br>- Imyandikire y'inyajwi<br>- Imyandikire y' ingombajwi n'ibihekane<br>- Gukata<br>- Amagambo y'inyunge<br>- Amagambo afatana n'adafatana<br>- Amazina bwite<br>- Imikoreshereze y'utwatuzo<br>- Imikoreshereze<br>- y'inyuguti nkuru. | - Gusoma neza bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.<br>- Gusobanurira mu matsinda amagambo batasobanukiwe.<br>- Gukoresha amagambo yungutse mu nteruro mbonezamvugo.<br>- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu matsinda.<br>- Gukora inshamake y'umwandiko bandika.<br>**Ibiganiro mpaka**<br>- Inshoza y'ibiganiro mpaka<br>- Amabwiriza agenga ibiganiro mpaka<br>- Impaka ku bijyanye m'imirimo yo mu rugo n'uburinganire bw'ibitsina..<br>- Kwandika yubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.<br>- Kujora amakosa y'imyandikire y'Ikinyarwanda mu myandiko. | **Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo:** Gusobanura umwandiko n'ibiganiro mpaka.<br><br>**Ubushakashatsi:** Gushakisha amagambo badasobanukiwe mu nkoranya.<br><br>**Gusabana mu Kinyarwanda:** Gukora inshamake, kungurana ibitekerezo n'ikibonezamvugo.<br><br>**Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi:** Gukorera mu matsinda.<br><br>**Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi:.** Ubukesha bwo kwitabira isomero, gusoma ibitabo binyuranye no gukora imikoro. |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 4. **Kubungabunga ubuzima (kuva ku rup. rwa 109 kugera ku rwa 122)** | 14 | - Gusesengura umwandiko uvuga ku ndyo yuzuye.<br>- Kwandika interuro bagaragaza ubutinde n'amasaku mu myandiko inyuranye. | - Imyandiko ku ngingo zerekeye indyo yuzuye (umwandiko n'umuvugo).<br>- Umwandiko: amagara aramirwa ntamerwa<br>- Umuvugo: Mpogazi na Magaramake | |
| 5. **Kubungabunga ibidukikije (kuva ku rup. rwa 123 kugera ku rwa 178)** | 21 | - Gusesengura umwandiko uvuga ku nsanganyamatsiko y'ibidukikije.<br>- Gutandukanya umwandiko ntekerezo, mbarankuru, mvugamiterere, mvugamateka na nsesengurabumenyi.<br>- Gusesengura amazina akomoka ku yandi. | **Imyandiko ku ngingo zerekeye:**<br>- Kubungabunga amashyamba: Bungabunga amashyamba<br>- Kubungabunga amazi n'ibishanga:<br>- Umutungo w'amazi ukwiye kubungabungwa.<br>**Amoko y'imyandiko:**<br>- Ntekerezo: akamaro ko gusoma ibitabo<br>- Mbarankuru: amatwi arimo urupfu ntiyumva<br>- Mvugamiterere: Akagera ubwiza bw'u Rwanda<br>- Mvugamateka: igitekerezo k'ibigina.<br>- Nsesengurabumenyi: Isi umubumbe utuwe n'ibinyabuzima | **Amoko y'imyandiko**<br>- ntekerezo,<br>- mbarankuru,<br>- mvugamiterere,<br>- mvugamateka<br>- nsesengurabumenyi |

| | | |
|---|---|---|
| **Ubutinde n'amasaku mu nteruro zisanzwe**<br><br>- Amasaku mbonezanteruro | - Gusoma neza bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.<br>- Gusobanurira mu matsinda amagambo batasobanukiwe.<br>- Gukoresha amagambo yungutse mu nteruro mbonezamvugo.<br>- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu matsinda.<br>- Kuvumbura ingingo z'ingenzi zigize umwandiko no gukora inshamake.<br>- Kungurana ibitekerezo ku ngaruka z'imirire mibi n'ingamba zo kuzirwanya ndetse no kuzirinda.<br>- Gufata mu mutwe umuvugo no kuwuvugira mu ruhame.<br>- Kwandika interuro agaragaza amasaku n'ubutinde. | **Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo:** Gusobanura umwandiko no kungurana ibitekerezo.<br><br>**Ubushakashatsi:** Gushakisha amagambo batasobanukiwe mu nkoranya.<br><br>**Gusabana mu Kinyarwanda:** Gukora inshamake, kungurana ibitekerezo,ikibonezamvugo.<br><br>**Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi:** Gukorera mu matsinda.<br><br>**Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi:.** Ubukesha bwo kwitabira isomero no gusoma ibitabo binyuranye. |
| **Ikomorazina mvazina**<br><br>- Inshoza y'ikomorazina mvazina<br>- Inzira z'ikomorazina mvazina. | - Gusoma neza bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.<br>- Gusobanurira mu matsinda amagambo batasobanukiwe.<br>- Gukoresha amagambo yasobanuwe mu nteruro mbonezamvugo.<br>- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu matsinda.<br>- Gukina bigana ibivugwa mu mwandiko.<br>- Guhina umwandiko.<br>- Gutandukanya, gusesengura no guhanga umwandiko ntekerezo, mbarankuru, mvugamiterere, mvugamateka na nsesengurabumenyi.<br>- Kuvumbura ingingo ndangamateka na ndangamuco mu mwandiko<br>- Gusesengura izina mbonera gakondo bagaragaza intego n'amategeko y'igenamajwi.<br>- Kurondora inzira z'ikomorazina mvazina no gusesengura amazina yakomotse ku yandi hagaragazwa intego n'amategko y'igenamajwi. | **Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo:** Gusobanura umwandiko no kungurana ibitekerezo.<br><br>**Ubushakashatsi:** Gushakisha ibisobanuro by'amagambo batasobanukiwe mu nkoranya.<br><br>**Gusabana mu Kinyarwanda:** Gukora inshamake, kungurana ibitekerezo,ikibonezamvugo.<br><br>**Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi:** Gukorera mu matsinda.<br><br>**Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi:.** Ubukesha bwo kwitabira isomero no gusoma ibitabo binyuranye |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 6. **Iterambere(kuva ku rup. rwa179 kugera ku rwa 206)** | 28 | - -Gusesengura indirimbo n'umuvugo bivuga ku gukunda umurimo n'akamaro k'umurimo mu iterambere.<br>- Kugaragaza uturango tw'indirimbo n'utw'umuvugo n'ikeshamvugo rigaragaramo (injyana, isubirajwi n'isubirajambo).<br>- Guhanga umuvugo yubahiriza uturango twawo no gusesengura amazina akomoka ku nshinga. | - Indirimbo ivuga ku ngingo yo gukunda umurimo: Umurunga w'iminsi<br>- Umuvugo: Tunoze umurimo<br>- Umwandiko uvuga ku kamaro k'umurimo mu iterambere: Ubukorikori bwa Rwaramba | **Indirimbo**<br>- Uturango tw'indirimbo<br>- Ikeshamvugo mu ndirimbo.<br>**Umuvugo**<br>- Uturango tw'umuvugo<br>- Ikeshamvugo mu muvugo |
| **7. Imiturire (kuva ku rup. rwa 207 kugera ku rwa 224)** | 21 | - Gusesengura umwandiko uvuga ku miturire.<br>- Kwandika interuro yubahiriza uburyo n'ibihe by'inshinga. | **Imyandiko ku ngingo zerekeye:**<br>- Ingaruka z'ubwiyongere bw'abaturage<br>- Gukumira imiturire y'akajagari | - |

| | | |
|---|---|---|
| **Ikomorazina mvanshinga**<br><br>- Inshoza y'ikomorazina mvanshinga.<br>- Inzira z'ikomorazina mvanshinga. | - Gusoma neza bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.<br>- Gusobanurira mu matsinda amagambo batasobanukiwe.<br>- Gukoresha impuzashusho mu ntero ebyirebyiri zitandukanye.<br>- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu matsinda.<br>- Gukora inshamake y'umwandiko bandika.<br>- Gufata mu mutwe no kuvuga/kuririmba umuvugo/indirimbo.<br>- Gusesengura imiterere y'indirimbo/ umuvugo agaragaza intego yabyo n'ikeshamvugo rikoreshwamo.<br>- Gusesengura amazina akomoka ku nshinga hagaragazwa intego n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe. | **Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo:** Gusobanura umwandiko no kungurana ibitekerezo.<br><br>**Ubushakashatsi:** Gushakisha amagambo batasobanukiwe mu nkoranya.<br><br>**Gusabana Kinyarwanda:** Gukora inshamake, kungurana ibitekerezo,ikibonezamvugo.<br><br>**Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi:** Gukorera mu matsinda.<br><br>**Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi:.** Ubukesha bwo kwitabira isomero no gusoma ibitabo binyuranye. |
| **Itondaguranshinga**<br><br>- Uburyo bw'inshinga<br>- Ikirango<br>- Integeko<br>- Ikigombero<br>- Inyifurizo<br>- Insano ,…<br>- Ibihe by'inshinga<br>- Ibihe bikuru (n'ibibyungirije) | - Gusoma neza bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.<br>- Gusobanurira amagambo akomeye mu matsinda.<br>- Gusimbuza amagambo andi bihuje inyito.<br>- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu matsinda.<br>- Kugereranya ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima bw'aho batuye<br>- Guhanga umwandiko mvugamiterere ku ngaruka z'imiturire y'akajagari<br>- Gutahura no gusobanura uburyo n'ibihe inshinga zitondaguyemo.. | **Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo:** Gusobanura umwandiko no kungurana ibitekerezo.<br><br>**Guhanga udushya:** Guhanga umwandiko mvugamiterere<br><br>**Ubushakashatsi:** Gushakisha amagambo akomeye mu nkoranya.<br><br>**Gusabana mu ndimi zemewe gukoreshwa mu gihugu:** Gukora inshamake, kungurana ibitekerezo,ikibonezamvugo<br><br>**Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi:** Gukorera mu matsinda.<br><br>**Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi:.** Ubukesha bwo kwitabira isomero no gusoma ibitabo binyuranye by'ubuvanganzo. |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 8. **Ikoranabuhanga (kuva ku rup. rwa 225 kugera ku rwa 256)** | 28 | - -Gusesengura umwandiko n'inkuru y'ikinyamakuru bivuga ku ikoranabuhanga.<br>- -Guhanga inkuru y'ikinyamakuru.<br>- Gutahura no gusesengura amagambo adahinduka. | - Umwandiko ku ngingo zivuga ku kamaro k'ikoranabuhanga mu mashuri:<br>- Inkuru y'ikinyamakuru ku ikoranabuhanga mu iterambere: ibitangaza by'ikoranabuhanga ntibisiba kwiyongera | **Inkuru y'ikinyamakuru ku ikoranabuhanga mu iterambere**<br>- Uturango tw'inkuru y'ikinyamakuru |

| | | |
|---|---|---|
| **Amoko y'amagambo**<br><br>Amagambo adahinduka.<br><br>- imigereka<br>- ibyungo<br>- indangahantu<br>- ibyegeranshinga<br>- inyigana<br>- utumamo<br>- amarangamutima | - Gusoma neza bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.<br>- Gusobanurira mu matsinda amagambo batasobanukiwe.<br>- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu matsinda.<br>- Kuvumbura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.<br>- Guhina umwandiko.<br>- Kungurana ibitekerezo ku gutunga ibikoresho by'ikoranabuhanga nka terefoni ku banyeshuri no ku kamaro k'ikoranabuhanga mu itangazamakuru.<br>- Guhanga inyandiko y'ikinyamkuru.<br>- Gutandukanya amagambo adahinduka no kuyakoresha neza mu nteruro. | **Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo:** Gusobanura umwandiko no kungurana ibitekerezo.<br><br>**Guhanga udushya:** Guhanga inyandiko y'ikinyamakuru**.**<br><br>**Ubushakashatsi:**<br><br>Gushakisha amagambo batasobanukiwe mu nkoranya.<br><br>**Gusabana mu Kinyarwanda:** Gukora inshamake, kungurana ibitekerezo,ikibonezamvugo.<br><br>**Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi:** Gukorera mu matsinda.<br><br>**Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi:.** Ubukesha bwo kwitabira isomero no gusoma ibitabo binyuranye by'ubuvanganzo. |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| **9. Ububi bw'ibiyobyabwenge (kuva ku rup. rwa 257 kugera ku rwa 274)** | 28 | - Gusesengura umwandiko n'inkuru ishushanyije ivuga ku bubi bw'ibiyobyabwenge,<br>- Guhanga inkuru ishushanyije no kugaragaza ibice by'interuro yoroheje. | **Inkuru ishushanyije ku ngingo ivuga ku bubi bw'ibiyobyabwenge: Ihene mbi ntawuyizirikaho iye** | Inkuru ishushanyije<br>- Uturango tw'inkuru ishushaanyije |
| 10. **Uburezi n'uburere (kuva ku rup. rwa 275 kugera ku rwa 300)** | 28 | - Gusesengura umwandiko uvuga ku itorero mu muco nyarwanda n'akamaro karyo.<br>- Kugaragaza imimaro y'amagambo mu nteruro yoroheje. | - Itorero mu muco nyarwanda n'akamaro karyo mu burere bw'urubyiruko: | - |

| | | |
|---|---|---|
| **Iyiganteruro**<br><br>Ibice by'interuro<br><br>- Ruhamwa (Amoko ya ruhamwa)<br>- Ruhamya: Inshinga n'ibyuzuzo(Amoko y'ibyuzuzo) | - Gusoma neza bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.<br>- Gusobanurira mu matsinda amagambo batasobanukiwe.<br>- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu matsinda.<br>- Kugaragaza ingingo z'ingenzi z'umwandiko no gukora inshamake.<br>- Kungurana ibitekerezo ku mpamvu zituma ibiyobwenge bidacika kandi ababifata bazi ingaruka zabyo ku buzima.<br>- Gutandukanya inkuru ishushanyijwe n'inkuru isanzwe.<br>- Guhanga inkuru ishushanyije.<br>- Gusesengura interuro hagaragazwa amoko ya ruhamwa n'amoko y'ibyuzuzo by'inshinga. | **Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo:** Gusobanura umwandiko no kungurana ibitekerezo.<br><br>**Guhanga udushya:** Guhanga inkuru ishushanyije.<br><br>**Ubushakashatsi:** Gushakisha amagambo batasobanukiwe mu nkoranya.<br><br>**Gusabana mu Kinyarwanda:** Gukora inshamake, kungurana ibitekerezo,ikibonezamvugo .<br><br>**Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi:** Gukorera mu matsinda.<br><br>**Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi:.** Ubukesha bwo kwitabira isomero no gusoma ibitabo binyuranye. |
| **Iyiganteruro:**<br>- Isanisha<br>- Imimaro y'amagambo mu nteruro yoroheje. | - Gusoma neza bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.<br>- Gusobanurira amagambo akomeye mu matsinda.<br>- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu matsinda.<br>- Kuvumbura ingingo ndangamateka na ndangamuco mu mwandiko.<br>- Gutahura ingingo z'ingenzi z'umwandiko no gukora inshamake y'umwandiko.<br>- Kugereranya itorero mu muco nyarwanda n'itorero muri iki gihe.<br>- Kungurana ibitekerezo ku kamaro itorero ryagira mu burere bw'urubyiruko muri iki gihe.<br>- Gusobanura inzira z'isanisha mu nteruro no kugaragaza imimaro y'amagambo mu nteruro. | **Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo:** Gusobanura umwandiko no kungurana ibitekerezo.<br><br>**Ubushakashatsi:**<br><br>Gushakisha amagambo akomeye mu nkoranya.<br><br>**Gusabana mu ndimi zemewe gukoreshwa mu gihugu:**<br><br>Gukora inshamake, kumgurana ibitekerezo,ikibonezamvugo.<br><br>**Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi:** Gukorera mu matsinda.<br><br>**Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi:.** Ubukesha bwo kwitabira isomero no gusoma ibitabo binyuranye. |

# Umuteguro w'amasomo ntangarugero anyuranye  ntangarugero ku mitwe inyuranye

## 1. Umuteguro w'isomo ntangarugero ryo "kumva umwandiko" (umutwe wa mbere)

**Izina ry'ishuri: ..................** **Amazina y'umwarimu: ............**

| **Igihembwe:** | **Itariki:** | **Inyigisho** | **Umwaka** | **Umutwe** | **Isomo rya** | **Igihe isomo rimara** | **Umubare w'abanyeshuri** |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| ......... | ............ | Ikinyarwanda | Wa kane | Wa mbere | Rya 1/26 | Iminota 80 | |
| Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize  n'umubare wabo: ... | | | | | | | |
| Umutwe Wa Mbere: Umuco Nyarwanda | | | | | | | |
| Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe | - Gusesengura umwandiko w'ubuvanganzo bwo muri rubanda.<br>- Gusesengura umugani muremure, insigamugani, igitekerezo cya rubanda, imigani migufi, ibisingizo, n'ibyivugo by'amahomvu. | | | | | | |
| Isomo | **Kumva no gusobanura umwandiko "Akamaro k'ineza"** | | | | | | |
| Imiterere y'aho isomo ribera | Isomo rizatangirwa mu ishuri. | | | | | | |

| | |
|---|---|
| Intego zihariye: | Ahereye ku mugani yasomye, nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora<br>Gusobanura neza umwandiko, gusobanura no gukoresha neza amagambo ari mu nteruro, akanasubiza neza ibibazo byo kumva umwandiko. |
| Imfashanyigisho | Amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri kirimo umwandiko**"Akamaro k'ineza"** n'inkoranyamagambo. |
| Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe | Integanyanyigisho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'inkoranyamagambo. |

| Igice k'isomo n'igihe kimara | **Gusobanura igikorwa umwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora.**<br>**Umwarimu y**ifashisha umwandiko w'umugani, amashusho n'izindi mfashanyigisho zifatika, agafasha abanyeshuri gusobanura no gukoresha amagambo batasobanukiwe ari mu mwandiko akanabaza ibibazo ku mwandiko. | | Ubushobozi<br>n'ingingo nsanganyamasomo |
|---|---|---|---|
| | **Ibikorwa by'umwarimu** | **Ibikorwa by'umunyeshuri** | |
| **1. Intangiriro:**<br>Iminota 10<br><br>**2. Isomo nyirizina:**<br><br>**Iminota 50** | -Gusaba abanyeshuri kwitegereza amashusho bakavuga ibyo babona kuri ayo mashusho n'uko bayabona.<br>-Kubaza ibibazo ku mashusho mvumburamatsiko.<br>**Ingero:**<br>1.Ni iki mubona kuri iri shusho?<br>2.Umuntu yaba abanye ate n'inka kugera aho zimurigata mu mutwe?<br>3.Umuntu wagira inshuti yawe ni uwagukoreye iki? | -Kwitegereza amashusho beretswe.<br>-Gusubiza ibibazo mvumburamatsiko ku mashusho.<br>**Urugero rw'ibisubizo:**<br>1.Hariho umwana w'umukobwa inka ebyiri zirimo kurigata mu mutwe.<br>2.Uwo muntu yaba abanye neza n'izo nka, amenyeranye na zo mbese yarabaye nk'inshuti yazo.<br>3.Ni uwangiriye neza (aha ibisubizo bishobora kuba byinshi).<br>-Gusoma umwandiko bucece.<br>-Gusubiza ibibazo bigaragaza ko basomye. | **Ubushobozi nsanganyamasomo:**<br>-Ubushobozi bwo gusabana mu Kinyarwanda.<br>-Ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo.<br>-Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi bigaragarira mu gukorera mu matsinda. |

<table>
<tr>
<td></td>
<td rowspan="2">-Kubwira abanyeshuri ko ubucuti butaba hagati y'abantu gusa, ahubwo bushobora no kuba hagati y'abantu n'inyamanswa. Ababwira ko ibyo biba bifite ikibitera akaba ari byo bagiye gusoma mu mwandiko "Akamaro k'ineza" uri mu gitabo cyabo.<br><br>Igikorwa cya mbere:<br><br>-Kubwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece.<br><br>-Kugenzura ko basomye ababaza ibibazo.<br><br>Urugero:<br><br>1. Ni ba nde bavugwa muri uyu mwandiko?<br><br>2. Uyu mwana w'umukobwa aravugwaho iki?<br><br>-Gusaba abanyeshuri gusimburana basoma mu ijwi riranguruye.<br><br>-Gufasha umunyeshuri kwikosora mu gihe adasomye neza.<br><br>Igikorwa cya kabiri: Gukorera mu matsinda<br><br>Kubwira abanyeshuri gusomera umwandiko mu matsinda basobanura amagambo akomeye banasubiza ibibazo byo kumva umwandiko.</td>
<td rowspan="2">Urugero rw'ibisubizo<br><br>1. Haravugwamo Nyiragahinda, umwami, umugore w'umwami, inka z'umwami n'akanyoni.<br><br>2. Uyu mukobwa ni imfubyi. Yabuze aho aba, ajya guhakwa ibwami, inka z'umwami zikamukunda kuko yazifataga neza. Ibyo byatumye umwami na we amukunda, ariko umugore w'umwami kubera ishyari, agashaka kumwica. Ntiyabishoboye ariko kuko umwami yaje kumurongora ku bw'inyungu byamuheshaga mu bworozi bwe.<br><br>-Gusoma umwandiko baranguruye bagenda basimburana.<br><br>-Gusimburana basoma mu ijwi riranguruye<br><br>-Kwikosora mu gihe asoma.</td>
<td rowspan="2">Ingingo nsanganyamasomo:<br><br>Umuco w'amahoro ugaragarira mu nsanganyamatsiko ikubiye mu mugani.<br><br>Uburinganire n'ubwuzuzanye:<br><br>Igaragarira aho abanyeshuri b'ibitsina byombi basoma.</td>
</tr>
<tr>
<td></td>
</tr>
</table>

| | | | |
|---|---|---|---|
| | -Kugenzura ibikorerwa mu matsinda.<br>-Gukemura imbogamizi abanyeshuri bahura na zo niba zihari.<br>**Igikorwa cya gatatu: Kumurika ibyavuye mu matsinda**<br>-Kubwira buri tsinda kumurika ibyo ryakoze.<br>-Gufasha abanyeshuri kunoza ibyavuye mu matsinda babikorera inshamake.<br>-Gusaba abanyeshuri kwandika inshamake mu makaye yabo. | -Gusomera umwandiko mu matsinda, banashakishiriza hamwe inyito amagambo mashya afite mu mwandiko n'izo yagira mu zindi mvugiro, banasubiza ibibazo byo kumva umwandiko.<br>-Kugaragaza imbogamizi igihe bahuye na zo.<br>-Kugaragaza ibyavuye mu matsinda.<br>-Kunoza ibyavuye mu matsinda no kubikorera inshamake<br>-Kwandika mu makaye yabo inshamake y'ibyavuye mu matsinda. | **Uburezi budaheza**<br>Igaragarira aho umwarimu afasha abafite imbogamizi mu myigire. |
| **3.Umusozo w'isomo**<br>**Iminota : 20**<br>**Ikomatanya** | -Kubaza iby'ingenzi bize mu mwandiko basomye.<br>-Kubaza abanyeshuri kuvuga amagambo bungutse. | -Kuvuga iby'ingenzi bize mu mwandiko basomye.<br>-Kuvuga amagambo mashya bungutse. | **Ubushobozi nsanganyamasomo:**<br>Ubushakashatsi n'ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| Isuzuma | -Kubaza abanyeshuri kuvuga ibyari bikubiye mu mwandiko basomye.<br>-Kubaha umwitozo w'inyunguramagambo uri mu gitabo cy'umunyeshuri. | -Kuvuga ibyari bikubiye mu mwandiko basomye.<br>-Gusubiza umwitozo w'inyunguramagambo. | **Ubushobozi nsanganyamasomo:**<br>Ubushakashatsi n'ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo. |
| Umukoro | -Guha abanyeshuri umukoro wo mu rugo ku mwandiko basomye. | -Kwandika umukoro bari bukorere mu rugo. | **Ubushobozi nsanganyamasomo:**<br>1.Ubushakashatsi n'ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo.<br>2. Guhanga udushya. |
| Kwisuzuma (umwarimu) | Kugaragaza ikigero abanyeshuri bumviseho isomo n'uko baryakiriye; hakagaragazwa n'imbogamizi kuri iryo somo mu gihe zihari. | | |

## 2. Umuteguro w'isomo ntangarugero ry'ikibonezamvugo (Umutwe wa kabiri)

**Izina ry'ishuri: ………………** **Amazina y'umwarimu: …………**

| Igihembwe: | Itariki: | Inyigisho | Umwaka | Umutwe | Isomo rya | Igihe isomo rimara | Umubare w'abanyeshuri |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| …………… | ………… | Ikinyarwanda | Wa kane | Wa kabiri | rya …/14 | Iminota 80 | .................. |

| | |
|---|---|
| Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo: umwe ufite ubumuga bwo kutumva neza. | |
| UMUTWE WA KABIRI: UMUCO W'AMAHORO | |
| Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe | Gutanga inshoza no gusesengura intego n'amategeko y'igenamajwi by'igisantera<br>-Gusesengura umwandiko uvuga ku ihohoterwa.<br>-Kwandika inkuru cyangwa umuvugo ku muco w'amahoro no kwerekana inshoza |
| Isomo | Gutahura no gusesengura igisantera |
| Imiterere y'aho isomo ribera | Isomo rizatangirwa mu ishuri. |
| Intego ngenamukoro: | Ahereye ku nteruro zavuye mu mwandiko yize zirimo amazi ibisantera, umunyeshuri araba ashobora:<br>**Ubumenyi:**<br>Gusobanura inshoza y'igisantera, uturango, intego n'amategeko y'igenamajwi uko bikwiye akanatandukanya ntera, izina ntera n'igisantera. |
| Imfashanyigisho | Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo k'iyigandimi/ikibonezamvugo. |
| Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe | Integanyanyigisho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo k'ikibonezamvugo. |

| Igice k'isomo n'igihe kimara | Gusobanura igikorwa umwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora<br>Kwifashisha ingero z'interuro zirimo ibisantera ziri mu gitabo cy'umunyeshuri, gufasha abanyeshuri gutahura igisantera, kuvuga inshoza n'uturango twayo no kuyikoresha mu nteruro ziboneye. | | Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo |
|---|---|---|---|
| | Ibikorwa by'umwarimu | Ibikorwa by'umunyeshuri | |
| 1. Intangiriro:<br>Iminota 10 | -Kureba uko umukoro yahaye abanyeshuri wakozwe.<br>-Gusomesha abanyeshuri agace k'umwandiko baheruka kwiga kiganjemo interuro zirimo ibisantera.<br>-Kwandika izo nteruro ku kibaho aca akarongo kuri ntera cyangwa azandikisha ibara no gusaba abanyeshuri gutahura imetere n'isano by'amagambo aciyeho akarongo.<br>-Kubaza ikibazo kiganisha ku isomo nyirizina no kucyandika ku kibaho kugira ngo abatumva neza bagisome: igisantera. | -Kugaragaza uko bakoze umukoro.<br>-Gusoma agace k'umwandiko umwarimu abereka.<br>-Kugaragaza imiterere n'isano ry'amagambo aciyeho akarongo mu nteruro zanditse ku kibaho.<br>-Kuvuga ubwoko bw'amagambo bamaze kugaragariza imiterere: igisantera. | 1. Ubushobozi bwo gusabana mu Kinyarwanda.<br>2.Ubushakashatsi no gukemura ibibazo<br>3. Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi bigaragarira mu gukorera mu matsinda. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 2. Isomo nyirizina:<br><br>Iminota: 50 | -Gusaba abanyeshuri gukora amatsinda no kubagabanya ibyo bagomba gukora akanabyandika ku kibaho kugira ngo abatumva neza babisome. Hari itsinda rihabwa gushaka uturango n'inshoza by'igisantera, irindi intego n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe mu gisantera.<br>-Guha abanyeshuri ibibazo bibafasha gutahura inshoza n'uturango by'igisantera n'ibibafasha gusesengura ibisantera akanabyandika ku kibaho kugira ngo abatumva neza babihasome.<br>-Kwitegereza no kugenzura ibikorwa byo mu matsinda areba imbogamizi bahuye na zo abafasha kuzikemura ubwabo.<br>-Gusaba abanyeshuri kugaragaza ibyavuye mu matsinda no kubikorera ubugororangingo.<br>-Gufasha abanyeshuri gukora inshamake y'ibyakorewe ubugororangingo bikandikwa ku kibaho.<br>-Gusaba abanyeshuri kwandika mu makaye yabo. | -Gukora amatsinda.<br><br>-Gukorera hamwe mu matsinda. Aho bahuye n'imbogamizi bagasaba ubufasha bw'umwarimu.<br><br>-Kugaragaza ibyavuye mu matsinda no ku bikorera ubugororangingo: Inshoza y'igisantera, intego n'amategeko y'igenamajwi aho biri ngombwa.<br><br>-Gukora inshamake y'ibyavuye mu matsinda no kubinoza.<br><br>-Kwandika mu makaye yabo inshamake. | Ubushobozi nsanganyamasomo:<br>• Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi bigaragarira mu gukorera mu matsinda.<br><br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br>Uburinganire n'ubwuzuzanye: Abahungu n'abakobwa barasubiza.<br><br>**Uburezi budaheza**<br>Abafite ibibazo byihariye baritabwaho. |
| 3.Umusozo w'isomo<br>Iminota: 20<br><br>Ikomatanya | -Gusaba abanyeshuri gushaka izindi nteruro zikoresheje mo ibisantera, kwerekana intego yabyo n'amategeko y'igenamajwi aho biri ngombwa. | -Gushaka interuro zikoreshejemo ibisantera, kwerekana intego y'izina ntera n'amategeko y'igenamajwi. | Ubushobozi nsanganyamasomo: Ubushakashatsi bugaragarira mu gushakisha izindi ngero zinyuranye. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| Isuzuma<br><br>Umukoro | -Gusaba abanyeshuri gutanga inshoza n'uturango by'igisantera, kwerekana intego yizina ntera n'amategeko y'igenamajwi.<br>-Gusaba abanyeshuri gutandukanya ntera, izina ntera n'igisantera.<br>-Gusaba abanyeshuri gusubiza umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri wo gusesengura ibisantera. | -Gutanga inshoza n'uturango by'igisantera.<br>-Kwerekana intego y'igisantera n'amategeko y'igenamajwi.<br>- Gutandukanya ntera, izina ntera n'igisantera.<br><br>-Gusubiza umwitozo ku bisantera. | Ubushobozi nsanganyamasomo:<br>Ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo. |
| Umukoro | -Gusaba abanyeshuri gushaka izindi ngero zinyuranye z'ibisantera no kuzisesengura bagaragaza intego n'amategeko y'igenamajwi akoreshwamo. | -Gushaka izindi ngero z'ibisantera no kuzisesengura bagaragaza intego n'amategeko y'igenamajwi. | Ubushobozi nsanganyamasomo:<br>1. Ubushakashatsi bugaragarira mu gushakisha izindi ngero zinyuranye.<br>2. Kwiga no guhora biyungura ubumenyi. |
| Kwisuzuma ku mwarimu | Kugaragaza ikigero abanyeshuri bumviseho isomo n'uko baryakiriye; hakagaragazwa n'imbogamizi kuri iryo somo igihe zihari. | | |

## 3. Imbata y'isomo ntangarugero ryo gusoma no gusesengura umwandiko (umutwe wa gatatu)

**Izina ry'ishuri:…………** **Amazina y'umwarimu: ……………**

| Igihembwe: | Itariki: | Inyigisho | Umwaka | Umutwe | Isomo | Igihe isomo rimara | Umubare w'abanyeshuri |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Cya……. | ………… | Ikinyarwanda | Kane | Wa gatatu | Rya …/30 | Iminota 80 | 42 |
| **Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo**<br>Abana batabona: 3 | | | | | | | |
| Umutwe wa gatatu | UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE | | | | | | |
| Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe | Gusesengura umwandiko ku buringanire n'ubwuzuzanye<br>Kuyobora no gutegura ibiganiro mpaka ku nsanganyamatsiko ivuga ku buringanire n'ubwuzuzanye mu murimo.<br>Gusobanura amategeko y'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda. | | | | | | |
| Isomo | Gusesengura umwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu mirimo yo mu rugo." | | | | | | |

| | |
|---|---|
| Imiterere y'aho isomo ribera | Isomo ritangirwa mu ishuri. |
| Intego ngenamukoro | Ahereye ku mwandiko uvuga ku buringanire n'ubwuzuzanye mu mirimo yo murugo, nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora |
| Imfashanyigisho | Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri n'inkoranyamagambo. |
| Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe | Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'imbuga za interineti zivuga ku buringanire n'ubwuzuzanye n'ibindi bitabo bivuga ku buringanire n'ubwuzuzanye. |

| Ibice by'isomo | **Gusobanura igikorwa Umwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora**<br>Kwifashisha umwandiko uvuga ku buringanire n'ubwuzuzanye no gufasha abanyeshuri gusubiza ibibazo byo kuwusesengura. | | Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo |
|---|---|---|---|
| | **Ibikorwa by'umwarimu** | **Ibikorwa by'umunyeshuri** | |
| **1. Intangiriro: Iminota 5** | -Kugenzura ko abanyeshuri bakoze umukoro.<br>-Kabaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bibafasha gusubiramo<br>**Urugero**:<br>Ni uwuhe mwandiko duheruka gusoma?<br>Ni abahe bakinankuru b'ingenzi bavugwagamo?<br>Bavugwagaho iki mu muryango wabo? | -Kugaragaza aho bakoreye umukoro.<br>-Gusubiza ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga.<br>**Urugero rw'ibisubizo**:<br>-Ni umwandiko uvuga uburinganire n'ubwuzuzanye mu mirimo yo mu rugo.<br>-Havugwagamo Mariyana na Habimana.<br>-Bari bafite uburinganire n'ubwuzuzanye mu mirimo yo mu rugo. | **Ingingo nsanganyamasomo:**<br>- Uburinganire n'ubwuzuzanye bugaragarira mu bivugwa mu mwandiko no mu gusubiza kw'ibitsina byombi. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **2. Isomo nyirizina:**<br><br>**Iminota 50** | **Igikorwa cya mbere:**<br><br>-Kubwira abanyeshuri kongera gusoma umwandiko bari mu matsinda.<br><br>-Gasaba abanyeshuri gusoma mu ijwi riranguruye ibibazo byo gusesengura umwandiko bikandikwa ku kibaho kugira ngo abafite ibibazo byo kutumva babisome.<br><br>**Ibibazo**:<br><br>1. Ni iki kivugwa muri rusange muri uyu mwandiko?<br>2. Uyu mwandiko ukurikiranya ute ibitekerezo by'ingenzi? (Utangira ute? Ukomeza ute? Ukarangira ute?)<br>3. Ibyo bitekerezo bivuge mu magambo yawe bwite nko mu gika kimwe.<br><br>**Igikorwa cya kabiri:**<br><br>**-**Gusaba abanyeshuri kugerageza gusubiriza hamwe ibyo bibazo mu matsinda yabo.<br>-Kwitegereza no kugenzura ibikorwa byo mu matsinda areba imbogamizi bahuye na zo abafasha kuzikemura ubwabo. | -Gusomera umwandiko mu matsinda.<br><br>-Gusoma, mu ijwi riranguruye ibibazo byo gusesengura umwandiko no kubyandika ku kibaho, abafite ibibazo byo kutabona neza bakabyandika bakoresheje inyandiko yabo.<br><br>-Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko bari mu matsinda.<br><br>-Gusaba ubufasha bw'umwarimu igihe bahuye n'imbogamizi. | **Ubushobozi nsanganyamasomo:**.<br>1.Ubushobozi bwo gusabana mu Kinyarwanda.<br><br>**2.** Ubushakashatsi no gukemura ibibazo bugaragarira mu bibazo byo gusesengura umwandiko.<br><br>3. Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi bigaragarira mu gukorera mu matsinda.<br><br>**Ingingo nsanganyamasomo:**<br><br>Uburinganire n'ubwuzuzanye bugaragarira mu ngingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | **Igikorwa cya gatatu:**<br>-Gusaba abanyeshuri kugaragaza ibyavuye mu matsinda no kubikorera ubugororangingo bikandikwa ku kibaho. | -Kugaragaza ibyakorewe mu matsinda.<br>**Urugero rw'ibyava mu matsinda:**<br>Insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko<br>Muri uyu mwandiko baratubwira insanganyamatsiko y'uburinganire n'ubwuzuzanye mu mirimo yo mu rugo.<br>Ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko<br>Muri uyu mwandiko haravugwamo ingingo z'ingenzi zikurikira:<br>Ubukene bw'umuryango wa Habimana<br>Uko Habimana yirwanagaho.<br>Uko habimana yahuye na Mariyana.<br>Habimana abana na Mariyana<br>Uko Habimana na mariyana buzuzanyaga mu mirimo yose yo mu rugo.<br>Uko Habimana na Mariyana bateye imbere.<br>Habimana na Mariyana bafasha Akarere batuyemo. | **Ubushobozi nsanganyamasomo:**<br>-Ubufatanye bugaragarira mu gukorera mu matsinda.<br>**Ingingo nsanganyamasomo:**<br>-Uburinganire n'ubwuzuzanye bugaragarira mu ngingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko.<br>**Uburezi budaheza**<br>Bugaragarira aho umwarimu afasha abafite ibibazo. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **3.Umusozo w'isomo:**<br>**Iminota 5** | -Gusaba abanyeshuri gukora inshamake y'ibisubizo by'ibibazo byo gusesengura umwandiko. | -Gukora inshamake y'ibisubizo by'ibibazo byo gusengura umwandiko. | |
| **Isuzuma iminota15** | - Kubaza gukora inshamake y'umwandiko basesenguye bahereye ku ngingo z'ingenzi babonye | -Gukora inshamake y'umwandiko basesenguye.<br>**Urugero rw'inshamake:**<br>Habimana yavukiye mu muryango ukennye abaye imfubyi arererwa kwa nyirakuru na we wari umutindi nyakujya. Akajya yirwanaho ashakisha udufaranga asoroma icyayi. Nyirakuru amaze gupfa Habimana asigara ari ipfubyi buriburi. Yaje kumenyana n'umukobwa witwaga Mariyana bahuriye mu mahugurwa yo kwihangira umurimo barakundana bageze aho barabana. Kubera uburinganire n'ubwuzuzanye bwabarangaga bajya inama, banakora imirimo yose bafatanyije baza gukira batera imbere ku buryo byatangaje abantu bari bazi ko nta cyo bazigezaho kubera ko bombi bari imfubyi. Bamaze gukira bagiye inama yo guteza imbere aho batuye babubakira ibitaro babazanira n'amazi meza. | **Ubushobozi nsanganyamasomo:**<br>Ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **Umukoro iminota 5** | - Gusaba abanyeshuri, bari mu rugo, kuza guhina umwandiko bamaze gusesengura, nibagera mu rugo. | -Kwandika umukoro mu makaye yabo no guhina umwandiko bari mu rugo. | **Ubushobozi nsanganyamasomo:** Ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo. |
| Igenagaciro | Kugaragaza ikigero abanyeshuri bumviseho isomo n'uko baryakiriye; hakagaragazwa n'imbogamizi kuri iryo somo igihe zihari. | | |

## 4. Urugero rw'imbata y'isomo ku buvanganzo (umutwe wa gatandatu)

**Izina ry'ishuri:..................** **Amazina y'umwarimu:…………………**

| Igihembwe: | Itariki: | Inyigisho | Umwaka | Umutwe | Isomo | Igihe isomo rimara | Umubare w'abanyeshuri |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| ……… | ……… | Ikinyarwanda | Wa kane | Wa gatandatu | Rya …./28 | Iminota 40 | ……. |
| **Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo :** Biterwa n'abahari nk'uko bashobora kutahaba. Umwarimu ibyo avuze aranabyandika kugira ngo n'abatumva barebe naho ibyanditse bigasomwa mu ijwi riranguruye kugira ngo ufite ibibazo byo kutabona neza abyumve. Bagomba kandi kwicara mu buryo buborohereza gukurikira neza mu ishuri kandi ufite ibibazo byihariye mu kubona akicara imbere. Abanyeshuri bicara ku buryo ab'abahanga cyane baba bicaranye n'abagerageza kandi hanitawe ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi. | | | | | | | |
| Isomo: Ubuvanganzo | | | | | | | |
| Ikigwa: Indirimbo | | | | | | | |

| Umutwe wa gatandatu | Iterambere |
|---|---|
| Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe | Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe<br>Gusesengura indirimbo n'umuvugo bivuga ku gukunda umurimo n'akamaro k'umurimo mu iterambere.<br>Kugaragaza uturango tw'indirimbo n'utw'umuvugo n'ikeshamvugo rigaragaramo (injyana, isubirajwi n'isubirajambo).<br>Guhanga umuvugo yubahiriza uturango twawo no gusesengura amazina akomoka ku nshinga. |
| Isomo | Inshoza n'uturango tw' indirimbo |
| Imiterere y'aho isomo ribera | Isomo rizatangirwa mu ishuri. |
| Intego ngenamukoro | Ahereye ku ndirimbo yizwe, umunyeshuri araba ashobora:<br>Ubumenyi:<br>Gutahura uturango tw'indirimbo akanasesengura ikeshamvugo rikoreshwa mu ndirimbo. |
| Imfashanyigisho | Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri kirimo indirimbo " Umurunga w'iminsi " |
| Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe | Integanyanyigisho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'ubuvanganzo n'ibindi bitabo binyuranye by'Ikinyarwanda birimo indirimbo zinyuranye. |

| Igihe buri kiciro kimara | **Gusobanura igikorwa umwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora**<br>Kwifashisha indirimbo yasomye cyangwa yumvise hifashishijwe iradiyo no gufasha abanyeshuri gutahura uturango tw'indirimbo no kugaragaza uturango tw'ikeshamvugo twakoreshejwemo. | | Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo |
|---|---|---|---|
| | **Ibikorwa by'umwarimu** | **Ibikorwa by'umunyeshuri** | |
| 1.Intangiriro:<br>Iminota 5<br>Isubiramo | -Kubaza abanyeshuri isomo baheruka kwiga.<br>**Urugero**: **Ni irihe somo twize ubushize?**<br>-Gusaba abanyeshuri kongera kuririmba iyo ndirimbo kugira ngo bayiyibutse.<br>-Kubaza ikibazo kiganisha ku isomo ry'umunsi.<br>**Urugero**: Murabona iyi ndirimbo irangwa n'iki?<br>-Kwandika umutwe w'isomo ku kibaho: **uturango tw'indirimbo** | -Kugaragaza aho bakoreye umukoro.<br>-Kuvuga isomo baheruka kwiga "Twaririmbye indirimbo umurunga w'iminsi."<br>-Kuririmba indirimbo "Umurunga w'iminsi.<br>- Gusubiza ibibazo. Irangwa no kuba ifite ibitero n'inyikirizo. | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br>1. Ubushobozi bwo gusabana mu Kinyarwanda.<br>2. Ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo.<br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br>-Umuco wo kuzigama ugaragarira mu ndirimbo ivuga ku nsanganyamatsiko yo gukunda umurimo n'akamaro k'umurimo mu iterambere. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **2. Isomo nyirizina:**<br>**Iminota 25**<br><br>**Isesengura** | **Igikorwa cya mbere:**<br>-Gusaba abanyeshuri gukora amatsinda, bagasoma indirimbo bamaze kuririmba bitegereza imiterere yayo.<br>-Kubaza abanyeshuri ibibazo bibafasha gutahura uturango tw'indirimbo n'uturango tw'ikeshamvugo twakoreshejwemo.<br>**Urugero**:<br>1.Uyu mwandiko ni bwoko ki ? Kubera iki ?<br>2.Uhereye kuri iyi ndirimbo, erekana imiterere y'indirimbo n'ikeshamvugo rikoreshwa mu ndirimbo.<br>3.Garagaza akamaro k'indirimbo mu gutambutsa ubutumwa.<br>4. Ni utuhe turango tw'ikeshamvugo twakoreshejwemo?<br>-Kwitegereza no kugenzura ibikorwa byo mu matsinda no kureba imbogamizi abanyeshuri bahuye na zo abafasha kuzikemura ubwabo.<br>**Igikorwa cya kabiri:**<br>- Gusaba abanyeshuri kumurika ibyavuye mu matsinda berekana uturango twose tw'indirimbo, akamaro k'indirimbo mu gutambutsa ubutumwa n'uturango tw'ikeshamvugo tunyuranye basanzemo.<br>-Gusaba abanyeshuri kwandika inshamake y'ibyavuye mu matsinda. | -Gukora amatsinda no gusoma indirimbo, bakanasesengura imiterere yayo.<br>-Gukorera mu matsinda bagerageza gusubiza ibibazo bibafasha gutahura inshoza, uturango tw'indirimbo n'ikeshamvugo ryakoreshejwemo.<br>- Gutahura uturango tw'indirimbo basomye no kugaragaza uturango tw'ikeshamvugo dukubiyemo (injyana, isubirajwi, isubirajambo,....)<br>-Kugaragaza imbogamizi bahuye na zo bakazikemura ubwabo bafashijwe n'umwarimu.<br>-Kugaragaza ibyavuye mu matsinda no kubikorera ubugororangingo bafashijwe n'umwarimu.<br>- Kwandika ku kibaho no mu makaye yabo ishamake y'ibyavuye mu matsinda (inshoza, uturango tw'indirimbo, akamaro k'indirimbo mu gutambutsa ubutumwa n'uturango tw'ikeshamvugo twakoreshejwe mu muvugo). | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br><br>1. Gusabana mu Kinyarwanda bungurana ibitekerezo mu matsinda.<br>2. Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi bigaragarira mu gukorera hamwe mu matsinda mu guafatanya na bagenzi babo. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **3.Umusozo w'isomo:**<br>**Iminota 10**<br>**Ikomatanya** | -Gusaba abanyeshuri kugaragaza mu nshamake ibyo bamaze kwiga ku ndirimbo. | -Kugaragaza mu nshamake ibyo bamaze kwiga ku ndirimbo. | **Ubushobozi nsanganyamasomo:**<br>Ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo<br>Ingingo nsanganyamasomo y'uburezi budaheza<br>Uburinganire |
| Isuzuma | -Guha abanyeshuri imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri, yo gusuzuma ko bafashe neza uturango tw'indirimbo. | -Gukora imyitozo yo gusuzuma ko bafashe neza uturango tw'indirimbo. | **Ubushobozi nsanganyamasomo:**<br>Ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo<br>Ingingo nsanganyamasomo |
| Umukoro | -Gusaba abanyeshuri, bageze mu rugo, kuza guhanga indirimbo bubahiriza uturango twawo. | -Kwandika umukoro bari bukorere mu rugo. | **Ubushobozi nsanganyamasomo:**<br>1.Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi bari mu rugo.<br>2.Guhanga udushya<br>Ingingo: Uburinganire Uburezi budaheza |
| **Igenagaciro**: Kugaragaza ikigero abanyeshuri bumviseho isomo n'uko baryakiriye; hakagaragazwa n'imbogamizi kuri iryo somo igihe zihari. | | | |

## 5. Urugero rw'imbata y'isomo ryo kungurana ibitekerezo

**Izina ry'ishuri: ……….** **Amazina y'umwarimu: …….**

<table>
<tr><th>Igihembwe:</th><th>Itariki:</th><th>Inyigisho</th><th>Umwaka</th><th>Umutwe</th><th>Isomo rya</th><th>Igihe isomo rimara</th><th>Umubare w'abanyeshuri</th></tr>
<tr><td>Cya kabiri</td><td>……</td><td>Ikinyarwanda</td><td>wa mbere</td><td>Cumi</td><td>Rya …/28</td><td>Iminota 40</td><td>……………………</td></tr>
<tr><td colspan="8">Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo<br>Biterwa n'abahari nk'uko bashobora kutahaba. Umwarimu ibyo avuze aranabyandika kugira ngo n'abafite ibibazo byo kutumva barebe naho ibyanditse bigasomwa mu ijwi riranguruye kugira ngo ufite ibibazo byo kutabona neza abyumve. Bagomba kandi kwicara mu buryo buborohereza gukurikura neza mu ishuri kandi ufite ibibazo byihariye mu kubona akicara imbere. Abanyeshuri bicara ku buryo ab'abahanga cyane baba bicaranye n'abagerageza kandi hanitawe ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi.</td></tr>
<tr><td>Umutwe wa cumi</td><td colspan="7">UBUREZI N'UBURERE</td></tr>
<tr><td>Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe</td><td colspan="7">- Kugaragaza akamaro k'itorero mu burere bw'urubyiruko muri iki gihe.</td></tr>
<tr><td>Isomo</td><td colspan="7">Kungurana ibitekerezo ku kamaro k'itorero mu burere bw'urubyiruko muri iki gihe.</td></tr>
<tr><td>Imiterere y'aho isomo ribera</td><td colspan="7">Isomo rizatangirwa mu ishuri abanyeshuri bicaye mu ntebe umuyobozi w'ikiganiro nyunguranabitekerezo yicaye imbere n'umwanditsi we.</td></tr>
</table>

| | |
|---|---|
| **Intego ngenamukoro** | Ahereye ku bisobanuro ahawe n'ubumenyi yungukiye mu kiganiro nyunguranabitekerezo, nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>Ubumenyi:<br>Kugaragaza akamaro itorero ryagira mu burere  bw'urubyiruko muri iki gihe. Abaryitabira abo ari bo n'ibyo baba bujuje.<br>Ubumenyi ngiro:<br>Kungurana ibitekerezo ku kamaro k'itorero muri iki gihe agira icyo avuga ku bitekerezo bya bagenzi be.<br>Gushyira mu bikorwa ibyo yize ku mwandiko uvuga ku itorero.<br>Ubukesha:<br>Gushishikarira no gushishikariza abandi kwitabira uburere bw'abana n'uburezi kuri bose.<br>Gushishikarira gusoma ibitabo bitandukanye no kwitabira amasomero. |
| Imfashanyigisho | Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo by'amateka bivuga ku itorero ry'Igihugu n'ibitabo by'ubuvanganzo. |
| Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe | Integanyanyigisho, igitabo  cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, n'ibindi bitabo binyuranye by'Ikinyarwanda bivuga ku mateka y' itorero ry'Igihugu. |

| Igihe buri kiciro kimara | Gusobanura igikorwa umwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora ahereye ku nsanganyamatsiko ivuga ku itorero umwarimu afasha abanyeshuri kungurana ibitekerezo ku kamaro k'itorero ry'Igihugu mu burere bw'urubyiruko muri iki gihe. | | Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo |
|---|---|---|---|
| | Ibikorwa by'umwarimu | Ibikorwa by'umunyeshuri | |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 1. Intangiriro:<br>Iminota 5<br><br>2. Isomo nyirizina:<br><br>Iminota 25 | -Kubaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa isomo baheruka kwiga.<br>**Urugero rw'ibibazo yabaza:**<br>1.Ni irihe somo duheruka kwiga?<br>2.Ni iyihe nsanganyamatsiko yavugwagamo?<br>-Kubwira abanyeshuri ko bagiye kungurana ibitekerezo ku ngingo ijyanye n'akamaro itorero rifite muri iki gihe mu burere bw'urubyiruko, abakwiye kuryitabira n'ibyo bagomba kuba bujuje.<br>-Gusaba abanyeshuri kurambura ibitabo byabo ahari ikibazo cyo kungurana ibitekerezo no kugisoma baranguruye no kucyandika ku kibaho.<br>-Gusaba abanyeshuri kwibukiranya uko ikiganiro nyunguranabitekerezo gikorwa.<br>-Gusaba abanyeshuri kwishakamo uyobora ikiganiro no gutangira ikiganiro.<br>- Kwita cyane ku buryo abanyeshuri bahana amagambo, uko batanga ibitekerezo bakurikije inyurabwenge. Ashobora no kubanza kubaha umwanya wo gukusanya ibitekerezo kuri ziriya ngingo kugira ngo babone kuzunguranaho ibitekerezo. | -Gusubiza ibibazo umwarimu ababaza.<br><br>**Urugero rw'ibisubizo**<br>-Duheruka gusesengura umwandiko ″ Uko ingimbi yarererwaga mu itorero″.<br>-Havugwagamo akamaro k'itorero mu burere bw'urubyiruko rwo hambere.<br>-Kurambura ibitabo byabo ahari umwitozo wo kungurana ibitekerezo no kujya impaka bakawusoma baranguruye bakanawandika ku kibaho.<br>-Kwibukiranya uko ikiganiro nyunguranabitekerezo bikorwa.<br>-Kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro nyunguranabitekerezo.<br>-Gutangira ikiganiro bungurana ibitekerezo.<br>-Gutanga ibitekerezo bijyanye n'ikiganiro. | Ubushobozi nsanganyamasomo:<br>-Gusabana mu Kinyarwanda<br>-Ubufatanye.<br><br>Ingingo:<br>- Uburinganire n'ubwuzuzanye bigaragarira mu gusubiza kw'ibitsina byombi.<br>- Uburezi budaheza |
| | | | Ubushobozi nsanganyamasomo:<br>-Gusabana mu Kinyarwanda<br>-Umuco w'amahoro ugaragarira aho abanyeshuri bahana ijambo mu m ahoro. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 3.Umusozo w'isomo: Iminota 5<br><br>Ikomatanya | -Gusaba abanyeshuri gufata umwanzuro ku kiganiro cyabo no kuwandika ku kibaho. | -Gukora umwanzuro w'ikiganiro. | Ubushobozi nsanganyamasomo:<br>- Ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo.<br>-Umuco w'amahoro. |
| Isuzuma Iminota 5 | -Kubaza abanyeshuri kugaragaza akamaro, kaganiweho, itorero rifite mu burere bw'urubyiruko muri iki gihe. | -Kuvuga akamaro k'itorero ku burere bw'urubyiruko muri iki gihe.. | Ubushobozi nsanganyamasomo:<br>Ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo. |
| Umukoro | -Gusaba abanyeshuri kubaza abo babana iwabo akandi kamaro k'itorero<br>mu burezi n'uburere bw'urubyiruko mu Rwanda rwo hambere | -Kwandika umukoro bazakoreraho ubushakashatsi.<br>" Ni akahe kamaro k'itorero mu burezi n'uburere bw'urubyiruko mu Rwanda rwo hambere" | Ubushobozi nsanganyamasomo:<br>-Ubushakashatsi.<br>-Kwiga no guhora biyungura ubumenyi. |
| Igenagaciro | Kugaragaza ikigero abanyeshuri bumviseho isomo n'imbogamizi bahuye na zo niba zihari. | | |

# Umutwe wa mbere

# Umuco nyarwanda

## (Umubare w'amasomo 40)

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 1 kugera ku rwa 48)**

| Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe |
|---|
| 1. Gusesengura imwe mu myandiko y'ubuvanganzo bwo muri rubanda: umugani muremure, insigamugani, igitekerezo cya rubanda, imigani migufi, ibisakuzo, ibisingizo n'ibyivugo by'amahomvu, gusobanura uko umuhango wo kwita izina wakorwaga no gukora imbata y'umwandiko. |
| 2. Kugaragaza intego y'amazina mbonera gakondo n'amategeko y'igenamajwi. |

## Ubuvanganzo bwo muri rubanda: Umugani muremure

**(Amasomo 5)**

### Umwandiko: Akamaro k'ineza

# Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 1 kugera ku rwa 4)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura amagambo akomeye.
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusoma neza umugani muremure yumvikanisha ibyo asoma kandi agaragaza isesekaza.
- Gusesengura umugani muremure.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira gusoma ingeri zinyuranye z'ubuvanganzo nyarwanda bwo muri rubanda.
- Gushishikarira gusabana, gutarama, abicishije mu ngeri zinyuranye.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo.

## Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**
   - Umwarimu abwira abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo cyabo, akababaza ibibazo bibafasha kuvumbura ibikubiye mu mwandiko.

   **Ingero z'ibibazo n'ibisubizo**

   a) Ni iki mubona kuri iyi shusho?
      - Hariho umwana w'umukobwa inka ebyiri zirimo kurigata mu mutwe.

   b) Umuntu yaba abanye n'inka ate kugera aho zimurigata mu mutwe?

- Uwo muntu yaba abanye neza n'izo nka, amenyeranye na zo mbese yarabaye nk'inshuti yazo.

c) Umuntu wagira inshuti yawe ni uwagukoreye iki?
- Ni uwangiriye neza (aha ibisubizo bishobora kuba byinshi).

Umwarimu abwira abanyeshuri ko ubucuti butaba hagati y'abantu gusa, ahubwo bushobora no kuba hagati y'abantu n'inyamanswa. Ababwira ko ibyo biba bifite ikibitera akaba ari byo bagiye gusoma mu mwandiko "Akamaro k'ineza" uri mu gitabo cyabo.

2. **Gusoma**

2.1. **Gusoma bucece**

Umwarimu abwira abanyeshuri kurambura ibitabo byabo ahanditse umwandiko "Akamaro k'ineza" akabasaba gusoma bucece, barangiza akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

**Ingero z'ibibazo n'ibisubizo**

Ni ba nde bavugwa muri uyu mwandiko?
- Haravugwamo Nyiragahinda, umwami, umugore w'umwami, inka z'umwami n'akanyoni.

Uyu mwana w'umukobwa aravugwaho iki?
- Uyu mukobwa ni imfubyi. Yabuze aho aba, ajya guhakwa ibwami, inka z'umwami zikamukunda kuko yazifataga neza. Ibyo byatumye umwami na we amukunda, ariko umugore w'umwami kubera ishyari, agashaka kumwica. Ntiyabishoboye ariko kuko umwami yaje kumurongora ku bw'inyungu byamuheshaga mu bworozi bwe.

2.2. **Gusoma mu ijwi riranguruye**

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko umwumwe, igika ku gika, baranguruye ijwi kugeza umwandiko urangiye. Umwarimu akurikirana uko basoma akosora aho bajijinganyije, aho basomye barya amagambo cyangwa batubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

3. **Gusobanura umwandiko**

3.1 **Inyunguramagambo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora amatsinda akabasaba gushaka amagambo batasobanukiwe no kuyasobanura

bakoresheje inkoranya ndetse no gutanga ingero z'interuro ayo magambo yakoreshejwemo. Igihe yagennye kirangiye ahitamo itsinda rimurika ibyo ryakoze andi matsinda agafasha mu kunonosora ibisubizo ku bufatanye na mwarimu mbere y'uko byandikwa mu makayi.

**Urugero rw'amwe mu magambo abanyeshuri bashobora kuba badasobanukiwe n'ibisobanuro byayo:**

| | |
|---|---|
| **Guhakwa** | Kujya kuba ahandi ukahakora akazi gatandukanye udahembwa bagutunze gusa. |
| **Ishyari** | Ingeso mbi igaragazwa n'akababaro umuntu aterwa n'uko mugenzi we ameze neza, atunze, akunzwe… |
| **Kwanduruka** | Kuva aho zari zibyagiye, kubyuka zikagenda. |
| **Ishyano** | Igitutsi bakoresha kuri bagenzi babo batishimiye bagereranya n'umugizi wa nabi. |
| **Guhinamirana** | Kutabasha kurambura ingingo z'umubiri. |
| **Igicuba** | Icyansi kinini babuganizamo amata cyangwa bakoresha badahira inka. |
| **Kuganga** | Kunyara kw'inka cyangwa n'izindi nyamaswa. |
| **Kuba mugari:** | Kubyibuha, bivuga kandi kwaguka. |

**Umwitozo w'inyunguramagambo**

1. Koresha interuro amagambo akurikira: ishyari, guhinamirana, igicuba, kuba mugari.

**Urugero rw'interuro**

| | |
|---|---|
| **Ishyari** | Bamuzamuye mu ntera none abo bakorana bamugiriye ishyari. |
| **Guhinamirana** | Amaguru ye yarahinamiranye kubera uburwayi. |
| **Igicuba** | Buganiza ayo mata mu gicuba. |
| **Kuba mugari** | Yabaye mugari kubera kugira ubuzima bwiza. |

2. Ukoresheje utwambi huza amagambo yavuye mu mwandiko n'ibisobanuro byayo

| | |
|---|---|
| Kuba mugari | Kuba munini cyane |
| | |
| Ishyari | Ingeso mbi igaragazwa n'akababaro umuntu aterwa n'uko mugenzi we ameze neza, atunze, akunzwe… |
| | Kuba mugufi cyane. |
| Guhinamirana | Kutabasha kurambura ingingo z'umubiri. |
| | Igitutsi utuka umuntu kubera kumushima ko ari igihangange. |
| Ishyano | Igitutsi bakoresha kuri bagenzi babo batishimiye bagereranya n'umugizi wa nabi. |

### 3.2 **Ibibazo byo kumva umwandiko**

Umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo, bagasubiza ibibazo ku mwandiko biri mu bitabo byabo. Ashobora no kongeraho ibye abona byakumvikanisha neza umwandiko. Nyuma y'igihe cyagenwe, umwarimu ahuriza abanyeshuri hamwe, agatoranya itsinda rimurika ibisubizo byaryo.

1. **Ni iki cyatumye Nyiragahinda aza ibwami?**
   Yaje ibwami guhakwa bitewe n'uko nta babyeyi yari agifite kandi nta n'ahandi hantu afite ho kuba.

2. **Ni izihe nyamaswa zivugwa muri uyu mwandiko?**
   Haravugwamo inka n'akanyamanza.

3. **Kuki umugore w'umwami yanze Nyiragahinda?**
   Yamwanze kubera ishyari yaterwaga n'uko umwami amukunda kandi ashobora kumumuharika. Ariko kuko atashakaga kubigaragaza yabihinduyemo ko ashobora kuzabamaraho inka azimarishije ineza.

4. **Kuki umwami yafashe ikemezo cyo kumurongora?**
   Yafashe ikemezo cyo kumurongora kuko ari we yakeshaga gutunga.

5. **Izina ni ryo muntu. Iyi mvugo ihuriye he n'ibivugwa mu mwandiko?**
   Nyiragahinda ni izina riganisha ku kugira ibibazo byinshi bituma uhora ubabaye ufite agahinda. Nyiragahinda yabaye imfubyi ari muto, akomeza kugenda ahura n'ibibazo bikomeye ndetse agirirwa ishyari n'umugore w'umwami kugeza aho amuta mu rwobo. Izina rye rero ni ryo we kuko ubuzima bwe bwari agahinda gusa.

6. **Ni zihe ngaruka zo kugira ishyari zigaragara mu mwandiko?**
   Kugira ishyari bitera kwangana, bitera kwica. Kubera ishyari, umugore w'umwami yanze Nyiragahinda kugera aho amuta mu rwobo ashaka kumwica.

7. **Wagira nama ki umuntu ugirira ishyari mugenzi we?**
   Namugira inama yo gukora neza kandi cyane kugira ngo agree ku byo mugenzi we yagezeho cyangwa se amurushe.

8. **Ese ni byiza ko ababyeyi bita amazina nka Nyiragahinda?**
   Oya. Ababyeyi ntibagombye kwita amazina ashobora guteza abana babo ibibazo.

9. **Wagira iyihe nama umuntu uhohotera abandi nk'uko uyu mugore w'umwami yahohoteye Nyiragahinda?**
   Kureka kugira nabi kuko bitera ingaruka mbi, ahubwo ineza igaruka ku wayikoze nk'uko byagendekeye Nyiragahinda

## **Igice cya kabiri:** Gusesengura umugani muremure

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. urapapuro rwa 4)**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura bimwe mu bigize umuco nyarwanda bigaragara mu mwandiko.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusesengura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko no guhina umwandiko.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira gusoma inyandiko zivuga ku buvanganzo bwo muri rubanda.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo, ibikoresho by'iyumvabona.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**
Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma baranguruye ijwi umwumwe igika ku kindi umwandiko "akamaro k'ineza" kugira ngo bawiyibutse.

2. **Gusesengura**
bamaze gusoma, umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo, akabaha ibibazo bibafasha gutahura mu mwandiko ingingo z'umuco n'ingingo z'ingenzi ziri mu wandiko.

### Ingero z'ibibazo

a) Tahura mu mwandiko ingingo z' umuco nyarwanda.

b) Uyu mwandiko ugizwe n'ibika bingahe? Shaka igitekerezo k'ingenzi gikubiye muri buri gika maze wandike inshamake y'umwandiko.

Mu matsinda yabo abanyeshuri bungurana ibitekerezo kuri ibyo bibazo, bakabishakira ibisubizo, mbere yo kubitangariza mu ruhame. Umwarimu anoza ibisubizo abanyeshuri batanga bikandikwa ku kibaho cyangwa bakabyerekanisha ibyuma bigaragaza inyandiko n' amashusho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

### Ingero z'ibisubizo bishoboka

Zimwe mu ngingo z'umuco ziri mu mwandiko

| | |
|---|---|
| **Guhakwa** | Mu Kinyarwanda guhakwa wari umuco. Iyo wabaga uri umukene, wajyaga guhakwa mu bakomeye kugira ngo bazakugabire. |

| | |
|---|---|
| **Agaciro k'inka** | Mu Rwanda inka zari zifite agaciro gakomeye. Zagiraga uruhare runini ibwami, mu birori, mu mihango y'ibwami. Mu buhake inka zahuzaga umugaragu na shebuja, inka ni zo bakwaga abageni ndetse muri iki gihe inka zabaye nke mu muhango wo gukwa bakoresha ibimenyetso byerekana ko bakoye inka kugira ngo bagaragaze umuco nyarwanda. Inka ni zo mafaranga y'ubu. |
| **Ibikomoka ku nka** | Amavuta n'amata na byo byifashishwaga mu mihango ya Kinyarwanda, no mu buzima bwa buri munsi bw'Abanyarwanda. |
| **Igicuba** | Ni igikoresho cyo mu muco nyarwanda bashyiragamo amata. |

## Urugero rw'ingingo z'ingenzi ukurikije ibika

Uyu mwandiko ugizwe n'ibika 4:

- Igika cya mbere: Icyatumye Nyiragahinda ajya guhakwa ibwami.
- Igika cya kabiri: Uko Nyiragahinda yabaye ibwami n'inkurikizi z'ishyari umugore w'umwami yamugiriye.
- Igika cya gatatu: Ingororano Nyiragahinda yabonye kubera ineza ye.
- Igika cya kane: Akamaro k'ineza.

## Urugero rw'inshamake y'umwandiko "Akamaro k'ineza"

Nyiragahinda amaze gupfusha ababyeyi bombi, yagiye guhakwa ibwami. Inka z'uwo mwami zimukundira ko azifata neza. Umwami na we arabimukundira, ariko umugore w'umwami amugirira ishyari ashaka kumwica. Nyamara ntiyabishoboye kuko amaze kumuroha mu cyobo, inka zanze kurisha no gushoka, ndetse zimwe zigapfa, noneho umwami agasaba ko Nyiragahinda agaragara inka ze zitaramushiraho. Kubera inyungu yabonaga mu bworozi bwe bitewe na Nyiragahinda, umwami yaje kumurongora akira agahinda agakize.

# Igice cya gatatu: Inshoza n'uturango by'umugani muremure

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 4 kugera ku rwa 5)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gutanga inshoza y'umugani muremure.
- Kurondora uturango tw'umugani muremure.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gutahura inshoza n'uturango tw'umugani muremure.
- Guca umugani muremure.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira gutega amatwi cyangwa gucira abandi umugani muremure.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda, imfashanyigisho zitegwa amatwi.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**
   Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma baranguruye ijwi umwumwe umwandiko "Akamaro k'ineza" kugira ngo bawiyibutse. Nyuma yo gusoma, umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku nshoza y'umugani muremure n'ibiwuranga. Ibi bibazo bishobora gukorerwa mu matsinda cyangwa bikabazwa abanyeshuri bose bari hamwe.

**Urugero**

Uyu mwandiko "Akamaro k'ineza" utangira ute? Usoza ute?

Ese imyandiko yose ni ko itangira?

Uratekereza ko ari ukubera iki uriya mwandiko wo utangira utyo?

Usibye uburyo utangiye n'uko usozwa, hari ikindi usanga cyaba gitandukanya uyu mwandiko n'indi wize cyangwa wasomye? Sobanura.

2. **Gusesengura**
   Umwarimu ahereye ku bisubizo abanyeshuri batanga, abafasha gutahura inshoza y'umugani muremure ndetse n'uturango twawo. Ibyavuye mu matsinda cyangwa ibisubizo abanyeshuri batanga biranozwa, bikandikwa ku kibaho n'inyuguti zigaragara cyangwa bakabyerekanisha ibyuma bigaragaza inyandiko n'amashusho. Ibyo bamaze kumvikanaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

## Inshoza n'uturango tw'umugani muremure

### Inshoza y'umugani muremure

Tugendeye ku bivugwa mu mugani, dusanga umugani muremure ari igihangano giteye nk'inkuru yiganjemo amakabyankuru. Umugani ufatira ku bifatika n'ibidafatika: abantu, ibintu, ibikoko, imyururu, Imana, urupfu, umuyaga, ubunyerere n'ibindi. Umugani "akamaro k'ineza" urimo abantu: Nyiragahinda, umwami,…amatungo: inka, inyoni (akanyamanza).

Akenshi umugani ubara ibidashoboka mu buzima busanzwe, nko kuvugisha ibitavuga. Nko muri uyu mugani akanyamanza karavuga, inka zanga kurisha, gukamwa … kubera ko zabuze ukunda kuzigirira neza, ziritwara nk'izizi ubwenge.

Umugani n'ubwo uhera ku nkuru zitabayeho, uba ugamije kwigisha gukora igikwiye cyangwa gukosora amakosa y'imyitwaririre y'abagize umuryango uyu n'uyu. Ni yo mpamvu bavuga ngo "umugani ugana akariho". Umugani "akamaro k'ineza", urigisha kugira neza, "ugira neza ineza ukayisanga imbere", ukanenga kugira nabi no kugira ishyari.

Umwandiko "akamaro k'ineza" ni umugani muremure.

Iyo tugendeye ku miterere, tubona ko umugani muremure utangirwa na kera habayeho cyangwa umunsi umwe, ugasozwa na si ge wahera. Ubusanzwe hari amagambo yo gushitura abantu ngo bagutege amatwi, utangire umugani nta n'umwe urangaye. Bene aya magambo abimburira umugani nyiri izina arimo ubwoko bwinshi, turafata urugero rumwe aho batangira bagira bati:

"Mbacire umugani, mbababambuze umugani, n'uzava i Kantarange azasange ubukombe bw'umugani bumanitse ku muganda w'inzu. Ubusa bwaritse ku manga, umuyaga urabwarurira, agaca karacuranga, uruvu ruravugiriza, nyiramusambi isabagirira inanga.

Akabuye kibiritse kajya epfo, nibirika njya ruguru, imbwa iti: "Mbwee"!

Nti: "Gapfe". Inka iti: "Mbaa"! Nti: "Kura dukurane mwana w'Imana".

Harabaye ntihakabe, harapfuye ntihagapfe, hapfuye imbwa n'imbeba, hasigaye inka n'ingoma".

Kubera ko imigani bayicaga nijoro, hari igihe abantu bageraga aho bagashaka gusinzira. Mu rwego rwo kubakangura, imigani imwe bayihagikamo uduka turirimbwa. Mu mugani "Akamaro k'ineza" akanyamanza karirimba kagira kati: "Inka zanze kunywa zabuze Nyiragahinda, inka zanze gukamwa zabuze Nyiragahinda, inka zanze izazo zabuze Nyiragahinda".

Kubwira cyangwa kubarira abandi umugani babyita "guca umugani". Umuntu uca umugani bamwita "gacamigani".

**Umukoro**

Bamaze gusobanukirwa n'uturango tw'umugani muremure, umwarimu abaha umukoro wo gushaka undi mugani cyangwa kwegera ababyeyi n'abo babana kugira ngo babacire umugani muremure na bo bazawucire bagenzi babo mu ishuri.

# Igice cya kane: Inshoza n'ingeri z'ubuvanganzo bwo muri rubanda

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 5 kugera ku rwa 6)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi**

- Gutahura inshoza y'ubuvanganzo bwo muri rubanda.
- Kurondora ingeri z'ubuvanganzo bwo muri rubanda.

**Ubumenyi ngiro**

- Gutandukanya ingeri z'ubuvanganzo bwo muri rubanda.

**Ubukesha**

- Gushishikarira gusoma ibitabo bitandukanye no kwitabira amasomero.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'ubuvanganzo, inkoranya, imfashanyigisho zitegwa amatwi cyangwa zigaragaza inyandiko n'amashusho.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**

   Umwarimu abwira abanyeshuri, nibura babiri guca umugani bazi, akagenzura ko buri wese avuga ashize amanga kandi akurikiranya neza ibitekerezo biri mu mugani acira abandi. Abafite ubumuga bwo kutavuga bo abasaba kwandika umugani ku rupapuro, hanyuma akaza gusoma ibyo banditse areba uburyo bakurikiranya ibitekerezo byabo.

   Barangije, umwarimu abaza ibibazo byibutsa uturango tw'umugani muremure.

## Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

a) Umugani muremure uri mu buhe bwoko bw'ubuvanganzo?
  - Ubuvanganzo bwo muri rubanda

b) Kubera iki?
  - Ni uko imigani miremire ari ubuhanzi bwamamaye muri rubanda. Aha abanyeshuri batanga ibisubizo bitandukanye umwarimu akababafasha kugera ku kiri cyo, akababwira ko bagiye kwiga ubuvanganzo bwo muri rubanda.

2. **Gusesengura**

Umwarimu abwira abanyeshuri kungurana ibitekerezo mu matsinda ku ngeri z'ubuvanganzo bwo muri rubanda no ku nshoza y'ubuvanganzo bwo muri rubanda bifashishije ibibazo bikurikira:

- Uretse umugani muremure, muvuge izindi ngeri z'ubuvanganzo bwo muri rubanda muzi.
- Mbese ubuvanganzo bwo muri rubanda ni iki?

Nyuma y'igihe yabageneye yongera guhuriza hamwe abanyeshuri, buri tsinda rikageza ku bandi ibyo ryagezeho. Abanyeshuri bayobowe n'umwarimu banoza kandi bakuzuza ibisubizo byatanzwe bikandikwa ku kibaho cyangwa hagakoreshwa ibyuma bigaragaza inyandiko n'amashushusho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

### Inshoza y'ubuvanganzo bwo muri rubanda

Inganzo ni ahantu ubundi bakura ibumba bakoresha mu kubumba inkono n'ibindi bikoresho bikoze mu ibumba. Kera umuhanzi yajyaga mu mwiherero akavayo azanye igihangano, akaba ari byo bita ko avuye mu nganzo. Bityo ubuvanganzo bwo muri rubanda ni ubuvanganzo nyemvugo bukubiyemo ubuhanzi bwamamaye muri rubanda, ubuhanzi bworoshye umunyarwanda abasha kumva no gusobanukirwa. Imvugo yabwo ntihanitse, buri wese yabashaga kuyumva.

### Ingeri z'ubuvanganzo bwo muri rubanda

Mu ngeri z'ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda twavugamo: imigani miremire, insigamigani, imigani migufi cyangwa imigenurano, indahiro, ibitekerezo bya rubanda, ibisakuzo, ibyivugo by'amahomvu, amahamba, amahigi, amasare (indirimbo z'abasare), amagorane,

ibitongero (mu kuragura, guterekera, kuvura, kugombora…), indirimbo z'imandwa, imbyino, ibihozo (iby'abana n'iby'abageni), ibyidogo by'abahinzi b'ubudehe cyangwa abandi bantu bitabiriye umurimo wa rusange...

Turagerageza kuvuga kuri zimwe muri izi ngeri nk'imigani miremire, insigamigani, ibitekerezo byo muri rubanda, imigani migufi, ibisakuzo n'ibisingizo n'ibyivugo by'amahomvu.

Kugira ngo abanyeshuri barusheho kugira uruhare, umwarimu abashyira mu matsinda hakurikijwe ingeri z'ubuvanganzo, maze buri tsinda rigasesengura buri ngeri rigaragaza inshoza, uturango ndetse n'ingero zinyuranye bahereye ku rugero rw'umugani muremure. Umwarimu agena igihe gikwiye cyo kubikoramo no kubitangariza bagenzi babo mu ishuri.

## Insigamigani: Baciye urwa mbehe

### (Amasomo 4)

### **Igice cya mbere:** Kumva no gusobanura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 7 kugera ku rwa 9)**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura amagambo batasobanukiwe.
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusoma neza insigamugani yumvikanisha ibyo asoma kandi agaragaza isesekaza no kuyisesengura.
- Gukoresha neza amagambo yungutse.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira gusoma ingeri zinyuranye z'ubuvanganzo nyarwanda bwo muri rubanda.
- Gushishikarira gusabana, gutarama, abicishije mu ngeri zinyuranye.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo, igitabo cy'ubuvanganzo, imfashanyigisho zitegwa amatwi cyangwa zigaragaza inyandiko n'amashusho, interineti.

## Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibafasha kuvumbura isomo bagiye kwiga.

### Ingero z'ibibazo n'ibisubizo

Imigani dukoresha mu mvugo zacu yagiye ituruka he?

- Yagiye ihimbwa n'abakurambere.
- Yakomotse ku bikorwa, ku migirire cyangwa ku mvugo z'abantu byamenyekanye cyane bigahinduka iciro ry'imigani.

Ikintu cyakomotseho umugani kitwa iki mu ijambo rimwe?

- Kitwa "insigamigani."

Umwarimu abwira abanyeshuri umutwe w'umwandiko bagiye gusoma akababwira urupapuro uherereyeho, hanyuma akandika uwo mutwe w'umwandiko ku kibaho.

2. **Gusoma**

2.1. **Gusoma bucece**

Mwarimu abwira abanyeshuri kurambura ibitabo byabo ahanditse umwandiko "Baciye urwa mbehe", bagasoma bucece. Iyo barangije gusoma, ababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

### Ingero z'ibibazo n'ibisubizo

Mbehe yari atuye he?

- Ku Ijwi

Yabayeho ku ngoma yande?

- Rwabugiri

2.2 **Gusoma baranguruye**

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko umwumwe igika ku kindi baranguruye ijwi kugeza umwandiko urangiye.

3. **Gusobanura umwandiko**

**3.1 Inyunguramagambo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora amatsinda akabasaba gushaka amagambo batasobanukiwe no kuyasobanura bakoresheje inkoranya. Barangije bahabwa umwanya wo gutangaza ibyo bagezeho. Umwarimu ahitamo itsinda rimwe, andi matsinda akavuga gusa ku byo iryo tsinda ritavuze cyangwa akaryunganira. Umwarimu afatanya n'abanyeshuri mu kunoza ibisubizo bitangwa, bikandikwa ku kibaho n'inyuguti zigaragara cyangwa bakabyerekanisha ibyuma bigaragaza inyandiko n'amashusho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

**Amwe mu magambo abanyeshuri bashobora kuba batasobanukiwe n'ibisobanuro byayo**

| | |
|---|---|
| **Guca mu myanya y'intoki** | Kubura ikintu ku buryo budasobanutse. |
| **Gutona** | Gukundwa n'umuntu ukomeye ugasumbishwa abandi mwari ku rwego rumwe bikajyana no guhabwa ibyiza biruta iby'abandi. |
| **Amakoro** | Amaturo yaturwaga umwami twagereranya n'imisoro y'iki gihe. |
| **Umwega** | Umuntu wo mu bwoko bw'abega. |
| **agandisha** | Agomesha, atuma banga kuyoboka ubuyobozi. |
| **amena ishyamba** | Yahuranya ishyamba, yambukiranya ishyamba. |
| **Imihango yo gukura Gicurasi** | Imihango yo gukura icyunamo cya Gicurasi ari ko kwezi bibukagamo iyicwa ry'umwami Ndahiro Cyamatare. |

| | |
|---|---|
| **ibishahu** | Kera umubisha wicirwaga ku rugamba yarashahurwaga (yacibwaga igitsina). |
| **kuhanya** | Kugenda wihuta uhumagira. |
| **ku nkiko** | Ku mupaka. |
| **Atabara nta nama, nta mana, nta mugaba** | Atabara atagishije inama, atabanje kuraguza, adashatse uzayobora imihango y'igitero kugira ngo ingabo zitsinde. |
| **Aragingimiranya** | Arashidikanya. |
| **Aragororoka** | Aracururuka, aruruka. |
| **Guca urubanza mu mafufu** | Kurufifika. Kuruca mu buryo budasobanutse. |

3.2 **Ibibazo n'ibisubizo by'umwitozo w'inyunguramagambo**

a) Tanga ibisobanuro by'imvugo zikurikira, unazikoreshe mu mu nteruro ziboneye:

- Guca mu myanya y'intoki. (Kubura ikintu ku buryo budasobanutse). Nafashe amafaranga menshi ansha mu myanya y'intoki ntiyagira icyo amarira pe!
- Gutabara nta nama, nta mana, nta mugaba. (Atabara atagishije inama, atabanje kuraguza). Mu muco nyarwanda nti byashobokaga ko ingabo zitabara nta nama, zabanzaga kujya kuraguriza igitero.

b) Uzurisha izi nteruro amagambo avuye mu mwandiko.

- Bamubajije impamvu yamuteye gukererwa ……………………(**aragingimiranya**)
- Umuntu wese ……………… abandi arabihanirwa (**ugandisha**)
- Yanze gutanga ………… y'umwami arabihanirwa. (**amakoro**)
- Yahembwe amafaranga menshi …………………… (**amuca** mu myanya y'intoki)

3.3 **Ibibazo n'ibisubizo ku mwandiko**

Umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo bagasubiza ibibazo ku mwandiko. Mu gutangaza ibyavuye mu matsinda, buri tsinda risubiza ikibazo kimwe irindi ikindi kugeza

birangiye. Ibisubizo bitanoze, umwarimu afatanya n'abanyeshuri kubinoza bikandikwa ku kibaho n'inyuguti zigaragara cyangwa bakabyerekanisha ibyuma bigaragaza inyandiko n'amashusho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

**Ibibazo n'ibisubizo ku mwandiko "Baciye urwa Mbehe"**

1. **Ni ba nde bavugwa muri uyu mwandiko**?
   - Muri uyu mwandiko haravugwamo Mbehe, Rwabugiri, Kabego ka Mwendo, Nkundiye ya Kabego, Nyiragisabirantore, Giharamagara cya Rwakagara, abatasi, n'ingabo.
2. **Kabego ka Mwendo yafashwe ryari**?
   - Yafashwe bateye ku ijwi ku nshuro ya gatatu.
3. **Kubera iki Mbehe yamenyekanye kwa Rwabugiri**?
   - Ni ukubera ko ari we wazanaga amaturo ibwami atumwe na Nkundiye.
4. "**Wabaye umugabo wahakanywe n'ibishahu bya so" bishatse kuvuga iki**?
   - Iyo uba uri umugabo ntiwagombye guhakwa ku wishe so akamushahura. Kera umubisha wicirwaga ku rugamba yarashahurwaga, bishatse kuvuga ko amashahu ya se wa Nkundiye yari yarajyanywe kwa Rwabugiri.
5. **Uburakari bwa Nkundiye bwagize iyihe ngaruka ku Rwanda**?
   - Bwatumye Nkundiye yigomeka, yiyimika ku Ijwi kandi atuma baganda ku mwami Rwabugiri.
6. **Mbehe yaciye urubanza ate? Urabitekerezaho iki**?
   - Yaciye urubanza afata impu zombi. Ntiyashakaga kwicisha abavandimwe be nubwo bari mu gitero cyateye u Rwanda.
7. **Ari wowe wari guca ruriya rubanza gute**?
   - Aha abanyeshuri batanga ibisubizo bitandukanye bavuga uko bari guca ruriya rubanza.
8. **Ni rihe zina rivugwa mu mwandiko abasizi bitaga Rwabugiri? Barimwitaga kubera iki**?
   - Katabyagira. Kubera ko aticaraga hamwe cyangwa ngo agende agishije inama abo bari kumwe

# Igice cya kabiri: Gusesengura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 10**

## Intego zihariye

**Ubumenyi**

- Gutahura ingingo ndangamuco na ndangamateka ziri mu nsigamugani.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusobanura bimwe mu bigize umuco nyarwanda n'amateka y'u Rwanda bigaragara mu nsigamugani.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira gusoma ingeri zinyuranye z'ubuvanganzo nyarwanda bwo muri rubanda.
- Gushishikarira gusabana, gutarama, abicishije mu ngeri zinyuranye.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo, ibyuma bigaragaza inyandiko cyangwa amashusho (Imfashanyigisho z'iyumvabona).

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**

   Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma insigamugani baranguruye umwumwe.

2. **Gusesengura insigamugani**

   Umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo akabasaba gutahura mu mwandiko ingingo z'umuco n'iz'amateka. Nyuma y'igihe yabageneye bagahurizwa hamwe bakamurika ibyo bagezeho. Abanyeshuri bafashijwe n'umwarimu banoza kandi bakuzuza ibyavuye mu matsinda bikandikwa ku kibaho cyangwa hagakoreshwa ibyuma bigaragaza inyandiko n'amashusho nyuma abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

### Urugero rw'ibyava mu matsinda

**Ingingo z'amateka:**

- Ikirwa k'Ijwi cyari cyarigaruriwe n'u Rwanda kiza kwegekwa kuri Kongo mu gihe abakoroni bigabanyaga Afurika.
- Hagaragaramo uburyo umwami Rwabugiri yari umurwanyi kabuhariwe nk'uko bizwi mu mateka akaba ari mu bami baguye u Rwanda cyane.
- Uturere n'imisozi by'u Rwanda bivugwa muri uyu mwandiko: Nduga, Bwanacyambwe.

**Ingingo ndangamuco:**

- Inkera y'imihigo.
- Ibyakorwaga kugira ngo umwami w'u Rwanda agabe igitero: kugisha inama, kuraguriza igitero(kweza imana), guhitamo umugaba w'igitero…

## Igice cya gatatu: Inshoza n'uturango by'insigamigani

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 10 kugera ku rwa 11)**

---

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gutanga inshoza y'insigamugani.
- Kurondora uturango tw'insigamugani.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gutandukanya umugani muremure n'insigamugani.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira gusoma ingeri zinyuranye z'ubuvanganzo nyarwanda bwo muri rubanda.
- Gushishikarira gusabana, gutarama, abicishije mu ngeri zinyuranye.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda, imfashanyigisho z'iyumvabona.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**

   Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko "Guca urwa Mbehe" baranguruye umwumwe kugira ngo bawiyibutse.

2. **Gusesengura**

   Umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo akabasaba gusubiza ibibazo bikurikira:

   Mugereranye umwandiko mumaze gusoma n'umugani muremure mwize maze mwerekane ikibitandukanya, mutsindagira cyane umwihariko w'uyu mwandiko. Uravuga iki? Ukivuga ute?

   Umwarimu arazenguruka mu matsinda yose, ayasabe kugendera ku bisubizo babonye no ku mwandiko basomye kugira ngo bungurane ibitekerezo ku nshoza n'ingeri z'insigamigani no ku mirangururire y'insigamigani.

   Nyuma y'igihe yabageneye umwarimu ahuriza abanyeshuri hamwe bavuye mu matsinda, buri tsinda rikageza ku bandi ibisubizo byaryo. Abanyeshuri bayobowe n'umwarimu banoza kandi bakuzuza ibyavuye mu matsinda, bikandikwa ku kibaho cyangwa hagakoreshwa ibyuma bigaragaza inyuguti n'amashusho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

### Inshoza y'insigamigani

Insigamigani ni imwe mu ngeri z'ubuvanganzo nyarwanda bwa rubanda, zikaba zaragaragariraga cyane, mu mivugire, mu migendere, mu myumvire, mu mikorere no mu mibereho y'ubuzima bw'Abanyarwanda bwa buri munsi.

Insigamigani ni ahantu cyangwa se abantu babaye abagenuzi b'imigani ubwabo cyangwa se inkomoko yayo. Kimwe n'ibindi rubanda bagenuriyeho, bakabigira iciro ry'imigani, nk'inyamaswa, inyoni, imyururu n'ibindi. Aha ni ho hava izina "IBIRARI BY'INSIGAMIGANI" Bikaba bishaka kuvuga, inkora y'aho ikintu cyanyuze kigana aha n'aha, bikaba kandi bivuga amayira abakomotseho amagambo

yabaye umugani banyuzemo igihe iki n'iki, ku buryo ubu n'ubu, byagenze bitya na bitya.

### Ingeri z'insigamigani

Insigamigani zigabanyijemo ingeri ebyiri:

**Hariho insigamigani nyirizina:** Ni zo abantu bazwi neza amavu n'amajyo, ku buryo rubanda bemeye kwigana imigirire yabo no mu mvugo isanzwe igakoreshwa, bigahinduka inyigisho y'ihame; dore nka Mbehe abura uko acira abavandimwe be urubanza akaruca mu mafuti agira ati "uyu akwiye gupfa cyangwa gukizwa", maze babona umuntu uciye urubanza mu mafuti bakavuga ngo "yaciye urwa mbehe" Nka Nyiramataza muka Rukari ati: "Ngiye kwa Ngara", Bajeyi ba Sharangabo bati: "Yarezwe Bajeyi", Rugaju rwa Mutimbo ati: "Nguye mu Matsa! …"

Mbehe, Ngara na Bajeyi babaye imvano y'imigani, naho Nyiramataza na Rugaju rwa Mutimbo babaye umugenuzi b'imigani.

**Hakabaho n'insigamigani nyitiriro:** Ni izo ibindi rubanda bagenuriyeho bikaba iciro ry'imigani, mbese nk'impyisi mu nyamaswa iti: "Harya ko kuvuga ari ugutaruka, nk'iriya Msheru ipfana iki na Mutamu? " Nk'inyombya mu nyoni yahagaze mu itongo rya Rugaju iti: "Mbatere akari aha!" Nk'igikeri, bati: "Gikeri utahe na Ntashya, kiti mfana iki n'ibiguruka? "Burya ibyo byose uko ari bitatu, babitwerereye amagambo y'abantu bahishiriye kubera umwanya bafite mu Gihugu cyangwa se mu muryango wubashywe. Si byo ubwabyo byivugiye ayo magambo.

### Itandukaniro hagati y'umugani muremure n'insigamugani

Umugani uvuga ibintu bitabayeho ugamije kwigisha kandi ugakoresha amakabyankuru. Ngo umugani ugana akariho. Batangira umugani bavuga ngo kera habayeho, bagasoza bavuga ngo si ge wahera. Mu gihe insigamugani yo itangira ivuga igihe runaka kizwi, abavugwa akaba ari bantu bazwi cyangwa se imyitwarire batsindira ibindi biremwa ariko bashaka kuvuga ibibaho mu mibanire y'abantu.

**Ibibazo n'ingero z'ibisubizo by'umwitozo**

1. **Tanga itandukaniro hagati y'umugani n'insigamugani**.
   - Umugani uvuga ibintu bitabayeho ugamije kwigisha ukoresha amakabyankuru. Ngo umugani ugana akariho. Batangira umugani bavuga ngo kera habayeho, bagasoza bavuga ngo si ge wahera. Mu gihe insigamugani yo itangira ivuga igihe runaka kizwi, abavugwa akaba aria bantu bazwi cyangwa se imyitwarire batsindira ibindi biremwa ariko bashaka kuvuga ibibaho mu mibanire.

2. **Imirangururire y'insigamigani ni iki**?
   - Barangura insigamugani bagaragaza inkora naka yanyuzemo ubwe, cyangwa iyo Gacamigani we yahimbiye kunyuzamo ikindi yitiriye amageza yavuyemo umugani.

3. **Tanga urugero rw'indi nsigamugani uzi, uvuge n'ingeri y'insigamigani ibarizwamo**.
   - Aha ibisubizo byanyurana. Umwarimu agenzura gusa ko bubahiriza ingeri z'insigamugani insigamugani batanze ibarizwamo.

# **Igitekerezo cya rubanda:** Butati na Nzabuheraheza

## (Amasomo 4)

## **Igice cya mbere:** Kumva no gusobanura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 12 kugera ku rwa 14)**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura amagambo atari asobanukiwe.
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusoma neza igiterezo cya rubanda yumvikanisha ibyo asoma kandi agaragaza isesekaza no kugisesengura.
- Gukoresha neza amagambo yungutse.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira gusoma ingeri zinyuranye z'ubuvanganzo nyarwanda bwo muri rubanda.
- Gushishikarira gusabana, gutarama, abicishije mu ngeri zinyuranye.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo, igitabo cy'ubuvanganzo, imfashanyigisho z'iyumvabona, interineti.

## Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**

   Mwarimu abwira abanyeshuri kwitegereza ishusho iri mu gitabo cyabo hanyuma akababazaho ibibazo.

   ### Ingero z'ibibazo n'ibisubizo

   Ni iki mubona kuri iyo shusho?

   - Hariho abagabo babiri bakuze barimo baganira iruhande rwabo hateretse imitwaro ibiri.

   Ese ubundi mu nzira ni ho baganirira?.

   - Oya, bashobora kuba bari bahuye cyangwa bari kumwe bagenda bakaba bananiwe barimo kuruhuka.

2. **Gusoma**

   2.1. **Gusoma bucece**

   Mwarimu abwira abanyeshuri gusoma bucece umwandiko "Butati na Nzabuheraheza". Iyo barangije gusoma, ababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

   ### Ingero z'ibibazo n'ibisubizo

   Ni ba nde bavugwa muri uyu mwandiko?

   - Haravugwamo abagabo babiri Butati na Nzabuheraheza.

   Ni iki babavugaho?

   - Abo bagabo bahendanye ubwenge.

   Abo bagabo bari bafite iki?

   - Butati yari afite umutwaro urimo amagufa, Nzabuheraheza afite urimo umurama.

   2.2. **Gusoma baranguruye**

   Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko umwumwe igika ku kindi baranguruye ijwi kugeza umwandiko urangiye.

3. **Gusobanura umwandiko**

   3.1. **Inyunguramagambo**

   Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gushaka amagambo batasobanukiwe mu mwandiko no kuyashakira ibisobanuro. Umwarimu ahuriza abanyeshuri hamwe bavuye mu matsinda, agatoranya itsinda rimwe rikageza ku bandi ibisubizo byaryo. Abagize andi matsinda bafatanyije n'umwarimu bunganira, banoza ibyo abagize itsinda ryatoranyijwe ritanze

maze bikandikwa ku kibaho n'inyuguti zigaragara cyangwa bakabyerekanisha ibyuma bigaragaza inyandiko n' amashusho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.


**Amwe mu magambo abanyeshuri bashobora kudasobanukirwa n'ibisobanuro byayo**

| | |
|---|---|
| **Intorezo** | ishoka. |
| **Uruboho** | umuzigo, umutwaro. |
| **Impamba** | ifunguro umuntu yitwaza ku rugendo rurerure. |
| **Imbehe** | igikoresho kibaje mu giti bariraho (isahani ya kinyarwanda). |
| **Kwigorora** | kwiyunga. |
| **Inyana y'ishashi** | inyana imaze gukura igeze igihe cyo kwima. |

Umwarimu abwira abanyeshuri gukorera umwitozo mu matsinda yabo, nyuma bagahuriza hamwe ibisubizo babonye bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

3.2 **Ibibazo n'ibisubizo by'umwitozo w'inyunguramagambo**

a) Hari magambo menshi akoreshwa mu kuvuga "intorezo". Tanga ayo magambo.




b) Tanga imbusane z'amagambo akurikira

- Guhana abageni >≠< Kwimana abageni
- Umugabo >≠< Umugore
- Kuruhuka >≠< Kunanirwa
- Gushuka >≠< Kubwiza ukuri
- Nimumpambirire >≠< Nimumpamburire

3.3 **Ibibazo ku mwandiko**

Umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo bagasubiza ibibazo babajijwe ku mwandiko. Nyuma y'igihe cyagenwe, umwarimu ahuriza abanyeshuri hamwe agatoranya itsinda ritagiye imbere rikageza ku bandi ibisubizo byaryo.

Abagize andi matsinda bafatanyije n'umwarimu bagenda banoza ibisubizo bitangwa maze bikandikwa ku kibaho n'inyuguti zigaragara cyangwa bakabyerekanisha ibyuma bigaragaza inyandiko n'amashusho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

**Ibibazo n'ibisubizo ku mwandiko "Butati na nzabuheraheza"**

1. **Aba bagabo bombi bafite uwuhe mugambi**?
   - Aba bagabo bombi bari bafite umugambi wo kujya guhaha.
2. **Uwagiye guhahira induga yajyanye iki**?
   - Uwagiye guhahira i Nduga yajyanye amasaka.
3. **Ari Butati ari na Nzabuheraheza uwahenze undi ni nde**?
   - Buri wese yagendaga azi ko ahenze mugenzi we, ariko barib eshyaga nta n'umwe wahenze undi, bombi bari indyarya kimwe.
4. **Ni irihe zina rindi wakwita aba bagabo atari "abanyabwenge"**?
   - Indyandya, abahemu, inshakura.
5. **Ni iyihe nyigisho y'ingenzi ukuye muri uyu mwandiko**?
   - Inyigisho y'ingenzi nkuye muri uyu mwandiko ni iyo kutabeshya, kudahemuka.

## Igice cya kabiri: Gusesengura igitekerezo cya rubanda

**(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 15**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gutahura ingingo ndangamuco n'amateka zikubiye mu gitekerezo cya rubanda.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusobanura bimwe mu bigize umuco n'amateka bigaragara mu gitekerezo cya rubanda.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira gusoma ingeri zinyuranye z'ubuvanganzo nyarwanda bwo muri rubanda.
- Gushishikarira gusabana, gutarama, abicishije mu ngeri zinyuranye.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo, imfashanyigisho z'iyumvabona.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**

   umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko "Butati na Nzabuheraheza" baranguruye ijwi umwumwe igika ku gika.

2. **Gusesengura**

   Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda yabo bagatahuramo ingingo z'umuco. Umwarimu ahitamo itsinda ritangaza ibyo ryagezeho, andi akaryunganira, ibisubizo bimaze kunozwa bikandikwa ku kibaho abanyeshuri na bo bakabyandika mu makayi yabo.

**Indangamuco n'ingingo z'amateka zikubiye mu mwandiko**

Hambere uburyo bwo guhaha bwabaga bushingiye ku kugurana imyaka ibyo udafite mugenzi wawe ubikeneye akabifata na we akaguha ibyo wifuza. Ubwo ifaranga ryari ritarabaho ngo rikoreshwe umuntu agure icyo yifuza adafite. Gusa hari igihe habaga abantu b'indyarya batunzwe no kubeshya no guhemuka ngo batware iby'abandi ku busa babahenze ubwenge. Abo ni bo Butati na Nzabuheraheza bahagarariye muri iki gitekerezo.

Kera abantu b'inshuti barangwaga no guhana inka n'abageni. Nta wahaga undi inka kuko yamuhenze ubwenge usibye nyine nk'umuntu w'indyarya wabaga avumbuye amayeri akamushirana nk'uko Butati na Nzabuhereheza bahuye bahwanye bashaka gushimana ku bwenge bombi bari bazi bwo kuriganya.

Ku birebana n'amateka turasanga ko uturere tw'u Rwanda twahahiranaga dukurikije ibyo twezaga. Uturere tuvugwa mu mwandiko ni i Nduga n'u Buganza.

# Igice cya gatatu: Inshoza n'uturango by'ibitekerezo byo muri rubanda

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 15 kugera ku rwa 16)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gutanga inshoza y'igitekerezo cyo muri rubanda.
- Kurondora uturango tw'igitekerezo cyo muri rubanda.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gutahura inshoza n'uturango tw'igitekerezo cyo muri rubanda.
- Kugereranya igitekerezo cyo muri rubanda, insigamugani n'umugani muremure.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira gusoma ingeri zinyuranye z'ubuvanganzo nyarwanda bwo muri rubanda.
- Gushishikarira gusabana, gutarama, abicishije mu ngeri zinyuranye.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda, imfashanyigisho zitegwa amatwi.

## Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**

   Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko "Butati na Nzabuheraheza" baranguruye umwumwe. Nyuma yo gusoma, umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bifasha abanyeshuri gutahura inshoza y'igitekerezo cyangwa ibiranga igitekerezo.

## Urugero rw'ibibazo

Ugereranyije umugani muremure n'insigamugani, erekana ikibitandukanya n'uyu mwandiko umaze gusoma. Ese urasanga waba ari ubuhe bwoko bw'umwandiko? Kubera iki?

2. **Gusesengura**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gusubiza ibibazo maze akababwira gusubira mu matsinda kugira ngo batahure ingeri umwandiko basomye ubarizwamo. Arababwira kandi kurebera hamwe ibiranga iyo ngeri ndetse no gusobanura inshoza yayo.

Nyuma y'igihe yabageneye yongera guhuriza hamwe abanyeshuri, buri tsinda rikageza ku bandi ibyo ryagezeho. Abanyeshuri bafashijwe n'umwarimu banoza ibyavuye mu matsinda bikandikwa ku kibaho n'umukono ugaragara, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

### Inshoza y'ibitekerezo byo muri rubanda

Ibitekerezo byo muri rubanda ni imwe mu ngeri z'ubuvanganzo nyarwanda nyemvugo bwo muri rubanda. Ibitekerezo byo muri rubanda ntibitangizwa na kera habayeho ngo birangizwe na si nge wahera, kuko iyo bigenze gutyo kiba gihindutse umugani. Bishingira ku mazina y'abantu babayeho, cyangwa bagaragara nk'ababayeho mu mateka kuko usanga ari bantu bagenda bavugwaho ku buryo butandukanye.

### Ibiranga ibitekerezo byo muri rubanda

Ibitekerezo byo muri rubanda bigaragaramo amakabyankuru n'ibitangaza kandi ntibitanga amacishirizo agaragara neza y'igihe ibintu byabereye.

Mu bitekerezo bya rubanda dusangamo kenshi ahantu hazwi ibivugwa byabereye (kuri nyabarongo mu Nduga, mu Buganza) aho igihangange kivugwa cyari gituye (Butati yari atuye I Nduga, Nzabuheraheza yari atuye i Buganza) imisozi izwi iriho na n'ubu, ndetse n'ibintu bifatika bigaragara nk'ibimenyetso byasizwe n'igihangange kivugwa mu gitekerezo cya rubanda. Aha twatanga nk'ingero z'udusozi twitwa amabimba ya Ngunda, aho Cacana yarwaniye n'urupfu ku gasozi ka Zoko hari imbuga ishije neza,…

## Itandukaniro hagati y'igitekerezo cya rubanda, insigamugani n'umugani muremure

| Ingeri y'ubuvanganzo / Uturango | Umugani **muremure** | Igitekerezo cya rubanda | Insigamigani |
|---|---|---|---|
| Ingingo z'amateka yabayeho | | ✓ | ✓ |
| Amakabyankuru n'ibintu bitabayeho | ✓ | ✓ | |
| Amakabyankuru agira umuntu usanzwe igihangange yaba yarabayeho cyangwa atarabayeho | ✓ | ✓ | |
| Amakuru y'ibintu byabayeho cyangwa bitabayeho | | ✓ | |

### Ibibazo n'ibisubizo by'umwitozo

1. T**anga itandukaniro riri hagati y'igitekerezo cya rubanda, umugani muremure ndetse n'insigamugani**.
   - Umugani muremure: Umugani urangwa n'Amakabyankuru ndetse no kuvuga ibintu bitabayeho
   - Igitekerezo: Igitekerezo kivuga amakuru y'ibintu byabayeho cyangwa bitabayeho ariko hagashyirwamo n'amakabyankuru ndetse ugasangamo n'ingingo ndangamateka.
   - Insigamugani: Ivuga ibintu byabayeho cyangwa abo byitirirwa maze bikaba n'iciro ry'imigani.

2. **Tanga urugero rw'ikindi gitekerezo cya rubanda uzi unakibwire bagenzi bawe mu ishuri.**
   - Aha ibisubizo biranyurana, umwarimu akagenzura ko koko batitiranya igitekezo n'umugani muremure cyangwa insigamugani.

# Imigani y'imigenurano/imigani migufi n'ibisakuzo: Irya mukuru

## (Amasomo 4)

## Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 17 kugera ku rwa 20)**

**Ubumenyi:**

- Gusobanura amagambo atasobanukiwe.
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusoma neza umwandiko yumvikanisha ibyo asoma kandi agaragaza isesekaza.
- Gusesengura umwandiko.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira gusoma ingeri zinyuranye z'ubuvanganzo nyarwanda bwo muri rubanda.
- Gushishikarira gusabana, gutarama, abicishije mu ngeri zinyuranye.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'ubuvanganzo, inkoranyamagambo...

### Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**

   Umwarimu abwira abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo cyabo, akababaza ibibazo bibafasha kuvumbura ibikubiye mu mwandiko.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

a) Murabona iki kuri aya mashusho?
   - Abantu babiri
b) Abo bantu bameze bate?
   - Umwe ni umusaza, undi ni umwana.
c) Urabona ari iki kiri hagati y'umwana n'umusaza mu miganirire yabo?
   - Hagati y'umusaza n'umwana hari ubwumvikane buke kuko ibyo umusaza avuga umwana asa n'udashaka kubyumva.

2. **Gusoma**

2.1. **Gusoma bucece**

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma bucece umwandiko, nyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

a) Nyiramajoro yari atuye he?
   - Yari atuye ku musozi wa Nkomane.
b) Umwana wa nyiramajoro w'ubuheta yitwa nde?
   - Tereraho Mutimamuke.
c) Nyirabugare yapfanaga iki na Nyiramajoro?
   - Yari mukase wa Nyiramajoro.

2.2. **Gusoma baranguruye**

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko umwumwe, igika ku gika, baranguruye ijwi kugeza umwandiko urangiye. Umwarimu akurikirana uko basoma akosora aho bajijinganyije, aho basomye barya amagambo cyangwa batubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

3. **Gusobanura umwandiko**

3.1. **Inyunguramagambo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora amatsinda, akabasaba gushaka amagambo batasobanukiwe no kuyasobanura bakoresheje inkoranyamagambo kandi bagakora n'imyitozo y'inyunguramagambo.

Amwe mu magambo ashobora gukomerera abanyeshuri n'ibisobanuro byayo:

**Amagambo batasobanukiwe n'ibisobanuro byayo**

| | |
|---|---|
| **Ubugimbi** | Ni igihe umwana w'umuhungu aba ageze mu kigero cy'imyaka hagati ya cumi n'itatu na cumi n'itandatu. |
| **Ibigango** | Imbaraga nyinshi cyane cyangwa ubunini buvanze no gukomera |
| **Imyavu** | Imyanda |
| **Inshyimbo** | Inkoni iringaniye igenewe kwitwaza. |

3.2 **Ibibazo n'ibisubizo by'imyitozo y'inyunguramagambo**

a) Uzuza interuro zikurikira ukoresheje amagambo yo mu mwandiko.

Iyo umuntu ashaje yitwaza...................................................

- Iyo umuntu ashaje yitwaza inshyimbo.

Abana bageze mu myaka ya ........ barya cyane.

- Abana bageze mu myaka y'ubugimbi barya cyane

b) Andika imbusane z'amagambo aciyeho umurongo mu nteruro zikurikira:

(i) <u>Umuhungu</u> ugeze mu gihe cy'<u>ubugimbi</u> ahindura imyifatire.

- Umukobwa ugeze mu gihe cy'ubwangavu ahindura imyifatire.

(ii) <u>Ubwenge</u> bwa benshi butera <u>ubukire</u>.

- Ubuswa cyangwa ubupfu bwa benshi butera ubukene.

(iii) Umwana <u>w'uburiza</u> akora imirimo myinshi.

- Umwana wa bucura akora imirimo myinshi.

3.2 **Ibibazo byo kumva umwandiko**

Umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo bagakora ibibazo byo kumva umwandiko cyangwa bakabisubiza bose bari kumwe. Abanyeshuri bafatanyije n'umwarimu banoza ibisubizo bitangwa maze bikandikwa ku kibaho n'inyuguti zigaragara cyangwa bakabyerekanisha ibyuma bigaragaza inyandiko n'amashusho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

**Ingero z'ibibazo n'ibisubizo**

1. Erekana ko igisobanuro urubyiruko rwahaga uyu mugani ngo," iryamukuru urishima uribonye." Kitari cyo.
   - Ku rubyiruko, irya mukuru bumvaga ari imbaraga, ubwenge, kugira icyo urusha abandi. "Irya mukuru urishima uribonye" rero bishatse kuvuga ko byanze bikunze icyo umuntu mukuru avuze aba ari cyo kandi gisohora. Bivuga ko ubiha agaciro / ubyibuka bikugezeho

2. Amagambo akurikira bayita ngo iki?
   a) "Tereraho, Terera iyo, Mutimamuke! Ntugapfe, ntugakire." Afata ku ibere ati, "iri ryarakonkeje ntukabone umurambo wange, ntukabone imva yange, nubiba ntugasarure, nuhinga ntukeze, ndi nyoko!"
      - Ni umuvumo
   b) "Namwishe ndakaba amacinya!"
      - Ni indahiro

3. Hitamo igisubizo cy'ukuri.
   Icyatumye Tereraho afungwa ni ukubera ko:
   a) Yatutse nyina abakwe bumva.
   b) Yimye nyina inzoga.
   c) Yari yasinze bikabije.
   d) Yishe umuntu.
      - Yishe umuntu.

# **Igice cya kabiri:** Gusesengura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 20)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gutahura imigani migufi ikubiye mu mwandiko.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gukoresha uko bikwiye imigani migufi mu mvugo.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira gusoma ingeri zinyuranye z'ubuvanganzo nyarwanda bwo muri rubanda.
- Gushishikarira gusabana, gutarama, abicishije mu ngeri zinyuranye.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'ubuvanganzo, inkoranyamagambo...

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**

Umwarimu asomesha abanyeshuri umwandiko wose, basoma umweumwe bakurikiza utwatuzo, imbamutima n'iyitsa.

2. **Gusesengura imigani migufi iri mu mwandiko**

Barangije gusoma, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda, bakagerageza gutahura imigani yose iri mu mwandiko kandi bakayisesengura bagaragaza icyo isobanura. Umwarimu afatanya n'abanyeshuri kubishyira hamwe no kubinoza, maze bikandikwa ku kibaho n'inyuguti zigaragara cyangwa bakabyerekanisha ibyuma bigaragaza inyandiko n' amashusho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero**

Iyo inkoko ivuye mu magi arabora:

- Inkoko iraririye amagi, iyo iyavuyemo ni byo arabora. Uyu mugani ushushanya umubyeyi utaye abana bato kandi batagira kivurira, bakaruha kandi bakababara .

Amagambo atagira mukuru arumba ari indaro:

- Umurima w'indaro ni umurima munini cyane. Kurumbya umurima w'indaro ntusarure n'irya kirazira ni ukugusha ishyano.

Amatwi yuje amata ntiyumva:

- Hari abantu bakira bikabatera imico mibi. Bamwe biga kurengwa bagasuzugura abo bahoranye mu bukene. Amatwi yuje amata ni umukire warenzwe. Kutumva ni ugusuzugura biterwa no kwibagirwa ko iby'isi ari intizo.

Indinde iba kabiri, ndinda dawe na ndinda mwana wange:

- Baca umugani berekeje ku kamaro abana bagirira ababyeyi babo, babitura akamaro babagiriye bakiri bato. Umwana muto aba afite intege nke se cyangwa nyina akamuterura, umusaza cyangwa umukecuru na we aba afite intege nke umwana akamusindagiza.

Izina ni ryo muntu: umugani ucibwa iyo abantu babonye umuntu ukora ibikorwa cyangwa ufite imyitwarire ihuje n'izina rye.

## **Igice cya gatatu:** Inshoza n'uturango tw'imigani migufi

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 20 kugera ku rwa 23)**

---

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gutanga inshoza y'umugani mugufi.
- Kurondora uturango tw'umugani mugufi.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gutahura inshoza n'uturango tw'umugani mugufi.
- Gukoresha mu mvugo imigani migufi uko bikwiye.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira gusoma ingeri zinyuranye z'ubuvanganzo nyarwanda bwo muri rubanda.
- Gushishikarira gusabana, gutarama, abicishije mu ngeri zinyuranye.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda, imfashanyigisho zitegwa amatwi.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**

   Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma baranguruye umwumwe umwandiko "Irya mukuru…" kugira ngo bawiyibutse. Nyuma yo gusoma, umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku nshoza y'umugani mugufi n'ibiwuranga. Ibi bibazo bishobora gukorerwa mu matsinda cyangwa bikabazwa abanyeshuri bose bari hamwe.

2. **Isesengura**

   Musesengure imvugo zikurikira mugaragaze imiterere yazo ku byerekeye interuro n'amagambo azigize ndetse no ku bisobanuro zifite:

   - Utaganiriye na se ntamenya icyo sekuru yasize avuze.
   - Utazi ubwenge ashima ubwe.
   - Utaganiriye na se ntamenya icyo sekuru yasize avuze.
   - Amagambo atagira mukuru arumba ari indaro.

### Inshoza y' imigani y'imigenurano

Imigani y'imigenurano bakunze kuyita imigani migufi bitewe n'uko igizwe n'amabango magufi ariko akubiyemo ingingo nyinshi. Akenshi iba igizwe n'interuro imwe irimo ibice bibiri kandi amagambo ayigize yumvikana ku buryo busanzwe. **Urugero**: Utazi ubwenge/ashima ubwe.

Imigani y'imigenurano yaciwe n'abakurambere, ariko ntidushobora kumenya izina ry'uwaciye umugani uyu n'uyu. Imigani y'imigenurano yatugezeho binyuze mu ruhererekane mvugo. Ni yo mpamvu iyo bajya guca umugani bagira bati: "Bakunda kuvuga ngo….", Burya koko babivuze ukuri ngo…."

### Kuki iyo migani bayita imigenurano?

Kugenura ni ukuvuga ikintu ariko ushaka kuvuga ikindi, utabizi akibwira ko ari aho ugarukiye, naho ubizi agafindura icyo washakaga kuvuga mu buryo buteruye. Kugenura ni nko guca amarenga. Hari abantu bafite amazina y'amagenurano. Ayo mazina aba afite icyo yerekeyeho. Ikerekana ko imigani igenura, nuko buri mugani wumvikana mu buryo bubiri. Uburyo bwa mbere ni ubwa kamere yawo mu mvugo iboneye, itagoronzoye; naho uburyo bwa kabiri ni ubwo mu mvugo y'amarenga ishushanya icyo bawuciriye. Mu buryo bwa mbere

umugani wumvikanamo, ari bwo mvugo iboneye, kumva umugani ntibigoye.

Dufashe nk'urugero, uvuze ngo "Arimo gishigisha ntavura," birumvikana ko amata atavura ugenda uyakozamo umutozo uyavuruga buri kanya (gushigisha ni ugukaraga umwuko mu gikoma kiri ku ziko ngo ifu yivange n'amazi itaza gufata mu ndiba bigashirira), iryo ni ihame. Urumva koko ari byo, nta kindi gisobanuro ugomba kugira ngo wumve uwo mugani. Uburyo bwa kabiri ni uburyo bw'amarenga, uwumvise agomba gutekereza agashishoza kugira ngo amenye icyo uwo mugani bawurenguriraho, mbese ingingo ishushanya. Uyu mugani urerekana ingorane umuntu aterwa n'abamusesereza mu bikorwa bye bagira ngo berekane ko ibye bidashobora gutungana kandi bifite kidobya. Uko kumutobera urogoya imigambi ye, ni byo bagereranya no "gushigisha amata" kuko amata ubusanzwe aba ikivuguto ari uko wayateretse ukayarekera hamwe agatuza, akabona gufatana, ari byo bita "kuvura".

Imigani y'imigenurano ikubiyemo uturango twinshi tw'umuco wacu nk'uburezi n'uburere, imibanire, uko twumva isi n'ibiyiriho cyangwa ibitubaho n'ibindi.

### Ingero z'isesengura ry'imigani migufi

**Iyo inkoko ivuye mu magi arabora**: Urumva ko ari byo koko, ni na ko bigenda nta gisobanuro bigomba kugira ngo wumve iyo nteruro. Inkoko iraririye amagi, iyo iyavuyemo ni byo arabora. Nyamara mu buryo bwa kabiri ari bwo bw'amarenga ugomba gutekereza ugashishoza kugira ngo umenye icyo cyangwa uwo bawuciraho. Uyu mugani ushushanya umubyeyi utaye abana bato kandi batagira kivurira. Abo bana bararuha kandi bakababara. Ni cyo kubora kw'amagi bishushanya. Iyo mvugo y'ingenurano rimwe na rimwe kuyifindura ntibyoroshye. Ndetse hariho imigani imwe itumvikana mu buryo bwombi, haba mu mvugo isanzwe, imwe twise imvugo iboneye, haba no mu mvugo y'amarenga igenura. Igitera umugani kutumvikana neza ni uko haba harimo ijambo ritumvikana kuko ryashaje ritagikoreshwa mu mvugo y'ubu cyangwa se uwo mugani ukaba ukomoka ku gitekerezo cya kera cyangwa ku mugani muremure utazwi neza.

**Amagambo atagira mukuru arumba ari indaro**: Utazi ijambo "indaro" icyo rivuga ntushobora kumva uwo mugani. Nturyite indaro imwe y'abazimu cyangwa se inzu nto cyane. Indaro bavuga muri

uyu mugani ni ikintu kinini kisanzuye. Umurima w'indaro ni umurima munini cyane. Kurumbya umurima w'indaro ntusarure n'irya kirazira ni ukugusha ishyano. Ikigereranyo cy'uyu mugani: inama igiwe n'abantu bato batagira umuntu wo kubagimbura, noneho inama yabo yajya kuzura bakabitaba kubera kudashobora kubitunganya ni yo magambo atagira mukuru urumba ari indaro kuko aba ahari ariko agasubira kuba ubusa.

**Amatwi yuje amata ntiyumva**: Hari abantu bakira bikabatera imico mibi. Bamwe biga kurengwa bagasuzugura abo bahoranye mu bukene. Amatwi yuje amata ni umukire warenzwe. Kutumva ni ugusuzugura biterwa no kwibagirwa ko iby'isi ari intizo. Uwo mugani ucibwa iyo umuntu abonye umuntu uhindura indoro n'ingendo, akitwara uko atitwaraga, agasuzugura bitewe n'uko yateye imbere, cyangwa hari icyo yungutse mu buzima.

**Indinde iri kabiri, ndinda dawe na ndinda mwana wange**: Baca uyu umugani berekeje ku kamaro abana bagirira ababyeyi babo, babitura akamaro babagiriye bakiri bato. Umwana muto aba afite intege nke se cyangwa nyina akamuterura, umusaza cyangwa umukecuru na we aba afite intege nke umwana akamusindagiza.

**Izina ni ryo muntu**: Umugani ucibwa iyo abantu babonye umuntu ukora ibikorwa cyangwa ufite imyitwarire ihuje n'izina rye.

**Inshamake**: Imigani y'imigenurano igizwe n'interuro ngufi zikubiyemo ingingo nyinshi. Ikunze kuba igizwe n'interuro imwe ifite ibice bibiri. Umugani mugufi wumvikana mu buryo bubiri ubw'amarenga bushushanya icyo bawuciriye n'ubwa kamere mu mvugo iboneye.

**Ubu umunyeshuri ashobora:** Kunoza imvugo ye akoresha imigani migufi mu biganiro bisanzwe, yandika cyangwa se mu biganiro mpaka kugira ngo ashyigikire igitekerezo cyangwa ingingo ku buryo bugufi kandi bunoze.

### Ibibazo n'ibisubizo by'umwitozo ku migani y'imigenurano

Mu matsinda yabo, umwarimu abwira abanyeshuri gukora umwitozo nyuma akandika ku kibaho imigani y'imigenurano batanze.

1. Tanga imigani itanu ifatiye ku nka
   Urugero rw'imigani y'imigenurano ifatiye ku nka
   - Inka aho iraye iharaza umusanzu.
   - Inka nke zigukwerera nka so.

- Inka y'umukene ntibyara vuba.
- Inka zabuze itungiro uziburana na nyirazo.
- Inka zisubiza umukobwa iwabo wa nyina.

2. Shaka mu mwandiko imigani yerekana ko:
   a) Kutumvira ababyeyi bizana ingaruka.
      - Utumviye se na nyina yumvira ijeri.
   b) Abana bakwiye kwita ku babyeyi babo no kubafasha bageze mu zabukuru.
      - Urukwavu rukuze rwonka abana.
      - Ndinda dawe na ndinda mwana wange
   c) Umwana ubuze nyina akiri muto ababara, akagira ubuzima bubi.
      - Iyo inkoko ivuye mu magi arabora
   d) Ibyago bisimburana n'ibindi byago, ibibazo bikurwa n'ibindi bibazo.
      - Agahinda gashira akandi ari ibagara
   e) Umuntu w'umukene naho yavuga ijambo ryiza ntawuriha agaciro.
      - Uwambaye injamba ntagira ijambo."

Sesengura imigani migufi ikurikira ukoresheje uburyo bw'amarenga (vuga aho yakoreshwa). (Iki ni ikibazo waha abafite ibibazo byihariye byo kutavuga baramutse bahari)

**Aho ibyago byaje ibihaha bica umuhoro**

Ibihaha ni inyama zoroha cyane. Ntiwabikebesha umuhoro ngo abe ari wo ucika. Ryaba ari ishyano riguye. Baca uyu mugani bashaka kuvuga nyiri ibyago abonerwa n'akaga, n'ibisanzwe bihira abandi we ntibimuhire ahubwo bikamuzanira ingaruka.

**Amacumu y'inda ntashira igorora**

Iyo icumu rigimbye bararigorora. Amacumu y'inda yo ntashira igorora kuko urwanirira inda (ashaka uko yabaho) adatuza. Bawuca bashaka kuvuga ko ibyo umuntu akora bigamije kwihakirizwa cyangwa gushaka indamu. Harimo kunegurana.

**Amirariro atera aminaro**

Kwirarira ni ukwitwara uko utari kugira ngo abantu bakubahe, mbese ugire agaciro kanini. Kwinara ni ugukena ukamera nabi, ntugire agaciro wari ukwiye. Kwinara ku mugore ni ukubura inzu, akajya kwicara iwabo nk'indushyi.

Bawucira ku muntu usuzugura ikintu cyari kuzamugirira umumaro, nyuma akazakena kandi bitagishobotse kubona ibyo yagayaga.

**Icyansi k'impumyi cyoga itashye**

Icyansi bakamiramo inka y'impumyi bacyoza itashye kuko baba batizeye ko iri butahe. Bahora bahangayitse ko ishobora gutemba cyangwa ikagwa mu mwobo.

Bawucira ku kintu kitizewe ko cyatungana. Byaba ari ha Mana kiramutse gitunganye. Mbese ni nko kuvuga uti "nzabibara mbibonye."

# **Igice cya kane:** Kumva no gusobanura ibisakuzo

**(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 24**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura amagambo adasobanukiwe.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gufindura ibisakuzo.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira gusoma ingeri zinyuranye z'ubuvanganzo nyarwanda bwo muri rubanda.
- Gushishikarira gusabana, gutarama, abicishije mu ngeri zinyuranye.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo, igitabo cy'ubuvanganzo, imfashanyigisho zitegwa amatwi.

## Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**

   Umwarimu abaza abanyeshuri niba iwabo bajya batarama nimugoroba n'icyo bakora igihe bataramye.

## Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

a) Ese iwanyu mujya mutarama nimugoroba?

Mu bisubizo bishoboka hari abazavuga ko batarama.

b) Mu gitaramo se mukora iki?

Duca imigani, turasakuza.......

Umwarimu asakuza abanyeshuri ibisakuzo bibiri cyangwa bitatu, maze na bo bakabyica. Buri gisakuzo gitangirwa na "Sakwe sakwe" ivugwa n'umwarimu. Hanyuma abanyeshuri bose bagasubiriza hamwe "soma". Iyo umwarimu atanze igisakuzo, atoranya umunyeshuri umwe akaba ari we ukica, cyamunanira akabaza undi.

## Urugero rw'ibisakuzo n'ibisubizo byabyo

Sakwe Sakwe…! Soma!

Twavamo umwe ntitwarya.

- Ishyiga

Nshinze umwe ndasakara.

- Icyobo

Nagutera icyo utazi utabonye.

- Ubuto bwa so na nyoko

2. **Inyunguramagambo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora amatsinda bagasakuzanya ibisakuzo biri mu gitabo cyabo babishakira ibisubizo kandi bashakamo amagambo badasobanukiwe.

**Ibisakuzo n'ibisubizo byabyo**

Mpiritse indobo ikwira ingo zose. → **Amazimwe yo ku rurembo**.

Kinigirije umugara kijya kubaza umugambi wo gutabara.→ **Ikinyabwoya**.

Ngesa bumera. → **Umusatsi**

Sakuza n'uwo muri kumwe. → **Ururimi rwawe.**

Nyirabugenge n'ubugenge bwayo. → **Inzoka mu kugenda nta maguru. Inka y'umukara igakamwa ayera. Inka mu gucurika icebe amata ntameneke.**

Nkubise urushyi rurumira. → **Ibara ry'inka**.

Aho nagendaniye nawe wambwiye iki? → **Igicucu**.

Mpuye n'umuzimu atambana imbazo. → **Nyirabarazana**.

Kakwica kakwigarika akambari ka Matene. → **Agahwa mu cyondo**.

Mama nararushye. → **Akarago ko mu irebe ry'umuryango**.

Terera Rubona ubone ishyano. →**Uburiri bw'umwami**

Ni ge muzindutsi wa cyane nasanze umuzimu yicanye ku kaguru.→ **Inkware**

Nubatse urugo hejuru y'urupfu.→ **Ubwato mu kiyaga**.

Idagadure naraguharuriye. →**Imodoka mu muhanda**.

**Amwe mu magambo abanyeshuri badasobanukiwe:**

| | |
|---|---|
| **Amazimwe** | Amagambo y'amabanga wumvanye undi nawe akayavuga. |
| **Ururembo** | Umuharuro uri ku irembo ry'ibutware. |
| **Ku rurembo** | ibutware. |
| **Kinigirije** | Cyambaye ikintu mu ijosi. Icyo bambara mu ijosi bakita urunigi. |
| **Ngesa** | Kugesa: guca ubushishi bw'uburo ukoresheje imbugita, icyuma. Gutema ikintu rimwe kikagwa. Gutema uburo/guca uburo babyita kugesa. |
| **Ubugenge** | Ubuhanga bwo gukora ikintu iki n'iki abantu bose batashobora. |
| **Umuzimu** | Kamere y'umuntu yitandukanya n'umubiri iyo yapfuye. Roho y'umuntu wapfuye itagaragara. |
| **Imbazo** | Ni iranda: Igikoresho cyo mu ibarizo bakoresha bagira ngo urubaho rube neza. |
| **Akambari umwambari** | Umugaragu ugendana na shebuja. |
| **Matene** | Ubwoko bw'inyoni. |

## Imyitozo y'inyunguramagambo

**Uzuza izi nteruro ukoresheje amwe muri aya magambo:** kuringaniza, umuzimu, amazimwe, amahane, gutema, kugesa.

1. Uburo bwe bureze azajya……….ejo (**kubugesa**).

2. Ni ngombwa……….urubyaro kugira ngo uzashobore kubaho neza (**kuringaniza**).
3. Uyu mugore agira……….kubera ko akunda kuvuga ibyo atahagazeho neza (**amazimwe**).

# **Igice cya gatanu:** Inshoza y'ibisakuzo n'akamaro kabyo

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 25 kugera ku rwa 26)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gutanga inshoza y'ibisakuzo.
- Kurondora uturango tw'ibisakuzo.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gutahura inshoza n'uturango tw'ibisakuzo.
- Gusakuza no kwica ibisakuzo.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira gutega amatwi ibisakuzo cyangwa gusakuza.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda, imfashanyigisho zitegwa amatwi.

## Imitangire y'isomo

1. **Ivumbura**

Umwarimu asakuza abanyeshuri ibisakuzo bibiri cyangwa bitatu, bitari mu byo bize ubuherutse, maze na bo bakabyica.

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibafasha kuvumbura inshoza y'ibisakuzo ndetse n'akamaro kabyo. Maze akababwira gukorera ibyo bibazo mu matsinda yabo.

**Urugero rw'ibibazo**

Mugendeye ku bisakuzo mwabonye, mubona ibisakuzo ari iki?

a) Ese umuntu yasakuza ari umwe?

b) Bifite akahe kamaro?

c) Ni ba nde basakuza?

Mukurikije ibisakuzo mwabonye n'ibindi muzi, mu bisakuzo hashobora kubonekamo ingingo z'umuco cyangwa iz'amateka? Mutange ingero mubyerekana.

2. **Gusesengura**

Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo gusubiza ibyo bibazo nyuma akabahuriza hamwe, buri tsinda rikageza ku bandi ibisubizo ryabonye. Abanyeshuri bafashijwe n'umwarimu banoza ibyo bisubizo bikandikwa ku kibaho cyangwa bikerekanwa hakoreshejwe ibyuma byerekana inyuguti n'amashusho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

## Inshoza y'ibisakuzo

Ibisakuzo ni umukino wo mu magambo, ugendanye n'ibibazo n'ibisubizo byabyo, bihimbaza abakuru n'abato, kandi birimo ubuhanga kuko byigisha gutekereza. Ibisakuzo ni umukino nyurabwenge. Igisakuzo gisakuzwa mu magambo yacyo kikicwa mu magambo yacyo. Ibisakuzo byagiraga abahimbyi b'inzobere muri byo, bahoraga bacukumbura kugira ngo barusheho kunoza no gukungahaza uwo mukino. Umuntu asakuza n'uwo bangana cyangwa aruta. Mu muco nyarwanda kirazira gusakuza na Sobukwe cyangwa Nyokobukwe. Usakuza abwira mugenzi we ati "sakwe sakwe"!

Undi na we akiriza ati "soma".

Akamubwira igisakuzo, akakica cyangwa kikamunanira. Ugusakuza iyo abonye ko igisakuzo kikunaniye arakubwira ati "kimpe". Nawe cyananiye uti "ngicyo!". Ubwo akakiyicira, ukaba uratsinzwe.

## Ibisakuzo bimwe na bimwe bigaragaza igihe byahimbiwe ndetse bikerekana amateka

Ibyo bahimbye mu gihe imodoka, ifaranga, iradiyo, abazungu, byari bimaze kugera mu Rwanda.

### Ingero

Nyamwitera agashyarara mu ishyamba.
- Imodoka

Rambagira bugondo.
- Imodoka mu muhanda

Ihirike naraguharuriye.
- Imodoka mu muhanda

Abazungu bazanye byinshi n'ibizatuzura.
- Ifaranga

Nagutera icyatumye umugabo ataryama.
- Ifaranga

Ni nde watanze umuzungu kwicara ku ifoteye.
- Ivunja

Nkandagiye itafari rimena itegura risakaza inkuru i Burayi.
- Iradiyo

**Mu bisakuzo habonekamo ingingo z'umuco.**

## Ingero

Mama arusha nyoko amabuno manini.
- Igisabo

Mama nshuti.
- Ikirago

Abana bange barara bahagaze bwacya bakaryama.
- Imyugariro

### Akamaro k'ibisakuzo

Ibisakuzo bifasha abana ndetse n'abakuru gukora imyitozo mfuturamvugo igamije kubamenyereza gutekereza, kuvuga badategwa no kumenya gufindura imvugo zidanangiye kandi bikabatoza n'umuco ndetse bikanabamenyesha amateka.

## Inshamake

Ibisakuzo ni umukino nyurabwenge wo mu magambo, ugendanye n'ibibazo n'ibisubizo byabyo, bihimbaza abakuru n'abato, kandi birimo ubuhanga kuko byigisha gutekereza. Igisakuzo gisakuzwa mu magambo yacyo, kikicwa mu magambo yacyo. Umuntu asakuza n'uwo bangana cyangwa aruta ariko ntawusakuza sebukwe cyangwa na nyirabukwe mu muco nyarwanda.

### Umwitozo

Umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda bagashakira hamwe nibura ibisakuzo bitanu bishya buri tsinda. Nyuma y'igihe umwarimu yageneye umwitozo, abahuriza hamwe, buri tsinda rikageza ku bandi ibisakuzo n'ibisubizo ryabonye, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo hakurikijwe insanganyamatsiko bivugaho.

**Ikibazo n'ibisubizo by'umwitozo**

1. Tanga ingero z'ibisakuzo bitanu uzi maze unabisubize.

**Urugero rw'ibisakuzo n'ibisubizo byabyo**

Agacwende kange kambaye kure mba ngukoreyemo.
- Ukwezi

Abakobwa bange babyina bose.
- Imirya y'inanga

Abana bange bangana bose.
- Ifundi

Nagutera icyo utazi utabonye.
- Ubuto bwa so na nyoko

Zana akebo nzane akandi tuge gutara intagwira.
- Ubwoya bw'inka

2. Ukoresheje ikaramu y'ibara garagaza muri iki kinyatuzu ibisubizo by'ibi bisakuzo:

**Urugero: Mama arusha nyoko amabuno manini: Igisabo**

- Mama nshuti.
- Mfite umukobwa wange uje wese adumbamo.
- Abana bange barara bahagaze bwacya bakaryama.
- Nyamwitera agashyarara mu ishyamba.
- Abazungu bazanye byinshi n'ibizatuzura.
- Ni nde watanze umuzungu kwicara ku ifoteye
- Nkandagiye itafari rimena itegura risakaza inkuru i Burayi.
- Ngeze mu ishyamba rirahubangana

| | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| **I** | **S** | **E** | **K** | **U** | **R** | **U** | **I** | **K** | **I** | **R** | **A** | **G** | **O** |
| G | C | A | W | B | Y | A | M | H | M | B | A | B | M |
| S | A | H | D | C | V | G | Y | C | O | C | I | G | **I** |
| B | M | K | Y | I | A | O | U | B | D | P | G | B | **G** |
| O | C | V | G | I | N | Y | G | N | O | E | I | I | **I** |
| **I** | **F** | **A** | **R** | **A** | **N** | **G** | **A** | U | K | W | S | R | **S** |
| I | C | V | A | U | B | A | R | K | A | M | A | N | **A** |
| I | N | I | H | A | M | A | **I** | **V** | **U** | **N** | **J** | **A** | **B** |
| W | G | F | M | S | C | M | R | R | L | P | L | L | **O** |
| S | **I** | **R** | **A** | **D** | **I** | **Y** | **O** | B | A | T | N | K | R |
| **I** | **N** | **Z** | **A** | **R** | **A** | **Y** | **U** | **M** | **U** | **S** | **O** | **R** | **E** |

# Igisingizo: Imfizi ikwiye Kigeli

## (Amasomo 5)

## Igice cya mbere: Kumva no gusobanukirwa igisingizo

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 28 kugera ku rwa 32)**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura amagambo batasobanukiwe.
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusoma neza igisingizo yumvikanisha ibyo asoma kandi agaragaza isesekaza.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira gusoma ingeri zinyuranye z'ubuvanganzo nyarwanda bwo muri rubanda.
- Gushishikarira gusabana, gutarama, abicishije mu ngeri zinyuranye.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo.

## Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku mwandiko bagiye kwiga.

### Ingero z'ibibazo n'ibisubizo

a) Nimumpe urugero rw'amazina y'ubwami mu Rwanda rwo hambere.
   - Kigeli, Yuhi, Mibambwe, Mutara, Kirima.

b) Umwami wayoboye u Rwanda nyuma yitwaga nde?
   - Kigeli

c) Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga umwandiko uvuga kuri Kigeli akabasaba kurambura ibitabo byabo ahari umwandiko "Imfizi ikwiye Kigeli".

2. **Gusoma**

2.1. **Gusoma bucece**

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma bucece igisingizo "Imfizi ikwiye Kigeli" barangiza akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

### Ingero z'ibibazo n'ibisubizo

a) Ni nde uvugwa muri uyu mwandiko?
   - Ni umwami Kigeli.

b) Ni he uvugwa mu mwandiko yabaye ingenzi?
   - Yabaye ingenzi ubwo yambukaga ingeri ndende indege imugurukanye.

c) Kuki uvugwa abazungu bamuhariye urubuga?
   - Ni ukugira ngo abatamuzi bamwitegereze.

2.2 **Gusoma baranguruye**

Umwarimu asomera abanyeshuri umwandiko wose by'intangarugero; hanyuma akabwira abanyeshuri gusoma umwandiko umwumwe baranguruye ijwi kugeza umwandiko urangiye, we akagenda akosora aho basoma batubahiriza injyana n'isesekaza.

3. **Gusobanura umwandiko**

3.1. **Inyunguramagambo**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, buri tsinda rigasoma igisingizo cyose, rishakamo amagambo batasobanukiwe bakayashakira ibisobanuro. Nyuma y'igihe yabageneye, umwarimu ahuriza hamwe abanyeshuri bavuye mu matsinda, agahitamo itsinda ritangaza ibyo ryagezeho mu gihe abagize andi matsinda bayobowe n'umwarimu bagenda bunganira iryo tsinda mu kunoza ibisubizo byaryo, bikandikwa ku kibaho n'umukono ugaragara, abanyeshuri na bo bakabyandika mu makayi yabo.

**Amwe mu magambo bashobora kuba batasobanukiwe abanyeshuri n'ibisobanuro byayo**

| | |
|---|---|
| **Rutigimbwa** | Umuntu utisukirwa. |
| **Ubukombe** | Ikintu kinini. |
| **Ingimbi** | Umwana w'umuhungu uri mu kigero hagati y'imyaka cumi n'itatu na cumi n'itandatu. |
| **Ingeri ndende** | Inyanja. |
| **Igisingo** | Ikamba, umwambaro wa cyami utatse amasaro meza cyane abami n'abagabekazi bambaraga. |
| **Umususu** | Ubwoba butera umuntu gutinya gukora ikintu. |
| **Abanyamusozi** | Ingabo zitazi kurwana. |
| **Sindagahindagara** | Sindagira ubwoba. |
| **Guharamba inzovu** | Kureba ikintu kinini cyane ntukirangize kubera ubunini bwacyo. |
| **Indatwa** | Umuntu w'ibanze uza ku mwanya wa mbere kubera akamaro afite. |

| | |
|---|---|
| **Urugangazi** | Umuntu muremure munini kandi ukomeye. |
| **Intamati** | Imfizi y'inzovu. |
| **Iribagiza** | Umuntu ukeye mwiza cyane. |
| **Rurikanwa** | Umuntu usingizwa ibyiza. |
| **Imirimba** | Ikintu kiza cyane. |
| **Ijabo** | Akantu k'akanyabugabo umuntu yishyiramo kakagaragarira mu bushobozi bwe. |
| **Ijabiro** | Aho umwami cyangwa umugabekazi babonanira cyangwa bakirira abantu. |
| **Ingangare** | Umuntu muremure kandi munini. |
| **Ibirorero** | Ahantu hirengeye, barebera ibintu byiza. |
| **Urukerereza** | Ryari izina ry'ishyo ry'inyambo ryaremwe n'umwami Rwogera. Aha mu mwandiko birashaka kuvuga ko bakomeje kumwitegereza kubera ubwiza bwe nk'uko iryo shyo ryari ryiza. |
| **Impanda** | Akarumbeti. |
| **Inyamibwa** | Indatwa, umuntu w'ibanze uza ku mwanya wambere kubera akamaro gakomeye afite. |
| **Indongozi** | Umuntu ujya imbere y'abandi akabayobora. |
| **Imbumburi** | Umuntu muto cyane ariko ufite imbaraga. |
| **Impomba** | Umuntu w'umunyantege nke cyane. |
| **Impambi** | Umuntu w'ingogo, ukomeye kandi urwana ubudatuza. |
| **Inkaka** | Umuntu w'intwari kandi ugendana ishema n'igitinyiro. Bamwita kandi igikaka. |
| **Kubanga amatwi** | Gutega umuntu amatwi witonze ngo hatagira ibyo avuga bikagucika. |
| **Urwamo** | Ijwi rirenga, urusaku cyangwa induru y'ikintu. |
| **Umutayihana** | Umuntu udashobora gutererana ingoma. |
| **Inganji** | Umuntu watsinze ku rugamba. |

| | |
|---|---|
| **Umuhinza** | Umwami w'agahugu gato abantu bubahaga nk'imana bakamutura amakoro na we akabaha imvura. |
| **Imbangukirabigwi** | Umuntu w'intwari uhora aharanira kugaragaza ibigwi. |


**Umwitozo w'inyunguramagambo n'ibisubizo byawo**

3.2 **Ibibazo n'ibisubizo by'umwitozo w'inyunguramagambo**

Umwarimu arabwira abanyeshuri gukorera uwo mwitozo mu matsinda yabo nyuma abwire buri tsindanda kubuga ibyo ryasubije. Uyu mwitozo umwarimu ashobora no kuwutangira icyarimwe n'inyunguramagambo, bakabitangariza rimwe.

Ikibazo n'ibisubizo:

Ukoresheje akambi huza ibisobanuro n'imikarago yavuye mu gisingizo ukurikije ruriya rugero




3.3 **Ibibazo n'ibisubizo ku mwandiko**

Umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo bagasubiza ibibazo ku mwandiko. Nyuma y'igihe cyagenwe, umwarimu ahuriza abanyeshuri hamwe, agatoranya itsinda rikageza ku bandi ibisubizo byaryo. Abagize andi matsinda bafatanyije n'umwarimu bagenda banoza ibyo abagize itsinda riri imbere ritanze maze bikandikwa ku kibaho n'inyuguti

zigaragara cyangwa bakabyerekanisha ibyuma bigaragaza inyandiko n' amashusho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

1. Muri uyu mwandiko bavuga nde?
   - Baravuga umwami Kigeli.

2. Baramuvugaho iki?
   - Bararata uko umwami Kigeli yitwaye mu rugendo rwe i Burayi.

3. Tanga interuro nibura ebyiri zigaragaza ko ari umwandiko urata.

**Ingero**

- Abazungu bamparira urwo rubuga
- Ngo abatanzi banyitegereze
- Banshimye ko ndi indatwa,
- Ngo ndi umwami ndaboneye,…

4. Tanga urugero rw'amazina yakoreshejwe mu mwandiko asingiza uvugwa.

5. Ha undi mutwe ukwiye uyu mwandiko.
   - Urugendo rwa Kigeli, Kigeli ajya i Burayi, Igisingizo cya Kigeli.

**Ingero**

- Ubukombe, Rubazanganizi, Rugamba, Inyamibwa, Inganji y'igihugu, Umutayihana wa Kigeli, Nkubito y'imanzi,…

## **Igice cya kabiri:** Gusesengura igisingizo

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 32 kugera ku rwa 33)**

---

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gutahura amagambo arata ari mu mwandiko.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gukora inshamake y'umwandiko bashingiye ku nsanganyamatsiko y'umwandiko.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira gusoma inyandiko zivuga ku buvanganzo bwo muri rubanda.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo, ibyuma bigaragaza inyandiko cyangwa amashusho.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**
   Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko basomye ubushize.

### Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

a) Ni uwuhe mwandiko duherutse gusoma?
   - Imfizi ikwiye Kigeri.

b) Ni iki kivugwa muri uyu mwandiko?
   - Ni urugendo rw'umwami Kigeri.

c) Umwarimu asaba abanyeshuri kongera bakawusoma, baranguruye agenzura ko bubahiriza injyana, iyitsa n'isesekaza.

2. **Gusesengura umwandiko**
   Umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo, bagatahuramo insanganyamatsiko y'umwandiko n'amagambo arata arimo. Nyuma y'igihe yabageneye, umwarimu ahuriza hamwe abanyeshuri, agasaba itsinda rimwe kujya kuvuga ibyo bagezeho. Iyo iryo tsinda rirangije, abanyeshuri bagize andi matsinda bagenda bavuga ibyo iryo tsinda ritavuze, bikanozwa ndetse bikandikwa ku kibaho abanyeshuri na bo bakabyandika mu makayi yabo.

### Urugero rw'amagambo agaragara mu mwandiko arata

- Sinagira umususu nk'abanyamusozi,
- Nsanze abasirikare bampagarariye,
- Urebe ko ndi igihangange,
- Sinagahindagara.

- Abazungu bamparira urwo rubuga,
- Ngo abatanzi banyitegereze,
- Batanshikirije amaso,
- Bashinga urwego rwo guhagararaho.
- Ngo kundeba ni uguharamba inzovu.
- Nababereye urukerereza!
- Impundu bazivanga n'impanda,
- Banyambika impeta y'ubukuru,...

**Insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko**

Insanganyamatsiko rusange y'igisingizo "Imfizi ikwiye Kigeri"ni ukurata urugendo rw'umwami Kigeli ajya i Burayi.

# Igice cya gatatu: Umwitozo wo gufata mu mutwe igisingizo

**(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 32**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**
- Gufata mu mutwe igisingizo.

**Ubumenyi ngiro:**
- Kuvugira mu ruhame igisingizo yafashe mu mutwe.

**Ubukesha:**
- Gushishikarira gutega amatwi no gusoma igisingizo.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda, imfashanyigisho zitegwa amatwi.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**
   Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko basomye ubushize.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

a) Ni uwuhe mwandiko twize ubushize?
   - Ni Imfizi ibereye Kigeli.

b) Baravugamo iki?
   - Urugendo rw'umwami Kigeli i Burayi.

2. **Gusoma umwandiko**
Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma neza igisingizo, badatekwa umwumwe, intondeke ku ntondeke baranguruye. Umwarimu arabwira abanyeshuri gusoma inshuro nyinshi umwandiko bubahiriza injyana, iyitsa n'isesekaza bagenda bakuranwa umwumwe.

3. **Gufata no kuvuga mu mutwe igisingizo**
Umwarimu arabwira abanyeshuri gufata mu mutwe igisingizo "Imfizi ikwiye Kigeli". Kubera ko badashobora gufata mu mutwe icyo gisingizo mu gihe cyagenewe isomo gusa, umwarimu akibaha nk'umukoro, maze akabaha nk'icyumweru bitoza kukivuga mu mutwe batagisoma kugira ngo bazakivuge imbere y'abandi, umwumwe, badategwa kandi bubahiriza injyana n'isesekaza. Igihe cyo kukivuga, si ngombwa ko umunyeshuri avuga igisingizo cyose. Ashobora kuvuga igice gito, undi akomerezaho, bityobityo kugeza kirangiye, abandi bakongera bagatangira.

Umwarimu agerageza gukosora abanyeshuri umwumwe akurikije uko bagiye bavuga icyo gisingizo.

# Igice cya kane: Inshoza y'igisingizo n'uturango twacyo

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 32 kugera ku rwa 33)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**
- Gutahura inshoza y'igisingizo n'uturango twacyo.
- Kurondora uturango tw'igisingizo.

**Ubumenyi ngiro:**

- Kuvugira igisingizo mu ruhame.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira gusoma ibitabo bitandukanye no kwitabira amasomero.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'ubuvanganzo, inkoranya, imfashanyigisho zitegwa amatwi cyangwa zigaragaza inyandiko n'amashusho.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**

   Umwarimu asaba uwafashe mu mutwe igisingizo kuza imbere akavugira mu ruhame igisingizo.

   Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibafasha gutahura ibiranga igisingizo hanyuma bagahera kuri ibyo biranga igisingizo kugira ngo batange inshoza yacyo.

**Ingero z'ibibazo n'ibisubizo**

a) Iyo umuhanzi ashimye ikintu runaka abigenza ate?
   - Agitaka akoresheje igihangano.

b) Ni ubuhe bwoko bw'igihangano umuhanzi yakoresha?
   - Yakoresha igisigo cyangwa umuvugo.

c) Umuvugo cyangwa igisigo kirata bakita gute?
   - Igisingizo

2. **Gusesengura**

   Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda akabasaba gutanga itandukaniro hagati y'umwandiko bamaze kwiga n'iyindi bize bagendeye ku kivugwa n'uburyo kivugwamo no gutahura inshoza y'igisingizo.

   Nyuma y'igihe yabageneye, umwarimu ahuriza abanyeshuri hamwe bavuye mu matsinda, buri tsinda rikageza ku bandi ibisubizo byaryo. Abanyeshuri bafashijwe n'umwarimu banoza ibyavuye mu matsinda, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

## Inshoza y'igisingizo

Izina igisingizo rikomoka ku nshinga "gusingiza" bisobanura kuvuga umuntu cyangwa ikintu ucyogeza kubera ibyiza bye cyangwa byacyo. Igisingizo rero ni umwandiko wa gisizi; wanditswe ku buryo bw'imikarago, ukubiyemo amagambo yo kurata cyangwa yo kogeza umugiraneza.Ni na yo nkomoko y'imvugo zikurikira:

- Kutavuga mu bisingizo uwagukuye mu kaga ni uguhemuka.
- Uko yahaye abantu benshi inka na bo ni ko bamuhunda ibisingizo.

Ibisingizo rero si ingeri y'ubuvanganzo nyarwanda yihariye, ahubwo ingeri runaka y'ubuvanganzo ishobora kuba igisingizo bitewe n'uko insanganyamatsiko irimo yubakitse. Umuvugo, ikivugo cyangwa amayingabyivugo bishobora kuba ibisingizo igihe umuhanzi hari ikintu yasingizagamo.

## Guhanga igisingizo

Uhanga igisingizo akoresha amagambo ataka cyangwa yogeza uwo cyangwa icyo asingiza, akagaragaza impamvu ituma amusingiza, akirinda kuvuga ibibi, akibanda ku byiza gusa.

**Inshamake:** Igisingizo ni umwandiko wa gisizi; wanditswe mu buryo bw'imikarago ukubiyemo amagambo yo kurata cyangwa kogeza umugiraneza. Uhanga igisingizo akoresha amagambo ataka cyangwa yogeza uwo cyangwa icyo asingiza, akagaragaza impamvu ituma amusingiza, akirinda kuvuga ibibi, akibanda ku byiza gusa.

## Umwitozo

**Hanga igisingizo kuri imwe muri izi nsanganyamatsiko:**

- Ibyiza bya Porisi y'u Rwanda
- Taka inshuti yawe ukunda
- Ibyiza by'ishuri wigamo

Umwarimu abwira abanyeshuri guhanga igisingizo ku nsanganyamatsiko bafite mu bitabo byabo. Buri munyeshuri ahitamo imwe muri izo nsanganyamatsiko akaba ari yo ahimbamo igisingizo.

### Ibyo umwarimu yitaho ku bisingizo byahanzwe n'abanyeshuri

**Ibyiza bya Porisi y'u Rwanda**

Umwarimu areba niba igisingizo umunyeshuri yahanze kivuga ibyiza bitandukanye porisi y'u Rwanda ifitiye Abanyarwanda kandi ko cyubahirije uturango tw'igisingizo.

**Taka inshuti yawe ukunda**

Umwarimu arareba niba igisingizo umunyeshuri yahanze kigaragaza koko uburanga cyangwa ibyiza ashima inshuti ye kandi ko cyubahirije uturango tw'igisingizo.

**Ibyiza by'ishuri wigamo**

Umwarimu arareba niba igisingizo umunyeshuri yahanze gitaka ishuri yigamo kandi ko cyubahirije uturango tw'igisingizo.

# Ibyivugo by'amahomvu

**(Amasomo 3)**

## Igice cya mbere: Kumva no gusobanukirwa ibyivugo by'amahomvu

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 34 kugera ku rwa 35)**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura amagambo atasobanukiwe.
- Gusubiza ibibazo byo kumva ibyivugo by'amahomvu.

**Ubumenyi ngiro:**

- Kwivuga yubahiriza isesekaza.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira gusoma ingeri zinyuranye z'ubuvanganzo nyarwanda bwo muri rubanda.

- Gushishikarira gusabana, gutarama, abicishije mu ngeri zinyuranye.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo.

## Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**

Umwarimu abwira abanyeshuri kwitegereza ishusho iri mu gitabo cyabo akababaza ibibazo biganisha ku kuvumbura icyo aganishaho.

### Ingero z'ibibazo n'ibisubizo

a) Ni iki mubona kuri iyi shusho?
   - Ndabona abana bari ku ruziga bakikije undi mwana.

b) Uwo mwana uri hagati mu ruziga arimo gukora iki?
   - Uyu mwana arahamagarira abandi kwivuga.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga ibyivugo by'amahomvu, akanababwira urupapuro biherereyeho, hanyuma akandika umutwe w'ibyivugo ku kibaho.

2. **Gusoma ibyivugo by'amahomvu**

2.1. **Gusoma bucece**

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma bucece ibyivugo by'amahomvu biri mu bitabo byabo, akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

### Ingero z'ibibazo n'ibisubizo

a) Ni iyihe nsanganyamatsiko usanga muri ibi byivugo?
   - Harimo insanganyamatsiko y'ubutwari mu buzima bwa buri munsi.

b) Vuga amwe mu magambo aranga ubutwari ari muri ibi byivugo.
   - Imyambi ndayisakiranya, abo twari kumwe ndabacyaha,
   - Ndi inkubito idatinya, ndi Nyambo sinkenga,
   - Nanze guhunga iwacu twaraye ubusa,
   - Ndi isata ibasumba ndi intore ya Rugayampunzi,…

### 2.2. Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma ibyivugo bakoresha imvugo yo kwivuga. Umunyeshuri asoma ikivugo kimwe cyarangira undi agasoma ikindi byose bakabirangiza.

## 3. Gusobanura Ibyivugo By'amahomvu

### 3.1 Inyunguramagambo

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora amatsinda bagasoma ibyivugo by'amahomvu biri mu bitabo byabo, bashakamo amagambo batasobanukiwe, bakayasobanura bakoresheje inkoranya. Nyuma y'igihe yabageneye, umwarimu ahuriza hamwe abanyeshuri bavuye mu matsinda, agatoranya itsinda rimwe ritangaza ibyo ryagezeho. Abagize amatsinda asigaye buzuza ibyo iryo tsinda ryavuze bayobowe n'umwarimu, bikandikwa ku kibaho cyangwa hagakoreshwa ibyuma bigaragaza inyuguti n'amashusho abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

**Amwe mu magambo abanyeshuri batasobanukirwa n'ibisobanuro byayo**

| | |
|---|---|
| **Urusenge** | ikintu kimeze nk'urutara rurerure bubaka hejuru y'iziko bakakibikaho ibintu cyangwa bakagitaraho inzoga cyangwa bakacyanikaho. Urusenge barwita kandi ubugamba. |
| **Isata** | Ni umuyaga mwinshi uzamura amazi y'ikiyaga akazamuka ameze nk'urufuro. Abanyarwanda bo hambere bavugaga ko ari inzoka nini iba yaje kunywa amazi mu kiyaga nyuma ikazamukana imbaraga nyinshi. Mu mvugo shusho babivugira ku muntu ufite icyo arusha abandi. |
| **Mu gikombe** | Ahantu hari ikena hagati y'imisozi. Igice cy'umusozi kiguyemo kandi gicuramiye akabande. |
| **Mu gahinga** | Igice cy'umusozi gitumburutse, kidashobora guturwa. |
| **Inkangu** | umukingo w'ubutaka bwakushumuwe n'amazi. |

### 3.2 Ibibazo n'ibisubizo ku mwandiko

Umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo bagasubiza ibibazo ku byivugo biri mu bitabo byabo. Nyuma

y'igihe cyagenwe, umwarimu ahuriza abanyeshuri hamwe, agatoranya itsinda rigeza ku bandi ibisubizo byaryo. Abagize andi matsinda bafatanyije n'umwarimu bagenda banoza ibyo abagize itsinda riri imbere y'abandi ritanze maze bikandikwa ku kibaho n'inyuguti zigaragara cyangwa bakabyerekanisha ibyuma bigaragaza inyandiko n'amashusho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

**Ibibazo n'ibisubizo ku byivugo by'amahomvu**

1. Kuvuga ko umuntu ari Cyaradamaraye bishatse kuvuga iki? Birakwiye ko babivugira ku muntu w'umugabo? Kubera iki?
   - Kuvuga ko umuntu ari Cyaradamaraye bivuga ko yatese, ko ibintu byose ashatse abibona. Babivugira ku mwana w'umutesi, nta muntu w'umugabo bita batyo. Nta mugabo witwara nk'umwana.
2. Ni ibihe bikorwa by'indengakamere usanga muri ibi byivugo? Sobanura igisubizo cyawe.
   - Hari aho bavuga ngo umwana yivugira mu nda ya nyina, uretse no kwivuga nta mwana uvugira mu nda.
3. Ni ibiki mwabonye bigenda bigaruka muri ibi byivugo ari na byo bibiranga?
   - Amagambo asetsa n'amakabyankuru.

# Igice cya kabiri: Umwitozo wo gufata mu mutwe ibyivugo by'amahomvu

**(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 34)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gufata mu mutwe ibyivugo by'amahomvu.

**Ubumenyi ngiro:**

- Kuvugira mu ruhame ikivugo cy'amahomvu yafashe mu mutwe.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira gutega amatwi ubuvanganzo bwo muri rubanda, gusabana no gutarama.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda, imfashanyigisho zitegwa amatwi.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**
   Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko basomye ubushize.

### Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

a) Ni iki twize ubushize?
   - Ni ibyivugo by'amahomvu.

b) Bavugamo iki?
   - Ibikorwa byo mu buzima busanzwe.

2. **Gusoma umwandiko**
   Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma neza ibyivugo by'amahomvu, badategwa umwumwe, kimwekimwe baranguruye. Umwarimu arabwira abanyeshuri gusoma inshuro nyinshi ibyo byivugo bubahiriza injyana, iyitsa n'isesekaza bagenda bakuranwa umwumwe.

3. **Gufata no kuvuga mu mutwe ikivugo cy'amahomvu**
   Umwarimu arabwira abanyeshuri gufata mu mutwe ibyivugo by'amahomvu bafite mu bitabo byabo, maze asabe umwumwe kuvuga icyo yafashe yitanganika nk'uko bivuga.

   Umwarimu agerageza gukosora abanyeshuri umwumwe akurikije uko bagiye bivuga.

# Igice cya gatatu: Inshoza n'uturango by'ibyivugo by'amahomvu

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 35 kugera ku rwa 36)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gutahura inshoza n'uturango by'ibyivugo by'amahomvu.
- Kurondora uturango tw'ikivugo cy'amahomvu.

**Ubumenyi ngiro:**

- Kuvugira ikivugo cy'amahomvu mu ruhame.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira gutega amatwi ubuvanganzo bwo muri rubanda, gusabana no gutarama.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'ubuvanganzo, inkoranya, imfashanyigisho zitegwa amatwi cyangwa zigaragaza inyandiko n'amashusho.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**

   Umwarimu asaba umunyeshuri kuza imbere akivuga ikivugo cy'amahomvu yafashe mu mutwe.

   Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibafasha gutahura ibiranga ikivugo cy'amahomvu no guhera ku bikiranga kugira ngo batange inshoza yacyo.

### Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

a) **Ni ibiki mwabonye bigenda bigaruka muri ibi byivugo?**

   - Amagambo asekeje.
   - Amakabyankuru.

b) **Mumpe urugero rw'amagambo asekeje ndetse arimo amakabyankuru agaragara mu byivugo.**
   - Nagiye ku rusenge ibitugu ndabitigisa,
   - Nitwa Cyaradamaraye.
   - Nivugiye ku rusenge, umwana yivugira mu nda ya nyina.

c) **Ese abivuga mu byivugo by'amahomvu birata iki?**
   - Birata ubuzima busanzwe, gukundwa no gukunda, kurya cyane,…ntibirata ubutwari.

2. **Gusesengura umwandiko**
Umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo akababaza ibibazo bibafasha gutahura ibiranga ibyivugo by'amahomvu bahereye ku byivugo basomye no gutanga inshoza yabyo.

- Muhereye ku byivugo by'amahomvu mwasomye murasanga birangwa n'iki?
- Mu byivugo by'amahomvu bavugamo iki?
- Ibyivugo by'amahomvu biba bigamije iki? Bimaze iki?

Nyuma yo gukorera mu matsinda, umwarimu afasha abanyeshuri gukusanya ibyavuye mu matsinda bikanonosorwa bikandikwa ku kibaho

**Inshoza y'ibyivugo by'amahomvu**
Ni ibyivugo bigufi bisanzwe, abana bivuga.

**Ibivugwa mu byivugo by'amahomvu**
Akenshi haba harimo amagambo yo kwivuga birata ariko yo gusetsa no kwidagadura. Iyo rero bakitse imirimo baririmba akaririmbo ko guhamagarira buri wese kwivuga bagira bati: " Uri inyundo, uri inyana ya Rukara rwa Ruyange, uri inyundo. Nawe Kanaka (bavuga izina ry'umuntu umwe mu bari aho) ngwino utubwire icyo wamariye abahungu uri inyundo".
Uwivuga yigereranya n'ibintu, inyamaswa, akaba ari byo ashingiraho ubuhangange bwe.
Aho kwirata ubutwari bwo ku rugamba uwivuga mu mahomvu yirata ubwiza, ubuhangange mu kurya, mu gukundwa n'abagore n'abakobwa, …

Mu byivugo by'amahomvu habamo ibigereranyo bisekeje. Nta bikorwa byo ku rugamba bivugwamo ahubwo biba bigamije kwidagadura.

**Tumwe mu turango tw'ibyivugo by'amahomvu**

## Urugero

a) Amagambo asekeje:
   - Nagiye ku rusenge ibitugu ndabitigisa.
   - Nitwa Cyaradamaraye.
   - Nivugiye ku rusenge, umwana yivugira mu nda ya nyina.
   - Nanze guhunga iwacu twaraye ubusa.

b) Ibikorwa birata si iby'ubutwari uwivuga yagiriye ku rugamba, ahubwo ni iby'ubuzima busanzwe:
   - Ndi isata ibasumba ndi intore ya Rugayampunzi
   - Ndi umuhungu ndi umuziraguhungu
   - Nanze guhunga iwacu twaraye ubusa.
   - Sinkenga

c) Amakabyankuru
   - Umwana yivugira mu nda ya nyina.
   - Nahagaze mu Gasenyi ndasa mu Gasiza

## Inshamake

Ibyivugo by'amahomvu ni ibyivugo bigambiriye gutarama no gusetsa. Uwivuga yigereranya n'ibintu, inyamaswa, akaba ari byo ashingiraho ubuhangange bwe.

Aho kwirata ubutwari bwo ku rugamba uwivuga yirata ubwiza, ubuhangange mu kurya, mu gukundwa n'abagore n'abakobwa, … Habamo ibigereranyo bisekeje. Nta bikorwa byo ku rugamba bivugwamo.

## Umwitozo n'ibisubizo byawo

1. **Ibyivugo by'amahomvu birangwa n'iki?**
   - Birangwa n'amagambo asekeje, kwirata ibikorwa bisanzwe ndetse rimwe na rimwe bitaguhesha icyubahiro (amahomvu: amagambo adafite agaciro) ndetse n'amakabyankuru.

2. **Himba ikivugo cy'amahomvu ukurikije ibiranga bene ibyo byivugo maze wivuge ikivugo cyawe imbere ya bagenzi bawe.**
   - Mu gukosora iki kibazo, umwarimu areba ko abanyeshuri bahanze ikivugo cyabo bakurikije ibiranga bene ibyo byivugo. Buri munyeshuri ahimba ikivugo ke, akakivuga imbere y'abandi ashize amanga, yitakuma kandi ashyiramo isesekaza. Umunyeshuri yivuga yambaye umwitero ndetse afite n'inkoni mu ntoki akoresha yivuga.

# Umuhango wo kwita izina mu muco nyarwanda: Kwita izina

## (Amasomo 10)

## Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 37 kugera ku rwa 40)**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura amagambo atari asobanukiwe.
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusoma neza umwandiko yumvikanisha ibyo asoma kandi agaragaza isesekaza.
- Gusesengura umwandiko.

**Ubukesha:**

- Kubahiriza imigenzo myiza y'umuco nyarwanda no kuyikundisha abandi.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo.

## Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**
   Umwarimu abwira abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo cyabo, akababaza ibibazo biganisha ku mwandiko.

### Ingero z'ibibazo n'ibisubizo

a) Ni iki mubona kuri iyi shusho?
   - Abana bari barimo kurya kandi barisha intoki. Hari kandi umubyeyi wicaye ku ntebe ya kinyarwanda arimo guha umwana ibere.

b) Urakeka ko abo bana barimo kurya baje gukora iki?
   - Baje kwita umwana izina (aha ibisubizo bishobora kuba byinshi)

c) Mwigeze mujya kwita izina? Ni nde watubwira uko byagenze?
   - Aha umunyeshuri wigeze agira uruhare muri uyu muhango avuga uko we yabibonye.

2. **Gusoma**

   2.1. **Gusoma bucece**
   Umwarimu abwira abanyeshuri kurambura ibitabo byabo ahari umwandiko "Kwita izina" agasaba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko, nyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

### Ingero z'ibibazo n'ibisubizo

a) Mu muco nyarwanda ni nde wabanzaga kwita umwana izina?
   - Se w'umwana.

b) Yarimwitaga ryari?
   - Mu museke ku munsi wa munani umwana avutse.

c) Umuhango wo kwita izina witabirwaga na bande?
   - Umuhango wo kwita izina witabirwaga n'ababyeyi b'umwana, abana n'abandi bantu bakuru.

   2.2. **Gusoma baranguruye**
   Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko umwumwe, igika ku gika, baranguruye ijwi kugeza umwandiko urangiye. Umwarimu akurikirana uko basoma akosora aho bajijinganyije, aho basomye barya amagambo cyangwa batubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

3. **Gusobanura umwandiko**

3.1 **Inyunguramagambo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora amatsinda, buri tsinda rikitoramo umuyobozi n'umwanditsi. Umwarimu abwira abanyeshuri gushaka amagambo batasobanukiwe no kuyasobanura bakoresheje inkoranya ndetse no gutanga ingero z'interuro ayo magambo yakoreshejwemo.

**Amwe mu magambo abanyeshuri batasobanukiwe n'ibisobanuro byayo**

| | |
|---|---|
| **Umuseke** | Mu rukerera; igihe bwenda gucya. |
| **Umuse** | Umuntu wasimburaga nyiri urugo mu mihango inyuranye imugenewe akayimukorera iyo yabaga atabonetse; nko mu mihango yo kwita izina, kweza abapfushije,…Ntawubera umuse uwo basangiye ubwoko. |
| **Sebukwe** | Se w'umugabo cyangwa w'umugore wawe. |
| **Nyirakuru** | Nyina wa se cyangwa wa nyina w'umuntu. |
| **Sekuru** | se wa se cyangwa wa nyina w'umuntu. |
| **Igiti k'inkonzo** | Igiti kimeze nk'inkoni bamanuza amashami y'igiti cyangwa imbuto. Inkonzo bayikora muri rimwe mu mashami abiri asangiye imerero, ishami rya kabiri bakaritemera hafi y'imerero, mu mushibuka cyangwa mu giti bahambiriyeho akagiga kaberamye. |
| **Umutobotobo** | Ubwoko bw'agati kagira indeshyo yaba nka metero ebyiri kakagira udushami twinshi, guhera muri metero kagira amahwa yigondoye buke ku isonga, aba ku mubyimba no ku migongo y'ibibabi, kakagira indabyo zenda gusa n'icyatsi kibisi, kakera utubuto twiburungushuye bita intobo cyangwa inyamaheri. |
| **Umusambi** | Bawita kandi umuce. Ni igikoresho kiboshye nk'ikirago ariko gito kigenewe kwicarwaho cyangwa kuryamirwa. |

| | |
|---|---|
| **Intara** | Bayita kandi urutaro. Ni igikoresho cyo mu rugo giteye nk'inkoko imitwe yombi ntingana, gikoreshwa bagosora imyaka cyangwa bayanika. |
| **Ingabo** | Igikoresho bikingiraga amacumu n'imyambi barwana. |
| **Ishinge** | Ubwoko bw'ibyatsi basakazaga amazu cyangwa bakabitegura mu nzu. Ibyo byatsi kandi bikoreshwa benga ibitoki. |
| **Uruhamo rw'umuryango** | Igice cyo ku nzu giherereye ku mu ryango kiremetse nk'urukinga kigashyigikirwa n'inkingi ya kanagazi kigatwikira umuryango kikawurinda amahuhezi. |
| **Bamukoshereje ingobyi** | Ntibavuga kugura ingobyi bavuga gukosha ingobyi. |

### 3.2 Ibibazo n'ibisubizo by'umwitozo w'inyunguramagambo

a) Ni ayahe magambo ari mu mwandiko avuga kimwe n'aya akurikira: umuce, mu rukerera, urutaro, guharura ikivi.

- umuce: umusambi.
- mu rukerera: mu museke.
- urutaro: intara.
- guharura ikivi: gutura ikivi, kusa ikivi.

b) Ntibavuga kugura ingobyi, bavuga….

- gukosha ingobyi.

### 3.3 Ibibazo ku mwandiko

Umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda, bagasubiza ibibazo ku mwandiko. Ashobora no kongeraho ibye abona byakumvikanisha neza umwandiko. Buri tsinda risubiza ibibazo umwanditsi yandika ibisubizo. Nyuma y'igihe cyagenwe, umwarimu ahuriza abanyeshuri hamwe, agatoranya itsinda ritagiye imbere rikageza ku bandi ibisubizo byaryo.

## Ibibazo n'ibisubizo ku mwandiko

1. **Uyu mwandiko uravuga ku ki?**
   - Uyu mwandiko uravuga ku muhango wo kwita izina.

2. **Umwana wavutse yahabwaga izina ryari?**
   - Nyuma y'iminsi umunani

3. **Kubera iki umwana bamuhekeshaga mukuru we?**
   - Umwana bamuhekeshaga mukuru we kugira ngo bazahore barutana, umuto ntazarute mukuru we bitewe n'uko yaba yarazingamye.

4. **Umuhango wo kwita izina witabirwaga na ba nde?**
   - Witabirwaga n' abana, abavandimwe, abaturanyi n'inshuti.

5. **Ni nde witaga umwana izina iyo yavukaga se atakiriho?**
   - Umuse ni we witaga umwana izina iyo yabaga yavutse se atakiriho.

6. **Ukurikije umwandiko umuhango wo kwita izina wakorwaga ute?**
   - Aha umwarimu areba niba abanyeshuri bashoboye kuvuga muri make uko umwandiko ubivuga. Barabivuga mu magambo anyuranye we akareba niba ingingo zose zirimo.

7. **Utekereza ko ari ukubera iki umuhango wo kwita izina bawitaga kurya ubunnyano?**
   - Kuwita kurya ubunnyano ni uko babaga bakoze utubumbe twinshi tw'imboga zivanze n'ibishyimbo tumeze nk'utwo umwana annya impande zose.

8. **Gereranya uko umuhango wo kwita izina wakorwaga n'uko ukorwa ubu.**
   - Kera ku munsi wo kwita izina batumiraga abana, abavandimwe, abaturanyi n'inshuti kugira ngo baze kurya ubunnyano. Babaga batetse, benze inzoga, abana n' abakuru bateranye. Abana babanzaga kujya guhingisha ibiti by'inkonzo by'umutobotobo. Abana barahingaga bajya guharura ikivi bakabatera amazi ngo imvura iraguye bagataha. Bajyaga mu rugo, bagasanga babateguriye intara ishasheho amakoma bashyizeho ibishyimbo bacucumyemo imboga kandi bagizemo utubumbe twinshi, tugeretseho agasate k'umutsima, buri mwana akarya akabumbe ke n'agasate ke. Abana kandi babahaga amata y'inshyushyu n'ay'ikivuguto

bakanywaho. Abana bamaze kurya ntibakarabaga ahubwo intoki zabo bazihanagurizaga ku mabere y'umubyeyi bagira ngo bamwifurize kubyara abana benshi b'ibitsina byombi. Umubyeyi yabaga akikiye uruhinja mu ntoki, buri mwana agahita, akamwitegereza ati: "Mwise naka." Abana barangiza hagakurikiraho abakuru. Nguko uko kera bitaga izina. Muri iki gihe rero bikorwa ku buryo butandukanye bitewe n'uko umuryango wishoboye (abanyeshuri bagenda bavuga uko babigenza iwabo, mu baturanyi cyangwa mu nshuti aho bagiye bajya kwita izina).

## Igice cya kabiri: Gusesengura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 40)**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura bimwe mu bigize umuco nyarwanda bigaragara mu mwandiko.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusesengura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko no guhina umwandiko.

**Ubukesha:**

- Kubahiriza imigenzo myiza y'umuco nyarwanda no kuyikundisha abandi.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo, ibyuma bigaragaza inyandiko cyangwa amashusho.

### Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**
   Umwarimu abwira abanyeshuri kongera gusoma baranguruye umwumwe igika ku kindi umwandiko "Kwita izina" kugira ngo bawiyibutse.

2. **Gusesengura**
   Bamaze gusoma, umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo, akabaha ibibazo bibafasha gutahura mu mwandiko ingingo z'umuco n'ingingo z'ingenzi ziri mu wandiko.

### Ingero z'ibibazo

Tahura mu mwandiko ingingo z'umuco nyarwanda.

Uyu mwandiko ugizwe n'ibika bingahe?

Shaka igitekerezo gikubiye muri buri gika hanyuma ukore inshamake y'umwandiko.

Mu matsinda yabo, abanyeshuri bungurana ibitekerezo kuri ibyo bibazo, bakabishakira ibisubizo. Nyuma y'igihe yabageneye, umwarimu ahuriza abanyeshuri hamwe, agatoranya itsinda ritangaza ibyo ryagezeho mu gihe andi matsinda yo aryunganira, ibisubizo byaryo bikanonosorwa n'abanyeshuri bayobowe na mwarimu ibisubizo byabo bikandikwa ku kibaho n'inyuguti zigaragara cyangwa bakabyerekanisha ibyuma bigaragaza inyandiko n'amashusho, bakabyandika mu makayi yabo.

**Zimwe mu ngingo z'umuco ziri mu mwandiko**

- Kwita umwana izina ku munsi wa munani.
- Umugore wabyariye ahatari iwe: gutaha akajya kwitisha umwana izina ku mugabo we
- Umuse: Uwitaga umwana izina iyo se yabaga adahari.
- Umwana ugifite sekuru na nyirakuru: nyina yamujyanagayo akiva ku kiriri kugira ngo sekuru abe ari we ubanza kumwita izina.
- Abana bahingisha ibiti by'inkonzo by'umutobotobo, kubatera amazi bavuga ngo imvura iraguye nimutahe.
- Ku ntara basasaho amakoma, bagashyiraho ibishyimbo bacucumyemo imboga kandi abana bicararaga ku musambi bakarira ibiryo ku ntara barambuyeho amakoma.
- Abana baryaga ibishyimbo bacucumyemo imboga kandi bagizemo utubumbe twinshi no kuba buri kabumbe kaba kageretseho agasate k'umutsima.
- Abana banywaga amata y'inshyushyu n'ay'ikivuguto.
- Abana bararyaga barangiza bakihanaguriza intoki ku mabere y'umubyeyi.

- Abana ntibatahaga iwabo na nyina ntahaguruke aho yicaye umwana atarannya cyangwa ngo anyare.
- Umugore yasohokanaga icumu, ingabo, umuheto n'ishinge bakabimanika mu ruhamo rw'umuryango…

**Ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko "Kwita izina":**

- Akamaro k'izina ry'umuntu.
- Abitaga amazina bwa mbere.
- Uko umuhango wo kwita izina wagendaga.
- Imihango yajyanaga no kwita izina.

Abanyeshuri bahereye kuri izi ngingo z'ingenzi bahina umwandiko mu bika bine kandi badateruye interuro z'umwandiko uko zakabaye. Umwarimu yita ku kugenzura uburyo abanyeshuri bakurikiranya ibitekerezo hakurikijwe inyurabwenge n'uburyo bubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

## **Igice cya gatatu:** Kungurana ibitekerezo

**(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 40)**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gukurikiranya ibitekerezo akurikije inyurabwenge.
- Gusobanura neza ingingo zigibwaho impaka.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gutanga ibitekerezo bye ariko yubaha n'iby'abandi.
- Gutanga ingingo zishyigikira igitekerezo ke cyangwa zivuguruza igitekerezo cy'abandi.

**Ubukesha:**

- Kubahiriza imigenzo myiza y'umuco nyarwanda no kuyikundisha abandi

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda, imfashanyigisho zitegwa amatwi.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**
   Umwarimu abwira abanyeshuri kongera gusoma umwandiko "kwita izina" umwumwe bubahiriza iyitsa kandi bashyiramo isesekaza.

2. **Kujya impaka ku kamaro k'umuhango wo kwita izina**
   Umwarimu arandika ku kibaho insanganyamatsiko igibwaho impaka mu nyuguti zigaragaza neza: "Ese umuhango wo kwita izina uracyafite akamaro muri iki gihe"? Iyi nsanganyamatsiko arayisoma yatuye ijwi maze asabe abashyigikiye ko uyu muhango ufite akamaro kujya uruhande rumwe, hanyuma abatawushyigikiye na bo bage ku rundi.

   Ubwo baraba bafite amatsinda abiri ajya impaka n'indorerezi. Abashyigikiye umuhango wo kwita izina barabanza batange igiterezo cyabo hanyuma abatagishyigikiye babanyomoze batanga ingingo bashingiraho, hanyuma bage baherekanya amagambo bayobowe n'umwarimu.

   Umwarimu arakurikirana uburyo buri munyeshuri yitabira gutanga ibitekerezo kandi agenzure imyitwarire yabo muri izo mpaka.

### Ingero z'ibitekerezo bishobora gutangwa muri buri ruhande

**Umuhango wo kwita izina ufite akamaro muri iki gihe**

- Kwita izina bigomba kwitabwaho ndetse bigakorwa kuko izina ari ryo muntu, ni icyubahiro cy'umuntu ni yo mpamvu igihe cyo kwita izina kigomba kwizihizwa nk'umunsi mukuru ukomeye.
- Ni umuco nyarwanda utagombye gucika.
- Ni igihe abana bidagadura bari kumwe na mugenzi wabo baruta.
- Bituma habaho ubusabane ku bana ndetse no ku bantu bakuru […]

**Umuhango wo kwita izina nta kamaro ufite muri iki gihe**

- Si ngombwa gukora iminsi mikuru kuko bituma basesagura.

- Wise izina nta muhango izina ntiribura gufata, kandi icybahiro cy'umuntu cyangwa k'izina rye ntikiva ku muhango wo kwita izina [...]

Nyuma yo gutanga ibitekerezo binyuranye kuri buri ruhande umwarimu arabwira umwanditsi w'ikiganiro mpaka gusoma ibitekerezo byatanzwe na buri ruhande. Nyuma y'ibyo umuyobozi w'ikiganiro mpaka araha ijambo abandi batari mu matsinda yajyaga impaka kugira ngo na bo batange ibitekerezo binyuranye bashingiye ku byatanzwe n'abajyaga impaka. Nyuma yo kugira icyo babivugaho baratora uruhande rwatanze ibitekerezo byinshi kandi bifatika.

Nyuma y'ikiganiro mpaka, umwarimu arashima cyangwa anenge uburyo abanyeshuri batanze ibitekerezo n'imyitwarire yabo.

## **Igice cya kane:** Imbata y'umwandiko ntekerezo

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 40 kugera ku rwa 41)**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Kurondora ibice bigize imbata y'umwandiko.
- Gusobanura ibikubiye muri buri gice kigize imbata y'umwandiko.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gukora imbata y'umwandiko ntekerezo.

**Ubukesha:**

- Gushima cyangwa kunenga imbata y'umwandiko asomye cyangwa asomewe.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'ubuvanganzo, imfashanyigisho zigaragaza inyandiko n'amashusho.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**
   Umwarimu abwira abanyeshuri kongera gusoma umwandiko "kwita izina mu muco nyarwanda" umwumwe akabaza ibibazo biganisha ku miterere y'umwandiko.

### Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

a) Umwandiko "kwita izina mu muco nyarwanda" ufite ibika bingahe?
   - Ufite ibika ikenda.

b) Ukurikije uko umeze, ubona ari ubuhe bwoko?
   - Ni umwandiko ntekerezo.

2. **Gusesengura**
   umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda akababaza ibibazo bibafasha gutahura ibice bigize umwandiko no kubisobanura.

### Urugero rw'ibibazo

a) Mukurikije ibika by'umwandiko "kwita izina mu muco nyarwanda" nimuvuge ibice biwugize (imbata yawo) kandi mugaragaze ibika ibyo bice bihereyemo.

b) Mukurikije ibice by'umwandiko "kwita izina" nimutange imbata y'umwandiko ntekerezo.

c) Nimusobanure ibice by'umwandiko ntekerezo.

Nyuma y'igihe yabahaye, umwarimu abwira abanyeshuri gushyira hamwe ibyo bakuye mu matsinda, uhagarariye buri tsinda cyangwa umwe mu bagize itsinda akageza ku bandi ibyo bagezeho. Abanyeshuri bayobowe n'umwarimu banoza ibyavuye mu matsinda bikandikwa ku kibaho n'inyuguti zigaragara, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

### Urugero rw'ibyava mu matsinda

**Umwandiko "kwita izina mu muco nyarwanda" ugizwe n'ibice bine:**

| | |
|---|---|
| **Umutwe** | Kwita izina. |
| **Intangiriro** | Igika cya mbere. |

| | |
|---|---|
| **Igihimba** | Kuva ku gika cya kabiri kugera ku gika cya munani. |
| **Umusozo** | Igika cya nyuma. |

**Imbata y'umwandiko ntekerezo**

Umwandiko ntekerezo utangirwa n'**umutwe**. Umutwe uba ugizwe n'interuro imwe ifitanye isano n'ibiri buvugwe mu kurambura ingingo, mbese ni inshamake y'umwandiko wose. Kugira ngo utandukane n'ibindi bice biwukurikiye, umutwe bawucaho umurongo cyangwa bagasiga umwanya mbere yo gutangira igice gikurikiyeho, cyangwa ukaba wanditse mu buryo bwihariye (ugaragara cyane).

Usibye uyu mutwe, umwandiko ntekerezo ugira ibice by'ingenzi bitatu, ari byo **intangiriro, igihimba n'umusozo.** Intangiriro n'umusozo biremwa n'igika kimwekimwe mu gihe igihimba cyo kiremwa n'ibika byinshi. Tumenye ko umwandiko wuzuye uba ufite nibura ibika bitatu. Iyo bigiye munsi, uwo mwandiko uba ubura igice kimwe cyangwa ibice bibiri mu bigize umwandiko.

# **Igice cya gatanu:** Izina mbonera gakondo

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 41 kugera ku rwa 45)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura inshoza y'izina mbonera gakondo.
- Kugaragaza intego y'izina mbonera gakondo n'amategeko y'igenamajwi.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusesengura izina mbonera gakondo agaragaza uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi.

**Ubukesha:**

- Kwereka abandi intego n'amategeko y'igenamajwi by'izina mbonera gakondo.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo k'ikibonezamvugo cyangwa k'iyigandimi

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**
   Umwarimu abwira abanyeshuri kongera gusoma umwandiko "Kwita izina mu muco nyarwanda" umwumwe, igika ku gika. Umwarimu abwira abanyeshuri kongera gusoma igika cya karindwi cy'uwo mwandiko no guca umurongo ku mazina arimo.

   **Igika cya karindwi n'amazina aciyeho imirongo.**

   **Umunsi** wo kwita **izina** babaga bakoshereje **umwana** **ingobyi** ebyiri, iy'**intama** n'iy'**inka**; bakazimukozaho, kugira ngo imwe nibura bamuheke mu yindi. Iyo batabigenje batyo, bukeye bakamuheka mu yo batamukojejeho, icyo **gihe** bisurira **umwana** nabi, agapfa. **Umwana** w'**uruhinja** iyo afite mukuru we, ku **munsi** wo gusohoka baramumuhekesha, kugira ngo bazahore barutana, umukuru ntarutwe na murumuna we, bitewe n'uko yazingamye.

2. **Isesengura**
   Umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo. Abaza abanyeshuri ibibazo bibafasha kugaragaza ururemajambo tw'amazina aciyeho umurongo no kugaragaza amategeko y'igenamajwi aho ari ngombwa. Umwarimu abaza kandi abanyeshuri ibibazo bibafasha gutahura inshoza y'izina, iy'izina gakondo, iy'izina mbonera n'iy'izina mbonera gakondo.

### Urugero rw'ibibazo

Erekana uturemajambo tw'amazina aciyeho umurongo mu gika cya karindwi n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.

Uhereye ku ntego y'ayo mazina, izina ni iki? Izina gakondo ni iki? Izina mbonera ni iki? Izina mbonera gakondo ni iki?

Nimwerekane andi mategeko y'igenamajwi atakoreshejwe mu mazina aciyeho umurongo mwasesenguye.

Nyuma y'igihe yabahaye, umwarimu ahuriza hamwe abanyeshuri, agatoranya amatsinda atatu, rimwe akarisaba kwerekana ibyo bakoze ku kibazo cya mbere, irya kabiri akarisaba kwerekana ibyo bakoze ku kibazo cya kabiri, irya gatatu rikerekana ibyo

ryakoze ku kibazo cya gatatu. Itsinda rya mbere rirabyerekana ryarangiza abagize andi matsinda bayobowe n'umwarimu bakabyuzuza ndetse bakabinoza bikandikwa mu makayi, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo. Ku itsinda rya kabiri n'irya gatatu na ho bigenda bityo.

## Ibisubizo by'ibibazo

Uturemajambo tw'amazina aciyeho Imirongo n'amategeko y'igenamajwi:

- umunsi: u-mu-nsi (nta tegeko)
- izina: i- ø-zina (nta tegeko)
- umwana: u-mu-ana u→w/-J
- ingobyi: i-n-gobyi (nta tegeko)
- intama: i-n-tama (nta tegeko)
- inka: i-n-ka (nta tegeko)
- igihe: i-ki-he k→g/-GR
- uruhinja: u-ru-hinja (nta tegeko)

## Inshoza y'izina mbonera gakondo

Izina ni ijambo abantu bemeza kwita ibiriho, ibyo babona ibyo bumva, cyangwa ibyo batekereza.

Dukurikije inkomoko y'amazina, hari amazina karemano mu rurimi rw'Ikinyarwanda, amazina y'umwimerere yitwa amazina gakondo (igiti, umugezi, umurima,…), mu gihe hari andi mazina y'amatirano nk'ishati, ikoti, ishuri n'ayandi.

Dukurikije intego y'izina, amazina y'Ikinyarwanda afite uturemajambo tw'ibanze dutatu (indomo, indanganteko n'igicumbi), yitwa amazina nyakimwe cyangwa amazina mbonera.

## Uturemajambo tw'izina mbonera gakondo n' amategeko y'igenamajwi

Kugira ngo umenye uturemajambo tw'izina, ubanza kurigoragoza (uritubya cyangwa uritubura) urishyira mu nteko zinyuranye. Igice kidahinduka ni cyo bita igicumbi (C) kibanzirizwa n'indanganteko (RT) na yo ibanzirizwa n'indomo (D).

**Igicumbi**: ni akaremajambo k'izina kadahinduka iyo ugoragoje izina.

**Urugero**

- inka
- agaka
- uduka
- ibika
- igika

Witegereje urasanga akaremajambo **–ka** kagaruka iteka iyo ugerageje gushyira ijambo inka mu nteko zinyuranye.

**Indanganteko**: Ni akaremajambo kagaragaza inteko izina ririmo. Indanganteko z'amazina mu Kinyarwanda zibarizwa mu nteko 16.

### Ikitonderwa

Hari amazina atagaragaza indanganteko. Kugira ngo umenye inteko zayo uyashyira mu nteruro maze inteko z'amasano akaba ari zo zigaragaza inteko ayo mazina arimo. Bene ayo mazina akunda kuba mu nteko ya 5, 9 n'iya 10. Mu kugaragaza inteko z'ayo mazina hakoreshwa aka kamenyetso: $\phi$

**Ingero**

- Nt. ya 5: ibuye rinini riragaragara: i-$\phi$-buye
- Nt. ya 9: ihene nziza ni musheru: i-$\phi$-hene
- Nt. ya 10: ihene nziza ni iz'umusheru: i-$\phi$-hene

**Indomo**: Ni akaremajambo kagizwe n'inyajwi itangira izina. Mu Kinyarwanda inyajwi zishobora kuba indomo ni i, u, na a.

Usibye igoragoza kugira ngo umenye indomo ushobora gukoresha impakanyi nta, indangahantu ku/mu, ijambo rihamagara "yewe"/ "yemwe" imbere y'izina cyangwa se akajambo "ki" kabaza inyuma yaryo. Inyajwi itakara aba ari indomo.

**Ingero**

- Nta mugabo mbona: nta $\phi$-mu-gabo
- Yewe mugabo! Yewe $\phi$-mu-gabo.
- Ese wagize ngo ni mugabo ki? $\phi$-mu-gabo ki?

## Uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi akoreshwa mu izina mbonera gakondo

- Hari amazina mbonera gakondo yuzuye. Ni ukuvuga afite uturemajambo twose uko ari dutatu.

### Ingero

**Uturemajambo tw'izina mbonera gakondo n'amategeko y'igenamajwi**

| | Amazina | Intego | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|---|
| 1 | Umwana | u-mu-ana | u→w/-J |
| 2 | Imyeyo | i-mi-eyo | i→y/-J |
| 3 | Amenyo | a-ma-inyo | a+i→e |
| 4 | Abana | a-ba-ana | a→ ø /-J |
| 5 | Inzara | i-n-yara | y→z/n- |
| 6 | Induru | i-n-ruru | r→d/n- |
| 7 | Imvura | i-n-vura | n→m/-v |
| 8 | Inzabya | i-n-abya | Ibicumbi bifata z mu nteko ya 10 |
| 9 | Insina | i-n-tsina | t→ ø/n-s |
| 10 | Udushaza | u-tu-shaza | t→d/-GR |
| 11 | Inzoga | i-n-yoga | y→z/n- |
| 12 | Imfizi | i-n-pfizi | p→ ø/m-f n→m/-f |
| 13 | Imboga | i-n-boga | n→m/-b |
| 14 | Inyana | i-ø-nyana | n→ ø/-ny |
| 15 | Igicuma | i-ki-cuma | k→g/-GR |
| 16 | Imana | i-ø-mana | n→ ø/-m |
| 17 | Inama | i-ø-nama | n→ ø/-n |
| 18 | Impinja | i-n-hinja | n→m/-n mh→mp mu myandikire |
| 19 | Impapuro | i-n-papuro | n→m/-p |
| 20 | Imfwati | i-n-fwati | n→m/-f |
| 21 | icyuma | i-ki-uma | i→y/-j ky→mu nyandiko |

**Ikitonderwa**

- Hari ibicumbi bifata ingombajwi "z" mu nteko ya 10 bitari biyisanganywe.

**Ingero**

- Urugi => inzugi: i-n-ugi
- Uruyuzi =>inzuzi: i-n-uzi
- Urwabya =>inzabya: i-n-abya

**Hari amazina mbonera gakondo atuzuye.**

Amazina mbonera gakondo atuzuye ni amazina atagaragaza kamwe cyangwa tubiri mu turemajambo twayo. Akaremajambo katagaragara gahagarariwa n'umubumbabusa (ø)

**Ingero**

| Izina | Intego |
|---|---|
| mushiki | ø -mu-shiki |
| ishyamba | i-ø-syamba |
| izuba | i-ø-zuba |
| data | ø –ø-data |
| Se | ø –ø-se |
| Mama | ø –ø-mama |
| Nyina | ø –ø-nyina |

**Ibibazo n'ibisubizo by'umwitozo**

Garagaza uturemajambo tw'amazina mbonera gakondo akurikira n'amategeko y'igenamajwi aho ari ngombwa:

| | | |
|---|---|---|
| - Inzoga: | i-n-yoga | y→z/n- |
| - Inkonzo: | i-n-konzo | - |
| - Ihene: | i- ø-hene | - |
| - Icyuma: | i-ki-uma | i→y/-J ky→mu myandikire |
| - Igicuba: | i-ki-cuba | k→g/-GR |

## Isuzuma risoza umutwe wa mbere

## (Amasomo 4)

**(Reba mu gitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 45 kugera ku rwa 48)**

Isuzuma rusange risoza umutwe rigamije kureba ko abanyeshuri bashoboye gusesengura ingeri z'ubuvanganzo bwa rubanda, kuzitandukanya bagendeye ku turango twa buri ngeri, guhimba bigana zimwe mu ngeri z'ubuvanganzo bwo muri rubanda, guhanga umwandiko ntekerezo bakurikije imbata yawo no gusesengura izina mbonera gakondo.

Iyi myitozo ishobora guhabwa abanyeshuri mu byiciro binyuranye bakayikora nk'imikoro yo mu rugo, imyitozo mu matsinda cyangwa se mu isuzuma. Umwarimu agenzura umwete n'imisubirize ya buri munyeshuri, kandi afasha abagaragaje intege nke. Uyu mwitozo ukosorerwa hamwe, aho bigaragaye ko abanyeshuri bafite intege nke umwarimu akarushaho kuhatsindagira agendeye ku bushobozi bw'ingenzi bugamijwe mu mutwe wose.

**Ibibazo n'ibisubizo ku isuzuma risoza umutwe wa mbere**

**(I) Ibibazo byo kumva umwandiko: Amaraso y'Ikinyogote**

1. Uyu mwandiko ni bwoko ki?
   - Ni umugani muremure.

2. Ikibazo nyamukuru kivugwa muri uyu mwandiko ni ikihe?
   - Ni uburwayi bw'umwana w'umwami w'ishyamba bugomba kubonerwa umuti.
3. Ni izihe nyamaswa zivugwa mu mwandiko?
   - Ni umwami w'ishyamba, nyiramuhari, ikinyogote, ingwe, amasatura n'impiri, n'ubundi bwoko bwose bw'inyamaswa bwari buhagarariwe.
4. Umwami w'ishyamba uvugwa ni nde?
   - Ni intare.
5. Ese ikibazo kivugwa cyaje gukemuka? Sobanura?
   - Oya, cyakomeje kugorana, kugeza n'aho umwana w'umwami apfa.

**Inyunguramagambo**

1. Sobanura amagambo n'interuro bikurikira

| | |
|---|---|
| **Biba iby'ubusa** | Biranga, birananirana, ntibyagira icyo bitanga. |
| **Kugera iwa ndabaga** | Kugera kure kubi, kuba bibi cyane kurushaho. |
| **Gushoberwa** | Kuyoberwa, kubura igisubizo k'ikibazo. |
| **Kondora umurwayi** | Kumwitaho, kumuha ibyo kurya no kunywa bimufasha kugarura imbaraga. |
| **Amavi kiyashita ku butaka** | Kirapfukama, gica bugufi. |

2. Imbusane z'amagambo akurikira:
   (a) Gutinda# kubanguka
   (b) Kwemera# guhakana
   (c) Shebuja# nyirabuja
   (d) Kwibuka# kwibagirwa

**Imiterere y'umwandiko "Amaraso y'ikinyogote"**

Erekana imbata y'umwandiko "amaraso y'ikinyogote", werekane aho buri gice gihera n'aho kirangirira.

| | |
|---|---|
| **Intangiriro** | Itangirira ku "Umunsi umwe umwami w'ishyamba….", ikarangirira "…bayoberwa iyo ndwara iyo ari yo." |

| | |
|---|---|
| **Igihimba** | Igihimba gitangirira "Intare igeze aho iribwira…", ikarangirira "…Umwana w'intare ruranga ruramunjyana." |
| **Umusozo** | Umusozo ni "Si nge wahera hahera ubugome bwa nyiramuhari n'abavuzi bo mu ishyamba." |

**Ihinamwandiko**

Hina umwandiko amaraso y'ikinyogote mu magambo yawe bwite.

## Urugero rw'inshamake y'umwandiko "amaraso y'ikinyogote"

Umwana w'intare ararwaye kandi agomba kubonerwa umuti umuvura. Intare iteranya abavuzi b'abahanga mu nyamaswa. Nyiramuhari isanga umwana yavurwa n'amaraso y'ikinyigote ashyushye. Naho ikinyogote gishingiye ku nama cyagiriwe n'umuntu gisanga umuti ari ubwonko bwa nyiramuhari buminjiriyemo uturaso duke tw'ikinyogote bitaba ibyo bagashaka umutwe w'umuntu. Ubwo nyiramuhari icibwa umutwe ubwonko bwayo buminjirwamo uturaso duke tw'ikinyogote ariko biba iby'ubusa umwana w'umwami ararenga arapfa naho ikinyogote kirarusimbuka.

**Igice cya gatatu: Ikibonezamvugo**

**Ubuvanganzo bwo muri rubanda**

1. Mu mbonerahamwe gereranya insigamigani, umugani muremure n'igitekerezo.

Dukoresheje imbonerahamwe ikurikira dore itandukaniro hagati y'umugani muremure, insimigani, n'igitekerezo cyo muri rubanda.

| Umugani Muremure | Igitekerezo cyo muri rubanda | Insigamigani |
|---|---|---|
| Utangizwa na kera habayeho cyangwa umunsi umwe ukarangizwa na si nge wahera. | Nta ntangiriro yihariye kigira. | Itangira akenshi bavuga igihe bacira uwo mugani, aho wakomotse n'igihe. |

| | | |
|---|---|---|
| Ushingira ku bintu bitabayeho. Ntugaragaza igihe n'ahantu hazwi ibintu byabereye. | Igitekerezo cya rubanda kigaragaramo amakabyankuru n'ibitangaza kandi ntigitanga amacishirizo agaragara neza y'igihe ibintu byabereye. | Nta makabyankuru agaragaramo, ibivugwa byose biba ari amateka yabayeho. |
| Akamaro k'umugani muremure ni ako gutanga inyigisho tima-ngiro. | Akamaro k'igitekerezo ahanini ni ako gukosora imigirire runaka igaragara muri rubanda. (ubusambo, uburyarya, ubuhemu, …) | Akamaro k'insigamigani ni ako kwerekana inkomoko z'imvugo dukoresha ariko hakabonekamo ingingo z'amateka n'umuco. |

2. Sesengura imigani migufi ikurikira uvuge n'aho wayikoresha.
   a) Umwana utumviye se na nyina yumvira ijeri
   b) Kora ndebe iruta vuga numve
   c) Inkono ntihira ikibatsi ihira ikibariro
   d) Nta wurungira urunguruka
   e) Intongo y'inzara irusha iy'inyama kubasha umutsima
   f) Umusego mubi upfura amasunzu
   g) Uwambaye injamba ntagira ijambo

a) **Umwana utumviye se na nyina yumvira ijeri.**
Ubusanzwe umuntu yumva ibyo abakuru bamubwiye, ababyeyi cyangwa se abamuruta, akabizirikana maze akabikurikiza. By'umwihariko umwana yubaha abamubyaye kuko utabubahaga yagiraga ingaruka mu buzima buzaza. N'ubundi ngo "**irya mukuru riratinda ntirihera**." Utabumviye rero ngo akurikize impanuro zabo yumvira ijeri. Ijeri ni agasimba gakunda kuvuga ubudatuza nijoro; nta wumva ibyo kaba kavuga ahubwo yumva urusaku rwako. Ubwo rero kumvira ijeri ni ukumva ibitagira umumaro, bitagira aho byakugeza, ahubwo bikugusha mu

makuba. Uyu mugani uranenga abantu batumvira abakuru bikaba byabaviramo ingaruka mbi. Ucibwa rero kugira ngo abo bantu bahe agaciro impanuro z'abakuru.

b) **Kora ndebe iruta vuga numve**
Mu buzima hari abantu bakunda kugira ingeso yo kunenga ibyo abandi bakoze kandi bo nta cyo bakora. Bityo rero abantu bakosora iyo ngeso basaba abantu kujya berekanisha ingero nziza z'imikorere. Aho kurangwa n'amagambo bakarangwa n'ibikorwa abantu babigiraho, mbese babareberaho. Ucibwa rero kugira ngo ukangurire abantu gukora bakaba intangarugero. Bawuca iyo babonye umuntu uvuga amagambo menshi ariko nta bikorwa.

c) **Inkono ntihira ikibatsi ihira ikibariro**
Ikibatsi ni umuriro ugurumana, waka cyane; ikibariro cyo ni igihe cyagenwe, gisanzwe kizwi ikintu kigomba kumara ngo kibe cyatunganye. Umuntu utetse rero, ntagurumika umuriro mu ziko kuko aho gushya vuba ibyo atetse birashirira. Uyu mugani bawuca rero babuza abantu kugira ubwira mu byo bakora byose. Ni byiza ko umuntu yihangana ntiyihutishe ibintu byose kuko hari ibibeshwa byiza no gukorwa mu bwitonzi. Ntiwatara igitoki ngo uhite ubona umuneke, ntiwagishyushya ngo gishye vuba. Ni ukuvuga ko buri kintu kigira igihe cyacyo, bityo umuntu akaba asabwa kwihangana agategereza. N'ubundi ngo "**buhorobuhoro ni rwo rugendo**".

d) **Ntawurungira urunguruka**
Kurunga ni ugushyira amavuta y'inka mu biribwa ngo birusheho kuryoha. Barungisha amavuta akuze, amaze iminsi myinshi. Ibirunge rero ni ibiryo bashyizemo ayo mavuta. Kurunguruka ni ukureba aho umuntu ari cyangwa ageze akenshi wumva ko yatinze kukugeraho wari umutegereje. Kurunga rero biritonderwa, ntibyihutirwa ngo bikorwe hutihuti. Ubwo rero urunguruka umutekeye, amutota, ntawamurungira ngo bitungane.

Uyu mugani bawucira umuntu ubwira butera kurebuza abamukorera, maze akababuza uburyo abatota. Icyo babivugira, ni ukubuza bene aba bantu kwiyangiriza ibintu kuko ababakorera babikoze shishi itabona, bakabikora nabi ngo birangire. N'ubundi ngo, "**iyihuse yabyaye ibihumye**".

e) **Intongo y'inzara irusha iy'inyama kubasha umutsima**

Intongo ni agasate kanzinya k'inyama. Abanyarwanda benshi bakunda inyama kandi biramenyerewe ko uwazitetse azirisha umutsima. Umuntu rero udashonje yinemfaguza ibiryo; akabirobanura. Ngo "**ugaburira umwijusi bararwana!**" Iyo ariko umuntu yabuze icyo kurya yicira isazi mu jisho, ibyo abonye byose apfa kurya kandi akabiryana umwete.

Uyu mugani bawucira umuntu winenaguza ibintu by'umwijuto bagira ngo bamwumvishe ko aramutse ashonje atakongera kwipfusha ubusa. N'ubundi ngo "haryoha inzara" . Umushonji nta kimubihira.

f) **Umusego mubi upfura amasunzu**

Amasunzu ni inyogosho y'umusatsi yakorwaga n'abakera. Kubera ko basasaga ibyatsi bakagerekaho ibirago, uwakoraga nabi umusego ibyo byatsi byafataga mu masunzu uryamye yanyeganyega bikamufata mu musatsi. Ubwo umusatsi wari watunganyijwe ukaba urasapfutse! Ndetse ukaba wanapfuka. Mu by'ukuri ntawumenya uko uruhara ruza. Ku buryo hagomba gushakwa impamvu yose yatuma uko bigenda byumvikana. Hari igihe Abanyarwanda baba bakeka ko uruhara ruzanwa n'uko umusatsi upfuka nijoro igihe umuntu yigaragura aryamye.

Iyo baciye uyu mugani baba babivugira ku muntu wisunze undi udashobotse, maze aho kugira icyo amumarira akamukura n'aho yari ari. Uwo muntu mubi akaba agereranywa n'umusego mubi.

g) **Uwambaye injamba ntagira ijambo**

Injamba ni utwambaro twacikaguritse cyane, dushaje. Bene iyi myambaro yambarwa n'abatindi. Uwambaye nabi rero nta jambo avuga ngo abantu baryiteho, aba asuzuguritse. Uca uyu mugani rero aba yiganyira ko yavuze ijambo nyaryo ntirihabwe agaciro kubera ko adakize. Wumvikanisha ko mu gihe ugiye kuvugira mu ruhame ugomba kwambara imyenda ituma ugaragara neza, ugira agaciro.

**3. Findura ibisakuzo bikurikira.**
**Sakwe sakwe.....soma**

a) Twavamo umwe ntitwarya: Ishyiga

b) Nshinze umwe ndasakara: Icyobo

c) Nagutera icyo utazi utabonye: Ubuto bwa so na nyoko

d) Ngeze mu ishyamba rirahubangana: Inzara y'umusore.

e) Inka yange nyikama igaramye: Umuvure.

**4. Ibibazo bijyanye n'umuhango wo kwita izina**

a) Umuhango wo kwita izina wakorwaga ute?

Ku munsi wo kwita izina batumiraga abana, abavandimwe, abaturanyi n'inshuti kugira ngo baze kurya ubunnyano. Babaga batetse, benze inzoga, abana n'abakuru bateranye. Abana babanzaga kujya guhingisha ibiti by'inkonzo by'umutobototobo. Abana barahingaga bajya guharura ikivi bakabatera amazi ngo imvura iraguye bagataha. Bajyaga mu rugo, bagasanga babateguriye intara ishasheho amakoma bashyizeho ibishyimbo bacucumyemo imboga kandi bagizemo utubumbe twinshi, tugeretseho agasate k'umutsima, buri mwana akarya akabumbe ke n'agasate ke. Abana kandi babahaga amata y'inshyushyu n'ay'ikivuguto bakanywaho. Abana bamaze kurya ntibakarabaga ahubwo intoki zabo bazihanagurizaga ku mabere y'umubyeyi bagira ngo bamwifurize kubyara abana benshi bibitsina byombi. Umubyeyi yabaga akikiye uruhinja mu ntoki, buri mwana agahita, akamwitegereza ati "mwise naka." Abana barangiza hagakurikiraho abakuru. Nguko uko kera bitaga izina.

b) Kubera iki kwita izina bavuga ko ari ukurya ubunnyano?

Kubyita kurya ubunnyano ni uko abana bazaga mu muhango wo kwita izina babahaga ibiryo bigizwe n'imboga n'ibishyimbo babaga babumbyemo utubumbe twinshi tumeze nk'utwo umwana annya impande zose. Buri mwana yaryaga akabumbe ke.

**Ikibonezamvugo**

a) Izina mbonera gakondo riba riteye rite?

- Izina mbonera gakondo rigira uturemajambo dutatu ari two: indomo, indanganteko n'igicumbi gusa, ritari iritirano cyangwa ngo ribe rikomoka ku rindi cyangwa ku nshinga.

b) Garagaza uturemajambo tw'amazina mbonera ari mu nteruro zikurikira werekane n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe:

- Intare iyikubita inzara.
- Umwami w'ishyamba yarwaje umwana.
- Inama y'abaganga iraterana.
- Bashatse ubwonko bwa Nyiramuhari.
- Ikinyogote bagiteye umujugujugu mu murima w'imyumbati.

**Ibisubizo**

| **Amazina mbonera gakondo** | **Intego/ uturemajambo** | **Amategeko y'igenamajwi** |
|---|---|---|
| Inzara | i-n-ara (i-n-zara) | Ibicumbi bifata z mu nteko ya 10 |
| Umwami | u-mu-ami | u→w/-J |
| Inama | i-n-nama | n→ ø/-n |
| Ubwonko | u-bu-onko | u→w/-J |
| Imyumbati | i-mi-umbati | i→y/-J |
| abaganga | a-ba-ganga | - |
| ishyamba | i-ø-shyamba | - |
| intare | i-n-tare | - |
| umwana | u-mu-ana | u→ w |
| Ikinyogote | i-ki-nyogote | - |
| umurima | ø-mu-rima | - |

**Ihimbamwandiko**

Abanyeshuri bahimba ibisingizo bitandukanye ku nsanganyamatsiko bahawe bakurikije ibiranga ibisingizo. Bahimba kandi ibyivugo by'amahomvu bitandukanye bakurikije ibiranga ibyivugo by'amahomvu. Umwarimu agenzura ko uwo mwitozo wakozwe ndetse akawukosora.

- Himba igisingizo cy'umwarimu wakwigishije neza.
- Himba ikivugo cy'amahomvu.

# Umutwe wa kabiri

# Umuco w'amahoro

## (Umubare w'amasomo: 14)

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 49 kugera ku rwa 72)**

| Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe |
|---|
| - Gusesengura umwandiko uvuga ku ngingo yo kurwanya ihohoterwa.<br>- Kwandika inkuru cyangwa umuvugo ku muco w'amahoro.<br>- Gusesengura intego n'amategeko y'igenamajwi bya ntera, izina ntera n'igisantera. |

## Umwandiko wa mbere: Umwana wahohotewe

**(Amasomo 6)**

**Igice cya mbere:** Kumva no gusobanura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 49 kugera ku rwa 53)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura amagambo atari asobanukiwe.
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusoma neza umwandiko yumvikanisha ibyo asoma kandi agaragaza isesekaza.
- Gusobanura uko umwandiko ugaragaza ihohoterwa n'ibiritera.

**Ubukesha:**

- Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse .

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo.

## Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**
   Umwarimu aganirira abanyeshuri akaganiro ko mu buzima busanzwe kaganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura ibyerekeranye n'umwandiko bagiye gusoma.

**Urugero rw'ibibazo yababaza aramutse akoresheje amashusho**

a) Ni iki mubona kuri aya mashusho?
   - Turahabona umugore usa n'uwataye umutwe, abandi bibaza uko byamugendekeye.

b) Ese muratekereza ko byaba byamugendekeye bite?
   - ashobora kuba ari umurwayi wo mutwe cyangwa yahuye n'ibibazo bimutesha umutwe.

c) Hagire uduha urugero rw'ibibazo bishobora gutesha umutwe kariya kageni.
   - Abanyeshuri batanga ingero zinyuranye z'ihohoterwa babonye maze mwarimu ahitemo urugero rumwe

rujyanye n'ihohoterwa ryo gufata umwana ku ngufu ababwire ko bagiye gusoma umwandiko uvuga "Umwana wahohotewe" abasabe kurambura ibitabo byabo ahari uwo mwandiko.

2. **Gusoma**

2.1 **Gusoma bucece**

Umwarimu abwira abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari umwandiko "Umwana wahohotewe" akabasaba kuwusoma bucece nyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

**Urugero rw'ibibazo yababaza**

a) Ubara inkuru yari he?
   - Kwa muganga.

b) Kubera iki umugore uvugwa yari kwa muganga?
   - Yari yajyanyeyo umwana we wafashwe ku ngufu.

c) Umwana wafashwe ku ngufu yari mu kigero k'imyaka ingahe?
   - Yari mu kigero k'imyaka itanu.

d) Uwo mugore uvugwa yari ameze ate?
   - Yari ameze nk'uwasaze.

2.2 **Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye. Umunyeshuri umwe asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo, nyuma yo kurangiza igika umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye.

Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, agenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma agenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo n'isesekaza.

3. **Guobanura umwandiko**

3.1 **Inyunguramagambo**

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo batasobanukiwe kandi basubiza n'ibibazo by'umwitozo w'inyunguramagambo we akagenzura uko abanyeshuri bari gukorera hamwe mu matsinda anyuranye.

Nyuma y'iki gikorwa umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda, akabafasha kunonosora ibisubizo bikandikwa ku kibaho.

**Ingero z'amagambo abanyeshuri bashobora kudahita basobanukirwa**

| | |
|---|---|
| **Kwiyesura** | Kwiterera hejuru kubera agahinda ufite. |
| **Inyangabirama** | Umugizi wa nabi. |
| **Guhanga umuntu amaso** | Kwitegereza umuntu. |
| **Ishavu** | Agahinda gakomeye umuntu aterwa no kwibuka inabi yagiriwe cyangwa ibibi yabonye. |
| **Gusindagiza umuntu** | Kumufasha kugenda umwiyegamije. |
| **Kufira** | Kuranduza intoki ibyatsi byameze mu myaka. |
| **Kugwa mu kantu** | Kumirwa ukabura icyo uvuga. |
| **Bimwanga mu nda** | Ntiyashobora kubyihanganira. |
| **Kwinumira** | Kutagira icyo uvuga ukicececera. |
| **Igitambambuga** | Umwana ukiri muto ukambakamba. |
| **Umunyotwe** | Ivu rishyushye / ririmo umuriro. |
| **Gukorera umuntu ibya mfura mbi** | Kumuhohotera akamugirira nabi cyane. |


### 3.2 Imyitozo y'inyunguramagambo

Nyuma yo gusobanura amagambo mashya, abanyeshuri banakora umwitozo w'inyunguramagambo ubafasha gukoresha mu nteruro amagambo bungutse akajya abafasha kunonosora ibisubizo byabo.

**Urugero rw'umwitozo w'inyunguramagambo n'urugero rw'ibisubizo bishoboka**

1. Koresha amagambo akurikira mu nteruro zawe bwite zigaragaza ko wumva icyo asobanura :
   - **Gusindagiza umuntu**: Kamana yavunitse ukuguru none bagenzi be barimo kumusindagiza bamujyana kwa muganga.
   - **Kufira**: Mama yagiye mu murima kufira amasaka kubera ko harimo ikirare kinshi.
   - **Kugwa mu kantu**: Bamubwiye ibyo bamubeshyeye ahita agwa mu kantu.
   - **Umunyotwe**: Ibijumba byokejwe mu munyotwe ntibishirira.
   - **Kwinumira**: Bansabye kwinumira maze nange ndabemerera sinagira icyo ntangariza abambazaga.

2. Ukoresheje utwambi huza amagambo yavuye mu mwandiko n'ibisobanuro byayo




### 3.3. Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko

Nyuma yo gusobanura amagambo batari basobanukiwe no gukora umwitozo w'inyunguramagambo, abanyeshuri basubira gukorera muri ya matsinda basubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Iyo igihe umwarimu yabahaye kirangiye bagaruka kumurika ibyavuye mu matsinda.

## Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo bishoboka byo kumva umwandiko

1. **Umugore uvugwa mu gika cya mbere cy'umwandiko yari he? Byari byamugendekeye bite? Kubera iki?**
   Yari kwa muganga aho bakirira abarwayi b'indembe.
   Yari yataye umutwe kubera ko umwana we w'umukobwa yari yafashwe ku ngufu.
2. **Kuki umugore uvugwa mu mwandiko yagaragaraga nk'umusazi**?
   Ni uko yari yambaye nabi kandi arimo kwivugisha wenyine.
3. **Ni irihe hohoterwa rivugwa muri uyu mwandiko**?
   Ni ugufata ku ngufu umwana w'umukobwa.
4. **Ni nde wahohoteye undi? Yabitewe n'iki**?
   Ni umugabo wahohoteye umwana we. Yabitewe n'uko yari yanyoye ikiyobyabwenge cya kanyanga.
5. **Mu mwandiko hari ahandi havugwa hashobora gukorerwa ihohoterwa ry'umwana w'umukobwa. Ni he**?
   Ni mu ngo, mu baturanyi no ku ishuri.
6. **Muri uyu mwandiko baratanga inama y'uko twarwanya ihohoterwa. Ni izihe nama**?
   Ni ukurwanya ibiyobyabwenge kuko ari intandaro y'ihohoterwa, kwigisha abana bacu kumenya gutahura uwabahohotera.
7. **Sobanura icyo umwanditsi yashatse kuvuga "Kwinumira ni nko kureka igitambambuga iruhande rw'umunyotwe kigeraho kikawusandaguza boshye ivu**."
   Yashatse kuvuga ko kutavuga umuntu ukoresha ibiyobyabwenge ari nko kwikururira ibyago ubireba. Ni nko guhishira umurozi uzakumaraho abana.
8. **Ni iki kigaragaza ko uriya mugore atazahishira umugabo we kubera ihohoterwa yakoze**?
   Ni uko yasobanuriwe ibyiza byo kutamuhishira yabyumva agashimira ubimusobanuriye.
9. **Ese mbere yo kuganira n'uriya mukobwa, uwo mugore yari afite umugambi wo gutanga umugabo we**?
   Sobanura igisubizo cyawe. Oya ntabwo yari afite umugambi wo kumutanga kuko mu mwandiko hari aho avuga ngo: "Ni ishyano! Ni ishyano nta we naribwira weee! Sinamutanga weee! Oya!"

# Igice cya kabiri: Gusesengura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 54)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Kuvuga insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko no kugaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusesengura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko no guhina umwandiko.
- Gushyira mu bikorwa ibyo yize mu mwandiko uvuga ku nsanganyamatsiko ijyanye n'ihohoterwa.

**Ubukesha:**

- Kubana neza n'abandi nta kubahohotera.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo, ibyuma bigaragaza inyandiko cyangwa amashusho.

## Imitangire y'isomo

1. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

**Urugero rw'ibibazo yababaza**

a) Ni uwuhe mwandiko duheruka gusoma?
   - Ni umwandiko uvuga umwana wahohotewe.

b) Uwo mwana yahohotewe na nde?
   - Uwo mwana yahohotewe na se.

c) Ihohoterwa rivugwa mu mwandiko ryatewe n'iki?
   - Ryatewe n'ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge.

2. **Gusesengura umwandiko**

Umwarimu arabwira abanyeshuri kongera gusoma umwandiko no kugerageza kuwusesengura bari mu matsinda, basobanura insanganyamatsiko ivugwamo banagaragaza ingingo z'ingenzi zivugwamo. Umwarimu aha abanyeshuri ibibazo bibafasha kuvumbura insanganyamatsiko n'ibibazo bituma bagaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.

**Urugero rw'ibibazo yabaha**

a) Ni iki kivugwa muri rusange muri uyu mwandiko?

b) Uyu mwandiko ukurikiranya ute ibitekerezo by'ingenzi? (Utangira ute? Ukomeza ute? Ukarangira ute?)

Umwarimu agenzura imikoranire y'abanyeshuri mu matsinda, barangiza akabasaba kumurika ibyavuye mu matsinda.

Amatsinda yose amaze kumurika ibisubizo byayo, umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo bikwiye.

**Urugero rw'ibisubizo**

**Insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko**

Muri uyu mwandiko baratubwira insanganyamatsiko y'ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

**Ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko**

Muri uyu mwandiko haravugwamo ingingo z'ingenzi zikurikira:

- Ihungabana umubyeyi agira iyo umwana we yahohotewe
- Ubufasha bwo kwa muganga mu gihe habaye ihohotera rishingiye ku gitsina.
- Icyo abandi bamarira uwahungabanyijwe n'ihohoterwa ryakorewe uwe.
- Ubufasha bw'abajyanama mu by'ihungabana.
- Uko twakumira n'uko twarwanya ihohoterwa.

# **Igice cya gatatu:** Kungurana ibitekerezo

**(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 54)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Kugaragaza ingaruka z'ihohoterwa muri rusange no kugeza ku bandi isomo yakuye muri iyo nsanganyamatsiko.

**Ubumenyi ngiro:**

- Kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko yahawe no kugira icyo avuga ku bitekerezo bya bagenzi be.
- Kujya mu matsinda bakagereranya ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima bw'aho batuye.

**Ubukesha:**

- Kugaragaza imyitwarire myiza mu bandi.
- Kubana neza n'abandi nta kubahohotera

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imfashanyigisho zitegwa amatwi.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**

   Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa isomo baheruka kwiga.

**Urugero rw'ibibazo yabaza**

- Ni irihe somo duheruka kwiga?
  Duheruka gusesengura umwandiko "Umwana wafashwe ku ngufu."
- Ni iyihe nsanganyamatsiko yavugwagamo?
  Havugwagamo ihohotera rishingiye ku gitsina

2. **Kungurana ibitekerezo**

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kungurana ibitekerezo ku ngaruka z'ihohoterwa maze abasabe kujya batera urutoki bagatanga ibitekerezo, kugeza bageze ku mwanzuro umwe bumvikanyeho.

**Ingingo yunguranywaho ibitekerezo:** Vuga, muri rusange, izindi ngaruka z'ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'isomo ukuye muri iyi nsanganyamatsiko**.**

## Urugero rw'ibisubizo bishoboka

1. Ingaruka ku muntu ku giti ke (uwahohotewe):
   a) Ku buzima
      - Ihungabana
      - Kwandura indwara zandurira mu mibonano. mpuzabitsina nka SIDA n'izindi.
      - Gukomeretswa imyanya myibarukiro harimo no kwangiza inkondo y'umura n'inda ibyara.
      - Gusama utabishaka.
      - Kuvanamo inda utabishaka.
      - Guterwa umujinya, bigatuma umuntu ahorana uburwayi budakira.
      - Gutakaza ubushake bwo gukora imibonano mpuzabitsina no kugira ububabare mu gihe ayikoze.
      - Kugubwa nabi n'inda, ububabare budashira hamwe n'izindi ndwara.

   b) Ingaruka zishingiye ku myitwarire
      - Kugira ubwoba, hakazamo no kwiyanga.
      - Kugira isoni, umutekano muke, kutagira imbaraga zo gukora akazi ushinzwe.
      - Kumva byamurenze bikamutera kwigunga.
      - Ikibazo cyo kudasinzira no kutarya.
      - Indwara zo mu mutwe z'uwakorewe ihohoterwa harimo kwiheba no kuba yakwiyahura.
      - Kuvuma, imanza cyangwa ibitekerezo bibi ku muntu wahohotewe, gufata uwahohotewe nk'aho ari igicibwa, kumutera umujinya, kumukomeretsa umwibutsa ibyamubayeho.

c) Ingaruka ku muryango mugari:
   - Gutakaza amafaranga kugira ngo bite ku bangijwe n'ingaruka z'ihohoterwa rishigiye ku gitsina.
   - Kubera ihohoterwa rishingiye ku gitsina abantu ntibababasha gukora ngo biteze imbere banazamure ubukungu bw'Igihugu.

2. Isomo
   a) Kwiga no gusobanuza itegeko rikumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'andi mategeko arishamikiyeho.
   b) Gushishikarira no gushishikariza abandi kwamagana no kurwanya ihohoterwa iryo ari ryo ryose.

## **Igice cya kane:** Ikibonezamvugo

**Ntera n'izina ntera**

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 54 kugeza ku rwa 60)**

---

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gutanga inshoza ya ntera n'iy'izina ntera.

**Ubumenyi ngiro:**

- Kugaragaza uturango twa ntera n'utw'izina ntera no kubitahura mu mwandiko.
- Kugaragaza intego ya ntera n'iy'izina ntera n'amategeko y'igenamajwi.

**Ubukesha:**

- Gukoresha ururimi rw'Ikinyarwanda ataruvangamo izindi ndimi.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo k'iyigandimi/ ikibonezamvugo, imfashanyigisho z'iyumvabona.

## Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**

   Umwarimu asaba abanyeshuri kwandika ku kibaho interuro zavuye mu mwandiko baheruka kwiga zirimo ntera zinyuranye agasaba abanyeshuri kuzisoma bitegereza amagambo aciyeho akarongo nyuma akababaza ikibazo kiganisha kuri ntera.

### Urugero rw'interuro yakwifashisha

Itegereze izi nteruro maze ugaragaze isano amagambo aciyeho akarongo afitanye n'amazina ayabanjirije.

a) Uriya mugore se yasaze ko mbona ari kwivugisha amagambo **menshi**!

b) Ikindi ni ngombwa kujya tuganiriza abana bacu tubigisha gutahura abantu bafite ingeso **mbi**, bashobora kubahohotera.

c) Uba umutesheje amahirwe yo kugororwa ngo ahinduke **muzima**

### Urugero rw'ikibazo n'igisubizo

- Amagambo aciyeho akarongo aherekeje amazina/ arayagaragiye. Aranga imico cyangwa imiterere y'ayo mazina/ arayasobanura. Yisanishije n'amazina agaragiye afata indanganteko yayo ho indangasano.

2. **Isesengura**

   Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda ane akabagabanya ibyo bagomba gukora kuri ntera n'izina ntera. Itsinda rimwe arisaba gutahura uturango twa ntera n'inshoza ya ntera, itsinda rya kabiri akarisaba kugaragaza intego ya ntera n'amategeko y'igenamajwi, itsinda rya gatatu akarisaba gutahura uturango tw'izina ntera n'inshoza y'izina ntera naho itsinda risigaye akarisaba kugaragaza intego y'izina ntera n'amategeko y'igenamajwi.

   Umwarimu abaha igihe cyo kubikora akanababwira aho bakorera ubwo bushakashatsi abarangira ibitabo binyuranye bakwifashisha. Iyo igihe cyo kubimurika kigeze, umwarimu abasaba kumurika ibyavuye mu matsinda agenda abafasha kubinonosora. Bitewe n'uko bitigishirizwa rimwe mu isaha imwe

abanza itsinda ryakoze kuri ntera mu yindi saha agakurikizaho itsinda ryakoze ku izina ntera.

Umwarimu afasha abanyeshuri kuvumbura ko ayo magambo aciyeho akarongo ari ntera agasaba abanyeshuri yahaye gusesengura ntera kumurika ibyavuye mu matsinda bakoreyemo.

Abahawe inshoza n'uturango barabanza bagaragaze ibyo bagezeho mwarimu abafasha kubinonosora. Iyo barangije abahawe gusesengura intego na bo barakurikiraho.

## Inshoza ya ntera

Ntera ni ijambo rigaragira izina rikisanisha na ryo, rigafata indanganteko yaryo ho indangasano.

### Ingero

- Imihini mishya itera amabavu.
- Intege nke zitera imico myiza.

Uturango twa ntera

- Ntera isobanura izina ivuga imimerere cyangwa imiterere yaryo. Ntera kandi ishobora kwinjira mu nteko zose uko ari 16.
- Mu nteruro, ntera igaragira izina ikisanisha na ryo, igafata indanganteko yaryo ho indangasano.

Intego ya ntera

- Mu rwego rw'iyigantego, ntera ni ijambo rirangwa n'indangasano n'igicumbi: RS+C

## Indangasano za ntera

| Inteko | Indangasano | Isanisha | Uturemajambo twa ntera |
|---|---|---|---|
| 1 | mu- | Umuntu mubi | mu-bi |
| 2 | ba- | Abantu babi | ba-bi |
| 3 | mu- | Umusozi mubi | mu-bi |
| 4 | mi- | Imisozi mibi | mi-bi |
| 5 | ri- | Iriba ribi | ri-bi |
| 6 | ma- | Amariba mabi | ma-bi |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 7 | ki- | Ikibaho kibi | ki-bi |
| 8 | bi- | Ibibaho bibi | bi-bi |
| 9 | n- | Inkono mbi | n-bi |
| 10 | n- | Inkono mbi | n-bi |
| 11 | ru- | Urugo rubi | bu-bi |
| 12 | ka- | Akabindi kabi | ka-bi |
| 13 | tu- | Utubindi tubi | tu-bi |
| 14 | bu- | Ubwoba bubi | bu-bi |
| 15 | ku- | Ukuboko kubi | ku-bi |
| 16 | ha- | Ahantu habi | ha-bi |

**Ibicumbi bya ntera**

Ibicumbi bya ntera bifatana n'indanganteko zose uko ari 16. Si byinshi, ni ibi bikurikira:

| Igicumbi | Urugero | Igicumbi | Urugero |
|---|---|---|---|
| -bi | Umuntu mubi | -nini | Umurima munini |
| -bisi | Igiti kibisi | -niya | Akazu kaniya |
| -gari | Inzu ngari | -nuya | Akazu kanuya |
| -gufi | Umugore mugufi | -re | Ahantu kure |
| -hire | Urugendo ruhire | -sa | Umwana musa |
| -inshi | Inka nyinshi | -shya | Umwenda mushya |
| -iiza | Inzu nziza | -tagatifu | Umuntu mutagatifu |
| -ke | Abantu bake | -tindi | Umutego mutindi |
| -kuru | Umwana mukuru | -to | Umuntu muto |
| | | -zima | Umugabo muzima |

**Ikitonderwa:**

- Igicumbi **–re**-re ni –re kisubiramo
- Igicumbi**-to** kigira impuzantego zisubiramo ebyiri:- toto: gitoto na –to- -to-to:- gitogito.
- Ibicumbi**-gufi**, **-to**, na **–ke** bishobora gukorana n'umusozo –ya: mugufiya, bikeya, mutoya.
- Igicumbi-niya kigira impindurantego nyinshi:- nuya, -nzinya, -nzunya, -nzugurunyu.
- Igicumbi shya kigira impindurantego yisubiramo: -shyashya.

**Amategeko y'igenamajwi akoreshwa muri ntera**

| **Urugero** | **Uturemajambo** | **Itegeko** |
|---|---|---|
| Amazi meza | ma-iza | a+i→e |
| Utwana dutoduto | tu-to-tu-to | t→d/-GR |
| Ikijumba gitogito | ki-to-ki-to | k →g/-GR |
| Ihene mbi | n-bi | n→m/-b |
| Ibishyimbo byiza | bi-iza | i→y/-J |
| Ingoma mpire | n-hire | n→m/-h; mh→mp mu myandikire |
| Inkoni ndende | n-re-n-re | r→d/n-) |
| Umwana mwiza | mu-iza | u→w/-J |

Iyo abanyeshuri barangije kugaragaza ibyakorewe mu matsinda, umwarimu abaha imyitozo yo gusuzuma ubumenyi ngiro bwo gusesengura ntera. Usibye umwitozo ugaragara mu gitabo cy'umunyeshuri, umwarimu, bitewe n'igihe afite, ashobora no kubaha indi myitozo iteye nka wo.

## Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo

a) Garagaza ntera zakoreshejwe mu migani n'interuro bikurikira unazisesengure ugaragaza n'amatageko y'igenamajwi aho biri ngombwa:

| | | | |
|---|---|---|---|
| 1 | Utagera ibwami abeshywa byinshi. | bi- inshi | (i→y/– J) |
| 2 | Inkanda mbi ibyara inda. | n-bi | (n→m/ -b) |
| 3 | Amashyi make yimisha umwana impengeri. | ma –ke | |
| 4 | Umutego mutindi wica nyirawo. | mu –tindi | |
| 5 | Agahinda ntikica kakugira mubi. | mu-bi | |
| 6 | Muzagire umwaka mushya muhire. | mu- shya | |
| 7 | Kuvuga menshi si ko kuyamara | ma-inshi | (a+i→e) |
| 8 | Kwasama kubi ni ukurira. | ku-bi | |
| 9 | Utaziga neza azataha amara masa. | ma-sa | |
| 10 | Ugira nabi aba araga abana be ibibi. | Nta ntera irimo | |
| 11 | Imboga mbi ntizishira mu nkono. | n-bi | (n→m/ -b) |
| 12 | Imfura nzima isubira ku izina rya se. | n- zima | |
| 13 | Kwasama kubi ni ukurira | ku-bi | |
| 14 | Nta mwiza nk'umubi wumva. | mu- iza | u→w/-J |

b) Shaka izindi mpindurantego igicumbi cya ntera –niya gishobora kugira.

**Igicumbi cya ntera –niya gishobora guhinduka: -nuya,-niniya. -nininya**

## Inshamake

- Ntera ni ijambo riranga imimerere cyangwa imico y'umuntu, inyamaswa cyangwa ikintu.
- Ntera igaragira izina cyangwa ikinyazina, ikabisobanura igaragaza imico cyangwa imiterere ya nyiri izina cyangwa uwo ikinyazina gihagarariye.
- Ntera imwe ishobora kwisanisha mu nteko zose bitewe n'inteko izina cyangwa ikinyazina igaragiye kirimo.
- Intego rusange ya ntera ni RS+C

# Izina ntera

1. **Ivumburamatsiko**

   Umwarimu asaba abanyeshuri kwandika ku kibaho interuro zavuye mu mwandiko baheruka kwiga zirimo amazina ntera anyuranye agasaba abanyeshuri kuzisoma bitegereza amagambo aciyeho akarongo nyuma akababaza ikibazo kiganisha ku izina ntera.

**Urugero rw'interuro**

Itegereze amagambo atsindagiye muri iyi nteruro maze usubize ikibazo kiri hasi.

- **Umuzima** arafungurwa naho **umutindi** unangira ntagaragaze ko yicuza ibyo yakoze ni we ufungwa burundu.

**Urugero rw'ikibazo n'igisubizo**

Gerageza gutahura imiterere n'umumaro by'amagambo yanditse atsindagiye.

1. Amagambo atsindagiye yasimbuye amazina yagombaga kugaragira kandi bihuje indangasano ni yo agenga isanisha kuko afite umumaro wa ruhamwa muri izi nteruro.
2. **Isesengura**

### Inshoza y'izina ntera

Izina ntera ni ijambo rifite intego nk'iy'izina nyakimwe cyangwa ry'urusobe, bigatandukanywa n'uko rishobora gukoreshwa mu nteko zose kimwe na ntera.

### Uturango n'amoko y'izina ntera

Izina ntera rigira intego nk'iy'andi mazina yaba asanzwe cyangwa ari ay'urusobe. Ritakaza indomo aho rijya gusa cyane na ntera.

**Urugero: Umwiza arahenda (u-mu-iza)**

Mu nteko ya gatanu, indanganteko yaryo itandukana n'iy'izina risanzwe ariko ntitandukane n'iya ntera.

Igicumbi cyaryo gishobora kuba gisa n'icya ntera cyangwa gisa n'inshinga ryakomotseho.

**Urugero**

i-n-vaburayi(kuva + i Burayi)

Izina ntera akenshi rirangwa no kuba ari ntera iba yafashe indomo. Cyakora hari n'amazina ntera y'andi moko atandukanye: amazina ntera afite imiterere y'izina nyakimwe ariko akagira umumaro nk'uw'izina ntera mu nteruro, amazina ntera afite imiterere nk'iy'amazina y'urusobe ni amazina ntera akomoka ku nshinga.

Umuzima arafungurwa, umubi asigaremo.

Umutindi winangira ntagaragaze ko yicuza ni we ufungwa burundu.

### Izina ntera rikomoka kuri ntera

| **Ingero** |
|---|
| Umwana mubi (umubi)<br>Umwana munini (umunini) |

### Izina ntera riteye nk'izina nyakimwe

| **Ingero** |
|---|
| Inteko ya 1: Umusore w'umurundi<br>Inteko ya 2: Abasore b'abarundi<br>Inteko ya 3: Umuhoro w'umurundi<br>Inteko ya 4: Imigozi y'imirundi<br>Inteko ya 5: Itabi ry'irirundi<br>Inteko ya 6: Amarwa y'amarundi<br>Inteko ya 7: Ikigori k'ikirundi<br>Inteko ya 8: Ibyansi by'ibirundi<br>Inteko ya 9: Inzu y'indundi<br>Inteko ya 10: Inzu z'indundi<br>Inteko ya 11: Urugo ry'ururundi<br>Inteko ya 12: Akana k'akarundi<br>Inteko ya 13: Utwana tw'uturundi<br>Inteko ya 14: Ubwato bw'uburundi<br>Inteko ya 15: Ukubaka k'uburundi<br>Inteko ya 16: Ahantu h'aharundi |

## Izina ntera riteye nk'izina ry'urusobe

### Ingero

| **Uturemajambo** | **Amategeko y'igenamajwi** |
|---|---|
| Umwiza yaje = **u-mu-iza** | u→w/– J |
| Amenshi twayanitse = **a-ma-inshi** | a+i → e |
| Imyinshi yakozwe =**i-mi-inshi** | i→y/– J |
| ikiza bakivuze **i-ki-iza** | i→ Ø /– J |
| indende bayitemye = **i-n-re-n-re** | r→d/ n– |
| Ugutagatifu ni ukwezi kwa cumi = **u- ku-tagatifu** | k→g/-GR |
| Udutoto ni utwo = **u-tu-toto.** | t→d/–GR |
| Impire ni izo mpinja = **i-n-hire** | n→m/-h; mh→mp mu myandikire |
| Inini yaguzwe= **i-Ø-nini** | n→Ø/– n |
| I nziza ni iyo ndobo = **i-n-iza** | Ibicumbi bifata "z" mu nteko ya 10 |
| Inyinshi zahutse = **i-n-inshi** | n→ny/-J |

### Inshamake

Izina ntera ni ijambo rifite intego nk'iy'izina nyakimwe cyangwa ry'urusobe, bigatandukanywa n'uko rishobora gukoreshwa mu nteko zose kimwe na ntera.

Izina ntera akenshi aba ari ntera yafashe indomo igasimbura izina yagombaga kugaragira.

### Imyitozo

Iyo abanyeshuri barangije kugaragaza ibyakorewe mu matsinda, umwarimu abaha imyitozo yo gusuzuma ubumenyi ngiro bwo gusesengura amazina ntera. Usibye umwitozo ugaragara mu gitabo cy'umunyeshuri, umwarimu bitewe n'igihe afite, ashobora no kubaha indi myitozo iteye nka wo.

## Urugero rw'umwitozo ugaragara mu gitabo cy'umunyeshuri n'ibisubizo byawo

a) Garagaza amazina ntera ari muri izi nteruro, unayasesengure:

b) Igihangano k'**ikiganano** nticyubahisha nyiracyo. **i-ki-ig-an-an-o**

c) Umutima w'**umuhanano** ntiwuzura igituza. **u-mu-han-ana-o**

d) Amenyo y'**amagurano** afasha abanyabihanga kugumana uburanga. **a-ma-gur-an-o**

e) **Abeza** ntibarama. **a-ba-iza (a+i → e)**

f) **Ibyinshi** byotsa amatama. **i-bi-inshi (i→ Ø /– J** )

g) **Agashya** karashimisha. **a-ka-shya** (**k→ g /– GR)**

# Umuvugo: Rubundakumazi

## (Amasomo 5)

## Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 61 kugera ku rwa 63)**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura amagambo akomeye.
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusoma neza umuvugo yumvikanisha ibyo asoma kandi agaragaza isesekaza.
- Gusoma umuvugo yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

**Ubukesha:**

- Kubana neza n'abandi nta kubahohotera.
- Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo.

### Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**
Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku muvugo bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku muvugo bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko yo mu muvugo bagiye gusoma.

**Urugero rw'ibibazo yababaza aramutse akoresheje amashusho**

a) Ni iki mubona kuri aya mashusho?
   - Turahabona umugabo urimo gukubita umwana.

b) Uwo mugabo murabona ameze ate?
   - Turabona yasinze.

c) Kiriya gikorwa giteye isoni arimo gukora umuntu yakita ngo iki?
   - Umuntu yakita ihohoterwa.

2. **Gusoma**

2.1 **Gusoma bucece**

Umwarimu abwira abanyeshuri kurambura ibitabo byabo ahari umuvugo "Rubundakumazi" akabasaba kuwusoma bucece nyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

**Urugero rw'ibibazo yababaza**

a) Ni ba nde bavugwa muri uyu muvugo?
   - Haravugwamo rubundakumazi, umugore we, abana na gitifu.

b) Baratubwira ko Rubundakumazi iyo atashye akora iki?
   - Batubwira ko arwana n'abo mu rugo.

c) Uyu muvugo urangira ute?
   - Urangira gitifu atwaye Rubundakumazi.

2.2 **Gusoma baranguruye**

Umwarimu abanza gusoma umuvugo aranguruye kandi agaragaza isesekaza n'injyana y'umuvugo. Iyo arangije, asaba abanyeshuri banyuranye gusoma umuvugo wose baranguruye bigana uko yasomye.

Umunyeshuri umwe asoma imikarago nk'icumi abandi bakurikira mu bitabo byabo, nyuma yo kurangiza iyo mikarago umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityobityo kugeza umuvugo wose urangiye.

Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, anagenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma agenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza injyana y'umuvugo.

3. **Gusobanura umuvugo**

3.1 **Inyunguramagambo**

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusoma umuvugo no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo batasobanukiwe kandi banakora umwitozo w'inyunguramagambo.

Nyuma y'iki gikorwa umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda, akabafasha kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye bikandikwa ku kibaho.

**Urugero rw'amagambo abanyeshuri bashobora kuba batasobanukiwe**

- Rubundakumazi: ni umusinzi ukunda inzoga cyane.
- Intere: indembe
- Gutaha ibigunda: Guhungira ku gasozi usize urugo
- Gusongwa: Guhuhurwa. Bishobora ariko no kuvuga (ahandi) gukorwa k'umutsima.
- Ibirumbo: Ni abantu badafite icyo bamaze.
- Gushengurwa: Kubabazwa n'ibibi ubonye.
- Gukopfora: gutinyuka kuvuga.
- Gutimburwa: gukubitwa.
- Guhomvwa: Kuvuga ibidafite akamaro.

3.2 **Imyitozo y'inyunguramagambo**

Nyuma yo gusobanura amagambo batari basobanukiwe, abanyeshuri banakora umwitozo w'inyunguramagambo aho basimbuza mu nteruro amagambo bakoresheje impuzanyito zayo, umwarimu akajya abafasha kunonosora ibisubizo byabo.

**Urugero rw'umwitozo w'inyunguramagambo n'ibisubizo bishoboka**

Simbuza amagambo atsindagiye amwe muri aya magambo akurikira: (aho ngaho, abo uhohotera, indembe, badahuhurwa, abana, agahinda, ugakubita, uyobora)

a) Umwe **utwara** **ubwo bwatsi**. (uyobora aho ngaho)

b) Uratahа **ugahonda**. (ugakubita)
Ugahindura **intere**. (indembe)

c) Bagataha ibigunda
Ngo **badasongwa** bashonje. (badahuhurwa)

d) **Urubyaro** wabyaye. (abana)

3.3 **Ibibazo byo kumva umuvugo**

Nyuma yo gusobanura amagambo batari basobanukiwe no gukora umwitozo w'inyunguramagambo, abanyeshuri basubira gukorera muri ya matsinda basubiza ibibazo byo kumva umuvugo. Iyo igihe umwarimu yabahaye kirangiye bagaruka kumurika ibyavuye mu matsinda.

## Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo bishoboka byo kumva umuvugo

1. **Ni nde uvugwa muri uyu mwandiko? Ateye ate**? Ni umugabo Rubundakumazi. Ni umusinzi uhohotera abo mu rugo.
2. **Nyiramama uvugwa ukeka ko ari nde**? Ni umugore we. Iryo hohoterwa rivugwa muri uyu mwandiko riterwa n'iki? Riterwa n'ingeso y'ubusinzi.
3. **Abahohoterwa ni ba nde**? Ni umugore n'abana ba Rubundakumazi.
4. **Kuki abahohoterwa batavuga ihohoterwa bakorerwa**? Garagaza imikarago ibyerekana. Abatera ubwoba ko nibabivuga azabica. Bigaragazwa n'iyi mikarago: Urataha uruhonda, Rugahinduka intere, Ngo utabaza uramwica.
5. **Abahohoterwa bavugwa muri uyu mwandiko batabawe na nde**? Batabawe n'umuyobozi w'Umurenge wabo.
6. **Umuyobozi w'umurenge yamenye ate ihohoterwa bakorerwa**? Yaciyeho yumva Rubundakumazi arimo kuvuga imvugo zigaragaza ihohotera.

# Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umuvugo

**(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 64)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Kugaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.
- Kugaragaza ingaruka z'ihohoterwa muri rusange.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gushyira mu bikorwa ibyo yize mu mwandiko uvuga ku nsanganyamatsiko ijyanye n'ihohoterwa nko kubana neza n'abandi nta kubahohotera no gukora ibikorwa bigaragaza imyitwarire myiza mu bandi.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira gusoma ibitabo bitandukanye no kwitabira amasomero.
- Gukoresha ururimi rw'Ikinyarwanda ataruvangamo izindi ndimi.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, ibyuma bigaragaza inyandiko cyangwa amashusho.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**
Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umuvugo baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

**Urugero rw'ibibazo yababaza**

a) Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga?
- Duheruka kwiga umuvugo wa "Rubundakumazi"

b) Havugwagamo iki?
- Havugwagamo umugabo w'umusinzi watahaga agahohotera ab'iwe.

c) Uwo muvugo urangira uwo mugabo bimugendekeye bite?
   - Urangira bamujyanye mu buyobozi.

2. **Isesengura**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma ibibazo byo gusesengura umuvugo biri mu gitabo cy'umunyeshuri akanabasaba kubyandika ku kibaho kugira ngo niba harimo n'abatumva neza babisome.

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora amatsinda bagasoma umuvugo bakagerageza kuwusesengura bagereranya ibivugwamo n'ibyavugwaga mu mwandiko uheruka kwigwa banasobanura amoko y'ihohoterwa avugwamo.

Umwarimu aha abanyeshuri ibibazo bibafasha gukora uwo mwitozo akabisoma mu ijwi riranguruye kugira ngo n'abatumva neza niba barimo babyumve ndetse akanabyandika ku kibaho.

## Urugero rw'ibibazo yabaha

a) Muri uyu muvugo haravugwamo iki?
b) Mu mwandiko uheruka havugwagamo iki?
c) Bihuriye he bitaniye he?
d) Ni ayahe moko y'ihohoterwa avugwa muri uyu muvugo?

Umwarimu agenzura uburyo abanyeshuri bakorera hamwe mu matsinda n'imyitwarire ya buri wese iyo ari mu itsinda.

Umwarimu asaba umunyeshuri uhagarariye itsinda kugaragaza ibyavuye mu matsinda akabafasha kubinonosora.

## Urugero rw'ibyava mu matsinda

a) **Kugereranya umuvugo n'umwandiko uheruka**

Muri uyu muvugo haravugwamo ihohoterwa. Mu mwandiko uheruka na ho havugwagamo ihohoterwa. Aho bihuriye ni uko hombi ari umugabo wakoze ihohoterwa naho aho bitaniye ni uko mu mwandiko wa mbere umugabo yahohoteye umwana we w'umukobwa naho muri uyu muvugo umugabo ahohotera umugore we n'abana.

b) **Gusobanura amoko y'ihohoterwa ari mu muvugo Haravugwamo:**

- Ihohoterwa rishingiye ku gitsina: akubita umugore we kandi nta gaciro amuha mu rugo.
- Ihohoterwa rishingiye ku mutungo: asahura umutungo wo mu rugo akawujyana mu kabari.
- Iyicarubozo: akubita umugore n'abana be akabatera ubwoba kugira ngo batazatabaza.
- Kubuzwa uburenganzira: ahohotera abana be ababuza uburenganzira bwo kwiga n'uburenganzira bwo guhahirwa n'ababyeyi.

## **Igice cya gatatu:** Kungurana ibitekerezo no guhanga umuvugo

**(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 64)**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura insanganyamatsiko bunguraho ibitekerezo.
- Gutondeka ibitekerezo hakurikijwe inyurabwenge.

**Ubumenyi ngiro:**

- Kungurana ibitekerezo bagereranya ibivugwa mu muvugo n'ubuzima bw'aho batuye.
- Guhanga umuvugo ku nsanganyamatsiko yahawe.

**Ubukesha:**

- Gutinyuka gutanga ibitekerezo byabo mu ruhame.
- Kugaragaza imyitwarire myiza mu bandi abana na bo atabahohotera.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'inyandiko zinyuranye cyangwa ibitabo bivuga ku ihohoterwa.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**
   Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa isomo baheruka kwiga.

**Urugero rw'ibibazo yabaza**

a) Ni irihe somo duheruka kwiga?
   - Duheruka gusesengura umuvugo wa "Rubundakumazi" tuwugereranya n'umwandiko "Umwana wahohotewe" tunagaragaza amoko y'ihohoterwa agaragara mu muvugo.

b) Ni ayahe moko y'ihohoterwa yavugwagamo?
   - Havugwagamo ihohoterwa rishingiye ku gitsina, ihohoterwa rishingiye ku mutungo, iyicarubozo no kubuzwa uburenganzira.

2. **Kungurana ibitekerezo**
   Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko y'ihohoterwa akabasaba gusoma ikibazo cyo kungurana ibitekerezo kiri mu gitabo cy'umunyeshuri no kucyandika ku kibaho.

## Ikibazo

Gereranya ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima bw'aho utuye. Hari abo muturanye bameze nka Rubundakumazi? Ese ni izihe ngaruka ubona mu muryango wabo? Watanga umusanzu wawe ute mu kubarwanya.

Umwarimu asaba abanyeshuri kwishakamo umunyeshuri uri buyobore icyo kiganiro nyunguranabitekerezo.

Nyuma yo kwishakamo uri buyobore ikiganiro nyunguranabitekerezo umwarimu asaba abanyeshuri kumwibutsa inshingano y'ingenzi y'umuyobozi w'ikiganiro nyunguranabitekerezo.

## Urugero rw'inshingano bamwibutsa

- Umuyobozi w'ikiganiro nyunguranabitekerezo ni we uyobora ikiganiro akanatanga ijambo ku barisabye.

Umwarimu akurikirana uko ikiganiro nyunguranabitekerezo kirimo gukorwa akanagenzura imyitwarire y'abanyeshuri n'uko bashishikazwa no gutanga ibitekerezo kugira ngo nyuma y'ikiganiro abo yabonye batitwara neza cyangwa badashishikarira gusaba ijambo abiteho by'umwihariko.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo umwarimu afasha abanyeshuri gukora umwanzuro w'ibyo bunguranyeho ibitekerezo

## Urugero rw'umwanzuro wafatwa

a) Ingaruka z'ihohoterwa:
   - Ubukene mu miryango yabo
   - Gusenyuka kw'ingo
   - Kwicana
   - Kutiga kw'abana bo mu miryango yabo
   - Kudashobora kwivuza kubera ubukene […]

b) Umusanzu yatanga:
   - Gushishikariza abantu kumenya uburenganzira bwabo, kudahishira abakora ihohotera no kubishishikariza abandi,…

3. **Guhanga umuvugo**

Umwarimu aha abanyeshuri umukoro wo guhanga umuvugo ugaragaramo ihohoterwa n'uko ryarwanywa. Asaba abanyeshuri gusoma ikibazo cyo guhanga umuvugo no kucyandika ku kibaho agasaba abanyeshuri kucyandika mu makaye yabo y'imikoro.

Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo kuwukora akabasaba kuzawuzana akawukosora areba niba harimo ibitekerezo binyuranye bivuga ku moko atandukanye y'ihohotera ndetse n'uburyo bunyuranye bwo kurirwanya. Umwarimu aramutse abonye afite abanyeshuri benshi cyane ku buryo gukosora iyo mivugo byatinda, yabasaba kuzayikora mu matsinda.

Nyuma yo gukosora iyo mivugo umwarimu asubiza abanyeshuri imivugo yabo yagiye yandikaho ibyo yashimyemo n'ibyo yanenzemo kandi akanabereka uburyo bwo kubikosora.

# **Igice cya kane:** Igisantera

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 64 kugeza ku rwa 66)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gutanga inshoza y'igisantera.

**Ubumenyi ngiro:**

- Kugaragaza uturango tw'igisantera no kugitahura mu mwandiko.
- Kugaragaza intego y'igisantera n'amategeko y'igenamajwi.
- Gutandukanya ntera, izina ntera n'igisantera.

**Ubukesha:**

- Gukoresha ururimi rw'Ikinyarwanda ataruvangamo izindi ndimi.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo k'iyigandimi/ ikibonezamvugo, imfashanyigisho zitegwa amatwi cyangwa zigaragaza inyandiko n'amashusho.

## Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**

Umwarimu asaba abanyeshuri kwandika ku kibaho interuro zavuye mu mwandiko cyangwa yahimbye ahereye ku bivugwa mu mwandiko baheruka kwiga, zirimo ibisantera binyuranye agasaba abanyeshuri kuzisoma bitegereza amagambo aciyeho akarongo nyuma akababaza ikibazo kiganisha ku gisantera. Iyo igihe cyo kugaragaza ibyavuye mu matsinda kigeze, agenda abafasha kubinononsora.

## Urugero rw'interuro n'ikibazo yababazaho

**Soma iyi nteruro maze ugerageze gutahura imiterere n'umumaro by'amagambo aciyeho akarongo.**

- Rubundakumazi ntiyakurikizaga umuco <u>nyarwanda</u> wo guhahira urugo rwe, yari umusinzi <u>rwoma</u> akarangwa n'ingeso yo guhohotera abo mu rugo rwe.

  Amagambo aciyeho akarongo agaragaza imiterere n'imimerere by'amazina agaragiye ariko ntiyisanisha n'ayo mazina.

2. **Isesengura**

   Umwarimu afasha abanyeshuri kuvumbura ko ayo magambo aciyeho akarongo ari ibisantera agasaba abanyeshuri kumurika ibyavuye mu matsinda bakoreyemo basesengura ibisantera.

   Abahawe inshoza n'uturango barabanza bagaragaze ibyo bagezeho mwarimu abafasha kubinonosora. Iyo barangije abahawe gusesengura intego na bo barakurikiraho bagasorezwa ku bo yahaye kugereranya ntera, izina ntera n'igisantera.

3. **Inshoza y'igisantera**

   Igisantera ni ijambo rijya kwitwara nka ntera bigatandukanywa n'uko igisantera kidakoreshwa mu nteko zose nka ntera.

### Uturango tw'ibisantera

Igisantera kirangwa no kugira umwanya n'umumaro nk'uwa ntera mu nteruro. Bimwe mu bisantera bifata indangasano isa n'iy'izina bigaragiye, ibindi ntibiyifata, ahubwo usanga bidahinduka.

### Intego y'ibisantera

Intego y'igisantera igaragaza indangasano isa n'iy'izina kigaragiye utundi turemajambo tugasa n'utw'inshinga cyangwa izina ry'urusobe.

### Ibisantera bifata indangasano

| Ingero |
|---|
| Umwana **murizi** ntakurwa urutozi |
| Umutima **muhanano** ntiwuzura igituza |
| Inkuru **mbarirano** iratuba |

### Ibisantera bidafata indangasano y'izina bigaragiye

Usanga buri gihe bifite indangasano isa n'iyo mu nteko ya kabiri cyangwa iya cumi. Ntibifata na rimwe indangasano isa n'indanganteko y'izina bigaragiye.

| Ingero |
|---|
| Ibihingwa ngengabukungu<br>Ibiro mpuzamahanga<br>Ikigo ndangamuco<br>Inzira nyabagendwa<br>Umuco nyarwanda |

### Amategeko y'igenamajwi akoreshwa mu gisantera

Amategeko y'igenamajwi akoreshwa mu gisantera ni kimwe n'akoreshwa mu mazina y'urusobe.

### Kugereranya ntera, izina ntera n'igisantera

| Ntera | Izina ntera | Igisantera |
|---|---|---|
| Ntera yisanisha n'izina igaragiye ikagaragaza imico cyangwa imimerere yaryo | Izina ntera rigira intego nk'iy'izina nyakimwe cyangwa ry'urusobe, bigatandukanyirinywa n'uko rishobora gukoreshwa mu nteko zose kimwe na ntera.<br>Izina ntera akenshi ni ntera iba yafashe indomo igasimbura izina yagombaga kugaragira.<br>Izina ntera ntiryisanisha n'izina rigaragiye iyo rivuga ibara. Urugero: Inkweto z'ubururu, inkweto z'icyatsi. | Igisantera, mu nteruro, kigira umwanya n'umumaro nk'ibya ntera bigatandukanywa n'uko kitagira intego nk'iya ntera kandi ntigishobore kwisanisa, buri gihe, n'izina kigaragiye mu nteko zose. |

### Inshamake

Igisantera ni ijambo rifite umwanya n'umumaro nk'uwa ntera kuko rigaragira izina rikaranga imico cyangwa imiterere, ariko rikaba ritari ntera kuko ribuze bimwe mu biyiranga nko kwisanisha mu nteko zose.

Igisantera ntikigira intego nk'iya ntera kuko cyo kigira uturemajambo tundi duteye nk'utw'inshinga cyangwa utw'izina ry'urusobe.

Iyo abanyeshuri barangije kugaragaza ibyakorewe mu matsinda, umwarimu abaha imyitozo yo gusuzuma ubushobozi bwo gusesengura ibisantera. Usibye umwitozo ugaragara mu gitabo cy'umunyeshuri, umwarimu bitewe n'igihe afite, aba ashobora no kubaha indi myitozo iteye nka wo.

## Umwitozo n'ibisubizo

1. Sesengura ibisantera bikurikira aho bishobora

| | | | |
|---|---|---|---|
| 1 | Umumarayika murinzi | mu-rind-yi | d+y →z |
| 2 | Umunsi ntarengwa | n-ta-reng-w-a | |
| 3 | Ibisigo nyabami | nya-Ø-ba- ami | a→ Ø/-J |
| 4 | Ibihingwa ngandurarugo | n-gand-ur-a-Ø-ru-go | |
| 5 | Ishuri mbonezamubano | n-bon-ir-y-a-Ø-mu-ba-an-o | n→m/-b<br>i→e/co-<br>r+y→z |
| 6 | Ikigo ngororamuco | n-gor-ur-Ø-mu-co | |
| 7 | Imyitozo ngororangingo | n-gor-ur-a-Ø-n-gingo | u→o/co- |
| 8 | Ibiro mpuzamahanga | n-hur-y-a-Ø-ma-hanga | n→m/-h<br>mh→mp<br>mu myandikire<br>r+y→z |
| 9 | Ingeso mvukanwa | n-vuk-an-w-a | n→m/-v |

2. **Gereranya izina ntera, ntera n'igisantera**. (Izina ntera riba akenshi ryasimbuye ntera ryagomaga kugaragira, akenshi ni ntera iba yafashe indomo, igisantera kimwe na ntera bigaragira izina bikagaragaza imimerere yaryo cyangwa imico ariko ntabwo igisantera kisanisha buri gihe n'izina kigaragiye nk'uko bimeze kuri ntera. Ikindi intego ya ntera ntimeze nk'iy'igisantera.)

# Imyitozo n'ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa kabiri

## (Amasomo 3)

### (igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 67 kugeza ku rwa 72

Iri suzuma rigenerwa amasomo atatu; abiri yo kurikora n'isomo rimwe ryo kurikosora mu ishuri umwarimu agaragaza aho buri munyeshuri afite ibibazo.

### Urugero rw'ibisubizo bishoboka by'ibibazo bisuzuma ubushobozi bwo gusesengura umwandiko

a) **Kumva no gusesengura umwandiko**

1. **Ha uyu mwandiko umutwe ukwiye ushingiye ku bivugwamo**.
   - Ihohoterwa rikorerwa mu ngo.
2. **Ni ayahe moko y'ihohoterwa rikorerwa mu ngo agaragara mu mwandiko**?
   - Haravugwamo ihohoterwa ribabaza, ihohoterwa rishingiye ku mutungo,ihohoterwa rishingiye ku mibanire rusange, ihohoterwa rishingiye ku bwoko cyangwa idini n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina.
3. **Ihohotera ribabaza rishobora kwigaragaza ku buryo bubiri. Ni ubuhe**?
   - Uburyo bwo kubabaza umubiri (gukubitwa, gukomeretswa, kwicwa) n'uburyo bwo kubabaza umutima (guhimana, gutesha mugenzi wawe agaciro, kumucyurira,…)
4. **Ni gute uwo mwashakanye ashobora kuguhohotera kubera ko agusumbya umutungo**?
   - Aha urusha undi ubushobozi, amafaranga, abigira urwitwazo rwo kudaha mugenzi we agaciro, kumwicisha inzara, kumusuzugura no kumwereka ko nta cyo amaze.
5. **Usumbywa umutungo we yahohotera ate mugenzi we ku bijyanye n'umutungo**?
   - Yamuhohotera amutota gusesagura umutungo, akagira uruhare runini mu gucunga uwo mutungo no kuwugenzura, akaba ari we wenyine uwufatira ibyemezo yishingikirije ko

ari we mutware cyangwa umuyobozi, akaba ari we wenyine ufata ibyemezo.

6. **Abana bashobora gukorerwa irihe hohoterwa rishingiye ku mutungo**?
   - Iyo abashakanye basesagura umutungo bafite badahahira abana cyangwa bababuza ubundi burenganzira bagomba kugira mu muryango.
7. **Garagaza umugani w'umugenurano wakoreshejwe muri uyu mwandiko unavuge inama ugusigiye ku bijyanye n'ibivugwamo**.
   - Umugani wakoreshejwe ni "Uhishira umurozi akakumaraho abana." Ushatse kuvuga ko tutagomba guhishira abakora ihohotera abo ari bo bose.
8. **Ihohoterwa rishingiye ku gitsina ni iki**?
   - Ni ugukoreshwa imibonano mpuzabitsina utabishaka, cyangwa se ku ngufu, konona abana cyangwa ingimbi n'abangavu, gusambanywa n'umuntu wo mu muryango nk'ukurera cyangwa umubyeyi wawe,…
9. **Ni izihe ngamba zafatwa kugira ngo harwanywe ihohoterwa rikorerwa mu ngo**?
   - Abashakanye bagomba kuganira, kandi imibanire yabo igashingira ku rukundo nyakuri ruzira uburyarya, rudashingiye ku kindi kintu icyo ari cyo cyose kitari urukundo ubwa rwo.
10. **Umuntu ashobora guhohotera mugenzi we amubuza kwitabira gahunda zo kwifatanya n'abandi bakomoka hamwe mu gikorwa runaka. Tanga urugero rwa bene iryo hohoterwa ugendeye ku mateka yaranze u Rwanda**.
    - Urugero: Umuntu ashobora kubuza mugenzi we kwitabira icyunamo, kwibuka,…

b) **Inyunguramagambo**

Garagaza amagambo yakoreshejwe mu mwandiko asobanura:

- Akababaro umuntu aterwa n'ikintu abuze cyangwa n'uko hari umugiriye nabi. (**Agahinda**)
- Guhatira umuntu gukora ikintu. (**Kumutota**)
- Abana. (**Urubyaro**)
- Kubwira umuntu incyuro imukora ku bwonko ikamubishya umutima. (**Gusesereza**)
- Kutavuga ibimurimo. (**Kumira bunguri ibimurimo**)

## Ibisubizo by'ibibazo bisuzuma ubushobozi bwo gusesengura ntera, izina ntera n'igisantera

a) Ntera n'igisantera bitaniye he bihuriye ku ki?

- Aho bitaniye ni uko ntera yisanisha n'izina igaragiye kandi ikajya mu nteko zose z'amazina naho igisantera cyo ntikisanisha mu nteko zose hari n'ibisantera bitisanisha n'amazina bigaragiye. Aho bihuriye ni uko byombi bifite umumaro umwe mu nteruro.

b) Tahura ntera, amazina ntera n'ibisantera bigaragara mu bika bibiri bya nyuma ibyo ushobora gusesengura ubisesengure ukoresheje imbonerahamwe iteye itya:

| **Ijambo** | **Ubwoko** | **Intego** | **Amategeko y'igenamajwi** |
|---|---|---|---|
| Mpuzamahanga | Igisantera | n-hur-y-a-Ø-ma-hanga | n→m/-h<br>mh→mp mu nyandiko r+y→z |
| Mpuzabitsina | Igisantera | n-hur-y-a-Ø-bi-tsina | r+y→z<br>mh→mp mu nyandiko |
| Umunyarwanda | Izina ntera | u-mu-nya-rwanda | - |
| Nyakuri | Igisantera | - | - |
| Ibyinshi | Izina ntera | i-bi-inshi | i→y/-J |
| Mbi | ntera | n-bi | n→m/-b |

c) Ukoresheje akambi huza aya magambo atsindagiye mu nteruro n'ubwoko bwayo urebeye ku rugero rwatanzwe.

| | |
|---|---|
| 1. Umwana mwiza | |
| 2. Umwandiko mbarankuru | |
| 3. Umwiza arahenda | a) Ntera |
| 4. Abagabo batobato baje. | |
| 5. Umutego mutindi wica nyirawo | b) Izina ntera |
| 6. Amasuka y'amaberuka arakomera. | |
| 7. Umuco nyarwanda nituwubahe. | c) Igisantera |
| 8. Ihohoterwa ni ribi cyane. | |
| 9. Umunini ni uwuhe? | |

**Igisubizo k'ikibazo gisuzuma ubushobozi bwo guhimba umwandiko**

Mu mirongo itarenze 50 andika inkuru igaragaramo ihohoterwa n'uko ryarwanywa.

Umwarimu areba niba inkuru y'umunyeshuri igaragaramo bumwe mu bwoko bunyuranye bw'ihohoterwa hanagaragaramo uko bwarwanywa cyangwa bwakwirindwa.

## Urugero rwa bumwe mu buryo bw'ihohoterwa bwagaragaramo

1. Ihohoterwa rishingiye ku gitsina.
2. Ihohoterwa rishingiye ku mubiri.
3. Ihohoterwa rishingiye ku bitekerezo.
   a) Gukora imibonano mpuzabitsina ku ngufu.
   b) Gukorana imibonano mpuzabitsina hari umwe utabishaka mu bashakanye.
   c) Gutesha agaciro igitsina cy'umuntu.
   d) Itotezwa rishingiye ku gitsina.
   e) Guhatira imibonano mpuzabitsina.
   f) Ubucakara bushingiye ku gitsina hagamijwe kwishimisha.
   g) Guhatirwa kuba indaya.
4. Icuraburindi rishingiye ku mategeko.
5. Ibikorwa bibabaje bishingiye kuri gakondo:
6. Gutwarwa bunyago nk'imwe mu ihohoterwa rishingiye ku gitsina riba ahantu hose.
7. Gushinga urugo ku ngufu.
8. Ihohoterwa rishingiye ku gutera uwo mubana ubwoba […]

Umwarimu areba kandi niba umunyeshuri azi inkuru icyo ari cyo. Akareba niba hagaragaramo uhohotera n'uhohoterwa ndetse n'uburyo bwo kubara inkuru.

# Umutwe wa gatatu

# Uburinganire n'ubwuzuzanye

## (Umubare w'amasomo: 30)

**Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:**

- Gusesengura umwandiko uvuga ku buringanire n'ubwuzuzanye.
- Kuyobora no gutegura ibiganiro mpaka ku nsanganyamatsiko ivuga ku buringanire n'ubwuzuzanye mu mirimo yo mu rugo.
- Kwandika yubahiriza amategeko y'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

## Umwandiko: Uburinganire n'ubwuzuzanye mu mirimo yo mu rugo

**Igice cya mbere:** Kumva no gusobanura umwandiko

**( Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 73 kugera ku rwa 78)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura amagambo atari asobanukiwe.
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusoma neza umwandiko yumvikanisha ibyo asoma kandi agaragaza isesekaza.
- Gusesengura umugani muremure.

**Ubukesha:**

- Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.
- Gushishikarira gusoma ingeri zinyuranye z'ubuvanganzo nyarwanda bwo muri rubanda.
- Gushishikarira gusabana, gutarama, abicishije mu ngeri zinyuranye.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo.

## Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**

   Umwarimu aganirira abanyeshuri akaganiro ko mu buzima busanzwe kaganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura ibyerekeranye n'umwandiko bagiye gusoma.

**Urugero rw'ibibazo yababaza aramutse akoresheje amashusho**

a) Ni iki mubona kuri aya mashusho?

- Turahabona umugabo urimo gufatanya n'umugore we kufira.

b) Murabona bameze bate?
   - Turabona barimo gufatanya baganira bishimye.

c) Ese aho mutuye abagabo bose bafatanya n'abagore babo kufira imyaka mu murima?
   - Oya. Hari ababikora n'abatabikora.

d) Abafatanya muri bene iyo mirimo twavuga ko mu rugo rwabo babanye bate?
   - Abanyeshuri basubiza ko abafatanya mu mirimo yo mu rugo baba bafite ubwuzuzanye bityo umwarimu akaboneraho kubabwira ko bagiye gusoma umwandiko uvuga "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu mirimo yo mu rugo" akabasaba kurambura ibitabo byabo ahari uwo mwandiko.

2. **Gusoma**

2.1 **Gusoma bucece**

Umwarimu abwira abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari umwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu mirimo yo mu rugo" akabasaba kuwusoma bucece nyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

### Urugero rw'ibibazo yababaza

a) Ni ayahe mazina avugwa muri uyu mwandiko?
   - Haravugwamo Habimana na Mariyana.

b) Ni iki kivugwa bari bahuriyeho?
   - Bose bari imfubyi.

c) Bamenyanye bate?
   - Bahuriye mu mahugurwa.

2.2 **Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye ijwi.

Umunyeshuri umwe asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo, nyuma yo kurangiza igika umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye.

Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, agenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma agenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.

3. **Gusobanura umwandiko**

   3.1 **Inyunguramagambo**

   Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo batasobanukiwe kandi basubiza n'ibibazo by'umwitozo w'inyunguramagambo we akagenzura uko abanyeshuri bari gukorera hamwe mu matsinda anyuranye.

   Nyuma y'iki gikorwa umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda, hanyuma agafasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye bikandikwa ku kibaho.

**Ingero z'amagambo ashobora gukomerera abanyeshuri**

| | |
|---|---|
| **Umuhanya** | Umutindi nyakujya. |
| **Urugo rusaba umunyu** | Urugo rw'abatindi. |
| **Kutagira akarima ka kirazira** | Kuba nta karima ko guhinga na kamwe ufite. |
| **Kugimbuka** | Kuba ingimbi. |
| **Imfubyi buriburi** | Umwana wapfushije ababyeyi bombi nta n'undi muvandimwe agira. |
| **Akazu k'ivundi nyakatsi** | Akazu gato gasakaje ibyatsi. |
| **Guha umuntu urw'amenyo** | Kumuseka cyane. |
| **Kudatera kabiri** | Kutamara igihe. |
| **Kutagira na mba** | Kuba udafite na busa. |
| **Kwatisha** | Gutanga amafaranga bakagutiza umurima wo guhingamo mu gihe gito. |
| **Kuvuna abantu amaguru** | Kubaruhura urugendo rukaba rugufi. |
| **Kuramira abarwayi** | Gufasha abarwayi. |
| **Gushwishuriza umuntu** | Kumuhakanira. |
| **Inganzwa** | Umugabo utegekwa n'umugore we. |

3.2 **Imyitozo y'inyunguramagambo**

Nyuma yo gusobanura amagambo batari basobanukiwe, abanyeshuri banakora umwitozo w'inyunguramagambo bakoresha mu nteruro amagambo bungutse akajya abafasha kunonosora ibisubizo byabo. Abanyeshuri batanga interuro zinyuranye zigaragaza ko bumva ayo magambo.

## Urugero rw'umwitozo w'inyunguramagambo n'ibisubizo bishoboka

1. Koresha aya magambo mu nteruro zigaragaza ko wumva ibisobanuro byayo:
   a) **Imfubyi buriburi** (Kamana nta mubyeyi n'umwe afite agomba gufashwa na wa muryango ufasha abana b'imfubyi buriburi.)
   b) **Kutagira na mba** (Umukene yaje kumfunguza mubwira ko ntacyo ndi bumumarire, icyo gihe nta kintu na mba nigiriraga mu nzu iwange)
   c) **Kwatisha** (Iwacu imirima yose barayigurishije mu gihe nigaga amashuri yisumbuye, iyo dushaka guhinga turatisha.)
   d) **Kuvuna abantu amaguru** (Ubundi twajyaga kurangura inzoga ku isoko none burarirwa (BRALIRWA) yatuvunnye amaguru isigaye izituzanira hano hafi.)
   e) **Inganzwa** (Kamana yagizwe inganzwa iwe mu rugo nta jambo ahagira, umugore ni we uyobora byose mu rugo.)

2. Uzuza izi nteruro ukoresheje amwe muri aya magambo yavuye mu mwandiko (Umuhanya, kugimbuka, guha umuntu urw'amenyo, kudatera kabiri, kwatisha, kuvuna abantu amaguru, kuramira abarwayi, gushwishuriza, inganzwa.
   - Namusabye aranshwishuriza ntiyagira icyo amarira.
   - Nta jambo namba yagiraga iwe kubera ko yari inganzwa.
   - Bamufashe ataratera kabiri bahita bamufunga.
   - Ntiwiririwe ubinzanira ndakuvuna amaguru nohereze umwana ubimumpere.

### 3.3 Ibibazo byo kumva umwandiko

Nyuma yo gusobanura amagambo batari basobanukiwe no gukora umwitozo w'inyunguramagambo, abanyeshuri basubira gukorera muri ya matsinda basubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Iyo igihe umwarimu yabahaye kirangiye bagaruka kumurika ibyavuye mu matsinda.

## Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo bishoboka byo kumva umwandiko

1. **Habimana yavukiye mu muryango umeze ute**? Andika interuro yo mu mwandiko ibigaragaza. Yavukiye mu muryango w'abatindi nyakujya. Biraragazwa n'iyi nteruro "Habimana yabyirutse ari umuhanya, avukira mu rugo rusaba umunyu"
2. **Ni iki kigaragaza ko Habimana yari azi kwirwanaho akiri umwana**? Ikibigaragaza ni uko yakoraga akazi ko gusoroma icyayi akigurira utwenda.
3. **Habimana yamenyanye ate na Mariyana**? Bahuriye mu mahugurwa yo kwihangira umurimo.
4. **Ni uwuhe mugani wakoreshejwe mu gika cya mbere cy'umwandiko? Uhuriye he n'ibivugwamo**? Umugani wakoreshejwe ni "Abishyize hamwe nta kibananira" Aho bihuriye ni uko iyo mu rugo hari uburinganire n'ubwuzuzanye nta cyo batageraho, batera imbere.
5. **Garagaza ibiranga ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bigaragara mu mwandiko.** Kujya inama kwa Habimana n'umugore, kungurana ibitekerezo, gufatanya imirimo yo mu rugo no gukorera hamwe.
6. **Urugo rwa Habimana rugishingwa rwabonwaga rute n'abaturanyi**? **Ese niko byagenze? Sobanura igisubizo cyawe**? Abaturanyi bavugaga ko rutazatera kabiri ko ruzasenyuka kubera ubukene. Si ko byagenze kuko bateye imbere kubera uburinganire n'ubwuzuzanye bari bafite.
7. **Garagaza uruhare rw'uburinganire n'ubwuzuzanye mu iterambere ry'urugo rwa Habimana**. Kujya inama n'umugore byatumye baguza amafaranga muri banki bihangira umurimo batera imbere. Ikindi kuba barafatanyaga mu mirimo yose yo mu rugo no mu buhinzi n'ubworozi byabateje imbere.

8. **Vuga ibindi bintu nibura bibiri bigaragaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu mirimo yo mu rugo bitagaragara mu mwandiko.** Abagize urugo bashobora gufatanya mu mirimo yo mu rugo nko guteka, gukora isuku yo mu nzu, kuhagira abana,…

# **Igice cya kabiri:** Gusoma no gusesengura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 78)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gutahura ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusesengura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko no guhina umwandiko.
- Guhina umwandiko mu magambo ye bwite.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira gusoma ibitabo bitandukanye no kwitabira amasomero.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imfashanyigisho z'iyumvabona.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

**Urugero rw'ibibazo yababaza**

a) Ni uwuhe mwandiko duheruka gusoma?
   - Ni umwandiko uvuga uburinganire n'ubwuzuzanye mu mirimo yo mu rugo.

b) Ni abahe bakinakuru b'ingenzi bavugwagamo?
   - Havugwagamo Mariyana na Habimana.

c) Bavugwagaho iki mu muryango wabo?
   - Bari bafite uburinganire n'ubwuzuzanye mu mirimo yo mu rugo.

2. **Gusesengura umwandiko**

Umwarimu arabwira abanyeshuri gukora amatsinda bagasoma umwandiko bakagerageza kuwusesengura bagaragaza ingingo z'ingenzi zivugwamo no kuwuhina mu magambo make.

Umwarimu aha abanyeshuri ibibazo bibafasha gutahura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.

Umwarimu abivuga mu ijwi riranguruye akanabyandika ku kibaho kugira ngo afashe abatumva n'abatabona niba bahari.

## Urugero rw'ibibazo yabaha

a) Ni iki kivugwa muri rusange muri uyu mwandiko?

b) Uyu mwandiko ukurikiranya ute ibitekerezo by'ingenzi? (Utangira ute? Ukomeza ute? Ukarangira ute?)

c) Ibyo bitekerezo bivuge mu magambo yawe bwite nko mu gika kimwe.

Umwarimu agenzura imikoranire y'abanyeshuri mu matsinda, barangiza akabasaba kumurika ibyavuye mu matsinda.

Itsinda rimwe rimaze kumurika ibisubizo byaryo, andi matsinda araryunganira noneho umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora igisubizo gikwiye.

## Urugero rw'igisubizo gishoboka

**Insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko**

Muri uyu mwandiko baratubwira insanganyamatsiko y'uburinganire n'ubwuzuzanye mu mirimo yo mu rugo.

**Ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko**

Muri uyu mwandiko haravugwamo ingingo z'ingenzi zikurikira:

- Ubukene bw'umuryango wa Habimana
- Uko Habimana yirwanagaho.
- Uko habimana yahuye na Mariyana.
- Habimana abana na Mariyana

- Uko Habimana na mariyana buzuzanyaga mu mirimo yose yo mu rugo.
- Uko Habimana na Mariyana bateye imbere.
- Habimana na Mariyana bafasha Akarere batuyemo.

**Guhina umwandiko**

Abanyeshuri bamaze kugaragaza ingingo z'ingenzi umwarimu abasaba kuzikoramo igika kimwe gihina umwandiko basomye. Bagafatanya kukinonosora kikandikwa ku kibaho.

**Urugero rw'igisubizo gishoboka**

Habimana yavukiye mu muryango ukennye abaye imfubyi arererwa kwa nyirakuru na we wari umutindi nyakujya. Akajya yirwanaho ashakisha udufaranga asoroma icyayi. Nyirakuru amaze gupfa Habimana asigara ari imfubyi buriburi. Yaje kumenyana n'umukobwa witwaga Mariyana bahuriye mu mahugurwa yo kwihangira umurimo barakundana bageze aho barabana. Kubera uburinganire n'ubwuzuzanye bwabarangagaga bajya inama, banakora imirimo yose bafatanyije baza gukira batera imbere ku buryo byatangaje abantu bari bazi ko nta cyo bazigezaho kubera ko bombi bari imfubyi. Bamaze gukira bagiye inama yo guteza imbere aho batuye babubakira ibitaro babazanira n'amazi meza.

# **Igice cya gatatu:** Ibiganiro mpaka

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 78 kugeza ku rwa 82)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi**

- Gusobanura inshoza y'ibiganiro mpaka
- Kurondora amabwiriza y'ibiganiro mpaka.

**Ubumenyi ngiro**

- Kugeza ibitekerezo bye ku bandi no kubibumvisha agusha ku ngingo.
- Kwegeranya ibitekerezo bye no kubigeza kuri bagenzi be.

**Ubukesha**

- Kunenga abatubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu mirimo.
- Kugaragaza ikinyabupfura ashyigikira cyangwa anenga ibitekerezo by'abandi.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri.

## Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda ane akabagabanya ibyo bagomba gukora ku biganiro mpaka. Amatsinda abiri ya mbere arayasaba kuzatahura inshoza y'ikiganiro mpaka, amatsinda andi abiri ayasabe kuzatahura amabwiriza agenga ibiganiro mpaka n'uko bicara mu biganiro mpaka.

Umwarimu abaha igihe cyo kuzabikora akanababwira aho bakorera ubwo bushakashatsi abarangira ibitabo binyuranye bakwifashisha. Iyo igihe cyo kubimurika kigeze abasaba kugaragaza ibyavuye mu matsinda agenda abafasha kubinonosora.

Umwarimu asaba abanyeshuri kwandika ku kibaho igika cya nyuma cy'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ikibazo kiganisha ku isomo ry'ibiganiro mpaka bagiye kwiga.

### Urugero

**Soma iki gika gisoza umwandiko maze usubize ikibazo kiri hasi yacyo.**

Umuyobozi w'Akarere afashe ijambo avuga byinshi ariko asoza abwira abari aho ati: "Ibi byose mureba umuryango wa Habimana ubigezeho kubera uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango we, mu gihe bamwe mu bagabo mukivuga ko uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'umugabo n'umugore ari ukwemera kuba inganzwa y'umugore. Ababyumva mutyo mbahaye umukoro muzamushake mubiganireho na we, azababwira ibanga ryamufashije kugera kuri ibi byose."

**Utekereza ko ikiganiro hagati ya Habimana n'abagabo bavugwa muri icyo gika kizaba giteye gite?**

Abanyeshuri basubiza umwarimu ko ikiganiro hagati yabo kizaba ari impaka, bityo akaboneraho kubabwira ko bagiye kwiga ibiganiro mpaka agasaba amatsinda kugaragaza ibyo yakusanyije mu bushakashatsi yakoze ku biganiro mpaka.

2. **Isesengura**

   Habanza amatsinda yakoze ku nshoza hagakurikiraho amatsinda yakoze ku biranga ibiganiro mpaka n'uko bicara mu biganiro mpaka. Kuri buri ngingo, itsinda rimwe ni ryo rimurika irindi rikajya ryuzuza ibitavuzwe n'iryabanje bakoze ku ngingo imwe. Umwarimu abafasha kubinonosora bikandikwa ku kibaho.

## Urugero rw'ibyava mu matsinda

**Inshoza y'ibiganiro mpaka**

Iyo umuntu agiye gutanga ibitekerezo ku nsanganyamatsiko runaka, hari uburyo butandukanye aba ashobora gucishamo ibitekerezo bye. Impaka ni bumwe mu buryo bushobora gukoreshwa mu itangwa ry'ibitekerezo. Ubu buryo ni ibiganiro bikorwa hagati y'abantu batandukanye ku nsanganyamatsiko ihari. Mu by'ukuri ibiganiro mpaka bikorwa iyo hari ikibazo gikeneye umuti buri wese agatanga uwe uko abyumva ku buryo bya bitekerezo bikusanywa bikaba ingirakamaro mu gukemura ikibazo runaka. Muri ibi biganiro abantu baganira bari mu matsinda atandukanye hagamijwe kungurana ibitekerezo. Ni ukuvuga ko atari impaka za ngo turwane. Muri ibyo biganiro, haba hari itsinda ry'abashyigikiye insanganyamatsiko yatanzwe, hakaba n'abatayishyigikiye.

**Abashyigikiye insanganyamatsiko**

- Aba batanga ibitekerezo byabo bashyigikira insanganyamatsiko yatanzwe bagamije kugaragaza ko ibivugwa mu nsanganyamatsiko ari ukuri cyangwa se ihame. Bagamije kwemeza ko uko insanganyamatsiko yatanzwe ari byo byakemura ikibazo gihari.

**Abadashyigikiye insanganyamatsiko**

- Aba batanga ibitekerezo byabo basenya insanganyamatsiko yatanzwe bagamije kugaragaza ko ibivugwa mu nsanganyamatsiko atari ukuri cyangwa se atari ihame.

Baba bagamije kumvikanisha ko uko insanganyamatsiko imeze atari byo byakemura ikibazo ahubwo ko hari ukundi cyakemuka, bakagaragaza uko kundi cyakemuka.

- Kugira ngo ikiganiro mpaka kigende neza, haba hari n'umuyobozi w'ikiganiro ushobora kuba ari umwe cyangwa se afite n'undi umwunganira.

## Umuyobozi w'ikiganiro

- Uyu ni we uyobora ikiganiro mpaka, akagenda aha umwanya abajya impaka ndetse akanabagenera igihe bakoresha. Iyo umwe mu bajya impaka arangije gutanga ibitekerezo bye, umuyobozi w'ikiganiro aha mugenzi we badahuje ibitekerezo ijambo, kugira ngo agire ibyo avuga ku byo mugenzi we yavuze. Uyu kandi ni na we usubiza ku murongo abajya impaka iyo basa n'abagiye gutandukira insanganyamatsiko yabo.

## Indorerezi

- Aba ni abantu baza kwitabira ikiganiro mpaka bagamije kumva ibitekerezo bitandukanye by'abajya impaka. Iyo abajya impaka barangije gutanga ibitekerezo byabo, abaje kwitabira ikiganiro baba na bo bashobora kwaka ijambo bagatanga ibitekerezo byabo bishyigikira cyangwa bidashyigikira rimwe mu itsinda ry'abajyaga impaka. Aha ni naho uyobora ikiganiro ashobora guhera agaragaza ko uruhande uru n'uru ari rwo rwatanze ibitekerezo bifatika bitewe n'umubare w'indorerezi washyigikiye ibyo bitekerezo.

## Amabwiriza agenga ibiganiro mpaka

- Mu kungurana ibitekerezo, umwe mu bajya impaka, iyo agiye gutanga igitekerezo ke, abanza kugaragaza ko ibyo mugenzi we wamubanjirije batari mu itsinda rimwe atari byo, akabisenyesha ingingo zifatika maze akabona gutanga igitekerezo ke bitewe n'uruhande abogamiyemo.
- Mu kiganiro mpaka uvuga agomba kumenya ko arebwa cyangwa ajorwa n'ababwirwa, ni na yo mpamvu agomba kwita ku mivugire n'imiterere y'ijwi rye, ku guhinduranya amajwi, ku gusubizanya ukuri no gusubiza akoresheje ingingo zuzuye. Uri mu kiganiro mpaka agomba kudatinya no kuterekana ko ikibazo abajijwe kimutunguye, akamenya

kwihanganira ibitekerezo by'abandi, ntahubuke cyangwa ngo atongane.

- Mu gihe k'ikiganiro, abatumirwa bamaze kwicara, uyobora ikiganiro amaze kubavuga mu buryo bubangutse, agomba kwirinda kugira ibisubizo we atanga cyangwa abahatira ahubwo akibanda ku kubereka umurongo w'ikiganiro. Iyo umwe mu bajya impaka atanze igitekerezo ke, biba byiza ko uyoboye ikiganiro agisubiramo muri make kugira ngo undi agihereho atanga ike. Iyo impaka zikomeye, umuyobozi w'ikiganiro ahwitura abihaye ijambo.
- Mu kiganiro mpaka, buri wese agomba guhabwa ijambo ariko ntaryiharire, ushatse kuryiharira, uyoboye ikiganiro arimwaka mu kinyabupfura cyane nk'iyo abona ibitekerezo byari bimutegerejweho yabitanze.
- Umuyobozi w'ikiganiro mpaka agomba guhoza ku mutima uburyo n'intego y'icyo kiganiro mpaka.

**Uko bicara mu biganiro mpaka**

- Abari mu kiganiro mpaka bicara ahantu haboneye kandi habona. Hagomba kuba hafasha mu buryo bwo kwicara kugira ngo ikiganiro kibonere. Mu kiganiro mpaka, hari uburyo butandukanye bicaramo kugira ngo ikiganiro kigende neza. Igishushashanyo kigaragara mu gitabo cy'umunyeshuri kirerekana bumwe mu buryo bw'uko abakora ibiganiro mpaka bashobora kwicara.
- Ubwo buryo bwo kwicara ni bumwe mu buryo bwiza bukoreshwa mu kiganiro mpaka, kubera ko umuyobozi w'ikiganiro aba ashobora kugenzura neza abajya impaka ndetse n'indorerezi zitabiriye ikiganiro. Ubu si bwo buryo bwiza bwonyine, icya ngombwa ni uko umuyobozi aba ashobora kugenzura abajya impaka, kandi mu bajya impaka nta wuteye undi umugongo.

**Inshamake**

Ibiganiro mpaka ni ibiganiro bikorwa hagati y'abantu batandukanye ku nsanganyamatsiko ihari. Mu by'ukuri ibiganiro mpaka bikorwa iyo hari ikibazo gikeneye umuti buri wese agatanga uwe uko abyumva ku buryo bya bitekerezo bikusanywa bikaba ingirakamaro mu gukemura ikibazo runaka. Muri ibi biganiro abantu baganira bari mu matsinda atandukanye hagamijwe kungurana ibitekerezo. Ni ukuvuga ko atari impaka za ngo turwane. Muri ibyo biganiro, haba hari itsinda ry'abashyigikiye insanganyamatsiko yatanzwe, hakaba abatayishyigikiye n'indorerezi.

## Igice cya kane: Umwitozo wo kujya impaka

**(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 82)**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gutahura amabwiriza agenga ibiganiro mpaka akoresha.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gushyira mu bikorwa ibyo yize mu mwandiko uvuga ku buringanire n'ubwuzuzanye mu mirimo.
- Kugeza ibitekerezo bye ku bandi no kubibumvisha agusha ku ngingo

**Ubukesha:**

- Kunenga abatubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu mirimo.
- Kugaragaza ikinyabupfura ashyigikira cyangwa anenga ibitekerezo by'abandi.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'ubuvanganzo n'inyandiko zinyuranye zivuga ku buringanire n'ubwuzuzanye.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**

   Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa isomo baheruka kwiga.

**Urugero rw'ibibazo yabaza**

- **Ni irihe somo duheruka kwiga?** Duheruka kwiga inshoza y'ibiganiro mpaka n'amabwiriza agenga ibiganiro mpaka.
- **Ikiganiro mpaka kiba kigizwe na ba nde?** Kiba kigizwe n'abashyigikiye insanganyamatsiko, abatayishyigikiye, umuyobozi w'ikiganiro mpaka n'indorerezi.

2. **Kujya impaka**

   Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwitozo wo kujya impaka ugaragara mu gitabo cyabo, ukandikwa ku kibaho kugira ngo n'abafite ikibazo cyo kutumva bawusome.

**Umwitozo ugaragara mu gitabo cy'umunyeshuri**

"Mu mirimo yo mu rugo ntayagenewe umugabo cyangwa umugore kimwe n'uko ari nta yagenewe umwana w'umukobwa cyangwa umuhungu. Byemeze cyangwa ubihakane wifashishije ibitekerezo bifatika."

Umwarimu aribukiranya n'abanyeshuri uko ikiganiro mpaka gikorwa nyuma asabe abanyeshuri kwishakamo uri buze kuyobora icyo kiganiro mpaka. Abasigaye barajya mu matsinda atatu, itsinda rya mbere riragibwamo n'abashyigikiye icyo insanganyamatsiko ivuga. Itsinda rya kabiri riragibwamo n'abari buze gutanga ibitekerezo binyuranya n'icyo insanganyamatsiko ivuga. Abasigaye ari na bo benshi baraba ari indorerezi.

Umwarimu asaba uyobora ikiganiro mpaka kugitangiza akurikije uko bibukiranyije imiyoborere yacyo.

Umwarimu akomeza gukurikirana uburyo abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo byabo n'uko bubaha ibitekerezo bya bagenzi babo.

Abanyeshuri batanga ibitekerezo binyuranye ku mpande zombi uyoboye ikiganiro akajya abyandika mu nshamake.

Nyuma yo kurangiza gutanga ibitekerezo binyuranye muri ya matsinda abiri umunyeshuri uyoboye ikiganiro asomera abandi ibyo bitekerezo byatanzwe, agasaba abanyeshuri b'indorerezi kugira icyo bavuga ku bitekerezo bya bagenzi babo no guhitamo itsinda ryatanze ibitekerezo bifatika bigaragaza ko uruhande barimo ari rwo ruvuga ibifite ukuri kurusha urundi.

Nyuma y'ikiganiro mpaka, umwarimu afasha abanyeshuri gukora umwanzuro ku mpaka ukandikwa ku kibaho.

**Urugero rw'umwanzuro wafatwa**

Mu mirimo yo mu rugo nta murimo n'umwe ufite uwo ugenewe hakurikijwe igitsina ik'ingenzi ni ugufatanya muri byose cyangwa ufite icyo ashoboye kurusha mugenzi we akagikora mu gihe na mugenzi we arimo gukora ikindi. Iyo abantu bafatanyije muri byose ni bwo habaho iterambere ry'urugo n'iry'igihugu muri rusange.

Nyuma yo gukora umwanzuro, umwarimu afatanya n'abanyeshuri kujora ubukesha bw'abanyeshuri mu biganiro mpaka akagira inama abagaragaje imyitwarire idakwiye kuranga abantu bajya impaka (abihaga ijambo, abavugiraga mu bandi, abagaragazaga uburakari,....)

## Igice cya gatanu: Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda

**( Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 82 kugera ku rwa 103)**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

**Ubumenyi ngiro:**

- Kwandika yubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

**Ubukesha:**

- Kujora imyandikire itanoze y'Ikinyarwanda.
- Gukoresha ururimi rw'Ikinyarwanda ataruvangamo izindi ndimi.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu,igitabo k'ikibonezamvugo, igazeti ya Leta igaragaramo itegeko rigenga imyandikire y'Ikinyarwanda, ibinyamakuru binyuranye,....

## Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**

   Umwarimu ashaka inyandiko y'inkuru yo mu kinyamakuru irimo amakosa menshi y'imyandikire agasaba abanyeshuri kuyandika ku kibaho uko yakabaye nta cyo bahinduyeho, akababaza ikibazo kiganisha ku mategeko y'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

### Urugero rw'inyandiko yabaha n'ikibazo yababaza

### Itegereze aka gace k'inkuru yo mu kinyamakuru maze usubize ikibazo kiri hasi

**Gakenke: Ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye rirubahirizwa ariko ntirishirwa mubikorwa**

Nubwo ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye ryubahirizwa n'abatuye mu karere ka Gakenke ariko ngo ntirishirwa mubikorwa kuko abashakanye batashobora kubye kubyumva kimwe, ku buryo hariho hariho abuma ko haribyo batagomba gukora murugo bakabiharira bagenzi babo.

kudashirwa mubikorwa ry'uburinganire n'ubwuzuzanye nibyo usanga keshi bituwa imiryango idatera imbere, kuko habaho gusigana kubashakanye, aho umwe aharira mugenzi we imirimo runaka kandi nyamara kugira ngo iterambere ry'umuryango rigerweho bisaba ubufatanye hagati y'abashakanye.

Kurundi ruhande hari naho usanaga abagore nabo barabyumvishe nabi kuburyo nabo basiganya abagabo babo kandi bose bagakwiye kuzuzanya.

Kuko kwigisha ar'uguhozaho inzego z'ubuyobozi zikaba zasabwe kugumya kujya barushaho gusobanura ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye kugirango ritaba intandaro y'ubutane hGti y'abashakanye.

**Gira icyo uvuga ku myandikire y'amagambo cyangwa imigemo iciweho akarongo.**

Abanyeshuri barasubiza ko iyo nkuru y'ikinyamakuru igaragaramo amakosa menshi y'imyandikire y'Ikinyarwanda.

**Ku bwawe ni ko wabyandika? Kubera iki?**

Abanyeshuri barasubiza ko bo atari ko babyandika kuko bidakurikije amategeko y'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

Umwarimu araboneraho kubwira abanyeshuri ko bagiye kwiga imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda ababaze ikibazo kiganisha ku ngingo nkuru z'itegeko ry'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

**Ni ayahe mategeko atubahirijwe?**

Abanyeshuri barasubiza ko hari ibihekane byanditswe nabi, ko hari amagambo afatanye atagomba gufatana, ko harimo amakosa ajyanye no gukata, ko harimo amakosa ajyanye n'imikoreshereze y'utwatuzo,…

2. **Isesengura**

   Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda angana n'ingingo nkuru z'itegeko ry'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda akazibagabanya muri ya matsinda akabasaba kujya gukora ubushakashatsi kubijyanye n'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda. Itsinda rya mbere ararisaba kuzakora ubushakashatsi ku nshoza y'imyandikire y'ururimi, imyandikire y'inyajwi, iy'ingombajwi n'ibihekane mu Kinyarwada, itsinda rya kabiri ararisaba kuzakora ubushakashatsi ku ikatwa ry'amagambo, itsinda rya gatatu arihe imyandikire y'amagambo y'inyunge n'amagambo afatana n'adafatana, itsinda rya kane rihabwe imyandikire y'amazina bwite, itsinda rya gatanu rihabwe imikoreshereze y'utwatuzo naho itsinda rya gatandatu rihabwe imikoreshereze y'inyuguti nkuru.

   Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo kubikora, akanabarangira ibitabo binyuranye bakoresha. Iyo igihe yabahaye kigeze, amatsinda yose agenda agaragaza ibyavuye mu itsinda ni ukuvuga amategeko y'imyandikire ajyanye n'ingingo buri tsinda ryari rifite. Iyo itsinda rimwe rirangije kumurika ibyo ryagezeho umwarimu atanga imyitozo yo gusuzuma ko ibyo ryagaragaje byumvikanye ku matsinda yose.

## Urugero rw'ibyava mu matsinda

### Inshoza y'imyandikire y'ururimi

Imyandikire inoze y'ururimi ni urusobe rw'amategeko ashyirwaho mu rwego rwo kugena ibimenyetso bishushanya amajwi y'ururimi runaka. Mu rwego rwo kunoza imyandikire hakaba hifashishwa amahame y'iyigandimi nk'ubumenyi bugamije kwiga indimi zivugwa akaba ari na yo mpamvu imishinga yose igena imyandikire inoze y'ururimi ikorwa hitabajwe impuguke muri ubwo bumenyi bw'iyigandimi. Aya akurikira ni mamategeko agenga imyandikire y'Ikinyarwanda.

### Imyandikire y'inyajwi

Inyajwi z'Ikinyarwanda zandikishwa inyuguti zikurikira: a, e, i, o, u. Uretse mu nyandiko ya gihanga ikoreshwa mu mashuri no mu bushakashatsi gukurikiranya inyajwi birabujijwe mu myandikire isanzwe y'Ikinyarwanda keretse inyajwi ebyiri mu myandikire y'ijambo ry'iritirano "(i)saa" rivuga igihe. Mu magambo y'amarangamutima, imigereka n'inyigana birimo isesekaza, hakoreshwa inyajwi zitarenga eshatu zikurikirana.

**Ingero:**

- Irangamutima: "yooo"!
- Umugereka: Ndagukunda "cyaneee"!
- Inyigana: "pooo"; "mbuuu"!

### Umwitozo n'ibisubizo:

Vuga aho inyajwi zishobora gukurikirana mu myandikire y'Ikinyarwanda ugende unatanga nibura urugero rumwe.

Inyajwi ebyiri zishobora gukurikirana mu myandikire y'ijambo ry'iritirano "(i)saa" rivuga igihe.Urugero:Twagezeyo i saa tanu. Mu magambo y'amarangamutima. Urugero:,Yooo! Ni uko wabaye? Mu migereka n'inyigana birimo isesekaza, hakoreshwa inyajwi zitarenga eshatu zikurikirana. Ingero: Umugereka: Ndagukunda "cyaneee!" Inyigana: Yamukubise ngo: 'pooo!'

### Imyandikire y' ingombajwi shingiro

Ingombajwi shingiro z'Ikinyarwanda zirimo amoko akurikira:

- Ingombajwi shingiro zandikishwa inyuguti imwe: b, c, d, f, g, h, j, k, m, n, p, r (l), s, t, v na z.

Mu Kinyarwanda inyuguti ya r ntabwo itandukanye na l mu rwego rw'imivugirwe ndetse no mu rwego rwo kurema amagambo. Umuntu yavuga ko Atari amajwi shingiro abiri atandukanye ko ahubwo, kuba zigaragara uko ari ebyiri byaratewe n'uko Abazungu bagennye imyandikire y'Ikinyarwanda bahereye ku ndimi zabo.

Inyuguti "l" ikoreshwa gusa mu izina bwite "Kigali", umurwa mukuru wa Repubulika y'u Rwanda, mu ijambo "Repubulika", mu ijambo "Leta" no mu mazina bwite y'amanyamahanga y'abantu n'ay'ahantu.

**Ingero**

- Ntuye i Kigali.
- Repubulika y'u Rwanda
- Angola, Londoni, Lome, Lusaka, Buruseli, Aluberi.

Icyakora, inyuguti "l" iguma gukoreshwa mu mazina bwite y'amanyarwanda y'abantu yari isanzwe ikoreshwamo kandi bayiswe mbere y'amabwiriza mashya.

- **Ingombajwi shingiro zandikishwa inyuguti ebyiri**: ny, sh, pf, ts.
- **Ingombajwi shingiro yandikwa n'inyuguti eshatu**: shy
- **Inyerera**: w na y
- Ingombajwi z'ibihekane:

**Inyuguti zandika ingombajwi z'ibihekane:**

Inyuguti zandika ingombajwi z'ibihekane mu Kinyarwanda, ni ukuvuga ingombajwi shingiro ibanjirijwe n'inyamazuru, ingombajwi shingiro ikurikiwe n'inyerera imwe cyangwa ebyiri, ingombajwi shingiro ibanjirijwe n'inyamazuru igakurikirwa n'inyerera imwe cyangwa ebyiri, zikubiye mu rutonde rukurikira:

mb, mf, mp, mv, nd, ng, nj, nk, ns, (nts), nsh, nshy, nt, nz;

bw (bg), cw, dw, (fw), gw, hw, jw, kw, mw, nw, nyw, (pfw), (pw), rw, shw, shyw, sw, tsw, tw, (vw), zw;

by, cy, jy, my, nny, pfy, py, ry, sy, ty, (vy);

byw, myw, pfyw, (ryw), (vyw);

mbw, (mfw), mpw, (mvw), ndw, ngw, njw, nkw, (nshw), (nshyw), (nsw), ntw, nzw;

mby, mpy, (mvy), nshy, ndy, njy, nsy, nty;

(mbyw), (mvyw), njyw.

Usibye "bg" mu ijambo "Kabgayi" ingombajwi z'ibihekane zitari muri uru rutonde zirabujijwe.

**Ikitonderwa**

Hari ibihekane bigira imyandikire yihariye bitewe n'inyajwi bikurikiye.

**Ingero**

**Imyandikire y'ibihekane** "(n)kw", "(n)gw", "hw", bikurikiwe n'inyajwi "o" cyangwa "u"

Ibihekane "(n)kw", "(n)gw", "hw", bikurikiwe n'inyajwi "o" cyangwa "u" ntibyandikwa; mu mwanya wabyo handikwa "(n)ko", "(n)ku", "(n)go", "(n)gu", "ho", "hu".

**Ingero**

- Kwanga koga ni bibi.
- Kubaka ni ukugereka ibuye ku rindi.
- Pariki ya Nyungwe ibamo inguge nyinshi.
- Ngwije na Ngoboka bava inda imwe.
- Korora inkwavu n'inkoko bifite akamaro.
- Iyo ngiye kwinjira mu nzu nkuramo inkweto.
- Mariya ahwituye Hoho kugira ngo yihute.
- Mahwane aragesa amahundo.

Imyandikire y'ibihekane "(n)jy" na "(n)cy", bikurikiwe n'inyajwi "i" cyangwa "e"

Ibihekane "(n)jy" na "(n)cy" byandikwa gusa imbere y'inyajwi "a", "o" na "u". Imbere y'inyajwi "i" cyangwa "e" handikwa "(n)gi", "(n)ge", "(n) ki", "(n)ke".

**Ingero**

- Umugi ntuyemo ufite isuku.
- Gewe/ngewe ntuye mu magepfo y'u Rwanda.
- Njyanira ibitabo mu ishuri gewe ngiye gukina.
- Njyana kwa masenge.
- Iki ni ikibabi k'igiti.
- Ikibo cyuzuye ibishyimbo.

Ibihekane bigizwe n'ingombajwi "ts", "pf" na "c"

Ibihekane bigizwe n'ingombajwi "ts", "pf" na "c" zibanjirijwe n'inyamazuru byandikwa mu buryo bukurikira: "ns", "mf", "nsh".

**Ingero**

- Insina za kijyambere zitanga umusaruro utubutse.
- Imfizi y'inshuti yange.

**Imyitozo n'ibisubizo**

1. **Tanga urugero rw'amagambo abiri agaragaramo ingombajwi z'igihekane**: mvy, nshy na pfy (yakapfakapfye, -), mvy( barahomvomvye, -), nshy (inshyushyu, inshyimbo)
2. **Kosora aho biri ngombwa**
   - Kwanga kwogo amazi ashushye nge bituma ntamerergwa neza mu mubiri. (Kwanga koga amazi ashyushye nge bituma ntamererwa neza mu mubiri)
   - Incuti yange yambwiye ko invura yaguye nijoro ari intsindagirabigyega. (Inshuti yange yambwiye ko imvura yaguye nijoro ari insindagirabigega.)
   - Ikibo ke yakiboheshejе ibirere by'instina z'inyamunyo. (Ikibo ke yakiboheshejе ibirere by'insina z'inyamunyo.)

**Gukata**

Mu myandikire y'Ikinyarwanda hari inyajwi ziba zigomba gukatwa ariko hari n'izidakatwa. Ikata ry'inyajwi zisoza ibinyazina ngenera n'ibyungo "na" na "nka".

Inyajwi zisoza ikinyazina ngenera n'ibyungo "na" na "nka" zirakatwa iyo zikurikiwe n'ijambo ritangiwe n'inyajwi ariko inyajwi isoza ikinyazina ngenera gikurikiwe n'umubare wanditse mu mibarwa ntikatwa.

**Ingero**

- Wakomerekejwe n'iki?
- Ntakibyara nk'intare n'ingwe.
- Umubare w'amashuri y'imyuga uriyongera.
- Nyereka uko batsa tereviziyo n'uko bayizimya.
- Umwaka w'ibihumbi bibiri na cumi n'ibiri
- Umwaka wa 2012.

**Inyajwi zisoza zidakatwa**

Usibye inyajwi zavuzwe haruguru, inyajwi zisoza andi moko y'amagambo ntizikatwa.

**Urugero**

Kabya inzozi

Inyajwi "i" isoza akabimbura "nyiri", n'inshinga mburabuzi "ni" na "si" ntizikatwa.

**Ingero**

- Nyiri ubwenge aruta nyiri uburyo
- Amasunzu si amasaka
- Icyatumye ejo ntaza iwawe ni uko natashye ndwaye.

Icyakora ijambo "nyiri" iyo riri mu mazina amwe n'amwe y'icyubahiro rifatana n'ijambo ririkurikiye.

**Urugero**

Nyiricyubahiro Musenyeri.

Naho "nyira" ivuga "nyina wa" ikoreshwa mu mazina, ifatana n'ijambo ibanjirije.

**Urugero**

Nyirabukwe aramukunda.

**Ikitonderwa:**

Inyajwi zitangira amazina akurikira indangahantu "mu" na "ku".

Inyajwi itangira amazina bwite n'amazina rusange akurikiye indangahantu "mu" na "ku" iratakara, keretse mu ijambo ritangirwa n'inyajwi "i" ikora nk'indanganteko.

**Ingero**

- Mu Mutara higanje imisozi migufi.
- Mu Kagera habamo ingona.
- Amatungo yanyuze mu murima.
- Kwita ku nka bigira akamaro.
- Abana bavuye ku iriba bajya mu ishuri.
- Banyuze mu ishyamba.

Inyajwi zisoza indangahantu "ku" na "mu" ntizikatwa kandi zandikwa iteka zitandukanye n'izina rikurikira.

**Ingero**

- Amatungo yanyuze mu murima.
- Kwita ku nka bigira akamaro.

**Imyitozo n'ibisubizo**

Kosora interuro zikurikira aho ari ngombwa

a) Karangwa ati: "Uyu n'umwana wange nkunda cyane." (Karangwa ati: "Uyu ni umwana wange nkunda cyane.")

b) Akigera k'umuhanda yahasanz' imodoka ya nyir'aya mazu iparitse kw'isoko. (Akigera ku muhanda yahasanze imodoka ya nyiri aya mazu iparitse ku isoko.)

c) Ni ngombwa kwita cyane kw'ihene ze kugira ngo zitazamera nkiriya nka yahoroteshejwe no kubura ibyo irya. (Ni ngombwa kwita cyane ku ihehe ze kugira ngo zitazamera nk'iriya nka yahoroteshejwe no kubura ibyo irya)

**Amagambo afatana n'adafatana**

Amagambo y'inyunge

Amazina y'inyunge harimo n'amazina bwite y'inyunge yandikwa afatanye.

**Ingero**

- Umwihanduzacumu
- Rugwizangoga
- Umukangurambaga
- Umuhuzabikorwa
- Amayirabiri

Icyakora mu bisingizo, mu byivugo no mu migani, amazina nteruro agizwe n'amagambo arenze ane (4) yandikwa atandukanyijwe kandi agashyirwa mu twuguruzo n'utwugarizo.

**Urugero**

Ubwo "Inshyikanya ku mubiri ya Rugema ahica" aba arahashinze.

**Amagambo afutura**

Amagambo mfutuzi yandikwa atandukanyijwe n'amagambo afuturwa.

**Ingero**

- Inama Njyanama
- Umuco nyarwanda
- Umutima nama
- Umutima muhanano
- Inyandiko mvugo.

**Ibyungo "na" na "nka"**

Ibyungo "na" na "nka" bikurikiwe n'ibinyazina ngenga bivuga nyakuvuga na nyakubwirwa (ngenga ya 1 n'iya 2) byandikwa mu ijambo rimwe ariko bikandikwa bitandukanye n'ibinyazina ngenga muri ngenga ya 3.

**Ingero**

- Ndumva nawe umeze nkange.
- Ndabona natwe tumeze nkamwe.
- Ndumva na we ameze nka bo.
- Ndabona na ko kameze nka bwo.

**Ikinyazina ngenera n'ikinyazina ngenga**

Iyo ikinyazina ngenera gikurikiwe n'ikinyazina ngenga byandikwa mu ijambo rimwe.

**Ingero**

- Umwana wange
- Umurima wacu
- Ishati yawe
- Amafaranga yabo

**Impakanyi "nta"**

Impakanyi "nta" yandikwa ifatanye n'inshinga itondaguye iyikurikiye ariko iyo ikurikiwe n'ubundi bwoko bw'ijambo biratandukana.

**Ingero**

- Iwacu ntawurwaye
- Muri iri shuri ntabatsinzwe
- Ya nka ntayagarutse
- Nta we mbona
- Nta cyo ndwaye

## Ibinyazina ngenga ndangahantu

Ibinyazina ngenga byo mu nteko ndangahantu "ho", "yo", "mo (mwo)" n'akajambo "ko" bifatana n'inshinga bikurikiye, keretse iyo iyo nshinga ari "ni" cyangwa "si".

**Ingero**

- Wa mugabo nimusangayo turagenderako ntitugaruka.
- Ya nama yayivuyemo.
- Kuki yamwihomyeho?
- Ni ho mvuye.
- Si ho ngiye.

## Akajambo "ko"

Akajambo "ko" kunga inyangingo ebyiri kandikwa gatandukanye n'amagambo agakikije.

**Ingero**

- Mwarimu avuze ko dukora imyitozo.
- Ndatekereza ko baduhembye.

Urujyano rurimo ijambo "ngo" kimwe n'ibinyazina "wa wundi", "bya bindi", "aho ngaho", "uwo nguwo".

Urujyano rurimo ijambo "ngo" kimwe n'ibinyazina: "wa wundi", "bya bindi", "aho ngaho", "uwo nguwo", n'ibindi biremetse nka byo byandikwa mu magambo abiri.

**Ingero**

- Kugira ngo wa wundi adasanga wagiye, ukwiye kuba ugumye aho ngaho.
- Bwira uwo nguwo yinjire.
- Fata aka ngaka, ibyo ngibyo bireke.

## Ijambo "ni" rikurikiwe n'inshinga irimo inshoza yo "gutegeka" no "guteganya"

Ijambo "ni" rikurikiwe n'inshinga ifite inshoza yo "gutegeka" cyangwa iyo "guteganya" ryandikwa rifatanye na yo.

**Ingero**

- Nimugende mudasanga imodoka yabasize.
- Nimugerayo muzamundamukirize.

### Amagambo yerekana ibihe n'ahantu

Amagambo yerekana ibihe yandikwa mu ijambo rimwe: "nimunsi", "nijoro (ninjoro)", "nimugoroba", "ejobundi".

**Ingero**

- Aragera ino nijoro.
- Araza nimugoroba.
- Yatashye ejobundi.

Ijambo "munsi" ryerekana ahantu na ryo ryandikwa mu ijambo rimwe.

**Urugero**

- Imbeba yihishe munsi y'akabati.

### Amagambo "ku" na"mu"

Amagambo "ku" na "mu" yandikwa atandukanye n'ikinyazina ngenera ndetse no mu magambo "ku wa" na "mu wa" abanziriza itariki cyangwa umubare mu izina ry'umunsi.

**Ingero**

- Sindiho ku bwabo.
- Navutse ku wa 12 Ugushyingo.
- Azaza ku wa Mbere.
- Yiga mu wa kane.

### Ijambo "saa"

Ijambo "(i)saa", rikurikiwe n'umubare byerekana isaha byandikwa mu magambo atandukanye.

**Ingero**

- Abashyitsi barahagera saa tatu.
- Isaa kenda nizigera ntaraza wigendere

### Imigereka ndangahantu

Imigereka ndangahantu iremewe ku ndangahantu "i" (imuhira, iheru, iburyo, ibumoso, ivure, ikambere, imbere, ibwami, inyuma…) n'amagambo akomoka kuri "i" y'indangahantu ikurikiwe n'ikinyazina ngenera "wa", n'ikinyazina ngenga yandikwa mu ijambo rimwe.

**Ingero**

- Nujya iburyo ndajya ibumoso.
- Mbwirira abari ikambere bazimanire abashyitsi.
- Nuza iwacu nzishima.

### Indangahantu "i" ikurikiwe n'izina bwite ry'ahantu

Iyo "i" y'indangahantu ikurikiwe n'izina bwite ry'ahantu yandikwa itandukanye n'iryo zina.

**Ingero**

- i Kirinda
- i Muyunzwe

### Inshinga mburabuzi "ri"

Inshinga mburabuzi "ri" iyo ikoreshejwe mu nyangingo ngaragira yandikwa itandukanye n'ikinyazina kiyibanziriza n'ikiyikurikira.

**Ingero**

- Itegeko rihana umuntu uwo ari we wese wangiza umutungo wa Leta.
- Ibyo ari byo byose sindara ntaje kukureba.
- Sinzi uwo ari we.
- Sinzi uwo uri we.
- Sinzi abo muri bo.

### Amagambo arema inyumane

Amagambo afatiwe hamwe akarema inyumane y'umugereka, inyumane y'icyungo, cyangwa iy'irangamutima akomoka ku binyazina bitakibukirwa amazina bisimbura yandikwa afatanye.

Nyamara iyo ahuje ishusho n'izo nyumane kandi ibinyazina bikerekeza ku kintu kizwi cyangwa kibukwa mu buryo bugaragara, byandikwa bitandukanye.

**Ingero**

- Niko? Uraza?
- Uko arya ni ko angana.
- Urahinga nuko uteza.
- Uku kwezi ni uko guhinga.
- Amutumaho nuko araza.
- Ukuboko ashaka ni uko.

### Amagambo ashingiye ku isubiramo

Amagambo ashingiye ku isubiramo yandikwa afatanye.

**Ingero**

- Perezida yavuze ijambo arangije abari aho amashyi ngo: ''kacikaci!''
- Babwire bage binjira umwumwe.
- Mugende babiribabiri.

### Imyitozo n'ibisubizo

Kosora aho ari ngombwa:

(a) Ako nako niko ko nta ko ntagize ngo kamere nka bwabundi. (Ako na ko ni ko, ko ntako ntagize ngo kamere nka bwa bundi.)

b) Tugomba gukora vubavuba uyu mwitozo mu matsinda ya bane bane kugirango tuzawurangize nibura ejo bundi mu gitondo. (Tugomba gukora vubavuba uyu mwitozo mu matsinda ya banebane kugira ngo tuzawurangize nibura ejobundi mu gitondo.)

c) Yaje ni uko arambwirango njyane yo nabo gusura wa mwana; nawe numuntu nk'abandi. (Yaje nuko arambwira ngo njyaneyo na bo gusura wa mwana; na we ni umuntu nk'abandi.)

### Imyandikire y'amazina bwite

Amazina bwite y'ahantu afite indomo.

Amazina bwite y'ibihugu n'ay'uturere afite indomo yandikwa atandukanye n'iyo ndomo; iyo ndomo ikandikwa mu nyuguti nto, keretse iyo itangira interuro.

**Ingero**

- A Marangara n'i Gisaka ni tumwe mu turere twa kera tuvugwa mu mateka y'u Rwanda.
- U Rwanda rurigenga.
- U Mutara wera ibigori, ibitoki n'ibishyimbo.
- U Bubirigi buri mu majyaruguru y'uburasirazuba bw'u Bufaransa.

### Amazina bwite y'abantu arenze rimwe

Amazina bwite y'abantu arenze rimwe akurikirana muri ubu buryo: habanza izina yahawe akivuka, hagakurikiraho andi mazina y'inyongera.

**Ingero**

- UWASE Ikuzo Laurette
- VUBI Pierre
- KARIMA Biraboneye
- MUNEZERO Salima

### Amazina bwite y'abantu n'ahantu y'amavamahanga

Amazina bwite y'abantu n'ahantu y'amavamahanga atari ay'idini n'amazina bwite y'ibihugu n'ay'uturere y'amahanga yandikwa uko avugwa mu Kinyarwanda, nyuma bagashyira mu dukubo uko asanzwe yandikwa mu rurimi akomokamo.

**Ingero**

- Enshiteni (Einstein)
- Shumakeri (Schumacher)
- Ferepo (Fraipont)
- Cadi (Tchad)
- Kameruni (Cameroun/Cameroon)
- Wagadugu (Ouagadougou)
- Ositaraliya (Australie/Australia)

### Amazina y'idini

Amazina y'idini yandikwa nk'uko yanditswe mu gitabo k'irangamimerere akaza akurikira izina umuntu yahawe akivuka cyangwa izina rindi rifatwa nka ryo. Izina rya mbere ryandikwa mu nyuguti nkuru naho izina ry'idini rikandikwa mu nyuguti ntoya, ritangijwe inyuguti nkuru.

**Ingero**

- KARERA John
- KEZA Jane
- KAMARIZA Jeanne
- RUTERANA Abdul
- MFIZI Yohana

Amazina bwite yatanzwe kandi yakoreshejwe mbere y'aya mabwiriza akomeza kwandikwa uko yari asanzwe yandikwa.

**Ingero**

- Intara y'Amajyepfo
- Umujyi wa Kigali
- Akarere ka Rulindo
- Akagari ka Cyimana
- Umurenge wa Cyeru

### Imyitozo n'ibisubizo

Kosora niba ari ngombwa

a) Yohani Kayitare yambwiye ko URwanda n'Uburundi ari ibihugu byaboneye ubwigenge icyariwe. (KAYITARE Yohani yambwiye ko u Rwanda n'u Burundi ari ibihugu byaboneye ubwigenge icyarimwe.)

b) Mbere y'ubwigenge, igihugu cya Belgique ni kimwe mu byakoronije u Rwanda. (Mbere y'ubwigenge, igihugu cy'u Bubirigi (Belgique) ni kimwe mu byakoronije u Rwanda.)

## Imikoreshereze y'utwatuzo n'ibimenyeso byihariye

### Utwatuzo

1. **Akabago/akadomo (.):** Gasoza interuro ihamya n'interuro iri mu ntegeko.

**Ingero**

- Umwana mwiza yumvira ababyeyi.
- Utazi ubwenge ashima ubwe.
- Mpereza icyo gitabo.

2. **Akabazo (?):** Gasoza interuro ibaza.

**Ingero**

- Uzajya i Kigali ryari ngo tuzajyane?
- Wabonye amanota angahe?

3. **Agatangaro (!):** Gasoza interuro itangara, kagashyirwa n'inyuma y'amarangamutima.

**Ingero**

- Mbega ukuntu kino kiyaga ari kinini!
- Ntoye isaro ryiza mama weee!

4. **Akitso (,):** Gakoreshwa mu nteruro kugira ngo bahumeke akanya gato.

**Ingero**

- Umunyeshuri ushaka kujijuka, yirinda gusiba, ntakubagane mu ishuri kandi agakurikiza inama za mwarimu.
- Abagiye inama, Imana irabasanga.

5. **Uturegeka (…):** Dukoreshwa iyo berekana irondora ritarangiye, interuro barogoye cyangwa iyo mu nteruro hari ijambo bacikije.

**Ingero**

- Mu rugo rwa Kinyarwanda habaga ibikoresho byinshi: ibibindi, ibyansi, ishoka, ibitebo, isekuru…
- Baragenda ngo bagere ku Ruyenzi bahahurira na mwene... simuvuze nzamuvumba!

6. **Utubago tubiri (:):** Dukoreshwa mu nteruro iyo hari ibigiye kurondorwa, gusobanurwa cyangwa iyo bagiye gusubira mu magambo y'undi.
   - Dukoreshwa kandi inyuma y'ingirwanshinga "-ti" n'ijambo "ngo".

**Ingero**

- Burya habaho imirimo myinshi: guhinga, kubaka, kubaza n'ibindi.
- Mariya ati: " Ibyo uvuze bingirirweho".
- Mu Kinyarwanda baravuga ngo: "Ifuni ibagara ubucuti ni akarenge".

7. **Akabago n'akitso (;):** Bikoreshwa mu nteruro kugira ngo batandukanye inyangingo ebyiri ziremye kimwe kandi zuzuzanya.

**Urugero**

- Gusoma neza si ugusukiranya amagambo; gusoma neza ni no kumva ibyo usoma.

8. **Utwuguruzo n'utwugarizo (" "):** Dukikiza amagambo y'undi asubirwamo, imvugo itandukanye n'imvugo isanzwe, cyangwa ingingo igomba kwitabwaho.
Dukikiza amagambo ateruwe n'ingirwanshinga "-ti" n'ijambo "ngo".
Dukoreshwa na none iyo hari inyito ikemangwa cyangwa kugira ngo bakikize amazina nteruro n'amazina y'inyunge agizwe n'amagambo arenze ane.
Dukoreshwa kandi mu magambo y'amatirano atamenyerewe mu Kimyarwanda.

**Ingero**

- Igikeri kirarikocora kiti: "Kuba mu bibuba si ko guhunika ibigega".
- Nuko ya "nyamaswa" iravumbuka maze havamo umusore mwiza.
- Ubwo "Inshyikanya ku mubiri ya Rugema ahica" aba arahashinze.
- Ibyo nabisomye kuri "internet".

9. **Akuguruzo n'akugarizo kamwekamwe (''):** Dukoreshwa iyo utwuguruzo n'utwugarizo twinjira mu tundi mu nteruro.

**Urugero**

- Umugaba w'ingabo ati: "Ndashaka ko 'inshyikanya ku mubiri ya rugema ahica' aza hano".

10. **Udukubo ():** Dukikiza amagambo cyangwa ibimenyetso bifite icyo bisobanura cyangwa icyo byuzuza mu nteruro.
Banadukoresha iyo bashaka kwerekana uko amazina bwite y'amanyamahanga yanditswe mu Kinyarwanda bayandika mu ndimi akomokamo.
Dukikiza kandi umubare wanditse mu mibarwa mu nteruro iyo uwo mubare wabanje kwandikwa mu nyuguti.
Twerekana n'ibihekane cyangwa inyuguti bidakunze gukoreshwa.

**Ingero**

- Umuyobozi w'Akarere yabwiye abaturage ko kugira ngo barwanye inzara, bagomba gushoka ibishanga (impeshyi yari yabaye ndende) kandi kwirirwa banywa bakabifasha hasi.

- Bisimariki (Bismarck)
- Koreya (Korea)
- Kamboje (Cambodge)
- Igihembo twumvikanyeho ni amafaranga y'amanyarwanda ibihumbi magana atanu (500 000 Frw).
- (I) cyangwa (vy)

11. **Akanyerezo (-):** Gakoreshwa mu kiganiro kugira ngo berekane ihererekanywa cyangwa iyakuranwa ry'amagambo.

**Urugero**

- Wari waragiye he?
- Kwa Migabo.

Gakoreshwa kandi bakata ijambo ritarangiranye n'impera y'umurongo, bikurikije imiterere y'umugemo.

**Urugero**

- Semarinyota yansabye ko tuzajya-na i Rukoma, ariko nzamwemerera.
- Kanakoreshwa imbere n'inyuma y'interuro ihagitse.

**Urugero**

- Ejo nzajya mu misa - sinzi niba wari uzi ko nsigaye njyayo - ntuzantegereze mbere ya saa sita.

12. **Udusodeko ([ ]):** Dukikiza intekerezo cyangwa insobanuro bongeye mu mvugo isubira mu magambo y'undi.

**Urugero**

Yaravuze ati: "Sinshobora kurara ntariye inkoko [ayo yari amirariro], keretse narwaye".

- Dukoreshwa kandi berekana ibyo banenga mu magambo y'undi.

**Urugero**

Yaranditse ati: "Ikinyarwanda ni ururimi ruvugwa n'abatu [ikosa] benshi muri Afurika yo hagati".

- Tunakoreshwa mu magambo y'undi mu kugaragaraza ko hari ayavanywemo cyangwa yasimbutswe.

**Urugero**

Aravuga ati: "Nimureke abana bansange [...] ntimubabuze".

13. **Agakoni kaberamye (/):** Gakoreshwa mu kwandika amatariki, inomero z'amategeko no mu mwanya w'icyungo "cyangwa".

**Ingero**

- Kigali, ku wa 15/10/2012.
- Itegeko Nº 01/2010 ryo ku wa 29/01/2010.

14. **Agakato ('):** Gakoreshwa bakata ibyungo, ibigenera iyo bikurikiwe n'inyajwi.

**Urugero**

Amashuri y'imyuga

**Ibibazo n'ibisubizo**

Shyira utwatuzo dukwiye aho ari ngombwa

Uriya mwana ko mbona arira yakubisw na nde. Genda umumbwirire uti icecekere.

- Uriya mwana ko mbona arira yakubiswe na nde? Genda umumbwirire uti: "Icecekere".

Yoo, mbese ni uku wabaye. Umaze igihe kinganaiki urwaye se

- Yoo! Mbese ni uku wabaye! Umaze igihe kingana iki urwaye se?

Kurya neza si ukurya ibihenze, kurya neza ni ukurya ibifite intungamubiri.

- Kurya neza si ukurya ibihenze; kurya neza ni ukurya ibifite intungamubiri.

## Imikoreshereze y'inyuguti nkuru

**Inyuguti nkuru ikoreshwa aha hakurikira:**

1. Mu ntangiriro y'interuro.

**Urugero**

Ifuni ibagara ubucuti ni akarenge.

2. Nyuma y'akabago, akabazo n'agatangaro.

**Ingero**

- Twese duhagurukire kujijuka. Wabigeraho ute utazi gusoma? Ntibishoboka.
- Ntoye isaro ryiza shenge wee! Reka nge kuryereka nyogokuru.

3. Nyuma y'ingirwanshinga "-ti" n'ijambo "ngo" bikurikiwe n'utubago tubiri n'utwuguruzo. Ariko inyuguti nkuru ntitangira amagambo asubirwamo iyo uwandika yayatangiriye hagati mu nteruro yakuwemo.

**Ingero**

- Kankindi arasubiza ati: "Ibyo uvuze bingirirweho".
- Igihe Kankindi yavugaga ati: "Bingirirweho", yari yaramaze gusabwa na Kamana.

4. Ku nyuguti itangira imibare iranga iminsi, amazina y'amezi n'ay'ibihe by'umwaka.

**Ingero**

- Ku wa Gatanu, ku wa Gatandatu.
- Ugushyingo gushyira Ukuboza
- Mu Rwanda haba ibihe bine by'ingenzi: Urugaryi, Itumba, Iki (Impeshyi) n'Umuhindo.

5. Ku nyuguti itangira amazina bwite y'abantu, ay'inzuzi n'ay'ahantu, kabone nubwo indomo itangira izina ry'ahantu yaba yatakaye.

**Ingero**

- Rutayisire atuye i Huye hafi ya Cyarwa.
- Mu Mutara hera ibigori.
- I Washingitoni (Washington) ni ho hari ikicaro cya Banki y'Isi.
- Uwitwa Enshiteni (Einstein) yari umuhanga cyane.

6. Ku nyuguti itangira amazina y'imirimo, ay'inzego z'imirimo n'ay'amashyirahamwe.

**Ingero**

- Bwana Muyobozi w'Akarere,
- Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi
- Umuryango w'Abibumbye
- Koperative Dufatanye

7. Ku nyuguti itangira amazina y'impamyabushobozi, ay'icyubahiro, ay'inzego z'ubutegetsi, ay'ubwenegihugu n'amoko, ay'indimi, ku mazina y'ibikorwa byamamaye mu mateka no ku nyuguti itangira ijambo "igihugu" iyo rivuga u Rwanda.

**Ingero**

- Dogiteri Karimanzira
- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika
- Umurenge wa Nyarugenge
- Abanyarwanda barimo Abasinga n'Abagesera
- Dukwiye guteza imbere Ikinyarwanda.
- Mu Ntambara ya Kabiri y'Isi Yose hapfuye abantu benshi.
- Umwami Mutara III Rudahigwa ni umwe mu ntwari z'Igihugu.

8. Ku nyuguti itangira umutwe w'inyandiko, igitabo cyangwa ikinyamakuru.

**Ingero**

- Nujya mu mugi ungurire Imvaho Nshya.
- Musenyeri Kagame Alegisi ni we wanditse Indyoheshabirayi.

9. Izina bwite umuntu yahawe akivuka cyangwa irindi rifatwa nka ryo riri ku ntangiriro no ku mpera y'inyandiko (nk'ibaruwa, nk'itegeko, nk'umwandiko uwo ari wo wose,...) no mu rutonde rw'amazina y'abantu ryandikwa ryose mu nyuguti nkuru.

   Nyamara rikandikwa mu nyuguti nto uretse inyuguti iritangira yandikishwa inyuguti nkuru mu mwandiko hagati.

**Ingero**

- GAHIRE Rose
- UMURISA Keza
- BUTERA Simoni
- Nagiye kwa Gahire Rose anyakira neza.

**Imyitozo n'ibisubizo**

Kosora amakosa ari muri izi nteruro utange itegeko rituma uyita amakosa.

Ku wa Gatanu no ku wa Gatandatu tuzajya dukora inama.

(Inyuguti nkuru ikoreshwa kandi ku nyuguti itangira imibare iranga iminsi, amazina y'amezi n'ay'ibihe by'umwaka.)

Minisiteri y'uburezi yavuguruye ikigo k'igihugu gishinzwe integanyanyigisho.

- Minisiteri y'Uburezi yavuguruye Ikigo k'Igihugu Gishinzwe Integanyanyigisho. (Amazina y'inzego z'ubutegetsi atangizwa n'inyuguti nkuru).

U Rwanda ni igihugu cyo muri afurika yo hagati.

- U Rwanda ni igihugu cyo muri Afurika yo hagati. (Amazina y'ibihugu afite inyajwi yandikwa atandukanye na yo, iyo inyajwi itangira interuro yandikishwa inyuguti nkuru, yaba iri hagati mu nteruro ikandikishwa inyuguti nto.)

**Inshamake**

Hari amategeko agenga imyandikire y'ururimi rw'Ikinyarwanda agomba gukurikizwa kugira ngo imyandikire ibe inoze. Hari ayerekeye imyandikire y'inyajwi, ingombajwi n'ibihekane, imyandikire y'amagambo y'inyunge, imyandikire y'amagambo afatana n'adafatana, imyandikire amazina bwite, imikoreshereze y'utwatuzo n'imikoreshereze y'inyuguti nkuru.

# Imyitozo n'ibisubizo by'isuzuma rusange risoza umutwe wa gatatu

## (Amasomo 4)

**(Reba ku rupapuro rwa 104 kugera ku rwa 108)**

Iri suzuma rigenerwa amasomo ane; abiri yo gukora ibibazo ku mwandiko no ku kibonezamvugo, imwe yo gusuzuma ubumenyi ngiro bwo kujya impaka n'isomo rimwe ryo kurikosora mu ishuri umwarimu agaragaza aho buri munyeshuri afite ibibazo.

## Urugero rw'imiterere y'ibibazo umwarimu yabaza, yubahiriza ibigenderwaho mu isuzuma n'iibisubizo bishoboka

**Kumva no gusesengura umwandiko**

1. **Kuki Nyirakanyana yumvaga yatandukana na Karisa? Yabibujiwe n'iki**?
   - Ni ukubera ko nta buringanire n'ubwuzuzanye mu mirimo yo mu rugo bwari hagati ye na Karisa. Yabibijijwe n'abaturanyi bamugiraga inama yo kutisigira abana.

2. **Ni iki kigaragaza imibereho mibi abana ba Karisa bagize nyina ari mu bitaro**?
   - Ntibari bazi guteka bityo bakarya ibiryo byashiriye, birimo umunyu mwinshi cyangwa amavuta menshi. Ntabashoboraga kwimesera no koga neza bigatuma bambara imyenda yacoceye n'amaga akabarenga,...

3. **Vuga ingaruka umuryango wa Karisa wagize kubera kutuzuzanya mu mirimo yo mu rugo**?
   - Wagize igihombo kinini igihe Nyirakanyana yabaga mu bitaro: ibikoresho byo mu rugo byarangiritse, imyenda y'abana ntiyameswa, abana babaho nabi banasubira inyuma mu ishuri, nta cyo bigeze basarura mu byo bari barahinze,...

4. **Nyira kanyana ajya mu bitaro yari yasize ahinze umurima w'ibirayi. Yakuyemo umusaruro umeze ute? Kubera iki?**
   - Nta musaruro yakuyemo kubera ko ibirayi byabuze umuntu wo kubyufirira no kubitera umuti.

5. **Kuki abana ba Karisa basubiye inyuma mu shuri? Utekereza ko mbere byaterwaga n'iki kugira ngo bagire amanota meza**?
   - Ni uko babuze ubafasha gusubiramo amasomo yabo mu gihe Nyirakanyana yari yarabamenyereje kubafasha. Ikindi bagiraga imirimo myinshi bakabura igihe cyo kureba mu makayi yabo.

6. **Ni ubuhe buzima bushya Karisa na Nyirakanyana batangiye**?
   - Batangiye ubuzima bushya bwo kuzuzanya mu rugo muri byose.

7. **Usibye kutuzuzanya mu mirimo yo mu rugo uwavuga ko Karisa yahohoteye umugore we yaba yibeshye? Sobanura igisubizo cyawe**.
   - Yaba atibeshye. Yamuhohoteye amubuza kugira ahandi yaka akazi kandi amurambagiza yari umwarimukazi wize amashuri nderabarezi.
8. **Garagaza akamaro k'ibiganiro, ku bashakanye, kagaragara mu mwandiko**.
   - Iyo abashakanye baganiriye ku bitagenda neza ufite amakosa arayumva akaba yahinduka. Karisa amaze kubwirwa na Nyirakanyana ingaruka zo kutuzuzanya kwabo mu mirimo yo mu rugo, Karisa yisubiyeho batangira ubuzima bushya bwo kuzuzanya.
9. **"Karisa iyo yahembwaga amafaranga yo guhaha yayashyiraga ku kameza kabaga imbere y'uburiri akigendera akagaruka aryama." Ni iyihe nama wagira Karisa?**
   - Amafaranga si yo aba akenewe gusa, ahubwo no kuganira ku byo azakoreshwa n'uburyo azakoreshwa biba bikenewe.
10. **Kuki Karisa avuga ko yibutse ibitereko yasheshe**?
    - Ni ukuberako amenye akamaro k'uburinganire n'ubwuzuzanye bamaze guhomba ibintu byinshi. Iyo aba yarabimenye mbere ziriya ngaruka ntizari kubageraho.

## Inyunguramagambo

a) Garagaza amagambo yakoreshejwe mu mwandiko asobanura:
   - Yararumbije (**Ntiyagezemo**)
   - Kuzinduka kare cyane (**Kuzinduka iya Marumba**)
   - Ibintu ni magiririrane (**Inkingi imwe ntigera inzu**)
   - Kwangirika (**kononekara**)
   - Kwicecekera (**kwinumira**)

   Koresha amagambo akurikira mu nteruro zigaragaza ko wumva icyo asobanura

b) Garagaza imbusane z'amagambo atsindagiye muri izi nteruro:
   - Bukeye amusaba imbabazi ku byabaye byose (**Bwije**)
   - Karisa atashye aramwegera amuganiriza afite ishavu n'agahinda. (**ibyishimo byinshi**)

- Iyo batabiryaga byashiriye byababaga birimo umunyu w'igisoryo (**muke cyane**)

c) Koresha aya magambo akurikira mu nteruro zigaragaza ko wumva icyo asobanura:

- **Gukwakwanya** (Reka nkwakwanye iyi mirimo nyirangize ntaza gukererwa kujya mu misa.)
- **Kwinumira** (Nabibonye ariko kubera ko ntashakaga kubibereka mpitamo kwinumira sinabibabwira.)
- **Kugira inkomanga** (Namukoreye ikosa sinamusaba imbabazi none buri gihe iyo duhuye ngira inkomanga ku mutima.)

**Ikibazo cyo gusuzuma ubushobozi bwo gukora ikiganiro mpaka akurikiranya neza ibitekerezo bye**

Aha umwarimu areba uko umunyeshuri ajya impaka atanga ibitekerezo bye kandi yubaha n'ibitekerezo bya bagenzi be, abisenya mu kinyabupfura. Umwarimu kandi areba uko uyobora ikiganiro yubahiriza inshingano ze. Umwarimu areba niba abanyeshuri bageze ku mwanzuro ukwiye.

## Urugero rw'umwanzuro ushaboka

"Mu bashakanye nta n'umwe ufite inshingano izi n'izi. Bose bagomba gufatanya muri byose ubonye akazi kazana amafaranga akagakora bagahuriza hamwe muri byose."

**Ibibazo byo gusuzuma ubushobozi bwo kwandika yubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda**

Kosora aho biri ngombwa amakosa agaragara muri aka gace k'inyandiko yo mu kinyamakuru

> Hari abagabo bumva ko iryo hame ngo ryaje kubasumbanisha n'abagore ngo rituma abagore batacyubaha mungo bigatuma abagabo batabyumva neza bakaba banahohotera abagore babo bakanabasiganya mu mirimo y'urugo."
>
> Kurundi ruhande hari naho usanga abagore nabo barabyumvishe nabi kuburyo nabo basiganya abagabo babo kandi bose bagakwiye kuzuzanya.
>
> Kuko kwigisha ar'uguhozaho inzego z'ubuyobozi zikaba zasabwe kugumya kujya barushaho gusobanura ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye kugirango ritaba intandaro y'ubutane hagati y'abashakanye.

**Igisubizo**

Hari abagabo bumva ko iryo hame ngo ryaje kubasumbanisha n'abagore babo, ngo rituma abagore batacyubaha mu ngo, bigatuma abagabo batabyumva neza bakaba banahohotera abagore babo bakanabasiganya mu mirimo y'urugo.

Ku rundi ruhande hari n'aho usanga abagore na bo barabyumvise nabi ku buryo na bo basiganya abagabo babo kandi bose bagakwiye kuzuzanya.

Kubera ko kwigisha ari uguhozaho inzego z'ubuyobozi zikaba zisabwe kuguma kujya zirushaho gusobanura ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye kugira ngo ritaba intandaro y'ubutane hagati y'abashakanye.

# Umutwe wa gatatu

# Kubungabunga ubuzima

## (Amasomo 14)

| Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe |
|---|
| 1. Gusesengura umwandiko uvuga ku ndyo yuzuye.<br>2. Kwandika interuro bagaragaza ubutinde n'amasaku mu myandiko inyuranye. |

## Umwandiko: Amagara aramirwa ntamerwa

## (Amasomo 4)

**Igice cya mbere:** Kumva no gusobanura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 109 kugera ku rwa 112)**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura amagambo atari asobanukiwe.

- Gusobanura uko umwandiko ugaragaza indyo yuzuye.
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

**Ubumenyi ngiro:**

Gusoma neza umwandiko yumvikanisha ibyo asoma kandi agaragaza isesekaza.

**Ubukesha:**

- Gushishikariza abandi gutegura indyo yuzuye no kubikangurira bagenzi be .
- Gushishikarira gusoma ibitabo bitandukanye no kwitabira amasomero.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo.

## Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**

Umwarimu yereka abanyeshuri ishusho igaragaza umugore n'umugabo n'umwana bagaragaza imirire mibi, muganga abagira inama. Hanyuma akababaza ibibazo bituma bavumbura ibyerekeye umwandiko bagiye gusoma.

**Urugero**

a) Ni iki mubona kuri aya mashusho?
   - Turahabona umugabo n'umugore n'umwana bari kwa muganga
b) Murabona umuryango usa ute?
   - Umwana yarwaye bwaki.
c) Bwaki iterwa n'iki?
   - Bwaki ni indwara iterwa n'indyo ituzuye idafite intungamubiri zihagije.
d) Hagire uduha urugero rw'imirire mibi n'ingaruka zayo.
   - Abanyeshuri batanga ingero zinyuranye zigaragaza imirire mibi n'ingaruka zayo.
e) Mutekereza ko muganga arimo kubabwira iki?
   - Muganga arabagira inama yo kujya bagaburira umwana wabo indyo yuzuye.

2. **Gusoma**

2.1 **Gusoma bucece**

Umwarimu abwira abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari umwandiko "Amagara aramirwa ntamerwa" akabasaba kuwusoma bucece nyuma akawubabazaho ibibazo rusange.

**Urugero rw'ibibazo yababaza**

a) Ni ba nde bavugwa muri uyu mwandiko?
   - Ni abagize umuryango wa Simbizi.

b) Bafite kibazo ki?
   - Bafite ikibazo k'imirire mibi

c) Ni nde imirire mibi yagizeho ingaruka zikabije?
   - Ni umwana mutoya

2.2 **Gusoma baranguruye**

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko umwumwe, igika ku gika, baranguruye ijwi kugeza umwandiko urangiye. Umwarimu akurikirana uko basoma akosora aho bajijinganyije, aho basomye barya amagambo cyangwa batubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

3. **Gusobanura umwandiko**

3.1 **Inyunguramagambo no gusubiza ibibazo ku mwandiko**

Barangije gusoma, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo batasobanukiwe kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko, we akagenzura uko abanyeshuri barimo gukorera hamwe mu matsinda anyuranye.

Nyuma y'iki gikorwa umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda.

Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye bakabyandika ku kibaho.Usibye ibibazo byatanzwe mu gitabo cy'umunyeshuri, umwarimu ashobora no kubaza abanyeshuri ibindi bibazo bitari mu gitabo cy'umunyeshuri ariko bijyanye n'umwandiko wizwe.

## Urugero rw'amagambo basobanurira mu matsinda

| | |
|---|---|
| **Amagara** | Ubuzima bw'umuntu |
| **Itumba** | Igihe k'imvura nyinshi, kuva mu kwezi kwa kabiri (Gashyantare) kugeza mu kwa Gatanu (Gicurasi) |
| **Gashogoro** | Igihe k'imvura iringaniye gikurikira umuhindo, ibishyimbo biba bifite uruyange n'imishogoro myinshi. Mu ngo zimwe na zimwe ibishyimbo biba byarashize kubera ihinga ku buryo batungwa n'umushogoro. |
| **Guhanyura** | Kurya ibijumba cyangwa ubugari nta burisho. |
| **Kunegekara** | Kurwara ukaremba cyane. |
| **Umupfumu** | Umuntu ubwira abantu ko abahanurira ibizababaho kandi akabavura n'indwara zinyuranye, bakamuha amafaranga, inzoga, ibiribwa n'amatungo. Akenshi arababeshya ugasanga abantu barahaguye. |
| **Guteza inzuzi** | Kujya kureba umupfumu ngo akubwire indwara urwaye anakuvure. Babyita **kuraguza**. Umupfumu we **araragura**, **atera inzuzi**. |
| **Gukayuka** | Gushiramo amazi cyangwa uburyohe. |

3.2 **Umwitozo w'inyunguramagambo**

Gutanga ibisobanuro by'imvugo zikurikira:

**Amagara aramirwa ntamerwa**: Kugira ubuzima ntibiterwa n'uko wavutse ahubwo biterwa no kurya neza

**Inzira ntibwira umugenzi**: Ntawumenya ibizamubaho aramutse abimenye mbere yabyirinda.

**Iby'abapfu biribwa n'abapfumu**: Kuyoboka abapfumu ukananirwa kujya kwa muganga ni ukubura ubushishozi.

3.3 **Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko**

a) Ni ba nde bavugwa muri uyu mwandiko?

- Abavugwa mu mwandiko ni abo mu muryango wa Simbizi.

b) Bafite kibazo ki? Cyatewe n'iki?

- Bafite ikibazo k'imirire mibi yatumye umwana wabo arwara bwaki, bo bakabyitirira amarozi kubera ubujiji.

c) Ni nde imirire mibi yagizeho ingaruka zikabije?

- Ingaruka zikabije z'imirire mibi zabaye ku mwana wabo.

d) Bamuvuje kwa nde?

- Bitabaje umupfumu, kera kabaye bamujyana kwa muganga ari na ho yakiriye.

e) Nyuma yo gutakaza igihe ku mupfumu bafashe ikihe kemezo?

- Bafashe ikemezo cyo kumujyana kwa muganga no gukurikiza inama zose yabahaye.

f) Ni iki cyahindutse ku buzima bwabo?

- Bitabiriye guhinga kijyambere maze bihaza mu biribwa, bagaburira abana babo indyo yuzuye, yiganjemo imboga n'imbuto. Indwara zabakurakuranwagaho zacitse burundu mu rugo rwabo.

g) Akamaro k'indyo yuzuye ni akahe ukurikije ibiri mu mwandiko?

- Kurya indyo yuzuye bituma umuntu agira ubuzima bwiza, ntarwaragurike kandi akagira imbaraga zituma akorera umuryango we n'igihugu ke.

h) Ni izihe ngaruka ziterwa no kubura indyo yuzuye?

- Kubura indyo yuzuye bituma umubiri utakaza ubudahangarwa ugasanga umuntu ararwaragurika kuko umubiri we uba warahindutse indiri y'udukoko dutera indwara zinyuranye, kandi agasaza imburagihe. Kutiga neza kw'abana, gukuramo inda cyangwa kubyara udashyitse ku bagore batwite....

i) Iyo umuryango wa Simbizi uza kukugisha inama ku byerekeye kuvuza umwana wabo mbere y'uko bajya mu bapfumu wari kubagira iyihe nama?

- Nari kubasubiza ko umupfumu atize iby'ubuvuzi, nkabagira inama yo kujya kwa muganga .

j) Vuga ibindi bitari mu mwandiko bigaragaza ingaruka z'indyo ituzuye ku buzima n'imibanire mu muryango.

- Ibindi bigaragaza ingaruka z'indyo ituzuye ni ukurwaragurika bigatuma ubukungu bw'urugo buhungabana, kubura umwanya wo gukora kubera uburwayi buguhoza kwa muganga, inzangano ziterwa no gushakisha nyirabayazana w'indwara, indwara zidakira ziterwa no kubura kw'intugamubiri iyi n'iyi ndetse bishobora no kugeza ku rupfu.

## **Igice cya kabiri:** Gusesengura umwandiko

**( Igitabo cy'umunyeshuri urupupapuro rwa 112)**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gutahura ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusesengura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko no guhina umwandiko.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira gusoma ibitabo bitandukanye no kwitabira amasomero.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, ibyuma bigaragaza inyandiko cyangwa amashusho (imfashanyigishi z'iyumvabona).

### Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**

   Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma baranguruye umwumwe igika ku kindi umwandiko "**Amagara aramirwa ntamerwa**" kugira ngo bawiyibutse.

2. **Gusesengura umwandiko**

   Umwarimu asaba abanyeshuri gusomera umwandiko wose mu matsinda akabasaba kugaragaza ingingo z'ingenzi zigize umwandiko "Amagara aramirwa ntamerwa" no gukora inshamake yawo.

**Ingingo z'ingenzi**

- Kurwara k'umwana wa Simbizi bitewe n'imirire mibi no kujya kuraguza bashakisha umuti wo kumuvuza.
- Ingaruka zo kuraguza mu rwego rwo kuvuza umwana.
- Kumenyeshwa na muganga ko umwana wabo arwaye bwaki n'inama ze.
- Kwitabira inama za muganga no kurya indyo yuzuye.
- Ibyitabwaho mu gutegura indyo yuzuye n'akamaro kayo.

**Urugero rw'inshamake**

Umuryango wa Simbizi wazahajwe n'imirire mibi, bigeze ku mwana wabo muto biba agahomamunwa. Simbizi n'umugore aho kumva inama z'abaturanyi birukira ku mupfumu. Bamaze kumuha ibyabo byose, bibutse kujya kwa muganga, ari ho babasobanuriye ko umwana wabo azakira abonye indyo yuzuye. Bamenye ko indyo yuzuye igizwe n'ibyubaka umubiri, ibiwutera imbaraga ndetse n'ibiwurinda indwara. Bigishijwe ko ibiribwa bashobora kubibona mu byo bahinga no mu bworozi bakwikorerera ubwabo. Basobanukiwe ko ibinure byinshi n'isukari mu mubiri bishobora kubatera indwara. Kuva rero bamaze gukurikiza inama za muganga n'izo ku kigo nderabuzima, bagize ubuzima buzira umuze.

## Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo

**( Igitabo cy'umunyeshuri urup. rwa 113)**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura insanganyamatsiko bunguranaho ibitekerezo.
- Gutondeka ibitekerezo hakurikijwe inyurabwenge.

**Ubumenyi ngiro:**

- Kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko bahawe.

**Ubukesha:**

- Gutinyuka gutanga ibitekerezo byabo mu ruhame.
- Gushishikariza abandi gutegura indyo yuzuye no kubikangurira bagenzi babo.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'inyandiko zinyuranye cyangwa ibitabo bivuga ku ihohoterwa.

## Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**

   Umwarimu asaba abanyeshuri gukorana mu matsinda (ya batanubatanu) mu kungurana ibitekerezo ku ngingo yanditse ku kibaho. Umwarimu abaha umwanya wo gukusanya ibitekerezo, nyuma y'igihe yabageneye akabahuriza hamwe bagatanga ibitekerezo bakusanyije mu ruhame. Bagenda batanga ibitekerezo, batanga n'ingingo zishyigikira ibitekerezo byabo kugira ngo bashobore kumvikanisha ibyo bavuga. Ibyo bemeje, bimaze kunonosorwa, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandika mu makaye yabo.

**Ingingo iganirwaho ni iyi ikurikira**

Mu bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere cyanecyane ibihugu by'Afurika biherereye mu magepfo y'utayu bwa Sahara hakunze kuboneka abantu bazahajwe n'imirire mibi. Ibyo biterwa n'iki? Ni izihe ngaruka zigaragara mu rwego rw'imiryango, mu rwego rw'igihugu? Ni izihe ngamba zafatwa kugira ngo icyo kibazo gikemuke?

### Ingero z'ibisubizo

| Impamvu | Ingamba zafatwa |
|---|---|
| **Ubujiji** | Gufata gahunda zo kwigisha abaturage kuri Leta no gushyira mu bikorwa izo gahunda ku baturage. |
| **Kutaringaniza imbyaro** | Gushishikariza abaturage kubyara abana bashoboye kurera bikozwe n'inzego z'imidugudu cyanecyane abajyanama b'ubuzima. |
| **Ubutaka butoya** | Abashinzwe ubuhinzi (abagoronome) n'abashinzwe iterambere bakangurire abaturage kubyaza umusaruro ubutaka buto bafite. |

| | |
|---|---|
| **Ubutaka butera** | Abashinzwe ubuhinzi (abagoronome) bashikarize abaturage gukoresha amafumbire y'ubwoko bwose. |
| **Kurobanura ibiribwa bitewe n'umuco** | Abantu bize basobanurire abatarize ko nta biribwa bibujijwe ko ikibujijwe ari ukurenza urugero. |
| **Ubukene bukabije** | Inzego zose zikangurire abantu kwitabira umurimo no kwibumbira mu makoperative. Abantu bafashanye kugira ngo bazamure na wa wundi utishoboye. |
| **Imihindagurikire y'ikirere ituma imyaka itera** | Inzego zose zikangurire abahinzi gufata amazi no guhinga ibihingwa bijyanye n'ibihe. Abashinzwe ubumenyi bw'ikirere bage bamenyesha iteganyagihe. |

**Umwanzuro umwarimu yafasha abanyeshuri kugeraho**: Izo gahunda zose urubyiruko ruri mu mashuri rugomba kuzigiramo uruhare mu biruhuko. Buri munyeshuri asabwa kuvuga uruhare yagira cyangwa agira muri gahunda yo kwikamakaza imirire myiza iwabo mu rugo.

# Umuvugo: Mpogazi na Magaramake

## (Amasomo 4)

## Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umuvugo

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 113 kugera ku rwa 115)**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura amagambo atasobanukiwe ari mu muvugo.
- Gusobanura uko umuvugo ugaragaza indyo yuzuye.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusoma umuvugo yubahiriza injyana n'iyitsa.
- Gusesengura umuvugo agaragagaza ingingo ziwugize.

**Ubukesha:**

- Gushishikariza abandi gutegura indyo yuzuye no kubikangurira bagenzi be .
- Gushishikarira gusoma ibitabo bitandukanye no kwitabira amasomero.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**

Umwarimu aganira n'abanyeshuri ku nsanganyamatsiko bamaze kwiga, ababaza ibiribwa bakunze kurya iwabo no ku ishuri bo bakaza kwivumburira niba indyo bakunze gufata yuzuye cyangwa niba ituzuye.

Birangiye, abasaba gufungura igitabo ahanditse umuvugo **"Mpogazi na Magaramake"** no kwitegereza ishusho ihari, ababaza ubwoko bw'ibiribwa babona bakavuga niba ari indyo yuzuye cyangwa se niba ituzuye.

2. **Gusoma**

2.1 **Gusoma bucece**

Umwarimu abwira abanyeshuri kurambura ibitabo byabo ahanditse umuvugo "Mpogazi na Magaramake" akabasaba gusoma bucece, barangiza akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

### Ingero z'ibibazo n'ibisubizo

(a) Ni nde mu muvugo bavuga ko yitwaraga nabi, agomba guhinduka?

- Ni Magaramake.

(b) Ibyo yakoraga ni ibiki?

- Yikundiraga inzoga ntakozwe kurya.

2.2 **Gusoma baranguruye**

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umuvugo umwumwe, bagenda bakuranwa, baranguruye ijwi kugeza umuvugo urangiye. Umwarimu akurikirana uko basoma akosora aho bajijinganyije, aho basomye barya amagambo cyangwa batubahiriza injyana n'isesekaza.

3. **Gusobanura umuvugo**

3.1 **Inyunguramagambo**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, akabasaba gushaka amagambo akomeye no kuyasobanura bakoresheje inkoranya ndetse no gukora umwitozo w'inyunguramagambo.

**Urugero rw'amwe mu magambo ashobora gukomerera abanyeshuri n'ibisobanuro byayo**

| | |
|---|---|
| **Mpogazi** | Izina ry'umuntu rivuga umuntu ubyibushye neza. |
| **Magaramake** | izina ry'umuntu akenshi aba ari irihimbano rivuga umuntu unanutse cyane utagira n'imbaraga. |
| **Ibibondo** | Abana bato. |
| **Isheja** | Ibyishimo umuntu aterwa n'igikorwa kiza yakoze. |
| **Ikirezi** | Umutako ufite ibara ry'umweru ukozwe mu ihembe ry'inzovu. |
| **Guhuta** | kwica vuba. Babivugira ku ndwara z'ibyorezo cyangwa inzara. |

3.2 **Umwitozo w'inyunguramagambo n'ingero z'ibisubizo**

**Koresha amagambo akurikira mu nteruro ebyiri ku buryo adahuza inyito:** Gutota, guseseka, umuryango.

**Gutota:**

- Yakomeje kumutota kugeza ubwo yaje kwemera ibyo yamusabaga arabikora.
- Kugira ngo ibiryo bidatota babibika byumutse.

**Guseseka:**

- Yari yikoreye ibijumba aranyerera byose biseseka hasi.
- Seseka iyo nkoni mu mwobo uwuzibure amazi ahite.

**Umuryango:**
- Umuryango ni wo banyuramo kugira binjire mu nzu.
- Mu muryango wacu, abana n'ababyeyi barafashanya.

**Umwanzuro:** Igitandukanya ziriya nteruro ni ubutinde cyangwa amasaku by'ariya magambo (gutota#gutoota, guseseka#guseeseka, umuryâango#umuryaango).

3.3 **Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko**

Umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo, bagasubiza ibibazo ku mwandiko. Nyuma y'igihe cyagenwe, umwarimu ahuriza abanyeshuri hamwe, agahitamo itsinda ritangaza ibyo bagezeho, andi matsinda akagenda aryunganira ibisubizo bikanonosorwa bikandikwa ku kibaho no mu makayi y'abanyeshuri.

1. **Ni ba nde bavugwa muri uyu muvugo**?
   - Ni Mpogazi na Magaramake n'imiryango yabo.
2. **Barakora iki**?
   - Kwa Mpogazi barategura ibyo kurya barangiza bakajya ku meza. Magaremake aje kubasura asanga bari ku meza.
3. **Mpogazi yakundaga iki**?
   - Mpogazi yakundaga kurya neza akanabishishikariza abana be.
4. **Magaramake atandukaniye he na Mpogazi**?
   - Magaramake ntiyakundaga kurya ahubwo yakundaga inzoga.
5. **Ni nde wahinduye imyitwarire? Yabitewe n'iki**?
   - Ni Magara make. Yabitewe n'inama yagiriwe n'abaturanyi ndetse n'urutoto umugore we yamuhozagaho.
6. **Ni iyihe nyigisho wakuyemo**?
   - Guhera ku biribwa dufite mu mirima no ku matungo tworora tugategura indyo yuzuye.
   - Gushishikariza abaturanyi gutegura indyo yuzuye no kuyitoza abana.
   - Kumva inama n'impanuro z'abaturusha ubunararibonye mu mirire igihe tugiye gutegura amafunguro.

# **Igice cya kabiri:** Gusesengura umwandiko

**( Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 115)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gutahura ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusesengura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko no guhina umwandiko.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira gusoma ibitabo bitandukanye no kwitabira amasomero.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, ibyuma bigaragaza inyandiko cyangwa amashusho. (Imfashanyigisho z'iyumvabona)

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**

   Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma baranguruye umwumwe umuvugo kugira ngo bawiyibutse.

2. **Gusesengura**

   Bamaze gusoma, umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo, akabaha ibibazo bibafasha gutahura mu muvugo ingingo z'ingenzi ziwukubiyemo ndetse no gukora ifishi y'ibiribwa n'ibinyobwa bashyira mu ifungura rya mu gitondo, irya saa sita na nimugoroba. Umwarimu aha buri wese udufishi dutatu akabaha umukoro wo kwandika ku gafishi ibyo yategura mu ndyo yuzuye agakora ifunguro rya mu gitondo, irya saa sita, n'irya nimugoroba ku muntu mukuru.

**Ingero z'ibibazo**

- Uhereye ku nsanganyamatsiko nyamukuru, tahura ingingo z'ingenzi uyu muvugo ubumbatiye.

- Andika ku gafishi ibiribwa n'ibinyobwa washaka kugira ngo utegure indyo yuzuye ku ifunguro rya mu gitondo, irya saa sita n'irya nimugoroba

Mu matsinda yabo abanyeshuri bungurana ibitekerezo kuri ibi bibazo, bakabishakira ibisubizo. Umwarimu anoza ibisubizo abanyeshuri batanga bikandikwa ku kibaho cyangwa bakabyerekanisha ibyuma bigaragaza inyandiko n' amashusho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'ingingo z'ingenzi**

- Gutoza abana bato gukunda kurya indyo yuzuye.
- Gutegura indyo yuzuye ufatiye ku biribwa biboneka hafi aho.
- Gushishikariza abahinyura imirire myiza ko biteza ibibazo bikomeye kandi bakabiteza n'umuryango wabo.
- Kudatsimbarara ku mafuti niba wumvise impanuro.

Umwarimu asaba abanyeshuri nka batanu gusoma ibyanditse ku mafishi yabo bikagirwaho impaka maze ibyo bemeje bakabyandika ku kibaho no mu makaye yabo.

**Urugero**

**Mu gitondo**: Igikoma cy'amasaka avanze n'ingano, igi, umuneke

**Saa sita**: Ibirayi, ibishyimbo n'intoryi na karoti, umwembe, amazi.

**Nimugoroba:** Ubugari, ifi, imboga za dodo, umutobe wa marakuja.

Buri munyeshuri asobanura impamvu yahisemo ayo mafunguro.

## **Igice cya gatatu:** Gufata mu mutwe umuvugo

**(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 115)**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gufata mu mutwe umuvugo.

**Ubumenyi ngiro:**

- Kuvugira mu ruhame umuvugo yafashe mu mutwe.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira gutega amatwi no gusoma imivugo.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda, imfashanyigisho zitegwa amatwi.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**

   Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko basomye ubushize.

### Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

a) Ni uwuhe mwandiko twize ubushize?
   - Ni Mpogazi na Magaramake.

a) Baravugamo iki?
   - Uburyo abaturanyi bagiriye inama Magaramake wari ugiye kwicwa n'inzoga atarya akaza guhinduka akitabira kurya indyo yuzuye.

2. **Gusoma umwandiko**

   Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma neza umuvugo, badategwa umwumwe, barangurye. Umwarimu arabwira abanyeshuri gusoma inshuro nyinshi umwandiko bubahiriza injyana, iyitsa n'isesekaza bagenda bakuranwa umwumwe.

3. **Gufata no kuvuga mu mutwe umuvugo**

   Umwarimu arabwira abanyeshuri gufata mu mutwe umuvugo "Mpogazi na Magaramake". Kubera ko badashobora gufata mu mutwe umuvugo mu gihe cyagenewe isomo gusa, umwarimu awubaha nk'umukoro, maze akabaha iminsi ibiri bitoza kuwuvuga mu mutwe batawusoma kugira ngo bazawuvuge imbere y'abandi, umwumwe, badategwa kandi bubahiriza injyana n'isesekaza.

   Umwarimu agerageza gukosora abanyeshuri umwumwe akurikije uko bagiye bavuga uwo muvugo.

# Igice cya kane: Ubutinde n'imiterere y'amasaku mu nteruro

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 115 kugera ku rwa 118)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura amategeko agenga ubutinde n'amasaku mu nteruro isanzwe.

**Ubumenyi ngiro:**

- Kwandika akurikiza amategeko agenga ubutinde n'amasaku mu nteruro

**Ubukesha:**

- Kwitabira kwandika agaragaza ubutinde n'amasaku.
- Gukoresha ururimi rw'Ikinyarwanda ataruvangamo izindi ndimi.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo k'ikibonezamvugo.

## Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**

   Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma interuro n'amagambo yanditse ku kibaho mu ijwi riranguruye umwumwe bazatura bihagije kugira ngo bumve imivugirwe yazo. Izo nteruro ni izi zikurikira:

   - Abana bazahajwe n'imirire mibi baragwingira.
   - Gutegura indyo yuzuye ntibisaba gutegura amafunguro ahenze.
   - Kurya indyo yuzuye bituma umuntu agira ubuzima bwiza.
   - Kugabura indyo imwe rero ni ukwica ubuzima bw'abantu.
   - Simbizi na Mariya bararwaye.

- Umuryango wa Simbizi utuye mu Rugarama rwa Butamwa.
- Iby'abapfu biribwa na Mupfumu
- Nyir'ibiribwa ni we nyir'ubuzima
- Ubukana bw'imboga ntibwotsa imbehe.
- Ntuzarwaze bwaki nka Rugereka

2. **Isesengura**

Abanyeshuri bamaze gusoma izi nteruro, umwarimu abashyira mu matsinda akabasaba gushyira amasaku aho bumva akwiye kujya ku magambo ari ukwayo ndetse no ku nteruro hanyuma bakagira icyo bivuga ku miterere y'amasaku ku magambo amwe bagereranyije n'uko byari bisanzwe ijambo ari ryonyine:

## Urugero rw'ibyava mu matsinda

- Imiîrire, indyô, abapfû, imbogâ
- Abâana baâzaahajwe n'îmiriîre mibî baragwîingira.
- Gutêguura indyô yuuzûye ntibisabâ gutêguura amafuunguro ahêenze.
- Kuryâ indyô yuuzûye bituma umuuntu agîra ubuzima bwiizâ.
- Kugabura indyô imwê reerô ni ukwîica ubuzima bw'âbaantu.
- Siimbîizi na Mariyâ bararwâaye.
- Umuryaango wâ Siîmbîizi utuuye mu Rugarama rwaa Bûtamwâ.
- Iby' âbapfû biriibwa n'âbapfumû.
- Nyir'îbiriîbwa ni wê nyir'ûbuzima.
- Ubukana bw'îmbogâ ntibwootsâ imbêehê.
- Ntuûzaarwaaze bwaaki nka Rugereka.

### Amasaku mbonezanteruro

Mu nteruro habamo amagambo ahindura amasaku kamere y'ayandi magambo bihuriye muri iyo nteruro. Bene ayo masaku mashya, bayita amasaku mbonezanteruro.

## Ingero z'amasaku mboneza nteruro

Ibyungo "na" na "nka", ibinyazina ngenera n'akajambo "nyira" iyo bikurikiwe n'izina ridafite indomo, ariko rifite isaku nyejuru ku mugemo wa gatatu, icyo gihe ayo magambo atuma haza isaku nyejuru ku mu mugemo wa mbere w'iryo zina.

| **Ingero** |
|---|
| Shyorongi na Kîgalî bireegeranye.<br>Ngeenda na Bûtamwâ biri kure.<br>Ruhaango ya Gîtaramâ iri kure. |

Iyo ibyungo "na" na "nka", n'ibinyazina ngenera n'akajambo nyira bikurikiwe n'izina ridafite indomo ariko ridafite isaku nyejuru, nta gihinduka kuri iryo zina.

Iyo ayo magambo akurikiwe n'izina ridafite indomo rikagira isaku nyejuru ku mugemo wa kabiri ariko riri ku nyajwi ya kabiri y'ubutinde, iryo saku rirahaguma hanyuma hakaza irindi saku nyejuru ku mugemo wa mbere.

| **Ingero** |
|---|
| Karimuunda na Mûsaâre<br>Rukara na Mûraâmbi<br>Akazaamuukana na Rwîntaâshya |

**Iyo isaku nyejuru riri ku nyajwi ya mbere y'ubutinde nta gihinduka**

| **Ingero** |
|---|
| Muraâmbi na Zâaza<br>Daâta na mwâana |

Iyo bikurikiwe n'izina ridafite indomo ariko rifite isaku nyejuru ku mugemo wa kabiri bituma rya saku ryimuka rikajya ku mugemo wa mbere.

| **Ingero** |
|---|
| Maara ya Bûtare<br>Kagabo na Gâsore<br>Ngarama ya Gâtsibo |

Buri gihe nyuma yo gufata indomo ikurikira ayo magambo akatwa ihita ifata isaku nyejuru.

| **Ingero** |
|---|
| Umusôre n'ûmukoôbwa.<br>Amatâ y'âbakinnyi. |

**Ikitonderwa**

Iyo izina rikurikiye icyungo cyangwa ikinyazina ngenera gikase rifite isaku nyejuru ku mugemo wa kabiri bituma indomo y'iryo zina igira ubutinde bufite isaku nyejuru ku nyajwi ibanza.

| **Ingero** |
|---|
| Ukwêezi n'îizûuba<br>Igikiniisho cy'ûumwâana |

Iyo kuri ubwo butinde nta saku nyejuru rihari, indomo ikurikiza amagambo akase igira ubutinde ariko noneho isaku nyejuru rikajya ku nyajwi ya kabiri y'ubwo butinde.

| **Ingero** |
|---|
| Iby'uûwo mwâana<br>Iby'uûwo mwaanda |

Buri gihe ikinyazina mbanziriza gihorana isaku nyejuru ku gicumbi cyacyo.

| **Ingero** |
|---|
| Ibyô wavuzê<br>Ukô tumezê<br>Ahô yanyuzê |

Indanghantu "ho, yo , mo/mwo" n'akajambo "ko" buri gihe bigira isaku nyejuru kandi na yo ntigira integuza.

| **Ingero** |
|---|
| Tugiiyeyô<br>Avuze kô<br>Hô ndahâazi |

Impakanyi "ta" yo mu nshinga akenshi igira isaku nyejuru kandi na yo ntigira integuza, ntishobora no kuba integuza.

| Ingero |
|---|
| Kutâzâajyayô<br>Kudâkorâ |

Umwarimu asaba buri wese gukora umwitozo ku giti ke, bagakosora ku kibaho, ku buryo bafasha buri wese utashoboye kuwukora neza.

# Imyitozo y'isuzuma risoza umutwe wa kane

## (Amasomo 2)

### (Reba ku rupapuro rwa 118 kugeza ku rwa 122)

Iri suzuma rigamije gufasha umwarimu kumenya uko burii munyeshuri ahagaze mu myigire  nyuma y'uyu mutwe wa kane. Ibi bimufasha kumenya abanyeshuri bafite ibibazo akabona uko abagira inama byaba ngombwa akabaha n'indi myitozo. Iyo hari isomo bigaragara ko benshi mu banyeshuri batumvise umwarimu arisubiramo mbere yo gutangira undi mutwe. Uru ni urugero rugaragariza umwarimu imiterere y'ibibazo yabaza, umwarimu ashobora no kubaza ibindi ariko bidatandukira ibyigishijwe mu mutwe wa kane. Ik'ingenzi ni uko yubahiriza ibigenderwaho mu isuzuma.

### Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo bishoboka

**Sobanura amagambo akurikira ukurikije ibyo wasomye**

| | |
|---|---|
| **Itetu** | Ubushishe, umubyibuho imimerere y'ikintu gitoha giye. |
| **Imbuto ntazikozwa** | Imbuto ntajya azirya, nta gaciro aziha. |
| **Guhozagara** | Kubyibuha cyane. |
| **Ibinyampeke** | Amasaka, ingano, uburo,... |
| **Ibinyamisogwe** | Ibishyimbo, amashaza, soya… |

| | |
|---|---|
| **Imbata** | Ikintu cyawe bwite indwara za "twibanire": Indwara zidakira, uzirwaye ahora afata imiti izigabanyiriza ubukana ngo zitamwica. Ingero: Indwara z'umutima, asima, SIDA… |
| **Kubungabunga** | Gufata neza ibintu cyangwa ubuzima kugira ngo bitangirika. |

## Gusesengura no gusobanura umwandiko

1. Ni ikihe kibazo kivugwa muri uyu mwandiko?
   - Haravugwamo ikibazo cy'uburwayi

2. Cyatewe n'iki?
   - Cyatewe n'imirire mibi

3. Cyaje gukemuka? Sobanura igisubizo cyawe.
   - Cyarakemutse kuko ba nyiri ubwite ari bo Munana na Mukankusi bagiye kwa muganga bakabaha imiti bakabagira n'inama yo kurya neza.

4. Hari amafunguro abujijwe cyangwa se ay'agatangaza? Sobanura igisubizo cyawe.
   - Nta mafunguro abujijwe cyangwa y'agatangaza abaho, icyangombwa ni ugufata amafunguro yubaka umubiri, awutera imbaraga, n'awurinda indwara. Amafunguro agomba kandi kuba ahagije, anyuranye, kandi akungahaye mu ntungamubiri ku buryo bw'indinganire.

5. Tanga ingero ebyiri z'ibiribwa bikomoka ku mata. Amavuta, foromaje.

6. Tanga ingero ebyiri z'indwara Mukankusi na Munana bashobora kuba barwaye usobanure n'impamvu.
   - Munana ashobora kuba yararwaye umwijima, Mukankusi akarwara diyabete. Impamvu ni uko munana yaryanga amavuta n'inyama nyinshi, akanywa n'inzoga. Mukankusi na we yanywaga isukari nyinshi.

7. Runo rukuyemo (Umwarimu arebe ibisubizo abanyeshuri batanze)

## Vuga ubwoko bw'imvugo zikurikira unazisobanure:

- "Ikizaba nzanywa umuti": Bivugwa n'umuntu utumva inama bamugira, agakora yigerezaho avuga ko amakuba naza azirwanaho" umugani mugufi.

- Agapfa kaburiwe ni impongo": Babivugira ku muntu babwira ko ikintu arimo gukora kizamuteza ingorane akanga agokomeza. ⟶ Insigamugani
- "Amagara ni nk'amazi araseseka ntayorwe": Ubuzima bugomba kwitabwaho kuko iyo bwononekaye akenshi biragoye kubusana. ⟶ Umagani mugufi.

**Uyu mwandiko urakwigisha iki?**

Buri wese yandika inyigisho akuye muri uyu mwandiko.

**Urugero**: Gufata amafunguro ukunda ni byiza ariko kurenza urugero bishobora kukuviramo uburwayi. Ibyiza rero ni ukuringaniza ibyo amafunguro kandi ugafata afite intungamubiri zihagije.

**Andika mu magambo yawe ubutumwa bukubiye muri uyu mwandiko (igice cya kabiri cy'urupapuro).**

**Urugero rw'ihinamwandiko "Kurya neza"**

Munana n'umugore we bakundaga kurya indyo ikungahayemo amavuta bakanywa ibinyobwa bikungahayemo isukari. Nta mazi banywaga. Baje kubyibuha cyane bakurizamo no kurwara. Bagiye kwa muganga, barabavuye babagira n'inama zo guhindura imirire. Muganga yabasobanuriye ko kurya neza ari kurya indyo yuzuye, inyuranye kandi iringaniye, ko gukabya ari bibi. Yabasabye no kujya banywa amazi, dore ko batajyaga bayanywa na rimwe. Munana n'umugore we bumvise neza inama za muganga, biyemeza kuzikurikiza kugira ngo babungabunge amagara yabo.

**Imyitozo y'ikibonezamvugo**

Soma izi nteruro uko zivugwa umujyo umwe hanyuma uzandike mu nyandiko ya gihanga.

**a) Utabusya abwita ubumera.**
Utâbusyâ abwiita ubumera.

**b) Imana y'abatindi ni yo ibogosha.**
Imâana y'âbatiindi ni yô iboogosha.

**c) Gera umuzinga ku wa Bugegera.**
Gera umuziinga ku wa Bugegera.

**d) Ntugakangwe n'iminsi mibi kandi imyiza iyiruta ubwinshi.**
Ntuûgakaangwe n'îmiînsi mibî kaândi imyîizâ iyîruta ubwiînshi.

**e) Udakora ntakarye.**
Udâkora ntaâkarye.

**f) Numusangayo umuntahirize.**
Nûumusaângayô umuûntaahirize.

**g) Vamo nange ngemo.**
Vamô naânge ngemô.

**h) Akana k'umworo kirabura kataroga.**
Akaâna k'ûumwôoro kiirabura kâtarôoga.

**i) Iby'abacuzi mbihariye abakannyi.**
Iby'âbacûzi mbihariye abakannyi.

**j) Nyiri ubwenge aruta nyiri uburyo.**
Nyirî ubwêenge aruta nyirî uburyô.

**k) Nyiri ibitugu binini ntarengwa n'imijugujugu.**
Nyirî ibitûgu binîni ntaareengwâ n'îmijûgujûgu.

Andika interuro enye zinyuranye ugaragaza amasaku mbonezanteruro ukoreshejemo amagambo **na**, **nka**, **nyira**, n'impakanyi **ta.**

(a) Kabirigi **na** Kansange barya indyo yuûzûye (Kabirigi na Kâansaânge barya indyô yuuzûye.)

(b) Ntuzabyibuhe **nka** Mukankusi (Ntuûzaabyibuhe nka Mûkâankuusi.)

(c) Nyirumuringa iyo aje utega ukuboko (Nyiri umuriînga iyô ajê utega ukubôko.)

(d) Jya unywa amazi utazarwara impyiko (Jya unywâ amâazi utâzâarwâara impyîko.)

# Umutwe wa gatanu

# Kubungabunga ibidukikije

**(Amasomo 21)**

| Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe |
|---|
| 1. Gusesengura umwandiko uvuga ku nsanganyamatsiko y'ibidukikije n'amazina akomoka ku yandi.<br>2. Gutandukanya umwandiko ntekerezo, mbarankuru, mvugamiterere, mvugamateka na nsesengurabumenyi. |

## Umwandiko: Kubungabunga amashyamba

## (Amasomo 3)

**Igice cya mbere:** Kumva no gusobanura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 123-127)**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura amagambo atari asobanukiwe no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

- Gusobanura uburyo bunyuranye bwo kubungabunga ibidukikije bugaragara mu mwandiko.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusoma neza umwandiko yumvikanisha ibyo asoma kandi agaragaza isesekaza.
- Gukoresha amagambo yungutse mu nteruro uko bikwiye.

**Ubukesha:**

- Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.
- Gushishikariza abandi kubungabunga ibidukikije.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo.

## Imitangire y'isomo

1. **Ivumbaramatsiko**

Umwarimu akoresha abanyeshuri umwitozo wo guhumeka: bazamura amaboko bakinjiza umwuka mu bihaha, bayamanura bagasohora umwuka. Babikora kabiri kugira ngo basobanukirwe n'ibyo barimo gukora. Nyuma y'uwo mwitozo ababaza ibibazo bijyanye na wo.

**Ingero**

a) Iyo muhumeka mwinjiza iki mu bihaha?
   - Twinjiza umwuka.

b) Uwo mwuka duhumeka uva he?
   - Uva mu kirere.

c) Umwuka dusohora mu guhumeka uba uteye ute?
   - Aba ari umwuka wanduye.

d) Mu kirere haba umwuka mwiza gusa?
   - Oya, haba n'umwuka mubi.

e) Twabigenza gute kugira ngo ikirere cyacu gihorane umwuka mwiza?
   - Twafata neza ibidukikije.

Umwarimu asaba abanyeshuri gufungura igitabo cyabo ahanditse umwandiko bagiye kwiga no kwitegereza ikarita ihari maze akababazaho ibibazo.

### Ingero

- **Ni iki mubona kuri iyi shusho**? Turabona ikarita y'u Rwanda.
- **Iyi karita iragaragaza iki**? Amashyamba: Nyungwe, Gishwati....
- **Iyi karita ihuriye he n'umutwe w'umwandiko**? Umwandiko uravuga ibyo kubungabunga amashyamba, no ku ikarita batwereka amashyamba.

2. **Gusoma**

**2.1 Gusoma bucece**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece hanyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

### Urugero

a) **Ni ayahe mashyamba azwi cyane mu Rwanda avugwa mu mwandiko**?
   - Amashyamba azwi cyane mu Rwanda avugwa mu mwandiko ni aya: Nyungwe, Pariki y'ibirunga, Gishwati, Mukura, Cyamudongo, Busaga, n'ishyamba rya Pariki y'Akagera.

b) **Amashyamba arimo amoko angahe**?
   - Amashyamba arimo amoko abiri: hari amashyamba ya kimeza, hari n'ay'amaterano.

**2.2 Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma mu ijwi riranguruye umwandiko, umwumwe bubahiriza utwatuzo n'iyitsa, ari na ko abakosora.

3. **Gusobanura umwandiko**

**3.1 Inyunguramagambo**

Barangije gusoma baranguruye, umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda bakongera bagasoma umwandiko bashakira hamwe amagambo batasobanukiwe n'ibisobanuro kandi bagakora umwitozo w'inyunguramagambo

## Amwe mu magambo abanyeshuri bashobora kuba batasobanukiwe n'ibisobanuro byayo

| | |
|---|---|
| **Ishyamba kimeza** | Ishyamba ritatewe n'abantu, ryimejeje. |
| **Ibiharabuge** | Ahantu ubutaka bwashizeho hagasigara hambaye ubusa. |
| **Amadovize** | Amafaranga y'amahanga akomeye, iyo yinjiye mu gihugu. Ingero: amadolari, amayero… |
| **Gaze karubonike** | Umwuka usosoka iyo umuntu cyangwa ibindi binyabuzima bihumeka, uba wanduye. Iyi gazi karubonike ni yo ibimera bikenera, mu gihe ibindi binyabuzima biba bikeye ogisijeni. |
| **Ibyorezo** | Indwara zanduza, zica abantu benshi kandi vuba. Hano barashaka kuvuga ko amashyamba yibasirwa nk'uko indwara zibasira abantu cyangwa amatungo. |
| **Ingorabahizi** | Ikibazo gikomeye cyane ku buryo kugikemura hagomba ingufu nyinshi. |

3.2 **Ikibazo n'ibisubizo by'umwitozo w'inyunguramagambo**

a) Amagambo akurikira ashobora kugira inyito zirenze imwe. Yakoreshe mu nteruro ebyiri zitandukanye ukurikije inyito zayo zitandukanye:

**Ingano:**

- Ifarini y'ingano bayikoramo imigati.
- Ingano y'amashyamba yo mu Rwanda igomba kongerwa kugira ngo ibidukikije birusheho kubungabungwa.

**Ubuzima:**

- Isuku ni isoko y'ubuzima buzira umuze.
- Mu gihe k'itumba, abaturage bahura n'ubuzima bukabije (kubura inkwi zo gucana).

**Kubaka:**

- Kubaka neza bisobanura kudapfusha ubusa ubutaka bushobora gukorerwaho ibindi bintu.

- Bamusabye inkwi zo gucana ahita abaka umuhoro ajya mu ishyamba riri munsi y'urugo (kubaka: gufata vuba na vuba).

**Gutema:**

- Ishoka ikoreshwa mu gutema ibiti no kwasa ibiti.
- Gutema kw'ibitoki bihombya abenga urwagwa.

**b)** **Shaka amagambo atanu mu kinyatuzu, afite ibi bisobanuro biri hasi** (uyashake ugana: iburyo, ibumoso, hasi, hejuru, imberame). Koresha ikaramu y'ibara uca umurongo werekana aho wakuye ijambo mu kinyatuzu.

- Ishyamba ritatewe n'abantu, ryimejeje. (**Ishyamba kimeza**)
- Indwara zanduza, zica abantu benshi kandi vuba. (**Ibyorezo**)
- Umwuka usosoka iyo umuntu cyangwa ibindi binyabuzima bihumeka, uba wanduye. (**Gaze karubonike**)
- Ahantu ubutaka bwashizeho hagasigara hambaye ubusa. (**Ibiharabuge**)
- Amafaranga y'amahanga akomeye, akoreshwa mu isi hose. (**Amadorize**)
- Ikibazo gikomeye cyane ku buryo kugikemura hagomba ingufu nyinshi (**Ingorabahizi**)

| | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| I | S | H | Y | A | M | B | A | K | I | M | E | Z | A |
| B | D | U | R | W | I | V | A | N | B | A | R | B | I |
| I | F | U | M | U | S | U | B | I | I | O | E | A | R |
| H | G | I | A | M | A | D | O | V | I | Z | E | Z | A |
| A | S | C | C | U | F | G | R | V | A | A | M | I | D |
| R | X | I | N | G | O | R | A | B | A | H | I | Z | I |
| A | D | C | T | A | I | D | H | G | A | C | R | A | G |
| B | S | R | H | I | N | Y | A | M | A | S | W | A | E |
| U | B | U | K | E | Z | K | A | G | U | J | K | E | N |
| G | | R | I | Z | U | O | B | Y | G | M | A | N | A |
| E | K | V | D | I | B | Y | O | R | E | Z | O | G | U |
| G | A | Z | E | K | A | R | U | B | O | N | I | K | E |

3.3. **Ibibazo byo kumva umwandiko**

Umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo, bagasubiza ibibazo ku mwandiko. Nyuma y'igihe cyagenwe, umwarimu ahuriza abanyeshuri hamwe, agahitamo itsinda ritangaza ibyo bagezeho, andi matsinda akagenda aryunganira ibisubizo bikanonosorwa bikandikwa ku kibaho no mu makayi y'abanyeshuri.

1. **Vuga akamaro k'amashyamba n'ibiti.**
   - Amashyamba n'ibiti bifite akamaro ku buzima bwa buri munsi ndetse no ku mibereho irambye y'umuryango nyarwanda. Mu buzima bwa buri munsi, amashyamba atanga ibiti byubakishwa, imbaho, amakara n'inkwi zo gucana. Ariko

na none, ibiti bikurura imvura, bigatuma igwa neza kandi ku gihe kandi n'umwuka abantu bahumeka ukaba mwiza kuko bigabanya gaze karubonike mu kirere.

2. **Ni akahe kamaro ko kubungabunga amashyamba?**
   - Amashyamba asigasira amoko menshi y'ibimera n'inyamaswa bifitiye akamaro uruhererekane rw'ibidukikije. Mu mashyamba habamo ibinyabuzima bikurura ba mukerarugendo baduha amadovize atuma duhaha mu mahanga ibyo tudafite iwacu.

3. **Hari ibibazo byugarije amashyamba? Sobanura igisubizo cyawe.**
   - Amashyamba yugarijwe n'ibibazo binyuranye biterwa no kutamenya neza uruhare rw'amashyamba mu bukungu bw'Igihugu n'imiryango. Muri byo twavuga nk'ibi bikurikira: gutema ibiti byinshi kurusha uko biterwa; gusarura amashyamba mu kajagari n'inkongi y'umuriro.

4. **Vuga ingaruka ziterwa no gutsemba amashyamba?**
   - Ingaruka zo gutsemba amashyamba ni imihindagurikire y'ikirere ituma imvura itagwa uko bisanzwe. Bitera ubutayu, hakabaho imyuka mibi kuko umwuka mubi wa gaze karubonike wiyongera, imigezi n'andi masoko y'amazi bigakama, ibyo bigatuma ubutaka bwambara ubusa, kandi bimwe mu binyabuzima biba mu mashyamba bigacika.

5. **Ni izihe ngamba zafashwe kugira ngo iki kibazo kitaba ingorabahizi?**
   - Ingamba zafashwe ni ukwita ku gukangurira abantu gutera ibiti, kandi hagaterwa gusa ubwoko bw'ibiti bikenewe, gukoresha amashyiga n'imbabura zirondereza ibicanwa, gushaka ubundi buryo bwo kubona ingufu zo gutekesha aho guhora hakoreshwa inkwi, guca itwikwa ry'amashyamba no gushishikariza abantu gutera ibiti mu mirima iruhande rw'imyaka

6. **Ni irihe somo uyu mwandiko ugusigiye ryagufasha mu buzima bwa buri munsi?**
   - Isomo umuntu yakura muri uyu mwandiko ni ukubungabunga amashyamba no gushishikariza abandi kubikora.

# **Igice cya kabiri:** Gusesengura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri orupapuro rwa 127)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gutahura ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko.
- Gusobanura imigani ivuga ku giti.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusesengura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.

**Ubukesha:**

- Gushishikariza abandi kubungabunga ibidukikije.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**

   Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma baranguruye umwumwe umwandiko kugira ngo bawiyibutse.

2. **Gusesengura**

   Umwarimu asaba abanyeshuri gusomera umwandiko wose mu matsinda akabasaba kugaragaza ingingo z'ingenzi ziwugize kandi banasobanura imigani bavugamo igiti.

### Ingingo z'ingenzi zigize uyu mwandiko

- Amoko y'amashyamba ari mu Rwanda.
- Ibibazo byugarije amashyamba.
- Ingaruka zo gutema no gutwika amashyamba.
- Ingamba zafashwe zo kubungaunga amashyamba

### Ibisobanuro by'imigani migufi

**Igiti kimwe si ishyamba**: Umuntu umwe ntashobora gukora ibyo abantu benshi bakora.

**Igiti kigororwa kikiri gito**: Umwana arerwa neza akiri muto atarananirana.

**Igiti umusaza azacana agitera akiri um**usore: Umuntu ategura ubuzima bwo mu masaziro ye agifite imbaraga.

# Igice ya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro: gukina bigana

**(Igitabo cy'umunyeshuri orupapuro rwa 127)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura insanganyamatsiko iganirwa mu gakino ko kwigana.
- Gutondeka ibitekerezo hakurikijwe inyurabwenge.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gushyira mu bikorwa ibyo yize mu mwandiko uvuga ku kubungabunga amashyamba, amazi n'ibishanga.

**Ubukesha:**

- Gutinyuka gutanga ibitekerezo byabo mu ruhame.
- Gushishikariza abandi gutegura kwita ku bidukikije cyanecyane amashyamba.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko basomye ubushize.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

a) Ni uwuhe mwandiko twize ubushize?
   - Ni Kubungabunga amashyamba.

b) Baravugamo iki?
   - Akamaro amashyamba afite mu rusobe rw'ibidukikije.

2. **Gukina bigana ibivugwa mu mwandiko**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba kwitoramo abanyarubuga akabasobanurira icyo bagomba gukina. Abanyeshuri bagomba kwishakira amagambo yabo kandi bagakina bagaragaza imbamutima z'uwo bigana. Ntabwo ari ikinamico bandika ngo bayikine, ahubwo ni ugukina bigana ku buryo umwarimu abona ko bashoboye kumva neza akamaro k'amashyamba n'uburyo bwo kuyabungabunga.

### Abanyarubuga

- Abaturage batatu bahora batema ibiti mu ishyamba ry'akarere bajya kubigurisha.
- Ushinzwe kurinda ishyamba.
- Ushinzwe amakuru mu mudugudu.
- Ushinzwe iterambere mu mudugudu.
- Ushinzwe umutekano mu mudugudu.
- Indorerezi z'abasore n'inkumi bakinaga umupira hafi aho, biganjemo abanyeshuri bari mu biruhuko.

### Ikivugwaho

Abaturage bamenyereye gutema ibiti, ushinzwe kurinda amashyamba abafashe arababuza bashaka gutera amahane. Yitabaje inzego z'ibanze zo mu mudugudu. Abagize inzego z'ibanze basobanuriye abaturage akamaro ko kubungabunga amashyamba n'ibihano biteganyirijwe abayonona. Abaturage barabyumvise, basaba imbabazi biyemeza no gutera ibiti aho batuye.

Urubyiruko na rwo rwagize icyo rubivugaho.

# Igice cya kane: Ikomorazina mvazina
# (Amasomo 2)

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 128 kugera ku rwa 133)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gutanga inshoza y'ikomorazina mvazina.
- Gusobanura uburyo bunyuranye bw'ikomorazina mvazina.

**Ubumenyi ngiro:**

- Kurema izina arikomoye ku rindi.
- Gusesengura amazina akomoka ku yandi no kugaragaza amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.

**Ubukesha:**

- Gukoresha ururimi rw'Ikinyarwanda ataruvangamo izindi ndimi.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo k'ikibonezamvugo.

## Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**

   Umwarimu aha abanyeshuri interuro akabasaba kugaragaza mu mbonerahamwe amazina mbonera gakondo n'andi atari mbonera, akomoka ku yandi babonamo.

   **Ingero z'interuro yabaha:**

   - Karisa yagiye gutora udukwi mu gashyamba ko mu gacyamo.
   - Yiyumvagamo ubugabo bwo guhangana n'ibinyabwoya.
   - Abasizi bakunda gukoresha imvugoshusho.
   - Databukwe na Sobukwe ni inshuti nyanshuti.
   - Amasaka ya nyiragikori avamo igikoma kiryoshye.
   - Twagiye kubona nyamuntu arahahingutse.

- Umwana wa samusure avukana isunzu.
- Shabukuru ni indwara itavurwa.
- Wari wajya mu Rwingwe? Oya, aho nageze ni mu Rwimbogo.
- Umwamikazi n'umugabekazi bari abagore bakomeye ibwami.
- Uriya mugabo yahishije akayogazi.

**Imbonehamwe igaragaza amazina mbonera gakondo n'amazina akomoka ku yandi**

| Amazina mbonera gakondo | Amazina akomoka ku yandi |
|---|---|
| Amasaka<br>Igikoma<br>Umwana<br>Isunzu<br>Abagore<br>Umugabo<br>Ibwami | Udukwi<br>Agashyamba<br>Agacyamo<br>Ubugabo<br>Ibinyabwoya<br>Imvugoshusho<br>Databukwe<br>Sobukwe<br>Nyanshuti<br>Nyiragikori<br>Nyamuntu<br>Samusure<br>Sabukuru<br>Rwingwe<br>Rwimbogo<br>Umwamikazi<br>Umugabekazi<br>Akayogazi |

**2. Isesengura**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gusesengura amazina akomoka ku yandi babonye mu nteruro baragaza amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe bigatuma bavumbura inshoza y'ikomorazina mvazina n'inzira zinyuranye

zikoreshwa mu ikomorazina mvazina. Abaha igihe cyo gukora uyu mwitozo barangiza akabasaba kugaragaza ibyavuye mu matsinda bakabijyaho impaka kugera igihe bageze ku mwanzuro. Umwarimu asubiza ibibazo abanyeshuri bamubaza ku buryo bwumvikana neza kuri buri wese.

## Urugero rw'ibyava mu matsinda

| Ijambo | Isesengurantego | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|
| **Udukwi** | u-tu-kwi | t→d/-GR |
| **Agashyamba** | a-ka-shyamba | k→g/-GR |
| **Agacyamo** | a-ka-cyam-o | k→g/-GR |
| **Ubugabo** | u-bu-gabo | - |
| **Ibinyabwoya** | i-bi-nya-ø-bu-oya | u→w/-J |
| **Imvugoshusho** | i-n-vug-ø-shusho | n→m/-v |
| **Databukwe** | ø- ø-data- ø-bu-ko-e | o→w/-J |
| **Sobukwe** | ø- ø-so- ø-bu-ko-e | o→w/-J |
| **Nyanshuti** | i-n-cut-i-nya- ø-n-cut-i | nc yandikwa nsh |
| **Nyiragikori** | nyira-ø-ki-kori | k→g/-GR |
| **Nyamuntu** | nya-ø-mu-ntu | - |
| **Samusure** | sa-mu-sure | - |
| **Sabukuru** | sha-bu-kuru | - |
| **Rwingwe** | ru-a-i-n-gwe | **a**→- ø/-J / u→w/-J |
| **Rwimbogo** | ru-a-i-n-bogo | u→w/-J / a→ø/-J/ n→m/-b |
| **Umwamikazi** | u-mu-ami-kazi | u→w/-J |
| **Umugabekazi** | u-mu-gab-e-kazi | - |
| **Akayogazi** | a-ka-yoga-azi | a→ø/-J |

**Inshoza**

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza uturemajambo tw'amazina bamaze gusesengura akababaza ikomorazina mvazina icyo ari cyo.

- Ikomorazina mvazina ni ihimba ry'amazina mashya uhereye ku bicumbi by'amazina asanzwe mu rurimi.

## Inzira z'ikomorazina mvazina

### Ikomorazina mvazina ripfobya

Ni iryongera ku ngingo isanzwe indi ngingo igaya nk'iy'ubunini, ubuto, ububi bukabije…

| Ingero |
|---|
| Inka→ agaka→ igika→ uruka<br>Umugabo→ akagabo→ ikigabo→ urugabo |

### Ikomorazina ryitirira

Ni irihimba amazina mashya, rishingiye ku masano y'ingenzi ayo mazina afitanye n'ayo akomokaho.

| Ingero |
|---|
| Umwarimu→ ubwarimu<br>Igitebo→ ubutebo<br>Igitoki→ urutoki<br>Umugano→ urugano<br>Umucaca→ urucaca<br>Umwangavu→ ubwangavu |

### Amazina afite ibicumbi bifatanye n'indangazina

Ni amazina usanga afite indangazina ebyiri: Indangazina ya mbere ni yo igaragaza inteko iryo zina ririmo, naho iya kabiri ikaba ari iy'izina nyakimwe iryo zina rikomokaho.

| Ingero |
|---|
| Ijisho→ akajisho→ ikijisho<br>Umuntu→ ubumuntu<br>Ubugabo→ akanyabugabo |

## Amazina akomoka ku nyunge z'amagambo n'izina

Ni amazina akomoka ku iyungikanya ry'amagambo abiri asanzwe aba mu rurimi. Agabanyijemo amatsinda atandukanye bitewe n'amagambo yiyunze. Habaho:

a) **Inyunge z'amazina abiri**

Amazina abiri ariyunga akaba izina rimwe. Izina riri mu mwanya wa kabiri riba ryuzuza ingingo y'izina rya mbere, cyangwa rifite icyo ryongeraho

| **Ingero** |
|---|
| Itegeko teka : i-ø-tegek-o-ø-teka |
| Inyandiko mvugo : i-n-and-ik-o-ø-n-vug-o (n→ny/-j n→m/-v) |
| Imvugo shusho : i-n-vug-o-ø-ø-shusho (n→m/-v) |

b) **Amazina y'inyuge aranga amasano**

Ni amazina yiyunga akaba izina rimwe riranga isano abantu bafitanye mu muryango. Ayo mazina yashyizwe muri iki kiciro kubera ko abashakashatsi basanze ayo mazina agizwe n'amazina abiri yagiye ahindura intego ku buryo butandukanye.

| **Ingero** |
|---|
| Databukwe = data-ubukwe: ø- ø-data- ø-bu-ko-e (o→w/-j) |
| Mabukwe= mama-ubukwe: ø- ø-ma- ø-bu-ko-e (o→w/-j) |
| Sobukwe= so-ubukwe: ø- ø-so- ø-bu-ko-e (o→w/-j) |
| Nyokobukwe= Nyoko-ubukwe: ø- ø-nyoko- ø-bu-ko-e (o→w/-j) |

### Ikitonderwa

Aya mazina yose ari mu nteko ya mbere. Ntabwo afite indomo n'indanganteko, inteko yayo igaragara iyo bayashyize mu nteruro.

| **Urugero**: Databukwe ni munini |
|---|

c) **Amazina akomoka ku tubimbura**

Akabimbura ko mu mazina ni akaremajambo k'amagambo agoragozwa kaza mbere y'indanganteko cyangwa mbere y'igicumbi kakagira intego zitandukanye.

Utubimbura tw'ingenzi two mu mazina ni tune: a-; -nya; -nyira; -sa/ sha

**Akabimbura nyira karema**

- Amazina y'amasano akurikira: Nyirabukwe, nyirabuja, nyirasenge.
- Amazina bwite y'abantu b'igitsina gore: Nyirabagenzi, Nyirangirente, Nyirahabimana…
- Amazina rusange: Nyiramasibira, nyiragikori...

**Akabimbura nya**

- Kajya imbere y'ibicumbi by'amazina gafite umumaro wa ngenera. Ingero: Umunyakigali, umunyabintu, ba nyakabyizi...
- Gashobora no kugira inyito yo kwibutsa. Urugero: Tugiye kubona tubona nyamugore araje.
- Karema amagambo afite inyito ihamya

**Ingero**

- Dutere intambwe nyantambwe: **nya-ø-n-tambwe**
- Inshuti nyanshuti: **nya-ø-n-cut-i**
- Inka nyanka: **nya-ø-n-ka**

**Akabimbura sa ni impuzanyito ya nya**

- Karema amazina bwite: Sabizeze, Sagihobe, Sagitwe…
- Karema amazina rusange: agasamunyiga, samusure…
- Gashobora kugira impuzantego sh: shabukuru

**Akabimbura -a**

- Gafitanye isano n'ikinyazina ngenera. Kabanziriza indanganteko cyangwa indomo.

| **Ingero** |
|---|
| rwimbogo→ ru-a-i-n-bogo |

d) **Amazina afite inyongera cyangwa umusuma:**

Umusuma ni akajambo kiyongera inyuma y'igicumbi k'izina kakaryongerera ingingo y'igitsina gore, y'igitsina gabo, yo gutubya, yo gusebya...

**Umusuma-kazi ufite inyito y'igitsina gore**

| **Ingero** |
|---|
| Inkokokazi |
| Umupfakazi |
| Umugabekazi |
| Umunyarwandakazi |

**Umusuma –rume usobanura igitsina gabo**

| **Ingero** |
|---|
| Isekurume |
| Marume |

**Umusuma –azi ukoreshwa mu kugaya agaciro k'umuntu cyangwa k'ikintu**

| **Ingero** |
|---|
| Ikintazi/ Ikintagazi |
| Uruntagazi |
| Akayogazi |

e) **Amazina afite igicumbi gisubiwemo**

**Igicumbi gisubiwemo cyonyine**

| **Ingero** |
|---|
| Igikobokobo<br>Ikigorigori |
| Igishakashaka<br>Insoresore |

**Igicumbi gisubiranywemo n'indanganteko**

| **Ingero** |
|---|
| Urunturuntu |

**Ibicumbi bisubiwemo bifite inyunga -a- hagati yabyo**

| **Ingero** |
|---|
| Ingeragere<br>Igishikashike<br>Ivumavuma<br>Intokatoki<br>Umusangasange |

## Imyitozo

Garagaza amazina ari mu nteruro zikurikira akomoka ku yandi werekane ikomorazina ryakoreshejwe, ugaragaze uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe:

Ubuhinzi bw'urutoki bufitiye akamaro kanini Abanyarwanda. Umuhinzi nyawe yicira urutoki akuramo intokatoki. Ku mwero w'imyaka, ibigorigori, ibishyimboshyimbo n'ibishazashaza babikoresha mu gufumbira urutoki.

## Ibisubizo by'umwitozo

**Hari ibicumbi byisubiyemo byonyine:**

- Ibigorigori: i-bi-gori-gori
- Ibishogoshogo: i-bi-shogo-shogo
- Ibishazashaza: i-bi-shaza-shaza

**Igicumbi kisubiyemo n'inyunge –a- hagati:**

- Intokatoki: i-n-toki-a-toki (i→φ/-J)
- Izina rikomoka ku kabimbura nya:-
- Abanyarwanda: a-ba-nya- rwanda

# Kubungabunga amazi n'ibishanga

## (Amasomo 4)

## **Igice cya mbere:** Kumva no gusobanura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 134 kugera ku rwa 137)**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura amagambo atari asobanukiwe no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
- Gusobanura uburyo bunyuranye bwo kubungabunga umutungo w'amazi bugaragara mu mwandiko.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusoma neza umwandiko yumvikanisha ibyo asoma kandi agaragaza isesekaza.
- Gukoresha amagambo yungutse mu nteruro uko bikwiye.

**Ubukesha:**

- Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.
- Gushishikariza abandi kubungabunga ibidukikije.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo.

## Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

**Urugero**

a) Ni uwuhe mwandiko duheruka gusoma?
   - Ni umwandiko uvuga ku byerekeye kubungabunga amashyamba.

b) Ni kuki tugomba kubungabunga amashyamba?
   - Abanyeshuri basubiramo akamaro k'amashyamba cyanecyane ku byerekeye gukurura imvura no kugabanya ibyuka bibi mu kirere.

c) Nta bindi bintu muzi mu bidukikije bifitiye akamaro kanini ibinyabuzima?
   - Aha batanga ibisubizo binyuranye ariko, umwarimu akaza kwibanda ku mazi kuko afitiye akamaro gakomeye ibinyabuzima. Birangije, umwarimu asaba abanyeshuri kubumbura ibitabo byabo ku rup. rwa 134 no kwitegereza ikarita ihari akababaza ibibazo bikurikira:

d) Ni iki mubona kuri iyi karita?
   - Ndabona ibiyaga n'imigezi minini by'u Rwanda.

e) Tanga ingero z'ibiyaga werekana n'aho biherereye.
   - Ikiyaga cya Kivu giherereye mu Burengerazuba, ikiyaga cya Muhazi giherereye mu Burasirazuba n'aho ibiyaga bya Burera na Ruhondo biherereye mu Majyaruguru.

f) Ni iyihe migezi mubona ku ikarita?
   - Ni Nyabarongo, Akanyaru n'Akagera

g) Musome umutwe w'umwandiko noneho mumbwire niba ufitanye isano n'iyi karita.
   - Umutwe w'umwandiko "Umutungo w'amazi ukwiriye kubungabungwa" ufitanye isano n'iyi karita, kuko ikarita itwereka amazi magari n'aho aherereye, ni ukuvuga ko mu mwandiko tugiye kureba ukuntu aya mazi ari umutungo w'Igihugu.

2. **Gusoma**

   2.1 **Gusoma bucece**

   Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma bucece umwandiko "Umutungo w'amazi ukwiriye kubungabungwa", barangiza akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

**Urugero**

a) Vuga ibintu bibiri bihumanya amazi mu Rwanda.
   - Isuri, imyanda inyuranye iyajugunywamo,...

b) Ni izihe ndwara ziterwa n'amazi ahumanye nk'uko umwandiko ubivuga?
   - Tifoyide, macinya,...

   2.2 **Gusoma baranguruye**

   Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko umwumwe, igika ku gika, baranguruye ijwi kugeza umwandiko urangiye. Umwarimu akurikirana uko basoma akosora aho bajijinganyije, aho basomye barya amagambo cyangwa batubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

3. **Gusobanura umwandiko**

   3.1 **Inyunguramagambo**

   Umwarimu abwira abanyeshuri gukora amatsinda akabasaba gushaka amagambo batasobanukiwe no kuyasobanura bakoresheje inkoranya ndetse no gutanga ingero z'interuro ayo magambo yakoreshejwemo.

**Urugero rw'amwe mu magambo abanyeshuri bashobora kuba batasobanukiwe n'ibisobanuro byayo**

| | |
|---|---|
| **Guhumana** | Ni ukwibasirwa n'ibyangiza ubuzima ku buryo umuntu cyangwa ibindi binyabuzima byakurizamo urupfu. |
| **Umwimerere** | Ikintu kitari ikiganano. |
| **Inkengero** | Ni ahantu ubutaka bushashe buri hafi y'inkombe y'uruzi cyangwa y'ikiyaga. |
| **Urufunzo** | Ibyatsi bimera mu gishanga kirimo amazi menshi. |

| | |
|---|---|
| **Urukangaga** | Ibyatsi bimera mu tubande ku migezi mitoya, bikoreshwa mu kuboha imisambi n'ibirago. |
| **Ubuhehere** | Ukuba ahantu hatose, hatumagaye. Ububobere |
| **Gakondo** | Ikintu abakurambere baje basanga . |
| **Ubugeni** | Ni uburyo bwo gukora ibihangano binyuranye. |

## Umwitozo w'inyunguramagambo

### Urugero rw'interuro

**Ubugeni**: Ubugeni n'ubukorikori ni imyuga isaba gukorwa umuntu abwitondeye kugira ngo agire igihangano kinoze.

**Guhumanya**: Birabujijwe kunywa imiti utahawe na muganga kuko ishobora **kuguhumanya.**

**Umwimerere**: Nujya kugura ibintu mu maduka, uzage ureba iby'**umwimerere** kuko ari byo biramba.

**Inkengero**: Amazu yo mu **nkengero** z'umugi ntahenda kimwe n'ayo mu mugi rwagati.

**Urufunzo**: Urufunzo rukoreshwa mu bintu byinshi: intebe, idara, ibidasesa n'ibindi.

### 3.3 Ibibazo byo kumva umwandiko

Umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo, bagasubiza ibibazo ku mwandiko biri mu bitabo byabo. Ashobora no kongeraho ibye abona byakumvikanisha neza umwandiko. Buri tsinda risubiza ibibazo umwanditsi yandika ibisubizo. Nyuma y'igihe cyagenwe, umwarimu ahuriza abanyeshuri hamwe bavuye mu matsinda, agatoranya itsinda rigeza ku bandi ibisubizo byaryo abandi bagafatanya n'umwarimu kubinonosora mbere y'uko byandikwa mu makayi yabo.

## Ibibazo n'ibisubizo ku mwandiko

1. **Iyo utekereje usanga uyu mwandiko ubwirwa ba nde?**
    - Ubutumwa buri mu mwandiko burabwirwa abakoresha amazi n'ibishanga mu Rwanda.

2. **Rondora akamaro k'amazi**
    - Ibinyabuzima ibyo ari byo byose bikeneye amazi.Inyamaswa, ibimera n'abantu bakeneye amazi.Ibimera bikeneye amazi

ngo bikure. Inyamaswa zikeneye amazi yo kunywa kugira ngo zibeho. Abantu bakeneye amazi kubera impamvu zinyuranye. Amazi akenewe mu ngo kugira ngo anyobwe, atekeshwe, akarabwe cyangwa ameshwe. Inganda na zo zikeneye amazi yo gukoresha mu byo zikora. Amazi akoreshwa mu kuvomerera imyaka kandi akoreshwa mu gutanga amashyanyarazi. Ntitwakwiyibagiza ko imigezi n'ibiyaga bituma habaho imibereho myiza y'ibinyabuzima biba mu mazi nk'amafi, imvubu, ingona n'ibindi.

3. **Vuga bimwe mu bibazo byugarije umutungo w'amazi.**
   - Ibibazo  bibiri nyamukuru byugarije umutungo w'amazi, ni uguhumana no gukama.

4. **Bigenda bite iyo amazi ahumanye cyangwa akamye?**
   - Gukama kw'ibiyaga n'inzuzi bituma habaho ibura ry'amazi yo kunywa, hakabura amazi yo kuvomerera ibihingwa, ayo gukoresha mu nganda, hakabura amashanyarazi, n'izindi ngaruka nyinshi ziteye inkeke. Amazi ahumanye atera indwara nka za tifoyide, macinya, korera n'izindi.  Ashobora kandi gutera urupfu rw'ibinyabuzima biba mu mazi nk'amafi.

5. **Ibishanga bifite akahe kamaro?**
   - Ibishanga ni utuyunguruzo tw'umwimerere tw'amazi, bitanga ibikoresho gakondo by'ubugeni, nk'ibikoreshwa mu kuboha uduseke kandi bimwe mu bimera biba mu tubande bivamo imiti. Ikindi kandi, ibishanga bibamo amoko menshi y'ibinyabuzima.

6. **Wagira iyihe nama abantu bahumanya amazi, abubaka mu bishanga? Abavoma amazi y'ibishanga?**
   - Abahumanya amazi nabasaba kubireka kuko ari bibi cyane konona ibidukikije kandi bifitiye akamaro abantu n'ibindi binyabuzima. Iyo ibinyabuzima bibuze amazi meza birapfa, ubwo ni ukuvuga ko uwo muntu ubyica aba  agira nabi cyane. Namubwira ko kubungabunga ibidukikije ari inshingano za buri wese; ko kandi nadakurikiza inama zange azahanwa n'inzego zishinzwe kubungabunga ibidukikije.
   - Abubaka mu bishanga na bo nababuza nkababwira ko kubahiriza amategeko agenga imyubakire na bwo ari uburyo bwo kubungabunga ibidukikije.

- Abavoma amazi y'ibishanga nabasaba kubireka bagashaka amazi y'amasoko kuko amazi y'ibishanga ashobora kubatera indwara.

7. **Ni irihe somo ry'ingenzi wakuye muri uyu mwandiko ryagufasha mu buzima busanzwe.**
   - Isomo nakuyemo ni ukudahumanya amazi. Nzajya mbuza abantu kujugunya imyanda mu mazi.

# **Igice cya kabiri:** Gusesengura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri orupapuro rwa 137)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gutahura ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusesengura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.

**Ubukesha:**

- Gushishikariza abandi kubungabunga umutungo w'amazi.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**

   umwarimu abwira abanyeshuri gusoma baranguruye umwumwe igika ku kindi umwandiko "kubungabunga amazi n'ibishanga" kugira ngo bawiyibutse.

2. **Isesengura**

   Bamaze gusoma, umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo, akabasaba gukora inshamake bahereye ku ngingo z'ingenzi ziri mu wandiko.

   **Ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko:**

   - Umutungo w'amazi u Rwanda rufite.
   - Akamaro k'amazi ku rusobe rw'ibinyabuzima.

- Ibibazo byugarije umutungo w'amazi.
- Ingaruka zo guhumanya umutungo w'amazi.
- Ingamba zo kubungabunga umutungo w'amazi.
- Ihuriro hagati yo kwita ku bishanga no kubungabunga umutungo w'amazi.

**Urugero rw'ihinamwandiko**

Umutungo w'amazi ni imigezi n'ibiyaga. Imigezi n'ibiyaga bifite akamaro mu gutunga ibinyabuzima. Abantu banywa amazi, bakayatekesha, bakayameshesha ndetse bakanavomerera n'ibimera bibafitiye akamaro. Inyamaswa zirayanywa ndetse zimwe na zimwe zikayabamo. Ibimera bidafite amazi biruma. Kubera ako kamaro gakomeye amazi afite, kuyahumanya cyangwa kuyakamya ni bibi cyane.

Ni yo mpamvu ingamba zafashwe zo kuyabungabunga nko kuyarinda imyanda izanwa n'isuri, kutayajugunyamo imyanda yo mu nganda, kubahiriza itegeko rigenga inkengero z'ibiyaga n'imigezi no guhugura abantu mu bijyanye no kubungabunga amazi.Ibi bijyanye no gufata neza ibishanga kuko ari byo bibumbatiye amazi kandi bikayayungururura. Mu bishanga kandi habonekamo ibimera bikoreshwa mu mirimo y'ubugeni ku buryo na byo bigomba kubungabungwa.

## **Igice cya gatatu:** Amoko y'imyandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 137)**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura imiterere y'umwandiko ntekerezo, mbarankuru, mvugamiterere, mvugamateka na nsesengurabumenyi.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gutandukanya umwandiko ntekerezo, mbarankuru, mvugamiterere, mvugamateka na nsesengurabumenyi.
- Gusesengura umwandiko ntekerezo, mbarankuru, mvugamiterere, mvugamateka na nsesengurabumenyi.

- Guhanga umwandiko ntekerezo, mbarankuru, mvugamiterere, mvugamateka na nsesengurabumenyi.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira gusoma ibitabo bitandukanye no kwitabira amasomero.
- Kugira umuco wo guhimba imyandiko itandukanye.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda, imfashanyigisho z'iyumvabona, murandasi...

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko "Kubungabunga amazi n'ibishanga" maze akabasaba kugaragaza ibice biwugize bahereye ku bika byawo, ibivugwamo n'uburyo bivugwamo. Umwarimu asaba abanyeshuri kandi kugereranya uyu mwandiko n'ingeri z'ubuvanganzo bwo muri rubanda bakabigereranya bahereye ku kivugwa, ikigamijwe n'uburyo bivugwamo.

**Urugero: Ikigereranyo hagati y'umugani, insigamugani n'umwandiko**

| Umugani Muremure | Insigamigani | Umwandiko "Kubungabunga amazi n'ibishanga" |
|---|---|---|
| Utangizwa na kera habayeho cyangwa umunsi umwe ukarangizwa na si nge wahera. | Itangira akenshi bavuga igihe bacira uwo mugani, aho wakomotse n'igihe. | Watangiye bagaragaza insanganyamatsiko iza kuvugwaho. |

| | | |
|---|---|---|
| Ushingira ku bintu bitabayeho. Ntugaragaza igihe n'ahantu hazwi ibintu byabereye. | Nta makabyankuru agaragaramo, ibivugwa byose biba ari amateka yabayeho. | Ushingiye ku bitekerezo umwanditsi yifuje kumvikanisha bityo aratanga ibitekerezo bishyigikira icyo ashaka kugeza ku basomyi. |
| Akamaro k'umugani muremure ni ako gutanga inyigisho timangiro. | Akamaro k'insigamigani ni ako kwerekana inkomoko z'imvugo dukoresha ariko hakabonekamo ingingo z'amateka n'umuco. | Akamaro k'uyu mwandiko ni ugutuma abantu bahindura igitekerezo rusange, gishobora kuba kemewe na benshi kandi kimaze igihe, nyamara wenda atari cyo, cyangwa kikaba kitakijyanye n'ibihe. |

Ibi bibafasha kubona ko no mu buvanganzo nyandiko harimo amoko y'imyandiko itandukanye. Bityo akabasobanurira ko bahereye ku buryo ibitekerezo biri mu mwandiko bitondetse no ku buryo bwo gusesengura ikivugwa, imyandiko ishobora kugabanywamo amoko atanu ari yo: Umwandiko mbarankuru, umwandiko mvugamateka, umwandiko nsesengurabumenyi, umwandiko mvugamiterere n'umwandiko ntekerezo.

2. **Isesengura**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda atanu, buri itsinda akariha ubwoko bumwe bw'umwandiko rizakoraho ubushakashatsi bakagaragaza inshoza, imiterere n'amabwiriza ajyanye no guhanga ubwo bwoko bw'umwandiko.

Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo kubikora, akanabarangira ibitabo binyuranye bakoresha. Iyo igihe yabahaye kigeze, amatsinda yose agenda agaragaza ibyavuye mu bushakashatsi ryakoze. Umwarimu afasha itsinda ritangaza kunonosora ibyo ryagezeho kugira ngo byandikwe mu makayi y'abanyeshuri. Iyo itsinda rimwe rirangije kumurika ibyo ryagezeho umwarimu atanga imyitozo yo gusuzuma ko ibyo ryagaragaje byumvikanye ku matsinda yose.

# Umwandiko ntekerezo: Akamaro ko gusoma ibitabo

## Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri orupapuro rwa 138 - 141)**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura amagambo atari asobanukiwe.
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusoma neza umwandiko yumvikanisha ibyo asoma kandi agaragaza isesekaza.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira kwandika ibitekerezo bye anenga ibitagenda neza, anashima ibikorwa neza.
- Gushishikarira gusoma ibitabo bitandukanye no kwitabira amasomero.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo.

### Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**

   umwarimu abwira abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo cyabo, akababaza ibibazo bibafasha kuvumbura ibikubiye mu mwandiko.

   **Ingero z'ibibazo yababaza:**

   a) Ni iki mubona kuri iyi shusho?
      - Turabona umwana w'umukobwa n'uw'umuhungu barimo gusomera ibitabo mu nzu y'isomero.

b) Kubera iki mukeka ko ari mu nzu y'isomero?

- Ni uko mu nzu y'isomero haba hari ibitabo byinshi.

c) Ese namwe mukunda kujya mu isomero gutira cyangwa gusomerayo bitabo?

Ibisubizo bizaba binyuranye bitewe n'uko abanyeshuri bitabira isomero. Umwarimu azaboneraho kubashishikariza kwitabira gusoma kuko bifite akamaro kanini anabamenyeshe ko umwandiko bagiye gusoma uvuga ku kamaro ko gusoma.

2. **Gusoma**

2.1 **Gusoma bucece**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece barangiza akababazaho ibibazo rusange kugira ngo agenzure ko basomye koko.

**Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo**

a) Kuki tugomba gusoma kugira ngo twitwe intiti?

- Ni uko gusoma ari bwo buryo bwonyine budufasha gucengera imibereho, imitekerereze n'ubumenyi bw'akurambere bacu, akaba ari na byo shingiro ry'umuco wacu.

b) Kuki bikwiye gukunda ibitabo?

- Birakwiye gukunda ibitabo kuko tubivanamo ubumenyi bunyuranye.

2.2 **Gusoma baranguruye**

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko umwumwe, igika ku gika, baranguruye ijwi kugeza umwandiko urangiye. Umwarimu akurikirana uko basoma akosora aho bajijinganyije, aho basomye barya amagambo cyangwa batubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

3. **Gusobanura umwandiko**

3.1 **Inyunguramagambo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gusomera umwandiko mu matsinda, bagashakamo amagambo badasobanukiwe kandi bakayasobanura bakoresheje inkoranya.

## Urugero rw'amwe mu magambo abanyeshuri bashobora kuba badasobanukiwe n'ibisobanuro byayo

| | |
|---|---|
| **Intiti** | Umuntu w'umuhanga mu bumenyi |
| **Gukora iyo bwabaga** | Gukoresha imbaraga zawe zose |
| **Gutekereza ku buryo bwimbitse** | Gutekereza cyane ugacukumbura |
| **Amayobera y'igitabo** | Ibitekerezo bihishe mu gitabo bisaba ubucukumbuzi. |
| **Kwaturira** | Kumenera ibanga |
| **Ubunararibonye** | Ubwenge n'ubushishozi umuntu ahabwa n'ibyo yaciyemo. |

3.2 **Ibibazo byo kumva umwandiko**

1. **Ni iyihe mpamvu gusoma ibitabo ari ngombwa?**
   - Ni uko gusoma ari bwo buryo bwonyine budufasha gucengera imibereho, imitekerereze n'ubumenyi bw'abakurambere bacu, akaba ari na byo shingiro ry'umuco wacu.

2. **Kuki bikwiye gukunda ibitabo?**
   - Ni uko ari inshuti z'indahemuka zihoraho, kandi bikaba bikubiyemo ubwenge burenze n'ubw'ababyanditse.

3. **Ni gute umuntu udasoma aba ameze nk'imfungwa?**
   - Ibitabo biduha kwagura ubumenyi, bikadufasha kureka gutekereza ibintu bimwe gusa bidafite icyo bitwungura. Udasoma rero aba afungiranye mu bitekerezo.

4. **Ni uwuhe mumaro urenze ubumenyi umuntu akura mu gitabo kiza asomye?**
   - Igitabo kiza cyungura ugisomye kikamwubakamo ibyiza, kikigisha umusomyi gushyira mu gaciro no kwihanganira abandi ndetse kikanadutembereza kikatugeza n'aho tutaragera no mu bihe tutabayeho.

5. **Kuki abantu bakwiye kwegerezwa amazu y'isomero?**
   - Ni uko ibihe tugezemo bya demokarasi, aho rubanda igomba kwifatira ibyemezo kirasaba ko abaturage bamenya ibibazo nyamukuru bihanze isi, bakamenya ikerekezo kiza bakwiye kuganishamo igihugu cyabo n'ik'isi muri rusange

6. **Ni izihe ngamba mwafata kugira ngo mushishikarize umuryango wanyu, inshuti zanyu, abaturanyi na bagenzi banyu umuco wo gusoma?**
   - Ibikorwa byo gushishikariza abandi gusoma nabikorera ku ishuri, mu rugo no mu mudugudu ntuyemo.
   - Ku shuri nzatangira nimenyereza gusoma mu isomero ryo ku ishuri no ku mbuga zinyuranye za interineti. Nzasoma ibitabo n'imyandiko binyuranye kandi mu ndimi zose nize. Nzasoma ibitabo by'ubuvanganzo binyuranye, iby'amateka, ibya siyansi n'ikoranabuhanga, ibyerekeye iterambere ry'ibihugu binyuranye, ubugeni n'ubukerarugendo, ibibazo byugarije isi muri rusange n'urubyiruko ku buryo bw'umwihariko….Byose bizaterwa n'umwanya nzaba mfite.
   - Nimara gucengerwa n'umuco wo gusoma, nzasaba abayobozi b'ikigo nigamo gushinga karabu (club) yo gusoma kugira ngo nsangize bagenzi bange ibyiza byo gusoma. Muri karabu tuzajya dusoma, nyuma twungurane ibitekerezo mu byo twasomye kugira ngo dushobore guhindura imyitwarire yacu tugana mu nzira nziza.
   - Mu biruhuko nzatoza umuryango wange gusoma mpereye kuri barumuna bange na bakuru bange nkurikizeho ababyeyi bange. Nzabatoza kugana amasomero no kujya kuri interineti igihe babonye amafaranga.
   - Mu mudugudu nahera ku mukuru w'umudugudu agakoresha inama abaturage ababwira ibyiza byo gusoma. Nkamusaba akampa ijambo nkabasangiza ibyo dukora ku ishuri muri Karabu yo gusoma. Ku kibazo cy'uko nta bitabo babona byo gusoma, nasaba ko ababifite bagira umuco wo gutiza abatabifite. Abatijijwe ibitabo na bo basabwa kubifata neza no kubitirura vuba kugira ngo bashobore guhora batira kandi bitizwe n'abandi….

7. **Umwanditsi aravuga ati: "Ibitabo ni inshuti z'indahemuka zihoraho". Mwemeranyijwe na we cyangwa muramuhakanya? Muhitemo inzira kandi mutange ingero.**

- Ibitabo ni inshuti z'indahemuka, zihoraho kuko bavuga ko umusomyi mwiza agera aho na we akandika. Ibitabo rero bitugirira akamaro nk'uko inshuti ikatugirira.

8. **Umunyeshuri wakwishingira kugendera ku byo umwarimu amuhaye yagira ubumenyi buhagije? Kubera iki?**
   - Reka daa! Nyuma yo kwigishwa na mwarimu, hagomba gukurikiraho umwanya wo gusoma no gusesengura mu mutuzo ibyo wasomye.
   - Akamaro ka mwarimu ni ako gutanga umurongo ngenderwaho, ibindi bikuzuzwa n'umuhate w'umunyeshuri. Mbese ni nk'urufunguzo umwarimu atanga, ahasigaye umunyeshuri akinjira mu nzu akayitegereza, akayibyaza umusaruro.

## Igice cya kabiri: Gusesengura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 141 kugera ku rwa 142)**

---

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gutahura ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko.

**Ubumenyi ngiro:**

- Kwandika ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko akurikije uko ibitekerezo bigiye bikurikiranye.

**Ubukesha:**

- Gukoresha ururimi rw'Ikinyarwanda ataruvangamo izindi ndimi.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri.

### Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**

   Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma baranguruye ijwi umwumwe igika ku kindi umwandiko "Akamaro ko gusoma" kugira ngo bawiyibutse.

2. **Gusesengura**

   Bamaze gusoma, umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo, akabasaba gusubiza ibibazo by'isesenguramwandiko:

## Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byabyo

1. **Uyu mwandiko wanditswe n'umunyamahanga, ibitekerezo biwukubiyemo wabisanga no mu Rwanda? Sobanura igisubizo cyawe.**

   Ibitekerezo by'uyu mwanditsi, twabisanga no mu Rwanda, kuko umunyarwanda na we akeneye kwiyungura ubumenyi no kugendera ku bunararibonye bw'abamubanjirije, baba Abanyarwanda cyangwa abanyamahanga. Ni yo mpamvu akeneye kugana amasomero yaba afite n'uburyo akagura n'ibitabo. Hari ibiranga umuco wacu bitanditse ariko bizwi n'abantu bakuze, buri wese akwiye kwiyegereza abantu bakuze babimubwira akabishyira mu nyandiko.

2. **Muhereye ku bika bigize umwandiko nimushake ingingo z'ingenzi zigize umwandiko.**
   - Gusoma ni bwo buryo bwonyine budufasha gucengeza neza imibereho, imitekerereze, ubumenyi n'ibikorwa twasigiwe n'abakurambere bacu, akaba ari na byo shingiro ry'umuco wacu.
   - Ibitabo biduha kwagura ubumenyi, bikadufasha kureka gutekereza ibintu bimwe gusa bidafite icyo bitwungura.
   - Igitabo kiza cyungura ugisomye kikamwubakamo ibyiza, kigisha umusomyi gushyira mu gaciro no kwihanganira abandi, kiradutembereza kikatugeza n'aho tutaragera no mu bihe tutabayemo.
   - Ibihe tugezemo bya demokarasi, aho rubanda igomba kwifatira ibyemezo kirasaba ko abaturage bamenya ibibazo nyamukuru bihanze isi, bakamenya ikerekezo kiza bakwiye kuganishamo igihugu cyabo n'ik'isi muri rusange.
   - Nyuma yo kwigishwa na mwarimu hagomba kubaho umwanya wo gusoma no gusesengura mu mutuzo ibyo wasomye.
   - Akamaro ka mwarimu ni ako gutanga umurongo ngenderwaho, ibindi bikuzuzwa n'umuhate w'umunyeshuri.

# Igice cya gatatu: Inshoza n'uturango by'umwandiko ntekerezo

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 142 kugera ku rwa 146)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gutanga inshoza y'umwandiko ntekerezo.
- Kurondora uturango tw'umwandiko ntekerezo.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusesengura umwandiko ntekerezo.
- Guhanga umwandiko ntekerezo.

**Ubukesha:**

- Kugira umuco wo guhimba yandika imyandiko itandukanye.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma baranguruye umwumwe umwandiko "Akamaro ko gusoma ibitabo" kugira ngo bawiyibutse. Nyuma yo gusoma, umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku nshoza y'umwandiko ntekerezo n'ibiwuranga. Ibi bibazo bishobora gukorerwa mu matsinda cyangwa bikabazwa abanyeshuri bose bari hamwe.

**Urugero**

a) Uyu mwandiko "Akamaro ko gusoma ibitabo" murasanga umwanditsi yarawanditse agamije iki?

b) Ugereranyije n'umugani muremure urasanga mu miterere yayo itandukanira he? (intangiriro, uko ibitekerezo bikurikirana n'umusozo)

2. **Gusesengura**

   Umwarimu ahereye ku bisubizo abanyeshuri batanga, abafasha gutahura inshoza y'umwandiko ntekerezo ndetse n'uturango twawo. Ibyavuye mu matsinda cyangwa ibisubizo abanyeshuri batanga biranozwa, bikandikwa ku kibaho n'inyuguti zigaragara cyangwa bakabyerekanisha ibyuma bigaragaza inyandiko n'amashusho. Ibyo bamaze kumvikanaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo

## Inshoza y'umwandiko ntekerezo

Umwandiko ntekerezo ni umwandiko ugambiriye gutanga ibitekerezo ariko noneho bigomba gusobanurwa, kugaragazwa n'ingero, ndetse n'ibipimo by'imibare n'ubundi bumenyi. Uwandika bene uwo mwandiko agomba gutanga ibisobanuro bifatika kuri buri gitekerezo atanze, akerekana ko hari abandi babibonye nka we, akagaragaza n'inkomoko y'ibyo avuga; kuko aba agambiriye ko babyemera.

### Urugero

Uramutse ufite insanganyamatsiko yo kuvuga ku ishyamba rya Nyungwe, ushobora: kubara inkuru iryerekeyeho, kuvuga amateka yaryo, kuvuga imiterere yaryo urishimagiza cyangwa ugira ibyo unenga, gusesengura aho riri ku ikarita, impamvu habamo amoko y'ibiti ibi n'ibi, akamaro rifitiye u Rwanda n'isi, ...

Imyandiko ntekerezo rero ni yo yagiye ihindura isi kuko akenshi yibasira igitekerezo rusange, gishobora kuba kemewe na benshi kandi kimaze igihe, nyamara wenda atari cyo, cyangwa kikaba kitakijyanye n'ibihe. Bityo, iyo ibivugwa bigaragaye ko ari ko kuri, bihindura byinshi ku bantu no mu mibereho yabo.

Umwandiko ntekerezo uba ugambiriye kwemeza abandi igitekerezo cyawe, no gutuma bahindura icyo bo bari bafite. Kugira ngo rero ubigereho witwerereza ubumenyi bwose. Bityo rero muri wo dushobora gusangamo agace kavuga amateka, akabara inkuru, agasesengura ibintu mu buryo bwa gihanga, … ariko byose bigambiriye kwerekana ukuri kw'igitekerezo ushyigikiye.

## Amabwiriza yo guhanga umwandiko ntekerezo

Guhanga umwandiko ntekerezo ni ugutanga ibitekerezo uhitamo uruhande ubogamiraho ku nsanganyamatsiko yatanzwe, wabanje

kwiga ikibazo, ukifashisha ingingo zumvikana kandi zifatika ndetse ziherekejwe n'ingero. Insanganyamatsiko ishobora kuba ijyanye n'iby'umuco, ubukungu, poritiki, imibereho y'abaturage, iyobokamana, ubutabera n'ibindi.

Insanganyamatsiko ushobora kuba wayihawe cyangwa wayitekerererejeho. Insanganyamatsiko ni ikintu k'ingenzi kigomba kwitonderwa, kuko ibyandikwa ni cyo biba bishingiyeho, kandi uburyohe bw'umwandiko buturuka ku nsanganyamatsiko n'uburyo wayambitse.

Nubwo buri muhanzi agira inganzo ye mu buryo bwo kuryoshya igihangano, hari ibikorwa by'ingenzi agomba gukurikiza kugira ngo umuntu aboneze igihangano ke. Ayo mahame ni ugutekereza cyangwa kumva insanganyamatsiko, kwegeranya ingingo, guhitamo inzira, gukora imbata no kwandika.

1. **Gutekereza no kumva insanganyamatsiko**
   Mbere yo kwandika ubanza gutekereza ku nsanganyamatsiko ushaka kwandikaho, ukayiyumvisha, ukayigira iyawe, cyanecyane iyo ari iyo wahawe. Kumva ingingo wandikaho bikorwa mu byiciro bibiri:
   a) Kuyisoma witonze, ukayisesengura, ushaka inyito z'amagambo ayigize kuko ijambo rimwe rishobora kugira inyito nyinshi.
   b) Gushakamo ijambo cyangwa amagambo fatizo yaguha inzira n'imbibi by'insanganyamatsiko. Iyi ntambwe ya mbere ni ingenzi kuko ntushobora kubona ibitekerezo utanga ku bintu nawe ubwawe utumva neza.

2. Kwegeranya ingingo (ibitekerezo)
   Iyo umaze kumva neza insanganyamatsiko, utangira kwandika ku rupapuro rwo guteguriraho ibitekerezo. Ukusanya ingero, amagambo meza yavuzwe n'abandi, ibyawe ubwawe waba uzi, n'ibindi. Biba byiza iyo insanganyamatsiko wandikaho uyiziho byinshi, kandi ugashingira ku bintu bifatika. Iyi ntambwe ya kabiri na yo irakomeye kuko ari yo igufasha gukurikiranya neza ibitekerezo byawe, ugahitamo iby'ingenzi, ukegeranya ibihuye, ukabikurikinya mu buryo bwuzuzanya kandi hakurikijwe inyurabwenge.

3. Guhitamo inzira (guhitamo uruhande ushyigikira)
Mbere yo kwandika ugomba gihitamo imwe mu nzira eshatu zishoboka: niba igitekerezo gikubiye mu nsanganyamatsiko ari cyo uragishyigikira, niba atari cyo ukagihinyuza, niba ubona nta ho wabogamira ujya hagati no hagati ugatanga igitekerezo kidafite aho kibogamiye, ariko gikosora impande zombi: urw'abakirwanya n'urw'abagishyigikiye. Niba insanganyamatsiko yatanzwe ari ikibazo, ushaka uburyo wagisubiza uhereye ku ngingo wegeranyije. Mu rwego rwo gutanga ibitekerezo biboneye ni byiza kwita cyane ku ngingo zishyigikira ibitekezo byawe cyangwa byatanzwe no ku ngingo zivuguruza ibyo bitekerezo. Iyi ntambwe irakomeye kuko ari yo yerekana aho ibitekerezo byawe bigana kandi guhitamo inzira ni byo bikurinda kujandajanda, bikanagaragaza ko ufite ubushobozi bwo guhagarara ku byo wemera.

**4. Gukora imbata**

Imbata y'umwandiko igira ibice bitatu by'ingenzi:

- Intangiriro (iriburiro)
- Igihimba
- Umusozo (umwanzuro)

(a) **Intangiriro**

Muri iki gice hashyirwamo ibikubiye mu nyandiko n'inyungu bayitezeho, ibice by'ingenzi bikubiye mu nyandiko yawe n'impamvu ugiye kwandika.

**Intangiriro igomba kuba yujuje ibi bikurikira:**

- Kuba ari ngufi, ifite ireme, iteye amashyushyu, ku buryo uyisomye agira amatsiko yo gusoma ibikurikiyeho.
- Mu ntangiriro, ntugomba kunyura kure cyane; ugomba guhita umenyesha icyo ugiye kwandikaho.
- Mu ntangiriro, ntugomba guhita werekana uruhande ubogamiyeho ku nsanganyamatsiko, kuko waba umaze amatsiko abasoma, ntibakomeze gusoma.

(b) **Igihimba**

Ni igice kivuga ku nsanganyamatsiko ku buryo burambuye. Iki gice kerekana ibitekerezo n'ingingo zinonosora kandi zumvikanisha uruhande nyiri ukwandika ashyigikiye. Kubera uburebure bw'igihimba, n'ibitekerezo binyuranye

bikigize, iki gice kigenda kigabwamo ibika. Ku ntangiriro ya buri gika, hajya ijambo rigihuza n'icyakibanjirije, ku buryo hagaragaramo uruhererekane rw'ibitekerezo. Ibyo bikorwa no hagati y'intangiriro n'igihimba, ndetse no hagati y'igihimba n'umusozo.

**Ayo magambo yunga igika ku kindi ni nk'aya**:

- Nk'uko tumaze kubivuga haruguru,
- Nyamara,
- Bitabangamiye ibyo tumaze kuvuga,
- Bityo rero…

**Impugukirwa**

Inzira wahisemo, ntihita igaragara mu ntangiriro y'igihimba. Ahubwo igenda iyobora ibitekerezo byawe, yumvikana ku buryo buziguye mu bitekerezo, mu ngero, mu magambo yavuzwe n'abandi usubiramo, …

Buri ngingo y'ingenzi, igenda yiharira igika.

Hari igihe ikibazo cyagira ibisubizo cyangwa ibitekerezo bibiri. Icyo gihe ubanza kwigizayo icyo utemera (kugisenya), kitajyanye n'inzira yawe, hanyuma ukabona gukurikizaho igitekerezo wowe ushyigikiye.

**Urugero**

Bamwe bavuga ko isi n'ibiyiriho bitaremwe n'Imana. Nyamara, iyo witegereje ubuhanga byaremanywe, …, ntiwabura kuvuga ko ababitekereza batyo bibeshye. Dore Ingero:…

Ntukagaruke ku gitekerezo wavuze kuko ingingo zigenda zikurikirana ukurikije ingufu, inyurabwenge n'injyabihe ku buryo ugenda wumvisha umusomyi inzira yawe kandi uyimwemeza.

(c) **Umwanzuro**

Umwanzuro ni igice kerekana ku mugaragaro uruhande rw'umwanditsi ku kibazo cyavuzwe mu intangiriro. Nta ngingo nshya izamo. Iki gice gishobora gufata intego zikurikira:

- Kwanzura ibitekerezo byawe muri make.
- Kwagura amarembo ku bandi banditsi, ngo bazakomerezeho, bagusubize cyangwa bakuzuze.

**Kwandika**

Kwandika, ntibikorwa umujyo umwe, ndetse iyo ari ngombwa byafata n'iminsi, kugira ngo ushobore kwandika utuje neza. Nyuma rero usubira mu byo wateguye, ugakuramo ibitari ngombwa, ibyisubiramo, ibikabya, ndetse ukongeramo ibyaba bibuzemo. Muri iki gice kandi, ni ho ushakisha amagambo yabugenewe kandi aryoshye. Byongeye kandi uboneraho ugakosora amakosa y'imyandikire n'utwatuzo.

Mu nyandiko, ntugatinye gushyiramo ibitekerezo n'ingero zishimishije, izisekeje, ariko byose bigusha ku byo wiyemeje kwigisha.

## Ibibazo n'ingero z'ibisubizo by'umwitozo

1. Guhanga wandika bifite akahe kamaro?

   Iyo umuntu ahanga yandika bituma ibyo yandika bitibagirana ndetse bikoroha mu kubigeza ku bandi. Inyandiko ishobora kugera ku bantu benshi batandukanye kandi mu bihe binyuranye, ariko igihe utandika ushobora kubyibagirwa.

2. Kora imbata y'umwandiko ntekerezo kuri imwe mu nsanganyamatsiko zikurikira:
   - Uburinganire bw'umugabo n'umugore.
   - Ubutabera n'amahoro.
   - Kubaho mu mudendezo bishingira ku ifaranga.

   Aha umwarimu areba ko abanyeshuri bakurikiranya ibitekerezo uko bikwiye, kandi ibigomba kujya muri buri gice byashyizwemo uko bikwiye hakurikijwe imbata y'umwandiko ntekerezo.

# Umwandiko mbarankuru: Inkuru ngufi: Amatwi arimo urupfu ntiyumva

## Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 147 kugera ku rwa 151)**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura amagambo atasobanukiwe no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusoma neza umwandiko yumvikanisha ibyo asoma kandi agaragaza isesekaza.
- Gukoresha amagambo yungutse mu nteruro uko bikwiye.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira gusoma ibitabo bitandukanye no kwitabira amasomero.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo.

### Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**

   Umwarimu abwira abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo cyabo, akababaza ibibazo bibafasha kuvumbura ibikubiye mu mwandiko.

## Ingero z'ibibazo n'ibisubizo

1. Murabona iki kuri iyi shusho?
   - Kuri iyi shusho ndabona abagabo babiri bicaye barebana, umwe afite ikintu kimeze nk'umweyo arimo avuga, undi amuteze amatwi.

2. Mukeka ko bariya bagabo barimo gukora iki?
   - Umwe ameze nk'umupfumu, undi ameze nk'uraguza.

3. Ni nde wigeze abona aho umupfumu aragura?
   - Naramubonye muri firimi (n'ibindi bisubizo bitandukanye...)

4. Umuntu ajya kuraguza kubera iki?
   - Ni ukubera ko aba afite ibibazo akibwira ko umupfumu yamubwira insinzi yabyo.

**2. Gusoma**

2.1 **Gusoma bucece**

Umwarimu abwira abanyeshuri kurambura ibitabo byabo ahanditse umwandiko "Amatwi arimo urupfu ntiyumva" akabasaba gusoma bucece, barangiza akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

## Urugero rw'ibibazon'ibisubizo

a) Muri uyu mwandiko bavuga ko ari nde wagiye kuraguza?
   - Ni Sinamenye.

b) Kuki yagiye kuraguza?
   - Sinamenye yagiye kuraguza kuko yemeraga ibyo bavugaga ku mupfumu Cyambarangwe: ngo akiza abarwayi, aha abakene gukira kandi ngo atanga impano yo gukundwa n'umukobwa ushatse, yiyumvisha ko ibyo bari baramubwiye ari byo koko. Na we rero yabonaga adatera imbere, ajya gushaka impamvu yabyo ndetse n'icyabimukiza.

2.2 **Gusoma baranguruye**

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko umwumwe, igika ku gika, baranguruye ijwi kugeza umwandiko urangiye. Umwarimu akurikirana uko basoma akosora aho bajijinganyije, aho basomye barya amagambo cyangwa batubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

**3. Gusobanura umwandiko**

3.1 **Inyunguramagambo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora amatsinda, akabasaba gushaka amagambo batasobanukiwe no kuyasobanura bakoresheje inkoranya ndetse no gutanga ingero z'interuro ayo magambo yakoreshejwemo. Iyo barangije bakora umwitozo w'inyunguramagambo.

**Urugero rw'amwe mu magambo abanyeshuri bashobora kuba badasobanukiwe n'ibisobanuro byayo**

| | |
|---|---|
| **Igihangamanywa** | Ku manywa y'ihangu, hagati ya saa sita na saa munani. |
| **Izuba rimena imbwa agahanga** | Izuba rikaze cyane. |
| **Zitonnye/gutona** | Kugira amabara y'ubudomagure, y'ubugondo. |
| **Inyatsi** | Ukubura amahirwe mu byo ukora, bityo ugahora ukorera ubusa, n'ibyo ubonye bikaguca mu myanya y'intoki. Ni umwaku. |
| **Insinzi** | Uburyo bwo gukemura ibibazo bwaraguwe n'umupfumu. (Ikintu cyose gituma umuntu atsinda) |
| **Guhinduriza** | Guhinduka mu maso kubera ikibazo kigukomereye ubwoba cyangwa umujinya. |
| **Gusabayangwa** | Gucika intege ukagenda wumva umutima wigosora. |
| **Umurava** | Umwete. |
| **Gusimbagurika** | Gushikagurika nijoro kubera ibibazo byarenze ubwonko. |
| **Kugenda ategatega** | Kugenda udafite imbaraga. |
| **Gutura nk'umusozi** | Kubaho igihe cyose. |
| **Kubika** | Gutangaza urupfu rw'umuntu. |

| | |
|---|---|
| **Ingeragere** | Inyamaswa yo mu gasozi irisha, iruta gato ihene kandi izi kwiruka cyane. |
| **Umupfumu rwoma** | Umupfumu uzwi cyane kandi wabigize umwuga. |

## Umwitozo w'inyunguramagambo

1. Koresha aya magambo mu nteruro zigaragaza ko wumva neza icyo asobanura.
   - **Gusabayangwa** (Uyu mwana arasabayangwa amaze igihe atarya.)
   - **Inyatsi** (Uriya mucuruzi havugwa ko agira inyatsi kuko acuruza atunguka)
   - **Insinzi** (Insinzi y'ikipe yacu yadushimishije cyane kubera ko itaherukaga gutwara igikombe)

2. Uzuza iyi nteruro ukoresheje ijambo rivuye mu mwandiko: Kamana azi kwiruka cyane nk'ingeragere ntiwamwirukaho ngo umufate.

   2.1 **Ibibazo byo kumva umwandiko**

   Umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo, bagasubiza ibibazo ku mwandiko. Nyuma y'igihe cyagenwe, umwarimu ahuriza abanyeshuri hamwe agatoranya itsinda rikageza ku bandi ibisubizo byaryo. Andi matsinda afatanyije na mwarimu yunganira itsinda ritangaza ibyo ryagezeho, bikanonosorwa, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

## Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

1. Wowe wumva ute icyo Abanyarwanda bakunze kwita inyatsi? Wemera ko ibaho? Sobanura.
   - Inyatsi ni ukubura amahirwe mu byo ukora, bityo ugahora ukorera ubusa, n'ibyo ubonye bikaguca mu myanya y'intoki. Ntibibaho. Ni imyemerere idafite ishingiro.

2. Ni iki kerekana ko Sinamenye yari umusore ufite imbaraga mbere y'uko ajya kuraguza?
   - Sinamenye yari umusore ufite imbaraga ni we wafashaga umuryango we kandi yari azi no kwiruka, yarirukaga agasiga ingeragere.

3. Hari abantu batagira ibibazo mu buzima bwabo?
   - Nta bo. Ari abakene, ari abakire bose bagira ikibahangayikishije. Icyo batandukaniraho ni uko ibibazo byabo atari bimwe. Mu gihe wenda bamwe bababazwa n'inzara, abandi baba baririra kunguka byinshi cyangwa bafite ikibazo cy'uburwayi.
4. Mu by'ukuri Sinamenye ubona yari arwaye n'iki?
   - Sinamenye yari arwaye ubwoba umupfumu yamuteye amubwira ko agiye gupfa
5. Uhereye kuri uyu mwandiko wavuga ko ibyo abapfumu baragura atari ukuri?
   - Ntabwo ari ukuri ariko bishobora kubaho iyo uraguza yabyemeye.
6. Kura guza biracyabaho mu muco nyarwanda?
   - Kuraguza biracyabaho mu muco nyarwanda? Hari aho bikiri ariko ahenshi byaracitse.
7. Abapfumu baragurisha iki?
   - Abapfumu baragurisha impinga, inzuzi, urugimbu, inkoko, cyangwa umutwe wabo.
8. Uyu mwandiko uratwigisha iki k'ingenzi?
   - Uyu mwandiko uratwigisha kwigirira ikizere, gukunda umurimo no kutiheba.

## **Igice cya kabiri:** Gusesengura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 152 kugera ku rwa 154)**

---

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**
- Gutahura tumwe mu turango tw'umwandiko mbarankuru.

**Ubumenyi ngiro:**
- Gusesengura umwandiko mbarankuru no gukora inshamake.

**Ubukesha:**
- Gushishikarira gusoma inyandiko zivuga ku buvanganzo.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo, igitabo cy'ubuvanganzo, imfashanyigisho z'iyumvabona.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**

   Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma baranguruye ijwi umwumwe igika ku kindi umwandiko "amatwi arimo urupfu ntiyumva" kugira ngo bawiyibutse.

2. **Gusesengura**

   Bamaze gusoma, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda, gusubiza ibibazo by'isesenguramwandiko bibanda ku bakinnyi b'ingenzi, ku kivugwa no ku buryo kivugwamo.

   Ibyavuye mu matsinda biranozwa, bikandikwa ku kibaho n'inyuguti zigaragara cyangwa bakabyerekanisha ibyuma bigaragaza inyandiko n'amashusho. Ibyo bamaze kumvikanaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

### Ingero z'ibibazo n'ibisubizo

1. Abanyarubuga b'ingenzi bavugwa muri uyu mwandiko ni ba nde?
   - Abakinnyi b'ingenzi bavugwa muri uyu mwandiko ni Sinamenye, umupfumu Cyambarangwe, n'umusaza Munyabugingo.
2. Vuga muri make ibivugwa muri uyu mwandiko
   - Sinamenye yari umusore ufite imbaraga ariko akabona atarimo gukira vuba nk'uko yabyifuzaga. Ajya kuraguza, umupfumu amubwira ko agiye gupfa. Agira ubwoba, acika intege, yanga gukora no kurya, ku buryo yari gupfa koko.
3. Vuga uburyo bugaragara mu mwandiko bwo gutanga inkuru.
   - Hagaragaramo uburyo bubiri bwo gutanga inkuru: ibarankuru, n'ibiganiro.
4. Tanga ingero z'ibarankuru n'iz'ibiganiro.
   - Ibarankuru: Mu ntangiriro....nyuma y'aho ayoboza akana. Ibiganiro: Aho aganira n'akana, n'umupfumu, n'umusaza Munyabugingo.

5. Hari aho umubarankuru yigaragaza?
   - Oya, ntaho yigaragaza ahubwo yitaruye inkuru.

6. Ukurikije uko ubara inkuru avuga, akurikirana abanyarubuga, ahindura umwanya areberamo nk'aho abona byose, hitamo igisubizo kiza:
   - Uyu mubarankuru ni n'umunyarubuga w'inkuru.
   - Ubara inkuru si umukinnyi ariko abarimo hagati.
   - Ubara inkuru ni umuntu witaruye urebera hanze y'urubuga ashobora kubona ibiba byose ndetse n'ibiri mu mitima y'abakinnyi.

   Ubara inkuru ni umuntu witaruye urebera hanze y'urubuga ashobora kubona ibiba byose ndetse n'ibiri mu mitima y'abakinnyi.

## **Igice cya gatatu:** Umwandiko mbarankuru

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 152 kugera ku rwa 157)**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gutanga inshoza y'umwandiko mbarankuru.
- Kurondora uturango tw'inkuru ngufi n'ibyitabwaho mu guhanga inkuru ngufi.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusesengura umwandiko mbarankuru.
- Guhanga umwandiko mbarankuru yubahiriza uturango twayo.

**Ubukesha:**

- Kugaragaza umuco wo guhimba imyandiko itandukanye.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda, imfashanyigisho zitegwa amatwi.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**

   Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma baranguruye umwumwe umwandiko "Amatwi arimo urupfu ntiyumva" kugira ngo bawiyibutse. Nyuma yo gusoma, umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku nshoza y'inkuru ngufi n'ibiyiranga. Ibi bibazo bishobora gukorerwa mu matsinda cyangwa bikabazwa abanyeshuri bose bari hamwe.

**Urugero**

a) Umaze gusoma umwandiko "Amatwi arimo urupfu ntiyumva" ni ibihe bintu wifuza kumenya wumva bitavuzwe?
   - Nifuza kumenya ibyabaye kuri Sinamenye byamuteye kujya kuraguza.
   - Nifuza kumenya (ibyakurikiye urupfu rwe) uko yaje kongera guhura n'umuryango we.

b) Kuki ibyo byose utabisanga muri uyu mwandiko?
   - Uyu mwandiko ni agace k'inkuru y'ubuzima bwa Sinamenye kuko ibyamubayeho byose byanditswe ku buryo burambuye byakora igitabo ntibyaba bikiswe umwandiko.

c) Ukurikije imiterere y'uyu mwandiko wawita iki mu rwego rw'ubuvanganzo?
   - Ni inkuru ngufi ukaba ubarirwa mu myandiko mbarankuru.

2. **Gusesengura**

### Inshoza y'umwandiko mbarankuru

Inkuru ngufi ni igihangano gishingiye ku kubarira abandi ibyabaye ubivuye imuzingo ukagera ku ndunduro; ariko mu buryo bworoheje butarimo isesengurabitekerezo ryimbitse, ridacukumbura insanganyamatsiko nyinshi.

Kubera ko gusobanura inkuru byatugora tutabanje kuvuga ku buryo butandukanye bukoreshwa n'umuntu mu kugeza ku bandi ibitekerezo bye, reka tubanze tuvuge kuri ubwo buryo muri make.

Ubwo buryo bushobora gukoreshwa ni imvugo y'ibiganiro hamwe n'inkuru.

**Imvugo y'ibiganiro**

Iyo tuvuga tuganira, iyo twandika ibaruwa, iyo dutanga ibitekerezo ku ngingo iyi n'iyi, dukoresha uburyo bw'imvugo bwitwa imvugo y'ibiganiro, kuko haba hari uvuga n'ubwirwa.

Ubwo buryo bwo kuvuga cyangwa imyandiko ikozwe muri ubwo buryo, bugaragazwa mbere na mbere n'ibihe inshinga zitondaguwemo: indagihe, impitakare, n'inzagihe.

Izo nshinga zerekana igihe igikorwa cyabereye ugereranyije n'igihe bavugira. Ibyo bihe kandi bigaragaza uvuga uwo ari we n'ubwirwa mu gihe iki n'iki. Hashobora no gukoreshwamo impitakera ndetse n'indagihe y'ubusanzwe, ariko nta mpitagihe yonyine ishobora kuzamo.

Kubera ko imvugo y'imbonankubone (y'ibigamiro) ishingiye ku gutanga ibitekerezo, irangwa na none n'ibi bikurikira:

- Ibinyazina ngenga bigaragaza uvuga n'ubwirwa (ngenga ya mbere n'iya kabiri mu bumwe cyangwa mu bwinshi).
- Amagambo agaragaza igihe n'ahantu: hano, none, ejo, mu minsi ibiri iri imbere, mu mwaka utaha, …
- Amagambo agaragaza ibitekerezo by'uvuga, uruhande abogamiyemo, n'ibindi.

Aho imvugo y'ibiganiro igaragarira cyane:

Mu byegeranyo ntekerezo: Aho umuntu aba agambiriye gutanga igitekerezo ke cyangwa isesengura yakoze ku bintu ibi n'ibi agamije kwerekana aho ukuri guherereye.

| **Ingero** |
|---|
| Nge ndabibona gutya, ndemeza ko, … |

Mu masengesho no mu mitoma: aho nyakuvuga asaba nyakubwirwa ibintu ibi n'ibi, akamuhimbaza, amutaka, amuryarya; ndetse akiha inshingano n'amasezerano y'ibyo azamukorera.

| **Ingero** |
|---|
| nzagukunda, nzagutonesha nguteteshe, … |

Mu ikinamico: Aho abantu bagirana ibiganiro bavugana imbonankubone.

Mu masesengura y'ibinyamakuru, mu bisigo biririmbwa, muri za ndangamatwara y'imitwe ya poritiki (aho umuntu agaragaza ibyo yemera n'ibyo atemera, ibyo azakora naramuka atowe ,…), mu bisingizo, ….

- Mu mabaruwa: Aho umuntu asaba cyangwa akagira icyo ageza kuri mugenzi we.
- Mu nkuru

Hari igihe umwanditsi ahitamo kutigaragaza mu byo avuga, ibyabaye bisa n'aho byivuga byo ubwabyo, nta sano igaragara bifitanye n'uvuga, n'umwanya avugiramo. Ubwo buryo bwo kugeza ku bandi ibyabaye cyangwa ibyo utekereza utabigaragayemo ni bwo bwitwa inkuru.

Imyandiko ikozwe ku buryo bw'inkuru, irangwa n'impitakera nk'igihe cy'ibikorwa.

Nta mpitakare igaragaramo.

Uvuga yirinda kugaragaza igitekerezo ke, nta ho anenga cyangwa ngo ashime ibyabaye.

**Aho uburyo bw'inkuru bukoreshwa**

Imvugo y'inkuru igaragarira cyane mu myandiko y'abanyamateka, mu nkuru ngufi cyangwa ndende, mu migani, mu bitekerezo, ...

**Ikitonderwa**:

Mu mwandiko umwe ntihabura kugaragaramo isimburana ry'izo mvugo zombi. Ibyo bigaragara nk'iyo mu nkuru rwagati nyiri ukuyibara ashyizemo ikiganiro, umuntu umwe avugisha mugenzi we akamusubiza, cyangwa nk'igihe mu ibaruwa, uwanditse agera aho akabarira inkuru uwo yandikiye.

**Uburyo bwo kubara inkuru**

Buri nkuru iba yubakiye ku bintu bibiri by'ingenzi:

Ku ruhande rumwe hari amateka y'ibyabaye, ababigizemo uruhare, mu gihe iki n'iki n'ahantu aha n'aha.

Ku rundi ruhande, hari imyubakire y'umwandiko (uburyo bwo kubara ibyo byabaye), bujyana n'uburyo uhitamo kuvuga ibyabaye cyangwa ibyo utekereza.

Gusoma neza inkuru rero si ugukurikirana inkuru yonyine, ni no gutahura ubwo buryo bwo kubara inkuru, wibaza uvuga uwo ari we, aho avugira, …

**Uvuga**

Ntihagomba kwitiranywa umwanditsi (umuntu uzwi wabayeho cyangwa ukiriho), n'umubazi w'inkuru ugaragara mu mwandiko nk'aho ari umuntu ufite ubushobozi budasanzwe.

**Umwanya w'ubara inkuru**

Ni uruhare afite mu nkuru abara. Ashobora kubara inkuru afitemo uruhare nk'umunyarubuga cyangwa akayibara atari mu rubuga; adafite uruhare mu byabaye. Dore aho abo babarankuru bombi batandukaniye.

**Ubara inkuru adafitemo uruhare**

Icyo gihe umwanditsi avuga ibyo abandi banyarubuga bakoze, adafitemo uruhare, ku buryo atagaragaramo yivugaho (ngewe nakoze ibi, byangendekeye gutya na gutya,….), cyangwa ngo atange ibitekerezo (biriya si byo, ukuri ku bwange ni uku,…). Iyi nkuru turangije gusoma yinjira muri urwo rwego.

**Ubara inkuru ari n'umunyarubuga**

Bene uwo munyarubuga aba avuga ibyamubayeho cyangwa ibyo we ubwe yagizemo uruhare cyangwa agatanga ibitekerezo abyiyerekejeho. Ubu buryo bukunze gukoreshwa mu bitabo by'abantu bavuga ku buzima bwabo.

**Imiterere y'umubarankuru**

Ashobora gufata imiterere itandukanye bitewe n'ubushobozi afite bwo kugera aho inkuru ibera hose no kumenya ibyabereye ahantu aho ari ho hose cyangwa ubwo bushobozi bukaba bufite aho bugarukira. Kubera izo mpamvu, ubara inkuru ashobora kwitwara ku buryo butatu butandukanye ari bwo: Umubarankuru ubona byose (umumenyabyose), umubarankuru urebera imbere mu rubuga (utarenga urubuga), n'umubarankuru urebera hanze y'urubuga (utabona ibiri imbere mu rubuga).

**Umubarankuru ubona byose**

Ibyo uwo mubarankuru avuga biba birenze ubumenyi n'ubushobozi bw'abanyarubuga. Ntagira umwanya umwe wihariye, abivuga nk'umunyamateka uzi byose, uhindura umwanya n'uburyo aboneramo ibyo avuga. Ashobora kuvuga ibyabereye ahantu aho ari ho hose: mu ijuru, ikuzimu, n'ahandi; akagaragaza ibitekerezo biri mu mitima, ibyabayeho kera n'ibizaza.

Ubwo buryo butanga inzira yagutse yo gusesengura insanganyamatsiko mu gitabo, ariko bushobora gutuma bigaragara nk'aho atari ukuri kuko buteganya umubarankuru ufite ubushobozi n'ububasha burenze ubwa muntu.

**Umubarankuru urebera imbere mu rubuga gusa**

Amakuru atanga ntarenga ubumenyi n'ubushobozi bw'umuntu. Ibyo avuga ntibirenga ubushobozi bwite bwo kugera ku bivugwa.

Ubwo buryo butuma hari ibyo utabona uko uvuga, ariko bugatanga ibintu bishobora kwemerwa nk'ukuri, kuko bugarukira ku byashoborwa n'umuntu bityo usoma akabyumva mu buryo bumworoheye.

**Umubarankuru urebera hanze y'urubuga**

Amakuru atangwa n'umubarankuru ashingira gusa ku byo abonera inyuma. Nta sesengurabitekerezo rijyamo kuko aba atazi ibitekerezo biri mu mitima y'abanyarubuga. Ubwo buryo bukoreshwa cyane mu iriburiro ry'inkuru cyangwa mu kuvuga imiterere y'inyuma y'umunyarubuga. Ntabwo bikwiye rero guhita wemeza ko uburyo bwakoreshejwe mu gace k'inkuru ari bwo bwakoreshejwe mu nkuru yose mu gitabo. Nk'ibarankuru rirebera hanze y'urubuga rikoreshwa kenshi mu ntangiriro gusa, ahasigaye hagakoreshwa ubundi buryo butuma hasesengurwa insanganyamatsiko zitandukanye.

**Inshamake**

Inkuru ngufi ni igihangano kigufi kivuga amateka y'ibyabaye; si imbwirwaruhame (aho umuntu ageza ku bandi ibitekerezo bye) si n'umugani kuko intego yayo atari iyo kutwigisha cyangwa kuduha isomo tima-ngiro, ntitangizwa na kera habayeho ngo irangizwe na si nge wahera. Inkuru ngufi ni amateka agaragara nk'ayabayeho n'ubwo akenshi aba ari ibihimbano.

**Ibiranga inkuru ngufi**

Inkuru ngufi irangwa no kugira insanganyamatsiko imwe. Ishobora kuba ivuga ikintu wibuka cyakubayeho cyangwa wabonye, igikorwa iki n'iki, igihe iki n'iki cy'ubuzima (nk'ubuzima bwo ku ishuri, mu kazi, mu muryango n'ibindi).

Ivuga ibintu mu buryo bubangutse, kandi ku buryo butaziguye. Iherezo ryayo riza ku buryo butunguranye rikagaragarira mu mirongo mike gusa.

Abanyarubuga bo mu nkuru ngufi baba ari bake. Ishobora gusohorwa mu bice (igice cya mbere, igice cya kabiri, …) Ubugufi bwayo butuma isigara cyane ku mutima w'umusomyi.

Mu gihe umugani ari igihangano cyuzuyemo amakabyankuru n'ibitangaza, inkuru ngufi yo ivuga ibintu byumvikana bigaragara nk'ibishoboka ku bwenge bwa muntu.

**Umwitozo**

Hanga inkuru ngufi itarengeje impapuro eshatu ku buryo hagaragaramo uturango twayo kuri imwe mu nsanganyamatsiko zikurikira:

- Ubuzima bwange nkiri muto.
- Umunsi mukuru nagiyemo.
- Ikintu cyanshimishije kuruta ibindi.

**Impugukirwa**

Kubera ko uyu murimo wo guhanga usaba gutekereza neza batuje, abanyeshuri bazahabwa amabwiriza hanyuma babikore nk'umukoro ugomba gutangwa nyuma y'icyumweru. Mu gukosora umwarimu azareba ko bubahiriza uturango tw'inkuru ngufi n'uburyo bw'ibarankuru.

# Umwandiko mvugamiterere: Akagera, ubwiza bw'u Rwanda

## **Igice cya mbere:** Kumva no gusobanura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 158 kugera ku rwa 161)**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura amagambo atasobanukiwe.
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusoma neza umwandiko yumvikanisha ibyo asoma kandi agaragaza isesekaza.
- Gusesengura umwandiko mvugamiterere.

**Ubukesha:**

- Kwitabira gukoresha neza Ikinyarwanda atakivanga n'izindi ndimi.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo.

## Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**

Umwarimu abwira abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo cyabo, akababaza ibibazo bibafasha kuvumbura ibikubiye mu mwandiko.

### Ingero z'ibibazo n'ibisubizo

a) **Ni iki mubona kuri aya mashusho**
   - Ndabona inyamaswa zinyuranye z'ubwoko bwinshi…
   - Ndabona ibiti binyuranye bya kimeza

b) **Murakeka ko ari he**?
   - Ni muri Pariki y'Akagera

c) **Ni nde wageze muri Pariki y'akagera**?
   - Narahageze
   - Nabonye firimi
   - Narebye ibiganiro bagaragaza amashusho yaho kuri tereviziziyo. (Ibisubizo bitandukanye)

d) **Mwabonye hameze hate**?
   - Ni heza cyane, ni umurambi mwiza, hari inyamaswa nyinshi.

2. **Gusoma**

2.1 **Gusoma bucece**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko "Akagera, ubwiza bw'u Rwanda" bucece hanyuma barangiza akababaza utubazo rusange two gusuzuma ko basomye.

a) Ni ibihe bintu nyaburanga umuntu asanga mu ishyamba ry'Akagera?

- Hari ibiti byiza kandi by'amoko menshi, n'inyamaswa nyinshi zishishe kandi umubiri wazo urarabagirana, zisa neza.

b) Ni izihe ziganje muri iryo shyamba?

- Iziganje muri iyo shyamba ni imbogo, impara n'imparage.

2.2. **Gusoma baranguruye**

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko umwumwe, igika ku gika, baranguruye ijwi kugeza umwandiko urangiye. Umwarimu akurikirana uko basoma akosora aho bajijinganyije, aho basomye barya amagambo cyangwa batubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

3. **Gusobanura umwandiko**

3.1 **Inyunguramagambo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora amatsinda, akabasaba gushaka amagambo n'imvugo bikomeye basanga mu mwandiko no gushaka ibisobanuro bifashishije inkoranya. Iyo barangije bakora umwitozo w'inyunguramagambo.

**Urugero rw'amwe mu magambo abanyeshuri bashobora kuba batasobanukiwe n'ibisobanuro byayo**

- **Akeza karigura**: Ni umugani usobanura ko ikintu kiza kidahendahendwa; nyiracyo akishyiriraho igiciro ashaka. Muri uyu mwandiko barashaka kuvuga ko ba mukerarugendo baza cyane mu Rwanda kubera ubwiza bwarwo.
- **Kubaza amenyo y'inkoko ureba umunwa**: Ni umugani uvuga ko ntawukwiriye kubaza ibintu bigaragara, ashaka kumenya aho biherereye. Bawuca bavuga ngo: "ntawubaza amenyo y'inkoko kandi areba umunwa".
- **Hari inyamaswa n'izindi ngo ngwino urebe**: Hari inyamaswa zitagira umubare, nyinshi cyane.
- **Ihogoza**: Ikintu kiza bihebuje.
- **Gufata akabando**: Ni uguhaguruka ugafata urugendo.
- **Umurambi uteta umukenke**: Umusozi ushashe neza wameze ho umukenke mwinshi uhuhwa n'umuyaga
- **Ibiti by'inganzamarumbu**: Ibiti byakuze cyane kandi bimaze imyaka myinshi.

### Umwitozo w'inyunguramagambo

Uzuza izi nteruro ukoresheje amagambo yavuye mu mwandiko

1. Kubera ko kamariza ari ihogoza abasore benshi bashaka kumurambagiza.
2. Imyenda nacuruzaga bahise bayimara. Akeza karigura koko.
3. Impara n'imparage zikunda kwibera mu mukenke kubera ko ari ibyatsi bizifasha kwihisha intare.
4. Izi ni zimwe mu nyamaswa zivugwa mu mwandiko. Huza izina ry'inyamaswa na nimero yayo. Urugero: Inyange (11)

| | | | |
|---|---|---|---|
| a) | Ingona(9) | g) | Inkware(10) |
| b) | Impyisi (7) | h) | Umusambi(6) |
| c) | Isatura (5) | i) | (Ntivugwa mu mwandiko) |
| d) | Twiga(1) | j) | Impara (8) |
| e) | Urusamagwe(4) | k) | Inyange (11) |
| f) | Imbogo (3) | l) | Imbwebwe(2) |

3.2 **Ibibazo byo kumva umwandiko**

Umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo, bagasubiza ibibazo ku mwandiko. Nyuma y'igihe cyagenwe, umwarimu ahuriza abanyeshuri hamwe agatoranya itsinda rikageza ku bandi ibisubizo byaryo. Andi matsinda afatanyije na mwarimu yunganira itsinda ritangaza ibyo ryagezeho, bikanonosorwa, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

## Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

1. **Igituma uwitegereje u Rwanda asanga ari rwiza ni iki?**
   - Ni uko mu Rwanda hari icyanya cy'Akagera, ik'ibirunga, ibiyaga n'imigezi, imisozi n'amashyamba.
2. **Ni izihe inyamaswa z'amajanja zituye mu ishyamba ry'Akagera?**
   - Inyamaswa z'amajanja ushobora kubona ni intare, ingwe, urutarangwe, imbwebwe, imondo, isega, impyisi, umukara, inkobe, urutoni n'ingona. Ingona ziba mu biyaga byaho.
3. **Hari ubundi bwoko bw'inyamaswa wasanga muri iryo shyamba?**
   - Ushobora kubona inyamaswa zirisha nk'imbogo, impara n'imparage, ibisiga n'inyoni by'amoko menshi.

4. **Kuki intare atari nyinshi cyane?**
   - Intare ntizikunda kuboneka nta n'ubwo zororoka cyane.
   - Biterwa n'uko zibyara igihe k'imvura, ibyana bimwe bikicwa n'umuvu w'imvura, cyangwa ingore n'ingabo zigiye guhiga bigasohoka bitazi iyo bijya, bigata indiri yabyo ubwo izindi nyamaswa zigashobora guhitana ibyo byana.
5. **Inzovu ziherereye ahagana he?**
   - Inzovu wazisanga ku kiyaga k'Ihema
6. Ni ayahe moko y'ibiti yiganje muri iryo shyamba?
   - Amoko y'ibiti yiganje muri iryo shyamba ni imigenge n'iminyinya, imikoma n'imikoyo, imyiha n'imikerenke, n'ibindi biti by'inganzamarumbu.
7. **Vuga amoko y'ibisiga n'inyoni bakunda kubona mu ishyamba ry'Akagera.**
   - Amoko y'ibisiga bakunda kubona: umusambi, inkongoro, kagoma, sabadede, ikiyoni, uruyongoyongo, nyirabarazana, inkorokoro, mukoma, ikinjenjegeri, miramutwe.
   - Inyoni zihiganje ni: inkware, iswikiri, inkurakura, ishwima n'inyange. Hari andi moko menshi y'inyoni ku buryo kumenya amazina yazo bitoroshye na gato.
8. **Vuga ibindi umunyamahanga yashobora gusanga mu Rwanda kandi byashobora kumushimisha.**
   - Ibindi umunyamahanga yasanga mu Rwanda ni ibirebana n'umuco wabo: Intore, imitako, ubukorikori, n'inseko nziza y'Abanyarwanda.

## Umukoro

Mu rwego rwo guhora biga kandi biyungura ubumenyi umwarimu aha abanyeshuri mukoro bakorera mu rugo akazasuzuma uko bawukoze mu isomo rizakurikiraho

## Urugero rw'umukoro n'igisubizo cyawo

Shaka muri iki kinyatuzu amazina 16 ya zimwe mu nyoni n'inyamaswa zavuzwe mu mwandiko (umanuka, uzamuka, ujya iburyo cyangwa Ibumoso) Urugero: urutarangwe

| | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| I | M | P | Y | I | S | I | N | G | O | N | A |
| M | U | K | O | M | A | U | U | A | I | L | A |
| M | G | H | Y | B | U | K | M | Z | N | C | E |
| U | I | B | A | W | A | U | U | I | E | Z | W |
| I | T | N | C | E | S | M | S | N | R | E | G |
| I | N | K | O | B | E | U | A | O | A | I | N |
| O | R | J | A | W | S | K | M | Y | W | L | A |
| O | A | I | S | E | G | A | B | I | K | J | R |
| D | M | O | O | T | T | R | I | K | N | L | A |
| N | K | A | G | O | M | A | Y | I | I | D | T |
| O | V | B | N | R | I | N | O | T | U | R | U |
| M | Z | K | I | E | E | W | J | V | A | Y | R |
| I | N | T | A | R | E | I | N | G | W | E | U |

## **Igice cya kabiri:** Gusesengura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 161 - 162)**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**
- Gutahura tumwe mu turango tw'umwandiko mvugamiterere.

**Ubumenyi ngiro:**
- Gusesengura umwandiko mvugamiterere no gukora inshamake.

**Ubukesha:**
- Gushishikarira gusoma inyandiko zivuga ku buvanganzo nyandiko.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'ubuvanganzo, ibyuma bigaragaza inyandiko cyangwa amashusho.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**

   umwarimu abwira abanyeshuri gusoma baranguruye umwumwe igika ku kindi umwandiko "Akagera ubwiza bw'u Rwanda" kugira ngo bawiyibutse.

2. **Gusesengura**

   Bamaze gusoma, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda, gusubiza ibibazo by'isesenguramwandiko bibanda ku mvugo ikoreshwa bagaragaza ikivugwa.

   Ibyavuye mu matsinda biranozwa, bikandikwa ku kibaho n'inyuguti zigaragara cyangwa bakabyerekanisha ibyuma bigaragaza inyandiko n'amashusho. Ibyo bamaze kumvikanaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

### Ingero z'ibibazo n'ibisubizo

1. **Garagaza imvugo ishushanya yakoreshejwe muri uyu mwandiko kandi unayisobanure**.
   - "Iyo izuba risekera ibigarama, imisozi iganira n'udusozi, inseko yabyo uyumva mu kayaga kaba gahuha kanasuhuza icyo gahuye na cyo icyo ari cyo cyose."
   - Izuba bararigereranya n'umuntu useka, ni ukuvuga ko iryo zuba ridakaze ngo ribabaze abantu ko ahubwo ribatera ibyishimo. Aho rimurikira n'aho muri iyo imisozi ishashe neza (ibigarama) haba hateye ubwuzu.
   - "Ugera i Gabiro wareba umurambi uteta ibyiza ukumva umutima wawe uranezerewe".
   - Umurambi wa Gabiro barawugereranya n'umuntu w'umutesi. Ni ukuvuga ko ahantu hafashwe neza dore ko hari na Hoteli na ba mukerarugendo benshi.
   - "Iyo ubonye imigenge n'iminyinya bifatanye urunana usanga gucudika atari ibya muntu gusa, ahubwo ko n'ibimera bishobora kutubera urugero mu nzira turimo."

- Ibiti by'imigenge n'iminyinya bigira amashami akura agara ajya hirya no hino, iyo ahuriranye wagira ngo ni abantu baramukanya. Aha na none baratwereka ko hariya hantu hateye akanyamuneza.
- Imikoma n'imikoyoyo byo ni ihogoza, imyiha n'imikerenke n'ibindi biti by'inganzamarumbu byose usanga bigutegeye yombi bisa n'ibikubwira ngo "kaze neza urisanga".
- Ibiti bya kimeza by'ishyamba barabigereranya n'abantu bari iwabo bakirana urugwiro ababasanga. Ni ukuvuga ko iyo uhageze uba wumva utahava kubera ubwiza bwaho.

2. **Garagaza imvugo itaka: ahantu, y'ibiti, y'inyamaswa**.
   - Amagambo ataka ahantu: Akeza karigura. Nta gitekerezo cyo kuba mu ishyamba nigeze ngira ahubwo numvaga ari nk'imuhira.
   - Amagambo ataka ibiti: Interuro zose zigererenya ibiti n'abantu banezerewe bahuje urugwiro bakira neza ababasanga (nk'uko yasobanuwe haruguru).
   - Amagambo ataka inyamaswa: … hari inyamaswa n'izindi ngo ngwino urore!…. Zose kandi ntako zisa. Ubwiza bwazo bwababaye ihogoza burenga impande z'Igihugu…

3. **Uru rwunge rw'amagambo ataka rumarira iki umusomyi?**
   - Urwunge rw'amagambo ataka atuma umusomyi agira inyota yo gukomeza gusoma kuko aba aryohewe n'ibyo asoma.

4. **Uyu mwandiko ugizwe n'ibice bingahe? Bigaragaze**.
   Uyu mwandiko ugizwe n'ibice bitatatu:
   - Igice cya mbere: "Igihugu……….n'inseko y'abanyagihugu": Ubwiza bw'u Rwanda
   - Igice cya kabiri: "Mu cyanya……ari nk'imuhira": Ubwiza bw'icyanya cy'Akagera.
   - Igice cya gatatu: Icyanya……kubihitana": Ubwiza n'ubwinshi bw'inyamaswa zinyuranye"

5. **Garagaza ingingo z'ingenzi buri gice kibumbatiye.**
   - Igice cya mbere: Ubwiza bw'u Rwanda ni agahebuzo bwahuruje n'amahanga
   - Igice cya kabiri: Icyanya cy'Akagera bitewe n'imiterere, ibimera ndetse n'inyamaswa. Uhageze yumva yahigumira

- Igice cya gatatu: Inyamaswa zinyuranye; inyamajanja, izirisha, ibisiga n'inyoni zose zisa neza cyane ku buryo uzihanze amaso yiyumvamo akanyamuneza kadasanzwe.

# **Igice cya gatatu:** Umwandiko mvugamiterere

**(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 162)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gutanga inshoza y'umwandiko mvugamiterere.
- Kurondora uturango tw'umwandiko mvugamiterere n'ibyitabwaho mu guhanga umwandiko mvugamiterere.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusesengura umwandiko mvugamiterere.
- Guhanga umwandiko mvugamiterere yubahiriza uturango twawo.

**Ubukesha:**

Kugira umuco wo guhimba imyandiko itandukanye.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda, imfashanyigisho zitegwa amatwi.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma baranguruye umwumwe umwandiko "Akagera, ubwiza bw'u Rwanda" kugira ngo bawiyibutse. Nyuma yo gusoma, umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku nshoza y'umwandiko mvugamiterere n'ibiwuranga. Ibi bibazo bishobora gukorerwa mu matsinda cyangwa bikabazwa abanyeshuri bose bari hamwe.

2. **Gusesengura**

   Uhereye ku mwandiko "Akagera ubwiza bw'u Rwanda" garagaza imvugo yakoreshejwe maze ugeragaze no gutahura ubwoko bw'umwandiko.

   **Inshoza y'umwandiko mvugamiterere**

   Ni umwandiko uvuga imiterere y'ikintu, ukaba ugambiriye gutanga ishusho yacyo. Nyiri ugukora uwo mwandiko yivugira ibintu uko abibona. Ashobora kuvuga ibyiza aho abandi babona ibibi, cyangwa akabona ko icyo abandi bita kiza kuri we ari inenge. Ntawamusaba kwisobanura ku gitekerezo ke.

   **Uturango tw'umwandiko mvugamiterere**

   Umwandiko mvugamiterere urangwa n'imvugo shusho zikoreshwa ndetse n'amagambo avuga imiterere cyanecyane ataka ikivugwa, agaragaza ubwiza bwacyo.

## Umwitozo

Hanga umwandiko uvuga imiterere y'ikigo k'ishuri wigaho ndetse n'abagituriye.

Hano umwarimu yibanda ku kureba amagambo ashushanya abanyeshuri bakoresha bavuga ubwiza bw'ishuri, berekana uko riteye, imikoranire yaryo n'abarituriye n'ibindi. Mu gukosora, umwarimu areba umwandiko wahize iyindi akawusomera abandi ndetse akaboneraho no kunoza neza ibyo abanyeshuri bashobora kuba batarumvise neza ku mwandiko mvugamiterere.

# Umwandiko mvugamateka: Igitekerezo k'ibigina

## Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 163 kugera ku rwa 168)**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura amagambo atasobanukiwe.
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusoma neza umwandiko yumvikanisha ibyo asoma kandi agaragaza isesekaza.
- Gusesengura umwandiko mvugamateka.

**Ubukesha:**

- Kwitabira gukoresha neza Ikinyarwanda atakivanga n'izindi ndimi.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo.

### Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**

   Umwarimu abwira abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo cyabo, akababaza ibibazo bibafasha kuvumbura ibikubiye mu mwandiko.

**Urugero**

a) Ni iki mubona kuri aya mashusho?
   - Ndabona umuntu umeze nk'umwami avugisha abantu bamuri iruhande bamuteze amatwi.

b) Mugereranyije murabona uyu mwami ageze mu kihe kigero cy'ubukure?
   - Ndabona uyu mwami ari umusaza.
c) Aba bantu bari kumwe n'umwami na bo barashaje?
   - Oya, baracyari bato.
d) Bitewe n'uko ashaje murakeka ko aba bantu bari kumwe n'umwami ari ba nde?
   - Ni abantu bo mu muryango we. Ni abiru cyangwa abatware be b'inkoramutima.
e) Murakeka ko arimo kubabwira iki?
   - Arimo kubabwira impanuro cyangwa arimo kuraga ingoma.
f) Kuraga ingoma ni ukugira gute?
   - Ni ukuvuga uzamusimbura ku ngoma.

2. **Gusoma**

2.1 **Gusoma bucece**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko "**Igitekerezo k'ibigina**" uri mu gitabo cyabo hanyuma akababaza ibibazo rusange byo gusuzuma ko basomye.

**Urugero**

a) Ibivugwa mu mwandiko byabaye ku ngoma yande?
   - Ku ngoma ya Kigeri III Ndabarasa.
b) Ni ba nde bitaga ibigina ku ngoma ya Ndabarasa nk'uko bivugwa mu mwandiko?
   - Ni izina bitaga abahungu ba Kigeri III Ndabarasa n'ababakomokaho. Iryo zina baryiswe n'umuhanuzikazi kuko bari inzobe.

2.2 **Gusoma baranguruye**

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko umwumwe, igika ku gika, baranguruye ijwi kugeza umwandiko urangiye. Umwarimu akurikirana uko basoma akosora aho bajijinganyije, aho basomye barya amagambo cyangwa batubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

3. **Gusobanura umwandiko**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora amatsinda, akabasaba gushaka amagambo badasobanukiwe basanga mu mwandiko no gushaka ibisobanuro bifashishije inkoranya. Abasaba kandi gutanga impuzanyito z'amagambo bakurikije uko mu mwandiko bivugwa.

3.1 **Inyunguramagambo**

| | |
|---|---|
| **Umuhanuzikazi** | Umugore uvuga ibizaba. |
| **Guha akato** | Kubuza umuntu kubonana n'abandi akaba wenyine. |
| **Urwiyerurutso** | Igikorwa ukora kugira ngo ushimishe abantu ariko kitavuye ku mutima. |
| **Inyaruguru** | Zimwe mu ngabo zo ku ngoma ya Kirima Rujugira zari zikambitse ku mupaka w'u Rwanda n'u Burundi, ubu ni mu karere ka Nyaruguru. Zabanje no gutegekwa n'igikomangoma Rwamahe. |
| **Amavamuhira** | Imbaraga umuntu aba afite ari bwo akiva mu rugo. |
| **Ibintu byadogereye** | Ibintu byacitse. |
| **Kwiha uruhu rw'ingwe utarayica** | Kwizera icyo utarabona kandi ushobora no kukibura. |
| **Guhonoka** | Kurokoka, gukira ikiza cyangwa intambara. |
| **Gutsindwa uruhenu** | Gutsindwa burundu. |

3.2 **Umwitozo w'inyunguramagambo**

Ni ayahe magambo yakoreshejwe mu mwandiko avuga:

- **Kwirata ko uzi cyangwa ko ufite ikintu**: Kwigamba
- **Gupfa k'umwami** (amagambo abiri): Gutanga, gutabara.
- **Umuntu mwiza cyane (ku mico)**: Imana y'u Rwanda, Kigina cyagwa neza.
- **Gushidikanya**: Kugingimiranya.

3.3 **Ibibazo byo kumva umwandiko**

Umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo, bagasubiza ibibazo ku mwandiko. Nyuma y'igihe cyagenwe, umwarimu ahuriza abanyeshuri hamwe agatoranya itsinda rikageza ku bandi ibisubizo byaryo. Andi matsinda afatanyije na mwarimu yunganira itsinda ritangaza ibyo ryagezeho, bikanonosorwa, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

## Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. **Gereranya imico ya Gatarabuhura n'iya Mibambwe III Sentabyo.**
   - Gatarabuhura yari umunyamayeri akanyura mu nzira mbi kugira ngo agere ku butegetsi. Mibambwe Sentabyo yari umunyakuri ukunda abantu kandi ubabarira. Rubanda bamwitaga Imana y'i Rwanda.

2. **Rukari yagize uruhe ruhare mu bushake bwo kwimika Gatarabuhura? Yashakaga kugera ku ki?**
   - Rukari yari inshuti y'amagara ya Gatarabuhura. Yigaruriye ibikomangoma n'abatware kugira ngo bazamushyigikire mu kwimika Gatarabuhura. Kubera ko yari umutware w'umutoni, ukize cyane, ukomeye mu Gihugu, ntiyashakaga ko hagira ike gihungabana.

3. **Gatarabuhura yateye umwami inshuro zingahe? Garagaza icyamutsinze kuri buri gitero.Ni izihe ntwari z'u Rwanda zigaragaje?**
   - Gatarabuhura yateye Igihugu inshuro ebyiri. Igitero cya mbere yakigabye aturutse i Kinyambi y'i Rukoma, ubu ni mu Karere ka Kamonyi. Igihe yari agiye gutsinda, hagobotse Vuninka wa Nyarwaya, azana n'umutwe w'ingabo witwaga Inyaruguru, bazana amavamuhira baratsinda.
   - Ku bwa kabiri yateye Igitero cya kabiri yakigabye mu Kabagari aho umwami yabaga, ubu ni mu karere ka Ruhango. Yatinze gutera ibwami akitegura, Semugaza wari umutware w'ingabo aramutera aramutsinda.
   - Intwari zigaragaje ni Vuninka wa Nyarwaya na Semugaza

4. **Umwami w'i Gisaka yari ateye ate?**
   - Ni umuntu w'inyaryenge kandi na we ameze nka Gatarabuhura, ashaka kubona ibyo ashaka anyuze mu nzira mbi.

5. **Ni iyihe ndwara yayogoje u Rwanda n'i Gisaka ku ngoma ya Mibambwe III Sentabyo?**
   - Ni indwara yitwa ubushita. Ni ndwara y'uruhu yanduza yatsembaga abantu

6. **Muri uyu mwandiko ni ba nde bita "Nyagukora ishyano", "kidobya"? Kubera iki?**
   - Uwo bita Nyagukora ishyano ni intumwa ya Gatarabuhura yazanye uruhu rwanduje ubushita umwami na murumuna we bikabaviramo gupfa. Uwo bita kidobya ni Gatarabuhura kuko yabuzaga Igihugu amahoro.

## **Igice cya kabiri:** Gusesengura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 168 kugera ku rwa 169)**

---

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**
- Gutahura mu mwandiko ingingo ndangamateka zikubiyemo.

**Ubumenyi ngiro:**
- Gusesengura umwandiko mvugamateka.

**Ubukesha:**
- Gushishikarira gusoma inyandiko zivuga ku buvanganzo nyarwanda.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'ubuvanganzo, ibyuma bigaragaza inyandiko cyangwa amashusho.

### Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**

   Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma baranguruye umwumwe igika ku kindi "Igitekerezo k'ibigina" kugira ngo bakiyibutse.

2. **Gusesengura**

   bamaze gusoma, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda, gusubiza ibibazo by'isesenguramwandiko bibanda ku bivugwa n'ibyo bari basanzwe bazi ku mateka y'u Rwanda.

   Ibyavuye mu matsinda biranozwa, bikandikwa ku kibaho n'inyuguti zigaragara cyangwa bakabyerekanisha ibyuma bigaragaza inyandiko n'amashusho. Ibyo bamaze kumvikanaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

## Urugero rw'ibibazo by'isesenguramwandiko

1. **Mu bantu bavugwa mu mwandiko ushima ba nde? Ugaya ba nde? Sobanura igisubizo cyawe.**
   - Haravugwa cyane ibigina, hari ibigina byari bishyigikiye umwami n'ibyari byaramwigometseho byari biyobowe na Gatarabuhura. Haravugwamo n'umugaragu w'umwami wari ukomeye witwaga Rukari.
   - Ndashima Semuguza na Vuningoma ya Nyarwaya n'ingabo bari bayoboye n'ibigina byanze kuyoboka.
   - Ndagaya Rukari na Gatarabuhura.
2. **Garagaza muri uyu mwandiko ingingo zijyanye n'amateka y'u Rwanda**
   - Uko abami b'u Rwanda bagiye bakurikirana ni ko amateka abivuga: Kigeli III Ndabarasa → Mibambwe III Sentabyo →Yuhi IV Gahindiro.
   - Kimenyi umwami w'i Gisaka yabayeho
   - Abahungu ba Kigeli IV Mukobanya n'ababakomokaho babitaga ibigina.
   - Gatarabuhura n'ibindi bikomangoma byigometse ku butegetsi babayeho.
   - Umutwe w'Ingabo w'Inyaruguru waremwe ku ngoma ya Kirima Rujugira wabaga mu karere ka Nyaruguru k'ubu.
   - Ubushita bwayogoje u Rwanda n'ibihugu bihana imbibi mu kinyejana cya cumi n'ikenda.
3. **Indahiro y'Abanyarwanda ivuga ngo "Ndakaba ubushita bwakoze ishyano" ishatse kuvuga iki?**
   - Ni ukuvuga ko ubushita ari icyorezo, ko bwahitanye imbaga y'abantu benshi cyane. Hakiyongeraho ko bwahitanye umwami w'u Rwanda.

4. **Umwami Gahindiro yimye ingoma afite umwaka umwe, utekereza iki kuri kino kemezo?**
   - Ibisubizo bishobora kunyurana. Icyo umwarimu yitaho ni ingingo zishyigikira igitekerezo buri wese yahisemo. Icyakora byumvikana ko nyine umwana uri muri icyo kigero nta bushobozi afite bwo gutegeka, ko bamutegekeraga bakabimwitirira kandi ko byose byatewe n'uko umuco wabitegekaga.

# **Igice cya gatatu:** Umwandiko mvugamateka

**(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 168)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gutanga inshoza y'umwandiko mvugamateka.
- Kurondora uturango tw'umwandiko mvugamateka.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusesengura umwandiko mvugamateka.

**Ubukesha:**

- Kugira umuco wo gusoma imyandiko y'ubuvanganzo nyarwanda.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda, imfashanyigisho zitegwa amatwi.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**

   Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma baranguruye umwumwe "Igitekerezo k'ibigina" kugira ngo bakiyibutse. Nyuma yo gusoma, umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku nshoza y'umwandiko mvugamateka. Ibi bibazo bishobora gukorerwa mu matsinda cyangwa bikabazwa abanyeshuri bose bari hamwe.

## Urugero

Umaze gusoma umwandiko "Igitekerezo k'ibigina" urasanga wibanda ku ki? Ese wawushyira mu buhe bwoko bw'umwandiko? Kubera iki?

### Inshoza y'umwandiko mvugamateka

Ni umwandiko wibanda ku gukurikiranya neza ibyabaye mu gihe cyashize, ugambiriye kubimenyesha abatarabibonye cyangwa kwibutsa ababibonye ariko batakibyibuka.

### Uturango tw'umwandiko mvugamateka

- Gukurikiranya neza mu gihe ibyabaye mu mateka y'gihe runaka.
- Kuvuga ababigizemo uruhare.
- Kuvuga icyabiteye
- Kuvuga ingaruka byagize.

### Umwitozo

Shaka ibindi bitekerezo bigaragaza amateka y'u Rwanda maze uzabibwire bagenzi bawe mu ishuri.

Aha ngaha umwarimu azabaha igihe bakorere mu matsinda bashakishe mu bitabo by'ubuvanganzo nyarwanda, ku mbuga za interineti ndetse no kubaza abakuze ingero z'ibindi bitekerezo bigaragaza amateka y'u Rwanda.

## Urugero

- Kavuna ka Ryaziga
- Ryangombe rya Babinga ba Nyundo.

# Umwandiko nsesengurabumenyi: Isi, umubumbe utuwe n'ibinyabuzima

## Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 170 kugera ku rwa 173)**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura amagambo atasobanukiwe.
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusoma neza umwandiko yumvikanisha ibyo asoma kandi agaragaza isesekaza.
- Gusesengura umwandiko nsesengurabumenyi.

**Ubukesha:**

- Kwitabira gukoresha neza Ikinyarwanda atakivangira izindi ndimi.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo.

### Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**

   Umwarimu abwira abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo cyabo, akababaza ibibazo bibafasha kuvumbura ibikubiye mu mwandiko.

**Urugero**

a) Ni ibiki mubona kuri iyi shusho?
   - Kuri iyi shusho turabonaho umubumbe w'isi.

b) Mushingiye ku bumenyi bw'isi mwize, isi itandukaniye he n'indi mibumbe?

- Ku isi haba ibinyabuzima ariko ku yindi mibumbe nta bihaba.

2. **Gusoma**

2.1 **Gusoma bucece**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko "**Isi, umubumbe utuwe n'ibinyabuzima**" uri mu gitabo cyabo hanyuma akababaza ibibazo rusange byo gusuzuma ko basomye.

**Urugero**

a) Ni izihe ngaruka zaba ku isi umwuka wa ogisijeni n'amazi biyoyotse?

- Ubuzima bwose bwahanagurika, ikitwa ikinyabuzima cyose kigapfa.

b) Uhereye ku bivugwa n'umwanditsi icyo umuntu yagombye kwiratana ko arusha ibindi binyabuzima ni iki?

- Icyo umuntu arusha ibindi binyabuzima ni ukumenya akamaro ibyo binyabuzima bimufitiye, akabibungabunga.

2.2 **Gusoma baranguruye**

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko umwumwe, igika ku gika, baranguruye ijwi kugeza umwandiko urangiye. Umwarimu akurikirana uko basoma akosora aho bajijinganyije, aho basomye barya amagambo cyangwa batubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

3. **Gusobanura umwandiko**

3.1 **Umwitozo w'inyunguramagambo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukorera mu matsinda, basoma umwandiko hanyuma bagakora umwitozo w'inyunguramagambo uri mu gitabo cyabo bakurikije ibyo basomye.

**Shaka amagambo ari mu mwandiko asobanura ibi bintu iyo ari byinshi**:

- Inyamaswa nyinshi zirisha nk'inka, imbogo, ... ni ishyo/ amashyo.
- Inyamaswa zirya izindi nk'intare, imbwa, imbwebwe, ...ni: isibo.

- Udusimba nk'inzuki, isazi, imibu, ... ni:irumbo.
- Inyenyeri nyinshi:urujeje, uruhunduguru.

**Shaka mu mwandiko amagambo yabugenewe avuga**

- Igice kizengurutse isi: Ikirere
- Ikirere cyose hamwe n'ibikirimo byose: Isanzure ry'ikirere

**Shaka mu mwandiko ijambo rivuga**

- Kugendagenda ahantu unezerewe: Gusabagira

### 3.2 Ibibazo byo kumva umwandiko

Umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo, bagasubiza ibibazo ku mwandiko. Nyuma y'igihe cyagenwe, umwarimu ahuriza abanyeshuri hamwe agatoranya itsinda rikageza ku bandi ibisubizo byaryo. Andi matsinda afatanyije na mwarimu yunganira itsinda ritangaza ibyo ryagezeho, bikanonosorwa, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

### Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

1. Uhereye ku byavuzwe mu mwandiko biranga ibinyabuzima, washobora gusobanura ikinyabuzima icyo ari cyo?
   - Ikinyabuzima ni ikintu cyose kivuka, kikinyagambura, kigakura, kigapfa.
2. Izuba n'inyenyeri na byo byashyirwa mu bidukikije? Kubera iki?
   - Yego. Kubera ko imiterere n'imibereho yabyo itugiraho ingaruka.
3. Hari inyandiko n'amafilimi tubona mo ko hari indi mibumbe iri mu kirere ituwe n'abantu. Urabivugaho iki?
   - Umubumbe utuwe ni isi gusa. Abavuga ko hari indi mibumbe ituwe ntabwo ari byo, ibyo baba bavuga ni amakuru bakura mu bitabo cyangwa mu mafilimi bagapfa kubyemera.

## **Igice cya kabiri:** Gusesengura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 173**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gutahura mu mwandiko ingingo z'ingenzi ziwukubiyemo.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusesengura umwandiko.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira gusoma inyandiko zinyuranye no kwandika ibitekerezo bye.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'ubuvanganzo, ibyuma bigaragaza inyandiko cyangwa amashusho.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma baranguruye ijwi umwumwe igika ku kindi umwandiko"Isi, umubumbe utuwe n'ibinyabuzima" kugira ngo bawiyibutse.

2. **Gusesengura**

Bamaze gusoma, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda, gutahura ingingo z'ingenzi zigize umwandiko.

Ibyavuye mu matsinda biranozwa, bikandikwa ku kibaho n'inyuguti zigaragara cyangwa bakabyerekanisha ibyuma bigaragaza inyandiko n'amashusho. Ibyo bamaze kumvikanaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

### Urugero rw'ikibazo cyabafasha gutahura ingingo z'ingenzi zigize uyu mwandiko

Nimugaragaze ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko ''Isi, umubumbe utuwe n'ibinyabuzima.''

- Isi isabagiraho ibinyabuzima binyuranye byinshi kandi izengurutswe n'indi mibumbe itarangwaho ubuzima.
- Umuntu, ikinyabuzima cy'agahebuzo arusha ubwenge ibindi binyabuzima akamenya n'akamaro bimufitiye.
- Imiterere y'isi, ukuzenguruka kwayo ndetse n'intera iri hagati yayo n'indi mibumbe iri mu isanzure ry'ikirere, bituma hashobora kubaho ubuzima.

Ku byerekeye inshamake, umwarimu areba ko bakurikiranya neza ibitekerezo, batandukuye umwandiko kandi batagiye hanze y'ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko.

# Igice cya gatatu: Umwandiko nsesengurabumenyi

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 173 kugera ku rwa 174)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gutanga inshoza y'umwandiko nsesengurabumenyi.
- Kurondora uturango tw'umwandiko nsesengurabumenyi.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusesengura umwandiko nsesengurabumenyi.

**Ubukesha:**

- Kugira umuco wo gusoma imyandiko y'ubuvanganzo.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda, imfashanyigisho zitegwa amatwi.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma baranguruye umwumwe umwandiko "Isi, umubumbe utuwe n'ibinyabuzima" kugira ngo bawiyibutse. Nyuma yo gusoma, umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku nshoza y'umwandiko nsesengurabumenyi n'ibiwuranga. Ibi bibazo bishobora gukorerwa mu matsinda cyangwa bikabazwa abanyeshuri bose bari hamwe.

**Urugero**

a) Uyu mwandiko "Isi, umubumbe utuwe n'ibinyabuzima" murasanga umwanditsi yarawanditse agamije iki?

b) Mugereranyije uyu mwandiko n'indi myandiko mwize murasanga mu miterere yawo utandukanira he na yo? (ikivugwa n'uburyo kivugwamo).

2. **Gusesengura**

Umwarimu ahereye ku bisubizo abanyeshuri batanga, abafasha gutahura inshoza y'umwandiko nsesengurabumenyi n'uturango twawo. Ibyavuye mu matsinda cyangwa ibisubizo abanyeshuri batanga biranozwa, bikandikwa ku kibaho n'inyuguti zigaragara cyangwa bakabyerekanisha ibyuma bigaragaza inyandiko n'amashusho. Ibyo bamaze kumvikanaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

### Inshoza y'umwandiko nsesengurabumenyi

Umwandiko nsesengurabumenyi ni urubuga rwo gutuma abantu barushaho gusangira amakuru agamije guhanga cyangwa kwimakaza ubumenyi. Ni umwandiko ugambiriye kwigisha no gutanga ubumenyi, wibanda ku mibare, ugaharanira gutanga ibisobanuro nyurabwenge uhereye ku bipimo n'ibigereranyo by'imibare. Inyandiko wakubira muri iri tsinda ni imyandiko irebana n'ubushakashatsi buba bugamijwe gutangazwa.

**Urugero**: Gufata ikirahure kimwe cya divayi ku munsi bishobora kugabanya ibyago byo kurwara kanseri

### Intego y'umwandiko nsesengurabumenyi

- Kumenyesha amakuru y'ibyagezweho mu bushakashatsi, igitekerezo gishya, ubumenyi bushya, uburyo bushya bwo gukora ibintu, igisubizo kinyuranye n'icyari gisanzweho…
- Gutanga isesengura ry'ibyerekeranye n'imibanire y'abantu hakoreshejwe inyurabwenge.

### Uturango tw'imyandiko nsesengurabumenyi

- Insanganyamatsiko ivugwaho isobanutse.
- Guhera ku biriho abantu basanzwe bazi, bamenyereye, ukagaraza ibishya kugira ngo umwanzuro bigaragare ko ufite ireme kandi wumvikane neza.
- Imyandikire inoze, ibitekerezo bikurikiranye neza.
- Gukoresha imibare, ibimenyetso, inganyagaciro.
- Umwandiko udafite uruhande ubogamiyeho.
- Imvugo itandukanye n'iy'ubuvanganzo hirindwa gukoresha imizimizo.

- Kwirinda gukoresha amagambo abiri uvuga ikintu kimwe.
- Gutumbera gusa icyo ushaka kugeraho nta guca kure kugira ngo ugere ku cyo ushaka kugeraho.
- Kuvuga ku buryo bunonosoye kugira ngo wumvikanishe neza icyo ushaka gutangariza abasomyi ariko utarondogoye.
- Kugaragaza inyandiko nsesengurabumenyi zindi wifashishije.
- Gukoresha amagambo yumvikana, interuro ngufi,…
- Ni ukwandika usa n'utanga isomo kuko intego ari ugutanga ubumenyi bushya.
- Gukoresha indagihe ku bizwi cyangwa ibyo wemeza, impitagihe ugaragaza amakuru yari asanzweho cyangwa imyanzuro yari yarafashwe.
- Gukoresha ngenga ya gatatu.

**Umwitozo**

Ongera usome umwandiko "Isi: umububumbe utuwe n'ibiremwa bifite ubuzima"! Hanyuma ugaragaze uturango tw'umwandiko nsesengurabumenyi usangamo.

# Imyitozo y'isuzuma risoza umutwe wa gatanu

## (Amasomo 2)

**(Reba ku rupapuro rwa 173 kugeza ku rwa 178)**

Iri suzuma rigamije gufasha umwarimu kumenya uko buri munyeshuri ahagaze mu myigire  nyuma y'uyu mutwe wa gatanu. Ibi bimufasha kumenya abanyeshuri bafite ibibazo akabona uko abagira inama byaba ngombwa akabaha n'indi myitozo. Iyo hari isomo bigaragara ko benshi mu banyeshuri batumvise umwarimu arisubiramo mbere yo gutangira undi mutwe. Uru ni urugero rugaragariza umwarimu imiterere y'ibibazo yabaza, umwarimu ashobora no kubaza ibindi ariko bidatandukira ibyigishijwe mu mutwe wa gatanu. Ik'ingenzi ni uko yubahiriza ibigenderwaho mu isuzuma.

**Imyitozo y'ikibonezamvugo**

Sesengura amazina akomoka ku yandi akurikira ugaragaze n'amategeko y'igenamajwi

| Ijambo | Uturemajambo | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|
| Ubukerarugendo | u-bu-ker-a- ø- ru-gend-o | - |
| Agasenyi | a-ka-senyi | k→g/-GR |
| Utwiso | u-tu-iso | u→w/-J |
| Nyamuraza | nya-mu-raza | - |
| Abanyakigali | a-ba-nya-kigali | - |
| Ibisaruhande | i-bi-sa ø-ru-hande | - |
| Rwankubebe | ru-a-nkubebe | u→w/-J |
| Sobukwe | ø- ø-so- ø-bu-ko-e | o→w/-J |
| rwimpiri | ru-a-i-n-hiri | u→w/-J, n→m/-h, a→ ø/-J (mh→mp myandikire) |
| marume | ø- ø ma-rume | - |
| Cyabingo | ki-a-bingo | i→y/-J |
| saruhara | sa- ø-ru-hara | - |
| akayogazi | a-ka-yoga-azi | a→ ø/-J |

**Andika amazina akomoka ku mazina akurikira:**

- Ubukungu → ingengabukungu
- Igihugu → umwenegihugu, umunyagihugu
- Amabuye → urusekabuye, akamabuye
- Ishyamba → Kanyeshyamba, urushyambashyamba
- Ijoro → umuzajoro, igitegwajoro.

## Urugero rw'ibisubizo bishoboka by'ibibazo bisuzuma ubushobozi bwo kumva no gusobanukirwa umwandiko

1. **Ni ayahe mashyamba avugwa muri uyu mwandiko?**
   - Muri uyu mwandiko haravugwa ishyamba ry'Akagera n'ishyamba ryo mu birunga.
2. **Ayo mashyamba afitiye Abanyarwanda kamaro ki?**
   - Ayo mashyamba acumbikiye inyamaswa ba mukerarugendo baza kureba bakishyura amafaranga.
3. **Rondora ibyiza bireshya ba mukerarugendo bivugwa muri uyu mwandiko.**
   - Ibyiza bireshya ba mukerarugendo bivugwa muri uyu mwandiko ni amashyamba abamo inyamaswa zashize mu zindi ntara z'isi, ibiyaga n'inkombe ziriho agasenyi gashyushye, n'ibirunga.
4. **Mu bikurura ba mukerarugendo, ingagi ifite uwuhe mwihariko?**
   - Ingagi yo mu birunga ifite umwihariko ko ba mukerarugendo nta handi ku isi bayisanga uretse mu Rwanda honyine.
5. **Gereranya imiterere y'ingagi n'iy'umuntu.**
   - Ingagi ifite amatwi nk'ay'umuntu. Kimwe n'umuntu, igira amenyo mirongo itatu n'abiri. Nta murizo igira kandi ishobora kugenda ihagaze nk'umuntu.
   - Ingagi y'ingore ihaka amezi ikenda, ihagatira umwana wayo cyangwa ikamuheka nk'uko bimeze mu bantu. Zisasa aho ziryama.
6. **Ingagi ziryama he? Utekereza ko ari ukubera iki?**
   - Ingagi z'ingabo ziryama hasi, ingore n'inzana zikaryama mu biti. Ni ukugira ngo niziterwa ingabo zihite zitabara.
7. **Ni ba nde bashaka kubangamira ingagi? Bashobora gusohoza imigambi yabo? Kubera iki?**
   - Ni ba rushimusi bifuza gutega ingagi ngo bazijyane kuzikoreraho ubushakashatsi. Imigambi yabo iburizwamo n'abantu biyemeje kuzirwanaho.
8. **Ubushakashatsi mu isomero: Uretse ingagi, vuga ubundi bwoko bw'inguge uzi kandi uvuge imiterere yazo.**
   - Abanyeshuri baratanga ibisubizo binyuranye umwarimu arasuzuma niba bagaragaje ubwoko bunyuranye bw'inguge (inkene, impundu,..)

## Imyitozo y'inyunguramagambo

| | |
|---|---|
| **Inyamaswa akangari** | Inyamaswa zitagira umubare, nyinshi cyane. |
| **Ubukerarugendo** | Ingendo abantu bakunda gukora mu gihugu cyabo cyangwa mu bihugu by'amahanga bihera amaso ku byiza bahasanze. |
| **Kubikira** | Ni ukuguyaguya umwana kugira ngo asinzire. Hano bishatse kuvuga ko mu mashyamba y'u Rwanda inyamaswa zifashwe neza. |
| **Icyanya** | Ni ahantu h'ishyamba cyangwa h'umukenke inyamaswa zikunda kwibera. |
| **Ibirunga nyamuraza** | ibirunga biteye neza nk'ibara rya nyamuraza. |
| **Iyo ijoro ryiroshye** | Iyo ijoro rigeze, riguye. |
| **Amahindure** | ibintu bihinda umuriro kandi bitemba biva mu birunga. Iyo bimaze kuzima bihinduka ubutare bikitwa amakoro. |

## Gusesengura umwandiko

a) Uretse ingagi, vuga ubundi bwoko bw'inguge uzi kandi uvuge imiterere yazo.
   - Igitera ni inguge igendera ku maguru ane ikagira n'umurizo muremure. Mu kibuno cyayo hafite ibara ry'umutuku. Ingana n'imbwa nini.
   - Inkende: Ifite umubyimba nk'iw'injangwe nini, ifite mu maso harehare n'umurizo muremure. Ikunda kurira ibiti.
   - Icyondi: Ni inguge ifite mu maso hakoze nk'uruziga. Na yo ikunda kurira ibiti cyanecyane mu ishyamba rya Nyungwe.
   - Inkima ifite umurizo muremure, ugaye kandi iruta ubunini icyondi n'inkende.

b) Uyu mwandiko ni bwoki ki? Sobanura igisubizo cyawe.

- Uyu ni umwandiko mvugamiterere, uragaragaza ibyiza bikurura ba mukerarugendo mu Rwanda muri rusange, hanyuma bakibanda ku miterere y'ingagi.

c) Ufatiye ku yihe nsanganyamatsiko? Sobanura igisubizo cyawe.
- Ufatiye ku nsangamatsiko y'ibidukikije kuko mu bidukije harimo amashyamba n'inyamaswa.

d) Garagaza ingingo ziwugize.
- Ubukungu kimeza bw'u Rwanda bushingiye ku bukerarugendo. Mu bireshya ba mukerarugendo harimo ishyamba ry'Akagera n'ishyamba ry'ibirunga.
- Mu ishyamba ry'ibirunga habamo ingagi, inyamaswa udashobora kugira ahandi uyibona ku isi yose.
- Ingagi ziteye nk'abantu kandi zibera mu miryango.
- Inama nziza ni ukurinda ingagi abashobora kuziba cyangwa kuzigirira nabi.

e) Ni irihe somo wakuye muri uyu mwandiko. Sobanura igisubizo cyawe.
- Kubungabunga ibidukikije ni ingirakamaro kuko ubwiza bwabyo n'inyamaswa zibamo bituzanira amafaranga bityo Igihugu cyacu kigatera imbere.Ngomba kurushaho kwita ku bidukikije kugira ngo ngire uruhare mu iterambere ry'Igihugu cyacu.

**Imyitozo y'ubumenyingiro**

- Buri munyeshuri ahimba umwandiko w'ipaji imwe ugaragaza ubwiza bw'agasozi atuyeho cyangwa yasuye.
- Buri munyeshuri asobanura umugani agatanga n'ingero mu ipaji imwe.

# Umutwe wa gatandatu

# Iterambere

**(Amasomo 28)**

| **Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe** |
|---|
| 1. Gusesengura indirimbo n'umuvugo bivuga ku gukunda umurimo n'akamaro k'umurimo mu iterambere. |
| 2. Kugaragaza uturango tw'indirimbo n'utw'umuvugo n'ikeshamvugo rigaragaramo (injyana, isubirajwi n'isubirajambo). |
| 3. Guhanga umuvugo yubahiriza uturango twawo no gusesengura amazina akomoka ku nshinga. |

## Indirimbo: Umurunga w'iminsi

**(Amasomo 5)**

**Igice cya mbere:** Kumva no gusobanura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rupapuro rwa 179 kugera ku rwa 183)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura amagambo atasobanukiwe ari mu ndirimbo.
- Kugaragaza akamaro ko kwitabira umurimo kagaragara mu ndirimbo no mu muvugo.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusesengura indirimbo.
- Gukoresha amagambo yungutse mu nteruro no gusubiza ibibazo byo kumva indirimbo.

**Ubukesha:**

- Gusoma atajijinganya, yumvikanisha neza ibyo asoma.
- Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo.

## Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**

Umwarimu yereka abanyeshuri amashusho ari mu gitabo cyabo hanyuma akababaza ibibazo bituma bavumbura ibyerekeye umwandiko bagiye gusoma.

**Urugero**

a) Ni iki mubona ku ishusho iri mu gitabo cyanyu?
- Turabona umugabo n'umugore baririmba. Umugore ari kuririmba naho umugabo ari gucuranga gitari.

b) Ese namwe mukunda kuririmba?
- Yego.

c) Kuririmba se bibamarira iki?
- Biradushimisha, tukidagadura, tugasabana.

2. **Gusoma**

2.1 **Gusoma bucece**

Umwarimu abwira abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari umwandiko "Umurunga w'iminsi" akabasaba kuwusoma bucece nyuma akawubabazaho ibibazo rusange.

## Urugero rw'ibibazo yababaza

a) Umwandiko ufite inyikirizo zingahe?
   - Inyikirizo ebyiri.

b) Mu mwandiko haravugwamo ba nde?
   - Umubyeyi n'umwana we.

2.2 **Gusoma baranguruye**

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko umwumwe, igitero ku gitero, n'inyikirizo ku nyikirizo, baranguruye ijwi kugeza umwandiko urangiye. Umwarimu akurikirana uko basoma akosora aho bajijinganyije, aho basomye barya amagambo cyangwa batubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

3. **Gusobanura umwandiko**

3.2 **Inyunguramagambo no gusubiza ibibazo ku mwandiko**

Barangije gusoma, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo batasobanukiwe kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko, we akagenzura uko abanyeshuri bakorera hamwe mu matsinda anyuranye.

Nyuma y'iki gikorwa umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda akabafasha kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye bakabyandika ku kibaho ndetse no mu makayi yabo.

## Urugero rw'amagambo basobanurira mu matsinda

| | |
|---|---|
| **Kurya iminsi** | Kubaho igihe kirekira/ kumara igihe kirekire. |
| **Kwigabiza** | Kwiha ikintu ku ngufu. |
| **Kwigaranzura** | Kurusha imbaraga uwari warazikurushije mbere/uwari waragutsinze mbere. |
| **Ikibondo** | Umwana ukiri muto. |
| **Nkurage intwaro** | Nguhe impamba. |
| **Izirika iminsi** | Igufasha mu minsi iri imbere ku buryo utazahangayika rwose. |
| **Imikaka y'iminsi** | Ibisitaza/inzitizi z'ubuzima. |


| | |
|---|---|
| **Kwiyuha akuya** | Gushyira ingufu mu byo ukora. |
| **Gutega iminsi** | Kurindira ibibazo. |
| **Umurunga w 'iminsi** | Igisubizo k'ibibazo/Igisubizo gihamye k'ibibazo. |
| **Kwihanangiriza** | Gutanga gasopo, gutonganya umuntu umubuza kongera gukora ibyo yakoraga. |
| **Ntugahaburwe** | Ntugashidukire ibibonetse byose/ ntugakangwe ni icyo ari cyo cyose |
| **Ubukaka** | Amarere, amashagaga. |

3.3 **Imyitozo y'inyunguramagambo**

**a) Kora interuro ukoresheje amagambo akurikira:** Ikibondo, kwiyuha akuya, imikaka, kwigabiza

- Akunda uyu mwana cyane nk'aho na we ari **ikibondo** ke yibyariye.
- Ni ngombwa **kwiyuha akuya** tukarangiza ubuhinge ntibusigare.
- Sinashoboye kugera ku byo nateganyaga kugeraho kubera **imikaka y'iminsi**.
- Abajura **bigabije** ishyamba ryange bararitema ibiti babimaramo.

**b) Huza ijambo n'igisobanuro cyaryo.**



### 3.2 Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko

Umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo, bagasubiza ibibazo ku mwandiko. Nyuma y'igihe cyagenwe, umwarimu ahuriza abanyeshuri hamwe, agahitamo itsinda ritangaza ibyo bagezeho, andi matsinda akagenda aryunganira ibisubizo bikanonosorwa bikandikwa ku kibaho no mu makayi y'abanyeshuri.

1. **Uyu mwandiko uribanda ku ki**?
   - Uyu mwandiko uribanda ku murimo n'uburyo uteza imbere abawukora.

2. **Mu mwandiko ubwirwa ari mu kihe kigero**?
   - Ni urubyiruko. Utanga impanuro arerekana ko uwo abwira ari umwana kuri we.

3. **Umubwira se we ari mu kihe kigero**?
   - Ni umuntu mukuru ku wo abwira.

4. **Ni iyihe sano iri hagati y'uvuga n'ubwirwa? Urabibwirwa n'iki**?
   - Ni umubyeyi n'umwana we kuko hari aho avuga ngo "kibondo cyange".

5. **Ubona ari iyihe mpamvu yamubwiye amwihanangiriza**?
   - Impamvu ni uko yatekerezaga ko ibyo amubwiye ashobora kutabiha agaciro cyangwa akaba yabyibagirwa kubera ikigero arimo.

6. **Ku bwawe ni irihe somo uyu mwandiko ugusigiye**?
   - Gukunda umurimo/Kumvira abakuru/Guha agaciro umurimo/ Kumenya guhitamo neza/Kwitoza gukora ukiri muto/Kutagira umurimo usuzugura,….

# **Igice cya kabiri:** Gusesengura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 181 kugera ku rwa 184)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gutahura ingingo ndangamuco zikubiye mu mwandiko.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusesengura indirimbo.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira gusoma ibitabo bitandukanye no kwitabira amasomero.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, ibyuma bigaragaza inyandiko cyangwa amashusho, imfashanyigisho zitegwa amatwi.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**

   Umwarimu ashyiriramo abanyeshuri indirimbo mu gihe afite icyuma cyumvikanisha amajwi yaba atagifite akabasaba kongera gusoma indirimbo.

2. **Gusesengura**

   Bamaze gusoma cyangwa kumva indirimbo, umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo, akabaha ibibazo bibafasha gutahura mu ndirimbo amagambo agaragaza indangagaciro nyarwanda, akamaro k'umurimo ndetse n'ibibazo umuntu ahura na byo mu buzima basanga mu ndirimbo.

### Ingero z'ibibazo n'ibisubizo byabyo

a) **Garagaza mu mwandiko amagambo agaragaza indangagaciro nyarwanda.**

   - Nkurage intwaro: Kuraga mu muco nyarwanda ni uguha umwana umurage uzamubeshaho, agatunga agatunganirwa.

- Gukora ukiyuha akuya: Gukora utikoresheje, ukavunika ariko ukagera ku cyo ushaka kugeraho.
- Umurimo: intwaro izirika iminsi.

b) **Umurimo ugereranywa n'iki mu mwandiko? Nawe se ni ko ubibona**?

- Umurimo ni intwaro ifasha guhangana n'iminsi. Udakora ntashobora kurama. Umurimo rero ni intwaro itanga uburame. Nange ni ko mbibona kuko umuntu adakoze ntiyabona ikimutunga. Abantu bagomba gukora kugira ngo babeho neza kandi bazanabesheho abandi badashoboye gukora kubera impamvu zitandukanye.
- Umurunga w'iminsi : umurimo ni wo utuma umuntu abaho akamara igihe kirere.

c) **Ibibazo umuntu ahura na byo mu buzima bigereranywa n'iki mu mwandiko**?

- Mu mwandiko ibibazo umuntu ahura na byo bifatwa nk'imikaka, ibihe bibi.

## **Igice cya gatatu:** Gufata mu mutwe indirimbo

**(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 182)**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gufata mu mutwe indirimbo.

**Ubumenyi ngiro:**

- Kuririmba indirimbo bibafasha kuyifata mu mutwe.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira gutega amatwi no kuririmba indirimbo.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda, imfashanyigisho zitegwa amatwi.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**

   Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa indirmbo bize ubushize.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

a) Ni iyihe ndirimbo duheruka kwiga?
   - Umurunga w'iminsi.

b) Bavuga iki muri iyo ndirimbo?
   - Akamaro k'umurimo mu mibereho ya muntu.

2. **Kuririmba indirimbo**

   Umwarimu abaza abanyeshuri niba ntawuzi kuririmba iyo ndirimbo. Haramutse nta n'umwe uhari ushoboye kuyiririmba, umwarimu ashobora kuyibaririmbira cyangwa kuyibumvisha maze abanyeshuri bakayisubiramo bigana ijwi n'injyana yayo. Umwarimu azabanza abigishe inyikirizo, hanyuma akurikizeho ibitero maze babikore inshuro nyinshi.

3. **Gufata mu mutwe no kuririmba indirimbo**

   Uko baririmba indirimbo inshuro nyinshi ni na ko bayifata mu mutwe. Indirimbo bagenda bayiririmba mu itsinda, umwarimu akagenzura ko bubahiriza injyana yayo.

# **Igice cya kane:** Ikeshamvugo mu ndirimbo

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 182 kugera ku rwa 183)**

---

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gutahura uturango tw'indirimbo n'ikeshamvugo rikoreshwa mu ndirimbo.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusesengura indirimbo agaragaza ikeshamvugo ryakoreshejwe.

**Ubukesha:**

- Gukoresha ururimi rw'Ikinyarwanda ataruvangamo izindi ndimi.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo k'ikibonezamvugo.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**

   umwarimu asaba abanyeshuri kongera kuririmba indirimbo "Umurunga w'iminsi" kugira ngo bayiyibutse.

2. **Isesengura**

   Bamaze kuririmba, umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo, akabaha ibibazo bibafasha gutahura imiterere y'indirimbo n'ikeshamvugo rikoreshwa mu ndirimbo. Barangije, ahitamo itsinda ritangaza ibyo ryagezeho, abandi banyeshuri bayobowe na mwarimu bagafasha kubinonosora mbere y'uko babyandika mu makayi.

### Urugero rw'ibibazo yababaza

a) **Uyu mwandiko ni bwoko ki? Kubera iki**?

- Uyu mwandiko ni indirimbo. Kubera uburyo yanditsemo bw'amabango, ikeshamvugo, impuzarugwiro, injyana yakoreshejwe, ururirimbo rurimo, amagambo yabugenewe, intero n'inyikirizo.

b) **Uhereye kuri iyi ndirimbo, erekana imiterere y'indirimbo n'ikeshamvugo rikoreshwa mu ndirimbo**.

- Uyu mwandiko ni indirimbo, iriya mikarago ihora igaruka ni inyikirizo yayo naho ibindi bice ni ibitero by'indirimbo 4 (bine) byose bifite inyikirizo ebyiri. Ibitero birushanya imikarago.
- Umwandiko "Umurunga w'iminsi" ni indirimbo ifite ibitero bine kandi ifite inyikirizo ebyiri. Ibitero byayo birarutana kuko imikarago ya buri gitero ntingana n'iy'ikindi.

c) **Garagaza akamaro k'indirimbo mu gutambutsa ubutumwa**.

- Kubera injyana ndetse n'ururirimbo, indirimbo itanga ubutumwa ku buryo bwihuse kandi bukagera kuri benshi. Iba iryoheye amatwi buri wese ashaka kuyumva bityo n'ubutumwa buyikubiyemo bukumvikana ku buryo bushobora guhindura abantu benshi bari mu bigero binyuranye.

**Inshoza y'indirimbo**

Indirimbo ni imwe mu ngeri z'ubuvanganzo irangwa n'injyana ndetse n'impuzarugwiro. Mu kuririmba indirimbo, amajwi ashobora guherekezwa n'amashyi, umudiho, umucezo, ingoma ndetse n'ibyuma binyuranye byirangira. Injyana y'amajwi y'indirimbo iryohera amatwi, ikabyutsa imbamutima maze n'umubiri wose ukanezerwa kugera aho kunyeganyega ndetse n'ababishoboye bakabyina.

**Uturango tw'indirimbo**

- Yandikwa ku buryo bw'amabango nk'umuvugo.
- Ikoresha amagambo yabugenewe kandi y'indobanure.
- Hakenerwa ijwi ryiza
- Ikoresha impuzarugwiro.
- Hakoreshwa injyana
- Ikoresha intero n'inyikirizo
- Ikoresha ururirimbo.

**Ikeshamvugo mu ndirimbo**

Indirimbo kimwe n'ubundi busizi bukoresha ikeshamvugo ryihariye. Iri keshamvugo riba rishingiye ku kivugwa cyangwa ku buryo bwo kukivuga. Mu ndirimbo hakunze gukoreshwa ikeshamvugo rikurikira:

**Injyana**

Injyana ni nk'umutima w'indirimbo. Nta ndirimbo itagira injyana, iramutse nta njyana ifite byagorana kugira ngo iherekezwe n'amashyi cyangwa umudiho.

**Isubirajwi**

Isubirajwi ni isubiramo rya hafi ry'imvugwarimwe ifite indi iyibanziriza zisa cyangwa zijya gusa cyangwa ijwi na ryo rifite irindi riribanziriza bisa cyangwa bijya gusa, ku buryo bibyara ikintu cy'urujyano mu kuryohera amatwi cyangwa bikagira icyo byibutsa ku muntu ubyumva. Muri buri gice k'indirimbo " Umurunga w'iminsi" harimo isubirajwi.

**Urugero**

- Burya gu**sa**za ni ugu**sa**hurwa
- **Cy**o rero **ki**bondo **cy**ange
- Ngo u**yi**shake u**yi**tege iminsi

## Isubirajambo cyangwa itsinda ry'amagambo

Abenshi bakunda kwitiranya isubirajwi n'isubirajambo. Nyamara isubirajambo ni igihe isubirajwi rigaruka mu ijambo bihuriye ku gicumbi kimwe n'iryaribanjirije cyangwa se ijambo rikagaruka uko ryakabaye. Umuririmbyi agenda asubiramo inyikirizo cyangwa se amagambo amwe n'amwe.

### Urugero

- Aho wenda! **Aho wenda**
- **Aho wenda** kikondo cyange
- **Uramenye**! U**ramenye**
- Utazazira iyo **mikaka**
- **Ihirwa** abagifite u**bukaka**.

## Imizimizo

Ni uburyo umuririmbyi akoresha mu kuboneza imvugo ye atitaye ku myubakire y'interuro. Mu mizimizo ikunze gukoreshwa twavuga igereranya, ihwanisha, iyitirira, ishushanya…

### Urugero

- Ihwanisha: Umurimo=intwaro.
  Ibibazo=imikaka.

## Imyitozo

Erekana ikeshamvugo ryiganje muri iyi ndirimbo.

Ni isubirajwi n'isubirajambo.

# Umuvugo: Tunoze umurimo

## (Amasomo 7)

## Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umuvugo

**Igitabo cy’umunyeshuri kuva ku rup. rwa 184 kugera ku rwa189)**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura amagambo atasobanukiwe ari mu muvugo.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusoma umuvugo yubahiriza injyana n’iyitsa.
- Gusesengura umuvugo agaragagaza ingingo ziwugize.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira gusoma ibitabo bitandukanye no kwitabira amasomero.

Imfashanyigisho: Igitabo cy’umwarimu, igitabo cy’umunyeshuri, inkoranyamagambo.

### Imitangire y’isomo

1. **Ivumburamatsiko**

   Umwarimu abaza abanyeshuri igituma abantu babaho, bakamusubiza ko ari umurimo bakora kuko ari wo bakomoraho ikibatunga. Arongera akababaza uko babona bagomba gukora umurimo ubatunze kugira ngo urusheho kubagirira akamaro. Aha bamusubiza ko umurimo ugomba gukorwa neza kandi ku gihe. Umurimo ukozwe neza umarira iki abawukora n’igihugu? uteza imbere uwukora ndetse ugatuma n’igihugu gitera imbera. Ni wo nkingi y’iterambere ry’igihugu.

2. **Gusoma umwandiko**

2.1. **Gusom bucece**

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma bucece umwandiko, barangiza bakababazaho ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

**Urugero**

a) Hari izina ry'umuntu rivugwa muri uyu mwandiko?
- Nta ryo.

b) Ni akahe kamaro k'umurimo kavugwa muri rusange muri uyu mwandiko?
- Gutunga abawukora, gutunga igihugu, guteza imbere igihugu.

2.2 **Gusoma baranguruye**

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umuvugo umwumwe, bagenda bakuranwa, baranguruye ijwi kugeza umuvugo urangiye. Umwarimu akurikirana uko basoma akosora aho bajijinganyije, aho basomye barya amagambo cyangwa batubahiriza injyana n'isesekaza.

3. **Gusobanura umwandiko**

3.1 **Inyunguramagambo**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, akabasaba gushaka amagambo batasobanukiwe no kuyasobanura bakoresheje inkoranya ndetse no gukora umwitozo w'inyunguramagambo.

**Urugero rw'amwe mu magambo abanyeshuri bashobora kuba batasobanukiwe n'ibisobanuro byayo**

| | |
|---|---|
| **Ingeri** | Ubwoko butandukanye. |
| **Guhimbarwa** | Gushimishwa, kunezezwa, kwizihirwa. |
| **Imigambi** | Intego, imihigo, gahunda. |
| **Kujya mu nganzo** | Kujya mu ntekerezo ukiherera ugahanga cyangwa ugahimba. |
| **Gukengwa** | Gushidikanya, kunezezwa, kwizihirwa. |
| **Gukungahara kakahava** | Gukira by'ikirenga/ bihebuje. |

| | |
|---|---|
| **Umwaga** | Umushiha, umunabi, gukunda utuntu, gukunda kwikubira, ubugugu. |
| **Gusenyera umugozi umwe** | Gushyigikirana, gufashanya, gushyira hamwe |
| **Igihango** | Isezerano ridakuka. |
| **Gusagamba** | Kwaguka, gukwira hose, kugara, kugaba amashami. |
| **Impuguke** | Injijuke, inshabwenge, intyoza, intiti, inararibonye. |
| **Ubusabane** | Umushyikirano. |
| **Imitaga** | Iminsi bishobora no kuvuga imihana inyuranye. |
| **Nsigê (Gusiga)** | Mpange, mpimbe igisigo. |

## Imyitozo y'inyunguramagambo

a) Ubaka interuro ukoresheje amagambo akurikira: guhimbarwa, kujya mu nganzo, gusenyera umugozi umwe, ubusabane, gusagamba.

- Bariya babyinnyi barabyina bagahimbarwa cyane.
- Umusizi iyo agiye mu nganzo ahimbira ibisigo nka bitatu icyarimwe.
- Ni ngombwa ko abantu basenyera umugozi umwe kugira ngo batere imbere.
- Nyuma y'umuganda kwakoze ubusabane turya ibigori.
- Uyu muririmbyi yasagambye mu bihugu byinshi.

b) Mu kinyatuzu gikurikira harimo amagambo afite ibisobanuro bikurikira:

- Ubwoko butandukanye. (ingeri)
- Imirimo ikoreshwa amaboko. (imyuga)
- Imihana inyuranye. (imitaga)
- Injijuke, abanyabwenge. (impuguke)
- Imihigo, gahunda. (imigambi)

- kwaguka, gukwira hose, kugaba amashami. (gusagamba)
  Soma ayo magambo ukoresheje amerekezo yose: iburyo, ibumoso, hasi, hejuru, uberetse kandi uyagaragaze mu kinyatuzu ukoresheje ikaramu y'ibara nyuma  wandike buri jambo imbere y'igisobanuro cyaryo.

3.2 **Ibibazo byo kumva umwandiko**

Umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo, bagasubiza ibibazo ku mwandiko. Nyuma y'igihe cyagenwe, umwarimu ahuriza abanyeshuri hamwe, agahitamo itsinda ritangaza ibyo bagezeho, andi matsinda akagenda aryunganira ibisubizo bikanonosorwa bikandikwa ku kibaho no mu makayi y'abanyeshuri.

## Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

1. **Ni iyihe ngingo y'ingenzi ikubiye muri uyu mwandiko**?
   - Ni umurimo n'uruhare rwawo mu iterambere.

2. **Umurimo umariye iki abawukora**?
   - Ubabeshaho, ukabateza imbere kandi ugateza n'igihugu imbere.

3. **Rondora ingeri nkuru z'imirimo yavuzwe muri uyu mwandiko**.
   - Imirimo isaba ubwonko, imirimo isaba imbaraga z'amaboko, n'imirimo isaba ubwonko n'imbaraga icyarimwe.

4. **Ni ibiki biranga umukozi mwiza bigaragara muri uyu mwandiko**?
   - Umurava, umwete, umutimanama, ubwitange, ukwibwiriza umurimo, ubushake, ubushishozi, nibyo biranga umukozi mwiza

5. **Vuga ibintu umurimo udushoboza bivugwa muri uyu mwandiko**.
   - Utunga uwawukoze neza, utungira uwawukoze abe n'abandi bo mu muryango, ufasha igihugu gutera imbere, uhuza abantu bakamenyana n'ibindi by'iterambere.

6. **Ni ibiki umuhanzi agereranya n'umurimo**?
   - Ishuri, itorero n'idini.

7. **Ni mu buhe buryo umurimo uteza imbere igihugu**?
   - Mu bicuruzwa mvaruganda, ubucuruzi bw'amabuye y'agaciro na peterori, mu misoro no mu nganda.

8. **Ni akahe kamaro k'umukozi w'impuguke mu iterambere ry'Igihugu**?
   - Imirimo isaba ubwonko n'ingufu barayikora bakayishobora.

9. **Vuga imirimo abana bemerewe gukora n'iyo bagomba kurindwa**.
   - Iyo bemerewe: imirimo yo kubatoza gukora, itavunanye, mbese iri mu kigero cyabo.
   - Iyo batemerewe: Gukora imirimo ivunanye nko gusoroma icyayi, gucukura amabuye no kuyikorera…

10. **Ku bwawe usanga umurimo wateza imbere ute uwukora**?
   - Wamuha uburyo bwo kugira imibereho myiza.
   - Wamufasha kubaho neza.
   - Watuma amenyekana neza.
   - Umuhesha agaciro.

# **Igice cya kabiri:** Gusesengura umuvugo

**(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro 189)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**
- Gutahura ingingo z'ingenzi zikubiye mu muvugo.

**Ubumenyi ngiro:**
- Gusesengura ingingo z'ingenzi ziri mu muvugo.

**Ubukesha:**
- Gushishikarira gusoma ibitabo bitandukanye no kwitabira amasomero.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, ibyuma bigaragaza inyandiko cyangwa amashusho.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**

   umwarimu abwira abanyeshuri gusoma baranguruye umwumwe umuvugo kugira ngo bawiyibutse.

2. **Gusesengura**

   Bamaze gusoma, umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo, akabaha ibibazo bibafasha gutahura mu muvugo ingingo z'ingenzi ziwukubiyemo.

**Ingero z'ikibazo**

Garagaza ingingo z'ingenzi uyu muvugo wubakiyeho.

**Urugero**

- Umurimo ngirakamaro ni ufite intego.
- Ingeri z'imirimo zinyuranye.
- Akamaro k'umurimo kuri nyiri ubwite, ku muryango we no ku gihugu.
- Ingero zinyuranye z'ibyo umurimo udushoboza.
- Imimaro y'umurimo (gusabanisha abantu, kubanisha abantu...).
- Uruhare rw'ubuyobozi mu inozwa ry'umurimo.
- Icyo umusaruro uva mu murimo umara.
- Umurimo ukwiye abana.

# **Igice cya gatatu:** Gufata mu mutwe umuvugo

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 184 kugera ku rwa 187)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gufata mu mutwe umuvugo.

**Ubumenyi ngiro:**

- Kuvugira mu ruhame umuvugo yafashe mu mutwe.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira gutega amatwi no gusoma imivugo.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda, imfashanyigisho zitegwa amatwi.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**

   Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko basomye ubushize.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

a) Ni uwuhe mwandiko twize ubushize?
   - Ni umuvugo "Tunoze umurimo".

b) Baravugamo iki?
   - Akamaro k'umurimo ukozwe neza kuri nyiri ubwite, ku gihugu no ku muryango we.

2. **Gusoma umwandiko**

   umwarimu asaba abanyeshuri gusoma neza umuvugo, badatekwa umwumwe, barangurye. Umwarimu abasaba kuwusoma inshuro nyinshi bubahiriza injyana, iyitsa n'isesekaza bagenda bakuranwa umwumwe.

3. **Gufata no kuvuga mu mutwe umuvugo**

   Umwarimu abwira abanyeshuri gufata mu mutwe umuvugo "Tunoze umurimo". Kubera ko badashobora gufata mu mutwe umuvugo mu gihe cyagenewe isomo gusa, umwarimu awubaha nk'umukoro, maze akabaha iminsi ibiri bitoza kuwuvuga mu mutwe batawusoma kugira ngo bazawuvuge imbere y'abandi, umwumwe, badategwa kandi bubahiriza injyana n'isesekaza.

   Umwarimu agerageza gukosora abanyeshuri umwumwe akurikije uko bagiye bavuga uwo muvugo.

# Igice cya kane: Ikeshamvugo mu muvugo

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 189 kugera ku rwa 194)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gutahura uturango tw'umuvugo n'ikeshamvugo rikoreshwa mu muvugo.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusesengura umuvugo agaragaza ikeshamvugo ryakoreshejwe.

**Ubukesha:**

- Gukoresha ururimi rw'Ikinyarwanda ataruvangamo izindi ndimi.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo k'ikibonezamvugo.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**

   Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umuvugo "Tunoze umurimo" cyangwa kuwuvuga mu mutwe ku bawufashe kugira ngo bawiyibutse.

2. **Isesengura**

   bamaze gusoma cyangwa kuwuvuga mu mutwe, umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo, akabaha ibibazo bibafasha gutahura imiterere y'umuvugo n'ikeshamvugo rikoreshwa mu muvugo. Barangije, ahitamo itsinda ritangaza ibyo ryagezeho, abandi banyeshuri bayobowe na mwarimu bagafasha kubinonosora mbere y'uko babyandika mu makayi.

## Urugero rw'ibibazo yababaza

a) Uyu mwanadiko ni bwoko ki? Kubera iki?

- Uyu mwandiko ni umuvugo. Kubera uburyo wanditsemo bw'amabango, injyana yakoreshejwe ndetse n'ikeshamvugo ryakoreshejwe.

b) Uhereye kuri uyu muvugo, erekana imiterere y'umuvugo n'ikeshamvugo rikoreshwa mu muvugo.

- Uyu mwandiko ni umuvugo, ugizwe n'intondeke na zo zigizwe n'imikarago.

1. **Iruburiro**

Umusizi ni umuhanzi ukoresha amagambo mu kurema/gukora ibihangano. Iryo hanga ryifashisha imvugo zinyuranye harimo guhuza ishusho, imiterere y'imvugo n'igisobanuro cyayo. Ubuhanzi bubyaza ijambo ibisobanuro byinshi buhereye ku bushobozi ijambo rifite bwo kugira ibisobanuro byinshi biturutse ku buryo ryakoreshejwemo, ndetse n'ikeshamvugo ririhindurira imikoreshereze yaryo isanzwe.

Mu gihe ubusizi bugambirira mbere na mbere gutakisha amagambo, ubwiza bwayo n'ubw'imvugo, imvugo isanzwe yo igambirira umumaro w'ikivugwa. Imvugo isanzwe ni imvugo igenda umujyo umwe, ishobora kumvwa na buri wese mu baganira. Mu nyandiko, igenda yuzuza imirongo yose y'urupapuro. Naho imvugo ya gisizi, mu nyandiko irangwa n'imikarago ndetse n'imvugo izimije kandi iryoheye amatwi.

2. **Imvugo isanzwe n'imvugo y'ubusizi**

Gushinga imbago hagati y'imvugo isanzwe n'iy'ubusizi, ntibyoroshye kubera ko hari imvugo zisanzwe ariko zifite uturango tw'ubusizi nko mu magambo ncengezamatwara ya poritiki, mu kwamamaza, ... Umwandiko usanzwe w'ubuvanganzo ushobora rwose gusa n'indirimbo, kubera injyana yawo no kuryohera amatwi. Icyo gihe tuvuga ko ari igihangano nyabugeni. Umusizi ashobora kutita ku mikarago akikoreshereza interuro ndende. Icyo gihe tuvuga ko ari umuvugo mu nteruro ndende.

3. **Uturango tw'umurugo**

3.1 **Ikeshamvugo mu muvugo**

Kugira ngo umuvugo uryohere amatwi (kuko umuvugo wagenewe kuvugwa) kandi n'ikivugwa kirusheho gutera amatsiko, hari

ibintu umuhanzi agomba kwitaho harimo cyanecyane injyana, isubirajwi n'isubirajambo.

3.2 **Injyana mu muvugo**

Mu bitanga injyana mu muvugo harimo: Imikarago, inkubito, ihuzamitwe, ...

3.3 **Umukarago**

Umukarago ni wo wakunze kuranga igihangano cyo mu busizi ukaba ugaragarira mu ikoreshwa ry'interuro ngufi, ariko ukanashingira cyane ku bipimo nk'ibikoreshwa mu muziki. Imikarago ihuzwa no gusangira injyana (umubare w'utubeshuro ungana ndetse b'inkubito yayo inihura cyangwa inimbitse).

Kwiga injyana y'igihangano nyabusizi ni ukubara utubeshuro twa buri mukarago. Mu busizi nyarwanda hakunze kuboneka injyana z'utubeshuro 12, 10, 9, 8, 6.

**Dore urugero rw'uburyo bwo kubara utubeshuro:**

- Inyajwi itangira umukarago ntibarwa.
- Ahari ubutinde habarwa utubeshuro tubiri.
- Ahatari ubutinde habarwa akabeshuro kamwe.
- Inyajwi zo hagati y'amagambo zirahuzwa.

Bizigwa mu buryo burambuye mu mwaka wa gatanu.

4. **Ubusizi bw'ubu**

Muri iki gihe abantu bagenda batita cyane ku mahame yarangaga ubusizi bwo mu gihe cya kera birimo injyana ipimye ndinganire, intondeke zifite umubare ungana w'imikarago, n'ibindi. Kubera izo mpamvu, hagenda haboneka imivugo igaragaramo ubwigenge ku bijyanye n'ayo mahame yatumaga ubusizi budapfa kwigerezwa n'ubonetse wese.

**Inkubito**

Itangwa n'uburyo umugemo uvugwamo, utebukwaho cyangwa utindwaho. Hari rero imigemo itinda n'imigemo itebuka. Umugemo utinda utanga inkubito inimbitse, naho umugemo utebuka ugatanga inkubito inihura.

**Ihuzamitwe ry'imikarago n'intondeke**

Ihuzamitwe ni isubiramo ku mpera z'imikarago ibiri cyangwa myinshi ry'ijwi rimwe rihuye cyangwa amajwi menshi asa. Amahuzamitwe y'imikarago agira amazina atandukanye bitewe n'imiterere yayo ndetse n'inkubito yayo.

**Duhereye ku miterere y'imitwe y'imikarago tubona:**

- Ihuzamitwe ryoroheje: Rishingiye ku ijwi rimwe rigaruka
- Ihuzamitwe rigereranije: Rifite amajwi abiri ahuye (ingombajwi + inyajwi cyangwa inyajwi + ingombajwi)
- Ihuzamitwe ritubutse: Irishingiye ku majwi atatu cyangwa arenga asa.

**Dukurikije inkubito yo mu mpera z'imikarago tubona:**

- Ihuzamitwe rinihura: Igihe umugemo ubanziriza uwa nyuma uba utebukwaho (udatinda).

| Ingero |
|---|
| Umwanzi akubonye yahise ag**anya**. |
| Intege ziba inteja abura aho ag**ana**. |
| (Amibukiro, Rugamba Cyprien). |

- Ihuzamitwe rinimbitse: Igihe umugemo ubanziriza uwa nyuma utinda.

| Ingero |
|---|
| Singizwa **kee**za |
| Cyangana n'**icyaa**ha |
| Turakwambaza **cyaa**ne |
| Singizwa mp**ii**nga |
| Yizihiwe n'imp**uu**ndu |
| Wanga abanyamp**uu**ha. |
| (Amibukiro, Rugamba Cyprien). |

**Inyurana ry'injyana n'ikibonezamvugo**

Ubusanzwe, ukwitsa ijwi mu njyana, guhura n'iyitsa ryo mu kibonezamvugo (impera y'interuro cyangwa y'inyangingo). Nyamara hari igihe habayeho kunyurana kw'ibyo byombi nka:

- Iyo interuro y'umukarago umwe ikomereza ku mukarago ukurikiyeho.
- Iyo hari ijambo rimwe ryarenze ku mukarago ubanza.
- Iyo umukarago utangiriye ku mpera y'uwawubanjirije.
- Ibyo byose hari ingaruka bigira ku muvugo no ku kivugwa.

## Gusesengura umuvugo

### Inzego zo gusesengura umuvugo

Hari inzego enye zo gusesengura igihangano nyabugeni ari zo:

- **Urwego rw'ibisobanuro bibumbatiwe n'amagambo yakoreshejwe:** Ijambo rishobora gukoreshwa rifite igisobanuro cyaryo gisanzwe, cyangwa rigakoreshwa mu mvugo ishushanya (inyito shusho), ...
- **Urwego rw'ikibonezamvugo**: Imyubakire y'interuro.
- **Urwego rw'injyana**: Indeshyo y'imikarago, igipimo,...
- **Urwego rw'amajwi**: Uburyohe butangwa n'amajwi.

Kimwe no ku nkuru, hari ibibazo umuntu agomba kwibaza kugira ngo bimufashe gusesengura umuvugo. Uretse rero ibibazo twabonye ku nkuru, umuvugo ugira ibibazo by'umwihariko kubera ibi bikurikira:

Igihangano nyabugeni gikoresha amagambo atoranyije neza n'imvugo iziguye.

Haba higanjemo imvugo shusho n'ikeshamvugo.

Umuvugo ugira amahame yihariye awugenga ashingira ku isubirajwi, injyana, imikarago, n'imiterere.

Dore rero ibibazo wakwibaza mu gusesengura igihangano nyabugeni:

### Ibibazo rusange (ku myandiko yose.)

### Ni iki mbona imbere yange?

Kuri iyi ngingo, usesengura yibaza kuri ibi bintu bikurikira:

- Ubwoko bw'umwandiko, umutwe wawo, uw'igitabo wakuwemo, izina ry'umwanditsi, igihe igitabo cyasohokeye, ... Ibi ni ingenzi mu kumenya ibihe n'ahantu umuvugo wahangiwe, bityo bigakingurira usesengura amarembo yo kuwumva.
- Imiterere y'umwandiko ku rupapuro. Bituma umenya ubwoko bwawo.
- Ibyo ubona ukiwukubita amaso: Bishobora gutuma ubona ibiwuranga.

### Ni nde uvuga?

Hari amagambo bwite y'umubazi w'inkuru ari mu muvugo?

### Ni nde uvugwa/ni iki kivugwa?

Abanyarubuga bavugwa ni ba nde?

**Ibivugwa byabaye ryari?**

Icyo gihe kigaragazwa n'ibihe inshinga zitondaguwemo.

**Ni hehe byabereye?**

Ni ahantu hariho hashobora kubonwa n'amaso? Ni ahantu umuhanzi yihimbiye hatabayeho?

**Ni gute umuhanzi yifashisha amagambo mu gutaka icyo avugaho?**

Ni ayahe magambo akoreshwa, imvugoshusho zirimo, ibisobanuro bitandukanye ijambo rishobora kugira,...

Ni iyihe mvugo yahisemo: Igaragaza ishavu cyangwa agahinda, ibyishimo, ininura, iyo guhangana,...

Ni uruhe rwego rw'imvugo: Iboneye, iya giseseka, nyandagazi,...

Ni irihe keshamvugo: Igereranya, imigoronzoro,...

**Ibibazo byihariye ku muvugo**

Umwandiko nyabugeni wumvikana ku buryo bwawo wihariye. Bityo rero mu kuwusesengura hari ibibazo byihariye ugomba kuwibazaho:

- Ni iki kiwuha kuryohera amatwi/amaso rimwe na rimwe? Aha tureba isubirajwi, isubirajambo,... tukongera kureba uburyo wanditsemo.
- Ni iyihe njyana yakoreshejwe; igipimo? Ni izihe ngaruka guharanira kuboneza injyana byagize ku kibonezamvugo? Imikarago irareshya? Ijya kureshya? Cyangwa ni ubusizi bwanditse mu nteruro ndende?
- Inkubito inihura n'inimbitse zibangikanye gute?

**Insanganyamatsiko**

Mu muvugo kimwe no mu yindi myandiko havugwamo ibitekerezo cyangwa insanganyamatsiko zinyuranye. Hagati y'intangiriro n'impera y'umuvugo hari ibitekerezo bitandukanye, bigenda byuzuzanya cyangwa bitondetse mu buryo ubu n'ubu.

**Urugero**: Nko mu gisingizo kirata ubwiza bw'umukobwa, umuhanzi ashobora kuva ku musatsi akagera ku mano, cyangwa agahera hasi agana hejuru.

Umuvugo wagenda usubira mu gitekerezo kimwe gusa ntabwo washimisha. Uburyohe bw'umuvugo rero bushingira no ku guhindagurika kw'ijwi, inzego zitandukanye z'imvugo,...ibyo na byo bigomba kugaragazwa mu isesengura.

## Inshamake

Ubusizi bwitaza imvugo isanzwe kuko bwita ku kuryoshya amagambo mbere na mbere.

Ku musizi, imvugo si inzira yo gutanga ubutumwa gusa, ahubwo ni n'imvano yo gushimisha, kunezeza; ikaba kandi yaremwamo ibyiza bibereye ijisho n'amatwi.

Ubusizi bwasobanurwa nk'ubugeni bw'ururimi bushingiye ku kubyaza umusaruro imiterere y'ubutumwa ubwayo. Mu mwandiko nyabugeni, iby'amatwi yumva(uburyohe bw'amajwi) n'ibyo amaso abona(imiterere ku rupapuro n'imyandikire), bigira umumaro biba bidafite mu myandiko isanzwe.

### Umwitozo

1. Garagaza injyana yakoreshejwe mu muvugo "Tunoze umurimo".
2. Garagaza isano iri hagati y'umuvugo n'indirimbo, uvuge n'akamaro kabyo.

### Ibisubizo

1. Injyana yakoreshejwe mu muvugo "Tunoze umurimo" ni injyana idapimye, utubeshuro tw'imikarago ntitungana hose.

### Urugero

- Ngaho nguko umurimo ni uyu = 12
- Ni umwe dushishikarira dufite intego = 16
- Umubyizi cyangwa umusaruro = 12

2. Isano iri hagati y'umuvugo n'indirimbo ni uko akenshi indirimbo iba ihimbye mu mvugo ya gisizi nk'umuvugo ikindi kandi byombi bigaragaramo uturango tw'ikeshamvugo. Byombi bifite akamaro ko kwigisha no gukosora abantu.

# Umwandiko: Ubukorikori bwa Rwaramba

## (Amasomo 5)

## Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rupapuro rwa 195 kugera ku rwa 198)**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura amagambo atasobanukiwe no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
- Gusobanura uko umwandiko ugaragaza akamaro k'umurimo mu iterambere.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusoma neza umwandiko yumvikanisha ibyo asoma kandi agaragaza isesekaza.

**Ubukesha:**

- Gushishikariza abandi gutegura kwitabira umurimo.
- Gushishikarira gusoma ibitabo bitandukanye no kwitabira amasomero.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo.

### Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**

   Umwarimu yereka abanyeshuri ishusho iri mu gitabo cyabo akababaza icyo babona yifashishije ibibazo bituma bavumbura icyo umwandiko uvugaho.

**Urugero**

a) Ni iki mubona kuri aya mashusho?
   - Turahabona umugabo uri mu isarumara akora gitari.

b) Murabona gitari akora imeze ite?
   - Imeze nk'izindi zose tubona.

2. **Gusoma**

   2.1 **Gusoma bucece**

Umwarimu abwira abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari umwandiko "Ubukorikori bwa Rwaramba" akabasaba kuwusoma bucece nyuma akawubabazaho ibibazo rusange byo gusuzuma ko basomye.

**Urugero rw'ibibazo yababaza**

a) Uyu mwandiko uravuga kuri nde?
   - Ku musore w'umunyabukorikori witwa Rwaramba.

b) Yakoreraga he? Mu yihe myaka?
   - Yakoreraga i Mwiyanike muri Karago, mu gasanteri kitwa Kadahenda mu myaka ya za 1980.

   2.2 **Gusoma baranguruye**

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko umwumwe, igika ku gika, baranguruye ijwi kugeza umwandiko urangiye. Umwarimu akurikirana uko basoma akosora aho bajijinganyije, aho basomye barya amagambo cyangwa batubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

3. **Gusobanura umwandiko**

   3.1 **Inyunguramagambo no gusubiza ibibazo ku mwandiko**

Barangije gusoma, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo batasobanukiwe kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko, we akagenzura uko abanyeshuri bari gukorera hamwe mu matsinda anyuranye.

Nyuma y'iki gikorwa umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda. Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye bakabyandika ku kibaho.

## Urugero rw'amagambo basobanurira mu matsinda

| | |
|---|---|
| **Kabuhariwe** | Umuntu cyangwa ikintu gikora ibintu ku buryo bwa gihanga, mbese umuntu yavuga ko ari we cyangwa cyo cyabigenewe. |
| **Ubukozo** | Umuti umatira bakoresha mu gufatanya ibintu. Hari n'abawita kore. |
| **Impano** | Ingabire umuntu avukana ituma agira ubushobozi runaka ku buryo biba biri karemano kuri we, aba atari ibyo yize cyangwa yiganye. |
| **Guhomahoma** | Ni uguterateranya ibintu byangira. |
| **Imirya** | Imigozi itanga amajwi ku nanga cyangwa gitari. |
| **Kunihira** | Kuvuga ijwi ryirangira, riganisha hasi. |

3.2 **Imyitozo y'inyunguramagambo**

Nyuma yo gusobanura amagambo batari basobanukiwe, abanyeshuri banakora umwitozo w'inyunguramagambo bakoresha mu nteruro amagambo bungutse akajya abafasha kunonosora ibisubizo byabo. Abanyeshuri batanga interuro zinyuranye zigaragaza ko bumva ayo magambo.

## Urugero rw'umwitozo w'inyunguramagambo n'ibisubizo bishoboka

1. Koresha mu nteruro ebyirebyiri amagambo akurikira wumvikanisha neza inyito zayo zitandukanye:

**Kubaza:**

- Nubwo Rwaramba yari umudozi ntibyamubuzaga no kubaza mu masaha atari ayo kudoda.
- Umwana ukunda kubaza cyane aba afite inyota yo kumenya.

**Imyaka:**

- Twejeje imyaka myinshi mu gishanga muri iki ki.
- Ese ko wamutangije ishuri akiri muto afite imyaka ingahe?

**Imirya:**
- Sebatunzi yari azi gukaraga umurya w'inanga.
- Batonganye bigeza n'aho bajya mu mirya.

**Gucura:**
- Umubyeyi ugeze mu kigero cyo gucura aba afite imyaka iri hejuru ya 45.
- Abacuzi bakoresha umuvuba mu gucura ibyuma.

2. Uzuza interuro zikurikira ukoresheje aya magambo: Impano, kabuhariwe, kunihira, umunyabukorikori.
   - Ishuri ryacu rifite icyuma kabuhariwe gifata amajwi.
   - Uyu mwana afite Impano yo kuririmba.
   - Rwaramba yari umusore w'umunyabukorikori mu Karere ke.
   - Iyo inanga zitangiye kunihira binezeza abazumva.

3.3 **Ibibazo byo kumva umwandiko**

Nyuma yo gusobanura amagambo batari basobanukiwe no gukora umwitozo w'inyunguramagambo, abanyeshuri basubira gukorera muri ya matsinda basubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Iyo igihe umwarimu yabahaye kirangiye bagaruka kumurika ibyavuye mu matsinda.

## Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo bishoboka byo kumva umwandiko

1. **Umusore uvugwa muri uyu mwandiko ni nde**? **Yakoraga iki**?
   - Ni Rwaramba. Yakoraga akazi k'ubudozi ndetse akanabaza mu gihe atarimo kudoda.
2. **Ni iki cyatumye atekereza gukora gitari**?
   - Yatekereje gukora gitari kuko iyo yari afite yari yahawe nk'impano yari yaramenetse akagerageza kuyihomahoma bikamuyobera.
3. **Ni iki mubona mu mwandiko gishobora kuba intandaro yo gukora ibintu by'agahebuzo**?
   - Kwitegereza, kwigana no kudacika intege.
4. **Ukurikije uko umwandiko ubivuga inota rya muzika n'urusaku bitandukaniye he**?
   - Inota rya muzika riba rifite injyana kandi rifite uko rihuzwa n'andi manota bigakora indirimbo. Urusaku rero ni ijwi ridafite

injyana, mbese umuntu yavuga ko nta gisobanuro riba rifite mu rwego rwa muzika.

5. **Ni izihe ngorane Rwaramba yahuye na zo agitangira gukora gitari? Nyuma se bwo yahuraga n'izihe ngorane**?
   - Agitangira yabanje gukora gitari zitari nziza zitanga ibijwi bibi. Ntabwo yari yagashoboye kuringaniza neza imirya n'amanota ya muzika. Aho rero amariye kumenya gukora gitari neza yahuye n'ikibazo k'isoko cyane ko yari atuye mu cyaro.
6. **Umaze gusoma uyu mwandiko usanga umuntu ukora umwuga runaka yakora iki k'ingenzi kugira ngo umwuga we urusheho kumugirira akamaro**?
   - Kugira ngo umwuga ugirire akamaro nyirawo, ni ngombwa ko ashaka isoko ry'ibyo akora. Ibi bisaba rero kuranga no kwamamaza akoresheje uburyo bwose bukoreshwa mu gutangaza amakuru.
7. **Ni iki washima Rwaramba ukurikije ibyo yakoze muri uyu mwandiko**?
   - Rwaramba umuntu yamushima kuba yarabaye rwiyemezamirimo, gufata ikemezo akagikomeraho nubwo yabanje guhura n'ingorane. Ikindi yashimwa ni uguhanga umwuga ushobora kumutunga akaba yatanga n'akazi.

## **Igice cya kabiri:** Gusesengura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 199)**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gutahura ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusesengura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko no guhina umwandiko.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira umurimo cyanecyane ubukorikori.
- Gushishikarira gusoma ibitabo bitandukanye no kwitabira amasomero.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, ibyuma bigaragaza inyandiko cyangwa amashusho.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**
   Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma baranguruye umwumwe igika ku kindi umwandiko "**Ubukorikori bwa Rwaramba**" kugira ngo bawiyibutse.

2. **Gusesengura umwandiko**
   Umwarimu asaba abanyeshuri gusomera umwandiko wose mu matsinda akabasaba kugaragaza ingingo z'ingenzi zigize umwandiko «Ubukorikori bwa Rwaramba" no gukora inshamake yawo.

### Ingingo z'ingenzi

- Rwaramba ni muntu ki? Yakoraga iki?
- Uko Rwaramba yatunze gitari ya mbere n'uko yaje kwangirika.
- Rwaramba agerageza gukora gitari n'inzira yanyuzemo ngo akore gitari nyayo.
- Isoko rya gitari za Rwaramba n'ingorane yahuye na zo mu gukora no kugurisha gitari ze.

### Urugero rw'inshamake

Rwaramba ni umusore wari utuye muri Karago. Yize imyuga muri Zayire ari yo Kongo y'ubu (RDC) mu myaka ya za 1980. Ubusanzwe yakoraga akazi ko kudoda, icyakora akanabaza mu gihe atarimo gukora ubudozi bwe.

Yatunze gitari ya mbere ayihawe n'umuzungu. Icyakora iyo gitari yaje kugwa hasi irangirika cyane agerageza kuyisana biba iby'ubusa. Byaramubabaje cyane bigera n'aho atekereza gukora gitari yo kuyisimbura. Yakoze gitari nyinshi ariko ntizigire amajwi meza kugeza ubwo yaje kumenya ko igituma amajwi ayungururwa atari igiti kinyuraho imirya ahubwo ari agasanduku karangurura amajwi.

Amaze kumenya gukora gitari nziza zidafite aho zitandukaniye, haba mu bwiza cyangwa mu gukora n'izikorerwa i Burayi, ikibazo Rwaramba yagize ni ik'isoko n'abo bakorana kugira ngo uwo mwuga we ushobore kumutunga.

# **Igice cya gatatu:** Ikomorazina mvanshinga

**(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 199)**

## (Amasomo 7)

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura ikomorazina mvanshinga icyo ari cyo.
- Gutahura imisozo ikoreshwa mu ikomorazina mvanshinga.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusesengura amazina akomoka ku nshinga agaragaza uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi.

**Ubukesha:**

- Gukoresha ururimi rw'Ikinyarwanda ataruvangamo izindi ndimi.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo k'ikibonezamvugo.

### Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**

   Umwarimu yandika inshinga ku kibaho agasaba abanyeshuri kuzitegereza nyuma akababwira gushaka amazina azikomokaho ari na ko bashaka izabo zihariye bakazishakira amazina azikomokaho.

**Ingero**

- Kurima, gupfa, guta, gutata, gukena..

2. **Isesengura**

   **Inshoza y'ikomorazina mvanshinga**

   Ikomorazina mvanshinga ni ihimba ry'amazina mashya ufatiye ku mizi y'inshinga zisanzwe mu rurimi uru n'uru. Mu Kimyarwanda rikoresha imisozo itandatu ari yo : -a, -e,-i, ,-o, -u na –yi.

Umusozo: ni akaremajambo gasoza inshinga cyangwa izina rikomoka ku nshinga.

Ikomorazina mvanshinga rishingiye ku musozo –a rirakoreshwa cyane mu Kinyarwanda kandi rijyana n'ingereka zinyuranye.

**Ingero**

| **Inshinga** | **Izina rikomoka kuri iyo nshinga** |
|---|---|
| Kurima | umurima |
| Gikama | ikama |
| Gupfa | amapfa |
| Guta | intabwa |
| Kuganya | amaganya |
| Gukenga | amakenga |
| Gukora | ibikorwa |
| Kwizera | umwizera |
| Gusaza | umusaza |
| Guta | amateshwa |

Ikomorazina mvanshinga rishingiye ku musozo –e ribyara amazina y'ingeri nyinshi kandi rishobora no gufata ingereka.

**Ingero**

| Inshinga | Izina rikomoka kuri iyo nshinga |
|---|---|
| Kwiga | imyigire |
| Kwigisha | imyigishirize |
| Kurera | uburere |
| Kubumba | umubumbe |
| Kwiyoroshya | ubwiyoroshye |
| Gutera | amatere |
| Gutema | igiteme |
| Gukwa | ubukwe |
| Gucya | ubuke |
| Gushya | ubushye |
| Gukora | imikorere |
| Kuramba | uburambe |
| Kuraga | umurage |

Ikomorazina mvanshinga rishingiye ku musozo –O . Uyu musozo na wo urakoreshwa cyane mu Kinyarwanda mu ikomorazina mvanshinga. Ushobora no kujyana n'ingereka zitandukanye.

**Ingero**

| Inshinga | Izina rikomoka kuri iyo nshinga |
|---|---|
| Gutwara | intwaro/umutwaro |
| Kongeza | inyongezo |
| Gutera | umutero/igitero |
| Kurya | indyo |
| Kurunda | ikirundo |
| Gutega | umutego |

| | |
|---|---|
| Kwibuka | urwibutso |
| Gutinda | urutindo |
| Kugera | ikigero |
| Kwanga | urwango |
| Kuzirika | ikiziriko |
| Gukina | igikinisho |
| Gufunga | urufunguzo |

Ikomorazina mvanshinga rishingiye ku musozo —-U

| **Inshinga** | **Izina rikomoka kuri iyo nshinga** |
|---|---|
| Gupfa | umupfu |
| Kunguka | inyungu |
| Guhema | umuhemu |
| Kuramuka | indamu |
| Kuragura | indagu |
| Kugemura | ingemu |

Ikomorazina mvanshinga rishingiye ku musozo—-yi rirakoreshwa cyane mu Kinyarwanda. Kandi naryo rishobora gukora n'ingereka

**Ingero**

| **Inshinga** | **Izina rikomoka kuri iyo nshinga** |
|---|---|
| Gusahura | ubusahuzi |
| Kwanga | umwanzi |
| Gutunga | ubutunzi |
| Gukora | umukozi |
| Gutega | umutezi |
| Kurera | umurezi |

| | |
|---|---|
| Kugenda | umugenzi |
| Kwica | umwicanyi |
| Kurwara | umurwayi |
| Kubaza | umubaji |
| Kuvura | umuvuzi |
| Kunnya | umunnyi |
| Guteka | umutetsi |
| Guhaha | umuhashyi |
| Kudoda | umudozi |

Ikomorazina mvanshinga rishingiye ku musozo –-i ukoreshwa inyuma y'imizi igizwe n'ingombajwi n'inyajwi kuko umusozo –yi udakorana na bene iyo mizi no ku nshinga nke zidafite ibicumbi bigizwe n'ingombajwi n'inyajwi.

| **Inshinga** | **Izina rikomoka kuri iyo nshinga** |
|---|---|
| Guhiga | umuhigi |
| Kunnya | umunnyi |
| Kurya | umuryi |
| Gutwara | ubutwari |

## Ikitonderwa

Kimwe n'uko amazina y'amatirano bene ururimi bageraho bakibagirwa inkomoko yayo, n'amazina aremwa hakoreshejwe ikomora, ntibahita babona ko akomoka ku yandi magambo. Ni ukuvuga rero ko bene ayo mazina ashobora gusesengurwa ku buryo bubiri: Uburyo busanzwe bugaragaza gusa indomo, indanganteko n'igicumbi cyangwa uburyo bw'isesenguranaknomoko bitewe n'ibyasabwe.

**Urugero:**

| Izina | Isesengura risanzwe | isesengurankomoko |
|---|---|---|
| Amataha | a-ma-taha | a-ma-tah-a |
| Amateshwa | a-ma-teshwa | a-ma-ta-ish-w-a (a +i → e) |
| Amakenga | a-ma-kenga | a-ma-keng-a |
| Umweru | u-mu –eru | u-mu-er-u (u → w/-J) |
| Umukozi | u-mu-kozi | u-mu-kor-yi (r+y → z) |
| Urudodo | u-ru-dodo | u-ru-dod-o |

**Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri kwibumbira mu matsinda atarengeje abanyeshuri bane maze bagakorera hamwe uyu mwitozo:

1. Mushake amazina yakomotse ku nshinga zikurikira, muyashakire uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwemo: **G**upfa, kuramba, gusarura, kuraga, gusaza, gushishoza, kurya, gutwara, guca, kunnya, ..

2. Gupfa: Umupfu, amapfa, imfu

| | | |
|---|---|---|
| umupfu | u-mu-pfu-u | u → ø/-J |
| amapfa | a-ma-pfu-a | u → ø/-J |
| Impfu/imfu | i-n-pfu-u: | n→ m/-p p → ø/m-f |

3. Kurya: Ibiryo, indyo, uburyo
   - ibiryo: i-bi-ri-o: i → y/-J
   - indyo: i-n-ri-o: r → d/n-, i → y/J

4. Gutwara: Intwaro, umutwaro, ubutwari, intwari
   - intwaro: i-n-twar-o
   - umutwaro: u-mu-twar-o
   - ubutwari: u-bu-twar-i
   - intwari: i-n-twar-i

5. Gusaza: Umusaza, amasaziro
   - Umusaza: u-mu-saz-a
   - Amasaziro: a-ma-saz-ir-o

6. Kuramba: Umurambo: u-mu-ramb-o

   Uburambe: u-bu-ramb-e

7. Kuraga: Umurage, uburage, irage
   - Umurage: u-mu-rag-e
   - Uburage: u-bu-rag-e
   - Irage: i-ø-rag-e
8. Kwibuka: Urwibutso: u-ru-ibuk-y-o (k+y →ts), u→ w/-J
9. Kunnya: Umunnyi, innyo, ubunnyano
   - Umunnyi: u-mu-ne-i: e→ y/-J, n+y → nny
   - Ubunnyano: u-bu-ne-an-o: e→ y/-J, ny→ nny
   - Innyo: i-ne-o: e→ y/-J,  n+y→ nny
10. Gusarura: Umusaruro, abasaruzi
    - Umusaruro: u-mu-sarur-o
    - Abasaruzi: a-ba-sarur-yi: r+y →z
11. Sesengura inkomoko y'amagambo akurikira:
    Umusyi, umunywi, umuryi
    - Umusyi: u-mu-se-i: e → y/-J
    - Umunywi: u-mu nyo-i: o →w/-J
    - Umuryi: u-mu-ri-i: i → y/-J

# Imyitozo y'isuzuma rusange risoza umutwe wa gatandatu

# (Amasomo 4)

**(Reba ku rupapuro rwa 203 kugeza ku rwa 206)**

**Inyunguramagambo**

(a) Ibisobanuro by'amagambo akomeye

| | |
|---|---|
| **Urugendo shuri** | Urugendo rukorwa rugamije kwiga, ni ukuvuga kureba aho wagiye bakora ibinyuranye n'iby'iwanyu ugamije kubigiraho. |
| **Umunyabukorikori** | Umuntu ukora imirimo y'amaboko agakora ibintu binyuranye cyangwa ibikoresho binyuranye. |
| **Icyashara** | Indonke mu bucuruzi. Kugira abaguzi benshi |

| | |
|---|---|
| **Gukana** | Gutunganya impu ukazibyaza ibikoresho binyuranye. Umukannyi ni nk'umudozi. |
| **Ingume** | Kuba ingume ni ukubura kw'ikintu, cyangwa kuboneka gake cyane. Ijambo ingume riva ku nshinga kuguma. |
| **Amayeri** | Uburyo umuntu akoresha kugira ngo yikure mu bibazo cyangwa akemure ikibazo runaka. |

(b) Uzuza interuro ukoresheje aya magambo: Abadandaza, icyashara, gukana, impamba.

- Tubona icyashara ku munsi w'isoko.
- Mu isoko habamo abacuruzi benshi, abaranguza n'abadandaza bagurisha akantu kamwekamwe.
- Abadozi b'inkweto bakunda gukana impu ngo bazikoremo inkweto.
- Iyo tugiye ku ishuri twitwaza impamba kugira ngo tudasonza.

## Ibibazo byo kumva umwandiko

1. **Abanyabukorikori bagiye muri Kenya gukora iki? Ni iki bakoze mu minsi yose bahamaze**?
   - Bagiye muri Kenya gusura bagenzi babo b'abanyabukorikori. Mu minsi bamazeyo, basuye ababaji n'abadozi b'inkweto ndetse n'abacuzi. Bashoboye no gutembera umugi wa Nayirobi basura pariki iwegereye ndetse n'ikibuga k'indege.

2. **Ni iyihe nzira banyuzemo kugira ngo bagere muri Kenya**?
   - Urugendo rwabo barutangiye ku itariki ya 19 barara i Mwanza, umunsi ukurikiyeho barara i Kisi ho muri Tanzaniya, basesekara i Nayirobi ku munsi wa gatatu.

3. **Ni iki ababaji bo muri Kenya basanze barusha abo mu Rwanda? Ese ku bacuzi bo byari byifashe bite**?
   - Ababaji bo muri Kenya icyo barusha abo mu Rwanda ni imari kuko bakoresha imashini ababaji bo muri KORA batagira nk'ibaza muviringo n'izibaza zishyiraho utuntu tw'umurimbo.
   - Ku bacuzi, abo muri Kenya bakoreshaga ubwoko bw'amabati atarabaga mu Rwanda bakoramo indobo n'amasafuriya.

Ubundi na none mu bucuzi bwaho hari ibintu byinshi bakoraga, bikorerwa mu Rwanda gusa ugasanga bidafite isura imwe kubera imideri itandukanye n'iyo mu Rwanda. Icyakora hari aho abanyabukorikori bo mu Gakinjiro basanze bahiga ab'i Yuwakari. Ngo bagenzi babo bo muri Kenya ntibabarushaga gucura amacumu, amasuka, ishoka,umuhoro n'ibitiyo.

4. **Ese nk'uko mu mwandiko bivugwa guturira inyanja bimaze iki**?
   - Guturira inyanja bituma ibikoresho by'ibanze bidakosha bityo ibyo abanyabukorikori bakoze bikaba bidahenze cyane, bakabona abaguzi ndetse bakanakora byinshi.

5. **Ni ikihe kintu k'ingenzi abanyabukorikori bo muri Kenya barushaga abo mu Rwanda muri rusange**?
   - Babarushaga ibikoresho by'ibanze kuko bo babibona bitababagoye kubera ko baturiye inyanja.

## Ikibonezamvugo

Mushake amazina yakomotse ku nshinga zikurikira, muyashakire uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwemo:

Guhinga, kubyina, guhamiriza, gushakashaka, kwitanga, gushishoza, gutunga, gucumbika, kurera

## Ibisubizo:

1. Guhinga: Umuhinzi, ubuhinge
   - Umuhinzi: u-mu-hing-yi: g+y → z
   - Ubuhinge: u-bu-hing-e

2. Kubyina: Umubyinnyi, imbyino, imibyinire
   - Umubyinnyi: u-mu-byin-yi: n+y→ nny
   - Imbyino: i-n-byin-o: n→ m/-b
   - Imibyinire: i-mi-byin-ir-e

3. Guhamiriza: Imihamirizo
   - Imihamirizo: i-mi-ham-ir-y-o: r+y → z

4. Gushakashaka: Ubushakashatsi, umushakashatsi
   - Ubushakashatsi: u-bu-shak-a-shak-yi: k+y→ ts
   - Umushakashatsi: u-mu-shak-a-shak-yi: k+y → ts

5. Kwitanga: ubwitange: u-bu-ii-tang-e: u→w/-J

6. Gushishoza: Ubushishozi: u-bu-shishoz-i

7. Gutunga: Ubutunzi, amatungo, umutungo
   - Ubutunzi: u-bu-tung-yi: g+y → z
   - Amatungo: a-ma-tung-o
   - Umutungo: u-mu-tung-o

8. Gucumbika: Icumbi, umucumbitsi
   - Icumbi: i-ø-cumb-i
   - Umucumbitsi: u-mu-cumb-ik-yi: k+y→ts

9. Kurera: Umurezi, uburere
   - Umurezi: u-mu-rer-yi: r+y→ z
   - Uburere: u-bu-rer-e

## Ubuvanganzo

1. **Gereranya isano iri hagati y'indirimbo n'umuvugo ushingiye ku turango no ku ikeshamvugo bikunze gukoresha.**
   - Ushingiye ku miterere, indirimbo n'umuvugo bihurira ku ikeshamvugo rikoreshwa. Icyakora indirimbo yo yagenewe kuririmbwa kuko ishyirwa mu majwi atandukanye mu gihe umuvugo wo uba utari mu majwi anyuranye.

2. **Himba umuvugo utarengeje imikarago mirongo itanu ku kamaro k'imyuga mu iterambere ry'igihugu.**
   - Umwarimu azita ku kureba uko bandika bubahiriza imyandikire yemewe, uko bakurikiranya ibitekerezo, ikeshamvugo ndetse n'uko bubahiriza uturango tw'umuvugo.

# Umutwe wa karindwi

# Imiturire

## (Amasomo 21)

| Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe |
|---|
| 1. Gusesengura umwandiko uvuga ku miturire. |
| 2. Kwandika interuro yubahiriza uburyo n'ibihe by'inshinga. |

## Gukumira imiturire y'akajagari

## (Amasomo 9)

**Igice cya mbere:** Kumva no gusobanura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 207 kugera ku rwa 209)**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura amagambo atari asobanukiwe.
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusoma neza umwandiko yumvikanisha ibyo asoma kandi agaragaza isesekaza.

**Ubukesha:**

- Kwitabira gushishikariza abandi gutura heza kandi neza.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo.

## Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**

Umwarimu abwira abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo cyabo, maze akababazaho ibibazo.

**Ingero z'ibibazo n'ibisubizo:**

a) Ni iki mubona ku mashusho?
Inyubako zitandukanye. Ku ruhande rumwe hari amazu abiri meza yubatse hakurikijwe imbata zitandukanye kandi afite n'ubusitani bunini cyane. Ku rundi ruhande hari amazu, andi mazu mato yubatse nta gahunda.

b) Muratekereza ko ziriya nyubako zubatse mu buryo buboneye?

Oya, ntabwo zubatse ku buryo buboneye kuko bigaragara ko zitubatse kuri gahunda. Hari amazu meza yitaruye, yubatse neza ariko inyuma ntabwo yubatse neza; naho ayubatse.

c) Ese murabona iyi miturire imeze ite? Turabona iyi miturire ari akajagari, imeze nabi.

2. **Gusoma**

2.1 **Gusoma bucece**

Umwarimu abwira abanyeshuri bagasoma bucece umwandiko uri mu gitabo cyabo barangiza akababazaho ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

**Urugero rw'ibibazo yababaza**

Inama ivugwa mu mwandiko yabaye ryari? Yahuje ba nde?
Yabaye kuva ku wa13 kugera ku wa 14 Gicurasi 2014 ihuza abakozi ba Ministeri y'Ibikorwa remezo n'abayobozi b'Uturere

tugize Intara y'Amajyepfo. Ni uwuhe muyobozi wo mu Karere ka Huye uvugwamo? Ni umuyobozi wungirije ushinzwe ubukungu.

2.2 **Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba abanyeshuri banyuranye gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye bakagenda bakuranwa umwumwe, igika ku gika, umwarimu akagenda abakosora aho baba batasomye neza.

3. **Gusobanura Umwandiko**

3.1 **Inyunguramagambo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora amatsinda, akabasaba gushaka amagambo batasobanukiwe no kuyasobanura bakoresheje inkoranya.

**Ingero z'amagambo bashobora kuba batasobanukiwe**

| | |
|---|---|
| **Inyubako z'akajagari** | Ni inyubako zinyanyagiye kandi zubatswe mu buryo butubahirije amabwiriza y' ibipimo byabugenewe. Ni inyubako zivangavanze. |
| **Ubusitani** | Ahazengurutse inyubako hateye indabo, ibiti cyangwa ibyatsi bituma hagaragara neza kuko biba byaragenewe kuharimbisha. |
| **Ibikorwa remezo** | Ni ibikorwa by'ibanze iterambere rishingiraho. Hakubiyemo ibintu bitandukanye nk'imihanda, amashuri, ibigo by' ubuvuzi, amasomero, amavomo, ibibuga, amashanyarazi, imiyoboro y'itumanaho n'ibindi. |
| **Isibo** | Ikivunge, ibintu biri hamwe, urujya n'uruza, itsinda rikorera hamwe ryunze ubumwe. |

3.2 **Umwitozo w'inyunguramagambo**

**Koresha amagambo akurikira mu nteruro:** Akajagari, ubusitani, ibikorwa remezo, isibo.

- Abantu batuye mu kajagari bashobora guhura n'ingorane z'ibiza.
- Iyo tuvuye kwiga twicara mu busitani bw'imbere y'inzu.
- Ni ngombwa ko Leta igeza ku baturage bayo ibikorwa remezo nk'amashuri, amavuriro, imihanda n'ibindi.

- Twagiye kureba umukuru w'Igihugu tuhahurira n'isibo ry'abantu sinashobora kumubona.

**Ibibazo n'ibisobanuro ku mwandiko**

Umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo, bagasubiza ibibazo ku mwandiko biri mu bitabo byabo. Ashobora no kongeraho ibye abona byakumvikansha neza umwandiko. Nyuma y'igihe cyagenwe, umwarimu ahuriza abanyeshuri hamwe, agatoranya itsinda ritangaza ibisubizo byaryo, abandi bayobowe n'umwarimu bagafasha mu kubinonosora mbere y'uko byandikwa mu makayi yabo.

1. **Ni iyihe mpamvu iyi nama yari yatumijwe?**
    - Iyi nama yari yateguwe kugira ngo higwe ku miturire n'iterambere ry'imigi.

2. **Ni igiki umuyobozi wungirije w'Akere ka Huye ashima muri uyu mwandiko?**
    - Arashima ko hatangiye gutekerezwa ku igenamigambi rigamije kuvugururura no guteza imbere gahunda y'imiturire mu Rwanda.

3. **Ni iyihe mpungenge umuyobozi ushinzwe ibikorwa remezo afite ku baturage?**
    - Ubwiyongere bw'abaturage mu gihe ubutaka bwo butiyongera.

4. **Ku bwawe ubona ubwiyongere bw'abaturage bufite izihe ngaruka mu iterambere ry'Igihugu?**
    - Kwangiza ibikorwa remezo.
    - Gukwirakwiza umwanda.
    - Kongera ubukene bukabije.
    - Isuku nke.
    - Kubura ibyo kurya.

5. **Ni izihe ngaruka zo gutura mu kajagari?**
    - Ubutaka bukoreshwa nabi.
    - Impanuka ziriyongera.
    - Gahunda yo kwegereza abaturage bose ibikorwa remezo iragorana cyane.

# **Igice cya kabiri:** Gusesengura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 209)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gutahura ingaruka z'imiturire mibi ziri mu mwandiko no kugaragaza izindi zitavuzwe mu mwandiko.

**Ubumenyi ngiro:**

- Kugereranya imiturire inyuranye.

**Ubukesha:**

- Kwitabira gushishikariza abandi gutura heza kandi neza.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, amashusho cyangwa amafoto agaragaza imiturire y'akajagari cyangwa iri kuri gahunda.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**
   Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma baranguruye umwumwe igika ku kindi umwandiko "**Gukumira imiturire y'akajagari**" kugira ngo bawiyibutse.

2. **Gusesengura**
   Bamaze gusoma, umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo, akabaha ibibazo bibafasha kugereranya imiturire ivugwa mu mwandiko n'iy'aho batuye.

### Urugero rw'ikibazo yabaza

Mugereranye imiturire ivugwa mu mwandiko n'imiturire y'aho mutuye muvuga ibyiza cyangwa ibibi byayo ndetse n'ingamba zo gukumira imiturire y'akajagari.

Aha ibisubizo biranyurana bitewe n'aho abanyeshuri batuye. Icyo umwarimu yitaho ni ukureba ko abanyeshuri bumva neza imiturire y'akajagari icyo ari cyo, ingaruka zayo n'uko yakumirwa ndetse n'uruhare ubwiyongere bw'abaturage bukabije bufite mu miturire y'akajagari.

# **Igice cya gatatu:** Umwitozo wo guhanga umwandiko mvugamiterere

**(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 209)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Kwiyibutsa uturango tw'umwandiko mvugamiterere.

**Ubumenyi ngiro:**

- Guhanga umwandiko mvugamiterere agaragaza imiturire y'aho atuye cyangwa ahandi yaba azi.

**Ubukesha:**

- Kugaragaza umuco wo guhimba yandika imyandiko inyuranye.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda, interineti, isomero.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**
   Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko baheruka kwiga uvuga ku miturire, barangiza akababaza ibibazo bigamije kwibutsa imiterere y'umwandiko mvugamiterere.

### Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

a) Umwandiko mvugamiterere ni iki?
   - Ni umwandiko ugaragaza mu magambo ishusho y'ikintu runaka uvugaho.

b) Imvugo ikoreshwa muri uwo mwandiko iba iteye ite?
   - Ni imvugo ishushanya kugira ngo usoma ashobore kumenya neza imiterere y'ikivugwa.

2. **Guhanga umwandiko**

Umwarimu asaba abanyeshuri gufata umwanya bagakora imbata y'umwandiko mvugamiterere ku ngaruka z'imiturire y'akajagari mu iterambere ry'Igihugu yifashishije ikibazo gikurikira:

**Hanga umwandiko uvuga ku ngaruka z' imiturire y'akajagari mu iterambere ry'igihugu.**

Kubera ko guhanga uyu mwandiko bishobora gutwara umwanya munini, umwarimu abibahamo umukoro, maze akagena igihe bawukoramo. Buri wese abanza gukora imbata y'umwandiko igaragaza ingingo z'ingenzi aza kwandikaho, yarangiza akandika umwandiko azubahiriza. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri, akareba uko yandika yubahiriza ingingo z'ingenzi yateguye, ireme ryazo, uko akurikiranya ibitekerezo ndetse n'uburyo yubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

Umwarimu atoranya imyandiko yabaye myiza maze igasomerwa mu ruhame kugira ngo bitere ishema abayanditse kandi na none kugira ngo bibere urugero n'abafite intege nke. Iyo abonye ko hari intege nke abanyeshuri bafite mu kwandika umwandiko mvugamiterere, abiheraho kugira ngo atsindagire ibitarumviswe neza.

## Igice cya kane: Itondaguranshinga: ibihe bikuru by'inshinga

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 210 kugera ku rwa 213)**

### Intego zihariye:

**Ubumenyi:**

- Gusobanura imikoreshereze y'ibihe bikuru by'inshinga.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gutondagura inshinga yubahiriza ibihe bitandukanye.
- Kuvuga no kwandika akoresha neza inshinga mu bihe bitandukanye.

**Ubukesha:**

- Gukoresha ururimi rw'Ikinyarwanda ataruvangamo izindi ndimi.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo k'ikibonezamvugo, igitabo k'iyigandimi.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**

   Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko "Gukumira imiturire y'akajagari" hanyuma akabasaba gutahuramo interuro zirimo inshinga zitondaguye cyangwa gutanga izindi nteruro zirimo inshinga zitondaguye mu bihe binyuranye. Abasaba kujya mu matsinda maze bagatahura ibihe binyuranye inshinga ziri mu nteruro zikurikira zitondaguyemo:

   Itegereze interuro zikurikira ugire icyo uzivugaho ushingiye ku bihe zibarizwamo:

   - Ibi bigamije kwiga ku miturire n'iterambere ry'igihugu.
   - Inama yahuzaga abahuzabikorwa ba Minisiteri y'ibikorwa remezo.
   - Hagaragajwe ibibazo bitandukanye bijyanye n'imiturire y'imigi.
   - Umuyobozi avuga ko ibyangombwa bya burundu by'ubutaka byabonetse.
   - Hakenewe ubundi butaka buzakorerwaho indi mirimo y'ubuhinzi.
   - Ibintu byose bizashoboka nidushyira hamwe.
   - Burya umwijima uhunga urumuri.
   - Uvoma yanga avoma ibirohwa.
   - Umubare w'abaturage ukomeza kwiyongera.
   - Hari uburyo bunoze bw' imiturire.

2. **Gusesengura**

   Mu Kinyarwanda inshinga yose itondaguye igomba kugira igihe itondaguyemo hakurikijwe urwego rw'ibivugwa n'irebero(ko ibivugwa byarangiye cyangwa bitararangira) ryabyo. Habaho rero ibihe bikuru bitatu mu itondaguranshinga. Ibyo bihe ni igihe cyahise kivuga ibyamaze kuba kikitwa **impitagihe**. Hakaba ikivuga ibiriho ubu kikitwa **indagihe**. Hakabaho n'ikivuga ibizaba cyangwa ibizaza kikitwa **inzagihe**.

a) **Indagihe**

Indagihe ivuga ibiba muri aka kanya, ibiba ubusanzwe n'ibyabaye kera bivugwa mu nkuru bityo ikagabanywamo indagihe y'aka kanya, indagihe y'ubusanzwe, indagihe y'imbarankuru n'iy'igikomezo.

- **Indagihe y'ubu/ubungubu, mu kanya kaza**: Iyi ndagihe yumvikanisha ikirimo gukorwa ubu aho uvugiye. Indangagihe yayo ni –ra- naho umusozo ni –a.

**Ingero**

Ndahinga mu rutoki.

Ubu ndandika ibaruwa.

- **Indagihe y'ubusanzwe:** Indagihe y'ubusanzwe yumvikanisha igikorwa gisanzwe gikorwa. Ntawamenya intangiriro n'iherezo ryacyo. Mu isesengura ryayo irangwa n'umusozo–a.

**Indangagihe yayo ni –ø-**

**Ingero**

Izuba rirasa mu gitondo.

Nkunda gusoma ibitabo.

Nigisha ubumenyi bw'isi.

- **Indagihe y'imbarankuru:** Indagihe y'imbarankuru umuntu ayikoresha avuga ibyabaye kera nk'aho ari iby'ubu. Igira intego iteye nk'iy'indagihe y'ubusanzwe bigatandukanira ku nshoza. Indangahige yayo ni –a-ra-

**Ingero**

Umwarimu arahaguruka abwira abanyeshuri be ati: "Mwigane umwete bizabafasha".

- **Indagihe y'igikomezo**: Indagihe y'igikomezo yumvisha igikorwa kirimo gukorwa ubu ngubu ntawamenya igihe cyatangiriye nta n'uwamenya igihe kiri burangirire, Indangagihe yayo ni-ra-ki-âa, -ra-ki-

**Ingero**

- Ndacyasoma igitabo.
- Aho aracyakoze wa murimo?
- Turacyamutegereje.
- Ibikorwa remezo biracyatera imbere.

b) **Impitagihe**

Impitagihe ivuga ibintu byahise kare n'ibyahise kera ikigabanyamo impitakare n'impitakera.

- **Impitakare**: Impitakare yumvisha igikorwa cyarangiye mu gihe cyahise ariko kitarengeje uyu munsi mu gitondo. Indangagihe yayo ni–a-.

**Ingero**

Nateraga urubingo.

Naharuraga umuhanda.

Twateraga umupira.

- **Impitakera**: Impitakera yumvisha igikorwa cyarangiye mu gihe cyahise uhereye ejo hashize ugana hirya yaho. Indangagihe yayo ni -â, a-ra

**Ingero**

Nabyinaga mu itorero Indangamuco

Natozaga ikipe y'igihugu

Nasomye Bibiliya nkiri muto.

Narahinze

c) **Inzagihe**

Inzagihe ivuga ibiza kuba cyangwa ibizaba nyuma y'igihe cyo kuvuga. Yigabanyamo inzahato n'inzakera.

- **Inzahato**: Inzahato ibiri bube nyuma yo kuvuga ariko ntibifatire undi munsi. Indangagihe yayo ni –ra-.

**Ingero**

Ku gicamunsi uratera umupira.

Mu kanya uramperekeza ku isoko.

Araza kukubwira igikenewe.

- **Inzakera**: Inzakera ivuga ibizaba ejo hazaza cyangwa mu bihe bizakurikiraho. Indangagihe yayo ni –zaa-.


## Ingero

Tuzaririmba indirimbo z'agakiza.

Muzadusura ryari?

Tuzagera ku iterambere mu bikorwa remezo.

**Dore uko ibihe by'inshinga biteye ku gishushanyo:**




## Inshamake

Mu Kinyarwanda kimwe no mu zindi ndimi inshinga itondagurwa mu bihe bitandukanye. Buri nshinga itondaguye igomba kugira igihe itondaguwemo hakurikijwe urwego rw'ibivugwa n'irebero ryabyo. Habaho rero ibihe bikuru bitatu mu itondaguranshinga. Ibyo ni igihe cyahise kivuga ibyamaze kuba kikitwa **impitagihe**, hakaba ikivuga ibiriho kikitwa **indagihe,** hakabaho n'ikivuga ibizaba cyangwa ibizaza kikitwa **inzagihe**.

## Imyitozo

Umwarimu abwira abanyeshuri kwibumbira mu matsinda bagakorera hamwe imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri.

1. Garagaza ibihe bikuru by'inshinga n'ibibishamikiyeho:

   **Indagihe**: Indagihe y'ubu/ubu ngubu/ mu kanya kaza / mu kanya kahise.

   - Indagihe y'ubusanzwe
   - Indagihe y'imbarankuru
   - Indagihe y'igikomezo

   **Impitagihe:**

   - Impitakare
   - Impitakera

**Inzagihe:**

- Inzahato
- Inzakera

2. Garagaza ibihe inshinga zitondaguye ziri mu nteruro zikurikira zibarizwamo:

**Nabonye** imbuto none **nateye.**

**Nabonye**: Impitakare y'impitagihe.

**Nateye**: Impitakare y'impitagihe.

Igihe **nari** mu ishuri **wansakurizaga**

**Nari:** Impitakare y'impitagihe

**Wansakurizaga**: Impitakare y'impitagihe

Leta y' u Rwanda **yahisemo** gushyira mu bikorwa ikerekezo k'imiturire.

**Yahisemo**: Impitakera y'impitagihe

Umubare w'abaturage **uzakomeza** kwiyongera

**Uzakomeza**: Inzagihe y'inzakera.

**Hari** ibindi bikorwa **bitunze** Abanyarwanda.

**Hari:** Indagihe y'ubu

**Bitunze:** Indagihe y'ubusanzwe

# Umwandiko: Ingaruka z'ubwiyongere bw'abaturage

## (Amasomo 9)

## Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri ku rup. rwa 214 - 215)**

### Intego zihariye:

**Ubumenyi:**

- Gusobanura amagambo atasobanukiwe no gusubiza ibibazo ku mwandiko.
- Gusobanura ingaruka z'ubwiyongere bw'abaturage.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusoma neza umwandiko yumvikanisha ibyo asoma kandi agaragaza isesekaza.
- Gushyira mu bikorwa ibyo yize mu mwandiko ku ngaruka z'ubwiyongere bw'abaturage.

**Ubukesha:**

- Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.
- Kwitabira gushishikariza abandi kuringaniza imbyaro

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo.

## Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko:**
Umwarimu abaza abanyeshuri umubare w'abana abaturanyi babo bafite muri buri rugo. Si ngombwa ko bavuga amazina yabo ahubwo ni ukugira ngo bibafashe gutahura ko ibibazo bimwe bahura na byo babiterwa n'umubare w'abana baba bafite.

**Urugero rw'ibibazo:**

(a) Mu baturanyi banyu ufite abana benshi afite bangahe?
- Abana bari hejuru ya bane ni benshi ku muryango. Umwarimu azibanda ku bafite umubare munini w'abana.

(b) Ese mubona nta bibazo bahura na byo kubera umubare munini w'abana batunze?
- Ibibazo bahura na byo.

(c) Mutange urugero rw'ibibazo bakunda guhura na byo kubera abo bana benshi?
- Kubura amafaranga y'ishuri n'ibindi byangombwa, kudatangira ubwisungane mu kwivuza ku gihe,…

2. **Gusoma**

2.1 **Gusoma bucece**

Umwarimu abwira abanyeshuri kurambura ibitabo byabo ahanditse umwandiko "**Ingaruka z' ubwiyongere bw'abaturage**" akabasaba gusoma bucece, barangiza akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

**Urugero:**

Uyu mwandiko uravuga ku biki?

Uyu mwandiko uravuga ku ngaruka z'ubwiyongere bw'abaturage mu Rwanda.

Mu kigereranyo, abaturage b'u Rwanda bagomba kuba bangana iki muri 2020 niba ubwiyongere butagabanutse?

Bazaba bageze kuri miriyoni 16.

2.2 **Gusoma baranguruye:**
Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko umwumwe, igika ku gika, baranguruye ijwi kugeza umwandiko urangiye. Umwarimu akurikirana uko basoma akosora aho bajijinganyije, aho basomye barya amagambo cyangwa batubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

3. **Gusobanura umwandiko**

3.1 **Inyunguramagambo**
Umwarimu abwira abanyeshuri gukora amatsinda, bagashakisha mu mwandiko amagambo batasobanukiwe kandi bakayashakira ibisonanuro bakoresheje inkoranya. Iyo barangije, umwarimu abasaba kumurika ibyo bagezeho agahitamo itsinda rimwe, andi matsinda akagenda yunganira irimurika ibisobanuro bikanonosorwa mbere yo kubyandika mu makayi. Nyuma y'icyo gikorwa basubiza umwitozo w'inyunguramagambo.

**Urugero rw'amagambo bashobora kuba batasobanukiwe**

| | |
|---|---|
| **Imbibi** | Imipaka, urugabano. |
| **Ubwiyongere** | Kuva ku mubare muto ujya ku munini. |
| **Umwihariko** | Itandukaniro. |
| **Imfubyi** | Uwo ari we wese wapfushije umwe mu babyeyi be cyangwa bombi. |
| **Ubushomeri** | Ugihe nta kazi umuntu afite. |
| **Ibarura** | Ikorwa ry'imibare y'abaturage mu gihe runaka. |
| **Ikigereranyo** | Icishiriza. |
| **Mu cyaro** | Mu giturage, ahatari mu mugi. |

| | |
|---|---|
| **Imbogamizi** | Inzitizi, ingorane. |
| **Umurage** | Umutungo wasigiwe n'umuntu cyangwa yakwiherereye ku mpamvu runaka. |

**Imyitozo y'inyunguramagambo**

(a) **Ubaka interuro ukoresheje amagambo akurikira:** Imbogamizi, icyaro, umwihariko, umurage.

- Nahuye n'imbogamizi sinashobora kugera ku byo nari niyemeje.
- Iwacu ni mu cyaro nta muntu n'umwe ufite imodoka cyangwa inzu nziza.
- Igitabo cyacu gifite umwihariko wo kugira imyitozo y'ikinyatuzu.
- Iyi nzu ni umurage data yansigiye

b) **Uzuza izi nteruro ukoresheje amagambo yo mu mwandiko**:

- Mu Rwanda abantu badafite akazi ni benshi, ubushomeri bwaragwiriye.
- Umubare w'Abanyarwanda wagaragajwe n'ibarurura ryakozwe.
- Usanga akenshi imigezi ari yo ikoze imbibi z'ibihugu.

**Ibibazo byo kumva umwandiko**

Umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo, bagasubiza ibibazo ku mwandiko biri mu bitabo byabo. Ashobora no kongeraho ibye abona byakumvikanisha neza umwandiko. Buri tsinda risubiza ibibazo umwanditsi yandika ibisubizo. Nyuma y'igihe cyagenwe, umwarimu ahuriza abanyeshuri hamwe, agatoranya itsinda rigeza ku bandi ibisubizo byaryo.

1. **Gereranya ingano y'Abanyarwanda batuye mu cyaro n'abatuye mu mugi**?
   - Ugereranyije ingano y'Abanyarwanda batuye mu cyaro ni 86.1% naho ababa mu mugi ni 16,9%.

2. **Inyigo yakozwe na ONAPO ku buzima n'imiturire mu 2000 yerekanye iki?**
   - Yerekanye ko abaturage bafite ubushobozi bwo gukora barushaho kugenda biyongera.
3. **Mu mwandiko baravuga ko ari iyihe mpamvu itera ubushomeri mu mugi**?
   - Ni ikibazo cy'abantu benshi bahunga icyaro baza mu mugi.
4. **Kuba 60% by'abatuye u Rwanda bafite munsi y'imyaka 21 bishatse kuvuga iki?**
   - Bishatse kuvuga ko abenshi mu batuye u Rwanda bakiri bato, bataragera igihe cyo gukora ku buryo batungwa n'igice gitoya cy'abashobora gukora. Ibi rero ni byo bituma umubare mwinshi w'abaturage uba ikibazo.
5. **Ni izihe mpamvu zivugwa mu mwandiko zituma ubushomeri bwiyongera mu Rwanda?**
   - Ni ibura ry'ubutaka mu giturage hamwe n'urwego rw'inganda rukiri hasi mu Rwanda bigatuma n'akazi gakorwa katagira umusaruro uhagije.
6. **Mu mwandiko baravuga ko ikigereranyo cy'ubutaka buhingwa kugira ngo butange umusaruro ushimishije ari ikihe? Ese mu Rwanda byifashe bite?**
   - Kugira ngo ubutaka butange umusaruro mwiza bugomba kuba nibura bufite hegitari 0,90. Mu Rwanda 50% by'imirima iri munsi y'ubu buso ngenderwaho.

# **Igice cya kabiri:** Gusesengura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 216)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura zimwe mu ngaruka z'ubwiyongere bw'abaturage n'ingamba zo kuzishakira umuti.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusesengura ingaruka z'ubwiyongere bw'abaturage n'ingamba zo kuzikemura.

- Gushyira mu bikorwa ibyo yize mu mwandiko ku ngaruka z'ubwiyongere bw'abaturage.

**Ubukesha:**

- Kwitabira gushishikariza abandi kuringaniza imbyaro.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**
   Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma baranguruye umwumwe igika ku kindi umwandiko "**Ingaruka z'ubwiyongere bw'abaturage** " kugira ngo bawiyibutse.

2. **Gusesengura**
   Bamaze gusoma, umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo, akabaha ibibazo bibafasha gutahura mu mwandiko ingaruka z'ubwiyongere bw'abaturage zikubiyemo, bagatanga n'ingamba zo kuzirinda.

### Ingero z'ibibazo n'ibisubizo byabyo

1. **Mugaragaze ingaruka z'ubwiyongere bw'abaturage zivugwa mu mwandiko ndetse n'izindi zitavuzwe mu mwandiko muzi.**
   **Ingaruka z'ubwiyongere bw'abaturage zitangwa mu mwandiko:**
   - Gusaranganya amasambu ho umurage bigatuma ubutaka buhingwa buba buto kandi ntibutange umusaruro ukenewe mu bihinzi.
   - Guhinga imirima ubutaruhuka, ikagunduka ndetse n'isuri.
   - Kwiyongera k'ubushomeri kubera ko ikigero cy'abaturage bakeneye imirimo kiyongera ariko imirimo yo itiyongera ku gipimo kimwe.

   **Ingaruka zitari mu mwandiko**
   - Amakimbirane ashingiye ku masambu n'ibibanza.
   - Kubura ibyangombwa by'ibanze nk'ubwisungane mu kwivuza.

2. **Ese musanga ubwiyongere bw'abaturage ari ikibazo koko mu Rwanda? Nimusobanure mutanga ingamba zakoreshwa mu gukumira icyo kibazo**.

   Ubwiyongere bukabije bw'abaturage ni ikibazo kubera ibibazo by'uko buba butajyanye n'ubwiyongere bw'imirimo ndetse n'ibindi byangombwa by'ibanze bikenerwa buri munsi.

   **Ingamba zo gukemura ikibazo**

   - Kwitabira kuringaniza imbyaro.
   - Kwitabira ishuri, bityo abashinga ingo bakazishinga bakuze kuko iyo bubatse bakiri bato bituma babyara abana benshi.
   - Guhuza ubutaka no guhanga imirimo myinshi idashingiye ku buhinzi.

**Umwanzuro**: Aha umwarimu asobanurira abanyeshuri ko ubwiyongere bw'abaturage ubwabwo atari ikibazo ko ahubwo ikibazo ari uko ubwo bwiyongere buba butajyanye n'ubwiyongere bw'ubukungu ndetse n'akazi.

## **Igice cya gatatu:** Itondaguranshinga

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 217 kugera ku rwa 221)**

---

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura uburyo n'imikoreshereze y'ibihe by'inshinga itondaguye.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gutondagura inshinga mu buryo no mu bihe bitandukanye.
- Kuvuga no kwandika akoresha neza inshinga mu buryo no mu bihe bitandukanye.

**Ubukesha:**

- Gukoresha ururimi rw'Ikinyarwanda ataruvangamo izindi ndimi.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo k'iyigandimi, igitabo k'ikibonezamvugo.

## Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**
   Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda maze akababaza ibibazo biganisha ku nshoza y'itondaguranshinga n'uburyo bw'inshinga. Umwarimu yandika ku kibaho interuro zirimo inshinga ziri mu buryo bw'insano, uburyo bw'ikirango, inyifurizo, inziganyo, ikigombero n'integeko n'imbundo. Hanyuma akarangira abanyeshuri imfashanyigisho zinyuranye zirimo ibitabo byabo, ibitabo by'iyigandimi cyangwa by'ikibonezamvugo, akabagenera igihe gikwiye cyo gushakisha kugira icyo bavuga ku nshoza zumvikana muri izo nshinga.

### Urugero rw'interuro

1. Ibi bigamije kwiga ku miturire n'iterambere ry'Igihugu.
2. Inama yahuzaga abahuzabikorwa ba Minisiteri y'ibikorwa remezo.
3. Hagaragajwe ibibazo bitandukanye bijyanye n'imiturire y'imigi.
4. Umuyobozi avuga ko ibyangombwa bya burundu by'ubutaka byabonetse.
5. Hakenewe ubundi butaka buzakorerwaho indi mirimo y'ubuhinzi.
6. Ibintu byose bizashoboka nidushyira hamwe.
7. Burya umwijima uhunga urumuri.
8. Uvoma yanga avoma ibirohwa.
9. Umubare w'abaturage ukomeza kwiyongera.
10. Hari uburyo bunoze bw' imiturire.
    Muri ziriya nshinga harimo izifuriza, harimo izitegeka, harimo iziziganya n'izindi.

2. **Isesengura**
   Inshoza y'itondaguranshinga

   Inshinga mu nteruro ni ijambo ribumbatira ingingo yumvikanisha igikorwa cyangwa imimerere ya ruhamwa ndetse n'isano iri

hagati ya ruhamwa na ruhamya. Itondaguranshinga rero ni uburyo bwo kuvuga ibyo ubona cyangwa utekereza, ubyemeza cyangwa ubihakana, wumvikanisha ko ibyo uvuga nta cyo ubishidikanyaho cyangwa ushidikanya, wumvikanisha igihe byabereye, ko byarangiye cyangwa bigikomeza n'ibindi.

### Uburyo bw'inshinga

Inshinga itondaguye ishobora kujya mu buryo bunyuranye. Ubwo buryo ni ikirango, integeko, ikigombero, inziganyo, imbundo inyifurizo n'insano.

Uburyo bw'inshinga ni imiterere y'ubwumvane hagati y'uvuga n'ubwirwa kimwe n'uko yitwara mu magambo ye. Iyo miterere yumvikanisha inshoza yo kuranga, gutegeka, kwifuriza, kugomba no kuziganya.

### 1. Insano

Insano ni uburyo inshinga iba iteye idafite indanganshinga ariko utundi turemajambo twayo tukaba utw'inshinga.

Nta karemajambo kihariye kerekana insano.

### Ingero

- Uhemuka aba atagira isoni.
- Asuzugura nk'imbwa iryana.

### 2. Inyifurizo

inyifurizo ivuga icyo umuntu yifuriza nyakubwirwa cyangwa nyakuvugwa yifuriza ibyiza cyangwa ibibi nko gutukana. Inshinga iri mu buryo bw'inyifurizo nayo igira uturemajambo, ariko akaremajambo kayiranga ni -ka-; oo-ka.

### Ingero

- **Kagire** Imana n'amafaranga!
- **Urakabyara** uhinguye!
- **Komera** wo karama we!
- **Uragahorana** amata k'uruhimbi!
- **Urakaruha** uwa Kavuna!

### 3. Ikirango

Uburyo bw' ikirango ni uburyo bwumvikanisha ihame. Ni uburyo budashidikanya cyangwa ngo bwumvikanishe ikifuzo. Ubu buryo bwitaruye cyane uburyo bw'imbundo n'uburyo bw'integeko

kuko bwo bugaragaza ibihe by'igikorwa kibumbatiwe n'igicumbi k'inshinga.

Uvuga ashobora kurangura ibikorwa mu gihe arimo kuvugiramo, kubyerekeza mu byatambutse ataravuga cyangwa akabishyira mu kizaza. Bityo inshinga iri mu buryo bw'ikirango ikagira indangagihe zinyuranye zijyana n'ibyo byerekezo by'igihe utasanga mu nsano cyangwa mu ntegeko. Indango yayo yemeza nta karemajambo kayiranga. Naho indango yayo ihakana irangwa n'akaremajambo nka-. –ta- cyangwa –i-

Uburyo bw'ikirango burimo amoko atatu ariyo: Ikirango gisanzwe, ikirango cyunga n'ikirango gisobanura.

### 3.1 Ikirango gisanzwe

**Ingero**

- Aramurebye arahumbya.
- Igikakarubamba **kivura** indwara nyinshi.
- Yahageze **atinze**.
- **Twataha** cyangwa turarara?
- **Tuzagusura** nubishaka.

### 3.2 Ikirango cyunga

Ni imigendekere iranga ivuga ahanini uko igikorwa cyangwa imiterere biherekeje ibindi ikabigira ivuga igihe cyangwa uburyo. Inyangingo kiremye ntishobora kuba yihagije ahubwo iteka iba igaragira.

**Ingero**

- Mvuye kwiga **naniwe**.
- Iyi mvura yaguye **twayishakaga**.
- Yazaga asanga **twarabikoze** byose.

### 3.3 zIkirango gisobanura

Ni imigendekere y'ikirango isobanuye izina cyangwa se irindi jambo rishobora kurisimbura cyangwa se inyangingo ngaragira. Naho impakanyi yayo ni –ta-

**Ingero**

- **Inzoga** tunyoye **iraryoshye** (Kirasobanura izina).

- **Izo** nakuguriye **zizagukwira** (kirasobanura ikinyazina).
- **Nkeneye** ko **muza** hano (kirasobanura inyangingo).

**4. Integeko**

Integeko ni uburyo bakoreshamo inshinga ivuga itegeko ryaba rivuzwe kuri nyakuvuga cyangwa nyakuvugwa. Irangwa n'umusozo –a na –e.

**Ingero**

- Ndavuze ngo **taha.**
- **Cana** iryo tara.
- **Muzamuzane** hano.

**5. Inziganyo**

Inshinga iri mu buryo bw'inziganyo ivuga uko igikorwa cyangwa imimerere bishingira ku kindi kintu ngo bishoboke.

**Ingero**

- **Nibahagera** umenyeshe.
- Nzakwibuka **nibitungana**.
- **Nibatampemba** sinzabikora.

**6. Ikigombero**

Ikigombero kirangwa mu myumvire n'akarango kumvikanisha inkeko, ingwatirizo n'igenekerezo.

**Ingero**

- Tubonye akazi **twakora**.
- Dufite uburyo **twakubaka**.
- Dukoze cyane **twakira**.

**7. Imbundo**

Ni uburyo inshinga iba irimo igaragaza igikorwa kitaziwe ugikora n'igihe gikorerwa.

## Inshamake

Inshinga y'Ikinyarwanda igaragaza igikorwa, imico cyangwa imiterere ndetse n'isano hagati ya ruhamwa n'icyuzuzo. Iyo itondaguye igira ibihe bikuru bitatu ari byo impitagihe, indagihe n'inzagihe. Iyi nshinga kandi igira uburyo burindwi ishobora gutondagurwamo ari bwo: Insano, ikirango, integeko, inyifurizo, imbundo ikigombero n'inziganyo kandi buri buryo bugira akaremajambo kaburanga kihariye.

## Imyitozo

1. Inshinga ziri mu nteruro zikurikira zitondaguye mu buhe buryo?
   (a) Gutura neza **bizakemura** ibibazo by'imiturire. (**uburyo bw'ikirango**).
   b) Umunyeshuri **yigishwa** na nde? (**uburyo bw'ikirango**).
   c) Imvura **yarabuze**.(**uburyo bw'ikirango**).
   d) Abayobozi baravuze ngo **muceceke.** (**uburyo bw'integeko**).
   e) Abana bato **bagira** ikinyabupfura. (**uburyo bw'ikirango**).
   f) Inama **yahuje** abayobozi. (**uburyo bw'ikirango**).
   g) Igihugu cyacu **cyo karamba**. (**uburyo bw'inyifurizo**).
   h) Magayane **akunda** umugayo.(**uburyo bw'ikirango**).
   **i)** **Mukore** umuganda twubake Igihugu cyacu. (**uburyo bw'integeko**).
   **j)** **Muhaguruke** turwanye imiturire y'akajagari. (**uburyo bw'integeko**).
   **k)** **Nibishoboka** turabikora. (**uburyo bw'inziganyo**).
   **l)** **Duhembwe** neza twakwiteza imbere. (**uburyo bw'ikigombero**).

2. **Huza inshinga ziri mu nteruro n'uburyo itondaguyemo ukoresheje akambi.**
   - Igihugu cyacu cyokaramba kiradutekereza
   - Magayane akunda umugayo
   - Mukore umuganda twubake Igihugu cyacu
   - Muhaguruke turwanye imiturire y'akajagari
   - Nibishoboka turabikora.
   - Duhembwa neza twakwiteza imbere.

**Urugero**

Cyokaramba → inyifurizo
Akunda → Ikirango
Mukore → Integeko
Muhaguruke → Integeko
Nibishoboka → Inziganyo
Duhembwa → Ikigombero

3. Mushake interuro enyenye zirimo:
   (a) Uburyo bw'imbundo.
   b) Uburyo bw'integeko.
   c) Uburyo bw'ikirango.

Aha bazatanga interuro zinyuranye, umwarimu arebe ko koko bumvise neza uburyo bw'inshinga icyo ari cyo ndetse ko bashobora kugaragaza mu mwandiko uburyo bunyuranye bw'inshinga itondaguye.

# Imyitozo y'isuzuma rusange risoza umutwe wa karindwi

## (Amasomo 3)

**(Reba ku rupapuro rwa 221 kugeza ku rwa 224)**

### Inyunguramagambo

(a) **Sobanura amagambo akurikira:**

**Umuvuduko w'ubwiyongere bw'abaturage**: Ikigereranyo cy'abaturage biyongera buri mwaka cyangwa nyuma y'igihe runaka. Iki kigereranyo kiboneka iyo bafashe umubare w'abavuka bagakuramo umubare w'abapfa noneho bagakora ijanisha.

**Ikinyuranyo**: Igisigara iyo ufashe umubare ugakuramo undi.

**Umwigimbakirwa**: Kijya kumera nk'ikirwa. Ikirwa ubundi ni ubutaka bukikijwe n'amazi impande zose. Umwigimbakirwa wo ntabwo uba ukikijwe n'amazi hose ariko igice kinini kiba gikikijwe n'amazi.

**Igihiriri**: ikiriri, abantu cyangwa ibintu byinshi bigendera hamwe

**Amikoro**: Ubushobozi. Ubukungu, umuntu ufite amikoro ahagije ni umuntu uba yifite, akize.

b) **Koresha amagambo akurikira mu nteruro: Ikinyuranyo, amikoro, uruhurirane**.

- Namurushije cyane kubera ko hagati yange na we hari ikinyuranyo cy'amanorta icumi yose.
- Iyo mu rugo dufite amikoro turya inyama buri munsi.
- Twagiye mu isoko tuhasanga uruhurirane rw'antu benshi, abagabo, abana, abagore,..

## Ibibazo byo kumva umwandiko

1. **Abatuye isi bangana iki ukurikije ibivugwa mu mwandiko? Garagaza uko bagiye biyongera ukurikije ibihe bitandukanye**.
Barasaga miriyari zirindwi na miriyoni magana atatu na mirongo itanu. Mu ntangiriro z'ikinyejana cya 20 bari hagati ya miriyari imwe n'igice na miriyari imwe na miriyoni magana arindwi. Hanyuma mu ntangiriro z'ikinyejana cya 21 bagera kuri miriyari esheshatu na miriyoni. Mu kinyejana cya 20 abatuye isi bariyongereye cyane ariko ikigaragara ni uko umuvuduko ugenda ugabanuka.

2. **Ikigereranyo cy'abatuye mu migi kingana gute ku isi?**
Abatuye mu migi bagera kuri 54% by'abaturage b'isi nk'uko imibare yo mu mwaka wa 2014 ibigaragaza.

3. **Ni uwuhe mugabane utuwe kurusha iyindi ku isi? Ufite abaturage bake se wo ni uwuhe**?
Umugabane utuwe kurusha abandi ku isi ni Aziya ituwe na 59,8% by'abatuye isi naho udatuwe cyane ni Oseyaniya ituwe gusa na 0.5%..

4. **Gereranya ubwiyongere bw'abatuye imigabane y'isi uhereye mu mwaka wa 1981**.
Kuva mu mwaka wa 1981, umugabane wari utuwe cyane ni Aziya, igakurikirwa n'Uburayi, hagataho Amerika, Afurika na Oseyaniya bigaheruka. Kuri ubu Aziya iracyari iya mbere, igakurikirwa na Afurika, hagataho Amerika hagaheruka Uburayi na Oseyaniya. Ikigaragara ni uko abaturage b'Afurika biyongereye cyane kuko baciye kuri Amerika n'Uburayi. Ikindi ni uko abaturage bo mu bihugu biteye imbere bo batiyongera cyane ahubwo abo mu

bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere akaba ari bo biyongera cyane.

5. **Umwandiko uravuga iki ku miturire n'imibanire y'amoko ku isi?**
   Ku byerekeye amoko, umwandiko uravuga ko nta mugabane n'umwe wihariwe n'ubwoko bumwe, ko kubera imihahiranire ndetse n'ubwimukire, amoko yose ari abera, abirabura ndetse n'ab'umuhondo usanga baturanye mu migabane yose nubwo haba hari abaganje abandi.

6. **Ubwiyongere bw'abaturage bufite izihe ngaruka ku miturire y'abaturage mu bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere?**
   Mu bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere, ubwiyongere bukabije bw'abaturage butuma bashak kujya gutura mu migi bigatuma haba ikibazo k'imiturire kubera amikoro adahagije y'ibyo bihugu.

## Ikibonezamvugo

**1. Ni hehe imbundo ihurira n'izina?**
   Imbundo ihurira n'izina mu isanisha kuko imbundo yisanisha nk'izina ryo mu nteko ya 15. Urugero: ukuguru kwe kuramubabaza cyane iyo agenda. Kugenda kwe kwaratubabaje kuko aho yagiye bigoye kumusura.

**2. Wifashishije ingero sobanura uburyo bw'inshinga itondaguye.**
   Uburyo bw'inshinga itondaguye ni imiterere y'ubwumvane hagati y'uvuga n'ubwirwa ku buryo humvikanishwa inshoza yo kuranga, gutegeka, kwifuriza, kugomba no kuziganya.

### Urugero

- Arahinga akeza: arahinga ni ikirango, ibyo yumvikanisha ni ihame.
- Ahinze yakweza: ahinze: ni inziganyo naho yakweza ni ikigombero kuko ntiyakweza atahinze.
- Hinga kuko bifite akamaro: hinga ni integeko.
- Imashini ihinga: ihinga; ni insano kuko yitwara nk'imfutuzi y'izina.
- Uragahinga weze: uragahinga ni inyifurizo.
- Guhinga bifite akamaro: guhinga ni imbundo.

3. Soma interuro zikurikira, ugaragaze ibihe inshinga zirimo zitondaguyemo n'uburyo bw'inshinga zirimo:

Ikigereranyo cy'ubwiyongere bw'abatuye isi mu mwaka wa 2015 cyanganaga n'abantu 244.000 biyongera buri munsi. Uyu mubare ni ikinyuranyo hagati y'abavuka n'abapfa.

Abantu bavuye mu migabane itandukanye bimukira mu yindi, amoko agasabana, agashyingirana, akabyara ibisusirane. Imibereho mibi, gushaka akazi, umutekano n'ibindi mu bihugu bimwe

bituma bamwe mu babituye bimukira aho bashobora kubaho neza kurusha.

## Ikirango, indagihe y'ubusanzwe

Ni, bimukira, agasabana, biyongera agashyingirana, akabyara, bashobora, bituma.

## Insano

Itandukanye, abatuye, abavuka, abapfa, ababituye.

**Imbundo:** gushaka, kubaho, kurusha.

## Ihangamwandiko

Hanga umwandiko mvugamiterere ugaragaza imiturire y'aho atuye. Nturenze impapuro ebyiri.

Aha umwarimu areba uburyo bakoresha amagambo ashushanya, imyandikire yemewe y'ikinyarwanda n'uburyo bakurikiranya ibitekerezo n'uburyo bubahiriza imbata y'umwandiko mvugamiterere.

# Umutwe wa munani

# Ikoranabuhanga

**(Amasomo 28)**

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 225 kugera ku rwa 256)**

| **Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe** | |
|---|---|
| 1. | Gusesengura umwandiko n'inkuru y'ikinyamakuru bivuga ku ikoranabuhanga. |
| 2. | Guhanga inkuru y'ikinyamakuru. |
| 3. | Gutahura no gusesengura amagambo adahinduka. |

## Umwandiko: Akamaro k'ikoranabuhanga mu mashuri

**(Amasomo 5)**

**Igice cya mbere:** Kumva no gusobanura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 225 kugera ku rwa 229)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura amagambo atasobanukiwe no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
- Kugaragaza akamaro k'ikoranabuhanga mu myigishirize kavugwa mu mwandiko.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gushyira mu bikorwa ibyo yize mu mwandiko uvuga ku ikoranabuhanga.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira no gushishikariza abandi gukoresha ikoranabuhanga.
- Gushishikarira gusoma ibinyamakuru n'ibitabo bitandukanye no kwitabira amasomero.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, ibikoresho binyuranye by'ikoranabuhanga, inkoranyamagambo.

## Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**
Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho inkuru abasabe kwitegereza amashusho ari ku mutwe w'inkuru no kuvuga icyo bayatekerezaho.

2. **Gusoma**

2.1. **Gusoma bucece**

Abanyeshuri barasoma bucece hanyuma basubize ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko basomye.

a) Igihe tugezemo kirangwa n'iki mu bijyanye n'ikoranabuhanga? Tugeze mu gihe guhanahana amakuru byihuta cyane kubera ikoranabuhanga na interineti.

b) Ni iki gisabwa kugira ngo ukoreshe interineti neza?

Umwarimu arakira ibisubizo abanyeshuri batanga abafashe gukora ubugororangingo.

2.2. **Gusoma baranguruye**

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko umwumwe, igika ku gika, baranguruye ijwi kugeza umwandiko urangiye. Umwarimu akurikirana uko basoma akosora aho bajijinganyije, aho basomye barya amagambo cyangwa batubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

3. **Gusobanura umwandiko**

3.1. **Inyunguramagambo**

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo batasobanukiwe. Abanyeshuri barahuriza hamwe ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo batasobanukiwe bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.

**Urugero rw'amagambo abanyeshuri bashobora kuba batasobanukiwe n'ibisobanuro byayo.**

| | |
|---|---|
| **Imbuga za interineti** | Ahantu dusanga amakuru atandukanye kuri interineti. Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko. |
| **Ikoranabuhanga** | Uburyo bukoresha ibikoresho bijyanye n'iterambere rigezweho mu rwego rwa tekiniki ndetse n'itumanaho hagamijwe koroshya imikorere n'imibereho y'abantu. |
| **Ingamba** | Ni ibyemezo biba bikwiye gushyirwa mu bikorwa kugira ngo hakemurwe ikibazo cyangwa se kugira ngo gikumirwe. |
| **Ikantarange** | Kure cyane. Ikoranabuhanga ryakuyeho imbibi zitandukanya abantu, isi iragenda iba nk'umudugudu umwe. |
| **Gushinga imizi** | Guhama, gukomera cyane. |

**Imyitozo y'inyunguramagambo**

1. **Koresha amagambo: Imbuga za interineti, ikoranabuhanga, ingamba, ikantarange, gushinga imizi mu nteruro ngufi.**
    - Iyo ushaka amakuru uyasanga ku mbuga za interineti zinyuranye.
    - Igihembwe gishize nagize amanota mabi none nafashe ingamba zo kwiga cyane.
    - Aho batuye ni ikantarange kuko utahagera n'amaguru.
    - Ishyirahamwe ryacu ryamaze gushinga imizi none abantu benshi badusaba kuryinjiramo.
2. **Uzuza interuro ukoresheje amagambo yo mu mwandiko akurira**: Ubushakashatsi, kwihugura, ikiyobyabwenge, uburyo bwimbitse, umwete, ikiganiro,
    - Ni byiza gukora wifashishije ikoranabuhanga kugira ngo utere imbere.
    - Amasomo ashobora gutangwa n'ikantarange hakoreshejwe ikoranabuhanga.
    - Interineti ikoreshejwe nabi yabera urubyiruko ikiyobyabwenge.
    - Umunyeshuri ashobora gukora ubushakashatsi akoresheje interineti.
    - Ni byiza gukora ubushakashatsi ku mbuga za interineti kugira ngo wihugure.

3.2 **Ibibazo byo kumva umwandiko n'ibisubizo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo, bagasubiza ibibazo ku mwandiko biri mu bitabo byabo. Ashobora no kongeraho ibye abona byakumvikansha neza umwandiko. Buri tsinda risubiza ibibazo umwanditsi yandika ibisubizo. Nyuma y'igihe cyagenwe, umwarimu ahuriza abanyeshuri hamwe, agatoranya itsinda rikageza ku bandi ibisubizo byaryo, bikanonosorwa mbere y'uko byandikwa mu makayi.

(a) **Ni gute ikoranabuhanga ryahinduye ibijyanye n'umuco, ubukungu na poritiki?**
- Abantu babona amakuru ku buryo bwihuse, ku buryo isi igenda isa n'aho iba igihugu kimwe.

(b) **Kuki ikoranabuhanga rikwiye kwinjizwa mu myigire n'imyigishirize?**
- Ni ukugira ngo abarezi n'abarerwa na bo bajyane n'igihe tugezemo.

(c) **Ni gute ikoranabuhanga rikoreshejwe nabi ryarangaza umunyeshuri aho kumuyobora no kumugezaho ubwenge n'ubumenyi**?

- Ni uko ku mbuga za interineti hariho ibintu byinshi, ibyiza n'ibibi ku buryo bimwe bishobora kurangaza umuntu aho kumufasha.

(d) **Ni ibihe byiza byo gukoresha ikoranabuhanga ku munyeshuri?**

- Ikoranabuhanga riha umunyeshuri uburyo bwo kwiga we ubwe ari wenyine. Rimuha uburyo bwo gushakashaka no kwivumburira ibisubizo ku bibazo ashobora kuba yibaza.

(e) **Ku ki kwigira hamwe ari ngombwa cyanecyane ku bana bakiri bato?**

- Bifasha umwana kumenya kubana n'abandi, akamenya kumva ko hari abantu badahuje na we ariko bashobora kuzuzanya.

(f) **Hari ibyiza ubona aho mutuye cyangwa aho wigira wagejejweho n'ikoranabuhanga?**

- Aha abanyeshuri barondora ibyo bazi, bigafasha umwarimu gutahura ko bumva neza ikoranabuhanga icyo ari cyo: ko bitavuga gusa interineti na terefoni ahubwo ko ari uburyo bwose bujyanye n'iterambere bufasha mu koroshya ibyo muntu akora haba mu itumanaho cyangwa mu kongera umusaruro.

(g) **Ubona se hari ibibazo byakemurwa n'ikoranabuhanga cyangwa imirimo ubona ivuna abantu ikoranabuhanga ryabunganiramo?**

- **Urugero**: Imyaka nk'ibijumba, ibitoki, ibirayi, byera mu gihe kimwe bikaba byinshi bikabura abaguzi, ariko mu kindi gihe bikabura ugasanga bihenze kubera ko batabonye uburyo bwo kubitunganya ngo bibe byahunikwa igihe kirekire.
- Hitamo ikintu nawe wumva twakwitabazamo ikoranabuhanga maze werekane uko giteye hanyuma uvuge n'uburyo ubona cyakemukamo.
- Umwarimu areba icyo umunyeshuri yahisemo akareba uburyo yakoresha ikoranabuhanga.

**urugero**

Kuvomera nkoresheje ikoranabuhanga ku buryo biterera rimwe, cyangwa kubishakira isoko binyuze mu ikoranabuhanga

## Igice cya kabiri: Gusesengura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 229)**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura bimwe mu bigize umuco nyarwanda bigaragara mu mwandiko.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusesengura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko no guhina umwandiko.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira gukoresha ikoranabuhanga no kubishishikariza abandi.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, ibyuma bigaragaza inyandiko cyangwa amashusho.

### Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**
   Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma baranguruye umwumwe igika ku kindi umwandiko "Akamaro k'ikoranabuhanga mu mashuri" kugira ngo bawiyibutse.

2. **Isesenguramwandiko**
   Bamaze gusoma, umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo, akabaha ibibazo bibafasha gutahura mu mwandiko ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko no gukora inshamake yawo.

**Urugero:**

1. Mugaragaze ingingo z'ingenzi zigize uyu mwandiko.

   **Ingingo z'ingenzi**

   - Tugeze mu bihe byoroshya kumenya no kureba ibibera ahandi kubera iterambere ry'ikonabuhanga.
   - Ikoranabuhanga rigomba kwinjizwa no mu mashuri.
   - Abanyeshuri bagomba kumenya gukoresha neza ikoranabuhanga mu myigire yabo, cyane cyane interineti babonaho amakuru yose nyamara yose akaba atari ko abafitiye akamaro.
   - Abana bakiri bato baba bagikeneye kwigira hamwe no gusabana n'abandi mu myigire yabo, kugira ngo bahigire uburyo bw'imibanire no gukorera hamwe.

2. Muhine uyu mwandiko kuri $\frac{1}{4}$ cyawo.
   Aha umwarimu areba ko mu guhina bubahiriza uburebure yabasabye kandi ko bahina bakurikije ingingo z'ingenzi zigize umwandiko. Mu mwitozo wose usaba kwandika, umwarimu agenzura ko abanyeshuri bandika bubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

## **Igice cya gatatu:** Kungurana ibitekerezo

**(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 229)**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Kugaragaza akamaro k'ikoranabuhanga mu myigire n'imyigishirize.

**Ubumenyi ngiro:**

- Kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko yahawe no kugira icyo avuga ku bitekerezo bya bagenzi be.
- Guhanga umwandiko ntekerezo ku byerekeye ikoranabuhanga.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira no gushishikariza abandi gukoresha ikoranabuhanga.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, ibikoresho binyuranye by'ikoranabuhanga.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**
   Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa isomo baheruka kwiga.

**Urugero rw'ibibazo yabaza**

a) Ni irihe somo duheruka kwiga?

   Duheruka gusesengura umwandiko "Akamaro k'ikoranabuhanga mu mashuri".

b) Ni iyihe nsanganyamatsiko yavugwagamo?

   Havugwagamo ko ikoranabuhanga rigomba kwinjizwa mu myigire n'imyigishirize ariko rigakoreshwa neza kugira ngo ritarangaza abanyeshuri bigatuma ritagira icyo ribamarira.

2. **Kungurana ibitekerezo**
   Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kungurana ibitekerezo ku ngingo yo gutunga terefone ku ishuri ku banyeshuri bo mu mashuri yisumbuye. Bagatanga ibitekerezo byabo ku bijyanye n'uko terefone yaba ibatera kurangara. Indi ngingo baganiraho ni iyerekeye ikoranabuhanga mu bihugu byateye imbere n'ibikiri mu nzira z'amajyambere. Umwarimu abasaba kujya batera urutoki bagatanga ibitekerezo, kugeza bageze ku mwanzuro umwe bumvikanyeho.

**Ingingo zunguranwaho ibitekerezo**

- Hakunze kuvugwa ko gutunga terefone ku ishuri ku banyeshuri bo mu mashuri yisumbuye atari byo kuko bibatera kurangara. Mwebwe mubitekerezaho iki?
- Mu bihugu byateye imbere bageze kure cyane mu by'ikoranabuhanga ku buryo tudashobora kurushanwa na bo. Ese muremeranya n'iki gitekerezo?

Umwarimu yita cyane ku buryo abanyeshuri bahana amagambo, uko batanga ibitekerezo bakurikije inyurabwenge. Ashobora no kubanza kubaha umwanya wo gukusanya ibitekerezo kuri ziriya ngingo kugira ngo babone kuzunguranaho ibitekerezo.

Ku bijyanye n'ingingo ya kabiri, mu gihe batashoboye kuvumbura urugero rw'igihugu cy'Ubushinwa cyabarirwaga mu nzira y'amajyambere mu mpera za 80 ariko ubu kikaba cyarakataje kirimo gihangana n'ibihugu byari byarageze kure mbere, umwarimu yabaha uru rugero rukabafasha kumva neza ko kuba turi inyuma bitaduca intege, ahubwo bidusaba gukorana umuhate.

## **Igice cya kane:** Ikibonezamvugo

## (Amasomo 14)

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 229 kugera ku rwa 245)**

---

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Kurondora amagambo adahinduka no kugaragaza uturango twayo.
- Kugaragaza imikoreshereze y'amagambo adahinduka.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gukoresha uko bikwiye amagambo adahinduka mu nteruro.

**Ubukesha:**

- Gukoresha ururimi rw'Ikinyarwanda ataruvangamo izindi ndimi.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo k'ikibonezamvugo, igitabo k'iyigandimi.

## Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**
   Umwarimu yandika ku kibaho interuro zinyuranye zirimo amagambo agoragozwa kandi akisanisha; n'andi atagoragozwa akababaza ikibazo gituma bashobora kuvumbura itandukaniro hagati yayo.

## Urugero rw'ikibazo yababaza

Gereranya mu nteruro zikurikira amagambo akurikira aciyeho akarongo ukurikije uko yisanisha:

Uyu mwana agenda nka se/Aba bana bagenda nka ba se.

**Nzajya** kumusura **ejobundi**/**Tuzajya** kubasura **ejobundi**.

**Ikirahuri** Cyahanutse kikubita hasi ngo: ''**pooo**''!/**Ibirahuri** byahanutse byikubita hasi ngo"**pooo**"!

Uyu mwana ni **mwiza cyane**/Aba bana ni **beza cyane**.

**Dore re**! Ubu se **urajya** he?/**Dore re**! Ubu se **murajya** he?

2. **Isesengura**

Umwarimu abwira abanyeshuri kungurana ibitekerezo mu matsinda ku nteruro yabahaye. Nyuma y'igihe yabageneye abahuriza hamwe, buri tsinda rikageza ku bandi ibyo ryagezeho. Abanyeshuri bayobowe n'umwarimu banoza kandi bakuzuza ibisubizo byatanzwe bikandikwa ku kibaho cyangwa hagakoreshwa ibyuma bigaragaza inyandiko n'amashusho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

Umwana, nzajya, ikirahuri mwiza na urajya ni amagambo ahinduka ashobora kugoragozwa kandi akisanisha n'andi mu nteruro mu gihe nka, **ejobundi**, **cyane**, **pooo**! Na **dore re**! yo atajya ahinduka. Intego yayo ntishobora kugoragozwa kandi ntabwo yisanisha n'andi mu nteruro. Muri ayo magambo harimo imigereka, icyungo, inyigana, utumamo, amarangamutima, indangahantu.

Umwarimu azagabanyamo abanyeshuri amatsinda akurikije umubare w'ubwoko bw'magambo adahinduka maze ahe abanyeshuri igihe cyo kubikoramo kugira ngo bazabimurikire bagenzi babo. Umwarimu abafasha kandi kubona imfashanyigisho bakwifashisha, igihe yagennye kirangiye buri tsinda rigeza ku bandi ibyo ryagezeho bikanonosorwa, mbere y'uko byandikwa mu makayi.

**Imigereka**

Musome izi nteruro zakuwe mu mwandiko n'igika gikurikira, mugerageze gutahura imiterere n'imimaro by'amagambo yanditse atsindagiye:

- Tugeze mu gihe guhanahana amakuru byihuta cyane kubera ikoranabuhanga.

- Aho hadukiye itumanaho rya interineti bwo byabaye agahebuzo rwose.

Nkuba ati: "Usanze ndi mu byimbo byo kuza kugutirurira umuhoro wawe. **Noneho**, ubwo twibonaniye, taha nange ndasiba **none** n'**ejo**, **ejobundi** nkakugeraho n'inzoga y'ishimwe." Ku wa kane, Nkuba abwira umugaragu we, ati: "Gira bwangu, reba urutete, ushyiremo inzoga iryoshye **rwose**, ushishire **neza**, **ejo** tuzazindukira **epfo** iriya kwa Gikeri."

**Inshoza y'umugereka**

Umugereka ni ijambo cyangwa urujyano rw'amagambo rudasesengurwa risobanura izina, ntera, inshinga cyangwa undi mugereka. Rivuga uburyo, ahantu, igihe cyangwa inshuro. Umugereka ushobora kuba buhangwa cyangwa ukaba urwunge rw'amagambo.

Imigereka y'ingenzi ni iyi ikurikira:

Umugereka uvuga uburyo, umugereka uvuga igihe, umugereka uvuga ahantu, umugereka uvuga inshuro (umugereko wemeza n'uhakana.)

**Umugereka uvuga uburyo**

**Ingero**

- Vuga **cyane.**
- Musome **bucece**.
- Twabikoze **neza.**
- Gira **vuba**.

**Umugereka uvuga igihe**

**Ingero**

- Uze **none**.
- Uzataha **ryari?**
- Azaza **ejo.**

**Umugereka uvuga ahantu**

**Ingero**

- Shyira **ejuru**.
- Erekeza **epfo.**

- Murabica **iruhande**!
- Ageze kure **kubi.**
- Umugume **hambavu**.

**Umugereka uvuga inshuro:**

**Ingero**

- Dusibye **gatatu**
- Wangiriye neza **kenshi**
- Ni **gake** ngera i **Kigali.**

**Hari imigereka igaragara nk'aho yagoragozwa.**

**Ingero**

- **mbere**→hambere.
- **nyuma**→hanyuma, inyuma.
- **ruguru**→haruguru.
- **hasi**→ munsi.
- **epfo**→ hepfo.
- **irya**→hirya, hakurya.

**Umugereka wemeza n'umugereka uhakana**

**Ingero**

- **Yego** koko ibyo uvuze ndabyemeye. Ni ngombwa kwitabira ikoranabuhanga (Umugereka wemeza)
- **Oya**! Ntibikwiye ko abana banywa ibiyobyabwenge. Ntibyujuje ubuziranenge (Umugereka uhakana)

**Ikitonderwa**

Imigereka imwe y'ahantu igenda ihinduka ku buryo hari uwakeka ko yagoragozwa. Nyamara ntibishoboka, ahubwo twavuga ko ari imigereka y'urwunge rw'amagambo iba yakomotse ku migereka buhangwa.

**Inshamake**

Umugereka ni ijambo cyangwa urujyano rw'amagambo rudasesengurwa risobanura izina, ntera, inshinga cyangwa undi mugereka. Rivuga uburyo, ahantu, igihe cyangwa inshuro. Umugereka ushobora kuba buhangwa cyangwa ukaba urwunge rw'amagambo.

**Imigereka y'ingenzi ni iyi ikurikira:**

Umugereka uvuga uburyo, umugereka uvuga igihe, umugereka uvuga ahantu, umugereka uvuga inshuro, **umugereko wemeza n'uhakana.**

## Umwitozo

Kugaragaza imigereka iri muri izi nteruro unavuge imimaro yayo:

1. Gira bwangu uze unterure ndacikirijwe rwose.
   **Bwangu**: Umugereko w'uburyo

   **Rwose**: Umugereko wemeza.

2. Ngiye kugushyira hasi nduhuke gato.
   **Hasi**: Umugereka w'ahantu.

   **Gato**: Umugereka w'uburyo.

3. Kera hari intare yakarihaga cyane, ikica inyamaswa umusubizo; imaze kugera mu za bukuru, ikubitiyeho n'indwara iyigashe rwose yigumira aho iteze uruzaza.
   **Kera**: Umugereka w'igihe

   **Cyane**: Umugereka w'uburyo

   **Umusubizo**: Umugereka w'uburyo.

   **Rwose**: Umugereka wemeza.

4. Ifarasi iti "nyabusa nta kwihorera ku mwanzi utazakugirira nabi ukundi".
   **Nabi**: Umugereka w'uburyo

5. Kugera kure si ko gupfa.
   **Kure**: Umugereka w'ahantu

6. Mubivuge mubivuye imuzingo, mwoye kubica iruhande.
   Mubivuye imuzingo: Urwunge rw'amagambo agize umugereka w'uburyo.

   **Iruhande**: Umugereka w'ahantu.

7. Babukaranze ndi munsi y'urujyo.
   **Munsi**: Umugereka w'ahantu.

8. Ni kenshi abantu bahemukira ababa barabagiriye neza.
   **Kenshi**: Umugereka w'inshuro
   **Neza**: umugereka w'uburyo

9. Buhorobuhoro ni rwo rugendo.
   **buhorobuhoro**: Umugereka w'uburyo

10. Aragenda uruhogozambyeyi.
    **Uruhogozambyeyi**: Umugereka w'uburyo.

## Indangahantu

Musome izi nteruro zakuwe mu mwandiko, mugerageze gutahura imiterere n'umumaro by'amagambo yanditse atsindagiye:

Nyamara abanyeshuri bagomba kumenya gukoresha neza ikoranabuhanga ari **ku** ishuri ari no **mu** rugo, kugira ngo baribyaze umusaruro ukwiye. Bitabaye ibyo, ikoranabuhanga ryahinduka ikintu kirangaza abanyeshuri aho kubafasha. Ibibera **i** Burayi, **muri** Amerika n'ahandi, byose dushobora kubisanga **kuri** interineti. Ari ibifite akamaro, ibiteye isoni, ibyiza n'ibibi, byose barundaho, maze abazikoresha bakijonjorera.

### Inshoza y'indangahantu

Indangahantu ni ijambo ribanziriza irindi, rivuga aho umuntu cyangwa ikintu biherereye cyangwa ahabera ikintu iki n'iki. Indangahantu irema urujyano rw'amagambo abera inshinga ruhamwa cyangwa icyuzuzo nziguro.

### Indangahantu ni eshatu mu Kinyarwanda:

- " Ku"mu nteko ya 17
- " Mu" mu nteko ya 18
- " I " mu nteko ya 19

**Ikitonderwa**: Iyo indangahantu " ku" na "mu" zikurikiwe n'izina ridafite indomo cyangwa ibinyazina bimwe na bimwe, zigira impindurantego "kuri" na "muri".

## Ingero

- Atuye muri Zambiya.
- Yubatse kuri Huye
- Ndi mukuru kuri we.

**Nyamara tuvuga**

- Abana ntibagakinire **mu** muhanda.
- Ngiye **ku** iriba.
- Akora **i** Rusizi.

## Inshamake

Indangahantu ni ijambo ribanziriza irindi, rivuga aho umuntu cyangwa ikintu biherereye cyangwa ahabera ikintu iki n'iki. Rirema urujyano rw'amagambo abera inshinga ruhamwa cyangwa icyuzuzo nziguro. Indangahantu ni eshatu mu kinyarwanda:

- ''Ku'' mu nteko ya 17
- ''Mu'' mu nteko ya 18
- ''I'' mu nteko ya 19

### Imyitozo

1. Musome aka gace k'umwandiko maze murobanuremo indangahantu, muvuge indanganteko zazo kandi muzigereranye n'iz'amazina:

   Umunsi umwe intashya yagiye kunywa amazi ku mugezi wa Rukarara, isanga igikeri kiyicariye ku nkombe cyota akazuba. Irakibwira iti: "Ibikeri mwaranyobeye, ibintu bititerura bigahora bikururuka ku butaka. Kandi kabishywe mbivuze ntyo, twebwe intashya tugira imbaraga cyane n'iyo dushatse kujya ikantarange tuhagera bwangu." Igikeri kiti: "Nyamara natwe nta kintu cyaturusha kwiruka muri iki gihugu, n'ubwo twiruka mu bishanga bwose"!

   **Ibisubizo:**

   - ku: nt.17
   - muri: nt. 18
   - i: nt. 19
   - mu: nt. 18

2. Tahura indangahantu muri izi nteruro maze uvuge n'inteko zazo.
   - Ku mpinga y'umusozi haba hari amafu.
   - Atuye kuri Janja.
   - Inuma y'i Burundi yatumye ku y'i Rwanda ngo: "ha uguha"!
   - Munsi abitonda bahorane amahoro.
   - Ingwe ntiyafashe ku gakanu yarabwirijwe.

   **Ibisubizo:**
   - ku: nt.17
   - kuri: nt. 17
   - i: nt. 19
   - mu: nt. 18
   - ku: nt 17

## 3. Inyigana

Musome izi nteruro zakuwe mu mwandiko, mugerageze gutahura imiterere n'imimaro by'amagambo yanditse atsindagiye.

### Umukino w'umupira w'amaguru

Twagiye kumva twumva ifirimbi ngo: ''**Firirriii**!'' Ubwo umukinnyi wa mbere atera agashoti gato ngo: ''**tiku**!'' Ahereza mugenzi we. Agiye kuwutera awuhurizaho n'uwo bari bahanganye ngo: ''**Piii!**''

Umupira urazamuka ujya mu kirere, biruka bawutanguranwa ariko umwe aramusumba ateza umutwe ngo: Pooo! Aba ahereje mugenzi we hafi y'izamu. Abafana bariyamirira n'amashyimenshi ngo: ''**Kacikaci**!'' Nyamara uwo mu ba kabiri yahise amutega, yitura hasi ngo: ''**Pooo!**''

### Inshoza y'inyigana

Inyigana ni ijambo riremerwa ku myumvikanire y'urusaku rw'ibintu bimwe na bimwe, ndetse n'urw'abantu. Rishobora kuremerwa kandi ku migaragarire y'ikintu. Mu mikoresherezwe yayo isanzwe, inyigana iterurwa akenshi n'ingirwanshinga **"–ti"** cyangwa ijambo **"ngo".**

## Ingero

| | |
|---|---|
| Ikintu bakubise ku kindi:<br>Inka | Pooo! vutu, gutu, tiku, pyooo, paaa!…<br>Mbaa! |
| Intama | Maa! |
| Ihene | Mee! |
| Isake | Kukururukuuuu! |
| Ibuye bateye | Duuuu! |
| Injangwe | Nyawuu! |
| Ibuye mu mazi | Dumburi! |
| Amazi mu gacuma | Dudududu! |
| Amashyi | Kacikacikaci! |
| Kugotomera amazi | Gutugutu! |
| Isazi | Zuu! |
| Urushyi | Pyo! Pya! |
| Igishirira mu mazi | Pyiriri! |
| Igitambaro gicika | Tatatata! |
| Umurabyo(uburyo ugaragaramo) | Pya! |

## Inshamake

- Inyigana ni ijambo riremerwa ku myumvikanire y'urusaku rw'ibintu bimwe na bimwe, ndetse n'urw'abantu rishobora kuremerwa kandi ku migaragarire y'ikintu.
- Inyigana buri gihe ziherekezwa n'akatuzo k'agatangaro.

**Umwitozo**

Tanga izindi ngero eshanu z'inyigana waba uzi.

Aha ibisubizo biba binyuranye bitewe n'izo abanyeshuri batanga. Ibi ni byo byereka umwarimu ko bumva neza icyo inyigana ari cyo.

## 4. Ibyungo

Soma izi nteruro zakuwe mu mwandiko maze ugerageze gutahura imiterere n'imimaro by'amagambo yanditse atsindagiye:

Ikoranabuhanga **rero** ryatuzaniye byinshi, **kuko** mu binyejana byahise, nta wari gutekereza **ko** umuntu azaguruka mu kirere, **ndetse** akajya **no** ku kwezi, **cyangwa ko** azajya ashobora kuvugana n'uri ikantarange akoresheje akantu gatoya ashobora kugendana mu mufuka, ari ko terefone igendanwa.

### Inshoza y'icyungo

Icyungo ni ijambo cyangwa urujyano rw'amagambo bidashobora gusesengurwa bihuza amagambo abiri cyangwa inyangingo ebyiri. Ibyungo bifite imimaro myinshi mu nteruro no mu gutanga ibitekerezo kuko ari byo bigaragaza inyurabwenge mu ruhererekane rw'ibitekerezo cyangwa rw'interuro.

Duhereye ku miterere yabyo ibyungo birimo amoko 4 akurikira:

- **Ibyungo buhangwa:** Ni ukuvuga by'umwimerere bidakomoka ku bundi bwoko bw'amagamb. Urugero: na, nka, cyangwa, erega, ngo, maze, ariko, nyamara, aho, ko, kandi...
- **Ibyungo by'inege** kuko bisa n'aho bikomoka ku nshinga. Urugero: Uboshye, ndetse, ubanza…,
- **Ibyungo by'inyumane** kubera ko bisa n'aho bigizwe n'amagambo abiri kandi bikaba byunga igitekerezo ku kindi. Urugero: Yuko, kuko, koko, nako… na+ko; ko+ ko.
- **Ibyungo bigizwe n'Urujyano rw'amagambo:** Nuko, kugira ngo, kubera ko, icyo bikora,…

### Imimaro y'ibyungo

**Icyungo "na"** gifite umumaro wo kunga amagambo hagati yayo. Iki cyungo kigira impindurantego "no" ikoreshwa imbere y'imbundo.

**Ingero**

- Rutamu **na** Butera
- Inka **n**'ihene

Iki cyungo **nka**, **boshye** na **kimwe** bifite umumaro wo kugereranya. Icyungo **nka** kigira impindurantego **nko** ikoreshwa imbere y'imbundo, y'indangahantu n'imbere y'umugereka w'ahantu.

**Ingero**

- Uyu mwana agenda **nka** se.
- Agira urusaku rwinshi **boshye** inkuba.
- Nabikoze **kimwe** nawe.

Ibi byungo **ko**, **ngo** bifite umumaro wo kuzuza (guhuza).

**Ingero**

- Avuze **ko** mugenda.
- Ndasaba **ngo** muze.
- **Ngo** baje baramubura.

Ibi byungo **cyangwa**, **keretse** bifite umumaro wo guhitamo.

**Ingero**

- Ngwino cyangwa ugende.
- Singenda keretse ugarutse.

Ibyungo **uretse ko**, **nkanswe**, **nyamara**, **aho**, **ariko** bifite umumaro wo kubangikanya cyangwa kubusanya

**Ingero**

- Turakora **uretse ko** tutabona umusaruro twifuza.
- Aterura umufuka wa sima **nkanswe** ijerekani y'amazi.
- Ntiyari yiteguye **nyamara** ibizamini yarabitsinze.
- Bamubajije **aho** gusubiza araseka.

**Ibyungo ''kandi, ndetse'' bifite umumaro wo kongeraho**

**Ingero**

- Ni umuhanga **kandi** aritonda.
- Yaramukubise **ndetse** aramukomeretsa

Icyungo **iyo** gifite umumaro wo kuziganya cyangwa wo kugaragaza ibitaragezweho mu gihe cyahise kikagaragaza ukwicuza.

**Ingero**

- **Iyo** uzinduka tuba tugezeyo.
- **Iyo** mbimenya simba narishinze gutera umupira ngo gusoma ibitabo mbiharire umwanya muto.

Ibyungo **kubera ko**, **kuko**, **ko** bifite umumaro wo kuvuga impamvu cyangwa inkurikizi.

**Ingero**

- Yatsinzwe **kubera** ko atize.
- Bamuhembye **kuko** yakoze neza.
- **Ko** wakerewe none tubigire dute?

Icyungo **nako** gifite umumaro wo kuvuga kwigarura.

**Urugero**

- Nari nje nako nisubiyeho.

Ibyungo **ubanza**, **ariko**, **nyamara**, **icyakora** bishobora kunga inyangingo ebyiri ariko imwe ikaba itavuzwe. Icyo gihe inyangingo itavuzwe iba ishingiye ku gitekerezo uvuga afite cyangwa ku gikorwa abavugana baziranyeho. Bene ibi byungo bamwe babyita mbanza

**Ingero**

- **Ubanza** ngiye kugerayo.
- **Ariko** nawe uratinda ugakabya!
- **Nyamara** ni muzima.
- **Icyakora** tuzajyanayo.

**Ikitonderwa**: Mu byungo hari ibiri ngombwa, kuko iyo bivuye mu nteruro itakaza ubutumwa bwayo n'ibindi bita ntagombwa kuko iyo bivuye mu nteruro ikomeza kugira ingingo yayo.

**Ibyungo ngombwa**

**Ingero**

1. Agenda **nk'**umwambi.
   Agenda umwambi.

2. Yifuje **ko** muba muhari.
   Yifuje muba muhari

3. N'ingwe narayifashe **nkanswe** impyisi.
   N'ingwe narayifashe impyisi.

4. Uraryamye **boshye** urwaye.
   Uraryamye urwaye.

**Ibyungo ntagombwa**

**Ingero**

1. Arahinga **ariko** ntiyeze.
   Arahinga ntiyeze.

2. Turahaguruka **maze** turagenda.
   Turahaguruka turagenda.

3. Babibonye **nuko** barabigura.
   Babibonye barabigura.

   Abanyeshuri bahereye ku byo bamaze gusesengura ku byungo baratanga ibitekerezo ku nshoza y'ibyungo, umwarimu abafashe kuyinonosora.

## Imyitozo

1. Vuga amoko y'ibyungo ugendeye ku mimaro yabyo.
   Hari ibyungo ngombwa n'ibyungo ntagomba.

2. Ibyungo birimo amoko yahe ugendeye ku miterere yabyo?
   Birimo amoko 4: Ibyungo buhangwa, inege, inyumane n'ibigizwe n'urujyano rw'amagambo.

3. Soma umwandiko ukurikira werekane ibyungo byose biwurimo uvuge n'umumaro wabyo mu nteruro:
   **Uko** ugenda Pariki y'Akagera ni **ko** uhura **n**'inyamaswa nyinshi cyane. **Ariko** iyo witegereje usanga imbogo, impara n'imparage ari zo ziganje rwose. Bavuga **ko** imbogo zigera ku bihumbi cumi **na** bitanu. Intare zo ntizikunda kuboneka **kuko** zitororoka cyane. **Ubanza** ahari ari ko Imana yabishatse, **cyangwa** kubera **ko ngo** zibyara igihe k'imvura ibyana bimwe bigatwarwa **n**'umuvu **ndetse** igihe za nyina ziba zagiye guhiga, bigatorongera bikava mu ndiri zabyo bigahitanwa **n**'izindi nyamaswa.

## 5. Utumamo

Soma iyi nteruro yakuwe mu mwandiko hanyuma ugerageze gutahura imiterere n'umumaro by'amagambo yanditse atsindagiye:

Dore **re**! Barakicaye **pe**! Nimuze mutabare **ga**!

- Aya magambo yanditse atsindagiye ni bwoko ki?
- Tanga izindi ngero zitandukanye za bene ayo magambo.

### Inshoza y'akamamo

Akamamo ni ijambo ridasesengurwa riba rigizwe n'umugemo umwe. Akamamo gaherekeza irindi jambo kakariha inyito yo gutangara, yo kwakuza cyangwa itsindagira. Akamamo gashobora no guherekeza ikegeranshinga n'irangamutima.

1. **Akamamo k'inshinga**.

**Ingero**

a) **Gutangara**:

Arabivuze **ra**!
Have genda **ma**!
Sinamukira **da**!
Barikoze **nya**!
Aragowe **we**!

b) **Kwakuza**: Bivuge **ye**!

c) **Gutsindagira**:

Bivuge **ga**!
Garuka **ye**!
Bivuge **se**!
Bihakane **se**!

Akamamo k'inshinga kayiherekeza kayiha inyito yo gutangara, kwakuza cyangwa inyito yo gutsindagira.

### Ikitonderwa:

Utumamo "**da**!" na "**ma**!" ni impindurantego. Akamamo "da"! gakunda kubwirwa umuntu w'igitsina gabo, akamamo " ma"! ko kakabwirwa umuntu w'igitsina gore. Udusigaye two tubwirwa abantu hatitawe ku gitsina gore cyangwa gabo.

## 6. Ibyegeranshinga

Soma aka gace k'umwandiko maze ugerageze gutahura imiterere n'imimaro by'amagambo yanditse atsindagiye.

**Ayinkamiye: Dore** sha Kama! Uriya si Sugira warembeye ku muhanda?

**Kamanzi:** Ehee! Uzi ko ari we**! Sigaho** utamunyeganyeza ndabona asa n'urembye! Ahubwo **hogi** tugende tuge kubimenyesha ababyeyi be!

**Ayinkamiye: Mbisa** ma! Nge ndashaka kwitahira**.** Ngeze mu rugo nkerewe bambaza aho niriwe**.**

**Kamanzi: Sigaho** sha reka imiteto**,** ubwo ugiye utamutabarije waba uri umuntu?

**Ayinkamiye: Emwe** ni koko! Noneho sigara umureba ngiye kunyaruka mbimenyeshe ababyeyi be**!**

### Inshoza y'ibyegeranshinga

Ibyegeranshinga ni amagambo afite imiterere n'umumaro nk'uw'inshinga itondaguye mu ntegeko, ariko akaba adashobora gutondagurwa muri ngenga zose no mu bihe bitandukanye kimwe n'inshinga zindi. Bene ayo magambo akoreshwa cyane mu mvugo cyanecyane mu biganiro. Ibyegeranshinga bikunze gukoreshwa ni: **Have, dore, hogi, henga, reka, sigaho, erega.** Amamgambo: **Dore, sigaho, hogi, mbisa, sigaho**, ateye nk'inshinga kandi afite umumaro nk'uw'inshinga zitondaguye mu ntegeko ariko si inshinga kuko adashobora gutondagurwa muri ngenga zitandukanye.

### Ingero

**Have** se!

**Dore** ra!

**Hogi** tugende!

**Henga** nigendere!

**Reka** nkwereke uko babigenza!

**Sigaho** kwica umuco nyarwanda!

**Erega** ni ko nkora!

**Umwitozo**

Nimuhimbe ikiganiro cyangwa agace k'ikinamico mukoreshemo ibyegeranshinga bitandukanye.

Umwarimu arebe ko babikoreshejemo neza.

## 7. Amarangamutima

Musome iki kiganiro maze musubize ibibazo bikurikiraho:

**Umukazana**: **Yoo!** Mukecu mbese wararwaye? **Yoo!** Ni uko wabaye? Ni ukwihangana.

**Umukecuru**: **Ahaa!** Mwana wange se ugira ngo ndacyashobora kwicara. Ahubwo nyegura buhorobuhoro nduhure akagongo.

**Umukazana**: Sa n'uwigira hino gato nkwiyegamize

**Umukecuru**: Orororororoo! **Aah!** Ndumva ntonekara umubiri wose! Yuuu!

**Umukazana**: None se mumaze igihe kingana iki murwaye?

**Umukecuru**: Ashyi! Mwana wange se ugira ngo ndacyamenya iminsi. Ni kirekire.

Nyuma yo gusoma iki kiganiro umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabaha ibibazo bibafasha kuza gutahura inshoza y'amarangamutima n'ingero zinyuranye z'amarangamutima.

### Urugero rw'ibibazo yabaha

**Ibibazo**

- Nyuma yo gusoma iki kiganiro urasanga abaganira bamerewe bate mu mutima?
- Ibyo biragaragarira ku yahe magambo bakoresha?
- Ni irihe jambo umukecuru yakoresheje agaragaza ko ari gutonekara?
- Bene ayo magambo bayita bate mu Kinyarwanda?
- Tanga izindi ngero.

### Urugero rw'ibyava mu matsinda

**Inshoza y'amarangamutima**

Amarangamutima ni amagambo adasesengurwa, akora nk'interuro, akaba agaragaza uko umuntu amerewe mu mutima, yaba yishimye

cyangwa ababaye, yaba ashima cyangwa agaya. Amarangamutima yandikwa akurikiwe n'agatangaro.

Amarangamutima agira inshoza zitandukanye. Zimwe muri izo nshoza ni izi:

- Kwemeza: urugero: Yeee! Nabikwemereye.

**Gutangara: Ingero: Ahaa! Arongeye arabarushije pe!**

**Yoo**! Nta soni uko ungana utyo ugakora utyo!

- Kugaya: Urugero: Apu! Hoshi uri imbwa gusa!

**Asyi**! Wa kigoryi we.

- Gucecekesha: urugero: Shuu! Muceceke araje.

**Suuu**! Mwisakuza.

- Kwiruhutsa: Urugero: Ashyii! Reka nduhure akagongo.

**Ahuu**! Navunitse umugongo wee!

- Kubabara: Urugero: Orororororo! Arankandagiye!

**Ayiii!** Aranyishe!

- Kwikanga:
- Ayi we! Dore intare wo gacwa we!
- Ehee! Aranyica noneho we
- Yuu! Aranyishe aranyishe we!

**Ikitonderwa**: Andi moko y'amagambo mu nteruro ashobora kuba amarangamutima bitewe n'uko yakoreshejwe cyangwa aho yakoreshejwe.

Mu myandikire yemewe y'Ikinyarwanda mu kwandika amarangamutima hashobora gukoreshwa inyajwi zikurikiranye ariko ntizirenze eshatu.

**Ingero**

- Kamari **wee**! Baranyishe ntabara.
- **Igitegoo**! Cyagezemo, bibaye bibiri.
- **Yoo**! **Ehee**!,..

Akamamo gashobora kujyana n'irangamutima, ijambo rimwe ari irangamutima, irindi ari akamamo, ariko iyo afatiwe hamwe yombi akaba irangamutima.

**Urugero**

- Ayi we! Dore umujura!
- Muri iyi nteruro: **ayi** → irangamutima **we!** → akamamo
- **Ayi we!** → irangamutima

**Akamamo k'irangamutima**

**Urugero**

- Ayi **nya**!
- Ayi **we**!

**Inshamake**

- Amarangamutima ni amagambo akora nk'interuro akagaragaza ikiri ku mutima w'umuntu.
- Amarangamutima aherekezwa n'agatangaro.
- Mu marangamutima hashobora gukoreshwa inyajwi zikurikiranye ariko ntizirenge eshatu.

**Imyitozo**

1. Garagaza amarangamutima yakoreshejwe muri izi nteruro unasobanure inyito zayo:
    - Ayaya! Nari nyifashe none iranshitse!
      Umubabaro
    - Ahaaa! Uragira se ngo wamusangayo iki gihe?
      Gutangara
    - Ayi we! Ihwa riranjombye.
      Akababaro
    - Suuu! Nimuceceke umwarimu araje.
      Gutegeka
    - Ashyi! Inyota yari impitanye.
      Ibyishimo

2. Rondora andi marangamutima nk'atanu dukoresha tugaragaza ko:
    - Dufitiye abandi impuhwe: Yooo! Yebaba we, mbega ibyago!,.........
    - Dufite agahinda: Ayii! Yuuu! Yooo!
    - Turimo kuribwa: Orororoo!
    - Turimo gutabaza: Ayii we! Aaaa! Oooo! Oooo!

# Inkuru y'ikinyamakuru: Ibitangaza by'ikoranabuhanga ntibisiba kwiyongera

## (Amasomo 5)

## Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 245 kugera ku rwa 249)**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura amagambo atasobanukiwe no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
- Kugaragaza akamaro k'ikoranabuhanga kavugwa mu mwandiko.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gushyira mu bikorwa ibyo yize mu mwandiko uvuga ku ikoranabuhanga.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira no gushishikariza abandi gukoresha ikoranabuhanga.
- Gushishikarira gusoma ibinyamakuru n'ibitabo bitandukanye no kwitabira amasomero.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, ibikoresho binyuranye by'ikoranabuhanga, inkoranyamagambo.

## Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**
   Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho inkuru abasabe kwitegereza amashusho ari ku mutwe w'inkuru maze ababaze icyo bayatekerezaho.

### Urugero rw'ibibazo yababaza

a) Ni iki mubona ku mashusho?
   Turabona ikimodoka kirekire cyane kimeze nka gariyamoshi.

b) Gariyamoshi imara iki?
   Ikoreshwa mu gutwara abantu n'ibintu byinshi kandi ikihuta.

2. **Gusoma**

2.1 **Gusoma bucece**

Abanyeshuri barasoma bucece hanyuma basubize ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko basomye.

a) **Muri uyu mwandiko haravugwamo iki?**
   - Haravugwamo ibyiza ikoranabuhanga ryagiye rigeza ku muntu.

b) **Umuntu ataratangira gukoresha ikoranabuhanga yabagaho gute?**
   - Yabagaho kimwe n'izindi nyamaswa, ariko mu mibereho igoye kuko atari afite uburyo bwo kwirwanaho.

c) **Ni ikihe kintu cya mbere umuntu yavumbuye kikamufasha kwiganzura izindi nyamaswa?**
   - Ni umuriro.

d) **Imashini zikora imirimo nk'iy'abantu kandi zigakora nk'izizi ubwenge zitwa ngo iki?**
   - Bazita za "robo."

2.2. **Gusoma baranguruye**

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko umwumwe, baranguruye ijwi kugeza umwandiko urangiye. Umwarimu akurikirana uko basoma akosora aho bajijinganyije, aho basomye barya amagambo cyangwa batubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

## 3. Gusobanura umwandiko

### 3.1 Inyunguramagambo

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo batasobanukiwe kandi basubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Abanyeshuri barahuriza hamwe ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo batari basobanukiwe bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.

**Urugero rw'amagambo abanyeshuri bashobora kuba batari basobanukiwe n'ibisobanuro byayo**

| | |
|---|---|
| **Robo** | Imashini zikora imirimo imwe n'imwe nk'iy'abantu ku buryo zishibora gusimbura abantu mu mirimo itandukanye. |
| **Umupirote** | Umuntu utwara indege. |
| **Guhindura ibyo twejeje** | Gutunganya ibyavuye mu murima bikavamo ibindi bishobora guhunikwa igihe kirekire. |
| **Amakimbirane y'urudaca** | Guhangana hagati y'abantu bitewe n'icyo bapfa. |

### Umwitozo w'inyunguramagambo n'ibisubizo bishoboka

Mumaze gusobanura ayo magambo, nimuyakoreshe mu nteruro ngufi zigaragaza ko mwumvise icyo avuga

- Mu ruganda rwateye imbere bakoresha na za robo.
- Papa ntiyitwarira indege ahubwo akoresha umupirote wabyigiye.
- Inganda z'ibiribwa zishinzwe guhindura ibyo twejeje zikabikoramo ibindi.
- Mu bihugu bitaratera imbere havugwamo amakimbirane y'urudaca.

### Ibibazo byo kumva umwandiko n'ibisubizo

Mu matsinda abanyeshuri barashakira hamwe ibisubizo by'ibibazo byo kumva umwandiko.

Nyuma y'igihe cyagenwe, umwarimu ahuriza abanyeshuri hamwe agahitamo itsinda ritangaza ibyo ryagezeho.

1. **Kuki umuntu tumugereranyije n'izindi nyamaswa, asa n'aho yari yararenganyijwe mu bijyanye n'uburyo bwo kwirwanaho yaremanywe**?
   Ni uko we nta ngufu nyinshi yari afite, ntamenye kwiruka, ntagire amababa ngo aguruke, kandi n'uruhu rw'umubiri we rukaba rworoshye.

2. **Umuntu yashoboye kwiganzura ate izindi nyamaswa**?
   Yabishobojwe no gukoresha ubuhanga n'ubwenge bwe.

3. **Ni akahe kamaro ko gukoresha imashini mu mirimo itandukanye aho gukoresha abantu**?
   Imashini ntiziruha, ntizikenera kurya no kunywa, zikora amanywa n'ijoro, kandi ntizisaba imishahara usibye kuzivugururura gusa, bityo zikaba zitanga umusaruro mwinshi kurusha gukoresha abantu.

4. **Ni gute kudakoresha ikoranabuhanga biri mu mpamvu zidutera amakimbirane n'intambara**?
   Ni uko usanga ibyo dukuramo ibidutunga nk'ubutaka bigenda biba bike ku buryo bitakomeza kuduhaza.

## **Igice cya kabiri:** Gusesengura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 249)**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Kurondora ikoranabuhanga rikoreshwa mu gutangaza amakuru, akamaro ka buri koranabuhanga n'ubushobozi bwaryo.

**Ubumenyi ngiro:**

- Kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko yahawe no kugira icyo avuga ku bitekerezo bya bagenzi be.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira no gushishikariza abandi gukoresha ikoranabuhanga.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, ibikoresho binyuranye by'ikoranabuhanga.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**
   Umwarimu asaba abanyeshuri umwumwe kongera gusoma umwandiko "Ibitangaza by'ikoranabuhanga ntibisiba kwiyongera" baheruka kwiga barangiza akabaha ikibazo baganiraho mu matsinda ya babiribabiri mbere y'uko bajya impaka muri rusange.

### Urugero rw'ikibazo

Itangazamakuru ubusanzwe rifatwa nk'aho ari urwego rwa kane mu bijyanye n'ubutegetsi nyuma y'ubutegetsi nshingamategeko, ubutegetsi nyubahirizategeko n'ubucamanza; nyamara hari n'abavuga ko iyo rikorehejwe nabi risenya aho kubaka. Mugaragaze ikoranabuhanga rikoreshwa mu itangazamakuru muvuge n'akamaro rifite mu gushimangira ubushobozi bw'itangazamakuru.

2. **Kujya Impaka**
   Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kungurana ibitekereza ku kamaro k'ikoranabuhanga mu itangazamakuru abasabe kujya batera urutoki bagatanga ibitekerezo, kugeza bageze ku mwanzuro bumvikanyeho.

   Aha abanyeshuri bagomba kurondora ikoranabuhanga rikoreshwa mu itangazamakuru harimo radiyo, ubutumwa kuri terefoni, fagisi, tereviziyo, interineti, ibinyamakuru byandikwa...

   Akamaro ni ako kwihutisha amakuru mu gihe kera kumenya amakuru byagoranaga kuko hakoreshwaga uburyo butuma atinda gukwirakwizwa ndetse no kugera ku bo agenewe.

### Gushishikarira gusoma ibinyamakuru

### Aho twakura amakuru

Gusoma ibinyamakuru bitandukanye no gusura imbuga za interineti ni ngombwa kugira ngo tumenye aho isi igeze. Nimufatanye kungurana ibitekerezo ku byo mwasomye cyangwa muzi ku bijyanye n'ikoranabuhanga, maze abafite icyo bazi babwire bagenzi babo amakuru ku bijyanye n'ikoranabuhanga aho rigeze ubu mu rwego rw'ikirere, imibereho y'ibinyabuzima, itumanaho, n'ibindi.

Kuvuga icyo utekereza, gutangaza amakuru no kuyagezwaho, ni bumwe mu burenganzira bw'ibanze bwa muntu. Ni ngombwa ko

abanyeshuri bamenya kare ko bafite ubwo burenganzira, kugira ngo bashobore kubuharanira mu gihe butariho, no kubukoresha kuko ari ubwabo.

**Watanga amakuru ute ku bibera aho uba cyangwa se iyo ufite ubutumwa ushaka kugeza ku bandi?**

- Ku maradiyo atandukanye, baha urubuga ababakurikiye bagatanga ibitekerezo.
- Mu binyamakuru hari ahaba hagenewe abasomyi bita "urubuga rw'abasomyi"
- Ushobora kandi kohereza ubutumwa ukoresheje terefone igendanwa.
- Mu binyamakuru bisohoka kuri interineti haba hari aho ushobora kwandika igitekerezo cyawe, kikagera ku bantu bose basura urwo rubuga.

Nyamara hari amategeko agenga itangwa ry'ibitekerezo: gutanga igitekerezo kigaragaramo ivangura, gutukana, kwandagaza umuntu cyangwa kumuharabika, birabujijwe kandi bihanwa n'amategeko. Ibitekerezo utanze bigomba kuba byubaka kandi bishingiye ku kubaka amahoro n'imibanire myiza hagati y'abantu.

# **Igice cya gatatu:** Inshoza n'uturango by'inkuru y'ikinyamakuru

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 250 kugera ku rwa 253)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura imiterere y'inkuru y'ikinyamakuru.
- Kurondora uturango tw'inkuru y'ikinyamakuru.

**Ubumenyi ngiro:**

- Guhanga inyandiko y'ikinyamakuru.

**Ubukesha:**

- Kwitabira gutanga amakuru yagirira akamaro abandi ahanga inyandiko z'ibinyamakuru akanazitangaza.

- Gukoresha ururimi rw'Ikinyarwanda ataruvangamo izindi ndimi.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, ibinyamakuru binyuranye.

## Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**

   Umwarimu arasaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko na we agenzure ko bubahiriza utwatuzo, iyitsa n'isesekaza.

   Nibarangiza abashyire mu matsinda, abasabe kwitegereza imiterere y'umwandiko (uburyo wanditse ku rupapuro, umutwe wawo, amashusho cyangwa amafoto arimo, …), ibivugwamo: insanganyamatsiko umwanditsi avugaho, ubutumwa atanga, … hanyuma bavuge icyo babitekerezaho).

2. **Isesengura**

   **Inshoza y'inkuru y'ikinyamakuru**

   Inkuru y'ikinyamakuru ni inkuru igenewe gutangazwa mu kinyamakuru icyo ari cyo cyose.

   **Uturango tw'inkuru y'ikinyamakuru**

   Ibintu by'ingenzi biranga inkuru y'ikinyamakuru:

   - Umutwe wawo: Ni mugufi, uteye amatsiko kuko utuma usoma agira amatsiko y'icyo umwanditsi agiye kuvugaho.
   - Inkuru yanditse mu nkingi eshatu zigizwe n'interuro ngufi.
   - Harimo ibisubizo ku bibazo abantu bakunze kwibaza: ni iki cyakozwe? Cyakozwe na nde? Hehe? Gute?
   - Itariki inkuru yanditsweho n'uwayanditse.
   - Izina ry'ikinyamakuru.

   **Gutegura inyandiko y'ikinyamakuru**

   Inyandiko y'ikinyamakuru igira amahame ya ngombwa igomba kubahiriza.

   - Umwanditsi agomba kwandika mu mwanya wateganyirijwe urubuga rujyanye n'ibyo yandikaho ntawurenze, bityo akaba agomba kwita ku burebure bw'inyandiko ye, kandi akayandika yubahiriza amategeko amugenga.

- Umwanditsi agomba gutara amakuru mu buryo asubiza ibibazo bijyanye n'icyo abantu bakeneye kumenya: Ni iki cyabaye? Ni nde wagikoze? Cyabereye hehe? Ryari? Gute? Kubera iki?...,

**Nyuma y'ibi haba hasigaye intera esheshatu ari zo:**

1. **Gutoranya ibyo ari bwandike**
   Ni ugutandukanya ibiri ngombwa byo kuvugaho, ibitari ngombwa cyane, cyangwa ibidakenewe na gato. Kureba noneho mu bitari ngombwa cyane ibyashishikaza abantu, ibyabafasha gusobanukirwa cyangwa ibisekeje, ariko ibyo abantu badekeneye akabikuramo.

2. **Kuringaniza uburebure bw'inyandiko**
   Ni ngombwa kumenya uburebure bw'inyandiko ugomba gutegura. Iki ni ikintu k'ingenzi cyane kuko ikinyamakuru kiba gifite imyanya yagenewe buri bwoko bw'inkuru zigomba gusohorwa. Akenshi bikorwa hagenwa umubare w'amagambo ntarengwa, byaba ngombwa nturenzeho 10%.

3. **Kugena uburyo ubaramo inkuru**
   Abanyamakuru n'iyo bandika imyandiko nsesengurabumenyi bakunze kuyandika mu buryo bwo kubara inkuru. Hari ibibazo bitatu agomba kwibaza kugira ngo yubake imbata abyandikamo:
   - Mpere ku kinini njya ku gito cyangwa mpere ku gito njya ku kinini?
   - Mpite ntangaza amakuru y'ingenzi hanyuma nyasesengure nyuma, cyangwa ngende nyatatura buhorobuhoro?
   - Nubahirize uko ibyabaye byakurikiranye mu gihe cyangwa mbikurikiranye mu buryo nihitiyemo buberanye n'ibyo nshaka ko abantu bumva?

4. **Gukoresha inganzo y'itangazamakuru**
   Inganzo y'itangazamakuru irangwa n'ibi bikurikira:
   - Interuro ngufi (akenshi bakunze gufatira ku mpuzandengo y'amagambo 12 kuri buri murongo, ukirinda kuzuzamo imibare n'amahinamagambo.
   - Amagambo yumvikana neza atumvikana neza agasobanurwa.
   - Kwibanda ku bintu bifatika; byakwemerwa nk'ibishoboka.
   - Ikoreshwa ry'amafoto cyangwa amashusho.

- Kuvuga ibintu ku buryo butaziguye, ugakoresha utwuguruzo n'utwugarizo, ugashyira ibintu mu ndagihe.

5. **Gutera amatsiko**
   Interuro y'igika cya mbere igomba gushimisha umusomyi ikamukururira gusoma ibikurikiyeho. Itandukanye n'icyo bita interamatsiko zishingira ku gutangira inkuru y'ingenzi ku mpapuro zibanza ariko igakomereza hagati mu kinyamakuru.

6. **Guhitamo umutwe uboneye w'inkuru**
   Umutwe w'inkuru ni ingenzi cyane. Ugomba kuba uteye amatsiko, utanga amakuru (Nde? Ryari? Hehe? Ni iki cyabaye? Gute?) cyangwa ukaba ushitura.

**Dore imwe mu miterere y'imitwe y'inkuru ushobora kwandika:**

- Interuro itangara: Hehe n'uburezi budafite ireme!
- Interuro ibaza: Ni irihe banga ryo gutsinda mu mashuri?
- Ikibazo n'igisubizo: Waba wifuza gutsinda ku ishuri? Dore ibanga.
- Interuro yemeza n'igisobanuro: Gutsinda Ikinyarwanda: Inyobora yuzuye y'abanyeshuri.
- Gukuruza abantu imibare: Inama cumi zagufasha gutsinda amasomo yawe.
- Ikeshamvugo (isubirajwi, ihuzamitwe, … ) Kwiga ni ukwigana.
- Icurukiranya ry'amagambo y'ingenzi: Igira gutsinda, tsindira kwiga.
- Imishyamiranyo: Tsinda neza utavunitse cyane!
- Imvugo shusho: Itwaze mwarimu mu mufuka wawe (umutwe w'agatabo).
- Umutwe w'inyandiko y'Ikinyamakuru ugomba kuba wumvikanamo umwihariko wayo kandi ukaba ari mugufi. Ni byiza na ndetse guhitamo umutwe nyuma yo gutegura inkuru.

**Amashusho n'amafoto mu nkuru y'ikinyamakuru**

Inkuru y'ikinyamakuru iherekezwa n'amashusho ndetse n'amafoto kugira ngo bishimangire ihame ry'ibivugwa mu nkuru igihe biri ngombwa. Akenshi hakoreshwa amafoto agaragaza ibivugwa. Ariko hashobora no gukoreshwa amashusho y'ubugeni,

arimo asekeje yo gushushanya abantu bakurikije ibitekerezo byabo, amakosa yabo cyangwa bagambiriye kubanenga mu buryo ubu n'ubu.

**Akamaro k'amafoto n'amashusho mu nkuru:**

- Akurura abasomyi.
- Agaragaza ukuri kw'ibivugwa.
- Iyo uyasesenguye ubwayo aba afite ubutumwa agaragaza bwiyongera ku bivugwa mu magambo. Ubu ndetse hari ikoranabuhanga rituma ifoto y'umuntu bayihindura uko bashatse, bakamwerekana yarakaye byacitse, aseka yishimye, ababaye arira, yambaye mu buryo ubu n'ubu, ari kumwe n'umuntu uyu n'uyu, kandi atari ko bamufotoye ameze. Ni yo mpamvu itangazamakuru ridatana n'ubugeni mu byo gutunganya amashusho n'amafoto.

## Inshamake

**Inyandiko y'ikinyamakuru ifite amahame yihariye ishingiraho ari yo:**

- Kubahiriza uburebure bw'umwanya wagenewe inkuru.
- Gutanga amakuru asubiza ibibazo abasomyi baba bafite (habaye iki? Cyakozwe na nde? Cyabaye ryari, hehe, gute?)
- Gukoresha amafoto n'amashusho atsindagira ihame ry'ibivugwa.
- Gutangiza inkuru interuro ikurura abasomyi.
- Guha inkuru umutwe mugufi, wumvikanamo agashya k'iyo nkuru, ubatera amatsiko.

## Umukoro wo kwandika

Kora inyandiko igenewe gusohoka mu kinyamakuru ku nsanganyamatsiko y'ikoranabuhanga cyangwa indi nsangamatsiko wihitiyemo ijyanye n'ikoranabuhanga.

Mu gukosora umwarimu arareba niba abanyeshuri bateguye iyo nyandiko bubahiriza amabwiriza agenga inyandiko y'ikinyamakuru, abafashe kuyinonosora. Inkuru eshanu za mbere zarushije izindi umwarimu asaba abanyeshuri kuzisomera mu ruhame kugira ngo abanyeshuri barusheho gusobanukirwa neza imiterere n'uturango tw'inkuru y'ikinyamakuru ndetse n'ubushobozi bwo kuyitegura no kuyandika.

# Imyitozo y'isuzuma rusange risoza umutwe wa munani

## (Amasomo 3)

**(Reba ku rupapuro rwa..kugeza ku rwa 253 - 256)**

**Ibigenderwaho mu isuzuma**

- Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko n'inkuru y'ikinyamakuru bivuga ku ikoranabuhanga.
- Ubushobozi bwo guhanga inkuru y'ikinyamakuru.
- Ubushobozi bwo kugaragaza amagambo adahinduka ari mu mwandiko n'imikoreshereze yayo.

**Umwandiko: Ikoranabuhanga mu gihe cy'ubu n'ikizaza**

**Sobanura aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko unakoreshe buri rimwe muri yo mu nteruro iboneye.**

1. Gusabagira
   - Terefone ngendanwa zimaze gusabagira mu bice byose by'isi.
2. Gusiga isi ari nziza kurusha uko twayisanze
   - Mu byo dukora byose, tugomba kubungabunga ibidukikije kandi tugahanira kugira isuku aho turi hose kugira ngo isi tuzayisige ari nziza kurusha uko twayisanze.
3. Gusagamba
   - Umuco mwiza n'indangagaciro nizisagambe mu gihugu cyacu, maze abana bacu bazakurane ibyo byiza twarazwe n'abasokuruza.
4. Ubuzima buzira umuze
   - Kugira ngo tugire ubuzima buzira umuze tugomba kwirinda indwara no guharanira guhumeka umwuka mwiza.
5. Amajyambere arambye
   - Tuzagera ku majyambere arambye niduharanira kubaka igihugu kizira umwiryane kandi gifite inzego zitajegajega ariko tukirinda no kwangiza ibyo ubuzima bw'ah'ejo hazaza bugomba gushingiraho.

## Subiza ibi ibazo uhere ku bivugwa mu mwandiko

1. Kuki dukwiye kubona ibikorerwa ku isi nk'aho ari uruhererekane?
   - Ni uko ibyo dufite ubu tubikesha abatubanjirije kandi natwe tugomba guharanira kuraga abadukomokaho ibintu bizabafasha mu buzima bwabo.

2. Ibikoresho by'ikoranabuhanga nka mudasobwa na terefone bigira umwanda uhinduka uburozi aho bijugunywe hose, haba mu mazi cyangwa mu butaka. None ko bigenda byiyongera ubona hakorwa iki kugira ngo uburozi bwabyo butazahitana ibinyabuzima mu gihe kiri imbere?
   - Icyo numva cyakorwa ni uko inganda zibikora zagombye guteganya uburyo bwo kongera kubisubirana mu gihe byashaje, bakabinagura bakabikoramo ibindi bishya.

3. Ko nta nganda dufite nyinshi, mubona twebwe iyangirika ry'umwuka n'ikirere ryatugiraho ingaruka?
   - Iyangirika ry'umwuka n'ikirere ntirigira umupaka, kuko ibyuka byoherezwa mu kirere nta kintu kibitangira ngo bigume aho byohererejwe. Ahubwo usanga akenshi ingaruka zigera ku bihugu bikennye kurusha ibikize.

4. Iyo bavuze "amajyambere arambye" wumva iki? Vuga icyo twakora kugira ngo tuyashyigikire.
   - Amajyambere arambye, ni amajyambere afasha abariho none kubona ibibatunga bihagije ariko badakamije isoko y'ibizatunga abazaba bariho ejo, kandi ntibababasigire isi itazatuma ubuzima bwabo busagamba.

5. Tanga ibitekerezo kuri iyi nsanganyamatsiko: "Niba umuntu ari ikiremwa kirusha ibindi ubwenge ku isi, ni gute akora ibintu bishobora gusenya no kurimbura ibyo ubuzima bwe bushingiyeho?"
   - Nge mbona akenshi ubwenge abantu bafite batabukoresha baharanira ibyubaka ubuzima ku isi. Usanga akenshi umuntu aharanira kurimbura mugenzi we aho kugira ngo aharanire ko bombi babaho. Abantu rero bagombye guharanira amahoro aganje kuri bose, bagasaranganya ibyiza biri ku isi, ni bwo babana mu mahoro. Gukomeza guhanira kubaho neza kurusha abandi ni byo bitera abantu gukora ibyangiza ubuzima bwabo.

**Vuga ubwoko bw'amagambo yanditse atsindagiye muri aka gace k'umwandiko:**

- Dutuye **mu** gihugu kiza **cyane**. Hava izuba ridakabije **kandi** nta n'ubwo hakonja **rwose**. Abanyamahanga **iyo** bahageze baratangara bati: "**Yooo**! Mbega imisozi mbega ibiyaga, mbega ibibaya n'ibisiza!"**Nyamara** babivuze ukuri koko **ngo**"uwambaye ikirezi ntamenya **ko kera**!" Kuri twebwe reka da! Wagira ngo ntitubona ibyo byiza habe na gato! Mu museso dukangurwa n'inyoni ziririmbira zigira ziti:"**Swii!swii**!"Nimugoroba iyo unyuze ku gishanga wumva ibikeri bigonga ngo:"**Goooo!Goooo**!" Ibyo byose ni byiza bitatse Igihugu cyacu, kuko nk'i Burayi ntiwapfa kubyumva **cyanecyane** iyo hakonje.

**Igisubizo:**

**Mu**: indangahantu, **cyane**: umugereka w'uburyo, **kandi**: icyungo, **rwose**: umugereka wemeza, Yooo: irangamutima, iyo: icyungo, **Nyamara**: icyungo, **ngo**: icyungo, **reka da**: irangamutima, **Swii!swii**: inyigana, **Goooo!Goooo**: inyigana, **yanecyane**: umugereka w'uburyo.

## Guhanga

- Kora ubushakashatsi maze wandike inkuru y'ikinyamakuru:
- "Waba uzi ibigezweho mu ikoranabuhanga muri iyi minsi?"

# Umutwe wa munani

# Ububi bw'ibiyobyabwenge

(Amasomo 28)

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 257 kugera ku rwa 271)**

| **Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe** |
| --- |
| 1. Gusesengura umwandiko n'inkuru ishushanyije ivuga ku bubi bw'ibiyobyabwenge. |
| 2. Guhanga inkuru ishushanyije no kugaragaza ibice by'interuro yoroheje. |

## Inkuru ishushanyije: ihene mbi ntawuyizirikaho iye

**(Amasomo 11)**

**Igice cya mbere:** Kumva no gusobanura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 257 Kugera ku rwa 263)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura amagambo adasobanukiwe no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
- Gusobanura ububi bw'ibiyobyabwenge bugaragara mu mwandiko.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusoma neza inkuru ishushanyije yumvikanisha ibyo asoma kandi agaragaza isesekaza.
- Gushyira mu bikorwa ibyo yize ku mwandiko uvuga ku bubi bw'ibiyobyabwenge.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira no gushishikariza abandi kwirinda ibiyobyabwenge.
- Gushishikarira gusoma ibitabo bitandukanye no kwitabira amasomero.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo.

## Imitangire y'isomo

**1. Ivumburamatsiko**

Umwarimu ahereye ku nyito y'umutwe "Ububi bw'ibiyobyabwenge" abaza abanyeshuri niba bazi icyo ibiyobyabwenge icyo ari cyo. Bagatanga ingero zabyo ndetse n'abo bazi bakunda kubifata yifashishije ibibazo.

**Urugero**

a) Ibiyobyabwenge ni iki?
   - Ni imiti, ibiribwa cyangwa se ibinyobwa bigira ingaruka ku bwonko, bigatuma imitekerereze iba idahwitse.

b) Hari ingero muzi z'ibiyobyabwenge? Muzivuge.
   - Kanyanga, kore, urumogi, marijyuwana...

c) Ni ba nde bakunze gufata ibiyobyabwenge?
   - Urubyiruko bakunze kwita mayibobo.

d) Ese ababifata twabitwaraho dute?

- Ababifata bakwiye kwirindwa ndetse no kugororwa ngo batanduza abandi iyo ngeso.

2. **Gusoma**

2.1 **Gusoma bucece**

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye gusoma inkuru ku bibi by'ibiyobyabwenge maze akabasaba kurambura aho umwandiko"Ihene mbi ntawuyizirikaho iye" wanditse bakawusoma bucece. Iyo barangije ababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

**Urugero**

a) Ni ba nde bavugwa muri iyi nkuru?

Muri uyu mwandiko haravugwamo Sugira, Rusabunga, Gatete, Ayinkamiye, Kamanzi, nyina wa Sugira, Bugingo na muganga.

b) Ni nde ugaragara nk'umukinnyi mukuru?

Ni Sugira.

c) Ni iki cyamubayeho?

Rusabunga na Gatete baramushutse bamujyana aho banywera ibiyobyabwenge,ahageze umwe mu banywi babyo amuhatira kubinywa nuko bimugwa nabi arembera mu nzira, ku buryo bamujyanye kwa muganga akamara iminsi mu bitaro.

2.2 **Gusoma baranguruye**

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma inkuru umwumwe, baranguruye ijwi kugeza irangiye. Umwarimu akurikirana uko basoma bakurikiranya amashusho n'amagambo akagenda akosora aho bajijinganyije cyangwa aho basomye batubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

3. **Gusobanura umwandiko**

3.1 **Inyunguramagambo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora amatsinda, akabasaba gushaka amagambo badasobanukiwe no kuyasobanura bakoresheje inkoranya. Abanyeshuri bahuriza hamwe ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo badasobanukiwe binonosorwe ku bufatanye n'umwarimu mbere yo kubyandika mu makayi yabo. Iyo barangije abasaba gukora umwitozo w'inyunguramagambo.

## Ingero z'amagambo abanyeshuri bashobora kuba badasobanukiwe:

| | |
|---|---|
| **Swingi** | Ni imvugo nyandagazi abanywi b'ibiyobyabwenge bakoresha bavuga uko bamererwa iyo bamaze kubisomaho. |
| **Agatabi ko ku mugongo w'ingona** | Urumogi |
| **Kore** | Ibintu bifatira bigenewe gukoreshwa mu gufatanya ibaho cyangwa mu gusana inkweto. |
| **Abasitari** | Abantu bazwi cyane kandi bakunzwe na benshi kubera ubuhanga bagaragaza mu bintu bikunze guhuruza abantu benshi nko kuririmba no gukina. |

### Umwitozo w'inyunguramagambo

Uzuza interuro ukoresheje amagambo akurikira: abasitari, ikigo ngororamuco, guta umutwe, ibiyobyabwenge, batebuke.

- Umuntu unywa cyane kanyanga ashobora guta umutwe.
- Bana mwirinde ibiyobyabwenge kuko byabangiriza ubuzima.
- Uyu mwana azwi n'abantu bose, uzi ko yabaye umusitari!
- Mubabwire batebuke.
- Abakosorwa bajye bashyirwa mu kigo ngororamuco.

### Ibibazo ku nkuru ishushanyije

Umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo, bagasubiza ibibazo ku mwandiko. Nyuma y'igihe cyagenwe, umwarimu ahuriza abanyeshuri hamwe, agatoranya itsinda ritangaza ibyo ryagezeho, bikanozwa ku bufatanye bw'abanyeshuri n'umwarimu mbere y'uko byandikwa mu makayi.

## Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo ku mwandiko

1. **Sugira yageze ate aho banywera ibiyobyabwenge**?
   Yahageze ashutswe na bagenzi be.

2. **Ko yahagiye avuga ngo agiye kureba gusa, yaje kunywa ibiyobyabwenge ate**?
   Yabihatiwe n'umwe mu banywi babyo.

3. **Ko Rusabunga na Gatete bavuga ko kunywa ibiyobyabwenge bituma baruhuka, wowe wumva ari byo**?
   Oya. Ntabwo ibiyobyabwenge bifasha kuruhuka, ahubwo umuntu aba yataye umutwe ntagire icyo atekerezaho bityo akibwira ko yaruhutse.

4. **Ibiyobyabwenge bigira izihe ngaruka? Uretse ingaruka z'ibiyobyabwenge zavuzwe mu mwandiko hari izindi ngaruka zabyo wowe uzi**?
   Bitera kwiyandarika, gutwara inda z'indaro ku bakobwa, bigatuma umuntu atagira icyo ageraho mu buzima kuko nta faranga ashobora gutunga. Bisenya kandi ingo, bigatuma uburere bw'abana butitabwaho, bityo na bo bagahinduka inzererezi n'abanywi b'ibiyobyabwenge, ku buryo bitarwanyijwe byahinduka umurage uva ku babyeyi ujya ku bana. Ibi bishobora gutuma iterambere n'umutekano bitagerwaho.

5. **Ni izihe nama muganga yagiriye abanyeshuri bo ku kigo cy'amashuri Sugira yigagaho**?
   Yabagiriye inama yo kwirinda ibiyobyabwenge, kandi abamenyesha ko kubinywa no kubicuruza bihanirwa.

6. **Aho uba waba uhabona ibiyobyabwenge ndetse n'abantu babinywa**? Vuga ibyo biyobyabwenge ibyo ari byo unavuge uko ubona ababinywa baba bameze.
   Ibisubizo biranyurana. Icyakora icyo bose bahurizaho ni uko abafata ibiyobyabwenge bose baba bafite imyitwarire itaboneye mu muryango.

7. **Umaze kumenya ko ibiyobyabwenge ari bibi, wagira iyihe nama ababikoresha**?
   Nabasaba kubireka burundu kuko bibangiriza ubuzima kandi ibisubizo baba babitezeho ntibababibone.

8. **Ni izihe ngamba ubona zafatwa n'abantu batandukanye, barimo urubyiruko, ababyeyi, abarimu, abayobozi, kugira ngo ibiyobyabwenge bicike**?
   Ingamba zafatwa mu kwirinda ibiyobyabwenge harimo kubanza kumenya impamvu ituma abantu babifata zikabanza zikavanwaho. Hanyuma ababifata, bakagirwa inama, bagashakirwa imirimo ibahuza bigatuma batabona umwanya wo kubifata. Ikindi ni ukwigisha urubyiruko n'abantu b'ingeri zinyuranye bakamenya ububi bw'ibiyobyabwenge n'uko byakwirindwa.

## **Igice cya kabiri:** Gusesengura inkuru ishushanyije

**(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 263)**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gutahura ingingo z'ingenzi zigize inkuru ishushanyije.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusesengura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko no gukora inshamake y'inkuru.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira no gushishikariza abandi kwirinda ibiyobyabwenge.
- Gushishikarira gusoma ibitabo bitandukanye no kwitabira amasomero.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'ubuvanganzo, ibyuma bigaragaza inyandiko cyangwa amashusho.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**
   Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo byibutsa umwandiko baheruka kwiga.

   Urugero rw'ibibazo n'ibisubuzo:

   **Ni nde watwibutsa umutwe w'umwandiko duheruka gusoma?**

   Ihene mbi ntawuyizirikaho iye.

   **Havugwamo iki?**

   Havugwamo umuwana washutswe na bagenzi be bakamujyana kunywa ibiyobyabwenge, bikamumerera nabi kugeza ubwo bamujyanye kwa muganga ari hafi gupfa.

2. **Gusesengura**
   Bamaze gusoma, umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo, akabaha ibibazo bibafasha gutahura mu mwandiko ingingo z'ingenzi ziri mu wandiko no gukora inshamake.

### Urugero

**Iyi nkuru igizwe n'izihe ngingo z'ingenzi? Kora inshamake y'iyi kuru ishushanyije wumvikanisha neza ingingo z'ingenzi yubakiyeho.**

Mu matsinda yabo abanyeshuri bungurana ibitekerezo kuri icyo kibazo, bakagishakira igisubizo, mbere yo kubitangariza mu ruhame. Umwarimu afasha kunoza ibisubizo abanyeshuri batanga bikandikwa ku kibaho cyangwa bakabyerekanisha ibyuma bigaragaza inyandiko n'amashusho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

### Urugero rw'igisubizo

**Ingingo z'ingenzi:**

- Kwihagararaho kwa Sugira yanga kujya aho banywera ibiyobyabwenge.
- Gushukika kwa Sugira akajya kureba aho banywera ibiyobyabwenge.
- Guhohoterwa kwa Sugira agahabwa ibiyobyabwenge ku ngufu.
- Ingaruka z'ibiyobyabwenge kuri Sugira.

- Inama muganga yagiriye abanyeshuri ku bubi bw'ibiyobyabwenge.

**Inshamake**

Inshuti za Sugira zafataga ibiyobyabwenge zashatse kumushora mu biyobyabwenge arazangira. Zikomeza kumwinginga, zimusaba kuziherekeza akirebera aho zibifatira. Sugira yaremeye. Bagezeyo, akomeza kwanga gufata ibiyobyabwenge ariko babimuha ku ngufu. Amaze kubifata, biramuzengereza ananirwa kugenda, agwa hasi aza gutabarizwa na Ayinkamiye na Kamanzi bamusanze ku muhanda bagatumaho ababyeyi be bakamujyana kwa muganga yabaye intere. Ageze kwa muganga yaravuwe arakira nuko muganga aboneraho umwanya wo gusura abanyeshuri ngo abamenyeshe ububi bw'ibwiyobyabwenge.

## **Igice cya gatatu:** Kungurana ibitekerezo

**(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 263)**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Kugaragaza impamvu abantu bakomeza gufata ibiyobyabwenge kandi byangiza ubuzima.

**Ubumenyi ngiro:**

- Kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko yahawe no kugira icyo avuga ku bitekerezo bya bagenzi be.
- Gushyira mu bikorwa ibyo yize ku mwandiko uvuga ku bubi bw'ibiyobyabwenge.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira no gushishikariza abandi kwirinda ibiyobyabwenge.
- Gushishikarira gusoma ibitabo bitandukanye no kwitabira amasomero.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**
   Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa isomo baheruka kwiga.

### Urugero rw'ibibazo yabaza

a) Ni irihe somo duheruka kwiga?
   - Duheruka gusesengura umwandiko "Ihene mbi ntawuyizirikaho iye".

b) Ni iyihe nsanganyamatsiko yavugwagamo?
   - Havugwagamo ingaruka z'ibiyobyabwenge ku buzima.

2. **Kungurana ibitekerezo**
   Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kungurana ibitekerezo ku ngingo ijyanye no gukoresha ibiyobyabwenge kandi abantu bazi ingaruka zabyo. Abanyeshuri batanga ibitekerezo byabo berekana impamvu zaba zibibatera. Umwarimu abasaba kujya batera urutoki bagatanga ibitekerezo, kugeza bageze ku mwanzuro umwe bumvikanyeho.

**Ingingo zunguranwaho ibitekerezo**

(a) Ibiyobyabwenge bimwe nk'itabi n'inzoga zikaze, bikorerwa mu nganda zizwi mu gihugu cyangwa bigatumizwa bizwi neza ko byangiza ubuzima. Kuki abayobozi batabihagarika?

b) Ibiyobyabwenge byangiza ubuzima. None kuki abantu babifata kandi bazi ingaruka zabyo?

Umwarimu yita cyane ku buryo abanyeshuri bahana amagambo, uko batanga ibitekerezo bakurikije inyurabwenge. Ashobora no kubanza kubaha umwanya wo gukusanya ibitekerezo kuri ziriya ngingo kugira ngo babone kuzunguranaho ibitekerezo.

# Igice cya kane: Inshoza n'uturango by'inkuru ishushanyije

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 264 Kugera ku rwa 265)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gutahura inshoza y'inkuru ishushanyije.
- Kurondora uturango tw'inkuru ishushanyije

**Ubumenyi ngiro:**

- Gutandukanya inkuru ishushanyije n'indi myandiko.
- Guhanga inkuru ishushanyije.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira gusoma ibitabo bitandukanye no kwitabira amasomero.
- Kwitabira guhanga inkuru ishushanyije.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'ubuvanganzo, izindi nkuru zishushanyije zishobora kuboneka mu binyamakuru nk'imvaho, no mu bitabo, ikaramu y'igiti, amakaramu y'amabara, impapuro.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**
   Umwarimu arabaza abanyeshuri umutwe w'umwandiko baheruka gusoma.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubuzo**

(a) Ni nde watwibutsa umutwe w'umwandiko deheruka gusoma?

- Umwandiko duheruka gusoma ni "Ihene mbi nta ntawuzirikaho iye."

(b) Havugwamo iki?

- Hagaragaramo umwana washutswe na bagenzi be bakamujyana mu banywi b'ibiyobyabwenge.

Tugiye rero kongera gusoma uwo mwandiko duhuza imvugo n'amashusho kandi tuniga ku buryo bwuzuzanya.

2. **Gusesengura**

Umwarimu arashyira abanyeshuri mu matsinda akurikije umubare w'abakina inkuru ishushanyije. Abanyeshuri bari mu matsinda barongera gusoma inkuru bahuza imvugo n'amashusho kandi bagerageza gutahura ibiranga inkuru ishushanyije aho iyi nkuru ifite amashusho itandukanira n'ikiganiro gisanzwe kidafite amashusho yifashishije ibibazo mbere y'uko babinonosora bikandikwa ku kibaho no mu makayi yabo.

**Urugero**

Iyi nkuru yashoboraga kwandikwa nk'ikiganiro kidafite amashusho, ahubwo buri jambo ry'umwe mu bakinnyi rikagaragazwa n'akanyerezo. Ugereranyije izo nkuru zombi, urabona zakumvikanisha kimwe ubutumwa? Ubona hari icyo amashusho yongera ku itambutswa ry'ubutumwa?

**Igisubizo**

Izo nkuru zombi ntizatambutsa kimwe ubutumwa kuko amashusho atuma dusa n'abareba n'amaso yacu ibiri kuvugwa mu nkuru. Bityo atuma ubwonko bwacu busigarana ibintu byinshi mu butumwa bwatambukijwe.

**Inshoza y'inkuru ishushanyije:** Inkuru ishushanyije ni ingeri y'ubuvanganzo bushushanyije yo mu rwego rw'imyandiko mbarankuru itambutsa ubutumwa hakoreshejwe ibangikanywa ry'imvugo n'amashusho.

**Ibiranga inkuru ishushanyije**

- Inkuru ishushanyije iba igizwe n'amashusho n'amagambo biri ku mpapuro zikurikirana. Buri rupapuro ruba rugizwe n'utuzu dutandukanye, turimo amashusho n'amagambo.
- Amagambo yo mu nkuru ishushanyije ashyirwa na yo mu tuzu dushobora guhabwa amashusho atandukanye: uruziga, mpandenye, urukiramende, … ariko buri gihe tukagira akagobe kagana kuri nyiri ukuyavuga.

- Inkuru ishushanyije ikoresha cyane inyiganamajwi, zigaragaza urusaku rutandukanye rutewe n'abantu cyangwa ibintu.
- Amashusho ashyirwaho ibimenyetso bigaragaza ibyiyumvo by'abakinnyi, n'uburyo binyagambura.

**Dore zimwe mu ngingo zitabwaho mu guhanga inkuru ishushanyije**

- Guhanga inkuru ishushanyije bisaba gutekereza ku kiri bukinwe nk'inkuru, ku bakinnyi, aho bibera, n'igihe bibera, hanyuma ukanabishushanya.
- Amashusho agomba kuba agaragaza ibigenda biba, naho ubundi byagusaba gushyiramo magambo menshi yo kubisobanura bikabangamira umusomyi.
- Ni ngombwa kugenda ukoresha utwandiko duto kandi turimo amagambo akoreshwa mu mvugo kurusha akoreshwa mu nyandiko.
- Guhuza amagambo n'ishusho ya nyiri kuyavuga birakenewe cyane kugira ngo ishusho igaragaze imyitwarire n'imiterere ya nyir'ukuvuga. Itondere imyandikire kuko mu nkuru ishushanyije, amakosa agaragara cyane mu twandiko duto tuyigize: inkuru ishushanyije igira amagambo make kuko ibindi bigaragarira mu mashusho y'abakinnyi.

**Ipfundo ry'inkuru**

Kimwe n'ibindi bihangano mbarankuru, inkuru ishushanyije ishingira ku mimerere itameze neza mu ntangiriro, hanyuma ikagenda yerekana uko byagiye bigana ku ikemuka mu mpera. Ugomba gukora ku buryo umusomyi yifuza kumenya uko byarangiye. Genda uhindura uruhererekane rw'ibikorwa bigize inkuru kuko kubibara umujyo umwe byarambira umusomyi.

**Abakinnyi**

Uko ushushanya abakinnyi bifite byinshi bisobanura mu nkuru: indoro, imiterere y'imisatsi n'uburyo bwo gusokoza, imikaya, imyambarire,…

**Urubuga**

Uko ugaragaza urubuga bisobanura byinshi mu nkuru ishushanyije. Bishobora kugaragaza ko abakinnyi bari mu rugo, mu muhanda, mu ndege, mu buriri, mu ishyamba, …

**Igihe**

Igihe ibivugwa byabereye kigaragazwa n'amabara cyangwa ibimenyetso. Ushobora gushushanya umwijima ukoresheje ibara ry'umukara, umuseso ukoresheje ikimenyetso k'izuba rirasa (ritukura n'imirasire yaryo), …

### Umwitozo

Hanga inkuru ishushanyije ku nsanganyamatsiko wihitiyemo.

Umwarimu aha igihe gihagije abanyeshuri, bagahanga inkuru ishushanyije nk'umukoro, mu gukosora akita ku kureba ko abanyeshuri bahanga inkuru ishushanyije bakurikiza uturango twayo, imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda ndetse n'inyurabwenge kandi inkuru eshanu za mbere zigasomerwa mu ruhame, zikamanikwa mu ishuri aho buri munyeshuri ashobora kuzisoma.

## **Igice cya gatanu:** Iyiganteruro: Ibice by'ingenzi by'interuro

**(Amasomo 13)**

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 266 kugera ku rwa 271)**

---

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Kugaragaza ibice by'interuro no gutandukanya amoko ya ruhamwa n'ay'ibyuzuzo.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusesengura interuro yoroheje agaragaza ibice by'ingenzi biyigize.

**Ubukesha:**

- Kujora imyubakire itaboneye y'interuro yoroheje.
- Gukoresha ururimi rw'Ikinyarwanda ataruvangamo izindi ndimi.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo k'ikibonezamvugo, igitabo k'iyigandimi, imbuga za interineti zivuga ibyerekeye indimi.

## Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**

   Umwarimu yandika interuro ku kibaho agasaba abanyeshuri kuzitegereza bari mu matsinda nyuma akabasaba gutahuramo ukora igikorwa cyangwa ucirirwa imico cyangwa imiterere ivugwa mu nteruro akabasaba kugaragaza ipfundo ry'ubutumwa buvugwa mu nteruro. Umwarimu abaza kandi abanyeshuri aho byababagoye gutahura ruhamwa na ruhamya muri izi nteruro maze bagaheraho batahura amoko ya ruhamwa:

   **Ingero z'interuro:**

   - Umwana ni umutware.
   - Impamba y'umwana ihembura nyina.
   - Abana babi bashuka bagenzi babo.
   - Umutwe umwe ntiwigira inama.
   - Inka nyinshi z'umusengo zirarisha ku musozi muremure uhanamye.

2. **Isesengura**

   **Inshoza ya ruhamwa na ruhamya**

   (a) Ruhamwa ni ijambo ricirwa igikorwa. Rishobora kuba ari rimwe, cyangwa rifite andi ariherekeje. Muri icyo gihe ryitwa itsinda rya ruhamwa.

   b) Ruhamya ni inshinga (itondaguye) ubutumwa bw'interuro bushingiyeho hamwe n'ibyuzuzo byayo.

## Amoko ya ruhamwa

**Habaho amoko atatu ya Ruhamwa**

Hari ruhamwa ihita igaragara mu nteruro, inoroshye kuyitahura. Iyo ruhwamwa bayita "**Ruhamwa mboneranteruro**" kuko iba yigaragaza. Ni yo iba igenga interuro ikanashingirwaho isanisha ryose.

**Ingero**

- Abana beza bubaha ababyeyi babo.
- Icyayi k'imusozi kiraryoha.

Hari ruhamwa iza inyuma y'inshinga, kandi ntigenge isanisha. Iyo ruhamwa yitwa "**Ruhamwa nyurabwenge**" kuko kuyitahura bisaba gutekereza byimbitse ukareba ukora igikorwa uwo ari we, ndetse ukagomba gusa n'uyicurukura. Urugero: Imboga zibona abana. Wakwibaza uti: "Ese imboga zirareba?" Ahubwo bashatse kuvuga ngo "abana ni bo babona imboga", cyangwa "imboga zibonwa n'abana".

Ruhamwa nyurabwenge ni ijambo ricirwa igikorwa cyangwa imimerere ariko ritagenga isanisha.

**Ingero**

- **Imboga zibona abana**: Abana ni bo babona imboga.
- **Iyi fu yaseye umuhanga:** Umuhanga ni we waseye ifu.

Hari kandi ruhamwa y'inshinga yatondaguwe muri ngenga ya gatatu, inteko ya cumi na gatandatu cyangwa igashingira ku gicumbi-ri. Yitwa "**ruhamwa mburabuzi**".

**Ingero**

- **Iyo ari zo zije zitaha zabira**. **Ntibavuga**: Iyo ziri zo zije zitaha zabira.
- **Nabonye ari inka atari imbogo**. **Ntibavuga:** Nabonye ziri inka zitari imbogo.

Indi ruhamwa mburabuzi ishingiye ku nyibutsanteko ikoreshwa mu nshinga z'inshoberamahanga mu nteko ya 12.

**Ingero**

**Karahanyuze, karabaye**. Ni agaki? Ni akantu.

Iyo ruhamwa igenga isanisha ariko itagaragara.

**Ingero**

- Habayeho umugabo.
- Habana abakize.
- Hazatura umuhanga.
- Haraza abantu benshi.
- Haba uhazi.

## Icyuzuzo

Umwarimu yandika interuro ku kibaho agasaba abanyeshuri kuzitegereza bari mu matsinda nyuma akabasaba gutahuramo imimaro y'amagambo yanditse atsindagiye. Bahereye ku buryo ibyuzuzo bitandukanye biherekeza inshinga, abanyeshuri baratahura amoko y'ibyuzuzo. Umwarimu arabayobora abaha ibisobanuro bya ngombwa ku buryo bwo gutahura icyuzuzo mu nteruro.

Abanyeshuri bahuriza ku kibaho ibyo bakoreye mu matsinda, umwarimu akabafasha kubinonosora.

## Ingero z'interuro

1. Bugingo akunda **umugati**.
2. Hitamo **ikiza** ureke **ikibi**.
3. Yahaye **umwana amata**.
4. Umubyeyi ahaye **umwana umugati**
5. Akubise impyisi **inkoni**
6. Yashinze **umukozi we umurimo** wo kubaka **urugo**.
7. Bakorera **mu ibanga** rikomeye.
8. Ni **ubwa gatatu** yiyamamaza ntatorwe.

**Umwanzuro**: Aya magambo atsindagiye ni ibyuzuzo by'inshinga kuko aza yuzuza ubutumwa bukubiye mu nshinga.

## Inshoza y'icyuzuzo

Icyuzuzo ni ijambo cyangwa itsinda ry'amagambo aherekeza inshinga akuzuza igitekerezo cyayo. Habaho icyuzuzo mbonera, icyuzuzo nziguro, icyuzuzo k'ingereka.

### Icyuzuzo mbonera

Icyuzuzo mbonera ni icyuzuzo gikurikira inshinga kitagombye kunyura ku rindi jambo.

**Ingero**

- Bugingo akunda umugati.
- Ndashaka ikiza
- Yahaye umwana amata

**Icyuzuzo mbonera kibamo ibice bibiri:** Hari ikibonezwaho igikorwa: kitwa ntega; haba n'ikifashishwa kugira ngo igikorwa kigerweho: kitwa ntegesha.

a) Icyuzuzo ntega

Icyuzuzo mbonera ntega gisubiza ibibazo:

**nde?:** Ukunda nde?

**Iki?:** Mwariye iki?

**Ngahe?:** Utunze inka zingahe?

**Gukora iki?:** Agiye gukora iki?

b) Icyuzuzo ntegesha

Akenshi kijyana n'icyuzuzo ntega, ni rimwe na rimwe gishobora kugenda cyonyine. Icyuzuzo ntegesha kivuga:

- icyo igikorwa kigenerwa: Umubyeyi ahaye umwana umugati
- icyo bifashisha: Akubise impyisi inkoni
- icyo icyuzuzo ntega giteganyirijwe: Gushinga umurimo umuntu
- icyo batanga kugira ngo icyuzuzo ntega kiboneke: Gukwa umukobwa amafaranga
- icyo icyuzuzo ntega kibereye umutungo:Guha umuntu inka.
- icyo icyuzuzo ntega kiriho: Hanagura umwana amarira ku matama.

## Ikitonderwa

Mu isesenguranteruro ntituzatandukanya icyuzuzo ntega na ntegesha, byombi tuzabyita icyuzuzo mbonera tubitandukanya n'icyuzuzo nziguro.

2. **Icyuzuzo nziguro**

Gisobanura ingiro kivuga uko igikorwa cyangwa imimerere biba, aho bibera, igihe bibera, inshuro biba n'ibindi.

Habaho icyuzuzo nziguro cy'uburyo, icy'ahantu, ik'inshuro, icyunga n'ikigereranya.

(a) **Icyuzuzo nziguro cy'uburyo**

### Ingero

- Kugenda amaterekamfizi.
- Gukora mu ibanga.

- Gusenga Imana udatuza.
- Kwiruka amasigamana.
- Ryama wubamye.

(b) **Icyuzuzo nziguro cy'ahantu**

**Ingero**

- Batuye i Rusizi
- Abakirisitu basengera mu Kiriziya no hanze.
- Muba ahantu heza.

(c) **Icyuzuzo nziguro k'igihe**

**Ingero**

- Ejo twari i Nairobi
- Ndaza nimugoroba

(d) **Icyuzuzo nziguro k'inshuro**

**Ingero**

- Turya inshuro eshatu ku munsi
- Twaganiriye kenshi
- Ni ubwa gatatu yiyamamaza ntatorwe.

(e) **Icyuzuzo nziguro cyunga**

**Ingero**

- Utahe na ntashya.
- Guca ukubiri no gucumura.
- Ukarabe no ku birenge.

(f) **Icyuzuzo nziguro kigereranya kijyana buri gihe n'icyungo nka.**

**Ingero**

- Yitwara nk'umusinzi.
- Kora nk'uko wabyize.
- Agaragara nk'umunyabwenge.
- Yahengereye nko mu museso arigendera.

3. **Ibyuzuzo by'ingereka**
   Ni ibyuzuzo bizanwa n'uko ingereka yiyongereye ku nshinga cyangwa se ibyuzuzo bituma inshinga igira ingereka.

**Ingero**

- Ingoma zivugira umwami.
- Ahingisha majagu.
- Guhungana ihubi.
- Agasaza kamwera akandi kuzakamwa.
- Yigana terefone ku ishuri.

**Ikitonderwa:** Hari ingereka zimwe na zimwe zizana icyuzuzo kibanjirijwe n'icyungo.

**Ingero**

- Uyu murima uhingwa na Karisa.
- Mugabo yigana na Gatabazi.

**Izindi ngereka ntizitwereza ibyungo.**

**Ingero**

- Nyirarukundo yandikiye Rukundo.
- Kuvomesha urutete.
- Ikinyarwanda kigika neza.
- Kanaburenge agendesha amaboko.
- Inka zatashye kare.

## Ibibazo n'ibisubizo by'imyitozo

**Vuga ubwoko bw'icyuzuzo cyakoreshejwe**

1. Nakoze **uko wabimbwiye**
   Uz. Nziguro cy'uburyo

2. Nakoze **ibyo wambwiye**.
   Uz.mbonera

3. Nabigenje **nka kwa kundi**.
   Uz. kigereranya

4. Babwiye igikeri bati: "Uratahe na **Ntashya**".
   Uz.cyunga

5. Kugenda cyane bitera **kubona**.
   Kubona: Uz.mbonera

6. Imvura yaraguye **kenshi cyane muri uku kwezi**.
   Uz. nziguro cy'uburyo

7. Akaryana mu **nkanda karyana** no mu ihururu.
   Mu nkanda: Uz. nziguro cy'ahantu.
   No mu ihururu: Uz. nziguro cyunga.

8. Twashobora gukora isabune **muri avoka**.
   Muri avoka: Uz. mbonera ntegesha

9. Babukaranze ndi **munsi y'urujyo**.
   Munsi y'urujyo: Uz. nziguro cy'ahantu

10. **Mu itumba** hagwa imvura nyinshi.
    Mu itumba: Uz. nziguro k'igihe.

### Inshamake

Interuro yoroheje iba igizwe n'ibice bibiri by'ingenzi: ruhamwa na ruhamya. Ruhamwa ni ijambo ricirwa igikorwa. Rishobora kuba ari rimwe, cyangwa rifite andi ariherekeje. Muri icyo gihe ryitwa itsinda rya ruhamwa.

Ruhamya ni inshinga (itondaguye) ubutumwa bw'interuro bushingiyeho hamwe n'ibyuzuzo byayo.

Habaho amoko atatu ya ruhamwa: ruhamwa mboneranteruro igenga isanisha mu nteruro kandi yigaragaza, ruhamwa nyurabwenge itagenga isanisha na ruhamwa mburabuzi ikoresha ngenga ya gatatu.

Ku byerekeye ibyuzuzo by'inshinga birimo amoko abiri y'ingenzi: icyuzuzo mbonera(ntega na ntegesha) n'icyuzuzo nziguro.

# Imyitozo y'isuzuma rusange risoza umutwe wa kenda

## (Amasomo 4)

**(Reba ku rupapuro rwa 271 kugeza ku rwa 274)**

**Ibigenderwaho mu isuzuma**

Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko uvuga ku bubi bw'ibiyobyabwenge.

Ubushobozi bwo guhanga inkuru ishushanije.

Ubushobozi bwo kugaragaza ibice by'interuro yoroheje.

**Umutwe w'umwandiko: Ingaruka z'ibiyobyabwenge mu rubyiruko**

**Uhereye ku bivugwa mu mwandiko, gerageza gusobanura aya magambo hanyuma ugende uyakoresha mu nteruro ziboneye.**

1. Ubuzima bwo mu mutwe: Imitekerereze.
   - Ibiyobyabwenge byangiza ubuzima bwo mu mutwe.

2. Byabasaritse/ gusarika: Byabibasiye.
   - Ibiyobyabwenge bisarika cyane urubyiruko.

3. Imyitwarire idahwitse: Imyitwarire mibi.
   - Urubyiruko iyo rwishoye mu biyobyabwenge, rugira imyitwarire idahwitse, rukananirwa kwiteza imbere no guteza imbere igihugu cyabo.

4. Guha umuntu akato: Kumwitaza ntihagire umwegera.
   - Si byiza guha akato abantu babana n'agakoko gatera sida, kuko sida ntiyandurira mu kwegerana n'uwayanduye cyangwa uyirwaye.

5. Ihene mbi ntawuyizirikaho iye: Si byiza kuba inshuti n'umuntu witwara nabi kuko wamwandurirarho ingeso ze mbi.
   - Bana muge mwirinda kwegerana n'abanywi b'ibiyobyabwenge kuko ihene mbi ntawuyizikaho iye.

6. Gusabayangwa: Kuzengerezwa ukora hirya no hino wenda kwitura hasi.

**Koresha aya magambo mu nteruro ziboneye**

a) Guha umuntu akato

- Si byiza guha akato abantu babana n'agakoko gatera sida, kuko sida ntiyandurira mu kwegerana n'uwayanduye cyangwa uyirwaye.

b) Imyitwarire idahwitse.

- Urubyiruko iyo rwishoye mu biyobyabwenge, rugira imyitwarire idahwitse, rukananirwa kwiteza imbere no guteza imbere igihugu cyabo.

**Subiza ibi bibazo mu magambo yawe bwite, uhereye ku bivugwa mu mwandiko.**

1. Ni izihe ngaruka ibiyobyabwenge bitera

   a) Ku muntu ubinywa?
   - Bimwangiza mu bwonko.
   - Biramukenesha.
   - Bimubuza gukora no guharanira ubuzima bwiza.
   - Amaherezo biramuhitana.

   b) Ku muryango we?
   - Ni igisebo mu muryango.
   - Bikenesha umuryango bikawusenya kuko hahoramo amahane n'intonganya.
   - Nta terambere ugeraho.

   c) Ku gihugu muri rusange?
   - Biteza umutekano muke.
   - Bibangamira iterambere.
   - Imbaraga zagakoreye igihugu zirahatakarira.
   - Byongera ubwomanzi, uburaya n'inzererezi mu gihugu.
   - Bimunga ubukungu bw'igihugu.

2. Ibiyobyabwenge bigira ingaruka mbi ku muntu ubinywa. Kuki abantu bakomeza kubinywa kandi bazi ko byangiza ubuzima?
   - Impamvu abantu bakomeza kubinywa ni uko uwabinyweye bimuhindura umugaragu wabyo agahora abitekereza. Indi mpamvu ituma abantu babinywa ni ubukene ndetse n'uburere bubi abana baba barahawe.

3. Ni gute ibiyobyabwenge bifitanye isano ya hafi no kwitwara nabi k'urubyiruko?
   - Ibiyobyabwenge bifitanye isano no kwitwara nabi k'urubyiruko kuko bituma umuntu adatekereza neza, ntashobore kwiga, imitekerereze ye igahinduka.

4. Umaze kumenya ububi by'ibiyobyabwenge, ni uwuhe mwanzuro wumva wafata kugira ngo utazagwa mu mutego w'ababinywa? Ni iyihe nama wagira abandi bana batarabinywa?
   - Umwanzuro nafata ni uko ngomba kubyirinda, nirinda kwegera aho binywerwa n'ababinywa, kandi nkamenyesha inzego zishinzwe kubirwanya mu gihe mbonye aho binywerwa.
   - Inama nagira abatarabinywa ni uko bagomba kubyirinda kuko ari bibi.

5. Niba hari uwo uzi ubinywa wamugira iyihe nama?
   - Ubinywa namugira inama yo kubireka kugira ngo atica ubuzima bwe.

6. Ubona ibiyobyabwenge byacika gute mu rubyiruko?
   - Kugira ngo ibiyobyabwenge bicike mu rubyiruko, mbona inzego z'ubuyobozi zafata ingamba zikomeye zo kubirwanya, ababicuruza bakabihanirwa kandi ubishoyemo umwana agahanwa bikomeye.

**Kora interuro ebyiri ziboneye zigaragaramo ruhamwa, inshinga n'icyuzuzo.**

- Umunywi w'ibiyobyabwenge ntagira imitekerereze myiza.
- Ibiti n'ibimera biduha umwuka mwiza.

**Garagaza icyuzuzo muri izi nteruro uvuge n'ubwoko bwacyo.**

a) Twakoze ikizamini k'Ikinyarwanda.
   - Ikizamini k'ikinyarwanda: ni icyuzuzo mbonera.

b) Mpera umwana icyo ashaka.
   - Umwana: icyuzuzo mbonera.
   - Icyo ashaka: icyuzuzo mbonera ntega.

c) Musenge Imana ubudatuza.
   - Imana: icyuzuzo mbonera.
   - Ubudatuza: icyuzuzo nziguro cy'uburyo.

d) Mukundane nk'uko nange nabakunze.
   - Nk'uko nange nabakunze: icyuzuzo nziguro kigereranya.

**Sesengura izi nteruro ugaragaza ruhamwa, inshinga n'icyuzuzo.**

a) Imvura nyinshi yangije imyaka yacu.
   - Ruhamwa: imvura nyinshi
   - Ipfundo: yangije
   - Icyuzuzo: imyaka yacu.

b) Kugenda cyane bitera kubona.
   - Ruhamwa: kugenda cyane
   - Ipfundo: bitera
   - Icyuzuzo: kubona

c) Umunywi w'ibiyobyabwenge abera umuzigo umuryango we n'igihugu.
   - Ruhamwa: umunywi w'ibiyobyabwenge.
   - Ipfundo: abera
   - Icyuzuzo mbonera ntegesha: umuzigo
   - Icyuzuzo mbonera ntega: umuryango we n'igihugu.

d) Ikoranabuhanga rishobora gukemura ibibazo by'amakimbirane.
   - Ruhamwa: ikoranabuhanga
   - Ipfundo: rishobora
   - Icyuzuzo: gukemura ibibazo by'amakimbirane.

**Guhanga bandika.**

Hanga inkuru ishushanyije ku nsanganyamatsiko wihitiyemo:

Mu gukosora, umwarimu areba ko abanyeshuri bubahirije ibiranga inkuru ishushanyije: amagambo ajyana n'amashusho, udusandukungobe tw'amagambo, n'ibimenyetso biranga igihe nk'izuba, umwijima, ...

Impano yo gushushanya na yo igomba gukuririzwa bareba abanyeshuri bakoresheje ubugeni mu gushushanya no gukora inkuru ifite icyo yigisha.

# Umutwe wa cumi

# Uburezi n'uburere

## (Amasomo 28)

| Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe |
|---|
| 1. Gusesengura umwandiko uvuga ku itorero mu muco nyarwanda n'akamaro karyo. |
| 2. Kugaragaza imimaro y'amagambo mu nteruro yoroheje. |

## Itorero mu muco nyarwanda n'akamaro karyo mu burere bw'urubyiruko: uko ingimbi yarererwaga mu itorero

## (Amasomo 6)

### Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 275 kugera ku rwa 281)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko.
- Kugaragaza uruhare rw'itorero mu muco nyarwanda rugaragara mu mwandiko.
- Gusobanura uko umwandiko ugaragaza akamaro k'itorero mu burezi n'uburere.

**Ubumenyi ngiro:**

- Gusoma neza umwandiko yumvikanisha ibyo asoma kandi agaragaza isesekaza.
- Gukoresha mu nteruro amagambo yungutse no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

**Ubukesha:**

- Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.
- Gushishikarira no gushishikariza abandi kwitabira uburere bw'abana n'uburezi kuri bose.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo.

## Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**

Umwarimu abaza abanyeshuri kumubwira uko uburere bwari buteye mu Rwanda rwo hambere abakoroni batari baza, akababaza ibibazo bibafasha kuvumbura ibikubiye mu mwandiko.

### Ingero z'ibibazo

(a) Mutekereza ko mbere y'umwaduko w'abazungu uburere bw'abana bwatangirwaga he?

Mu muryango, mu rungano, mu matorero...

(b) Ni iki kifashishwaga cyane muri ubwo burere?

Ubuvanganzo.

(c) Ese mubona ibi byaragiriye akahe kamaro Abanyarwanda?

Byafashije gutsimbataza umuco karande w"Anyarwanda.

2. **Gusoma**

2.1 **Gusoma bucece**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko "Uko ingimbi yarererwaga mu itorero" hanyuma barangiza akababaza ibibazo byo kureba ko basomye.

**Urugero**

**Ni nde wajyanaga abana mu itorero?**

Umwana yajyanwaga na se.

**Intore zari zifite iyihe mirimo y'ingenzi?**

Gutarama ibutware, kujya mu itorero igihe cyose ryabaye, kujya mu yindi mikino bitorezagamo imyiyereko y'amoko menshi; kumenya guhiga no kuvuga ibigwi mu gitaramo.

2.2 **Gusoma baranguruye**

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko umwumwe, igika ku gika, baranguruye ijwi kugeza umwandiko urangiye. Umwarimu akurikirana uko basoma akosora aho bajijinganyije, aho basomye barya amagambo cyangwa batubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

3. **Gusobanura umwandiko**

3.1 **Inyunguramagambo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora amatsinda, akabasaba gushaka amagambo badasobanukiwe no kuyasobanura bakoresheje inkoranya, barangiza umwarimu agahitamo itsinda ritangaza ibyo ryagezeho, andi matsinda akagenda aryunganira ku bufatanye na mwarimu, ibisobanuro by'amagambo bikanonosorwa mbere y'uko babyandika mu makayi yabo.

## Urugero rw'amwe mu magambo abanyeshuri bashobora badasobanukiwe n'ibisobanuro byayo

| | |
|---|---|
| **Intore** | Abasore babarizwaga mu mutwe w'ingabo runaka. Muri uwo mutwe (itorero) ni ho batozwaga gukunda igihugu, umuco n'indangagaciro nyarwanda. Intore yabaga ari umuntu w'injijuke, ushobora kurwanirira Igihugu kandi akaba azi gukesha igitaramo. |
| **Kwiyereka icumu** | Gukora akarasisi bitwaje icumu. Ni akarasisi nk'ako ingabo z'Igihugu zikora muri iki gihe ariko bitwaje icumu. |
| **Kwinikiza** | Gutangira, gutangira gukora umurimo kandi ukawukora wizihiwe, utiganda. ubundi bikoreshwa ku nka bavuga gutangira gukama. |
| **Ingishywa** | Inka zagishwe. Iyo ubwatsi bwababaga bugabanutse, inka bazimuriraga ahandi hari ubwatsi. Ibi ni byo bitaga kugisha. Ingishywa rero zikaba izo zagishijwe. |
| **Abakogoto** | Abarashi b'ibihangange. Abarwanyi bazi kurasa bakoresheje imyambi. |
| **Guca ibico** | Gutega umwanzi kugira ngo umutungure we atabizi. |
| **Kugimbuka** | Ni ukuva mu bugimbi, mu bwana. |
| **Kudakura ibirenge** | Kudasubira inyuma, gushikama ugakora icyo usabwa gukora. |
| **Gufata igihe** | Kujya kwa sobuja uguhatse ukajya kumukorera imirimo ijyanye n'amasezerano mwagiranye. uwabaga agiye gufata igihe yabaga asa n'aho avuye mu biruhuko. |
| **Intanage** | Imyambi. |
| **Kudahana Igihugu** | Kudatererana Igihugu. |

## Umwitozo w'inyunguramagambo

1. **Koresha mu nteruro amagambo akurikira**: Kwinikiza, kudahana igihugu, ingishywa, guca ibico.
    - Nasanze binikije bakama inka.
    - Iyo hari ntambara mu gihugu abaturage bacyo ntibagomba kugihana.
    - Izi nka ni ingishywa zavuye ikantarange zije gushaka ubwatsi ino.
    - Abanzi twabaciye igico turabahashya.

2. Interuro zikurikira ni ibisobanuro by'amagambo ari mu kinyatuzu. Tahura ayo magambo mu kinyatuzu ukoresheje amerekezo yacyo yose: uva iburyo ujya ibumoso, uva ibumoso ujya iburyo, uva hasi ugana hejuru, uva hejuru ugana hasi, ndetse unabereretse. Andika buri jambo imbere y'igisobanuro cyaryo. Koresha ikaramu y'irindi bara kugira ngo werekane aho ukuye ijambo mu kinyatuzu.

**Urugero: Igihugu cy'amahanga: Ishyanga**

- Tangira ukore kandi ukore wizihiwe. (inikiza)
- Inka zimuwe zikajyanwa ahari ubwatsi. (ingishywa)
- Umuntu ujijutse ushobora kurwanira igihugu kandi azi no gutarama. (intore)
- Abarwanyi bazi kurasa bakoresheje imyambi. (abakogoto)
- Babyina biterera hejuru. (bahamiriza)
- Kuva mu bwana utangiye guca akenge. (kugimbuka)
- Ahantu habiri ubutore bwagaragariraga.(itorero, mu gitarama)
- Igihe bwenda gucya. (mu rukerena)
- Gukinisha amacumu. (guhashurama)
- Ikinyobwa bahaga intore. (inzoga)

| | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| G | M | U | R | U | K | E | R | E | R | A | O |
| K | U | G | I | M | B | U | K | A | I | L | A |
| M | G | H | Y | W | U | K | I | Z | N | C | B |
| U | I | B | A | H | A | M | I | R | I | Z | A |
| I | T | N | C | S | S | H | K | M | K | E | K |
| T | A | L | G | K | H | N | S | Z | I | I | O |
| O | R | J | A | I | S | U | W | O | Z | L | G |
| R | A | N | G | N | S | J | R | E | A | J | O |
| E | M | O | O | T | T | H | T | A | K | L | T |
| R | O | G | Z | O | K | C | Y | L | N | D | O |
| O | V | B | N | R | O | L | P | W | U | A | T |
| K | Z | K | I | E | E | W | J | V | A | Y | Z |
| I | S | H | Y | A | N | G | A | K | I | D | S |

3. **Ibibazo byo kumva umwandiko**
   Umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo, bagasubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Nyuma y'igihe cyagenwe, umwarimu ahuriza abanyeshuri hamwe, agatoranya itsinda ritangaza ibisubizo byaryo andi matsinda akaryunganira, ibisubizo bikanonosorwa ku bufatanye n'umwarimu mbere y'uko babyandika mu makayi yabo.

## Ibibazo n'ibisubizo

1. **Intore zatorwaga na nde kugira ngo zitabire itorero**?
   Uwatoraga intore yabaga ari umutware w'ibwami ufite abagaragu benshi n'inka nyinshi. Yagombaga kandi kuba na we yarabaye intore mu wundi mutwe azi iby'ubutore byose.

2. **Umutware w'itorero yabaga ateye ate**?
   Umutware w'itorero yagombaga kuba ari kabuhariwe mu by'ubutore. Yagombaga kuba na we yarabaye intore mu wundi mutwe, akaba azi kuririmba, kwivuga, guhamiriza no guhiga, kwiyereka icumu, kwiyereka umuheto, kwiyereka ingabo. Umutware w'itorero yagombaga kuba azi kandi kwinikiza, gutaraka no kwiyereka byahebuje, azi guhashurana, kumasha no gutebanwa barasa cyangwa biruka.

3. **Itorero ryakoreraga ahantu hameze hate? Kubera iki**?
   Intore zitorezaga ahantu hategamye, hitaruye ingo n'inzira y'abantu cyangwa y'inka. Impamvu ni uko imyitozo yabo yasabaga kugira ibanga kandi imyitozo yabo igomba kuzamurikwa igihe kigenwe.

4. **Mu itorero intore zakoraga iki**?
   Mu itorero intore zigaga guhamiriza, kurasa intego no kurasa kure, kumasha uruti, kuzibukira, gutera icumu, kurwanisha ikitwa intwaro cyose, guca ibico n'ibindi byose byigishaga kuba ingenzi. Bahigiraga kandi gutarama, guhiga, gucyocyorana ndetse n'ibindi byose bijyanye n'ubupfura.

5. **Ni ayahe mategeko y'ingenzi yagengaga intore**?
   Amategeko yagengaga intore ni aya: kumvira muri byose, kubyuka kare, kutabura mu itorero na rimwe keretse urwaye, kutabura mu gitaramo no mu yindi mirimo y'intore.

6. **Ni iki abatoza b'intore bitwararikaga mu burere bw'intore**?
   Abataoza b'intore bitwararikaga cyane gutoza intore ikinyabupfura n'isuku.

7. **Umwana wananiranye mu ntore yahanishwaga iki**?
   Imico myiza cyangwa se mibi y'intore runaka yamenyekaniraga mu bitaramo. Abasinzi, abarwanyi n'abandi bafite izindi ngeso mbi, bacibwaga ibihano bikomeye, kugeza no ku nka. Iyo umwana uri mu itorero yageraga aho kunanirana, se yamusimbuzaga undi. Atamugira, akamuca mu bavandimwe be cyangwa inshuti kuko byari inenge kugira umwana akananirana mu itorero.

8. **Umuhango wo kwiyereka wakorwaga ryari? Witabirwaga na bande? Wakorwaga gute**?
   Umuhango wo kwiyereka kw'intore wakorwaga nyuma y'uko umutoza w'intore yabaga amaze kwizera ko yatoje intore ashinzwe bihagije. Ni umuhango watumirwagamo abatware b'intore bazwiho ubuhanga bwo kumenya gukesha igitaramo kugira ngo bagire icyo bagaya bagikosore kandi bongeremo ikibuze.

   Mu muhango wo kwiyereka, intore zerekanaga imihamirizo, hagakurikiraho gutaramira umutware. Bateraniraga mu nzu imwe, bagahabwa inzoga y'imihigo igaterekwa imbere y'umutware n'abakuru batumiwe. Hagakurikiraho indirimbo irimo

ikivugo cya buri ntore, ikivuga ibigwi isezerana kuba intwari. Imihigo yararangiraga, abakuru batumiwe bakagorora intore. Aho bagaye, ari mu mihamirizo, ari mu gitaramo, bakahagorora. Aho bashimye bakahavuga. Ndetse habagaho n'ubwo umutware agororera bamwe mu b'ingenzi mu guhamiriza no mu gutarama

9. **Urasanga itorero ryari rifite ruhare ki mu muco nyarwanda ku bijyanye n'uburere bw'urubyiruko uhereye ku bivugwa mu mwandiko**?
Itorero ryari rifite akamaro kanini cyane kuko ryaberagaho kurera urubyiruko ngo ruzavemo abantu b'abagabo, b'imfura, bakunda igihugu kandi biteguye kukirwanirira no kukitangira. Itorero ryatumaga urubyiruko rusabana kandi rugatozwa n'ubuvanganzo mu rwego rwo gusigasira umuco nyarwanda.

## **Igice cya kabiri:** Gusesengura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 281)**

### Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura bimwe mu bigize umuco nyarwanda bigaragara mu mwandiko..
- Gutahura ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko.

**Ubumenyi ngiro:**

**Kwitabira ibikorwa by'itorero.**

- Gushyira mu bikorwa ibyo yize ku mwandiko uvuga ku itorero.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira no gushishikariza abandi kwitabira uburere bw'abana n'uburezi kuri bose.
- Gushishikarira gusoma ibitabo bitandukanye no kwitabira amasomero

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, urubuga rwa interineti rw'Itorero ry'Igihugu, ibyuma bigaragaza inyandiko cyangwa amashusho.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**
   Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma baranguruye umwumwe igika ku kindi umwandiko "**Uko ingimbi yarererwaga mu itorero**" kugira ngo bawiyibutse.

2. **Gusesengura**
   Bamaze gusoma, umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo, akabaha ibibazo bibafasha gutahura mu mwandiko ingingo z'umuco, ingingo z'ingenzi ziri mu wandiko no kugereranya itorero mu muco nyarwanda no muri iki gihe.

### Ingero z'ibibazo

- Tanga insanganyamatsiko nyamukuru ivugwa mu mwandiko ndetse ugaragaze n'ingingo z'ingenzi zibanzweho.
- Tanga nibura ingingo ndangamuco eshanu zigaragara mu mwandiko.
- Gereranya itorero mu muco nyarwanda n'itorero muri iki gihe.

Mu matsinda yabo abanyeshuri bungurana ibitekerezo kuri ibyo bibazo, bakabishakira ibisubizo, mbere yo kubitangariza mu ruhame. Umwarimu anoza ibisubizo abanyeshuri batanga bikandikwa ku kibaho cyangwa bakabyerekanisha ibyuma bigaragaza inyandiko n' amashusho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

### Ingero z'ibisubizo bishoboka

**Insanganyamatsiko nyamukuru:** Uburere bw'urubyiruko mu itorero.

**Ingingo z'ingenzi:**

- Uko intore zatoranywaga n'ibyo utoza intore yagombaga kuba yujuje.
- Aho intore zitorezaga n'icyo zahakoreraga.
- Amategeko agenga intore, imirimo y'ingenzi zari zishinzwe n'ibihano byahabwaga uwigometse.
- Kwiyereka kw'intore.

**Zimwe mu ngingo z'umuco ziri mu mwandiko:**

- **Gufata igihe**: Mu Kinyarwanda gufata igihe byari umuco. Ni ukuvuga kujya kwa sobuja gukora imirimo hakurikijwe amasezerano mwagiranye. Ni nko kuvuga ko umugaragu yabaga avuye mu biruhuko asubiye ku kazi.
- **Ingishywa**: Kugisha kera byari umuco. Ni ukuvuga igihe ahantu runaka baraganiraga inka ubwatsi bwababaga bumaze gushira. Barazimuraga bakazijyana ahandi hari ubwatsi. Ibi ni byo bitaga kugisha naho inka bajyanyeyo zikitwa ingishywa.
- **Itorero**: Byari umuco mu Rwanda ko ingimbi zirererwa mu itorero aho bigiraga guhamiriza, kumasha, ikinyabupfura mbese gukunda igihugu no kukitangira. Itorero ryabaga ribangikanye n'umutwe w'ingabo. Nk'uko bigaragara, abahungu ni bo bajyaga mu itorero bonyine.
- **Kuvuga amacumu**: Igihe ingabo zabaga zivuye ku rugamba hakorwaga umuhango wo guhisa maze ingabo zikavuga uko byagenze ku rugamba ndetse hagakorwa n'umuhango wo gutanga imidende ku ntwari zishe ababisha benshi cyangwa zimanye bagenzi bazo. Hata- ngwaga kandi impotore ku warangije kubona umudende, nyuma yakomeza kugaragaza ubutwari "agacana uruti"
- **Gukesha igitaramo**: Byari umuco mu Rwanda gutarama ibwami cyangwa gutaramira umutware. Habaga ari nijoro bakitse indi mirimo maze bakicara basangira inzoga ariko banivuga imihigo, babyina n'ibindi kugeza mu museso. Wari umwanya wo gusabana ariko na none batoza urubyiruko kuganira, gucyocyorana, kugira ubutwari mbese kutaba igifura.

| Itorero mu muco nyarwanda | Itorero muri iki gihe |
|---|---|
| Kera itorero ryari ishuri Abanyarwanda bigishirizwagamo Ikinyarwanda kiza, gukunda igihugu, imibanire myiza, siporo, imbyino, indirimbo no kurwanirira igihugu igihe gitewe.<br>Abarerewe mu itorero ni bo ba vagamo abayobozi b'ingabo ndetse n'abatware. | Itorero ryashyizweho mu rwego rwo guhangana n'ingaruka za jenoside hagamijwe kugarura ubumwe bw'Abanyarwanda no kwishakamo ibisubizo by'umwimerere ku bibazo byugarije Igihugu.<br>Abitabiraga Itorero bashishikarizwa kujya impaka no kurushaho kumenya indangagaciro z'umuco nyarwanda |

# **Igice cya gatatu:** Kungurana ibitekerezo

**(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 281)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Kugaragaza akamaro itorero ryagira mu burere bw'urubyiruko muri iki gihe. Abaryitabira abo ari bo n'ibyo baba bujuje.

**Ubumenyi ngiro:**

- Kungurana ibitekerezo ku kamaro k'itorero muri iki gihe agira icyo avuga ku bitekerezo bya bagenzi be.
- Gushyira mu bikorwa ibyo yize ku mwandiko uvuga ku itorero.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira no gushishikariza abandi kwitabira uburere bw'abana n'uburezi kuri bose.
- Gushishikarira gusoma ibitabo bitandukanye no kwitabira amasomero.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, ibitabo by'amateka n'iby'ubuvanganzo.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**
   Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa isomo baheruka kwiga.

### Urugero rw'ibibazo yabaza

- Ni irihe somo duheruka kwiga?

Duheruka gusesengura umwandiko "Uko ingimbi yarererwaga mu itorero."

- Ni iyihe nsanganyamatsiko yavugwagamo?

Akamaro k'itorero mu burere bw'urubyiruko rwo hambere.

2. **Kungurana ibitekerezo**
   Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kungurana ibitekerezo ku ngingo ijyanye n'akamaro itorero ryagira mu iki gihe mu burere bw'urubyiruko, abakwiye kuryitabira n'ibyo bagomba kuba bujuje. Umwarimu abasaba kujya batera urutoki bagatanga ibitekerezo, kugeza bageze ku mwanzuro umwe bumvikanyeho.

**Ingingo zunguranwaho ibitekerezo**

Muhereye ku bivugwa mu mwandiko musanga itorero ryagira akahe kamaro mu burere rw'urubyiruko rw'iki gihe? Ese itorero ryakorwa gute? Ryakwitabirwa na ba nde? Basabwa kuba bujuje ibiki?

Umwarimu yita cyane ku buryo abanyeshuri bahana amagambo, uko batanga ibitekerezo bakurikije inyurabwenge. Ashobora no kubanza kubaha umwanya wo gukusanya ibitekerezo kuri ziriya ngingo kugira ngo babone kuzunguranaho ibitekerezo.

# Igice cya kane: Iyiganteruro: Isanisha

# (Amasomo 12)

**(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 281 kugera ku rwa 289)**

## Intego zihariye

**Ubumenyi:**

- Gusobanura inzira z'isanisha
- Kurondora imimaro y'amagambo mu nteruro yoroheje.

**Ubumenyi ngiro:**

- Kuvuga no kwandika interuro asanisha neza amagambo azigize.
- Gusesengura interuro yerekana imimaro y'amagambo ayigize.

**Ubukesha:**

- Gushishikarira kujora imyubakire y'interuro asomye.
- Gukoresha ururimi rw'Ikinyarwanda ataruvangamo izindi ndimi.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo k'ikibonezamvugo, igitabo k'iyigandimi, imbuga za interineti zivuga ibyerekeye indimi.

## Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**
Umwarimu yandika interuro ku kibaho agasaba abanyeshuri kuzitegereza bari mu matsinda nyuma akabasaba kuzijora bagaragaza interuro zivugitse neza n'izindi zitavugitse neza kandi bagaragaza n'impamvu zishyigikira igisubizo cyabo.

**Ingero z'interuro**

- Umutware w'ibwami ni we yatoraga intore.

- Umwana atumvira se na nyina yumvira ijeri.
- Namubwiye ati:"Ndinda tujyane" aranga aransiga.
- Ni nge namutumyeyo.
- Ishya ry'amashyamba riterwa n'imiyaga ikaze.
- Intore zari zifite amategeko azigenga.

2. **Isesengura**

**Inshoza y'isanisha**

Isanisha ni ihuza ry'amagambo mu irema ry'interuro akajyana yose ku buryo butunganye. Iyo isanisha ritakozwe neza, interuro iba ikocamye bigatuma ubutumwa budatambuka uko bikwiye kuko abenerurimi bo baba bumva uvuga aba asa n'aho atazi neza ururimi avuga cyangwa yandika.

## Ingero

1. Umushyitsi muhire aratugendereye tumuzimanire.
2. Abasore banini barahuye barahoberana maze barishima.
   Muri izi nteruro uko ari ebyiri harimo amagambo agenga indangasano z'amagambo yandi bifitanye isano ari yo bita "amagambo ngengasano". Mu nteruro ya (1) ijambo ngengasano ni "umushyitsi", mu nteruro ya (2) ni "abasore". Amagambo afitanye isano n'ijambo ngengasano yisanisha na ryo maze agafata indangasano ituma ajyana n'iryo jambo mu nteruro cyangwa mu bice byayo nuko buri jambo rikisanisha na ryo ku giti cyaryo. Bityo interuro ikozwe ikaba itunganye.

**Isano iri hagati y'amagambo mu nteruro**

**Ruhamwa**: Ni ijambo cyangwa urujyano rw'amagambo bigenga interuro rikanashingirwaho isanisha ry'andi magambo biri kumwe muri iyo nteruro.

**Inshinga**: Inshinga ni yo igaragaza igikorwa, imimerere cyangwa imiterere ya ruhamwa ikanaheka ibyuzuzo biri mu nteruro.

**Icyuzuzo**: Ni ijambo cyangwa urujyano rw'amagambo bivuga icyo imimerere cyangwa igikorwa cya ruhamwa byerekejweho, uburyo cyangwa inshuro biba, ahantu cyangwa igihe bibera. Icyuzuzo gishobora kandi kugaragaza ikiyongereye kuri ruhamwa cyangwa kugira ikigereranyo na yo.

## Isanishantego mu nteruro

Isanishantego yiga uko amagambo ahindura intego yisanisha mu rwego rw'intego n'andi bihuriye mu nteruro iryo hindurantego rikajyana kandi n'igitekerezo uvuga afite. Ibyo bigaragarira cyane mu itondaguranshinga. Amagambo yisanisha ni inshinga, ntera, ingirwanshinga, izinantera n'ikinyazina. Ayo magambo agenda yisanisha n'izina hakurikijwe inyito rusange cyangwa inyito bwite y'ijambo.

**Inzira zitandukanye z'isanisha mu nteruro**

**Isanisha rigengwa n'inyito rusange y'ijambo**

Bene iri sanisha usanga muri rusange rigengwa n'inteko y'izina ryisanishwaho n'andi magambo. Iri sanisha rigaragara mu nteruro ifite ijambo rimwe cyangwa menshi yibutsa inyito eshatu z'ibanze mu Kinyarwanda: Umuntu/abantu, ibindi biremwa n'ibitekerezo (ikintu/ibintu) n'umwanya n'igihe (ahantu/igihe). Ni isanisha rigaragaramo ingeri nyinshi zitandukanye, muri zo twavuga:

**Isanisha rigengwa n'izina ridafite interurajambo:** Izina rigenga isanisha riba rishobora kuvuga umuntu cyangwa ikintu. Iri sanisha rikorwa hakurikijwe inteko y'izina andi magambo agenda yisanishaho.

### Ingero

- **Umuntu** munini arahinga.
- **Abantu** banini barahinga.
- **Dodo** imwe iraryoha.
- **Dodo** nyinshi ziraryoha.
- **Igiti** kinini kiratemwa.
- **Ibiti** binini biratemwa.

**Isanisha rigengwa n'izina saa**: Isanisha ry'amagambo ari mu rujyano rw'izina saa rishingira ku mubare w'amasaha.

### Ingero

- **Saa** moya irageze.
- **I saa** saba zirageze.
- **Isaha** ya saa saba irageze.

Isanisha rigengwa n'amazina ahujwe n'icyungo: Iyo amazina agenga isanisha ahujwe n'icyungo, isanisha rijya muri ngenga ya 3 y'inteko ya 2. Naho iyo amazina agenga amasano agizwe n'abantu n'ibintu cyangwa ibindi bintu bisa, isanisha rijya muri ngenga ya 3 y'inteko ya 8.

## Ingero

- **Umwana** na se barasa.
- **Umwana** n'igitoki biraguye.
- **Inzara n'inyota** biranyishe.
- **Iyi nka n'iki gitebo** biragurishwa.

**Isanisha rigengwa n' ikinyazina ngenga:** Iyo isanisha rishingiye ku binyazina ngenga byo muri ngenga ya 1 n'iya 2, isanisha rikorwa nk'uko izina umuntu / abantu risanzwe ryisanisha, naho isanisha ry'inshinga rigakurikiza indangasano za ruhamwa zo muri ngenga ya 1 n'iya 2.

## Ingero

- **Nge mu**nini ndagaragara.
- **Wowe mu**to uragaragara.
- **Twe ba**nini turagaragara.
- **Mwe ba**to muragaragara.

**Isanisha rigengwa n'imbundo cyangwa inyangingo**: Iyo imbundo n'inyangingo biba bifite inshoza y'ibintu, isanisha rikorwa mu nteko ya munani. Naho iyo imbundo ifashwe nk'izina, isanisha rikorwa mu nteko ya cumi na gatanu.

## Ingero

- **Korora bi**rarushya. (nt.8)
- **Wigisha umwana bi**kamugirira akamaro. (nt.8)
- **Kugenda cyane bitera kubona. (nt.8)**
- **Ugutandukana n'inshuti kurababaza.** (nt. 15)

**Isanisha rigengwa n'imigereka**: Inege zimwe z'imigereka zigenga amasanisha ashingiye ku nteko zikomokaho.

## Ingero

- Kera kabaye aba araje.

- Ageze kure kubi.
- Muragahinga kera keza Imana.
- Abikoze kabiri gasa.

**Isanisha rigengwa n'izina rifite akabimbura -nya-**: Igice cya kabiri k'izina rifite akabimbura -nya- gishobora kugenga isanisha ry'amagambo gisobanura.

**Urugero**

- Umunyagisaka k'imigongo.
- Ubunyabungo bwa ruguru.

**Isanisha rigengwa n'igice cya kabiri k'izina ry'inyunge**: Igice cya kabiri k'izina ry'inyunge gishobora kugenga isanisha iyo amagambo yisanisha agisobanura.

**Urugero**

- Umugira (i)neza imurenza impinga.

**Isanisha rigengwa n'inyito bwite y'ijambo:** Bene iri sanisha rikorwa hashingiye ku nyito y'ijambo ryisanisha cyangwa inyito uvuga ashaka gushimangira, ntabwo riba rishingiye ku nteko y'iryo jambo. Iri sanisha rigaragaramo ingeri nyinshi zitandukanye, muri zo twavuga:

**Isanisha rigengwa n'izina rikomatanya** rikorwa mu nteko y'icyo iryo zina uvuga yahisemo mu byinshi rikomatanya.

**Ingero**

- Urukatsa baririuka (abantu).
- Urukatsa ziriruka (ingabo).
- Urukatsa ruriruka (agatsiko k'abantu).
- Rubanda babimenye (abantu).
- Rubanda yabimenye/rwabimenye (imbaga, itsinda).

**Isanisha rigengwa n'izina ritazwi**: Mu nteko ya 11 hari izina ritazwi rigenga isanishwa ry'inshinga zimwe na zimwe zifite inyito yo kwangana.

**Urugero**

- Imbwa n'injangwe rurageretse.

- Abajura n'abayobozi ntirujya imbizi.
- Ababyeyi bawe n'abaturanyi rurageretse.

**Isanisha ry'ingobe**: Bene iri sanisha riba kabiri mu nteruro imwe. Irya mbere riba rigenga ibinyazina ngenera naho irya kabiri rikagenga andi magambo yo muri iyo nteruro.

**Urugero:**

- Nyina **w**'iyi nka irarwaye.
- Se **w**'iki kimasa yari inkungu.
- Haruguru **ya**we **hari** umuntu.

**Isanisha rigengwa n'amazina bwite:** Iyo interuro igengwa n'izina bwite risanzwe, indangasano yaryo igenga isanisha ry'ikinyazina ngenera kirikurikiye, andi magambo akisanisha na ryo hakurikijwe inyito rusange cyangwa inyito bwite.

**Ingero**

- Muvunyi **wa** Mutemura ni **mu**nini.
- Karyabwite **ka** Ryumugabe **rya** Munanira **wa** Masabo
- Byavu bya Mureganshuro azagaruka ejo.

**Ikitonderwa**

- Iyo izina bwite ari izina nteruro ridafite interurajambo, isanishwa ry'ingenera riba mu nteko ya gatanu, igice k'interuro gisigaye kigasanishwa n'inshoza rusange.

**Ingero**

- Simbizi rya Rutambambuga atuye i Kigali.
- Hitayezu rya Semavugo ndamubona.

Iyo izina bwite ari izina nteruro rifite interurajambo, isanishwa ry'ingenera rijya mu nteko y'iyo nterurajambo, igice gisigaye k'interuro kikagengwa n'inyito rusange.

**Ingero**

- **Ba**rayorera **ba** Rwego **a**ravuza ubuhuha.
- **Bu**riminyundo **bwa** rukabukira **a**zaza ejo.
- **Ru**giramahe **rwa** Rujugira **ya**kundaga amirire.

**Isanisha ry'amazina bwite atangirwa n'akabimbura**: Iyo amazina bwite atangirwa n'akabimbura, isanisha ryayo na ntera cyangwa n'ibinyazina rigengwa n'indanganteko yaryo, iry'inshinga rikagengwa n'inyito rusange.

## Ingero

- Nyakabwa **ka** …
- Nyirakimonyo **cya** …
- Sebatware **ba** …
- Nyirashyano **rya** …

**Isanisha rigengwa n'indangahantu cyangwa umugereka w'ahantu: I**yo isanisha rigengwa n'indangahantu, ikinyazina ngenera gisanishwa n'izina riri kumwe n'iyo ndangahantu naho ikindi gice k'interuro kigasanishwa mu nteko ya 16. Umugereka w'ahantu wisanisha mu nteko ya 16.

## Urugero

- Ku rugo rwawe haragaragara.
- Mu gutwi kwahe hari umwanda.
- I Rubona rwa Ngunda harera cyane.
- Ruguru y'inzu hari injangwe.
- Hirya yawe hazakuburwe.

**Isanisha rigengwa n'interuro ihamagara:** Mu nteruro ihamagara isanisha ry'ikinyazina ngenga n'iry'inshinga rikorwa muri ngenga ya kabiri naho iry'amagambo asigaye rikagengwa n'inteko y'izina.

## Urugero

- Wa mwana we uri **mu**bi.
- Wa ntama we uri **m**bi.
- Wa rwana we uri **ru**bi.

Hari igihe isanisha ryose ry'interuro rigengwa n'ikinyazina mpamagazi.

## Urugero

- Wa ntama we uri mwiza nzakugurisha amafaranga menshi unkize.

**Ikitonderwa**: Ingirwanshinga yisanisha nk'uko inshinga yisanisha.

## Ingero

| Ntibavuga ngo | Bavuga ngo |
|---|---|
| Wabigenje gute? | Wabigenje ute? |
| Babikoze gute? | Babikoze bate? |
| Yabimenye gute? | Yabimenye ate? |
| Iki giti kimeze gute? | Iki giti kimeze gite? |
| Ibi biryo byamenetse gute? | Ibi biryo byamenetse bite? |

## Inshamake

**Umunyeshuri afashe ko**: Hari inzira zitandukanye z'isanisha ry'amagambo mu nteruro, ariko izo nzira zose zikagenda mu mpushya ebyiri ari zo: "Isanisha rigengwa n'inyito rusange y'ijambo" n' "Isanisha rigengwa n'inyito bwite y'ijambo".

**Ubu ashobora rero** gutandukanya inzira zose z'isanisha, gukoresha neza isanisha mu nteruro no gukosora interuro isanisha ryakoreshejwemo nabi ikaba interuro mbonezamvugo.

## Imyitozo

1. Garagaza uturemajambo ndangasano tw'inshinga muri ngenga ya 1, iya 2 n'iya 3, mu nt. ya 1 no mu nt. ya 16.

   **Utwo turemajambo tugenga amasano ni:**

   - Ng.ya 1 mu bu.: n- (nd-). Urugero: Ngewe nkunda amahoro.
     mu bw.: tu- (du-). Urugero: Twebwe dukunda amahoro.
   - Nge. ya 2 mu bu: u- Wowe ugira ikinyabupfura, ugakunda gusabana.
     bw: mu- Mwebwe mugira ikinyabupfura, mugakunda gusabana.
   - Ng.ya3, nt. ya 16: ha- Ha hantu yagiye hameze hate?

2. Mu Kimyarwanda ijambo rubanda rishobora kwisanisha ku buryo butandukanye. Bugaragaze unasobanure aho inyito rigenda rifata zitandukaniye.

   Ijambo rubanda rishobora kwisanisha ugutatu:
   - Rubanda yose yabimenye.(itsinda, imbaga)
   - Rubanda rwose rwabimenye.(itsinda, imbaga)
   - Rubanda bose babimenye.(abantu)

3. Kosora aho ari ngombwa
   - Ibi bintu wowe ubikora gute?
     Ibi bintu wowe ubikora ute?
   - Nkiri umwana, ikintu nakundaga zari inyama.
     Nkiri umwana ibintu nakundaga byari inyama.
     Nkiri umwana ikintu nakundaga cyari inyama.
   - Maze gukura, ikintu nakundaga cyari inzoga.
     Maze gukura ikintu nakundaga cyari inzoga.
   - Ndi mwene Bazinura wa Kinanguzi cya Munaba ya Rwego rwa Byuma.
     Ndi mwene Bazinura wa/ ba Kinanguzi cya Munaba ya/wa Rwego rwa Byuma.
   - Mu ishuri imibare zinanira abanyeshuri gute?
     Mu ishuri imibare inanira anabyeshuri ite?

# Imimaro y'amagambo mu nteruro yoroheje

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma interuro yakuye mu mwandiko akabasaba kugerageza kwerekana interuro zivugitse neza n'izitavugitse neza no kugerageza gutanga impamvu. .

### Urugero rw'interuro yabaha

- Umutwe umwe ntiwigira inama.
- Imbeba irya yototera umuhini isuka.
- Amazi meza nta bara agira.
- Imana y'abatindi ibogosha ni yo.
- Umwana utaganiye na se ntamenya ibyo sekururu yasize avuze.

## Inshoza y'imimaro y'amagambo mu nteruro

Buri rurimi rugira uburyo bwihariye bwo gukurikiranya amagambo mu nteruro kugira ngo interuro ibe iboneye. Iyo umuntu uvuga yitaje ubu buryo arema interuro ikocamye cyangwa itumvikana n'iyo yaba akoresheje amagambo anoze. Haba n'ubwo interuro ihindura igisobanuro. Mu Kinyarwanda, muri rusange ijambo risobanura irindi (imfutuzi) rirarikurikira. Icyakora ikinyazina nyereka, ikinyazina kibaza, ndafutura n'akajambo "buri" bibanziriza ijambo bisobanura:

**Ingero**

- Izo ntore zakoraga imihamirizo y'amoko yose.
- Zakoraga yose y'amoko intore izo imihamirizo. (irakocamye)
- Bateraniraga mu nzu imwe, bakahaherwa inzoga.
- Inzoga imwe nzu bateraniraga mu bkahaherwa. (irakocamye)
- Buri nkoko iri iwabo ishonda umukara.
- Inkoko buri ishonda umukara iwabo iri. (irakocamye)
- Ishonda inkoko umukara iwabo iri buri. (irakocamye)

Mu nteruro isanzwe higaragazamo ibice bibiri: Ruhamwa (itsinda rya ruhamwa), na ruhamya (itsinda rya ruhamya). Buri gice (itsinda) gishobora kwigabamo andi matsinda mato biturutse ku mimaro y'amagambo akigize. Imimaro y'amagambo ishingira ku gusobanura, guhuza, kwerekezwaho igikorwa, igihe gikorerwa, aho kiri, gikorerwa cyangwa kibera, kwerekana imiterere, uburyo cyangwa imimerere, inshuro…

### Imimaro y'ingenzi y'amagambo mu nteruro ni iyi ikurikira

- Gucirwa cyangwa kwerekezwaho igikorwa: ruhamwa
- Kuvuga igikorwa cyangwa imimerere: inshinga(izingiro ry'interuro)
- Kuzuza: icyuzuzo.

### Imimaro mito y'amagambo mu nteruro ni

- Gusobanura: Insobanuzi cyangwa imfutuzi.
- Guhuza amagambo cyangwa ibice by'interuro: Impuza cyangwa icyungo.

**Ikitonderwa**

Icyo twise imimaro mito y'amagambo ni imimaro cyanecyane iri hagati y'ijambo n'irindi, ikaba yinjira mu mimaro y'ingenzi.

**Urugero**

- Iyo tuvuze ngo "umutwe umwe ntiwigira inama nziza". Ijambo "umwe", risobanura ruhamwa, bityo na ryo rikaba riri mu itsinda rya ruhamwa.
- Bityo rero imimaro y'ingenzi amagambo agira mu nteruro ituma yigabanyamo amatsinda atatu y'ingenzi ari yo: Ruhamwa, izingiro (inshinga) n'icyuzuzo. Imimaro mito ni imfutuzi cyangwa insobanuzi n'impuza.

**Imfutuzi**

Imfutuzi cyangwa insobanuzi ni ijambo ryose risobanura izina cyangwa irisobanura amagambo yo mu bwoko bw'ashobora gusimbura izina, cyangwa irisobanura umugereka. Ijambo risobanura irindi rishobora kuba ari ijambo risanishwa cyangwa ridasanishwa.

**Ingero**

(a) Amagambo asanishwa ashobora kuba imfutuzi:

- Andika ibintu **bisomeka**.
- Amazi **anyobwa** nta bara agira.
- Umusozi **muremure**.
- Uriya umwe **nagende**.

b) Amagambo adasanishwa ashobora kuba imfutuzi:

- Umukara **tsiriri**.
- Amazi **buzi**.
- Inzovu **rubunga**.
- Intare **rutontoma**.
- Impyisi **mahuma**.
- Umuco **karande**.
- Inzira **nyabagendwa**.
- Inyaga **gahembe**.

## Impuza

Ni ijambo rihuza ayandi cyangwa rihuza inyangingo. Amagambo ashobora kuba impuza ni aya:

(a) **Ibyungo**

- Gahigi na Kalisa barakundana.
- Ndabyumva nk'uko ubyumva.

(b) **Ingirwanshinga**

- Ubabwire uti: "Nimusigeho gukubagana".
- Ubikore utyo.
- Ameze ate?
- Aha ni wowe wahagize utya?

(c) **Indangahantu**

- Ngiye mu nzu.
- Atuye ku Ijwi.
- Arashaka kujya i Bugande.

(d) **Urujyano rw'amagambo:**

- Kubera ko, kugira ngo, ku mpamvu z'uko…

(e) **Andi magambo ashobora kuba impuza:**

- Akunda nyina kurusha se.
- Ahubwo nimuze hano.

(f) **Uturemajambo tw'inshinga tumwe na tumwe tugira umumaro nk'uw'impuza**:

- Ararya **aka**ryama.
- **Uzarima una**tere.

## Ruhamwa

Ruhamwa ni ijambo ryitirirwa igikorwa cyangwa imimerere. Amagambo ashobora kuba ruhamwa ni:

- Izina: Imbeba irya umuhini yototera isuka.
- Ikinyazina: Umwe arya bihora.
- Izina ntera: Irigoyi ryica kurusha irirundi.

- Imbundo: Gukunda birashimisha.
- Ikinyanshinga: Utabusya abwita ubumera.
- Umugereka: Kera kabaye araza.
- Urujyano rw'amagambo: Ku kwezi ntihaba umwuka.

**Gusesengura interuro yoroheje ugaragaza imimaro y'amagambo mu nteruro**

Itegereza interuro zikurikira, werekane interuro zoroheje n'iz'urusobe ugaragaza n'icyo ushingiraho:

- Igisiga kigurukanye inkoko ya Kayihura.
- Uyu mwana yiga neza maze agatsinda bishimishije,
- Umuyaya yahekanye umwana umujinya.
- Abanyeshuri bose bigana umwete isomo ry'Ikinyarwanda.
- Umunyeshuri udakererwa yiga neza.

**Inshoza y'interuro yoroheje**

Interuro yoroheje bita iy'inyabumwe ni interuro ifite inshinga imwe itondaguye yumvikanisha ubutumwa bumwe, budasobekeranye.

**Ingero**

- Ngwino.
- Uyu mwana azagendera imitego.
- Ndakakwambura!
- Ugiye he?
- Urugori barukoresha imikebyo migari y'ibikenyeri by'amasaka n'imitamu y'insasanure cyangwa urumamfu.

Mu gusesengura, interuro hari inzira nyinshi zishobora gukoreshwa ariko iz'ingenzi ni izi zikurikira:

## Imisesengurire isanzwe

Ni imisesengurire igaragaza ibice bitatu bigize interuro: Ruhamwa, inshinga n'icyuzuzo.

**Urugero**: Abana bagiye ku ishuri.

**Ruhamwa**: Abana

**Inshinga**: Bagiye

**Icyuzuzo**: Ku ishuri

## Imisesengurire ya ruhamwa n'imvugaruhamwa cyangwa ruhamya

Iyi misesengurire icamo interuro ibice bibiri by'ingenzi ari byo:

- Itsinda rya Ruhamwa cyangwa itsinda ry'izina: rigizwe na ruhamwa n'imfutuzi zayo zose. Iryo tsinda ry'interuro ryerekana ukora igikorwa cyangwa uwo igikorwa gikorerwaho. Ni Ruhamwa y'inshinga. Hashobora rero kubaho ruhamwa igizwe n'amagambo arenze rimwe, icyo gihe ni bwo bavuga ko ari itsinda rya ruhamwa.

**Urugero**

- **Wa mukobwa muremure w'inzobe** yiga muri Kaminuza.

Twibuke na none ko mu Kinyarwanda hari ruhamwa nyurabwenge idahita igaragara.

**Urugero**

- Imboga zibona abana. Ijambo "abana" ni ruhamwa kuko atari imboga zibona abana ahubwo ari abana bazibona.
- Ruhamya cyangwa itsinda ry'inshinga: ni cyo bamwe bita imvugaruhamwa, kikaba ari igice k'interuro kigizwe n'inshinga n'ibyuzuzo byayo. Ruhamya itangirira ku nshinga mu nteruro kuko ari bwo baba batangiye guhamya ruhamwa uko iteye, icyo ikora. Kubera ko icyo gice kigengwa n'inshinga kitwa itsinda ry'inshinga mu gihe itari yonyine.

**Urugero**

Ya nka nini y'umusengo yabuze.

- Itsinda rya Ruhamwa(TS. RH.): Ya nka nini y'umusengo
- Inshinga (SH): yabuze.

### Imyitozo n'ibisubizo byayo

**Sesengura interuro zikurikira ugaragaza ruhamwa na ruhamya:**

- Inzira ntibwira umugenzi.
- Imana iruta imanzi.
- Impamba y'umwana ihembura nyina.
- Twe tujyayo rimwe mu cyumweru na buri gihe mu biruhuko.
- We yiga nk'amasomo abiri buri munsi.

- Uyu mwana ni inkubaganyi pe!
- Aya mazi ni meza.

**Ibisubizo by'imyitozo yo gusesengura interuro:**

- Inzira (ruhamwa)
  ntibwira umugenzi.(ruhamya)
- Imana (ruhamwa)
  iruta imanzi. (ruhamya)
- Impamba y'umwana (itainda rya ruhamwa)
  ihembura nyina. (ruhamya)
- Twe (ruhamwa)
  tujyayo rimwe mu cyumweru na buri gihe mu biruhuko. (ruhamya)
- We (ruhamwa)
  yiga nk'amasomo abiri buri munsi. (ruhamya)
- Uyu mwana (ruhamwa)
  ni inkubaganyi pe! (ruhamya)
- Aya mazi (ruhamwa)
  ni meza. (ruhamya)

# Imyitozo y'isuzuma risoza umutwe wa cumi

## (Amasomo 8)

**(Reba ku rupapuro 295)**

**Ibigenderwaho mu isuzuma**

- Ubushobozi bwo gusesengura imyandiko ivuga ku itorero mu muco nyarwanda n'akamaro karyo.
- Ubushobozi bwo guhanga umwandiko mbaramateka.
- Ubushobozi bwo kugaragaza imimaro y'amagambo mu nteruro.

## Umwandiko: Tumwe mu turango tw'umuco nyarwanda

Ibisobanuro by'amagambo akomeye:

| | |
|---|---|
| **Ubuvanganzo** | Ibihangano nyabugeni birimo ingeri nyinshi abantu bakoresha kugira ngo bavuge ibyo batekereza, basabana cyangwa barushanwa. Hariho ubuvanganzo gakondo (nyemvugo) n'ubwa vuba(nyandiko). Urugero: imigani, ibisigo, ibyivugo…. |
| **Gutonora** | Kurya ku nyama zabagiwe imandwa. Kurya cyangwa kurya duke. |
| **Amahina** | Ibihe bikomeye. |
| **Kunywana** | Guca ku nda. Kunywa amaraso ya mugenzi wawe na we akanywa ayawe mu rwego rwo gukora igihango cy'ubucuti. Uwabaga yaranywanye n'undi yirindaga kumuhemukira ngo atazicwa n'igihango. |
| **Kwitwararika** | Kwigengesera kugira ngo utagira ibyo wangiza cyangwa uhungabanya. |
| **Isesekaza** | Kuvuga ugaragaza imbamutima. |

### Subiza ibibazo byo kumva umwandiko

1. **Mu mwandiko barasobanura ko umuco ari iki**?
   - Umuco ni urusobe rw'ibintu byinshi bitandukanye bigize imbumbe bihuza abantu batuye ahantu runaka, bikabatandukanya n'abandi batuye ahandi.

2. **Ni ibihe bintu by'ingenzi bisigasiye umuco nyarwanda**?
   - Ibintu by'ingenzi bisigasiye umuco nyarwanda ni ubwisanzure bw'abantu mu bandi, uguhererekanya ibyagezweho, ururimi n'ubuvanganzo, muzika n'imbyino, ubupfura n'uburyo bumva Imana.

3. **Ni iki kigaragara mu mwandiko kigaragaza ubutwari bw'Abanyarwanda mu muco gakondo**?
    - Kwemera gutangwaho igitambo kugira ngo abe cyangwa abo akomokamo badahungabana. Kwemera kwitanga nko mu mihango y'igitero, kugira ngo amaraso ye azazane insinzi umwanzi atsindwe.
    - Amatwara yo kwagura Igihugu kugira ngo haboneke uruhumekero ku batuye u Rwanda.
4. **Ni iki abakurambere bacu bitwararikaga kuraga abazabakomokaho? Babinyuzaga mu ki**?
    - Ababyeyi bitwararikaga kuraga ababakomokaho ibyo bakuye ku bakurambere babo. Ibyo babinyuzaga mu buvanganzo cyane nko mu bisigo, imigani, ibisakuzo, ibitekerezo, indirimbo n'imbyino.
5. **Ni hehe usanga uburere bw'intore bwakorerwaga havugwa mu mwandiko**?
    - Mu miryango, mu mihango y'ibihe bikuru by'ubuzima: Kuvuka, gushaka, gupfa… ndetse no mu bitaramo.
6. **Garagaza indangagaciro nyarwanda zigaragara muri uyu mwandiko**.
    - Gufatanya n'abandi mu mirimo inyuranye no guharanira umutekano wa buri wese cyangwa w'Igihugu. Kwitangira umuryango wawe cyangwa igihugu, nko kwemera kuba umucengeri kugira ngo amaraso ye azazane insinzi. Ubunozamvugo (ikeshamvugo),
7. **Utekereza ko mu muco nyarwanda itorero ryagiraga uruhe ruhare mu kurema ubutwari mu Banyarwanda**?
    - Ryari rifite uruhare rukomeye kuko ryatozaga intore kumasha n'ubundi buryo bunyuranye bwo kurwanya umwanzi ariko na none no kwitabira ibikorwa bituma umuryango ubaho neza.
    - **Koresha amagambo akurikira mu nteruro ziboneye:** gutonora, igitero, inzuzi, ubugeni, ingobyi.

## Ingero z'interuro

**Gutonora**

Nagiye kumusura nsanga aratonora ibishyimbo.

Yewe abariye kuri iyi nka batonoye.

**Igitero**
Imbyino igira ibitero n'inyikirizo.

Igitero cyakorwaga cyabanje kuragurizwa.

**Inzuzi**
Inzuzi z'ibihaza ni umuti uvura inzoka.

Kurwanya isuri bituma inkangu zitisuka mu nzuzi bigatuma amazi yazo ahora asukuye.

**Ubugeni**
Mu bugeni bwe sebukwe na nyirabukwe bamwitayeho cyane.

Ubugeni bw'Abanyarwanda bugaragarira mu buvanganzo no mu bukorikori.

**Ingobyi**
Ingobyi bahekagamo umwana yabaga ikozwe mu ruhu rw'intama.

Ururimi ni ingobyi y'umuco.

## Ibibazo ku bwoko bw'amagambo

1. Vuga ubwoko bw'amagambo yose agize aka kandiko.
Umwami ati: "Mbe sinkubwire, have nibakureke nta jambo ryawe na rimwe nahinyuye, iryo wavuze ryose nasanze ari ukuri, ndamuka nkwishe na none simbe urupfu nduguriye, genda uziyicirwe n'urwakuramutse".

| **Ijambo** | **Ubwoko bwaryo** |
|---|---|
| Umwami | Izina rusange. |
| Ati | Ingirwanshinga. |
| Mbe | akajambo gahamagara. |
| Sinkubwire | Inshinga itondaguwe mu buryo buhakana. |
| Have | Icyegeranshinga. |
| Nibakureke | inshinga itondaguwe mu ntegeko. |
| Nta | Impakanyi. |
| Jambo | Izina rusange ryatakaje indomo. |
| Ryawe | Ikinyazina ngenera ngenga. |
| Na. | Icyungo. |
| Rimwe | Ikinyazina nyamubaro. |
| Nahinyuye | Inshinga itondaguwe mu mpitakare. |
| Iryo | Ikinyazina mbanziriza. |
| Wavuze | Inshinga itondaguwe mu mpitakare. |
| Ryose | Ikinyazina ngenga+umusuma –se. |
| Nasanze | Inshinga itondaguwe mu mpitakare. |
| Ari. | Inshinga nkene-ri. |
| Ukuri | Izina rusange. |
| Ndamuka | Inshinga itondaguwe mu buryo bw'inziganyo. |
| Nkwishe | Inshinga itondaguwe mu nziganyo. |
| Na | Icyungo. |
| None | Umugereka w'igihe. |
| Simbe | Inshinga itondaguwe mu kirango (indango ihakana.) |
| Urupfu | Izina rusange. |
| Nduguriye | Inshinga itondaguwe mu nziganyo. |
| Genda | Inshinga iri mu ntegeko . |
| Uziyicirwe | Inshinga itondaguwe mu nzagihe. |
| N' | Icyungo "na" gikase. |
| Urwakuramutse | Insano(ikinyanshinga). |

2. Andika mu nyandiko y'amasaku igabanya ibimenyetso Gacâamiganî ati: "Ndakabura ibyô mvugâ, naânge naavuga ukurî uûvuga ukurî si uurîvuga rigahâma"! Bati: "Wiifuuzaga kô umwaâmi apfâ"? Ati: "Ntarâabyiîfuuza sê, sê na seêkuru bari heehê"? Bati: "Erega kuurahô umugomê atariînda nô kwîiyaanga ye"! Umwaâmi ati: "Muciiriye inkoni izâamba."

**Iyiganteruro:**

Sesengura izi nteruro ugaragaza ruhamwa na ruhamya

- Imburagihana yabuze gihamba.
- Uriya musozi muremure uherereye mu Murenge wa Mutete.

**Ibisubizo:**

- Imburagihana (ruhamwa)
  yabuze gihamba (ruhamya)
- Uriya musozi muremure (itsinda rya ruhamwa)
  uherereye mu Murenge wa mutate (ruhamya)

## Ubuvanganzo

1. **Sesengura injyana y'uyu muvugo**

Bava iyo bibasiye iyo nama

Abavuza ihembe imitwe irameneka

Abamotsi bihebera kuryama

Inkoni irarisha u Rwanda rwose.

Twebwe abatwarwa na Rwubusisi

Tuba dusanzwe tugira ubwoba

Ubwira ari ubwo kujya mu murima

Imirimo y'ino ingana guhamba

Nta wuririra guhumeka

Keretse ahari ku cyumweru.

**Ni injyana ipimye indinganire kuko imikarago yose igizwe n'utubeshsuro 12.**

.... Bava iyo biibasiye iyo naama: 12

Abavuza iheembe imitwe irameneka: 12

Abamotsi biihebera kuryaama: 12

Inkoni irariisha u Rwaanda rwoose: 12

Tweebwe abatwaarwa na Rwubusiisi: 13

Tuba dusaanzwe tugira ubwooba: 12

Ubwiira ari uubwo kujya mu murima: 12

Imirimo y'iino ingana guhaamba: 12

Ntaa wuririra guhuumeeka: 12

Keretse ahaari ku cyuumweeru: 12

2. **Vuga ikeshamvugo ryakoreshejwe muri iyi mikarago**.
   (a) Bibasiye iyo nama: itizabumuntu:
   (b) Ubundi bibasira umuntu
   (c) Tuba dusanzwe tugira ubwoba
   Ubwira ari ubwo kujya mu murima.
   Ubwoba-ubwira: isubirajwi ry'umushumi
   (d) Imirimo y'ino ingana guhamba: igereranya/ikabya

# Umugereka

## Imyandiko y'inyongera

### Ururimi rwoshywa n'urundi

Rimwe umunsi w'ubunani wari wegereje, hakaba umugabo n'umugore bari bamaranye imyaka. Ku mugoroba wa joro baricara baganira ibya mva he na njya he. Reka si umunezero bari bafite bombi, kurya uwo mwaka wari ushize bawufitemo amahoro n'amahirwe bitavugwa! Ariko se urwo rugwiro rwarawushoje? Byabara Kariharya! Henga imbeba, imbeba bubeba, igire itya.... iti: "Turururu", ibace hagati yanduruke! Batangire kuyiha urw'amenyo, bayamirire kahave, baseke bakwenkwenuke, amaso yabo azemo amasonza, aho bazanzamukiye, umugore ati: "Iriya mbeba nahoze nyibona muri iriya mfuruka y'epfo!" Umugabo ati: "Oya, imbeba iturutse mu mfuruka ya ruguru, ni ho nahoze nyibona."

Umugore ati: "Rwose waroye nabi iturutse haruguru!" Umugore ati: "n'ubundi ndakuzi ntacyo wemera!" Wakwemeye ko nayibonye neza!" Umugabo ati: "Ni ko abagore mwabaye, mujya impaka za ngo turwane!!!!" Aho wenda ni ibyawe, wava aho uhakana ukuri nkubwira, ngo ni ay'abagore!!!!" Umugabo ati: "Ndakuzi." Umugore ati: "Ndakuzi ari nge!" Si bwo umwe azirimukiwe! Si bwo undi afashe ubushungu! Si bwo bashunguranye ubwo!!! Ye, nguko, ngaho, ruri hasi ruri hejuru, ngurwo urushyi nturuzira, ngiyo inkoni ntuyizira, umva umugeri umva igipfunsi,...! Nuko barakomeza barakuzana, amaherezo baza gukizwa na mbuga. Kuva uwo mugoroba barasirika, ntihagira uwongera kuvugisha undi, barita hanze barawiriza bongera kuwukesha.

Bukeye umunsi w'ubunani uragera. Noneho umugabo, iby'abagabo agerageza kurura umugore we. Aratangira aramubwira ati: "Nyiranaa... rwose ko urora umwaka mushya watangiye, tukaba tutari dukwiye kuwutangirana uburakari, twakwirengagije ibyo twagiranye, maze tukawusekera twembi icyarimwe ukazatubera muhire!" Umugore ati: "Ni byo uwanyuze burya! Baherako basekera icyarimwe, ibyishimo birabasaba, bifurizanya ubunani, mbese biba nk'aho batigeze bagira icyo bakorerana kibi!"

Hashize umwanya, umugore arahimbarwa abwira umugabo we, ati: "Erega aho n'ubundi twari twapfuye ubusa!!! Wowe se ko nakubwiraga ko imbeba yaturutse hariya ukanga kubyemera!!!" Umugabo ati: "Ibyo byo kabishywe ntabyemeye, si ho yari iturutse, yari iturutse mu mfuruka ya ruguru!!!" Umugore ati: "waroye nabi!!!" Umugabo ati: "Waroye nabi ari wowe!!!" Umugore ati: "Nta cyo wemera ndakuzi!!!" Umugabo ati: "Wavutse ntacyo wemera!" Umugore ati "Urasubiye kandi?" Umugabo ati: "Urasubiye ari wowe!" Ubwo ga intambara iba irarose, baremvekana nanone barwana inkundura.

Icyo gihe uwabakijije, ngo ni "Ntawarubara". Nge sinari mpari, nari nigiriye i Bugibwa nidagadura na Bunani. Insubira mbi ni umuziro. Ziga ururimi ni mwene Biranteye untuye hafi.

Byavuye muri: Minisiteri y'Uburezi bw'Igihugu, Gusoma, umwaka wa gatandatu, Hatier, Paris, 1976.

**Imenyeshamakuru ry'ubutegetsi**

Imenyeshamakuru ry'ubutegetsi ryari rifite inzira rigomba kunyuramo, ari mu butegetsi bw'igihugu ari no mu bubanyi n'amahanga.

Ku bijyanye n'ubutegetsi bw'igihugu, rubanda ntibamenyaga amategeko y'imihango yakurikizwaga ibwami. Ryari ibanga ry'abiru. Icyakora abaturage bagezwagaho amategeko y'ibyo bagombaga gukora kandi abayobozi bakagezwaho ibitekerezo byabo. Byagendaga gute rero? Ibwami boherezaga intumwa ku batware b'intebe (abatware bakuru) na bo bagashyikiriza ubwo butumwa abatware bakuriye (abato kuri bo). Abo ngabo ni bo boherezaga intumwa zizenguruka imisozi zivuga ubwo butumwa. Izo ntumwa ni zo bitaga Abamotsi.

Amakuru n'ibitekerezo umwami yabibwirwaga n'abatware n'abatasi. Abo batasi yaboherezaga mu mpande zose z'Igihugu, bakagomba kumenya umwuka Igihugu cyose gihumeka, bakumva ibyo abaturage bavuga ku bategetsi, abakwiza impuha bakababwira umwami akabahana yihanukiriye, akenshi baricwaga. Ibyo byatumaga abantu baratinyaga kuvuga ibyerekeye ubutegetsi ngo batabizira.

Abasizi bahuzaga umwami na na rubanda, ariko ibisigo byabo byashimagizaga umwami cyane, bikavuga gusa ibyiza we n'abamubanjirije bakoreye Igihugu, ibitagenda neza ntibabihingutse.

Ku birebana n'ububanyi n'amahanga, umwami yakeneraga amakuru yo hanze y'Igihugu ke. Umwami yamenyaga ate amakuru yo mu mahanga?

Ku bijyanye n'amakuru yo mu mahanga, abatware bo ku nkiko bamugezagaho amakuru yo mu bihugu baturanye. Ikindi kandi, umwami yoherezaga abatasi mu mahanga, bakajya nko mu masoko yaho bigize abacuruzi, cyangwa bakajya guhakwa ibwami no ku batware bo hejuru, bakabeshya ngo mu Rwanda barabatoteza, bakavuga igihugu nabi uko kitari, nuko abanyamahanga bakabahishurira amakuru y'ingirakamaro ku gihugu cyabo bakazahindukira bakayabwira uwabatumye. Banekaga ibyerekeye ingabo n'intwaro.

Umwami yohererezaga kandi intumwa abami b'ibihugu byegereye u Rwanda. Yazihaga ubutumwa bwe zikabubagezaho cyangwa zikavuga amakuru yandi, ari ameza ari n'amabi. Iyo u Rwanda rwagiranaga intambara n'ikindi gihugu, hari abantu bitwaga "abavuzi b'amacumu bagombaga kuyikurikira, bakazatekerereza umwami uko byagenze.

Igikoresho k'ingenzi mu imeneshamakuru cyari ijwi, ariko rikagira ibindi bikoresho byariteraga inkunga.

Umuntu yabwiraga amagambo uwo begeranye, uri kure na we akamuhamagara. Inkuru yashoboraga kurenga imisozi igasingira indi, ndetse ikaba yakwira Igihugu cyose, abantu bakoresheje uguhamagarana. Twabonye ko kandi hari intumwa z'ubuyobozi zazengurukaga imisozi zigeza ubutumwa ku baturage na zo zakoreshaga ijwi. Umuntu wabaga atewe asagariwe cyangwa abonye inyamaswa y'inkazi, yatabazaga avuza induru, ateza ubwega kugira ngo bamutabare.

**Ihembe** ry'inka cyangwa ry'imbogo barivuzaga bagira ngo abantu bategе amatwi, hanyuma bakabona kuvuga ubutumwa mu ijwi riranguruye.

Mu ntangiriro y'umuhigo cyangwa mu mpera zawo, abahigi bavuzaga amahembe bahamagarana ngo baterane. Igihe k'igitero cyangwa igihe cyose bagombaga gukoranya abaturage bavuzaga ihembe.

**Ingoma** yari igenewe imihango y'ubutegetsi. Hari amoko menshi y'ingoma kandi zose ntizahuzaga imirishyo (ntizivuga kimwe).

Hari ingoma y'**impuruza**, iyo yavugaga abantu bamenyaga ko hateye intambara; icyo gihe ingabo zose zigafata intwaro. Impuruza zavuzwaga n'intumwa z'ibwami. Umurishyo w'indamutsa wari uwo kumenyesha abantu ko umwami yibambuye (abyutse) cyangwa ko agiye kwibikira (kuryama).

**Ingabe** zari ingoma nkuru z'ibwami. Iy'ikirenga yari Karinga, ikagira n'izindi ziyigaragiye: Kimumugizi, Kiragutse, Mpatsibihugu, … Izo ngoma zajyanaga n'ikemezo gikomeye: nk'umwami yavugaga abagomba kwicwa akorakora Karinga. Iyo baciraga umuntu mu mahanga bavuzaga imwe muri izo ngoma.

**Imyironge** na yo yunganiraga ijwi mu imenyekanishamakuru.

Urusengo rwari umwironge wa kera cyane. Iyo bacaga umuntu burundu ni rwo bavuzaga.

Umwironge wavuzwaga nijoro warangaga ahari umuntu (uwuvuza), wirukanaga inyamaswa n'abajura.

**Indirimbo, imbyino n'inanga** na byo byari ibikoresho by'imenyeshamakuru. Ni byo kandi ubusanzwe bivuga byinshi: uko abantu bameze, ibibazo biriho, inyamaswa, …

## Ibigwi by'ibisumizi

Amasomo y'ibyivugo yose ari muri iki gitabo yashyiriweho kugira ngo atoze abanyeshuri imvugo yabyo, kandi ababere urugero rwo kwihimbira ibyabo bwite bashishoje ibihe barimo bagacishiriza no ku kigeni k'ibyo beretswe. Dufatire kuri ibi byivugo by'ibigwi bya bamwe mu Bisumizi bya Ruganzu Ndori byahimbwe mu bihe byo hambere.

Ruganzu abimbura ibigwi ati "ndi Ruganzu, Rugambirira Abahunde rwa Muhumuza nyiriicumu ry'inganzamarumbo, nyiri mishumi yishe nyiri mishweko, ndi umukanguzi w'icyuma, Kitatire cya Mutabazi, naritatiye ndatera ndatikuza, ntera ababisha ubwoba mbyarira

imana mu Bugondi u Bugoyi buragendwa; ndi Nyamunyaga iziribuwe izitaribuwe nkazinyagana ibyansi n'imyugariro. Nyamukubira umugabo mu izinga izuba rikazima, ndi nyamuganza inka igitugu igituza kizirasanira; nanyagiye Indorero z'imishongi mu Butambara, nicira umuhinza mu Bwegekangabo bwa Mashyiga; ndi umugaba kandi ndi umugabo. Mwe se muri iki mwa bahungu mwe?


Aranamiza Muvunyi wa Karema karemajwe n'ibyuma, ati "Ndi Muvunyi wa Karema ishyogo rya Karema, Sebitana, Mugabo utuma zijya mu itorero wa Rwabitega; nakubise Gogo uruguma rurenze iguriro i Buguzi na Mwito ndabarusha, mu Tumarankoni ndabarusha, mu Ishishi ndaharushiriza; nateye icumu ndarizimiza ryikoza mu ry'agaca rirahava, ryikoza mu ry'akanira rirahava, rijya mu rya Kagoma rirahava, riragaruka rikubita umushi mu gihumbi rimusatura umutima, ni jyewe Ruhanga rucyuye bene Ndahiro ubuhoro.

Arirasa Bwojo bwa Mabango arahashinga, ati: "Ndi Bwojo bwa Mabango nyir'umuheto w'icyuma ubangishije ikindi cyuma, nkaba inkuba yo hasi, iyo hejuru yaza tugahuza ibaba!"

Aratinduka arahanika Cyaruhinda, ati: "Ndi Cyaruhinda kirirwa kivuga nk'imvura y'umuhindo itari bugwe kandi itari bupfe, bwira kigahingika umugabo ku njunga y'icumu rye!"

Aryungamo arahetura Muvunyi uvuna inka, ati: "Ndi Muvunyi uvuna inka ndi Muvunyi uvuna abandi, Muvunyi uvuna abamuvuna abatamuvuna akabavunagurira amabano mu mubiri!"

## Igihembo cy'amahoro kitiriwe Nobeli



*Aluferedi NOBELI*

Igihembo cy'amahoro kitiriwe Nobel gihabwa umuntu wagerageje cyangwa warushije abandi mu kunga abantu, mu guca cyangwa kugabanya imitwe y'ingabo n´intwaro, mu kubumbatira no gusakaza iterambere ry'amahoro, hakurikijwe ingingo fatizo zashyizweho mu irage rya Aluferedi Nobeli: Ibyo birimo guharanira amahoro, uburenganzira bw'ikiremwa muntu, ibikorwa by'ubugiraneza bifasha abantu, no guharanira ubwigenge.

Igihembo kimwe gishobora kugabanywa abantu babiri, cyangwa batatu cyangwa se amashyirahamwe n'imiryango yaba yarakoreye abantu ubuvugizi cyangwa ikabarengera.

Icyo gihembo cyatanzwe bwa mbere mu mwaka wa 1901. Nta gihembo kigeze gitangwa mu gihe k'intambara ebyiri z'isi uretse mu wa 1917 no mu wa 1945, ndetse no mu myaka aho nta mukandida wemejwe ko agikwiye mu baba bagenwe ngo batoranywemo abagihabwa. Igihembo kitiriwe Nobeli cyabanje kuba umwihariko w'ibihugu byo mu Burayi na Amerika y'amajyaruguru, nyuma kiza gukwira isi yose. Abanyafurika bamaze kugihabwa barimo : Anouar el-Sadate, Nelson Mandela, na Peter Bota, Musenyeri Desmond Tutu, …

Muri rusange igihembo Nobel cy'amahoro cyagiye gihabwa abantu bakoze ibikorwa bifitiye abantu akamaro cyangwa abarwanije ugukandamizwa mu bya politiki cyangwa abaharaniye guca ubusumbane mu bantu nk'Albert Schweitzer, Martin Luther King, Mama Tereza, na Aung San Suu Kyi.

Nk'uko Alfred Nobel yasize abigennye, abahabwa icyo gihembo bahitwamo na komite ishyirwaho n'Inteko Ishinga Amategeko

y'igihugu cya Noruveji abandi bagahitwamo n'ikigo gishinzwe umuco n'ubumenyi cyo muri Suwedi. Impamvu ni uko mu gihe cya Aluferedi Nobeli (Alfred Nobel) ibyo bihugu byombi byari bikiri igihugu kimwe. Kijyana n'akayabo ka miriyoni icumi z'amakuroni (amafaranga akoreshwa muri Suedi), arenga gato miriyoni y'amayero (euro: ifaranga rikoreshwa mu ishyirahamwe ry'ibihugu by'i Burayi.)

Abatera amahoro barahirwa rero, kuko usibye ko ubwami bw'Imana ari ubwabo, no mu isi ntibazabaho nabi.

Byafatiwe ku byakuwe ku rubuga rwa Interineti: Wikipedia.org/wiki, bihindurwa mu Kinyarwanda na NDINDA Blaise Pascal

## Yariye Karungu!

Umugani baca ngo " Yariye karungu ", bawuvuga iyo babonye umuntu warakaye yarubiye ni bwo bavuga ngo "nimumubise dore yariye Karungu ". Wakomotse kuri Karungu n'umugore we Nyirakamagaza bo mu Rwampara rwa Biryogo (Kigali), ahasaga umwaka w'i 1700.

Uwo Karungu yari mu Rwampara rwa Kigali, akaba umushumba wa rwoma, wahugiye mu nka gusa. Yabayeho mu gihe cya Mushoranyambo, ari we bita Serugarukiramfizi. Wa wundi uvugwaho ubusambo bw'agahebuzo.

Kubera iyo ngeso y'ubusambo, Serugarukiramfizi yamaze kunaniranwa n'abo mu Buganza, atura mu Bwanacyambwe, ahitwaga ku Gasharu, ni ho yise i Mburabuturo. Amaze kuhatura, umugore we abura amavuta yo kurunga, yajya kuyaguza mu baturanyi be bakanga kuyamuguriza. Serugarukirafizi abyumvise, ati "ino si inturo ni imburabuturo", izina rifata ubwo. Biba aho biratinda bukeye arapfa, apfa azize ubusambo bwe. Asiga umugore we Nyirakamugore n'umukobwa we Nyirabishangari, n'umushumba wabo Rwujakararo. Yapfuye ari umutunzi wavugwaga cyane, ariko muri ubwo butunzi bwe ntagire abagaragu kubera ubusambo, ni cyo cyatumye apfa asize umushumba umwe waragiraga amashyo atagira ingano.

Nuko haciyeho iminsi wa mushumba Rwujakararo na we arapfa. Nyirakamugore n'umukobwa we Nyirabishangari, basigara muri izo nka bonyine. Bakaba ari bo bakuranwa kuziragira. Umwe yaba yaragiye nka none, undi agasigara ku rugo. Babikora batyo ariko bibagora. Bukeye mu Rwampara hakaba umugabo Karungu, bamubwira

ko muka Serugarukiramfizi ashaka umushumba umuragirira inka. Arahaguruka ajya gukeza Nyirakamugore i Mburabuturo, amusaba amata y'ubushumba, dore ko yari umushumba rwoma. Nyirakamugore abyumvise arishima kuko abonye inshungu yo kumugabanyiriza umuruho.

Karungu amaze kubona ubuhake, asubira mu Rwampara kuzana umugore we Nyiraneza (umukobwa w'ineza isa n'umuyange: igisingizo ke k'ingeso nziza), ariko Karungu uwo ngo yari igisambo gutambutsa Serugarukiramfizi utararushwaga. Yimuka mu Rwampara n'umugore we, basanga Nyirakamugore i Mburabuturo. Abaha inka cumi z'imbyeyi z'intizo. Karungu amaze kuzishyikira aha Nyiraneza itegeko ati "ujye unywa amacunda gusa, naho, ikivuguto n'inshyushyu bibe ibyanjye".

Nyiraneza yemera ubusambo bw'umugabo we, anywa amacunda, ikivuguto n'inshyushyu abiharira Karungu. Bukeye Karungu yongera kumubwira, ati "dore tumaze kubona amavuta, na yo ntukayakoreho ni ayanjye". Nyiraneza abyemera ariko agononwa. Bukeye agenderera abandi bakobwa b'i Mburabuturo, arabaganyira, abatekerereza urupfu yapfuye. Abandi baramuseka, bamwe bamwemeza ko azajya arunga bagasangira. Arita mu gutwi arataha. Nimugoroba Karungu acyura inka arinikiza arazikama. Zihumuje ajya mu nzu, umugore aramugaburira, amuhereza indosho na we yenda indi barasangira. Karungu aramureba ntiyamubuza, ariko arya ajiginywa, ku mutima, ati "nzaguharika!"

Bukeye, Karungu ntiyazuyaza ajya kurambagiza umugore ku Kacyiru, ahasanga umugore w'ikirongore witwaga Nyirakamagaza. Aramusaba, aramuhabwa, aratebutsa barashyingira. Nyirakamagaza ageze kwa Karungu amugabanya inka na Nyiraneza. Amutegeka ko atagomba kurya ku birunge. Bukeye abantu b'i Mburabuturo bamaze kubimenya, bati "uyu si umushumba wa Nyirakamugore, ubanza ari umugabo we wazutse". Nyirakamagaza we yemera amategeko, ariko akajya abirya rwihishwa. Bukeye Karungu arabimenya, ahimba amageza yandi. Abwira Nyirakamagaza, ati "kuva ubu nzajya ndya ibirunge bikonje ni byo bingwa neza!" Guhera ubwo umugore yarangiza kurunga agasanga umugabo mu nka akamusigariraho ngo ashokere. Undi agaca ruhinganyuma akajya kwiba bya birunge akabirya.

Umugore yatahuka agakubitwa n'inkuba akayoberwa uwamwibye akumirwa. Karungu yacyura akabura ibirunge akamutonganya, bakarara ku nkeke.

Nuko biba akamenyero, Nyirakamagaza amaze gushoberwa atangira kugenzura umwiba. Bigeze mu mashoka y'inka, atuma umwana, ku mugabo we ngo amubwire ko agiye kureba iwabo bamuhururije ko barwaye (ariko ubwo yaramushukaga). Umwana amaze kubwira se, Karungu ashyira nzira ajya kurya ibirunge by'akamenyero asanganywe. Ageze imuhira asanga umugore yamwihishe. Asumira urwabya rw'ibirunge akoramo araroha. Nyirakamagaza, aramubaza, ati "ubwo uragira ibiki?" Karungu aramwara, aterura urwo rweso rwarimo ibirunge, arucinya umugore rumusandariraho. Nyirakamagaza ararubira. Afata Karungu amushinga amenyo ku mazuru arashingishira, arashikura aracira, amusiga na bya birunge, induru arayidehera. Rubanda barahurura, basanga Karungu yacitse amazuru avirirana, n'ibirunge byamuhindanyije. Inkwenene bayivaho bariyamira, bati "Nyirakamagaza yariye Karungu, yamuciye amazuru amujijije ibirunge yamwibye!"

## Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe


BIG,1985. Le Kinyarwanda, etudes de morpho-syntaxe, edit. Yves Cadiou, Paris.

BIGIRUMWAMI, A. 1985. Ibitekerezo, Ibyivugo, kuvuga inka, Indirimbo, Nyundo,.

Bizimana S, Kayumba C., 2011, Inkoranya y'Ikinyarwanda mu Kinyarwanda, IRST, 2ème Edition

Bizimana, S., Rwabukumba, G., 2011, Inkoranya y'Ikinyarwanda mu Kinyarwanda, IRST, 1ère Edition

Bpeperai, 1986. Amagenzi y'ihugura ry'abarimu bo mu kiciro cya mbere n'icya kabiri mu nyigisho y'Ikinyarwanda.

Charmeaux, E., 1975, La lecture à l'école, Cédix, Paris.

Conférence des Ministres de l'Education des Etats d'Expression Française, 1986, Promotion et intégration des langues nationales dans les systèmes éducatifs, Librairie Honoré Champion, Paris.

Dpeperai, 1986. Ikibonezamvugo cyo mu kiciro cya gatatu, Kigali.

DPES, 1986. Seminaire sur l'enseignement du Kinyarwanda a l'ecole secondaire. Kigali.

Fountain Publishers, 2011, Ikinyarwanda, Igitabo cy'umunyeshuri, Umwaka wa4, Fountain Publishers, Kigali

Fountain Publishers, 2011, Ikinyarwanda, Igitabo cy'umunyeshuri, Umwaka wa 5, Fountain Publishers, Kigali

Fountain Publishers, 2011, Ikinyarwanda, Igitabo cy'umwarimu, Umwaka wa 4, Fountain Publishers, Kigali

Fountain Publishers, 2011, Ikinyarwanda, Igitabo cy'umwarimu, Umwaka wa 5, Fountain Publishers, Kigali

Gagné, G., Pagé, M. na Arrab, E, 2002, Didactique des langues maternelles. Questions actuelles dans différentes régions du monde, De Boeck Universitégions du monde, De Boeck Université, Bruxelles.

Gasimba F. X, Niyomugabo C, Nsanzabiga E, Rusine J.B, Twilingiyimana C, 2012, Inkoranyamuga ndimeshatu, Kigali

Hameline, D., 1983, Les objectifs pédagogiques (4ème édition), Editions ESF, Paris.

http://www.acdi-cida.gc.ca/index.htm

http://www.rwandagateway.org/rw

Igiraneza T, 1991, Ikibonezamvugo k'Ikinyarwanda, Iyigamajwi n'Iyigamvugo,Igitabo cy'umunyeshuri umwaka wa 2 n'uwa 3, BPS, Kigali

Ikigo Cy'Ubushakashatsi mu By'Ubuhanga n'Ikoranabuhanga (IRST), 1998, Imiterere y'Ikinyarwanda, Igitabo I, 1998, Pallotti-Presse, Kigali.

Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda, 2015, Integanyanyigisho z'Ikinyarwanda mu kiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye, REB, Kigali.

Imvaho Nshya No 2120, 2011, tariki ya 08-10 Kanama.

Maurois, A., Le Courier de l'UNESCO, yo muri Gicurasi, 1961.

Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye, 1988, Ikinyarwanda, umwaka wa munani, Reji y'Icapiro ry'Amashuri, Kigali.

Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye, 1990, Ikinyarwanda. Ikibonezamvugo: Iyigantego.Inshoza y'inshinga nyarwanda. Isomo ryateguwe na Igiraneza Tewodomiri, BPES, Kigali.

Minisiteri y'Uburezi bw'Igihugu, 1976. Gusoma, umwaka wa gatandatu, Hatier, Paris.

Minisiteri y'Uburezi, 2008, Ikinyarwanda: Imyandiko mfashanyigisho. Igitabo cy'umunyeshuri, Umwaka wa mbere, NCDC, Kigali.

Minisiteri y'Uburezi, 2008, Ikinyarwanda: Imyandiko mfashanyigisho. Igitabo cy'umunyeshuri, Umwaka wa kabiri, NCDC, Kigali.

Minisiteri y'Uburezi, 2008, Ikinyarwanda: Imyandiko mfashanyigisho. Igitabo cy'umunyeshuri, Umwaka wa gatatu, NCDC, Kigali.

Minisiteri y'Uburezi, 2008, Ikinyarwanda: Imyandiko mfashanyigisho. Igitabo cy'umunyeshuri, Umwaka wa kane, NCDC, Kigali.

Minisiteri y'Uburezi, 2008, Ikinyarwanda: Imyandiko mfashanyigisho. Igitabo cy'umunyeshuri, Umwaka wa gatanu, NCDC, Kigali.

Minisiteri y'Uburezi, 2008, Ikinyarwanda: Imyandiko mfashanyigisho. Igitabo cy'umunyeshuri, Umwaka wa gatandatu, NCDC, Kigali.

Minisiteri y'Uburezi, 2008, Ikinyarwanda: Imyandiko mfashanyigisho. Igitabo cy'umunyeshuri, NCDC, Kigali

Minisiteri y'Uburezi, 2013, Integanyanyigisho z'Ikinyarwanda mu mashuri abanza: Ikiciro cya kabiri, NCDC, Kigali.

Minisiteri y'Uburezi, 2013, Integanyanyigisho z'Ikinyarwanda z'ikiciro rusange, NCDC, Kigali.

Minisiteri y'Urubyiruko, umuco na Siporo, Ibirari by'Insigamigani, Icapisho ry'Ingoro y'Umurage w'uRwanda, Igitabo cya mbere, Icapisho rya 3, Printer set, 2005.

Murayi, A., 1986, Ubumenyi bwo kwigisha: bigisha bate mu mashuri abanza? Editions Printer Set, Kigali.

Mutake T. 1991. Ikibonezamvugo: imbonerahamwe y'itondaguranshinga risanzwe, Regie de l'Imprimerie Scolaire, Kigali.

Ndekezi, S., 1981, Imyuga y'Abanyarwanda, Inades-formation-Rwanda, Imprimerie de Kabgayi.

ORINFOR, 1987, Imvaho no 670 yo ku itariki ya 12-18 Mutarama 1987. Kigali.

ORINFOR, 1987, Imvaho no 672 yo ku itariki ya 26 Mutarama-1 Gashyantare 1987. Kigali.

ORINFOR, 1987, Imvaho no 674 yo ku itariki ya 9-15 Gashyantare 1987. Kigali.